ITEGEKO N° 007/2021 RYO KU WA 05/02/2021 RIGENGA AMASOSIYETE Y'UBUCURUZI	LAW N° 007/2021 OF 05/02/2021 GOVERNING COMPANIES	LOI N° 007/2021 DU 05/02/2021 RÉGISSANT LES SOCIÉTÉS COMMERCIALES
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2 : Définitions**
UMUTWE WA II: ISHINGWA RY'ISOSIYETE, UBUSHOBOZI N'IMIKORERE BYAYO	**CHAPTER II: INCORPORATION, CAPACITY AND FUNCTIONING OF A COMPANY**	**CHAPITRE II : CONSTITUTION, CAPACITÉ ET FONCTIONNEMENT D'UNE SOCIÉTÉ**
Icyiciro cya mbere: Ishingwa ry'isosiyete	**Section One: Incorporation**	**Section première : Constitution d'une société**
Ingingo ya 3: Ishingwa ry'isosiyete	**Article 3: Incorporation**	**Article 3 : Constitution d'une société**
Ingingo 4: Intego y'isosiyete	**Article 4: Company's objective**	**Article 4 : Objectif de la société**
Ingingo ya 5: Ibyiciro by'amasosiyete	**Article 5: Categories of companies**	**Article 5 : Catégories de sociétés**
Ingingo ya 6: Ibisabwa by'ibanze mu ishingwa ry'isosiyete	**Article 6: Essential requirements for incorporation of a company**	**Article 6 : Conditions essentielles pour la constitution d'une société**
Ingingo ya 7: Iby'ibanze bisabwa isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo	**Article 7: Essential requirements for a private company**	**Article 7 : Conditions essentielles applicables à une société privée**

imigabane		
Ingingo ya 8: Ibiranga isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 8: Characteristics of a private company**	**Article 8 : Caractéristiques d'une société privée**
Ingingo ya 9: Iby'ibanze bisabwa isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 9: Essential requirements for a public company**	**Article 9 : Conditions essentielles applicables à une société publique**
Ingingo ya 10: Ibiranga isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 10: Characteristics of a public company**	**Article 10 : Caractéristiques d'une société publique**
Ingingo ya 11: Ubwoko bw'amasosiyete	**Article 11: Types of companies**	**Article 11 : Types de sociétés**
Ingingo ya 12: Isosiyete yabyawe n'indi	**Article 12: Subsidiary company**	**Article 12 : Filiale**
Ingingo ya 13: Inama y'Ubutegetsi igenzurwa n'indi sosiyete	**Article 13: Board of Directors controlled by another company**	**Article 13: Conseil d'administration contrôlé par une autre société**
Ingingo ya 14: Ibigaragaza isosiyete yabyawe n'indi	**Article 14: Characteristics of a subsidiary company**	**Article 14 : Caractéristiques d'une filiale**
Ingingo ya 15: Isosiyete ibumbye izindi	**Article 15: Holding company**	**Article 15 : Société holding**
Ingingo ya 16: Ibigaragaza ko isosiyete ibumbye indi	**Article 16: Characteristics of a holding company**	**Article 16 : Caractéristiques d'une société holding**
Ingingo ya 17: Isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana	**Article 17: Wholly owned subsidiary**	**Article 17 : Filiale en propriété exclusive**

Ingingo ya 18: Isosiyete ifashwe ijana ku ijana n'indi sosiyete	**Article 18: Virtually wholly owned subsidiary**	**Article 18 : Filiale virtuellement détenue en propriété exclusive**
Ingingo ya 19: Gusaba gushinga isosiyete	**Article 19: Application for incorporation of a company**	**Article 19 : Demande de constitution d'une société**
Ingingo ya 20: Ibikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane	**Article 20: Contents of the memorandum of association**	**Article 20 : Contenu du mémorandum d'association**
Ingingo ya 21: Amategeko-shingiro	**Article 21: Articles of association**	**Article 21 : Statuts**
Ingingo ya 22: Ibikorwa n'Umwanditsi Mukuru iyo isaba ryo kwandikisha isosiyete ryujuje ibisabwa	**Article 22: Duties of the Registrar General where the application for registration of a company meets the requirements**	**Article 22 : Devoirs du Registraire général lorsque la demande d'enregistrement d'une société répond aux conditions requises**
Ingingo ya 23: Icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete	**Article 23: Certificate of incorporation**	**Article 23 : Certificat de constitution**
Ingingo ya 24: Isosiyete ifite ubuzima gatozi bwite	**Article 24: Company as a distinct legal entity**	**Article 24 : Société en tant qu'entité juridique autonome**
Ingingo ya 25: Guhindura icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete	**Article 25: Amendment to the certificate of incorporation**	**Article 25 : Modification du certificat de constitution**
Icyiciro cya 2: Ububasha bw'isosiyete	**Section 2: Company's powers**	**Section 2 : Pouvoirs d'une société**
Ingingo ya 26: Ubushobozi bw'isosiyete	**Article 26: Company's capacity**	**Article 26: Capacité d'une société**
Ingingo ya 27: Agaciro k'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'ibikorwa by'isosiyete	**Article 27: Validity of incorporation documents and of a company's acts**	**Article 27 : Validité des documents constitutifs et des actes d'une société**

Ingingo ya 28: Kutabangamira uwagiranye amasezerano n'isosiyete	**Article 28: Not asserting against a person dealing with a company**	**Article 28 : Ne pas enfreindre les droits d'une personne ayant conclu un contrat avec une société**
Ingingo ya 29: Imenyekanisha	**Article 29: Service of a notice**	**Article 29 : Signification de l'avis**
Icyiciro cya 3: Imikorere y'ubucuruzi	**Section 3: Formalities of carrying on a business**	**Section 3 : Formalités d'exercice d'une activité commerciale**
Ingingo ya 30: Icyicaro cyanditswe na aderesi yanditswe	**Article 30: Registered office and registered address**	**Article 30 : Siège social et adresse enregistrée**
Ingingo ya 31: Uburyo bwo kugeza inyandiko kuri sosiyete	**Article 31: Service of documents on a company**	**Article 31 : Signification de documents à une société**
Ingingo ya 32: Kugaragaza izina ry'isosiyete	**Article 32: Display of company name**	**Article 32: Affichage de la dénomination sociale d'une société**
Ingingo ya 33: Amagambo y'impine aranga isosiyete ifite uburyozwe buhinnye	**Article 33: Abbreviations as to the name of limited company**	**Article 33 : Sigle de la dénomination sociale d'une société à responsabilité limitée**
Ingingo ya 34: Gusonerwa kongeraho amagambo «Ltd»	**Article 34: Dispensation to add the abbreviation "Ltd"**	**Article 34: Dérogation à l'ajout du sigle «Ltd»**
Ingingo ya 35: Gukuraho isonerwa ryo kongeraho «Ltd»	**Article 35: Revocation of dispensation to add "Ltd"**	**Article 35 : Annulation de la dérogation à l'ajout du sigle «Ltd»**
Ingingo ya 36: Gusaba kubikirwa izina ry'isosiyete	**Article 36: Application for company name reservation**	**Article 36 : Demande de réservation de dénomination sociale d'une société**
Ingingo ya 37: Ibitemewe mu kubika cyangwa kwandika izina ry'isosiyete	**Article 37: Restrictions on company name reservation or registration**	**Article 37 : Restrictions à la réservation ou l'enregistrement de la dénomination sociale**

		d'une société
Ingingo ya 38: Gusaba guhindura izina ry'isosiyete	**Article 38: Application to change a company name**	**Article 38: Demande de changement d'une dénomination sociale d'une société**
Ingingo ya 39: Gushyira mu bikorwa ihindura ry'izina ry'isosiyete	**Article 39: Implementing change of a company name**	**Article 39 : Mise en œuvre du changement de dénomination sociale d'une société**
Ingingo ya 40: Ingaruka y'ihindurwa ry'izina ry'isosiyete	**Article 40: Effect of changing a company name**	**Article 40 : Effet du changement de dénomination sociale d'une société**
Ingingo ya 41: Gusabwa guhindura izina	**Article 41: Instruction to change name**	**Article 41 : Instruction de changer une dénomination sociale**
Ingingo ya 42: Gutegeka isosiyete kureka izina	**Article 42: Requiring a company to abandon a name**	**Article 42 : Injonction à une société d'abandonner une dénomination sociale**
Ingingo ya 43: Igihe isosiyete itinze guhindura izina mu gihe cyagenwe	**Article 43: Delay to change a company name within a specified period**	**Article 43: Retard de changer la dénomination sociale d'une société dans un délai prévu**
Ingingo ya 44: Gutangazwa kw'izina ry'isosiyete	**Article 44: Communication of a company name**	**Article 44 : Communication de dénomination sociale d'une société**
Ingingo ya 45: Uburyozwe mu kwandika izina ry'isosiyete ku buryo butari bwo	**Article 45: Liability for writing a company name incorrectly**	**Article 45 : Responsabilité pour dénomination sociale d'une société mal écrite**
Ingingo ya 46: Itangazwa ry'ihindurwa ry'izina ry'isosiyete	**Article 46: Notice of change of a company name**	**Article 46 : Notification du changement de dénomination sociale d'une société**
Icyiciro cya 4: Gukora amasezerano	**Section 4: Entering into contract and power**	**Section 4 : Conclusion de contrat et pouvoir**

n'ababasha bw'intumwa	**of company's attorney**	
Ingingo ya 47: Uburyo bwo kugirana amasezerano	**Article 47: Method of contracting**	**Article 47 : Mode contractuel**
Ingingo ya 48: Ababasha bw'intumwa y'isosiyete bwo gushyira umukono ku nyandiko	**Article 48: Power of company's representative to sign documents**	**Article 48 : Pouvoir du mandataire d'une société de signer les documents**
Ingingo ya 49: Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete	**Article 49: Pre-incorporation contracts**	**Article 49: Contrats antérieurs à la constitution en société**
UMUTWE WA III: IMIGABANE N'IMIGABANE NGUZANYO	**CHAPTER III: SHARES AND DEBENTURES**	**CHAPITRE III: ACTIONS ET OBLIGATIONS**
Icyiciro cya mbere: Kugura imigabane n'imigabane nguzanyo	**Section One: Subscription for shares and debentures**	**Section première : Souscription d'actions et d'obligations**
Ingingo ya 50: Guhamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo	**Article 50: Public invitation to subscribe for shares and debentures**	**Article 50 : Invitation au public à la souscription d'actions et d'obligations**
Ingingo ya 51: Inyandiko ifatwa nk'imigabane nguzanyo	**Article 51: Document deemed debentures**	**Article 51: Document considéré comme obligations**
Icyiciro cya 2: Ubwoko n'itangwa by'imigabane	**Section 2: Nature and allotment of shares**	**Section 2 : Nature et attribution d'actions**
Akiciro ka mbere: Imigabane n'itangwa ryayo	**Subsection One: Shares and their allotment**	**Sous-section première : Actions et leur attribution**
Ingingo ya 52: Ibiranga imigabane	**Article 52: Characteristics of shares**	**Article 52 : Caractéristiques des actions**

Ingingo ya 53: Ubwoko bw'imigabane	**Article 53: Types of shares**	**Article 53 : Types d'actions**
Ingingo ya 54: Kugira konti ya buri cyiciro cy'imigabane	**Article 54: Maintaining an account for each class of shares**	**Article 54: Tenue d'un compte pour chaque catégorie d'actions**
Ingingo ya 55: Konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane	**Article 55: Share premium account**	**Article 55 : Compte de primes d'émission**
Ingingo ya 56: Amafaranga yo kwishyura hakoreshejwe konti yagenewe imigabane na konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane	**Article 56: Payments by use of stated capital account and the share premium account**	**Article 56 : Paiements à travers un compte en capital déclaré et compte de primes d'émission**
Ingingo ya 57: Igabanywa ry'uburenganzira mu itangwa ry'imigabane	**Article 57: Restrictions on allotment of shares**	**Article 57: Restrictions sur l'attribution d'actions**
Ingingo ya 58: Kwemeza itangwa ry'imigabane	**Article 58: Authorisation to allot shares**	**Article 58: Autorisation d'attribution d'actions**
Ingingo ya 59: Uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi	**Article 59: Pre-emption rights**	**Article 59 : Droits de préemption**
Ingingo ya 60: Ingurane ku itangwa ry'imigabane	**Article 60: Consideration for allotment of shares**	**Article 60 : Contrepartie pour l'attribution d'actions**
Ingingo ya 61: Ibidakorwa mu itangwa ry'imigabane	**Article 61: Restrictions to allotment of shares**	**Article 61: Restrictions relatives à l'attribution d'actions**
Ingingo ya 62: Guhindura icyiciro cy'imigabane mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane	**Article 62: Conversion of class of shares into shares of no-par value**	**Article 62 : Conversion de la catégorie des actions en actions sans valeur nominale**

Ingingo ya 63: Uburenganzira n'uburyozwe butagizweho ingaruka n'imigabane yahinduwe	**Article 63: Rights and liabilities not affected by converted shares**	**Article 63: Droits et responsabilités non affectés par la conversion des actions**
Ingingo ya 64: Kwemera itangwa ry'imigabane	**Article 64: Consent to allotment of shares**	**Article 64 : Consentement à l'attribution d'actions**
Ingingo ya 65: Imenyesha ry'ihinduka ry'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kubera itangwa ry'imigabane	**Article 65: Notification of alteration of incorporation documents due to allotment of shares**	**Article 65 : Notification d'une modification des documents constitutifs suite à l'attribution d'actions**
Akiciro ka 2: Ingingo zihariye ku itangwa ry'imigabane mu masosiyete adahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane	**Subsection 2: Special provisions relating to allotment of shares for private companies**	**Sous-section 2 : Dispositions particulières relatives à l'attribution d'actions dans les sociétés privées**
Ingingo ya 66: Igabanywa ry'uburenganzira bw'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane mu igurisha ry'imigabane	**Article 66: Restriction on public offers by private company**	**Article 66 : Restriction sur les offres publiques par une société privée**
Akiciro ka 3: Ingingo zihariye ku itangwa ry'imigabane mu masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane	**Subsection 3: Special provisions relating to allotment of shares for public companies**	**Sous-section 3 : Dispositions particulières relatives à l'attribution d'actions dans les sociétés publiques**
Ingingo ya 67: Itangwa ry'ubwishyu ku mugabane mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ku byerekeye ingurane	**Article 67: Distribution of payment for public companies with regard to compensation**	**Article 67 : Distribution du paiement pour les sociétés publiques en ce qui concerne la compensation**
Ingingo ya 68: Ibisabwa by'inyongera	**Article 68: Additional requirements**	**Article 68 : Conditions supplémentaires**

Icyiciro cya 3: Igabana, ihererekanya by'imigabane n'icyemezo cy'umugabane	**Section 3: Distribution, transfer of shares and share certificate**	**Section 3 : Distribution, cession d'actions et certificat d'actions**
Akiciro ka mbere: Igabana ry'imigabane	**Subsection One: Distribution of shares**	**Sous-section première : Distribution d'actions**
Ingingo ya 69: Uruhushya rw'Inama y'Ubutegetsi rwo gutanga imigabane	**Article 69: Authorization of distribution by the Board of Directors**	**Article 69 : Autorisation de distribution par le Conseil d'administration**
Ingingo ya 70: Itangwa ry'inyungu ku migabane	**Article 70: Distribution of dividends**	**Article 70 : Distribution des dividendes**
Ingingo ya 71: Gutanga imigabane mu mwanya w'inyungu	**Article 71: Allotment of shares in lieu of dividends**	**Article 71 : Attribution d'actions à la place de dividendes**
Ingingo ya 72: Kugabanyiriza abanyamigabane igiciro cy'imigabane	**Article 72: Share price discounts for shareholders**	**Article 72 : Réduction de prix d'actions en faveur des actionnaires**
Ingingo ya 73: Kugaruza inyungu ku migabane yishyuwe	**Article 73: Dividend recovery on paid shares**	**Article 73 : Recouvrement de dividendes sur les actions libérées**
Ingingo ya 74: Igabanywa ry'uburyozwe bw'umunyamigabane biturutse ku itangwa ry'inyungu	**Article 74: Reduction of shareholder liability following a distribution of dividends**	**Article 74: Réduction de la responsabilité de l'actionnaire suite à une distribution de dividendes**
Akiciro ka 2: Ihererekanya ry'imigabane	**Subsection 2: Transfer of shares**	**Sous-section 2: Cession des actions**
Ingingo ya 75: Uburyo bw'ihererekanya ry'imigabane	**Article 75: Procedure for transfer of shares**	**Article 75: Procédure de cession d'actions**
Ingingo ya 76: Gusubiza abantu imigabane	**Article 76: Remittance of shares following**	**Article 76: Remise des actions suite à**

bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe	**the issuance of a certificate of amalgamation**	**l'émission d'un certificat de fusion**
Ingingo ya 77: Guhererekanya uburenganzira ku migabane mu buryo bw'ikoranabuhanga	**Article 77: Transferring title to shares electronically**	**Article 77: Transfert du titre aux actions par voie électronique**
Ingingo ya 78: Ikimenyetso cyo gutanga irage	**Article 78: Evidence of grant of probate**	**Article 78: Preuve de l'octroi de l'homologation**
Ingingo ya 79: Iyemeza ry'ihererekanya ry'umugabane	**Article 79: Certification of share transfer**	**Article 79 : Certification des cessions d'une action**
Ingingo ya 80: Ihererekanya ry'imigabane idahererekanywa	**Article 80: Transfer of non-transferable shares**	**Article 80: Cession d'actions non cessibles**
Ingingo ya 81: Kugabanya, kugabagabanya, cyangwa gukomatanya imigabane	**Article 81: Division, sub-division or consolidation of shares**	**Article 81: Division, subdivision ou consolidation des actions**
Ingingo ya 82: Gutanga ibice by'imigabane	**Article 82: Issue of fractions of shares**	**Article 82: Émission des fractions d'actions**
Ingingo ya 83: Gutanga no gutesha agaciro ibyemezo by'imigabane	**Article 83: Issue and cancellation of share certificates**	**Article 83: Émission et annulation de certificats d'actions**
Ingingo ya 84: Icyemezo cy'imigabane nk'ikimenyetso cy'uburenganzira bwa burundu	**Article 84: Certificate to be evidence of title**	**Article 84: Certificat pour preuve de titre**
UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA BW'ABANYAMIGABANE, UBURYOZWE, UBUBASHA N'INAMA	**CHAPTER IV: SHAREHOLDERS' RIGHTS, LIABILITIES, POWERS AND MEETINGS**	**CHAPITRE IV: DROITS DES ACTIONNAIRES, RESPONSABILITÉS, POUVOIRS ET RÉUNIONS**

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira rusange bw'abanyamigabane	**Section One: Shareholders' general rights**	**Section première: Droits généraux des actionnaires**
Ingingo ya 85: Uburenganzira bw'ibanze bujyanye n'imigabane	**Article 85: Fundamental rights attached to shares**	**Article 85: Droits fondamentaux attachés aux actions**
Ingingo ya 86: Itariki yo kugena uburenganzira bw'abanyamigabane	**Article 86: Date for determining shareholders' rights**	**Article 86: Date de détermination des droits des actionnaires**
Ingingo ya 87: Ihinduka ry'uburenganzira	**Article 87: Variation of rights**	**Article 87: Modification des droits**
Ingingo ya 88: Inyandiko zimenyeshwa abanyamigabane buri mwaka	**Article 88: Documents to be disclosed annually to shareholders**	**Article 88: Documents à communiquer annuellement aux actionnaires**
Ingingo ya 89: Raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 89: Report of directors**	**Article 89: Rapport des administrateurs**
Ingingo ya 90: Andi makuru ahabwa abanyamigabane	**Article 90: Other disclosures to shareholders**	**Article 90: Autres informations à fournir aux actionnaires**
Ingingo ya 91: Uburyo bwo kohereza inyandiko abanyamigabane	**Article 91: Method of sending documents to shareholders**	**Article 91: Mode d'envoi des documents aux actionnaires**
Icyiciro cya 3: Uburyozwe	**Section 3: Liability**	**Section 3: Responsabilité**
Ingingo ya 92: Uburyozwe bw'umunyamigabane	**Article 92: Liability of shareholders**	**Article 92: Responsabilité des actionnaires**
Ingingo ya 93: Uburyozwe bushingiye ku mafaranga atarishyurirwa imigabane	**Article 93: Liability for calls**	**Article 93: Responsabilités à l'égard des appels**

Ingingo ya 94: Uburyozwe bw'intumwa bwite	**Article 94: Liability of personal representative**	**Article 94: Responsabilité du représentant personnel**
Ingingo ya 95: Uburyozwe bw'ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo	**Article 95: Liability of trustee in bankruptcy**	**Article 95: Responsabilité du syndic de faillite**
Ingingo ya 96: Uburyozwe bw'abanyamigabane ku birebana n'ikoreshwa ry'ububasha bwabo	**Article 96: Liability of shareholders in respect of exercise of powers**	**Article 96: Responsabilité des actionnaires en ce qui concerne l'exercice des pouvoirs**
Icyiciro cya 4: Ikoreshwa ry'ububasha bw'abanyamigabane	**Section 4: Exercise of shareholder powers by resolutions**	**Section 4: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolutions**
Ingingo ya 97: Ikoreshwa ry'ububasha bw'abanyamigabane binyuze mu myanzuro	**Article 97: Exercise of shareholder powers by resolution**	**Article 97: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolutions**
Ingingo ya 98: Gusaba gushyira ingingo ku murongo w'ibyigwa n'Inteko rusange bikozwe n'umunyamigabane	**Article 98: Shareholder proposal for any matter for discussion at general meeting**	**Article 98: Proposition d'inscription à l'ordre du jour à l'assemblée générale par l'actionnaire**
Ingingo ya 99: Umwanzuro w'umunyamigabane werekeranye n'icungwa ry'isosiyete	**Article 99: Shareholder resolution relating to the management of the company**	**Article 99: Résolution de l'actionnaire relative à la gestion de la société**
Icyiciro cya 5: Inteko rusange z'abanyamigabane n'imyanzuro isimbura inama	**Section 5: Shareholders' general meetings and resolutions in lieu of general meeting**	**Section 5: Assemblées générales des actionnaires et résolutions tenant lieu de réunion**
Ingingo ya 100: Inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane	**Article 100: Shareholders' annual general meeting**	**Article 100: Assemblée générale annuelle des actionnaires**

Ingingo ya 101: Gukurikirana imicungire y'isosiyete bikozwe n'abanyamigabane	**Article 101: Shareholders' review of the company's management**	**Article 101: Contrôle de la gestion de la société par les actionnaires**
Ingingo ya 102: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru mu gutumiza inteko rusange y'abanyamigabane ngaruka mwaka	**Article 102: Registrar General's power to convene shareholders' annual general meeting**	**Article 102: Pouvoir du Registraire général de convoquer l'assemblée générale annuelle des actionnaires**
Ingingo ya 103: Inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane	**Article 103: Shareholders' extraordinary general meeting**	**Article 103: Assemblée générale extraordinaire des actionnaires**
Ingingo ya 104: Imigendekere y'inteko rusange y'abanyamigabane	**Article 104: Proceedings at shareholders' general meeting**	**Article 104 : Déroulement de l'assemblée générale des actionnaires**
Ingingo ya 105: Umwanzuro wanditse w'abanyamigabane usimbura inteko rusange	**Article 105: Shareholders' written resolution in lieu of general meeting**	**Article 105: Résolution écrite des actionnaires tenant lieu de l'assemblée générale**
Ingingo ya 106: Umunyamigabane usaba ko imigabane afite mu isosiyete igurwa n'isosiyete	**Article 106: Shareholder requiring a company to purchase his or her shares**	**Article 106: Actionnaire qui demande à une société d'acheter des actions**
Ingingo ya 107: Imenyekanisha ryo kugurisha imigabane	**Article 107: Notice requiring purchase of shares**	**Article 107: Avis exigeant l'achat d'actions**
Ingingo ya 108: Kugura imigabane bikozwe n'isosiyete	**Article 108: Purchase of shares by a company**	**Article 108: Achat des actions par une société**
Ingingo ya 109: Imenyesha ryerekeranye no kutemera igiciro cyatanzwe	**Article 109: Notice of objection regarding stated price**	**Article 109: Avis d'opposition concernant le prix indiqué**
Ingingo ya 110: Igiciro cyemejwe n'abakemurampaka	**Article 110: Price determined by arbitrators**	**Article 110 : Prix déterminé par les arbitres**

UMUTWE WA V: ICUNGAMUTUNGO N'UBUYOBOZI	**CHAPTER V: MANAGEMENT AND ADMINISTRATION**	**CHAPITRE V: GESTION ET ADMINISTRATION**
Icyiciro cya mbere: Kubika inyandiko z'isosiyete	**Section One: Company record keeping**	**Section première : Tenue des documents d'une société**
Ingingo ya 111: Inyandiko z'isosiyete zigomba kubikwa	**Article 111: Company records to be kept**	**Article 111 : Documents de la société à tenir**
Ingingo ya 112: Imiterere y'inyandiko	**Article 112: Form of records**	**Article 112: Forme de documents**
Ingingo ya 113: Kugenzura kopi z'inyandiko	**Article 113: Inspection of copies of records**	**Article 113: Inspection des copies des documents**
Ingingo ya 114: Igitabo cy'abanyamigabane n'abafite imigabane nguzanyo	**Article 114: Register of shareholders and debenture holders**	**Article 114: Registre des actionnaires et détenteurs d'obligations**
Icyiciro cya 2: Amakuru y'abagenewe imigabane	**Section 2: Beneficial ownership information**	**Section première 2: Informations sur les bénéficiaires effectifs**
Ingingo ya 115: Inomero iranga abanyamigabane	**Article 115: Index of shareholders**	**Article 115 : Index des actionnaires**
Ingingo ya 116: Iyandikwa ry'abagenewe inyungu ku migabane	**Article 116: Record of beneficial owners**	**Article 116 : Dossier des bénéficiaires effectifs**
Ingingo ya 117: Kumenyesha abanyamigabane itangwa ry'amakuru yerekeye inyungu ku migabane	**Article 117: Notice to shareholders to disclose beneficial ownership information**	**Article 117: Notification aux actionnaires de communiquer les informations sur les bénéficiaires effectifs**

Ingingo ya 118: Guhagarika cyangwa gukuraho inyungu kubera kutagaragaza inyungu igenewe umugabane	**Article 118: Suspension or cancellation of interests for failure to disclose beneficial ownership**	**Article 118: Suspension ou annulation de participation pour cause de non-communication des informations sur les bénéficiaires effectifs**
Ingingo ya 119: Imenyekanisha ry'amakuru y'ugenewe umugabane bikozwe n'umwanditsi wa sosiyete	**Article 119: Disclosure of beneficial ownership information by company secretary**	**Article 119 : Communication des informations sur les bénéficiaires par le secrétaire de la société**
Ingingo ya120: Amakuru yihariye	**Article 120: Privileged information**	**Article 120: Informations privilégiées**
Icyiciro cya 3: Ibitabo by'ibaruramari	**Section 3: Accounting records**	**Section 3: Registres comptables**
Ingingo ya 121: Inshingano zo kubika ibitabo by'ibaruramari	**Article 121: Duty to keep accounting records**	**Article 121: Devoir de tenue des registres comptables**
Icyiciro cya 4 : Ibaruramari ngarukamwaka	**Section 4: Annual accounts**	**Section 4: Comptes annuels**
Ingingo ya 122: Itariki fatizo n'ibaruramari ngarukamwaka by'isosiyete	**Article 122: Accounting reference date and annual accounts**	**Article 122: Date de référence comptable et comptes annuels**
Ingingo ya 123: Amahame ifoto y'umutungo igenderaho	**Article 123: Standards for balance sheet preparation**	**Article 123 : Normes de préparation du bilan**
Ingingo ya 124: Inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi ku bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka	**Article 124: Duties of directors in relation to annual accounts**	**Article 124: Devoirs des administrateurs par rapport aux comptes annuels**
Icyiciro cya 5: Ibaruramari ry'umwaka ryihariye	**Section 5: Special annual accounts**	**Section 5: Comptes annuels particuliers**

Ingingo ya 125: Ibisabwa byerekeranye n'ibaruramari ry'umwaka ryihariye	**Article 125: Requirement for special annual accounts**	**Article 125: Exigences relatives aux comptes annuels particuliers**
Icyiciro cya 6: Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Section 6: Group of companies annual accounts**	**Section 6: Comptes annuels du groupe de sociétés**
Ingingo ya 126: Itariki fatizo y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Article 126: Accounting reference date of group of companies**	**Article 126: Date de référence comptable du groupe de sociétés**
Ingingo ya 127: Ibisabwa ku ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Article 127: Requirements for group of companies annual accounts**	**Article 127: Exigences relatives aux comptes annuels du groupe de sociétés**
Ingingo ya 128: Gusonera ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Article 128: Exemption from the requirement for group of companies annual accounts**	**Article 128: Exemption de l'exigence de comptes annuels du groupe de sociétés**
Ingingo ya 129: Imiterere y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Article 129: Form of group of companies annual accounts**	**Article 129: Forme des comptes annuels du groupe de sociétés**
Ingingo ya 130: Amabwiriza arebana n'ibaruramari ry'umwaka	**Article 130: Regulations relating to annual accounts**	**Article 130: Règlements relatifs aux comptes annuels**
Icyiciro cya 7: Ubugenzuzi bw'imari	**Section 7: Audit**	**Section 7: Audit**
Ingingo ya 131: Gusabwa gukora ubugenzuzi bw'imari	**Article 131: Instruction to conduct audit**	**Article 131: Instruction d'effectuer l'audit**
Ingingo ya 132: Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari	**Article 132: Appointment of an auditor**	**Article 132: Nomination d'un auditeur**
Ingingo ya 133: Ibisabwa kugira ngo umugenzuzi w'imari yemerwe	**Article 133: Qualifications of auditor**	**Article 133: Qualifications d'un auditeur**

Ingingo ya 134:Uburenganzira bw' umugenzuzi w'imari bwo kubona amakuru	**Article 134: Auditor's right of access to information**	**Article 134: Droit d'un auditeur d'accéder à l'information**
Ingingo ya 135: Raporo y'umugenzuzi w'imari	**Article 135: Auditor's report**	**Article 135: Rapport d'un auditeur**
Ingingo ya 136: Uburenganzira bwo kwitabira inteko rusange y'abanyamigabane	**Article 136: Right to attend shareholders' general meeting**	**Article 136: Droit d'assister à l'assemblée générale des actionnaires**
Ingingo ya 137: Kuvanaho umugenzuzi w'imari	**Article 137: Removal of an auditor**	**Article 137: Révocation d'un auditeur**
Ingingo ya 138: Guhagarika imirimo k'umugenzuzi w'imari w'isosiyete	**Article 138: Auditor ceasing to hold office**	**Article 138: Cessation de fonctions d'auditeur**
Ingingo ya 139: Gufata nk'aho kongerera igihe umugenzuzi w'imari byemewe	**Article 139: Deemed reappointment of auditor**	**Article 139: Mandat réputé renouvelé pour un auditeur**
Ingingo ya 140: Kwirukana, gusimbuza cyangwa kwegura k'umugenzuzi w'imari	**Article 140: Removal, replacement or resignation of an auditor**	**Article 140: Révocation, remplacement ou démission d'un auditeur**
Icyiciro cya 8: Inyandiko zigomba gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru	**Section 8: Documents to be delivered to the Registrar General**	**Section 8: Documents à remettre au Registraire général**
Ingingo ya 141: Inyandiko zishyikirizwa Umwanditsi Mukuru	**Article 141: Documents to be delivered to the Registrar General**	**Article 141: Documents à remettre au Registraire général**
Ingingo ya 142: Ibaruramari ry'umwaka rigomba kohererezwa Umwanditsi Mukuru	**Article 142: Annual accounts to be delivered to the Registrar General**	**Article 142: Comptes annuels à remettre au Registraire général**
Ingingo ya 143: Inyandiko ngarukamwaka	**Article 143: Annual return**	**Article 143: Déclaration annuelle**

Icyiciro cya 9: Abagize Inama y'Ubutegetsi n'abanyamabanga	**Section 9: Directors and secretaries**	**Section 9: Administrateurs et secrétaires**
Akiciro ka mbere: Ububasha bw'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Subsection One: Powers of members of the Board of Directors**	**Sous-section première: Pouvoirs des administrateurs**
Ingingo ya 144: Ubuyobozi bw'isosiyete	**Article 144: Management of a company**	**Article 144: Direction d'une société**
Ingingo ya 145: Imigendekere y'inama y'Inama y'Ubutegetsi	**Article 145: Proceedings of meeting of the Board of Directors**	**Article 145: Procédure de tenue de réunion du Conseil d'administration**
Ingingo ya 146: Itangwa ry'ububasha	**Article 146: Delegation of powers**	**Article 146: Délégation de pouvoirs**
Akiciro ka 2: Inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Subsection 2: Responsibilities of directors**	**Sous-section 2: Attributions des administrateurs**
Ingingo ya 147: Inshingano z'ingenzi z'ugize Inama y'Ubutegetsi	**Article 147: Fundamental duty of a director**	**Article 147: Devoir fondamental d'un administrateur**
Ingingo ya 148: Inshingano y'ugize inama y'ubutegetsi ku banyamigabane basanzwe	**Article 148: Director's duty towards existing shareholders**	**Article 148 : Devoir d'un administrateur envers actionnaires existants**
Ingingo ya 149: Inshingano y'ugize inama y'ubutegetsi yo kubahiriza ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko	**Article 149: Director's duty to comply with incorporation documents and this Law**	**Article 149: Devoir d'un administrateur de de se conformer aux documents constitutifs de la société et à la présente loi**
Ingingo ya 150: Inshingano y'ugize inama y'ubutegetsi mu kubahiriza ubushobozi bwo kwishyura imyenda	**Article 150: Duty of a director to comply with solvency requirement**	**Article 150 : Devoir d'un administrateur de se conformer à l'exigence de solvabilité**
Ingingo ya 151: Gukorana ubwitonzi no	**Article 151: Standard of care and exercise of power for a proper purpose**	**Article 151: Degré de soin requis et exercice du pouvoir à des fins justifiées**

gukoresha ububasha kubera igikorwa kigamijwe		
Ingingo ya 152: Gukoresha amakuru n'inama	**Article 152: Use of information and advice**	**Article 152: Utilisation des informations et conseils**
Akiciro ka 3: Gushyiraho no gukuraho abagize Inama y'Ubutegetsi	**Subsection 3: Appointment and removal of directors**	**Sous-section 3: Nomination et révocation des administrateurs**
Ingingo ya 153: Umubare w'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 153: Number of directors**	**Article 153: Nombre d'administrateurs**
Ingingo ya 154: Gushyiraho abagize Inama y'Ubutegetsi batangirana n'isosiyete n'abashyirwaho nyuma	**Article 154: Appointment of first and subsequent directors**	**Article 154 : Nomination des premiers et subséquents administrateurs**
Ingingo ya 155: Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Ubutegetsi batorwa buri wese ku giti cye	**Article 155: Appointment of directors to be voted on individually**	**Article 155: Nomination des administrateurs devant être élus individuellement**
Ingingo ya 156: Ibisabwa mu ishyirwaho ry' ugize inama y'ubutegetsi	**Article 156: Requirements for the appointment of a director**	**Article 156 : Conditions de nomination d'un administrateur**
Ingingo ya 157: Gusaba isosiyete kugira ugize inama y'ubutegetsi uba mu Gihugu	**Article 157: Requesting a company to have a director who resides in the country**	**Article 157 : Demander à une société d'avoir un administrateur qui réside dans le pays**
Ingingo ya 158: Abagize Inama y'Ubutegetsi bigenga cyangwa batari nshingwabikorwa mu isosiyete ihamagaririra rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 158: Independent or non-executive directors in a public company**	**Article 158 : Administrateurs indépendants ou non exécutifs dans une société publique**

Ingingo ya 159: Agaciro k'ibikorwa by'abagize Inama y'Ubutegetsi n'uburyozwe bwabo	**Article 159: Validity of acts and liability of directors**	**Article 159 : Validité des actes et responsabilité des administrateurs**
Ingingo ya 160: Gukuraho umwe cyangwa benshi mu bagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 160: Removal of one or more directors**	**Article 160: Révocation d'un ou de plusieurs administrateurs**
Ingingo ya 161: Guhagarika imirimo k'ugize inama y'ubutegetsi	**Article 161: Ceasing to hold office of a director**	**Article 161: Cessation de fonction d'administrateur**
Ingingo ya 162: Kwegura k'ugize inama y'ubutegetsi w'isosiyete iyo ari umwe	**Article 162: Resignation by the company's sole director**	**Article 162: Démission d'un administrateur unique de la société**
Ingingo ya 163: Isimburwa ry'ugize inama y'ubutegetsi upfuye yari nyiri isosiyete	**Article 163: Replacing the company's owner who dies**	**Article 163: Remplacement du propriétaire d'une société qui décède**
Ingingo ya 164: Kumenyekanisha ibihembo cyangwa ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubutegetsi n'abandi bakozi	**Article 164: Disclosure of remuneration and other benefits for directors and other employees**	**Article 164: Notifier les rémunérations ou autres avantages des administrateurs et des autres employés**
Ingingo ya 165: Kumenyekanisha indi mirimo y'abagize Inama y'Ubutegetsi n'abandi bari mu bagize Inama z'Ubutegetsi z'andi masosiyete	**Article 165: Disclosure of other offices held by Directors and memberships held in other companies' Board of Directors**	**Article 165: Notifier les autres fonctions des administrateurs et le statut d'administrateur détenu dans d'autres sociétés**
Akiciro ka 4: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyumvikanyweho n'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Subsection 4: Enforcement of agreements of directors**	**Sous-section 4: Exécution des accords passés entre les administrateurs**
Ingingo ya 166: Inyungu mu gikorwa cy'ubucuruzi cy'isosiyete	**Article 166: Interest in a company's transaction**	**Article 166: Intérêt dans une transaction de la société**

Ingingo ya 167: Kumenyekanisha inyungu bwite	**Article 167: Disclosure of interest**	**Article 167: Déclaration d'intérêt**
Ingingo ya 168: Ibikorwa bishobora guteshwa agaciro	**Article 168: Avoidable transactions**	**Article 168: Transactions annulables**
Ingingo ya 169: Kudatora k'ugize Inama y'Ubutegetsi ufite inyungu bwite mu gikorwa	**Article 169: Incapacity to vote on the part of director**	**Article 169: Interdiction pour un administrateur de voter en cas d'intérêt dans une transaction**
Ingingo ya 170: Gukoresha amakuru cyangwa amahirwe by'isosiyete	**Article 170: Use of company information or opportunity**	**Article 170: Utilisation des informations et des opportunités de la société**
Ingingo ya 171: Kugura cyangwa kugurisha imigabane bikozwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 171: Directors' share dealings**	**Article 171: Transactions effectuées par les administrateurs sur les actions**
Ingingo ya 172: Ishyirwaho ry'Umwanditsi w'isosiyete	**Article 172: Appointment of a company secretary**	**Article 172 : Nomination d'un secrétaire de la société**
Ingingo ya 173: Inshingano z'Umwanditsi w'isosiyete	**Article 173: Duties of a company secretary**	**Article 173: Attributions d'un secrétaire de la société**
Akiciro ka 6: Indishyi	**Subsection 6: Indemnity**	**Sous-section 6: Indemnité**
Ingingo ya 174: Indishyi n'ubwishingizi ku bagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 174: Indemnity and insurance for directors**	**Article 174 : Indemnité et assurance pour administrateurs**
UMUTWE WA VI: IMITERERE Y'IMARI SHINGIRO	**CHAPTER VI: CAPITAL STRUCTURE**	**CHAPITRE VI: STRUCTURE DU CAPITAL SOCIAL**

Icyiciro cya mbere: Kugira imigabane mu isosiyete	**Section One: Shareholdings in the company**	**Section première: Avoir des actions au sein de la société**
Ingingo ya 175: Ubusobekerane bw'imigabane	**Article 175: Circular holdings**	**Article 175: Participations circulaires**
Icyiciro cya 2: Igura ry'imigabane bwite y'isosiyete bikozwe n'iyo sosiyete	**Section 2: Acquisition by a company of its own shares**	**Section 2: Acquisition par une société de ses propres actions**
Ingingo 176: Igura ry'imigabane bwite y'isosiyete	**Article 176: Acquisition of company's own shares**	**Article 176: Acquisition d'actions propres de la société**
Ingingo ya 177: Ububasha bw'Abagize Inama y'Ubutegetsi bwo kugura imigabane y'abanyamigabane	**Article 177: Powers of directors to acquire shares**	**Article 177: Pouvoirs des administrateurs d'acquérir des actions**
Ingingo ya 178: Ibisabwa mu isaba rikozwe mu buryo rusange	**Article 178: Requirements for general offers**	**Article 178: Exigences relatives aux offres générales**
Ingingo ya 179: Ibisabwa mu isaba ryihariye	**Article 179: Requirements for special offers**	**Article 179 : Exigences relatives aux offres spéciales**
Ingingo ya 180: Icyemezo gihagarika igurisha ryasabwe	**Article 180: Order restraining proposed acquisition**	**Article 180: Ordonnance interdisant le projet d'acquisition**
Icyiciro cya 3: Imigabane ishobora kwisubizwa	**Section 3: Redeemable shares**	**Section 3: Actions rachetables**
Ingingo ya 181: Kwisubiza imigabane ku bushake bw'isosiyete	**Article 181: Redemption at option of the company**	**Article 181: Remboursement d'actions au gré de la société**
Ingingo ya 182: Kwisubiza imigabane	**Article 182: Redemption at the option of the**	**Article 182: Remboursement au choix de**

bikozwe n'abanyamigabane	**shareholder**	**l'actionnaire**
Ingingo ya 183: Kwisubiza umugabane ku itariki yagenwe	**Article 183: Redemption upon a fixed date**	**Article 183: Remboursement à une date fixe**
Icyiciro cya 4: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe	**Section 4: Cancellation of shares re-purchased or redeemed**	**Section 4: Annulation des actions rachetées ou remboursées**
Ingingo ya 184: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe	**Article 184: Cancellation of shares re-purchased or redeemed**	**Article 184: Annulation des actions rachetées ou remboursées**
Icyiciro cya 5: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza	**Section 5: Enforceability of contract to repurchase or redeem shares**	**Section 5: Exécution des contrats de rachat ou de remboursement d'actions**
Ingingo ya 185: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza	**Article 185: Enforceability of contract to repurchase or redeem shares**	**Article 185: Exécution des contrats de rachat d'actions**
Icyiciro cya 6: Inkunga y'amafaranga itanzwe n'isosiyete mu kugurisha imigabane yayo	**Section 6: Financial assistance by a company for the purchase of its own shares**	**Section 6: Assistance financière par une société pour l'achat de ses propres actions**
Ingingo ya 186: Ububasha bwo gutanga inkunga y'amafaranga	**Article 186: Power to give financial assistance**	**Article 186 : Pouvoir de fournir une assistance financière**
Ingingo ya 187: Inkunga y'amafaranga ifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane	**Article 187: Financial assistance considered as a distribution**	**Article 187: Assistance financière considérée comme une distribution**
Ingingo ya 188: Ibisabwa kugira ngo hatangwe inkunga yo kugura imigabane	**Article 188: Requirements for financial assistance to promote shares**	**Article 188: Exigences relatives à l'assistance financière pour promouvoir les actions**

Ingingo ya 189: Icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa	**Article 189: Order restraining proposed financial assistance**	**Article 189: Ordonnance interdisant une assistance financière proposée**
Ingingo ya 190: Ingaruka zo kutubahiriza ibisabwa mu gutanga inkunga	**Article 190: Effects of non-compliance with requirements for granting financial assistance**	**Article 190: Effets du non-respect des exigences relatives à l'octroi d'assistance financière**
UMUTWE WA VII: KWEMEZA, GUHINDURA NO GUKURAHO INYANDIKO ZIGENGA SOSIYETE N'IMPINDUKA ZIKOMEYE	**CHAPTER VII: ADOPTION, ALTERATION AND REVOCATION OF INCORPORATION DOCUMENTS AND FUNDAMENTAL CHANGES**	**CHAPITRE VII: ADOPTION, MODIFICATION ET RETRAIT DES DOCUMENTS CONSTITUTIFS ET CHANGEMENTS FONDAMENTAUX**
Icyiciro cya mbere: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete	**Section One: Alteration of incorporation documents**	**Section première : Modification des documents constitutifs**
Ingingo ya 191: Ububasha bugenewe abanyamigabane bushyirwa mu bikorwa binyuze mu mwanzuro udasanzwe	**Article 191: Powers reserved to shareholders exercisable by special resolution**	**Article 191: Pouvoirs réservés aux actionnaires par voie de résolution spéciale**
Ingingo ya 192: Ububasha bwo guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete	**Article 192: Power to alter incorporation documents**	**Article 192: Pouvoir de modifier les documents constitutifs**
Ingingo ya 193: Imenyesha ry'ihindurwa ry'inyandiko z'ishingwa ry' isosiyete	**Article 193: Notice of alteration of incorporation documents**	**Article 193: Avis de modification des documents constitutifs**
Icyiciro cya 2: Impinduka zikomeye	**Section 2: Fundamental changes**	**Section 2: Changements fondamentaux**
Ingingo ya 194: Kwemeza ibikorwa bigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku mugabane	**Article 194: Authorisation of actions affecting rights attached to shares**	**Article 194: Approbation d'actes qui affectent les droits attachés aux actions**

Ingingo ya 195: Kudasaba uruhushya rw'icyiciro cy'imigabane	**Article 195: Failure to seek class authorisation**	**Article 195: Défaut de demander l'autorisation de la catégorie**
Ingingo ya 196: Umutungo n'igikorwa gihambaye	**Article 196: Assets and major transaction**	**Article 196: Actifs et transaction capitale**
Ingingo ya 197: Kwemeza igikorwa gihambaye	**Article 197: Authorizing major transactions**	**Article 197: Autorisation des transactions capitales**
Ingingo ya 198: Ikomatanya ry'amasosiyete	**Article 198: Amalgamation**	**Article 198: Fusion de sociétés**
Ingingo ya 199: Ibikorwa by'ibanze mu kwemeza ikomatanya	**Article 199: Prerequisites for authorising amalgamation**	**Article 199: Conditions préalables à l'autorisation de fusion**
Ingingo ya 200: Umushinga wo kwikomatanya kw'amasosiyete	**Article 200: Amalgamation proposal**	**Article 200: Proposition de fusion**
Ingingo ya 201: Inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ikomatanyije	**Article 201: Incorporation documents of amalgamated company**	**Article 201: Documents constitutifs de la société issue de la fusion**
Ingingo ya 202: Uburyo bwo kwemerera amasosiyete kwikomatanya	**Article 202: Manner of authorising amalgamation**	**Article 202: Mode d'autorisation de la fusion**
Ingingo ya 203: Kwandikisha ikomatanya ry'amasosiyete	**Article 203: Registration of amalgamation**	**Article 203: Inscription de la fusion**
Ingingo ya 204: Ibyemezo by'ikomatanya	**Article 204: Certificates on amalgamation**	**Article 204: Certificats sur la fusion**
Ingingo ya 205: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda igihe cy'ikomatanya ry'amasosiyete	**Article 205: Creditors' rights on amalgamation**	**Article 205: Droits des créanciers sur la fusion**

Ingingo ya 206: Ububasha bw'urukiko ku byerekeye ikomatanya ry'amasosiyete	**Article 206: Powers of court in relation to amalgamations**	**Article 206: Pouvoirs de la juridiction en matière de fusions**
Ingingo ya 207: Guhindura icyiciro cy'isosiyete	**Article 207: Change of status of a company**	**Article 207: Modification du statut d'une société**
Ingingo ya 208: Gusiba mu gitabo isosiyete ikibasha kwishyura imyenda	**Article 208: Removal of solvent company from register**	**Article 208: Rayer du registre la société solvable**
UMUTWE WA VIII: AMASOSIYETE ADAHAMAGARIRA RUBANDA KUGURAMO IMIGABANE	**CHAPTER VIII: PRIVATE COMPANIES**	**CHAPITRE VIII: SOCIÉTÉS PRIVÉES**
Ingingo ya 209: Uguhitamo kw'amasosiyete adahamagarira rubanda kuguramo imigabane	**Article 209: Opt out for private companies**	**Article 209: Choix des sociétés privées**
Ingingo ya 210: Guhitamo kudakurikiza ibisabwa byerekeye ubugenzuzi	**Article 210: Opt out of audit requirement**	**Article 210: Choix de renonciation à l'exigence d'audit**
UMUTWE WA IX: ISOSIYETE IBUMBYE IBICE BIRINZWE	**CHAPTER IX: PROTECTED CELL COMPANIES**	**CHAPITRE IX : SOCIÉTÉS À CELLULES PROTÉGÉES**
Icyiciro cya mbere: Gushinga cyangwa gukomeza ibikorwa by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Section One: Incorporation or continuation of a protected cell company**	**Section première : Constitution ou continuation d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 211: Ishingwa cyangwa iyandikisha ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 211: Incorporation or registration of a protected cell company**	**Article 211: Constitution ou enregistrement d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 212: Gukomereza ibikorwa mu	**Article 212: Continuation of a foreign**	**Article 212: Continuation en d'une société**

Rwanda kw'isosiyete y'inyamahanga ibumbye ibice birinzwe	**protected cell company in Rwanda**	**étrangère à cellules protégées au Rwanda**
Ingingo ya 213: Izina n'inyandiko y'ubwumvikane by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 213: Name and memorandum of a protected cell company**	**Article 213: Nom et mémorandum d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 214: Gushyiraho igice cy'isosiyete kimwe cyangwa byinshi	**Article 214: Creation of one or more cells**	**Article 214: Création d'une ou plusieurs cellules**
Ingingo ya 215: Umutungo w'igice cy'isosiyete n'umutungo w'isosiyete remezo	**Article 215: Cellular assets and assets of the core**	**Article 215: Actifs cellulaires et actifs du noyau**
Ingingo ya 216: Imigabane n'imari shingiro by'igice cy'isosiyete	**Article 216: Cell shares and cell share capital**	**Article 216: Actions cellulaires et capital social cellulaire**
Ingingo ya 217: Igabanywa ry'imari shingiro y'igice cy'isosiyete	**Article 217: Reduction of cell share capital**	**Article 217: Réduction du capital social de la cellule**
Icyiciro 2: Ababerewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Section 2: Creditors of protected cell company**	**Section 2 : Créanciers d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 218: Uburyozwe bw'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 218: Liability of protected cell company**	**Article 218: Responsabilité d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 219: Uburyozwe bureba imitungo y'ibice by'isosiyete	**Article 219: Liability of cellular assets**	**Article 219: Responsabilité impliquant les actifs cellulaires**
Ingingo ya 220: Amasezerano y'ikurikiranabwishyu	**Article 220: Recourse agreement**	**Article 220: Accord relatif au recours**
Ingingo ya 221: Ababerewemo umwenda	**Article 221: Creditors of a protected cell**	**Article 221: Créanciers d'une société à**

n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**company**	**cellules protégées**
Ingingo ya 222: Uburenganzira bw'ababerewemo umwenda bwo kwishyurwa ku mutungo w'ibice by'isosiyete	**Article 222: Recourse to cellular assets by creditors**	**Article 222: Recours aux actifs cellulaires par les créanciers**
Ingingo ya 223: Ihererekanya ry'umutungo w'ibice by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**Article 223: Transfer of cellular assets from a protected cell company**	**Article 223: Cession d'actifs cellulaires d'une société à cellules protégées**
Ingingo ya 224: Icyemezo ku birebana n'umutungo n'imyenda by'ibice by'isosiyete	**Article 224: Resolution as for cellular assets and liabilities**	**Article 224: Résolution relative aux actifs et passifs cellulaires**
Ingingo ya 225: Kurengera ababerewemo umwenda	**Article 225: Protection of creditors**	**Article 225: Protection des créanciers**
UMUTWE WA X: UBURYO BWO GUSABA KURENGANURWA KU BANYAMIGABANE N'ABANDI	**CHAPTER X: REMEDIES AVAILABLE TO SHAREHOLDERS AND TO OTHERS**	**CHAPITRE X: VOIES DE RECOURS OUVERTES AUX ACTIONNAIRES ET AUX AUTRES**
Ingingo ya 226: Ibyategekwa n'urukiko kubahirizwa	**Article 226: Compliance orders by the court**	**Article 226: Ordonnances d'exécution rendue par la juridiction**
Ingingo ya 227: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru bwo gukosora igitabo cy'abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo	**Article 227: Powers of the Registrar General to rectify the register of shareholders or holders of debentures**	**Article 227: Pouvoir du Registraire général de rectifier le registre des actionnaires ou détenteurs d'obligations**
Ingingo ya 228: Inshingano z'Abagize Inama y'Ubutegetsi bafitiye abanyamigabane ubwabo n'ibirego bwite	**Article 228: Responsibilities of directors owed to the shareholders personally and personal suits by shareholders**	**Article 228: Attributions des administrateurs envers les actionnaires personnellement et actions personnelles**

by'umunyamigabane ubwe		**d'un actionnaire**
Ingingo ya 229: Imigabane ihagarariwe	**Article 229: Representative actions**	**Article 229: Actions représentatives**
Ingingo ya 230: Igikorwa cyateje cyangwa gishobora guteza igihombo	**Article 230: Unfair prejudice**	**Article 230: Préjudice injuste**
Icyiciro cya mbere: Ikirego kiziguye	**Section one: Derivative action**	**Section première: Action oblique**
Ingingo ya 231: Ikirego kiziguye	**Article 231: Derivative action**	**Article 231: Action oblique**
Ingingo ya 232: Amafaranga y'ikirego kiziguye yishyurwa na sosiyete	**Article 232: Cost of derivative action borne by company**	**Article 232: Frais occasionnés par l'action oblique supportés par la société**
Ingingo ya 233: Ububasha bw'urukiko iyo uburenganzira butanzwe	**Article 233: Powers of court where authorization is granted**	**Article 233: Compétences de la juridiction en cas d'octroi de l'autorisation**
Ingingo ya 234: Kurangiza ikirego kiziguye	**Article 234: Settlement of derivative suit**	**Article 234: Règlement de l'action oblique**
Icyiciro cya 2: Ikurwaho uburyozwe	**Section 2: Relief from liability**	**Section 2: Exonération de responsabilité**
Ingingo ya 235: Kwemeza ibikorwa by'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa iby'abakozi	**Article 235: Ratification of directors' or officers' acts**	**Article 235: Ratification des actes des administrateurs ou des employés**
Ingingo ya 236: Gukuraho uburyozwe bikozwe n'urukiko	**Article 236: Granting relief from liability by court**	**Article 236: Octroi par une juridiction d'une exonération de responsabilité**
Ingingo ya 237: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru bwo guhamagaza inama	**Article 237: Powers of the Registrar General to convene meetings**	**Article 237: Pouvoir du Registraire général de convoquer les réunions**
Ingingo ya 238: Ububasha bw'Umwanditsi	**Article 238: Powers of the Registrar**	**Article 238: Pouvoir du Registraire général**

Mukuru bwo gushyiraho ugize inama y'ubutegetsi	**General to appoint a director**	**de nommer un administrateur**
Ingingo ya 239: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru bwo guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete	**Article 239: Powers of the Registrar General to amend incorporation documents**	**Article 239: Pouvoir du Registraire général de modifier les documents constitutifs de la société**
Icyiciro cya 4: Igururwa	**Section 4: Buyout**	**Section 4: Rachat**
Ingingo ya 240: Iboneka ry'igururwa	**Article 240: Availability of buyout**	**Article 240: Disponibilité de rachat**
Ingingo ya 241: Uburyo igururwa rikorwa	**Article 241: Procedure for buyout**	**Article 241: Procédure de rachat**
Ingingo ya 242: Igura rikozwe n'isosiyete abagize inama y'ubutegetsi	**Article 242: Purchase by company**	**Article 242: Achat par la société**
Ingingo ya 243: Igura rikozwe n'undi muntu	**Article 243: Purchase by a third party**	**Article 243: Achat par une tierce partie**
Ingingo ya 244: Inshingano yo gutegura isoko k'ushobora kugura imigabane y'isosiyete iri hejuru ya 50%	**Article 244: Obligation to make a tender offer by the potential acquirer of more than 50% of a company shares**	**Article 244: Obligation d'offre d'achat par le potentiel acquéreur de plus de 50% des actions d'une société**
Ingingo ya 245: Gusonerwa igururwa	**Article 245: Exemption from buyout**	**Article 245: Exonération de rachat**
Ingingo ya 246: Kutagurura bikozwe n'isosiyete itagishoboye kwishyura imyenda	**Article 246: No buyout on the part of an insolvent company**	**Article 246: Impossibilité de rachat chez une société insolvable**
UMUTWE WA XI: ISOSIYETE Y'INYAMAHANGA	**CHAPTER XI: FOREIGN COMPANY**	**CHAPITRE XI: SOCIÉTÉ ÉTRANGÈRE**

Ingingo ya 247: Gusaba kwandikwa	**Article 247: Application for registration**	**Article 247: Demande d'enregistrement**
Ingingo ya 248: Kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga	**Article 248: Registration of a foreign company**	**Article 248: Enregistrement d'une société étrangère**
Ingingo ya 249: Kugaragaza izina rya sosiyete y'inyamahanga	**Article 249: Disclosure of foreign company's name**	**Article 249: Communication du nom de la société étrangère**
Ingingo ya 250: Kohereza inyandiko isosiyete y'inyamahanga	**Article 250: Mailing of documents to a foreign company**	**Article 250: Expédition des documents à une société étrangère**
Ingingo ya 251: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa izindi nyandiko	**Article 251: Alteration of incorporation documents and other documents**	**Article 251: Modification des documents constitutifs et autres documents**
Ingingo ya 252: Inyandiko zihabwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru	**Article 252: Documents delivered annually to the Registrar General**	**Article 252: Documents transmis annuellement au Registraire général**
Ingingo ya 253: Ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete y'inyamahanga	**Article 253: Annual accounts of foreign company**	**Article 253: Comptes annuels d'une société étrangère**
Ingingo ya 254: Amakosa n'ibihano bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka	**Article 254: Faults and sanctions in relation to annual accounts**	**Article 254: Fautes et sanctions relatives aux comptes annuels**
Ingingo ya 255: Inyandiko ngarukamwaka ku makuru	**Article 255: Annual return**	**Article 255: Déclaration annuelle**
Ingingo ya 256: Kureka imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda	**Article 256: Ceasing to carry on business in Rwanda**	**Article 256: Cessation des activités commerciales au Rwanda**
Ingingo ya 257: Ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko	**Article 257: Law enforcement**	**Article 257: Mise en application de la loi**

UMUTWE WA XII: ISOSIYETE Y'IGIHE KIGENWE N'ISOSIYETE IDAKORA	**CHAPTER XII: LIMITED LIFE COMPANY AND DORMANT COMPANY**	**CHAPITRE XII : SOCIÉTÉ À DURÉE LIMITÉE ET SOCIÉTÉ EN VEILLEUSE**
Icyiciro cya mbere: Isosiyete y'igihe kigenwe	**Section One: Limited life company**	**Section première : Société à durée limitée**
Ingingo ya 258: Iyandikwa ry'isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 258: Registration as limited life company**	**Article 258: Enregistrement en tant que société à durée limitée**
Ingingo ya 259: Igihe ntarengwa cy'isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 259: Maximum duration of limited life company**	**Article 259: Durée maximale de la société à durée limitée**
Ingingo ya 260: Ibikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro by'isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 260: Contents of memorandum and articles of association of limited life company**	**Article 260: Contenu du mémorandum et des statuts de la société à durée limitée**
Ingingo ya 261: Gusesa isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 261: Dissolution of limited life company**	**Article 261: Dissolution d'une société à durée limitée**
Ingingo ya 262: Gukuraho iyandikwa ry'isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 262: Cancellation of registration of a limited life company**	**Article 262: Annulation de l'enregistrement d'une société anonyme**
Icyiciro cya 2: Isosiyete idakora	**Section 2: Dormant company**	**Section 2: Société en veilleuse**
Ingingo ya 263: Ibisobanuro by'isosiyete idakora	**Article 263: Definition of a dormant company**	**Article 263: Définition de la société en veilleuse**
Ingingo ya 264: Isosiyete ifatwa nk'isosiyete idakora	**Article 264: A company considered to be dormant**	**Article 264: Société considérée comme étant en veilleuse**

Ingingo ya 265: Kutitwa isosiyete idakora	**Article 265: Non-declaration as a dormant company**	**Article 265: Ne pas se déclarer société en veilleuse**
Ingingo ya 266: Imenyekanisha ry'isosiyete idakora	**Article 266: Notice by a dormant company**	**Article 266: Notification par une société en veilleuse**
Ingingo ya 267: Imenyekanisha ry'isosiyete yongeye gukora	**Article 267: Notice of a company which ceases to be dormant**	**Article 267: Notification d'une société qui a cessé d'être en veilleuse**
Ingingo ya 268: Ibyo amasosiyete adakora asonerwa	**Article 268: Exemption for dormant companies**	**Article 268: Exemption pour les sociétés en veilleuse**
UMUTWE WA XIII: ISOSIYETE YITA KU NYUNGU ZA RUBANDA	**CHAPTER XIII: COMMUNITY BENEFIT COMPANY**	**CHAPITRE XIII : SOCIÉTÉ D'INTÉRÊT COMMUNAUTAIRE**
Ingingo ya 269:Intego y'isosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 269: Purpose of a community benefit company**	**Article 269 : Objectif d'une société d'intérêt communautaire**
Ingingo ya 270: Kwemeza icyiciro cya sosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 270: Adoption of community benefit company status**	**Article 270: Adoption du statut de société d'intérêt communautaire**
Ingingo ya 271: Guhindura icyiciro cy'isosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 271: Change of community benefit company status**	**Article 271: Changement de statut de société d'intérêt communautaire**
Ingingo ya 272: Inshingano z'abagize inama y'ubutegetsi ya sosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 272: Duties of directors of a community benefit company**	**Article 272: Fonctions des administrateurs d'une société d'intérêt communautaire**
Ingingo ya 273: Raporo y'umwaka ku nyungu	**Article 273: Annual benefit report**	**Article 273: Rapport annuel sur les bénéfices**
UMUTWE WA XIV: KWANDIKA,	**CHAPTER XIV: REGISTRATION,**	**CHAPITRE XIV: ENREGISTREMENT,**

GUKURA MU BITABO NO KUGENZURA IMIKORERE Y'AMASOSIYETE	REMOVAL FROM REGISTERS AND INSPECTION OF THE OPERATION OF COMPANIES	RADIATION DES REGISTRES ET INSPECTION DU FONCTIONNEMENT DES SOCIÉTÉS
Icyiciro cya mbere: Kwandika inyandiko, ibitabo, urutonde rw'amasosiyete yanditse, kubika inyandiko n'igenzura	**Section One: Registration of documents, registers, index of registered companies, filing and inspections**	**Section première: Enregistrement de documents, index des sociétés enregistrées, classements et inspections**
Ingingo ya 274: Kwandika inyandiko	**Article 274: Registration of documents**	**Article 274: Enregistrement de documents**
Ingingo ya 275: Kubika igitabo cy'amasosiyete	**Article 275: Register of companies**	**Article 275: Registre des sociétés**
Ingingo ya 276: Ibikorwa by'Umwanditsi Mukuru amaze kubona inyandiko	**Article 276: Actions by Registrar General upon receipt of documents**	**Article 276: Actions du Registraire général après réception des documents**
Ingingo ya 277: Ivugurura ry'icyemezo cy'inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete	**Article 277: Amendment of certificate of incorporation of a company**	**Article 277: Modification du certificat de constitution d'une société**
Ingingo ya 278: Igenzura ry'ibitabo n'urutonde rw'amasosiyete yanditse bibitswe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 278: Inspection of registers and indices of registered companies kept by Registrar General**	**Article 278: Consultation des registres et index des sociétés enregistrées conservés par le Registraire général**
Ingingo ya 279: Amafaranga yishyurwa ku mirimo yakozwe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 279: Fees payable for actions performed by the Registrar General**	**Article 279: Frais payables pour actes posés par le Registraire général**
Icyiciro cya 2: Ikurwa ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**Section 2: Removal of a company from the register**	**Section 2: Radiation d'une société du registre**
Ingingo ya 280: Ingaruka zo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 280: Effect of removal of a company from the register**	**Article 280: Effet de la radiation d'une société du registre**

Ingingo ya 281: Impamvu zituma isosiyete ikurwa mu gitabo	**Article 281: Grounds for removal of a company from the register**	**Article 281: Motifs de radiation d'une société du registre**
Ingingo ya 282: Itangazwa ry'icyifuzo cyo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 282: Notice of intention to remove a company from register**	**Article 282: Notification de l'intention de radiation du registre**
Ingingo ya 283: Impamvu zo gutambamira ikurwa ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 283: Grounds for objecting to removal of a company from the register of companies**	**Article 283: Motifs d'opposition à la radiation d'une société du registre des sociétés**
Ingingo ya 284: Ibyo Umwanditsi Mukuru akora iyo agejejweho itambamira	**Article 284: Duties of Registrar General where objection received**	**Article 284: Responsabilités du Registraire général en cas de réception d'opposition**
Ingingo ya 285: Ububasha bw'inkiko	**Article 285: Powers of court**	**Article 285: Pouvoirs de la juridiction**
Ingingo ya 286: Umutungo w'isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 286: Property of a company removed from register of companies**	**Article 286: Biens d'une société radiée du registre des sociétés**
Ingingo ya 287: Gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete bikozwe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 287: Restoration by the Registrar General of a company to the register**	**Article 287: Rétablissement d'une société au registre par le Registraire général**
Ingingo ya 288: Gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete byemejwe n'Urukiko	**Article 288: Restoring a company to the register by the Court order**	**Article 288: Rétablissement d'une société au registre par décision judiciaire**
Ingingo ya 289: Gusubira kwandikwa mu gitabo	**Article 289: Restoration to register**	**Article 289: Rétablissement au registre**
Ingingo ya 290: Gusubirana umutungo kw'isosiyete yongeye kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 290: Vesting of property in company on restoration to register**	**Article 290: Société mise en possession de ses biens après rétablissement au registre**

Icyiciro cya 3: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo	**Section 3: Enforcement**	**Section 3: Exécution**
Ingingo ya 291: Icyemezo gishyira mu bikorwa	**Article 291: Enforcement order**	**Article 291: Ordonnance d'exécution**
Ingingo ya 292: Igenzura ritegetswe na Minisitiri	**Article 292: Investigation ordered by the Minister**	**Article 292: Investigation ordonnée par le Ministre**
Ingingo ya 293: Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete	**Article 293: Appointment of inspector of the business of the company**	**Article 293: Nomination d'un inspecteur des activités d'une société**
Ingingo ya 294: Urwego rwishyura amafaranga y'ikurikirana n'igenzura	**Article 294: Organ to bear monitoring and investigation expenses**	**Article 294: Organe prenant à sa charge les frais de suivi et d'investigation**
Ingingo ya 295: Igenzura ritegetswe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 295: Investigation ordered by the Registrar General**	**Article 295: Investigation ordonnée par le Registraire général**
Ingingo ya 296: Gusaba gukurikirana ibikorwa by'isosiyete no gutanga ingwate	**Article 296: Application for the inspection of the activities of a company and provision of security**	**Article 296: Demande d'inspection des activités d'une société et versement d'une garantie**
Ingingo ya 297: Abahabwa raporo	**Article 297: Recipients of the report**	**Article 297: Destinataires de rapport**
Ingingo ya 298: Gutangariza rubanda igenzura risabwe	**Article 298: Publication of the required inspection**	**Article 298: Publication de l'inspection requise**
Ingingo ya 299: Amakosa yatuma umugenzuzi w'imari akurikiranwa	**Article 299: Faults that may lead an inspector to be held accountable**	**Article 299: Fautes pouvant occasionner une poursuite à l'encontre d'un inspecteur**
Ingingo ya 300: Zimwe mu mpamvu	**Article 300: Some reasons which might**	**Article 300: Certaines raisons pouvant**

zatuma Umwanditsi Mukuru arega isosiyete mu rukiko	**drive the Registrar General to lodge a case before the court against a company**	**pousser le Registraire général à saisir la juridiction contre une société**
Ingingo ya 301: Ishyirwaho ry'umugenzuzi bikozwe n'isosiyete ushinzwe kugenzura ibikorwa byayo bwite	**Article 301: Appointment of an inspector by a company to investigate its own activities**	**Article 301: Nomination d'un inspecteur par la société pour enquêter les activités de la société**
Ingingo ya 302: Gutanga imyanzuro ku bayigenewe	**Article 302: Submission of resolutions to the relevant persons**	**Article 302: Remise de conclusions aux personnes concernées**
Ingingo ya 303: Igenzurwa ry'isosiyete ishamikiye ku yindi	**Article 303: Inspection of a subsidiary company**	**Article 303: Inspection d'une filiale**
Ingingo ya 304: Aho ububasha bw'umugenzuzi w'ibikorwa bugarukira	**Article 304: Scope of powers of an inspector**	**Article 304: Étendue des pouvoirs d'un inspecteur**
Ingingo ya 305: Imikorere n'ububasha by'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete	**Article 305: Functioning and powers of an inspector**	**Article 305: Fonctionnement et pouvoirs d'un inspecteur**
Ingingo ya 306: Imenyekanisha risaba gutanga amakuru	**Article 306: Notice for the production of information**	**Article 306: Avis de demande de fourniture d'information**
Ingingo ya 307: Icungwa ry'ibitabo bikoreshwa mu gihe cy'igenzura	**Article 307: Management of the books used during the investigation**	**Article 307: Gestion des livres utilisés lors de l'investigation**
Ingingo ya 308: Inshingano yo gusubiza ibibazo by'umugenzuzi w'ibikorwa	**Article 308: Obligation to answer questions asked by the inspector**	**Article 308: Obligation de répondre aux questions de l'inspecteur**
Ingingo ya 309: Ibyavuzwe mu igenzura bifatwa nk'ikimenyetso mu gihe cy'urubanza	**Article 309: Statements made during the investigation and considered as evidence in legal proceedings**	**Article 309: Déclarations faites lors de l'investigation et considérées comme preuve lors d'une procédure judiciaire**

Ingingo ya 310: Gusubiza ibyangijwe n'uwahamwe n'icyaha	**Article 310: Compensation for damages by the convict**	**Article 310: Réparation des dommages par une personne reconnue coupable**
Ingingo ya 311: Gukoresha raporo y'umugenzuzi nk'ikimenyetso cy'urukiko	**Article 311: Use of the report of an inspector as evidence before the court**	**Article 311: Utilisation du rapport d'inspecteur comme preuve devant la juridiction**
UMUTWE WA XV: IHEREREKANYA RY'IYANDIKISHA	**CHAPTER XV: TRANSFER OF REGISTRATION**	**CHAPITRE XV: TRANSFERT D'ENREGISTREMENT**
Icyiciro cya mbere: Gukomereza ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda kw'isosiyete y'inyamahanga	**Section One: Continuation of business activities in Rwanda by a foreign company**	**Section première: Poursuite d'activités commerciales au Rwanda par un société étrangère**
Ingingo ya 312: Kwandikwa no gukomereza ibikorwa mu Rwanda kw'isosiyete y'inyamahanga	**Article 312: Registration and continuation of activities in Rwanda by a foreign company**	**Article 312: Enregistrement et poursuite d'activités au Rwanda par une société étrangère**
Ingingo ya 313: Amasosiyete yashingiwe hanze y'u Rwanda yemerewe kwandikwa	**Article 313: Companies incorporated outside Rwanda authorised to register**	**Article 313: Sociétés constituées hors du Rwanda autorisées à se faire enregistrer**
Ingingo ya 314: Amasosiyete yashingiwe hanze y'u Rwanda atemerewe kwandikwa	**Article 314: Companies incorporated outside Rwanda that cannot be registered**	**Article 314: Sociétés constituées hors du Rwanda non autorisées à se faire enregistrer**
Ingingo ya 315: Kwandika isosiyete itarashingiwe mu Rwanda	**Article 315: Registration of a company incorporated outside Rwanda**	**Article 315: Enregistrement d'une société constituée hors du Rwanda**
Ingingo ya 316: Inkurikizi z'iyandikwa	**Article 316: Effects of registration**	**Article 316 : Effets d'enregistrement**
Icyiciro cya 2: Kwimurira iyandikwa ry'isosiyete mu bindi bihugu	**Section 2: Transfer of registration of companies to other countries**	**Section 2: Transfert de l'enregistrement des sociétés à d'autres pays**

Ingingo ya 317: Isosiyete ishobora kwimura ishingwa	**Article 317: Company that may transfer incorporation**	**Article 317: Société pouvant transférer la constitution**
Ingingo ya 318: Gusaba iyimurwa ry'ishingwa	**Article 318: Application to transfer incorporation**	**Article 318: Demande de transfert de constitution**
Ingingo ya 319: Iyemera ry'abanyamigabane	**Article 319: Approval of shareholders**	**Article 319Approbation des actionnaires**
Ingingo ya 320: Itangazo rigenewe rubanda rikozwe n'isosiyete	**Article 320: Public notice by a company**	**Article 320: Avis public d'une société**
Ingingo ya 321: Amasosiyete yashingiwe cyangwa yanditswe mu Rwanda adashobora kwimura ishingwa ryayo	**Article 321: Companies incorporated or registered in Rwanda that cannot transfer incorporation**	**Article 321: Sociétés constituées ou enregistrées au Rwanda ne pouvant pas transférer la constitution**
Ingingo ya 322: Gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 322: Removal from the register of companies**	**Article 322: Radiation du registre des sociétés**
Ingingo ya 323: Inkurikizi zo gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 323: Effects of removal from the register of companies**	**Article 323: Effets de la radiation du registre des sociétés**
Ingingo ya 324: Abagenzuzi b'ibikorwa bashyizweho n'isosiyete y'inyamahanga	**Article 324: Inspectors appointed by a foreign company**	**Article 324: Inspecteurs nommés par une société étrangère**
UMUTWE WA XVI: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER XVI: FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS**	**CHAPITRE XVI: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**
Ingingo ya 325: Kutubahiriza inshingano yo kwandikisha igikorwa cy'ubucuruzi	**Article 325: Failure to comply with the obligation to register a business activity**	**Article 325: Non-respect de l'obligation de faire enregistrer une activité commerciale**

Ingingo ya 326: Kutagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko	**Article 326: Failure to keep the books that are required by this Law**	**Article 326: Défaut de tenir les livres prévus par la présente loi**
Ingingo ya 327: Kudatanga inyandiko ziteganywa n'iri tegeko	**Article 327: Failure to provide documents required by this Law**	**Article 327: Défaut de fournir les documents prévus par la présente loi**
Ingingo ya 328: Imenyekanisha ry'ibinyoma	**Article 328: False notice**	**Article 328: Faux avis**
Ingingo ya 329: Gutanga nkana inyandiko itari iy'ukuri	**Article 329: Knowingly submitting a false document**	**Article 329: Fournir intentionnellement un faux document**
Ingingo ya 330: Kwemeza ibaruramari ritujuje ibisabwa	**Article 330: Approval of non-compliant accounts**	**Article 330: Approbation des comptes non conformes**
Ingingo ya 331: Guhamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 331: Public invitation to subscribe for shares in a private company**	**Article 331: Invitation au public à la souscription d'actions dans une société privée**
Ingingo ya 332: Kudatanga raporo y'ibaruramari ry'umwaka, raporo y'abayobozi na raporo y'umugenzuzi w'imari	**Article 332: Failing to deliver annual accounts, directors' report and auditor's report**	**Article 332: Non transmission des comptes annuels, du rapport des administrateurs et du rapport de l'auditeur**
Ingingo ya 333: Kudatanga amakuru y'ugenewe umugabane	**Article 333: Non-disclosure of beneficial owner information**	**Article 333: Article 333 : Défaut de communication des informations du bénéficiaire**
Ingingo ya 334: Kwemeza amasezerano y'ikurikiranabwishyu atujuje ibisabwa	**Article 334: Approving a recourse agreement with no required conditions**	**Article 334: Approuver un accord relatif au recours sans conditions requises**

Ingingo ya 335: Kutandikisha ibikorwa by'isosiyete y'inyamahanga	**Article 335: Non-registration of a foreign company**	**Article 335: Non enregistrement d'une société étrangère**
Ingingo ya 336: Kutagaragaza izina rya sosiyete y'inyamahanga	**Article 336: Non-disclosure of foreign company's name**	**Article 336: Non divulgation du nom de la société étrangère**
Ingingo ya 337: Isubirakosa	**Article 337: Recidivism**	**Article 337 : Récidive**
Ingingo ya 338: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 338: Powers to impose administrative sanctions**	**Article 338: Pouvoirs d'imposition des sanctions administratives**
UMUTWE WA XVII: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER XVII: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE XVII: INFRACTIONS ET SANCTIONS**
Ingingo ya 339: Igihombo cyikururiwe cyoroshye	**Article 339: Simple fraudulent bankruptcy**	**Article 339: Faillite frauduleuse simple**
Ingingo ya 340: Ibikorwa bifatwa kimwe n'igihombo cyikururiwe cyoroshye	**Article 340: Acts which qualify as simple fraudulent bankruptcy**	**Article 340: Actes qualifiés de faillite frauduleuse simple**
Ingingo ya 341: Igihombo cyikururiwe gikomeye	**Article 341: Grave fraudulent bankruptcy**	**Article 341: Faillite frauduleuse grave**
Ingingo ya 342: Ibikorwa by'igihombo cyikururiwe gikozwe n'abayobozi b'isosiyeti itagishoboye kwishyura	**Article 342: Fraudulent actions by directors of an insolvent company related to bankruptcy**	**Article 342: Actes frauduleux commis par les administrateurs d'une société insolvable en rapport avec la faillite**
Ingingo ya 343: Gufata nabi ibitabo by'ibaruramari	**Article 343: Poor book-keeping**	**Article 343: Mauvaise tenue de livres**
Ingingo ya 344: Kwanga gutanga amakuru	**Article 344: Refusal to provide information**	**Article 344: Refus de fournir les**

y'isosiyete yashyizwe mu izahurwa ry'ubucuruzi	**about an insolvent company**	**informations sur une société insolvable**
Ingingo ya 345: Kutagaragaza nyir'umutungo nyawe cyangwa kwigira ubereyemo umwenda abandi	**Article 345: Concealment of real owner of property or pretending to be a debtor**	**Article 345: Dissimulation du propriétaire réel des biens ou prétendre être un débiteur**
Ingigo ya 346: Gusiba cyangwa guhisha umutungo mu buriganya bigamije kurengera uwahombye	**Article 346: Removal or fraudulent concealment of assets in favour of the bankrupt**	**Article 346: Retrait ou dissimulation frauduleuse des biens au bénéfice du failli**
Ingingo ya 347: Gukorana uburiganya n'uwahombye	**Article 347: Fraudulent dealings with a bankrupt**	**Article 347: Transactions frauduleuses avec un failli**
Ingingo ya 348: Kunyuranya n'icyemezo cy'urukiko cyambura ububasha	**Article 348: Contradicting a disqualification order**	**Article 348: Contredire une décision de déchéance**
Ingingo ya 349: Imikoreshereze mibi n'iyonona by'umutungo w'isosiyete	**Article 349: Misuse and destruction of company's property**	**Article 349: Abus et destruction des biens de la société**
Ingingo ya 350: Gukora imirimo y'ubucuruzi mu buriganya	**Article 350: Carrying on business fraudulently**	**Article 350: Exercice frauduleux des activités commerciales**
Ingingo ya 351: Ibikorwa by'uburiganya bikozwe n'ugize inama y'ubutegetsi	**Article 351 : Fraudulent acts committed by a director**	**Article 351: Actes frauduleux commis par un administrateur**
Ingingo ya 352: Gutanga amakuru ku migabane atari ukuri	**Article 352: Disclosing false information on shares**	**Article 352: Divulgation de fausses informations sur les actions**
Ingingo ya 353: Gutanga amakuru ashobora kubangamira ipereereza	**Article 353: Disclosing information that may jeopardise investigation**	**Article 353: Divulgation d'informations susceptibles de compromettre l'enquête**

UMUTWE WA XVIII: INGINGO ZINYURANYE IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER XVIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE XVIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 354: Icyemezo cy'uko isosiyete ihagaze	**Article 354: Certificate of current standing**	**Article 354: Certificat de situation actuelle**
Ingingo ya 355: Agaciro k'ibyakozwe	**Article 355: Validity of acts performed**	**Article 355: Validité des actes accomplis**
Ingingo ya 356: Ibikorwa bijyanye n'imanza zatangiye	**Article 356: Acts relating to ongoing proceedings**	**Article 356: Actes relatifs aux procès en cours**
Ingingo ya 357: Itegeko rikurikizwa ku byerekeye kubika ibitabo n'amafaranga	**Article 357: Law applicable to the keeping of registers and funds**	**Article 357: Loi applicable en matière de tenue des registres et des fonds**
Ingingo ya 358: Kurangiza imirimo y'isesa ryatangiye	**Article 358: Continuing the dissolution process**	**Article 358: Continuité de la procédure de dissolution**
Ingingo ya 359: Igihe ntarengwa cyo guhuza imirimo y'isosiyete n'iri tegeko	**Article 359: Deadline for conforming a company's business to the provisions of this Law**	**Article 359: Délai de conformité des activités d'une société aux dispositions de la présente loi**
Ingingo ya 360: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 360: Repealing provision**	**Article 360: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 361: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 361: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 361: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 362: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 362: Commencement**	**Article 362: Entrée en vigueur**
ITEGEKO N° 007/2021 RYO KU WA	**LAW N° 007/2021 OF 05/02/2021**	**LOI N° 007/2021 DU 05/02/2021**

05/02/2021 RIGENGA AMASOSIYETE Y'UBUCURUZI	**GOVERNING COMPANIES**	**RÉGISSANT LES SOCIÉTÉS COMMERCIALES**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 22 Mutarama 2021;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 22 January 2021;	La Chambre des Députés, en sa séance du 22 janvier 2021;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122 et 176 ;
Isubiye ku Itegeko no 17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi;	Having reviewed Law n° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies;	Revu la Loi n° 17/2018 du 13/04/2018 régissant les sociétés commerciales ;

YEMEJE:	ADOPTS:	ADOPTE :
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi.	This Law governs companies.	La présente loi régit les sociétés commerciales.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2: Définitions**
Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:	As used in this Law, the following terms have the meanings assigned to them below:	Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :
1° **ababerewemo umwenda n'isosiyete:** ku birebana n'igice cy'isosiyete, hakubiyemo ababerewemo imyenda bariho ubu, abo mu gihe kizaza n'abashobora kuba bo;	1° **creditors:** in relation to a protected cell company, includes present, future and contingent creditors;	1º **créanciers :** par rapport à une société à cellules protégées, comprennent les créanciers présents, futurs et éventuels ;
2° **ibaruramari ngarukamwaka ry'isosiyete:** raporo ishingiye ku iyegeranyamutungo ry'isosiyete imwe cyangwa itsinda ry'amasosiyete hagamijwe kugaragaza ko habaye inyungu cyangwa igihombo;	2° **annual accounts**: a report that consists of a consolidated balance sheet of a company or group of companies that is designed to show profits earned or losses incurred;	2º **comptes annuels**: rapport consistant en un bilan consolidé d'une société ou d'un groupe de sociétés et qui fait état des bénéfices ou des pertes ;
3° **icyicaro:** ahantu, haba inyubako cyangwa aderesi y'ikoranabuhanga, hashyirwa	3° **registered office:** a location in the form either of a building facility or of	3º **siège social:** emplacement sous forme soit de bâtiment, soit d'adresse

ubutumwa n'imenyesha bigezwa ku isosiyete;	an electronic address at which communications and notices to the company are served;	électronique, auquel les communications et notifications à la société sont signifiées;
4° **icyiciro cy'imigabane:** itsinda ry'imigabane ritanga uburenganzira bungana ku bayitunze;	4° **class of shares:** group of shares that issues to shareholders identical rights;	4º **catégorie d'actions:** groupe d'actions qui confère aux actionnaires des droits identiques ;
5° **igabana:** igikorwa cy'itangwa ry'amafaranga cyangwa undi mutungo gikozwe na sosiyete ku banyamigabane bayo, uretse imigabane bwite ya sosiyete;	5° **distribution:** an act of transfer of money or other property by a company to its shareholders, except the company's own shares;	5º **distribution :** acte de transfert de fonds ou d'autres biens par une société au profit de ses actionnaires, à l'exception des actions propres de la société;
6° **igice cy'isosiyete:** igice cyavutse giturutse ku isosiyete kirinzwe mu rwego rw'amategeko hagamijwe gutandukanya no kurinda umutungo wagenewe icyo gice cy'isosiyete mu buryo buteganyijwe n'iri tegeko;	6° **cell:** a cell created by a protected cell company for the purpose of segregating and protecting cellular assets in the manner provided by this Law;	6º **cellule :** cellule créée par une société à cellules protégées dans le but de séparer et de protéger les actifs cellulaires de la manière prévue par la présente loi ;
7° **igihe cy'ibaruramari:** igihe cy'umwaka, cyangwa ikindi gihe cyemejwe na sosiyete kirangira ku itariki fatizo y'ibaruramari yemejwe n'isosiyete;	7° **accounting period:** a period consisting of one year or any other period determined by a company ending on an accounting reference date of a company;	7º **exercice comptable:** période d'un an ou toute autre période fixée par une société qui se clôture à une date de référence comptable d'une société commerciale ;
8° **igitabo cy'abanyamigabane:** igitabo cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga kigaragaza amazina y'abanyamigabane b'isosiyete n'imigabane yabo ndetse n'ibindi biteganywa n'iri tegeko;	8° **register of shareholders:** a company's register that exists in either paper or electronic form that provides information as to its shareholders' names and their shareholdings and such other particulars as provided by	8º **registre des actionnaires:** registre d'une société commerciale sous format papier ou électronique qui contient des informations sur les noms et les participations de ses actionnaires et autres renseignements prévus par la

	this Law;	présente loi;
9° **igitabo cy'amasosiyete:** igitabo cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bibikwa n'Umwanditsi Mukuru byandikwamo ibintu byose by'isosiyete biteganywa n'iri tegeko cyangwa andi mategeko;	9° **register of companies:** a register or any other electronic record kept by the Registrar General, into which all the matters concerning the company that are prescribed under this Law or other Laws are entered;	9º **registre des sociétés:** registre ou autre document électronique tenu par le Registraire général, dans lequel sont inscrites toutes les données sur une société commerciale prescrites par la présente loi ou d'autres lois;
10° **igitabo cy'inyungu bwite:** igitabo giteganyirizwa kwandikwamo amakuru y'abayobozi n'abanyamigabane bafite ubwiganze bw'imigabane bafite inyungu bwite mu bikorwa by'ubucuruzi by'isosiyete;	10° **register of interests:** a register used to record information on directors and controlling shareholders whose interests conflict with the company's business;	10º **registre d'intérêts:** registre servant à enregistrer des informations sur les administrateurs et les actionnaires majoritaires dont les intérêts entrent en conflit avec les activités commerciales de la société;
11° **ikirego kiziguye:** ikirego gitanzwe n'umunyamigabane w'isosiyete biturutse ku burenganzira bwo kurega bw'isosiyete kandi gitanzwe mu izina ry'isosiyete kugira ngo irenganurwe mu gihe ababifite mu nshingano batabikoze;	11° **derivative action:** a claim brought by a shareholder of a company in respect of a cause of action vested in the company and seeking relief on behalf of the company in case those responsible fail to do so;	11º **action oblique**: recours intenté, en cas de défaut par ceux qui en sont responsables de le faire, par un actionnaire d'une société commerciale à l'égard d'un droit d'action reconnu à la société et visant à obtenir réparation au nom de la société;
12° **imari shingiro y'igice cy'isosiyete:** umusaruro wavuye mu itangwa ry'imigabane y'igice cy'isosiyete;	12° **cell share capital:** the proceeds of issue of cell shares;	12º **capital social cellulaire :** produit de l'émission des actions cellulaires;
13° **imigabane y'igice cy'isosiyete:** imigabane yashinzwe igatangwa n'isosiyete ifite ibice birinzwe mu rwego rw'amategeko irebana na kimwe mu bice	13° **cell shares:** shares created and issued by a protected cell company in respect of one of its cells, the proceeds of the issue of which (the "cell share capital")	13º **actions cellulaires :** actions créées et émises par une société à cellules protégées à l'égard de l'une de ses cellules, dont le produit de l'émission

byayo, umusaruro uturuka mu itangwa ry'iyo migabane (witwa "imari shingiro y'igice cy'isosiyete") ukabarirwa mu mutungo ugenerwa icyo gice cy'isosiyete;	are comprised in the cellular assets attributable to that cell;	(le « capital social cellulaire ») est compris dans les actifs cellulaires attribuables à cette cellule ;
14° **inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane:** inama ishobora guterana igihe cyose bibaye ngombwa;	14° **shareholders' extraordinary meeting:** a meeting which may be held whenever necessary;	14º **assemblée extraordinaire des actionnaires:** réunion qui peut se tenir chaque fois que de besoin;
15° **inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane:** inama y'Abanyamigabane iterana buri mwaka hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;	15° **shareholders' annual meeting:** the meeting of shareholders held every year in accordance with the provisions of this Law;	15º **assemblée annuelle des actionnaires:** réunion des actionnaires tenue chaque année conformément aux dispositions de la présente loi;
16° **intumwa bwite:** umuntu uhagararira umunyamigabane wapfuye kandi akagira uburenganzira nk'ubw'uwo ahagarariye;	16° **personal representative:** a person representing a deceased shareholder and entitled to such rights as those of the person he or she represents;	16º **représentant successoral:** personne représentant un actionnaire décédé et jouissant des mêmes droits que la personne qu'elle représente;
17° **inyandiko igenewe rubanda:** inyandiko yatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa mu kindi kinyamakuru gisomwa cyane mu Gihugu cyangwa ku bundi buryo bw'ikoranabuhanga;	17° **public notice:** a notice published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda or any other newspaper which has the largest circulation in the country or through any other electronic means;	17º **avis public:** avis publié au Journal officiel de la République du Rwanda ou dans un autre journal ayant la plus grande diffusion dans le pays ou par tout autre moyen électronique;
18° **inyandiko ngarukamwaka ku makuru y'isosiyete:** inyandiko ishyikirizwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru ikubiyemo amakuru yerekeye sosiyete harimo abanyamigabane, abagize Inama y'Ubutegetsi, imari shingiro, icyicaro cya	18° **annual return:** a yearly statement filed with the Registrar General that contains information about a company including details about shareholders, directors, capital, registered office, liabilities and balance sheet;	18º **déclaration annuell**e: déclaration déposée chaque année auprès du Registraire général et qui contient des renseignements sur une société, notamment les détails sur les actionnaires, les administrateurs, le

sosiyete imyenda n'ifoto y'umutungo;		capital social, le siège social, le passif et le bilan;
19° **inyandiko yabugenewe:** inyandiko iteganywa n'Iteka rya Minisitiri cyangwa amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ikubiyemo ikanomekwaho amakuru n'inyandiko byasabwa n'iryo teka cyangwa amabwiriza;	19° **prescribed form:** a form prescribed by an Order of the Minister or instructions of the Registrar General and containing and having attached such information and documents as such Order or instructions may require;	19º **formulaire prescrit:** formulaire prescrit par arrêté du Ministre ou des instructions du Registraire général contenant et ayant en annexe les informations et les documents pouvant être requis par ledit arrêté ou ces instructions;
20° **inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete:** amategeko shingiro cyangwa inyandiko y'ubwumvikane bwo gushinga isosiyete cyangwa byombi n'icyahindurwa kuri izo nyandiko;	20° **incorporation documents:** articles of association or memorandum of association or both and any subsequent alteration thereof;	20º **documents constitutifs:** statuts ou mémorandum d'association ou les deux et toute modification ultérieure qui y est apportée;
21° **inyungu ku mugabane w'igice cy'isosiyete:** inyungu ku mugabane yishyurwa n'isosiyete ifite ibice birinzwe mu rwego rw'amategeko iturutse ku migabane y'igice cy'isosiyete;	21° **cellular dividend:** a dividend payable by a protected cell company in respect of cell shares;	21º **dividende cellulaire :** dividende payable par une société à cellules protégées au titre des actions cellulaires ;
22° **inyungu ku mugabane:** umubare w'amafaranga isosiyete igenera abanyamigabane bayo ku buryo ngarukagihe, aturutse ku nyungu zayo;	22° **dividend:** a sum of money paid regularly by a company to its shareholders out of its profits;	22º **dividende**: somme d'argent versée régulièrement par une société à ses actionnaires à partir de ses bénéfices;
23° **ishingwa ry'isosiyete:** uburyo buteganywa n'itegeko bukurikizwa kugira ngo isosiyete ishyirweho kandi ibone ubuzima gatozi butandukanye	23° **incorporation**: a legal process used for a company to be formed and have legal personality separate from that of its owners;	23º **constitution d'une société commerciale:** procédure légale utilisée pour qu'une société commerciale soit créée et jouisse d'une

n'abayishinze;		personnalité juridique distincte de celle de ses propriétaires;
24° **isosiyete ibumbye ibice birinzwe:** isosiyete imwe ifite ubuzimagatozi ariko igabanyijwemo ibice ku buryo mu rwego rw'amategeko buri gice kigira umutungo n'imyenda byihariye bitandukanye n'iby'ibindi bice;	24° **protected cell company**: a company in which a single legal entity consists of a core linked to several cells, each with separate assets and liabilities;	24º **société à cellules protégées :** société créée sous la forme d'une entité juridique unique constituée d'un noyau lié à plusieurs cellules dont chacune dispose de ses propres actifs et passifs;
25° **isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane n'ubugarukira ku ngwate:** isosiyete igizwe n'abanyamigabane bagira uburyozwe bugarukira ku mubare w'amafaranga bishyuye cyangwa batarishyura ku migabane bayifitemo cyangwa abayigize bakaba bafite uburyozwe bugarukira ku mubare w'amafaranga biyemeje gushyira mu mutungo wayo igihe isheshwe;	25° **company limited by shares and by guarantee:** a company in which liabilities of the shareholders are limited to paid or unpaid amount on their shares, there may also limited by guarantee, where liabilities of members are limited to the amount that the members undertake to contribute to the assets of the company in case of winding up;	25º **société à responsabilité limitée par actions et par garantie :** société dans laquelle la responsabilité des actionnaires se limite au montant libéré ou non libéré de leurs actions, et peut également être limitée par garantie, lorsque la responsabilité des membres se limite au montant que ces derniers s'engagent à apporter à l'actif de cette société en cas de dissolution ;
26° **isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane:** isosiyete ifite abanyamigabane bagira uburyozwe bugarukira ku mubare w'amafaranga bishyuye cyangwa batarishyura ku migabane bayifitemo;	26° **company limited by shares**: a company in which the liability of its shareholders is limited to the amount paid or unpaid on the shares held by them;	26º **société à responsabilité limitée par actions :** société dans laquelle la responsabilité des actionnaires se limite au montant libéré ou non libéré de leurs actions;
27° **isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate:** isosiyete ikoreshwa akenshi ku miryango idaharanira inyungu ifite abayigize bagira uburyozwe bugarukira ku mubare w'amafaranga bumvikanyeho;	27° **company limited by guarantee**: a company used primarily for non-profit organizations and having the liability of its members limited to the amount as the members may agree;	27º **société à responsabilité limitée par garantie :** type de société utilisée principalement pour les organisations à but non lucratif et dans laquelle la responsabilité des membres se limite

		au montant qu'ils peuvent convenir entre eux ;
28° **isosiyete ifite uburyozwe busesuye:** isosiyete ifite abanyamuryango cyangwa abanyamigabane bagira uburyozwe buteganywa n'amategeko butagarukira gusa ku migabane bafite mu isosiyete ahubwo bakaba bafatanya kwishyura imyenda yose y'isosiyete ishobora kuvuka;	28° **unlimited company:** a company for which the legal liability of its members or shareholders is not limited, where all members or shareholders have total and joint liability to cover all contingent debts;	28º **société à responsabilité illimitée :** société dans laquelle la responsabilité légale des membres ou des actionnaires demeure illimitée, à tel point que tous les membres ou actionnaires sont totalement et solidairement responsables de rembourser toutes ses dettes éventuelles ;
29° **isosiyete remezo:** igice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe ukuyemo ibice by'isosiyete byayo;	29° **core:** the protected cell company excluding its cells;	29º **noyau :** société à cellules protégées sans ses cellules ;
30° **isosiyete y'inyamahanga**: isosiyete itarashingiwe mu Rwanda ariko ifite ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda;	30° **foreign company:** a company incorporated outside Rwanda but which is carrying on business in Rwanda;	30º **société commerciale de droit étranger:** société commerciale constituée à l'extérieur du Rwanda mais qui exerce ses activités au Rwanda ;
31° **isosiyete yita ku nyungu za rubanda:** isosiyete ifite intego y'ibanze yo kugira uruhare mu mibereho myiza y'abaturage ikora ku buryo igice cy'inyungu gishorwa mu bindi bikorwa by'ubucuruzi cyangwa mu baturage hagamijwe kugera kuri iyo ntego aho guharanira kongera inyungu ku banyamigabane cyangwa kuri ba nyirayo;	31° **community benefit company:** a company with primary social objectives whose surpluses are re-invested, for that purpose, in the business or in the community rather than being driven by the need to maximise profit for its shareholders or owners;	31º **société d'intérêt communautaire :** société ayant essentiellement des objectifs sociaux et dont les surplus sont réinvestis en fonction de ces objectifs dans l'activité elle-même ou dans la communauté, plutôt que d'être axée sur le besoin de maximiser les profits pour ses actionnaires ou propriétaires ;

32° itangwa ry'imigabane: igikorwa cyo guha umuntu uburenganzira busesuye bwo kwandikwaho imigabane ye mu gitabo cy'abanyamigabane;	**32° allotment of shares**: an act by which a person acquires the unconditional right to be included in the register of shareholders in respect of shares;	**32º attribution d'actions**: acte par lequel une personne acquiert, à l'égard de ses actions, le droit inconditionnel d'être inscrite au registre des actionnaires;
33° itariki fatizo y'ibaruramari: itariki yemezwa na sosiyete ko aricyo gihe ihagarikiraho ibaruramari ryayo;	**33° accounting reference date**: a date adopted by a company on which such a company's accounts are closed;	**33º date de référence comptable:** date adoptée par la société commerciale pour marquer la période de clôture de ses comptes;
34° itsinda ry'amasosiyete: isosiyete nkuru n'andi masosiyete yose ayishamikiyeho;	**34° group of companies:** a holding company and all its subsidiaries;	**34º groupe de sociétés commerciales**: une société mère et toutes ses filiales;
35° kugaragaza ubushobozi bwo kwishyura:	**35° solvency test:**	**35º test de solvabilité:**
Isosiyete iba ifite ubushobozi bwo kwishyura iyo:	a company satisfies the solvency test when:	une société satisfait au test de solvabilité lorsque :
a) ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo igeze igihe cy'ubwishyu nta bukerererwe bubayeho kandi nta gihungabanyije imirimo isanzwe y'ubucuruzi;	a) it is able to pay its debts as they fall due in the normal course of business;	a) elle est en mesure de payer ses dettes à leur échéance dans le cours normal des affaires ;
b) umutungo wayo uva ku byinjira uruta agaciro k'imyenda isosiyete irimo n'ay'imari shingiro yatanzwe, yaba imyenda iriho cyangwa indi;	b) the realizable value of the company's assets is greater than the aggregate of the present value of its liabilities, whether contingent or otherwise;	b) la valeur réalisable des actifs de la société commerciale est supérieure au total de la valeur actuelle de son passif, qu'il soit éventuel ou autre;

36° Minisitiri: Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano;	**36° Minister:** the Minister in charge of trade;	**36º Ministre**: Ministre ayant le commerce dans ses attributions;
37° uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi: uburenganzira buhabwa abanyamigabane bwo kugenerwa indi migabane iri mu rwego rumwe n'imigabane bafite cyangwa mu rwego rwisumbuye, yaba yerekeranye n'uburenganzira bwo gutora cyangwa uburenganzira bwo kugabana, cyangwa byombi, mu buryo bigumishaho uburenganzira mu gutora no mu kugabana mu gihe byemewe;	**37° pre-emption rights:** shareholders' rights to be offered any further allotment of shares which rank equally with or prior to existing shares, whether as to voting or distribution rights, or both, in such a manner and on such terms as would if accepted, preserve their relative voting and distribution rights;	**37º droits de préemption:** droits des actionnaires de se voir attribuer de nouvelles actions de rang égal ou supérieur au rang de leurs actions existantes, soit quant aux droits de vote ou de distribution, ou les deux, selon les modalités et les conditions qui, une fois acceptées, laissent intacts les droits de vote et de distribution y afférents ;
38° ugize Inama y'Ubutegetsi: umuntu uri mu Nama y'Ubutegetsi, yaba umunyamigabane cyangwa utariwe washyizweho n'abanyamigabane kugira ngo akurikirane imicungire y'isosiyete**;**	**38° director:** a member of the Board of Directors, whether a shareholder or not, being appointed by shareholders to make follow-up on the management of a company;	**38º administrateur:** membre du Conseil d'administration, qu'il soit ou non actionnaire, nommé par les actionnaires pour faire le suivi de la gestion d'une société commerciale;
39° umubare wihariye uranga isosiyete: umubare Umwanditsi Mukuru agenera isosiyete mu gihe cy'ishingwa ryayo;	**39° company's registered code:** a number that is allocated to a company by the Registrar General upon its incorporation;	**39º code enregistré d'une société commerciale:** numéro attribué à une société commerciale par le Registraire Général lors de sa constitution;
40° umugabane nguzanyo: inyandiko yanditse yemeza ko ubu cyangwa mu gihe kizaza isosiyete ibereyemo undi	**40° debenture:** a written acknowledgement of indebtedness issued by a company in respect of a	**40º obligation**: reconnaissance écrite de dette établie par une société en raison d'un prêt accordé ou à accorder à cette

muntu umwenda cyangwa se ko hari undi yawufatiye. Iyo nyandiko ishobora guhabwa umuntu yemeza ko hari amafaranga yakiriwe cyangwa azakirwa n'isosiyete cyangwa n'undi muntu, cyangwa se yemeza umwenda w'isosiyete cyangwa w'undi muntu/ishyirahamwe, ko iyo nyandiko ari cyangwa atari ingwate ku mutungo w'isosiyete;	loan made or to be made to it or to any other person or money deposited or to be deposited with the company or any other person or the existing indebtedness of the company or any other person whether constituting a charge on any of the assets of the company or not;	dernière ou à toute autre personne ou de fonds déposés ou à déposer auprès de la société ou de toute autre personne ou de la dette existante de la société ou de toute autre personne, qu'elle constitue ou non une charge grevant l'un des actifs de la société ;
41° umugabane wakwisubizwa: umugabane isosiyete ishobora kwigarurira ku kiguzi nk'uko biteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete mu gihe kigenwe**;**	**41° redeemable share:** a share that can be bought back by a company at a predetermined price and at a specified time as set out in the company's incorporation documents;	**41º action rachetable:** action que la société commerciale peut racheter à un prix déterminé d'avance et à un moment déterminé prévus dans ses documents constitutifs;
42° umugabane: agace k'imari shingiro gahabwa buri munyamigabane cyangwa isosiyete ubwayo;	**42° share**: one of the equal parts of a company's share capital issued to every shareholder or the company itself;	**42º action:** une des parts égales du capital social d'une société reconnues à chaque actionnaire ou à la société elle-même ;
43° umunyamigabane: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi bafite izina ryanditse mu gitabo cy'imigabane kandi bafite nibura umugabane umwe mu isosiyete;	**43° shareholder**: an individual or corporation whose name is entered in the shareholders' register and that owns at least one share of a company's stock;	**43º actionnaire:** personne physique ou morale dont le nom est inscrit au registre des actionnaires comme étant détenteur d'au moins une action dans une société;
44° umunyamigabane ufite imigabane myinshi: umunyamigabane ufite hejuru ya mirongo itanu ku ijana (50%) by'amajwi mu itora;	**44° controlling shareholder:** a shareholder that controls more than fifty percent (50%) of the voting interests in the company;	**44º actionnaire majoritaire**: actionnaire qui détient plus de cinquante pour cent (50%) des actions assorties d'un droit de vote dans une société;

45° umunyamuryango: umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi bafite izina ryanditse mu gitabo cy'ingwate kandi iyo ngwate ikaba igaragaza umubare w'amafaranga agomba gutangwa iyo isosiyete yananiwe kwishyura abo ibereyemo imyenda;	**45° member:** an individual or corporation whose name is entered in the register of guarantees that specifies the amount they have to pay in the event of the company's inability to pay its creditors;	**45º membre:** personne physique ou morale dont le nom est inscrit au registre des garanties et précisant le montant qu'elle doit payer en cas d'insolvabilité de la société;
46° umutungo utari uw'igice cy'isosiyete cyangwa umutungo remezo: ku birebana n'igice cy'isosiyete kirinzwe mu rwego rw'amategeko, umutungo w'isosiyete utari uw'igice cy'isosiyete;	**46° non-cellular assets or "the core":** in relation to a protected cell company, the assets of the company which are not cellular assets;	**46º actifs non cellulaires ou «actifs du noyau » :** par rapport à une société à cellules protégées, les actifs de la société qui ne sont pas des actifs cellulaires ;
47° umutungo usagutse: umutungo w'isosiyete usigaye nyuma yo kwishyura ababerewemo imyenda bose, ukaba ugomba gusaranganywa hakurikijwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko, mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete;	**47° surplus assets:** assets of a company remaining after the payment of all creditors' claims and available for distribution in accordance with the company's incorporation documents and this Law, prior to the company's removal from the register of companies;	**47º excédent d'actif**: actif de la société commerciale restant après désintéressement de l'ensemble des créanciers et disponibles aux fins de distribution conformément aux documents constitutifs de la société commerciale et de la présente loi, avant que cette société ne soit radiée du registre des sociétés commerciales;
48° umutungo w'igice cy'isosiyete: umutungo w'isosiyete ufitwe n'ibice by'iyo sosiyete;	**48° cellular assets:** assets of the company attributable to the company's cells;	**48º actifs cellulaires :** actifs de la société attribuables à ses cellules;
49° Umwanditsi Mukuru: umuyobozi mu	**49° Registrar General:** a public service	**49º Registraire général:** cadre au sein de

rwego rwa Leta ufite mu nshingano ze gutanga ubuzimagatozi ku masosiyete y'ubucuruzi no gukurikirana imikorere yayo;	executive in charge of granting legal personality to companies and monitoring the functioning of companies;	la fonction publique chargé de l'octroi de la personnalité juridique aux sociétés et du suivi du fonctionnement de ces dernières;
50° umwanditsi w'isosiyete: umukozi wa sosiyete washyizweho n'urwego rubifitiye ububasha ufite mu nshingano kureba ko ibikorwa bya sosiyete bikurikiza ibiteganywa n'amategeko;	**50° company secretary**: a company's employee appointed by a competent authority and responsible, among other things, for ensuring that the company's business activities comply with the legal provisions;	**50º secrétaire de la société**: employé de la société commerciale nommé par l'autorité compétente et chargé notamment de s'assurer de la conformité des activités commerciales de la société aux dispositions légales;
51° umwanzuro udasanzwe: umwanzuro w'abanyamigabane ufatwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete ufatwa ku bwiganze bwa mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'amajwi y'abanyamigabane batoye cyangwa ku bwiganze buri hejuru buvugwa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete bw'amajwi y'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora kuri icyo kibazo kandi batoye, cyangwa se utowe n'abanyamigabane bose mu gihe bivugwa mu nyandiko y'ishingwa ry'isosiyete;	**51°** a shareholders' resolution which, by virtue of this Law or by the company's incorporation documents, is passed by a majority of seventy-five percent (75%) or such higher majority as may be specified in the company's incorporation documents of the votes of shareholders entitled to vote and voting on the question, or passed by all shareholders if so specified in the company's incorporation documents;	**51º résolution spéciale:** résolution des actionnaires adoptée en vertu de la présente loi ou des documents constitutifs d'une société commerciale par une majorité de soixante-quinze pourcent (75%) ou plus selon que le stipulent les documents constitutifs de la société, des voix des actionnaires ayant un droit de vote et votant sur la question, ou adoptée par tous les actionnaires s'il est ainsi stipulé dans les documents constitutifs d'une société commerciale;
52° umwanzuro usanzwe : umwanzuro wafashwe ku bwiganze busanzwe bw'amajwi y'abanyamigabane bafite	**52° ordinary resolution:** a decision taken by a simple majority of the votes of those shareholders entitled to vote on	**52º résolution ordinaire:** décision prise à la majorité simple des voix des actionnaires ayant le droit de voter sur

uburenganzira bwo gutora ku kibazo kiri ku murongo w'ibyigwa, hakurikijwe ibiteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko ;	an agenda item subject to the company's incorporation documents and this Law;	un point inscrit à l'ordre du jour sous réserve des dispositions des documents constitutifs de la société commerciale et de la présente loi;
53° **umwanzuro wumvikanyweho na bose:** icyemezo cyafashwe n'abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo gutora ku kibazo cyasuzumwe, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	53° **unanimous resolution:** a resolution which has the assent of all shareholders entitled to vote on the matter which is the subject of the resolution, by virtue of this Law or the company's incorporation documents;	53º **résolution unanime:** résolution adoptée par tous les actionnaires ayant le droit de voter sur la question faisant l'objet de résolution, en vertu de la présente loi ou des documents constitutifs d'une société commerciale ;
54° **urwego rw'ubugenzuzi:** Banki Nkuru y'u Rwanda, Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane cyangwa urundi rwego ruhabwa n'itegeko ububasha bwo kugenzura imikorere y'amasosiyete.	54° **regulator:** the National Bank of Rwanda, the Capital Market Authority or any other organ with the legal authority to regulate the operation of companies.	54º **régulateur :** Banque nationale du Rwanda, Office des marchés de capitaux ou tout autre organe légalement habilité à règlementer l'activité des sociétés.
UMUTWE WA II: ISHINGWA RY'ISOSIYETE, UBUSHOBOZI N'IMIKORERE BYAYO	**CHAPTER II: INCORPORATION, CAPACITY AND FUNCTIONING OF A COMPANY**	**CHAPITRE II : CONSTITUTION, CAPACITÉ ET FONCTIONNEMENT D'UNE SOCIÉTÉ**
Icyiciro cya mbere: Ishingwa ry'isosiyete	**Section One: Incorporation**	**Section première : Constitution d'une société**
Ingingo ya 3: Ishingwa ry'isosiyete	**Article 3: Incorporation**	**Article 3 : Constitution d'une société**
Umuntu umwe cyangwa benshi bashobora gushinga isosiyete bashyira hamwe umutungo	One or more persons may form a company by pooling together resources or services for	Une ou plusieurs personnes peuvent créer une société en mettant des ressources ou des

cyangwa imirimo mu gikorwa cy'ubucuruzi bakabigaragaza buzuza inyandiko yabugenewe itegurwa n'Umwanditsi Mukuru hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko	business purposes and filling out a prescribed form developed by the Registrar General in accordance with the provisions of this Law.	services en commun en vue d'une activité commerciale qui est attestée par le remplissage d'un formulaire prescrit élaboré par le Registraire général conformément aux dispositions de la présente loi.
Ingingo 4: Intego y'isosiyete	**Article 4: Company's objective**	**Article 4 : Objectif de la société**
Isosiyete iyo ari yo yose ifatwa nk'ifite intego y'ubucuruzi.	Every company is considered to be established for commercial purposes.	Toute société est considérée comme étant constituée à des fins commerciales.
Ingingo ya 5: Ibyiciro by'amasosiyete	**Article 5: Categories of companies**	**Article 5 : Catégories de sociétés**
Isosiyete iyo ari yo yose ishingwa hakurikijwe kimwe mu byiciro bikurikira: 1° isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane; 2° isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	Every company is formed on the basis of any of the following categories: 1° private company; 2° public company.	Toute société est constituée sur base de l'une des catégories suivantes : 1° société privée; 2° société publique.
Ingingo ya 6: Ibisabwa by'ibanze mu ishingwa ry'isosiyete	**Article 6: Essential requirements for incorporation of a company**	**Article 6 : Conditions essentielles pour la constitution d'une société**
Buri sosiyete ishingwa ari uko yujuje iby'ibanze bikurikira: 1° kuba ifite izina; 2° kuba ifite umwe cyangwa benshi mu ba	A company is incorporated if it fulfils the following essential requirements: 1° having a name; 2° having one or more shareholders;	Une société commerciale est constituée si elle remplit les conditions essentielles suivantes : 1° avoir un nom ; 2° avoir un ou plusieurs actionnaires;

nyamigabane; 3° iyo ari isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane, kugaragaza umugabane umwe cyangwa myinshi; 4° kuba ifite ugize inama y'ubutegetsi umwe cyangwa barenga, aho byibuze umwe muri bo agomba kuba atuye mu Rwanda. Iyo abantu babiri (2) cyangwa barenga bafatanyije umugabane umwe cyangwa myinshi bafatwa nk'umunyamigabane umwe.	3° in the case of a company limited by shares, having one or more shares; 4° having one or more directors, at least one of whom must be ordinarily resident in Rwanda. Where two (2) or more persons jointly hold one or more shares, such persons are treated as a single shareholder.	3° dans le cas d'une société limitée par actions, avoir une ou plusieurs actions ; 4° avoir un ou plusieurs administrateurs, dont un au moins doit avoir sa résidence habituelle au Rwanda. Lorsque deux (2) ou plusieurs personnes détiennent conjointement une ou plusieurs actions, elles sont considérées comme un seul actionnaire.
<u>Ingingo ya 7:</u> Iby'ibanze bisabwa isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ishingwa ari uko yujuje iby'ibanze bikurikira: 1° izina riherukwa n'amagambo "Private Limited Company" cyangwa impine "Ltd"**;** 2° umugabane umwe cyangwa myinshi itanga uburenganzira bwo guhererekanywa bufite aho bugarukira; 3° umunyamigabane umwe cyangwa	**<u>Article 7:</u> Essential requirements for a private company** A private company is incorporated if it fulfils the following essential requirements: 1° having a name, ending with the words "Private limited company" or the letters "Ltd"; 2° having one or more shares with restricted rights of transfer; 3° having one or more shareholders with	**<u>Article 7 :</u> Conditions essentielles applicables à une société privée** Une société privée ne peut être constituée que lorsqu'elle remplit les conditions essentielles suivantes : 1° avoir une dénomination qui se termine par les mots « Private limited company» ou les lettres « Ltd»; 2° avoir une ou plusieurs actions avec droits limités de cession; 3° avoir un ou plusieurs actionnaires

abanyamigabane benshi bafite uburyozwe busesuye cyangwa buhinnye;	unlimited or limited liability;	dont la responsabilité est illimitée ou limitée;
4° ugize Inama y'Ubutegetsi umwe cyangwa benshi barimo nibura umwe ugomba kuba aba mu Rwanda mu buryo buhoraho;	4° having one or more directors of whom at least one must be ordinarily resident in Rwanda;	4° avoir un ou plusieurs administrateurs dont un au moins doit avoir sa résidence habituelle au Rwanda ;
5° kugira inyandiko z'ishingwa ryayo.	5° having incorporation documents.	5° disposer des documents constitutifs.
<u>Ingingo ya 8</u>: Ibiranga isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**<u>Article 8:</u> Characteristics of a private company**	**<u>Article 8 :</u> Caractéristiques d'une société privée**
Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane irangwa n'ibi bikurikira:	A private company has the following characteristics:	Les caractéristiques d'une société privée sont les suivantes :
1° kugabanya uburenganzira bwo guhererekanya imigabane cyangwa imigabane nguzanyo;	1° restricting the right to transfer its shares or debentures;	1° restreindre le droit de cession des actions ou des obligations;
2° kutarenza abanyamigabane ijana (100), ariko hatabariwemo abanyamigabane bayikorera cyangwa abigeze kuyikorera;	2° limiting the number of its shareholders to one hundred (100) but excluding persons employed or formerly employed by the company;	2° ne pas dépasser le nombre de cent (100) actionnaires, hormis les personnes employées ou ayant été employées par la société;
3° kubuza mu buryo ubwo ari bwo bwose guhamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yayo.	3° prohibiting any invitation to the public to subscribe for any shares or debentures of the company.	3° interdire toute invitation au public de souscrire ses actions ou obligations.
<u>Ingingo ya 9</u>: Iby'ibanze bisabwa isosiyete	**<u>Article 9:</u> Essential requirements for a**	**<u>Article 9 :</u> Conditions essentielles**

ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**public company**	**applicables à une société publique**
Isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ishingwa ari uko yujuje iby'ibanze bikurikira:	A public company is incorporated if it fulfils the following essential requirements:	Une société publique ne peut être constituée que lorsqu'elle remplit les conditions essentielles suivantes :
1° izina riherukwa n'amagambo "Public limited company" cyangwa impine «Plc»;	1° having a name, ending with the words "Public limited company" or letters "Plc";	1° avoir une dénomination sociale qui se termine par les mots «Public limited company» ou les lettres «Plc»;
2° umugabane umwe cyangwa myinshi yose igomba kuba ihererekanywa mu buryo busesuye;	2° having one or more shares all of which must be fully transferable;	2° avoir une ou plusieurs actions qui doivent toutes être entièrement cessibles;
3° abanyamigabane bafite uburyozwe bugarukira ku mubare w'amafaranga atarishyuwe ku migabane buri wese afitemo, iyo uhari;	3° having shareholders whose liability is limited to the amount, if any, unpaid on the shares respectively held by each;	3° avoir des actionnaires, dont la responsabilité est limitée au montant, le cas échéant, non libéré des actions respectivement détenues par chacun;
4° ugize Inama y'Ubutegetsi umwe cyangwa barenga;	4° having one or more directors;	4° avoir un ou plusieurs administrateurs;
5° umwanditsi w'isosiyete;	5° having a company secretary;	5° avoir un secrétaire de la société;
6° 6° inyandiko z'ishingwa ryayo.	6° having incorporation documents.	6° disposer des documents constitutifs.
Ingingo ya 10: Ibiranga isosiyete	**Article 10: Characteristics of a public**	**Article 10 : Caractéristiques d'une société**

ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**company**	**publique**
Isosiyete ifatwa nk'ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, iyo:	A company is considered to be a public company if:	Une société est considérée comme une société publique, si :
1° inyandiko z'ishingwa ryayo zemerera abayigize uburenganzira bwo guha undi imigabane muri sosiyete;	1° its incorporation documents allow its members the right to transfer their shares in the company;	1° ses documents constitutifs donnent à ses membres le droit de céder leurs parts dans la société;
2° inyandiko z'ishingwa ryayo zitabuza guhamagarira abantu kuyiguramo imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yayo;	2° its incorporation documents do not prohibit invitations to the public to subscribe for its shares or debentures;	2° ses documents constitutifs n'interdisent pas d'invitations au public à souscrire ses actions ou obligations;
3° icyemezo cy'ishingwa cyerekana ko ari isosiyete ifatwa nk'ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	3° its certificate of incorporation states that it is a public company.	3° son certificat de constitution indique qu'elle est une société publique.
<u>Ingingo ya 11:</u> Ubwoko bw'amasosiyete	**<u>Article 11:</u> Types of companies**	**<u>Article 11 :</u> Types de sociétés**
Hakurikijwe ibyiciro by'amasosiyete bivugwa muri iri tegeko, amasosiyete agabanyijwemo ubwoko bukurikira:	According to the categories of companies set forth in this Law, companies are grouped into the following types:	Selon les catégories de sociétés prévues par la présente loi, les sociétés sont regroupées sous les types suivants :
1° isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane;	1° a company limited by shares;	1° société à responsabilité limitée par actions;
2° isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate;	2° a company limited by guarantee;	2° société à responsabilité limitée par garantie;
3° isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku	3° a company limited by shares and by	3° société à responsabilité limitée par

migabane no ku ngwate;	guarantee;	actions et par garantie;
4° isosiyete ifite uburyozwe busesuye;	4° an unlimited company.	4° société à responsabilité illimitée.
5° isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	5° a protected cell company.	5° société à cellules protégées.
Isosiyete iyo ari yo yose ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ishobora kumara igihe kizwi. Ibice byihariye by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe mu rwego rw'amategeko bishobora gushyirwaho kumara igihe runaka.	Any company listed under Paragraph One of this Article may be a limited life company. Individual cells of a protected cell company may also be established for a limited period of time.	Toute société visée á l'alinéa premier du présent article peut être une société à durée limitée. Les cellules individuelles d'une société à cellules protégées peuvent également être établies pour une durée limitée.
Isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane no ku ngwate ishobora kuba isosiyete ihagamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	A company limited by shares and by guarantee may be public or private.	Une société à responsabilité limitée par actions et par garantie peut être une société publique ou une société privée.
Icyakora, isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate cyangwa isosiyete ifite uburyozwe busesuye ntishobora kuba isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	However, a company limited by guarantee or an unlimited company cannot be a public company.	Toutefois, une société à responsabilité limitée par garantie ou illimitée ne peut être une société publique.
<u>Ingingo ya 12:</u> Isosiyete yabyawe n'indi	**<u>Article 12:</u> Subsidiary company**	**<u>Article 12 :</u> Filiale**
Isosiyete yitwa ko yabyawe n'indi sosiyete iyo:	A company is a subsidiary of another company if:	Une société est une filiale d'une autre société, si:
1° indi sosiyete ibumbye izindi:	1° the holding company:	1º la société holding :
a) igenzura abagize Inama y'Ubutegetsi	a) controls the composition of its Board	a) contrôle la composition du Conseil

yayo;	of Directors;	d'administration de la société;
b) ifite uburenganzira bwo kubona hejuru ya kimwe cya kabiri (1/2) cya buri nyungu ku mugabane yishyuwe n'isosiyete, uburenganzira bwo kugira uruhare mu migabane idafite uburenganzira ku mafaranga runaka mu gihe cy'isaranganya cy'inyungu cyangwa imari shingiro;	b) is entitled to receive more than one-half of every dividend paid on shares issued by the company, other than shares that carry no right to participate beyond a specified amount in a distribution of either profits or capital;	b) a la faculté de recevoir plus de la moitié de chaque dividende versé sur des actions émises par la société, autres que des actions ne donnant pas droit à participer au-delà d'un certain montant à une répartition, que ce soit de bénéfices ou de capital ;
c) Igenzura hejuru ya kimwe cya kabiri (1/2) cy'amajwi menshi ashoboka mu gihe cy'inama y'isosiyete;	c) controls more than a half of the number of the maximum number of votes that can be exercised at a meeting of the company;	c) est à même de contrôler l'exercice du droit de vote de plus de la moitié (1/2) du nombre maximum de voix qui peuvent être exprimées lors d'une assemblée de la société ;
d) Ifite uburenganzira bwo kubona hejuru ya kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo w'isosiyete wasagutse;	d) is entitled to receive more than a half of the surplus assets of the company;	d) a le droit de recevoir plus de la moitié de l'excédent d'actif de la société;
e) Ifite ibirenze kimwe cya kabiri (1/2) cy'imigabane y'isosiyete yatanzwe itanga uburengazira mu kugira uruhare mu kugabana inyungu cyangwa imari shingiro;	e) holds more than a half of the issued shares of the company other than shares that entitle it to receive a specific amount in the distribution of profits or capital;	e) détient plus de la moitié des actions émises de la société autres que les actions donnant droit à recevoir un certain montant à une répartition, que ce soit de bénéfices ou de capital social;
2° iyo sosiyete yabyawe n'indi sosiyete na yo yabyawe n'iyo sosiyete ibumbye izindi.	2° the company is a subsidiary of any company which is that other company's subsidiary.	2º la société est une filiale d'une société qui est la filiale de l'autre société.
Ingingo ya 13: Inama y'Ubutegetsi	**Article 13: Board of Directors controlled by**	**Article 13: Conseil d'administration**

igenzurwa n'indi sosiyete	**another company**	**contrôlé par une autre société**
Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yabyawe n'indi ifatwa nk'iyoborwa n'indi sosiyete mu gihe gusa iyo sosiyete yindi ikoresha ububasha ifite bitabaye ngombwa ko byemerwa n'undi muntu cyangwa ngo zifatire hamwe icyemezo.	The subsidiary company's Board of Directors is regarded as being controlled by another company only if that other company exercises some power exercisable by it with or without the consent or concurrence of any other person.	Le Conseil d'administration d'une filiale est réputé être contrôlé par une autre société seulement, si cette autre société exerce certains pouvoirs exerçables par elle avec ou sans le consentement ni l'approbation de toute autre personne.
Inama y'Ubutegetsi ishobora gushyiraho cyangwa kuvanaho abayobozi bose cyangwa benshi muri bo, cyangwa undi mubare w'abayobozi mu gihe bishyize hamwe baba bafite uburenganzira bw'ubwiganze bw'amajwi mu nama z'ubutegetsi y'isosiyete.	The subsidiary company's Board of Directors can appoint or remove all or a majority of the directors or such number of directors as together hold the majority of the voting rights at meetings of the Board of Directors of the company.	Le Conseil d'administration d'une filiale peut nommer ou révoquer l'ensemble ou la majorité des administrateurs ou un nombre d'administrateurs détenant ensemble la majorité des droits de vote aux réunions du Conseil d'administration de la société.
Ku birebana n'iyi ngingo, iyo isosiyete yindi ifatwa nk'ifite ububasha bwo gushyiraho abayobozi mu gihe hari impamvu imwe mu zikurikira:	For the purposes of this provision, that other company is deemed to have power to appoint directors if any of the following conditions is satisfied:	Pour l'application du présent article, cette autre société est réputée avoir le pouvoir de nommer les administrateurs, si l'une des conditions suivantes est remplie :
1° nta muntu ushobora gushyirwaho iyo sosiyete yindi itamwemereye ikoresheje ububasha ifite;	1° a person cannot be appointed thereto without the exercise in his or her favour by the other company of such a power;	1° une personne ne peut être ainsi nommée sans l'exercice d'un tel pouvoir en sa faveur par l'autre société;
2° ishyirwaho ry'umuntu rikurikirana n'ishyirwaho rye nk'ugize inama y'ubutegetsi y'iyo sosiyete yindi.	2° a person's appointment thereto follows necessarily from his or her appointment as director of the other company.	2° une telle nomination de la personne découle nécessairement de sa nomination comme administrateur de l'autre société.

<u>Ingingo ya 14</u>: Ibigaragaza isosiyete yabyawe n'indi	**<u>Article 14:</u> Characteristics of a subsidiary company**	**<u>Article 14 :</u> Caractéristiques d'une filiale**
Mu kureba niba isosiyete yarabyawe n'indi, ibi bikurikira byitabwaho:	In determining whether a company is a subsidiary of another company, the following is considered:	Pour déterminer si une société est une filiale d'une autre société, il est tenu compte de ce qui suit :
1° imigabane yose ifitwe na sosiyete yabyawe cyangwa ububasha yakoresha nk'iyaragijwe umutungo bidafatwa nk'aho ifite ubwo bubasha cyangwa nk'iyabukoresha;	1° any shares held or power exercisable by that other company in a fiduciary capacity are treated as not held or exercisable by it;	1° toutes actions détenues ou pouvoir exerçable par cette autre société en qualité de fiduciaire sont considérées ne pas être des actions détenues ou pouvoir exerçable par elle;
2° imigabane yose ifitwe cyangwa ububasha bukoreshwa n'umuntu uwo ari we wese biturutse ku biteganywa mu migabane nguzanyo y'isosiyete yabyaye indi cyangwa mu nyandiko y'ihagararirwa kugira ngo hatangwe ingwate y'imigabane nguzanyo nta gaciro bihabwa;	2° any shares held or power exercisable by any person by virtue of the provisions of any debentures of the company or of a trust deed for securing any issue of such debentures are disregarded;	2° toutes actions détenues ou pouvoir exerçable par toute personne en vertu des clauses des obligations de la société ou d'un titre de fiducie pour garantir toute émission de ces obligations ne sont pas pris en considération;
3° imigabane yose ifitwe cyangwa ububasha bwakoreshwa n'uwashyizweho n'iyo sosiyete, iyo sosiyete yindi cyangwa iyabyawe na yo, bidafitwe cyangwa ngo bikoreshwe nk'uko bivugwa mu gace ka kabiri (2) bifatwa nk'aho bidafitwe cyangwa ububasha butakoreshwa n'isosiyete yindi mu gihe ibikorwa bisanzwe by'ubucuruzi by'iyo sosiyete cyangwa by'isosiyete yabyaye, bitewe n'uko ibintu bimeze, harimo kuguriza	3° any shares held or power exercisable by, or by a nominee for, that other company or its subsidiary, not being held or exercisable as mentioned under item 2° are treated as not held or exercisable by the other company if the ordinary business of that company or its subsidiary, as the case may be, includes the lending of money and the shares are held or power is exercisable as aforesaid by way of security only for	3° toutes les actions détenues ou tout pouvoir exerçable par cette autre société ou une personne désignée au nom de cette autre société ou sa filiale n'étant pas des actions détenues ou le pouvoir exerçable au sens du point 2° sont considérés comme n'étant pas des actions détenues ou le pouvoir exerçable par l'autre société si les activités normales de cette société ou de sa filiale comprennent, le cas

amafaranga, kandi imigabane ikaba ifitwe cyangwa ububasha bukoreshwa nk'uko byavuzwe haruguru nk'ingwate gusa, hagamijwe gusa igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe mu rwego rw'ubwo bucuruzi gusa.	the purpose of a transaction entered into in the ordinary course of that business;	échéant, les prêts d'argent et si les actions sont détenues ou le pouvoir est exerçable, comme indiqué plus haut, à titre de garantie uniquement en vue d'une transaction conclue dans le cours normal de ces activités ;
4° haseguriwe ibiteganywa mu duce aka 2 n'aka 3 tw'iyi ngingo, imigabane yose itunzwe cyangwa ububasha bwakoreshwa:	4° subject to the provisions of items 2 and 3 of this Article, any shares held or powers exercisable:	4° sous réserve des dispositions des points 2 et 3 du présent article, les actions détenues ou pouvoirs exercés :
(a) n'umuntu washyizweho n'iyo sosiyete yindi keretse mu gihe biyireba nk'iyaragijwe umutungo; cyangwa	(a) by a person appointed by that other company except where it is concerned only in a fiduciary capacity; or	(a) par une personne nommée par cette autre société sauf lorsque cette dernière est uniquement impliquée en qualité de fiduciaire; ou
(b) n'umuntu washyizweho n'isosiyete yabyawe n'iyo sosiyete yindi itari isosiyete yabyawe, ikaba irebwa gusa nk'iyaragijwe umutungo, ububasha bufatwa nk'ubufitwe cyangwa bwakoreshwa n'iyo sosiyete yindi.	(b) by a person appointed by a subsidiary of that other company, not being a subsidiary which is concerned only in a fiduciary capacity, is treated as held or exercisable by that other company.	(b) par une personne nommée par une filiale de cette autre société, sans être une filiale uniquement impliquée en qualité de fiduciaire, sont considérés comme des actions détenues ou pouvoir exerçable par cette autre société.
Ingingo ya 15: Isosiyete ibumbye izindi	**Article 15: Holding company**	**Article 15 : Société holding**
Isosiyete yitwa ko ibumbye indi iyo ari yo yayibyaye.	A company is another company's holding company if that other is its subsidiary.	Une société est une société holding d'une autre société si cette dernière en est une filiale.
Ingingo ya 16: Ibigaragaza ko isosiyete	**Article 16: Characteristics of a holding**	**Article 16 : Caractéristiques d'une société**

ibumbye indi	**company**	**holding**
Isosiyete yitwa ko ibumbye indi sosiyete iyo:	A company is another company's holding company if:	Une société est une société holding d'une autre société si :
1° iyo ibumbye iyabyawe na yo;	1° the other company is its subsidiary;	1° cette société en est la filiale;
2° iyo sosiyete ibumbye indi itagira indi ikomokaho.	2° the holding company is not itself a subsidiary of any company.	2° la société holding n'est pas elle-même filiale d'une autre société.
Mu Rwanda isosiyete yitwa ko ibumbye indi, iyo nta yindi sosiyete ikomokaho yanditswe mu Rwanda.	The holding company in Rwanda is a holding company which is not a subsidiary of a company registered in Rwanda.	Est considérée comme une société holding, une société au Rwanda qui n'est filiale d'aucune autre société enregistrée au Rwanda.
<u>Ingingo ya 17:</u> Isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana	**<u>Article 17:</u> Wholly owned subsidiary**	**<u>Article 17 :</u> Filiale en propriété exclusive**
Isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana (100%), ni isosiyete idafite abandi banyamigabane usibye isosiyete ikomokaho kandi ikayoborwa:	A wholly owned subsidiary is a company which has no other shareholders except its parent company and is managed by:	Une filiale en propriété exclusive est une société qui n'a pas d'autres actionnaires sauf sa société mère et qui est dirigée par :
1° n'iyo sosiyete ikomokaho;	1° that parent company;	1° cette société mère;
2° n'umuntu ushyirwaho n'iyo sosiyete ikomokaho;	2° a nominee of that parent company;	2° une personne désignée par la société mère;
3° n'indi sosiyete ikomoka nayo kuri iyo sosiyete zikomokaho itagira abandi banyamigabane usibye iyo sosiyete zikomokaho;	3° a subsidiary of that other company being a subsidiary, the shareholders of which do not include any person apart from that parent company;	3° une autre société qui est la filiale de la société mère et qui n'a pas d'autres actionnaires que cette société mère;

4° n'umuntu ushyirwaho n'isosiyete yabyawe n'indi.	4° a nominee of such a subsidiary.	4° une personne désignée par cette filiale.
<u>Ingingo ya 18</u>: Isosiyete ifashwe ijana ku ijana n'indi sosiyete	**<u>Article 18:</u> Virtually wholly owned subsidiary**	**<u>Article 18 :</u> Filiale virtuellement détenue en propriété exclusive**
Isosiyete yitwa ko ifashwe ijana ku ijana (100%) n'indi sosiyete, iyo buri gihe iyo sosiyete ifitemo uburenganzira bwo gutora bungana na mirongo icyenda ku ijana (90%) by'imigabane cyangwa birengaho.	A company is considered to be a virtually wholly owned subsidiary of another company where the latter owns ninety (90) per cent or more of the voting power in that company.	Une société est dite virtuellement détenue en propriété exclusive par une autre société, toutes les fois que cette dernière détient quatre-vingt-dix pour cent (90%) ou plus de ses droits de vote.
<u>Ingingo ya 19</u>: Gusaba gushinga isosiyete	**<u>Article 19:</u> Application for incorporation of a company**	**<u>Article 19 :</u> Demande de constitution d'une société**
Umwanditsi Mukuru ashyikirizwa ibi bikurikira mu isaba ry'ishingwa ry'isosiyete:	The following is submitted to the Registrar General when applying for incorporation:	Il est remis ce qui suit au Registraire général lors d'une demande de constitution d'une société commerciale :
1° inyandiko z'ishingwa ryayo zitangwa ku buryo bw'inyandiko yabugenewe igenwa n'Umwanditsi Mukuru, iriho umukono wa buri munyamigabane cyangwa umunyamuryango bayo cyangwa wa buri wese usaba;	1° incorporation documents in the form prescribed by the Registrar General and signed by every shareholder or member or by each applicant, if any;	1° les documents constitutifs dans la forme prescrite par le Registraire général et signés par chaque actionnaire ou chaque membre ou demandeur, le cas échéant ;
2° inyandiko yabugenewe iriho umukono wa buri wese mu bantu bashyizwe mu nyandiko shingiro nk'abagize Inama y'Ubutegetsi n'umwanditsi w'isosiyete igaragaza ko babyemeye;	2° consent in the prescribed form signed by each of the persons named as the company's directors and secretary in the incorporation documents;	2° consentement en la forme prescrite signée par chacune des personnes nommées comme administrateurs et secrétaire dans les documents constitutifs ;

3° inyandiko yo kubyiyemerera yashyizweho umukono na buri munyamuryango cyangwa umunyamigabane w'isosiyete cyangwa umuhagarariye wabiherewe ububasha mu buryo bwanditse;	3° consent in the prescribed form signed by each member or shareholder of the company or by his or her agent who has been authorised thereto in writing;	3° consentement en la forme prescrite signé par chaque membre ou actionnaire de la société ou par son mandataire nommé à cet effet par écrit ;
4° inyandiko y'ubwumvikane y'isosiyete;	4° the memorandum of association of the company;	4° le mémorandum d'association de la société ;
5° Iyo isosiyete ifite amategeko shingiro, kopi y'amategeko shingiro.	5° where the company has articles of association, a copy of the articles of association;	5° une copie des statuts de la société lorsque la société en dispose ;
6° Amakuru yerekeranye na nyiri umutungo nyawe	6° beneficial ownership information where applicable.	6° des informations sur les bénéficiaires effectifs, le cas échéant.
Iyo inyandiko yashyizweho umukono n'intumwa yahawe ububasha, iyo nyandiko iherekezwa n'inyandiko itanga ubwo ububasha.	If the instruments authorizing the agent are signed by an authorised representative, they are accompanied by that representative's authority to sign.	Si les instruments autorisant le mandataire sont signés par un représentant autorisé, ils sont accompagnés par le pouvoir de signature dudit représentant.
Ingingo ya 20: Ibikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane	**Article 20: Contents of the memorandum of association**	**Article 20 : Contenu du mémorandum d'association**
Inyandiko y'ubwumvikane ya buri sosiyete igaragaza ibi bikurikira:	The memorandum of association of any company states the following:	Le mémorandum d'association de toute société indique ce qui suit :
1° izina ry'isosiyete;	1° the name of the company;	1° la dénomination sociale de la société;
2° icyicaro cy'isosiyete yanditswe mu	2° the address of the registered office of	2° l'adresse du siège social de la société

Rwanda; 3° igikorwa cy'ubucuruzi kigamijwe; 4° niba isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane cyangwa itabikora; 5° niba isosiyete ifite uburyozwe buhinnye cyangwa busesuye; 6° ubwoko bw'isosiyete irimo gushingwa; 7° andi makuru yaba akenewe bitewe n'ubwoko bw'isosiyete iri gushingwa kandi asabwa muri iri tegeko; 8° andi makuru yasabwa n'Umwanditsi Mukuru akoreshereje amabwiriza.	the company in Rwanda; 3° the proposed business activity; 4° whether the company is a public or a private company; 5° whether the company has limited or unlimited liability; 6° the type of company being incorporated; 7° such other information as may be relevant to the type of company being incorporated and that is prescribed under this Law; 8° such other information as may be required in the Registrar General's regulations.	au Rwanda; 3° les activités commerciales proposées ; 4° si la société est une société publique ou privée ; 5° si la société a une responsabilité limitée ou illimitée ; 6° le type de société à constituer ; 7° toute autre information pouvant être utile pour le type de société à incorporer et qui est prévue par la présente loi ; 8° tout autre information pouvant être requise par les règlements du Registraire général.
Inyandiko y'ubwumvikane y'isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate igomba kugaragaza ko uburyozwe bufite aho bugarukira. Inyandiko y'ubwumvikane y'isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate igomba kandi kugaragaza ko buri wese uyigize yiyemeje kugira uruhare ku mutungo wayo uvugwa mu nyandiko y'ubwumvikane mu gihe isheshwe.	A memorandum of association for a company limited by guarantee must indicate that the company's liability is limited. A memorandum of association for a company limited by guarantee must also state that every member undertakes to contribute to the assets of the company in the amount specified in the memorandum in the event of its being wound up.	Le mémorandum d'association d'une société à responsabilité limitée par garantie doit indiquer que la responsabilité de la société est limitée. Le mémorandum d'association d'une société à responsabilité limitée par garantie doit également indiquer que chaque membre s'engage à contribuer au patrimoine de la société à hauteur du montant indiqué dans ledit mémorandum en cas de liquidation de la société.

Iyo ari isosiyete ifite imari shingiro, inyandiko y'ubwumvikane igomba kugaragaza: 1° amazina yose kimwe na aderesi ya buri munyamigabane mu gihe cy'ishingwa; 2° icyiciro n'umubare by'imigabane buri munyamigabane yiyemeje kugira ndetse n'ikiguzi cyayo yatanze cyangwa agomba gutanga ngo ahabwe iyo migabane.	In the case of a company with share capital, the memorandum of association must state: 1° the full name and address of every shareholder at incorporation; 2° the class and number of shares which each shareholder has agreed to take, together with the consideration he or she has provided or is to provide for the issue of the shares.	En cas d'une société ayant un capital social, le mémorandum d'association doit indiquer : 1° le nom complet et l'adresse complète de chaque actionnaire au moment de la constitution ; 2° la catégorie et le nombre d'actions auxquels chaque actionnaire a consenti de prendre, avec la contrepartie qu'il a fournie ou doit fournir pour l'émission des actions.
<u>Ingingo ya 21</u>: Amategeko-shingiro Isosiyete ishobora kugira amategeko shingiro ayigenga cyangwa ntiyagire. Iyo isosiyete idafite amategeko-shingiro ayigenga, uburenganzira, ububasha n'inshingano byayo, iby'Inama y'Ubutegetsi, ibya buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi n'ibya buri wese uyifitemo imigabane ni ibiteganywa n'iri tegeko. Isosiyete ibumbye ibice birinzwe mu rwego rw'amategeko igomba kwandikisha amategeko shingiro ku Mwanditsi Mukuru.	**<u>Article 21</u>: Articles of association** A company may or may not have articles of association. In case a company does not have articles of association, the rights, powers, duties, and obligations of the company, of the Board of Directors, of each director, and of each shareholder of the company are those set out in this Law. A protected cell company must file articles of association with the Registrar General.	**<u>Article 21 :</u> Statuts** Une société peut avoir ou non des statuts. Lorsqu'une société ne dispose pas de statuts, les droits, pouvoirs, devoirs et obligations de la société, du Conseil d'administration, de tout administrateur et de tout actionnaire de ladite société sont ceux déterminés par la présente loi. Une société à cellules protégées dépose ses statuts auprès du Registraire général.

Iyo isosiyete ifite amategeko shingiro, uburenganzira, ububasha, n'inshingano byayo, iby'Inama y'Ubutegetsi yayo, ibya buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi n'ibya buri wese uyifitemo imigabane bigomba kuba ibiteganywa muri iri tegeko, keretse bigabanyijwe cyangwa bigahindurwa n'ayo mategeko shingiro yayo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko. Mu gihe hari ibidateganyijwe mu mategeko-shingiro, hakurikizwa ibiteganywa n'iri tegeko.	In case a company has articles of association, the rights, powers, duties, and obligations of the company, of the Board of Directors, of each director, and of each shareholder or member of the company are those set out in this Law except in case they are restricted or amended by articles of association of the company in accordance with the provisions of this Law. As for matters not covered under the articles of association, the provisions of this Law apply.	Lorsqu'une société dispose des statuts, les droits, pouvoirs, devoirs et obligations de la société, de son Conseil d'administration, de tout administrateur et de tout actionnaire ou membre de ladite société sont ceux prévus par la présente loi sauf s'ils sont restreints ou modifiés par lesdits statuts conformément aux dispositions de la présente loi. En ce qui concerne les questions non couvertes par les statuts, les dispositions de la présente loi restent applicables.
Ingingo ya 22: Ibikorwa n'Umwanditsi Mukuru iyo isaba ryo kwandikisha isosiyete ryujuje ibisabwa	**Article 22: Duties of the Registrar General where the application for registration of a company meets the requirements**	**Article 22 : Devoirs du Registraire général lorsque la demande d'enregistrement d'une société répond aux conditions requises**
Kwandikisha isosiyete mu Biro by'Umwanditsi Mukuru ni itegeko.	Registration of a company in the Office of the Registrar General is compulsory.	L'enregistrement d'une société auprès de l'Office du Registraire général est obligatoire.
Iyo Umwanditsi Mukuru ashyikirijwe ubusabe bwo kwandikisha isosiyete bwujuje ibisabwa n'iri tegeko, akora ibi bikurikira:	Where the Registrar General receives an application for registration that complies with the requirements provided under this Law, he or she does the following:	Lorsque le Registraire général reçoit une demande d'enregistrement qui est conforme à la présente loi, il fait ce qui suit :
1° kwandika ubusabe;	1° register the application;	1° enregistrer la demande;
2° kwandika ibirebana n'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi;	2° register details relating to the company in the register of companies and businesses;	2° enregistrer les détails relatifs à la société au registre de sociétés et d'activités commerciales;
3° gutanga icyemezo cy'ishingwa rya	3° issue a certificate of incorporation.	3° délivrer un certificat de constitution.

sosiyete.		
Ingingo ya 23: Icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete	**Article 23: Certificate of incorporation**	**Article 23 : Certificat de constitution**
Umwanditsi Mukuru yoherereza isosiyete cyangwa uwamushyikirije inyandiko y'ishingwa rya sosiyete icyemezo cy'ishingwa cyanditse mu buryo bugenwe kigaragaza:	The Registrar General sends to the company or the person from whom the incorporation documents are received a certificate of incorporation in the prescribed form stating:	Le Registraire général transmet à la société ou à la personne de qui les documents constitutifs d'une société sont reçus, un certificat de constitution en la forme prescrite indiquant:
1° izina ry'isosiyete yanditswe;	1° the company's registered name;	1° la dénomination sociale de la société;
2° umubare wihariye w'isosiyete yanditswe;	2° the company's registered code;	2° le code enregistré de la société;
3° ubwoko bw'isosiyete ishinzwe;	3° the type of company incorporated;	3° le type de société constituée ;
4° Itariki isosiyete yashingiweho.	4° the company's date of incorporation.	4° la date de constitution de la société.
Icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete ni ikimenyetso ndakuka cy'uko ibyo iri tegeko risaba mu ishingwa ry'isosiyete byose byubahirijwe kandi ko isosiyete yashinzwe hakurikijwe iri tegeko ku itariki y'ishingwa ryayo yanditse mu cyemezo.	A certificate of incorporation is a conclusive evidence that all the requirements of this Law in respect of incorporation have been complied with and that the company has been duly incorporated under this Law on the date of incorporation stated in the certificate.	Le certificat de constitution d'une société est une preuve concluante permettant d'établir que toutes les conditions requises par la présente loi pour la constitution d'une société ont été remplies et que la société a été constituée en vertu de la présente loi à la date de sa constitution figurant dans le certificat.
Ingingo ya 24: Isosiyete ifite ubuzima gatozi bwite	**Article 24: Company as a distinct legal entity**	**Article 24 : Société en tant qu'entité juridique autonome**
Isosiyete ishinzwe hakurikijwe iri tegeko igira ubuzima gatozi butandukanye	A company incorporated under this Law has its own legal personality separate from that of	Une société constituée en vertu de la présente loi dispose d'une personnalité juridique

n'ubw'abanyamigabane bayo.	its shareholders.	distincte de celle de ses actionnaires.
Isosiyete ishinzwe hakurikijwe iri tegeko iba yihariye ku giti cyayo kandi ikagira uburenganzira n'inshingano bitandukanye n'iby'abanyamigabane cyangwa abanyamuryango bayo.	A company incorporated under this Law is a body corporate and a legal entity in its own rights and obligations separate from its shareholders or members.	Une société constituée en vertu de la présente loi est une personne morale ayant une existence juridique propre, distincte de ses actionnaires ou membres.
Isosiyete ikomeza kubaho kugeza igihe ivaniwe mu gitabo cy'amasosiyete.	A company continues in existence until it is removed from the register of companies.	Une société continue d'exister jusqu'à ce qu'elle soit radiée du registre des sociétés.
Ingingo ya 25: Guhindura icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete	**Article 25: Amendment to the certificate of incorporation**	**Article 25 : Modification du certificat de constitution**
Iyo inyandiko yerekana ko isosiyete yahinduye izina ryayo cyangwa yahinduye imiterere yayo ikajya mu bundi bwoko ishyikirijwe Umwanditsi Mukuru, atanga icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete gihinduye kigaragaza numero y'isosiyete yanditswe, itariki y'ishingwa ry'isosiyete, n'icyahinduwe ku izina ry'isosiyete, ubwoko bw'isosiyete n'itariki ryahinduriweho.	In case the document showing that the company has changed its name, or altered its form into another type of company, is delivered to the Registrar General, the latter issues an amended certificate of incorporation stating the company's registered number, the company's date of incorporation, the amendment to the company's name, the type of company and the date of the amendment.	Au cas où le document montrant que la société a changé de dénomination sociale ou a modifié sa forme en un autre type de société, est remis au Registraire général, ce dernier délivre un certificat de constitution modifié indiquant le numéro d'enregistrement de la société, la date de constitution de la société, la modification de la dénomination sociale, le type de société et la date de la modification.
Icyiciro cya 2: Ububasha bw'isosiyete	**Section 2: Company's powers**	**Section 2 : Pouvoirs d'une société**
Ingingo ya 26: Ubushobozi bw'isosiyete	**Article 26: Company's capacity**	**Article 26: Capacité d'une société**
Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa irindi tegeko ryihariye, isosiyete yanditswe ifite ubushobozi, n'uburenganzira busesuye bwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa	Subject to the provisions of this Law or to any other special law, an incorporated company has, both within and outside Rwanda, full capacity and rights to undertake any business	Sous réserve de la présente loi ou de toute autre loi spécifique, une société constituée a, tant à l'intérieur qu'à l'extérieur du Rwanda, la pleine capacité et les pleins droits d'exercer

undi murimo uwo ari wo wose yaba mu Rwanda cyangwa hanze yarwo.	or activity, do any act or enter into any transaction and has full rights, powers and privileges to do so.	une activité commerciale ou toute autre activité, d'accomplir tout acte ou de s'engager dans toute transaction et a les pleins droits, pouvoirs et privilèges d'agir ainsi.
Amategeko shingiro y'isosiyete ashobora kugabanya ubushobozi, uburenganzira n'ububasha byayo bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	The articles of association of a company may restrict the company's capacity, rights and powers provided under Paragraph One of this Article.	Les statuts d'une société peuvent restreindre la capacité, les droits et les pouvoirs de cette société visés à l'aliéna premier du présent article.
Ingingo ya 27: Agaciro k'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'ibikorwa by'isosiyete	**Article 27: Validity of incorporation documents and of a company's acts**	**Article 27 : Validité des documents constitutifs et des actes d'une société**
Inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro bigira ingaruka z'amasezerano kandi bigomba kubahirizwa hagati y'isosiyete n'abanyamigabane cyangwa abanyamuryango ndetse no hagati y'abanyamigabane cyangwa abanyamuryango ubwabo.	The memorandum and articles of association have the effect of a contract and are binding as between the company and shareholders and members and between the shareholders or members themselves.	Les statuts et le mémorandum d'association établissent une relation contractuelle et produisent un effet contraignant entre la société et les actionnaires et les membres et entre les actionnaires ou les membres eux-mêmes.
Igikorwa cy'isosiyete n'ihererekanya ry'umutungo ihabwa cyangwa utangwa na yo ntibiteshwa agaciro n'uko gusa isosiyete itari ifite ubushobozi, uburenganzira cyangwa ububasha byo gukora icyo gikorwa cyangwa ubwo guha undi muntu umutungo cyangwa guhabwa umutungo.	An act of a company and transfer of property to or by the company is not invalid by reason merely that the company does not have the capacity, the right, or the power to do the act or to transfer or take a transfer of the property.	Un acte d'une société et un transfert de biens à la société ou par la société ne sont pas invalidés du seul fait que la société n'avait pas la capacité, le droit ou le pouvoir de poser un tel acte ou de transférer ou d'acquérir des biens.
Ingingo ya 28: Kutabangamira uwagiranye	**Article 28: Not asserting against a person**	**Article 28 : Ne pas enfreindre les droits**

amasezerano n'isosiyete	**dealing with a company**	**d'une personne ayant conclu un contrat avec une société**
Isosiyete, kimwe n'uwishingiye umwenda wafashwe n'isosiyete, ntibashobora gutambamira umuntu wagiranye amasezerano na yo cyangwa uwahawe umutungo, uburenganzira cyangwa inyungu n'iyo sosiyete hitwajwe ko:	A company or a guarantor of an obligation of a company cannot assert against a person dealing with the company or with a person who has acquired property, rights, or interests from the company that:	Une société ou une caution d'une obligation de la société ne peuvent pas faire valoir un droit contre une personne qui a un contrat avec la société ou a acquis la propriété ou des droits de la part de la société du fait que:
1° amategeko shingiro y'isosiyete ubwayo atubahirijwe;	1° the articles of association of the company have not been complied with;	1º les statuts de la société n'ont pas été respectés;
2° umuntu washyizweho nk'ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umukozi w'isosiyete muri raporo iherutse yohererejwe Umwanditsi Mukuru:	2° a person named as a director of the company in the most recent notice filed with the Registrar General:	2º une personne désignée comme administrateur de la société dans le plus récent avis reçu par le Registraire général:
a) atari nk'ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete;	a) is not a director of the company;	a) n'est pas un administrateur de la société;
b) atashyizweho nk'uko bisabwa n'amategeko;	b) is not duly appointed;	b) n'est pas dûment nommée;
c) cyangwa adafite ububasha bwo gukora imirimo ikorwa n' ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umukozi w'isosiyete ubusanzwe ukora imirimo nk'iyo;	c) or does not have authority to exercise a power which a director of a company carrying on business of the kind carried on by the company customarily has authority to exercise;	c) ou n'est pas habilitée à exercer un pouvoir qu'un administrateur d'une société exerçant des activités du type exercé par la société ;
3° umuntu washyizweho nk'uzaba ugize inama y'ubutegetsi, umukozi cyangwa	3° a person held out by the company as a director, employee, or agent of the	3º une personne présentée par la société en tant que son administrateur,

uhagarariye isosiyete: a) atashyizweho mu buryo buteganyijwe; b) adafite uburenganzira bwo kugira ububasha nk' ugize inama y'ubutegetsi, cyangwa umukozi w'isosiyete ukora imirimo nk'iyo ubusanzwe agira; 4° umuntu watanzwe n'isosiyete nk' ugize inama y'ubutegetsi, umukozi cyangwa intumwa y'isosiyete ngo agire ububasha bwo gukora nk' ugize inama y'ubutegetsi, umukozi, cyangwa uhagarariye isosiyete ukora ibikorwa nk'ibyo isosiyete ubusanzwe idafite ububasha bwo gukora, ntafite ubushobozi bwo gukoresha ubwo bubasha; 5° inyandiko yakozwe mu izina ry'isosiyete n' ugize inama y'ubutegetsi, umukozi cyangwa intumwa y'isosiyete akaba afite ububasha cyangwa yari asanzwe abufite bwo gusohora bene izo nyandiko, idafite ireme cyangwa agaciro. Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikoreshwa ku muntu uzi, washoboraga kumenya, hashingiwe ku mwanya afite ibintu runaka biteganywa mu	company: a) has not been duly appointed; b) does not have authority to exercise a power which a director, employee, or agent of a company carrying on business of the kind carried on by the company customarily has authority to exercise; 4° a person held out by the company as a director, an employee, or agent of the company with authority to exercise a power which a director, employee, or agent of a company carrying on business of the kind carried on by the company does not customarily have authority to exercise, does not have authority to exercise that power; 5° a document issued on behalf of a company by a director, an employee, or an agent of the company with actual or usual authority to issue such documents is not genuine or not valid. However, the provisions of Paragraph One of this Article do not apply where the person has, or ought to have, by virtue of his or her position with the company, knowledge of the	employé ou mandataire: a) n'a pas été dûment nommé; b) n'a pas la compétence d'exercer un pouvoir qu'un administrateur, un employé ou un mandataire d'une société exerçant des activités du type exercé par la société a habituellement la compétence d'exercer ledit pouvoir. 4º une personne présentée comme administrateur, employé ou mandataire de la société ayant la compétence d'exercer un pouvoir qu'un administrateur, un employé ou un mandataire d'une société exerçant des activités du type exercé par la société n'a pas habituellement la compétence d'exercer ledit pouvoir ; 5º un document délivré au nom de la société par un administrateur, un employé ou un mandataire de la société qui a effectivement ou normalement l'autorité de délivrer de tels documents n'est ni authentique, ni valable. Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas lorsque la personne a, ou devrait avoir, en raison de ses fonctions au sein de la société, une

gika cya mbere cy'iyi ngingo. Igika cya mbere gikoreshwa n'ubwo umuntu uteganywa mu gace aka 2^{0}, aka 3º, aka 4º n'aka 5º tw'iyi ngingo akoresheje uburiganya cyangwa akoresheje inyandiko mpimbano igaragara ko yashyizweho umukono mu izina rya sosiyete, keretse iyo ukorana na sosiyete cyangwa yabonye umutungo, uburenganzira, inyungu kuri sosiyete yari azi ko habayeho uburiganya cyangwa inyandiko mpimbano. **<u>Ingingo ya 29</u>: Imenyekanisha** Umuntu afatwa ko yamenyeshejwe iyo ubutumwa agenewe bwagejejwe kuri aderesi ye. Nta muntu ufatwa nk'aho yagize ikintu icyo ari cyo cyose amenyeshwa kubera gusa ko cyagaragajwe mu nyandiko zibitswe n'Umwanditsi Mukuru cyangwa ko zerekanywe na sosiyete ku mpamvu z'ubugenzuzi bushingiye kuri iri tegeko. **<u>Icyiciro cya 3:</u> Imikorere y'ubucuruzi**	matters referred to in Paragraph One of this Article. Paragraph One applies even though a person of the kind referred to under items 2º, 3º, 4º and 5º of this Article acts fraudulently or forges a document that appears to have been signed on behalf of the company, unless a person dealing with the company or with a person who has acquired property, rights, or interests from the company has actual knowledge of the fraud or forgery. **<u>Article 29:</u> Service of a notice** A person is deemed to have received a notice when the communication intended for him or her reaches his or her address. A person is not deemed to have received a notice of any matter merely because of its being disclosed in any documents kept by the Registrar General or made available by the company for inspection pursuant this Law. **<u>Section 3</u>: Formalities of carrying on a**	connaissance des matières visées à l'alinéa premier du présent article. L'alinéa premier est d'application même si la personne visée aux points 2º, 3º, 4º et 5º du présent article agit frauduleusement ou émet un faux document qui semble avoir été signé au nom de la société, sauf si la personne qui traite avec la société ou qui acquiert des biens, des droits ou des participations de ladite société a la pleine connaissance de ladite fraude ou dudit usage de faux. **<u>Article 29 :</u> Signification de l'avis** Une personne est réputée avoir reçu un avis lorsque la communication qui lui est destinée parvient à son adresse. Aucune personne n'est réputée avoir reçu un avis de toute question du seul fait que cette dernière a été divulguée dans les documents tenus par le Registraire général ou rendu disponible par la société aux fins d'inspection en application de la présente loi. **<u>Section 3 :</u> Formalités d'exercice d'une**

	business	**activité commerciale**
<u>Ingingo ya 30:</u> Icyicaro cyanditswe na aderesi yanditswe	**<u>Article 30:</u> Registered office and registered address**	**<u>Article 30 :</u> Siège social et adresse enregistrée**
Isosiyete igomba igihe cyose kugira mu Rwanda icyicaro cyanditse. Ubutumwa, imenyekanisha n'imihango yo mu nkiko byose bireba isosiyete bitangwa ku cyicaro cyanditse cya sosiyete.	A company must at all times have a registered office in Rwanda. All communications, notices and service of legal proceedings on the company may be addressed to a company's registered office.	Une société doit avoir en permanence un siège social au Rwanda. Toutes formes de communication, d'avis et de signification de procédures judiciaires concernant la société sont adressées au siège social de la société.
Haseguriwe ibyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zabigabanyaho, Inama y'Ubutegetsi ishobora, igihe icyo ari cyo cyose, guhindura aho icyicaro cy'isosiyete kibarizwa na aderesi yayo yanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	Subject to any restrictions in the company's incorporation documents, the Board of Directors may change its registered office and registered address from time to time in accordance with provisions of this law.	Sous réserve des restrictions prévues dans les documents constitutifs d'une société commerciale, le Conseil d'administration peut, à tout moment, changer le lieu du siège social et son adresse enregistrée conformément aux dispositions de la présente loi.
Ihinduka ry'icyicaro cyanditswe rigira agaciro ku itariki yanditse mu imenyekanisha idashobora kuba iya mbere y'iminsi itanu (5) y'akazi nyuma y'uko imenyekanisha ryaryo ryanditswe n'Umwanditsi Mukuru.	The change of the registered office takes effect on a date stated in the notice but it cannot be earlier than five (5) working days after the notice is registered by the Registrar General.	Le changement de siège social prend effet à la date indiquée dans l'avis mais qui ne peut être antérieure à cinq (5) jours ouvrables suivant l'enregistrement de l'avis par le Registraire Général.
<u>Ingingo ya 31</u>: Uburyo bwo kugeza inyandiko kuri sosiyete	**<u>Article 31:</u> Service of documents on a company**	**<u>Article 31 :</u> Signification de documents à une société**
Itumanaho iryo ari ryo ryose cyangwa inyandiko imenyesha iyo ari yo yose ishobora kugezwa ku isosiyete mu buryo bukurikira:	Any communication, notice or legal process or proceedings are served on a company by:	Toute communication ou tout avis ou procédure judiciaire peuvent être signifiés à une société :

1° nyirayo ayinyujije ku ugize Inama y'Ubutegetsi ya sosiyete cyangwa umwanditsi w'isosiyete;	1° personally serving it to a director or to the company's secretary;	1° en les remettant personnellement à l'administrateur ou au secrétaire de la société;
2° inyujijwe mu ibaruwa ishinganye kuri aderesi y'iposita yanditswe y'isosiyete cyangwa hakoreshejwe uburyo bw' ikoranabuhanga;	2° sending it by registered post to the registered postal address of the company or sending it electronically;	2° en les envoyant par lettre recommandée à l'adresse postale enregistrée de la société ou par voie électronique à l'adresse fournie à cet effet;
3° igejejwe ku cyicaro cyanditse cy'aho isosiyete ikorera;	3° leaving it at the registered office of the company;	3° en les laissant au siège social de la société ;
4° ishyikirijwe umukozi wa sosiyete ku cyicaro gikuru cya sosiyete cyangwa aho ikorera ibikorwa by'ubucuruzi;	4° by delivery to an employee of the company at the company's head office or principal place of business;	4° à l'attention d'un employé de la société au siège social ou au principal établissement de la société ;
5° hakurikijwe ubwumvikane bwagiranywe n'isosiyete;	5° in accordance with an agreement made with the company;	5° conformément un accord conclu avec la société ;
6° kuyishyikiriza kuri aderesi yatanzwe hakurikijwe urukiko rufite ububasha muri urwo rubanza cyangwa mu buryo uhagarariye isosiyete mu mategeko yagaragaje ko yakwemera ko iyo nyandiko yabagejejweho.	6° by serving it at an address for service given in accordance with the rules of the court having jurisdiction in the proceedings or by such means as a attorney acting for the company has, in accordance with those rules, stated that the attorney will accept service.	6° en les signifiant à une adresse destinée à cet effet conformément aux règles du tribunal compétent lors d'une procédure judiciaire ou par tout moyen détenu par un juriste agissant pour le compte de la société et conformément aux dites règles, déclaré que le juriste peut accepter la signification.
Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibangamira uburenganzira ubwo ari bwo bwose buteganyijwe n'iri tegeko gushyiraho ibikorwa:	However, the provisions of Paragraph One of this Article do not limit any right recognised under this Law to bring proceedings:	Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne limitent aucun droit reconnu en vertu de la présente loi d'intenter

		une action :
1° ku kwihanangirizwa ku myitwarire ya sosiyete ishobora kubangamira inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	1° for injunctions to restrain conduct by a company that would contravene its incorporation documents;	1° pour les injonctions visant à restreindre la conduite d'une société qui contreviendrait à ses documents constitutifs;
2° kubera ibikorwa bwite by'abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo ku bayobozi b'isosiyete;	2° by way of personal actions by shareholders or debenture holders of the company against the directors;	2° à titre d'actions personnelles d'actionnaires ou détenteurs des obligations de la société contre les administrateurs;
3° kubera imyitwarire y'abanyamigabane cyangwa abafite imigabane isaba abayobozi kugira icyo bakora;	3° by way of actions by shareholders or debenture holders requiring the directors to act;	3° par voie d'actions d'actionnaires ou détenteurs d'obligations obligeant les administrateurs à agir;
4° byerekeye ibirego biziguye by'abayobozi cyangwa abanyamigabane cyangwa abafite imigabane ba sosiyete.	4° relating to derivative actions by directors or shareholders or debenture holders of the company.	4° relatives aux actions dérivées des administrateurs ou actionnaires ou détenteurs des obligations de la société.
Kuba igikorwa kitari cyangwa kitashoboraga kuba mu nyungu za sosiyete, ntibibangamira ubushobozi bwa sosiyete gukora igikorwa runaka	The fact that an act is not, or would not be, in the best interests of a company does not affect the capacity of the company to do the act.	Le fait qu'un acte n'est pas, ou ne serait pas, dans le meilleur intérêt d'une société n'affecte pas la capacité de la société de poser cet acte.
Ingingo ya 32: Kugaragaza izina ry'isosiyete	**Article 32: Display of company name**	**Article 32: Affichage de la dénomination sociale d'une société**
Isosiyete yose igomba kugira izina ryayo ryuzuye ryanditse mu nyuguti zoroshye gusoma rigashyirwa ahantu hagaragarira buri	Every company has its full name clearly stated in easily legible letters in a conspicuous position outside its registered office or place in	Chaque société doit avoir une dénomination sociale complète en lettres clairement lisibles affichée à un endroit bien visible à l'extérieur

wese, hanze y'ibiro byanditse cyangwa y'aho ibikorwa byayo bikorerwa hazwi.	which its business is carried on.	de son siège social ou de l'endroit où elle exerce ses activités.
Isosiyete igomba kugira izina ryuzuye ryayo n'umubare wihariye uranga sosiyete byanditse mu buryo bworoshye gusoma rigashyirwa aha hakurikira:	A company must have the company's full name and the company's code clearly stated in easily legible letters on:	Une société doit avoir une dénomination sociale complète et un code de la société libellés clairement en lettres facilement lisibles figurant sur:
1° ku butumwa bwanditse bwoherejwe n'isosiyete cyangwa bwoherejwe mu mwanya wayo, uretse ubutumwa bw'imbere mu isosiyete;	1° written communications sent by or on behalf of the company, except for internal company communications;	1° les communications écrites envoyées par ou au nom de la société, à l'exception des communications internes de la société;
2° ku dutabo twose tw'ubucuruzi n'amatangazo y'ubucuruzi bitangwa n'isosiyete cyangwa bitangwa mu mwanya wayo;	2° all trade catalogues and trade circulars issued by or on behalf of the company;	2° tous les catalogues commerciaux et les prospectus commerciaux émis par ou au nom de la société;
3° ku nyandiko zose zitangwa cyangwa zishyirwaho umukono mu mwanya w'isosiyete zemeza cyangwa zishyiraho inshingano z'isosiyete zishingiye ku mategeko.	3° all documents issued or signed by or on behalf of the company as evidence of or that create a legal obligation of the company.	3° tous les documents délivrés ou signés par ou au nom de la société servant de preuve ou créant une obligation juridique de la société.
Isosiyete ishobora gukoresha amagambo ahinnye asanzwe azwi ko ahagarariye ijambo cyangwa amagambo y'izina ryayo igihe cyose bitatuma habaho ukwitiranya ibintu.	A company may use any generally recognised abbreviation of a word or words in the name of a company at any time, so long as it is in a non-misleading manner.	Une société peut faire usage d'une abréviation généralement reconnue représentant un mot ou des mots de sa dénomination sociale pour autant qu'elle ne prête pas à confusion.
Ingingo ya 33: Amagambo y'impine aranga	**Article 33: Abbreviations as to the name of**	**Article 33 : Sigle de la dénomination sociale**

isosiyete ifite uburyozwe buhinnye	**limited company**	**d'une société à responsabilité limitée**
Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 9 y'iri tegeko, iyo uburyozwe bw'abanyamigabane ba sosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane buhinnye, izina ryanditswe rigomba guherukwa n'amagambo "Limited", cyangwa impine "Ltd" mu magambo ahinnye keretse iryo zina rya sosiyete yita ku nyungu za rubanda riherukwa n'ijambo "Community Benefit Company" cyangwa impine "CBC"	Subject to the provisions of Article 9 of this Law, where the liability of the shareholders of a private company is limited, the registered name of the company ends with the word "Limited" or the abbreviation "Ltd", except that the name of a community benefit company ends with the words "Community Benefit Company" or the abbreviation "CBC".	Sous réserve des dispositions de l'article 9 de la présente loi, lorsque la responsabilité des actionnaires d'une société privée est limitée, la dénomination sociale de la société se termine par le mot « Limited » ou le sigle anglais « Ltd », sauf pour le nom d'une société d'intérêt communautaire qui se termine par les mots anglais « Community Benefit Company » ou le sigle anglais « CBC ».
Iyo isosiyete ari sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, izina ryayo ryanditse risozwa n'ijambo "public limited company" cyangwa impine "Plc".	Where the company is a public company, the registered name of the company ends with the words "public limited company" or the abbreviation "Plc".	Pour une société publique, la dénomination sociale se termine par le mot « Public » ou le sigle anglais « Plc ».
<u>Ingingo ya 34:</u> Gusonerwa kongeraho amagambo «Ltd»	**<u>Article 34:</u> Dispensation to add the abbreviation "Ltd"**	**<u>Article 34:</u> Dérogation à l'ajout du sigle «Ltd»**
Iyo ibimenyetso bishyikirijwe Umwanditsi Mukuru ko isosiyete ifite uburyozwe buhinnye irimo gushingwa ifite intego yo guteza imbere ubucuruzi, ubukorikori, ubuhanga, iyobokamana, gufasha ikiremwamuntu cyangwa indi ntego y'ingirakamaro, kandi ifite ubushake bwo gushora inyungu zayo n'indi mitungo yayo mu gushimangira izo ntego, kandi ko idateganya kugabagabanya inyungu abanyamigabane bayo, Inama y'Ubutegetsi ishobora gutegeka ko iyo	Where it is proved to the satisfaction of the Registrar General that a limited company to be formed has an objective of promoting commerce, art, science, religion, charity or any other useful objective, and intends to apply its profits or other income in promoting its objectives, and that it does not intend to distribute its dividends to its shareholders, the Board of Directors may direct that the entity be registered as a limited company without the addition of the abbreviation "Ltd" to its name.	Lorsque des preuves sont soumises au Registraire général, qu'une société à responsabilité limitée à constituer a pour objet la promotion du commerce, de l'art, de la science, de la religion, de la charité ou d'un autre objet utile, et qu'elle envisage d'affecter ses bénéfices et autres revenus à la promotion de ses objectifs et qu'elle ne compte pas distribuer des dividendes à ses actionnaires, le Conseil d'administration peut ordonner que cette société soit enregistrée comme société à

sosiyete yakwandikwa nk'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye bitari ngombwa kongera ku izina ryayo impine y'ijambo "Ltd".		responsabilité limitée sans avoir à ajouter le sigle «Ltd » à sa dénomination sociale.
Umwanditsi Mukuru ashobora gutanga ayo mabwiriza ku isosiyete yarangije kwandikwa, igihe yaba abonye ko iyo sosiyete yujuje ibyangombwa bisabwa byavuzwe mu gika kibanza.	The Registrar General may make such a directive for a company which has already been registered if he or she is satisfied that the company complies with the conditions prescribed in the preceding Paragraph.	Le Registraire général peut prendre une telle directive pour une société déjà enregistrée s'il considère que ladite société remplit les conditions prescrites à l'alinéa précédent.
Igihe isosiyete imaze kwandikwa, igomba kugira uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe n'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye, keretse gusa ibijyanye no gukoresha ijambo "Ltd" mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi no kohereza Umwanditsi Mukuru urutonde rw'abanyamigabane, abagize Inama y'Ubutegetsi n'abacunga isosiyete.	Upon registration, the Company enjoys all the privileges of limited companies, and is subject to all their obligations, except those of using the abbreviation "Ltd" in the register of companies and business activities as well as sending lists of shareholders, directors and managers of the company to the Registrar General.	Dès qu'une société est enregistrée, elle est soumise aux mêmes privilèges et obligations qu'une société à responsabilité limitée, exception faite de l'usage du sigle « Ltd » dans le registre des sociétés et des activités commerciales et de la transmission au Registraire général de la liste des actionnaires, des administrateurs et des gérants.
Ingingo ya 35: Gukuraho isonerwa ryo kongeraho «Ltd»	**Article 35: Revocation of dispensation to add "Ltd"**	**Article 35 : Annulation de la dérogation à l'ajout du sigle «Ltd»**
Ibiteganyijwe mu ngingo ya 34 y'iri tegeko bishobora kuvanwaho binyujijwe mu imenyesha ry'Umwanditsi Mukuru iyo asanze impamvu zatumye habaho isonerwa zitagifite ishingiro. Isosiyete bireba igomba kubahiriza iryo vanwaho mu gihe cyagenwe mu imenyesha ry'Umwanditsi Mukuru.	The provisions of Article 34 of this Law may be revoked by notification of the Registrar General, where he or she finds that the reasons for dispensation are no longer valid. The company concerned must comply with the revocation within a period specified by the Registrar General's notification.	Les dispositions de l'article 34 de la présente loi peut être révoquée par notification du Registraire général, lorsqu'il constate que les raisons de dérogation ne sont plus valables. La société concernée doit se conformer à cette révocation dans un délai indiqué dans la notification du Registraire général.
Ingingo ya 36: Gusaba kubikirwa izina	**Article 36: Application for company name**	**Article 36 : Demande de réservation de**

ry'isosiyete	**reservation**	**dénomination sociale d'une société**
Gusaba kubikirwa izina, haba ku bashaka gushinga isosiyete cyangwa se abashaka guhindura izina ry'isosiyete bikorwa n'umuntu ushaka guhindura izina ry'isosiyete.	An application for a name reservation is made by a person who wishes to form a company or who wishes to change the name of a company.	Une demande de réservation de dénomination sociale est faite par ceux qui désirent créer une société ou changer de dénomination sociale d'une société.
Amabwiriza y'umwanditsi Mukuru agena uburyo kubikirwa izina bikorwa.	Instructions of the Registrar General determine modalities for company name reservation.	Les instructions du Registraire général déterminent les modalités de réservation de dénomination sociale d'une société.
Iyo Umwanditsi Mukuru yemeye ubwo busabe, izina ribikwa mu gitabo cy'isosiyete mu gihe cy'amezi atatu (3) gishobora kongerwa rimwe gusa ari uko bisabwe.	Where the Registrar General approves such an application, the name is reserved in the company register for a period of three (3) months renewable only once upon application.	Au cas où le Registraire général approuve une telle demande, la dénomination sociale est réservée dans le registre de la société pour une période de trois (3) mois renouvelable une seule fois sur demande.
Iyo Umwanditsi Mukuru atemeye ubusabe bwo kubikirwa izina, abimenyesha usaba mu nyandiko igaragaza impamvu butemewe mu gihe cy'iminsi ibiri (2) y'akazi kuva ku tariki ubusabe bwakiriweho.	Where the Registrar General rejects an application for a name reservation, the Registrar General notifies the applicant in writing within two (2) working days from the date on which such an application was received stating the reasons for rejection.	Lorsque le Registraire général rejette la demande de réservation de dénomination sociale, il notifie par écrit au demandeur dans les deux (2) jours ouvrables suivant la date de réception de la demande tout en précisant les motifs de rejet.
Icyakora, kubikirwa izina ubwabyo ntibiha isosiyete nyarwanda cyangwa y'inyamahanga uburenganzira bwo kwandikwa kuri iryo zina; byaba ari mu itangizwa ryayo cyangwa mu ihindurwa ry'izina.	However, the reservation of a name does not by itself entitle the proposed domestic or foreign company to be registered under that name, either originally or on a change of name.	Toutefois, la réservation d'une dénomination sociale ne suffit pas à elle seule à habiliter la société de droit national ou étrangère, à être enregistrée sous cette dénomination sociale, que ce soit au moment de la constitution ou du changement de dénomination sociale.
Ingingo ya 37: Ibitemewe mu kubika	**Article 37: Restrictions on company name**	**Article 37 : Restrictions à la réservation ou**

cyangwa kwandika izina ry'isosiyete	**reservation or registration**	**l'enregistrement de la dénomination sociale d'une société**
Umwanditsi Mukuru ntagomba kubika cyangwa kwandika izina iyo:	The Registrar General does not reserve or register a name:	Le Registraire général ne doit pas réserver ou enregistrer la dénomination sociale :
1° ryabangamira cyangwa imikoreshereze yaryo yabangamira itegeko iryo ari ryo ryose;	1° which, or the use of which, would contravene any Law;	1° pouvant ou dont l'usage peut enfreindre une loi quelconque;
2° rishobora gutera urujijo;	2° which may be misleading;	2° pouvant prêter à confusion;
3° rinyuranyije n'umuco w'igihugu;	3° which goes against good morals;	3° contraire aux bonnes mœurs;
4° risa cyangwa rijya gusa n'irindi Umwanditsi Mukuru yarangije kubikira indi sosiyete;	4° which is identical or almost identical to a name that the Registrar General has already reserved for another company;	4° identique ou presque identique à une autre dénomination sociale que le Registraire général a déjà réservée pour une autre société;
5° risa n'iry'isosiyete iriho cyangwa ikigo cya Leta gikora ubucuruzi cyangwa rijya gusa na ryo ku buryo byatera urujijo, keretse mu gihe iyo sosiyete iriho cyangwa icyo kigo cya Leta gikora ubucuruzi kiri mu gihe cy'iseswa kandi byaremewe mu buryo bugenwa n'Umwanditsi Mukuru.	5° which is identical with that of an existing company, or statutory corporation, or so nearly resembles that name as to be likely to mislead, except where the existing company or statutory corporation is in the course of being dissolved and signifies its consent in such a manner as the Registrar General requires.	5° identique à celle d'une autre société existante ou d'un établissement public à caractère commercial ou qui lui est presque identique tellement qu'il est susceptible de prêter à confusion, sauf si cette société existante ou établissement public est dans un processus de dissolution et y consent d'une manière requise par le Registraire général.
Ingingo ya 38: Gusaba guhindura izina	**Article 38: Application to change a**	**Article 38: Demande de changement d'une**

ry'isosiyete	**company name**	**dénomination sociale d'une société**
Gusaba guhindura izina bikorwa mu nyandiko yabugenewe igenwa n'Umwanditsi Mukuru.	An application to change a company name is made following the form prescribed by the Registrar General.	Une demande de changement d'une dénomination sociale d'une société se fait dans la forme prescrite par le Registraire général.
Inyandiko isaba guhindura izina ry'isosiyete igomba:	An application to change the name of a company must:	Une demande de changement d'une dénomination sociale d'une société doit :
1° kugaragaza ko icyemezo cyo guhindura izina cyafashwe n'abanyamigabane keretse iyo inyandiko z'ishingwa rya sosiyete zemera ko guhindura izina bikorwa n'abayobozi, muri icyo gihe bigaragazwa n'umwanzuro w'inama y'ubutegetsi bwa sosiyete;	1° prove that the resolution to change the company name was passed by the company shareholders unless the incorporation documents allow for the change to be made by the directors in which case, proof of a resolution of the Board of Directors of the company;	1° prouver que la résolution de changer la dénomination sociale a été prise par les actionnaires de la société sauf si les documents d'incorporation autorisent le changement effectué par les administrateurs, dans ce cas, une preuve de la décision du Conseil d'administration de la société ;
2° kugaragaza izina rishya ryagenewe isosiyete.	2° indicate the new name contemplated for the company.	2° indiquer la nouvelle dénomination prévue pour la société.
Haseguriwe inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, inyandiko isaba guhindura izina rya sosiyete ntabwo ari uguhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete.	Subject to its incorporation documents, an application to change the name of a company is not an amendment of its incorporation documents.	Sous réserve des documents constitutifs, une demande de changement de la dénomination sociale d'une société ne constitue pas une modification de ses documents constitutifs.
<u>Ingingo ya 39:</u> Gushyira mu bikorwa ihindura ry'izina ry'isosiyete	**<u>Article 39:</u> Implementing change of a company name**	**<u>Article 39 :</u> Mise en œuvre du changement de dénomination sociale d'une société**
Iyo Umwanditsi Mukuru asanze isosiyete yarubahirije ibisabwa n'iri tegeko bijyanye no guhindura izina akora ibi bikurikira:	Where the Registrar General is satisfied that a company has complied with the requirements under this Law for changing a company name,	Lorsque le Registraire général constate que la société remplit les conditions requises par la présente loi en matière de changement de

	he or she does the following:	dénomination sociale, il fait ce qui suit :
1° yandika izina rishya ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete;	1° record a new name of the company in the company register;	1° inscrire la nouvelle dénomination sociale de la société au registre des sociétés ;
2° yandika ihindurwa ry'izina ry'isosiyete ku cyemezo cy'iyandikwa ryaryo;	2° record the change of name of the company on the certificate of incorporation of the company;	2° enregistrer le changement de la dénomination sociale de la société sur le certificat de constitution de la société ;
3° asaba isosiyete kurimenyekanisha.	3° instructs the company to publicise the name.	3° ordonner à la société de le rendre public.
Ingingo ya 40: Ingaruka y'ihindurwa ry'izina ry'isosiyete	**Article 40: Effect of changing a company name**	**Article 40 : Effet du changement de dénomination sociale d'une société**
Guhinduka kw'izina ry'isosiyete yanditswe bigira agaciro guhera ku itariki igaragara ku cyemezo cy'ihindura.	The change of name of a registered company takes effect from the date recorded in the amended certificate of incorporation.	Le changement de dénomination sociale d'une société enregistrée prend effet à compter de la date figurant dans le certificat d'enregistrement modifié.
Ihinduka ntirigira ingaruka ku burenganzira n'inshingano by'isosiyete, cyangwa ku byo isosiyete yaba ikurikirana imbere y'amategeko cyangwa yaba ikurikiranwaho.	The change does not affect the rights and obligations of the company, or legal proceedings by or against the company.	Le changement n'affecte pas les droits et les obligations de la société, ou les procédures judiciaires engagées par ou contre la société.
Ibyo isosiyete yaba yarakurikiranwagaho ku izina ryayo rya kera bishobora gutangira gukurikiranwa cyangwa gukomeza kuyikurikiranwaho ku izina ryayo rishya.	Legal proceedings that might have been continued or commenced against the company under its former name may be continued or commenced against it under its new name.	Les procédures légales qui seraient poursuivies ou engagées contre la société sous son ancienne dénomination sociale peuvent être poursuivies sous sa nouvelle dénomination sociale.

<u>Ingingo ya 41</u>: Gusabwa guhindura izina	**<u>Article 41:</u> Instruction to change name**	**<u>Article 41 :</u> Instruction de changer une dénomination sociale**
Iyo Umwanditsi Mukuru yemeje ko isosiyete itagombaga kwandikwa ku izina ifite, asubira ku cyemezo cyo kwandika izina ry'isosiyete, akamenyesha iyo sosiyete icyemezo yafashe mu nyandiko agaragaza impamvu yagifashe. Asaba kandi iyo sosiyete guhindura izina mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma yo kwakira iryo menyesha.	In case the Registrar General determines that a company should not have been registered under a certain name, he or she reverses the decision to register the company name and provides the company with a written notice stating the grounds for such decision. He or she also requests the company to change the name within thirty (30) days from the date on which the notice was served.	Lorsque le Registraire général juge qu'une société ne devrait pas être enregistrée sous une quelconque dénomination sociale, il annule sa décision d'enregistrer la dénomination sociale de la société et notifie par écrit à la société sa décision motivée. Il demande également à la société de changer sa dénomination sociale dans les trente (30) jours suivant la date de signification de l'avis.
<u>Ingingo ya 42:</u> Gutegeka isosiyete kureka izina	**<u>Article 42:</u> Requiring a company to abandon a name**	**<u>Article 42 :</u> Injonction à une société d'abandonner une dénomination sociale**
Mu gihe icyo ari cyo cyose Umwanditsi Mukuru abona ko:	If at any time the Registrar General believes that:	Chaque fois que le Registraire général est d'avis que :
1° izina ryanditswe ry'isosiyete ritera urujijo ku bijyanye n'imiterere y'ibyo ikora ku buryo bushobora kubangamira rubanda;	1° a company's registered name gives a misleading indication of the nature of its activities that is likely to cause harm to the public;	1° la dénomination sociale enregistrée d'une société donne une indication fallacieuse quant à la nature de ses activités qui risque de causer un préjudice au public;
2° izina ry'isosiyete ryanditswe ritujuje ibisabwa n'iri tegeko;	2° a company's registered name does not comply with the requirements of this Law;	2° la dénomination sociale enregistrée d'une société n'est pas conforme aux exigences de la présente loi;
3° hatanzwe amakuru ateye urujijo hagamijwe iyandikwa ry'isosiyete ku izina	3° misleading information has been given for the purpose of a company's	3° des informations trompeuses ont été fournies aux fins de l'enregistrement

iri n'iri;	registration with a particular name;	d'une société sous une quelconque dénomination sociale;
4° hari ibyiyemejwe cyangwa ibyishingiwe gukorwa bijyanye no kwandika isosiyete ku izina runaka ariko bitubahirijwe;	4° undertakings or assurances given for the purpose of a company's registration with a particular name have not been fulfilled;	4° des engagements et assurances données pour l'enregistrement d'une société sous une quelconque dénomination sociale n'ont pas été remplis;
Umwanditsi Mukuru ashobora gutegeka isosiyete mu nyandiko guhindura izina ryayo mu gihe cy'iminsi mirongo ine n'itanu (45) uhereye ku itariki ubuyobozi bw'iyo sosiyete buhereweho icyo cyemezo.	the Registrar General may direct the company in writing to change its name within a period of forty-five (45) days from the date on which the direction is served on the company.	il peut ordonner par écrit à la société de changer sa dénomination sociale dans un délai de quarante-cinq (45) jours à compter de la date de signification de l'ordre à la société.
<u>Ingingo ya 43</u>: Igihe isosiyete itinze guhindura izina mu gihe cyagenwe	**<u>Article 43</u>: Delay to change a company name within a specified period**	**<u>Article 43</u>: Retard de changer la dénomination sociale d'une société dans un délai prévu**
Igihe isosiyete idahinduye izina mu gihe kigenwe mu imenyeshwa, Umwanditsi Mukuru yandika isosiyete ku izina rishya yahisemo we ubwe kandi iryo zina rigafatwa nk'izina ryanditswe ry'isosiyete nk'uko biteganywa n'iri tegeko.	In case a company does not change its name within a period specified in the notice, the Registrar General may register the company under a new name decided upon by himself or herself and that name is considered as the company's registered name under this Law.	Si la société ne change pas sa dénomination sociale dans le délai stipulé dans l'avis, le Registraire général peut procéder à son enregistrement sous une nouvelle dénomination sociale qu'il choisit lui- même et qui est réputé être la dénomination sociale de cette société conformément à la présente loi.
Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete kivuguruye, yandika izina rishya ry'isosiyete kandi akabimenyesha isosiyete.	The Registrar General issues an amended certificate of incorporation, registers the company's new name and gives notice thereof to the company.	Le Registraire général délivre un certificat de constitution modifié, enregistre la nouvelle dénomination sociale de la société et en informe cette dernière.

Ingingo ya 44: Gutangazwa kw'izina ry'isosiyete Isosiyete ni yo igomba gukurikira no kumenya neza ko izina ryayo ryamanitswe cyangwa ryatangajwe ku buryo bugaragara: 1° muri buri tumanaho ryanditse ryoherejwe n'isosiyete cyangwa ryoherejwe mu izina ryayo; 2° kuri buri nyandiko yatanzwe cyangwa yasinywe n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo nk'ikimenyetso cyangwa ikanabyara inshingano ku isosiyete.	**Article 44: Communication of a company name** A company must ensure that its name is clearly displayed or stated: 1° in every written communication sent by, or on behalf of, the company; 2° in every document issued or signed by, or on behalf of, the company that evidences or creates a legal obligation of the company.	**Article 44 : Communication de dénomination sociale d'une société** Une société doit s'assurer que sa dénomination sociale est clairement affichée ou indiquée : 1º dans chaque communication écrite envoyée par ou pour le compte de la société; 2º dans chaque document émis ou signé par ou au nom de la société constatant ou créant une obligation légale pour la société.
Ingingo ya 45: Uburyozwe mu kwandika izina ry'isosiyete ku buryo butari bwo Iyo izina ry'isosiyete ryanditse ku buryo butari bwo mu nyandiko ihamya cyangwa igena inshingano zayo zishingiye ku mategeko, kandi iyo nyandiko ikaba yarashyizweho umukono cyangwa yaratanzwe na sosiyete cyangwa mu izina ryayo, abagize uruhare bose mu isohoka ry'iyo nyandiko cyangwa bayishyizeho umukono babiryozwa ku buryo bumwe n'isosiyete ubwayo.	**Article 45: Liability for writing a company name incorrectly** In case the name of a company is incorrectly stated in a document which is evidence of or creates a legal obligation of the company and the document is issued or signed by or on behalf of the company, every person who took part in the issuance of the document or who signed it is liable to the same extent as the company.	**Article 45 : Responsabilité pour dénomination sociale d'une société mal écrite** Lorsque la dénomination sociale d'une société n'est pas correctement écrite dans un document qui constate ou crée une obligation légale pour ladite société, et que ledit document est émis ou signé par ou au nom de la société, chaque personne ayant participé à émettre ou à signer ce document est tout aussi responsable que la société.

Icyakora, iyo umuntu watanze inyandiko ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo cyangwa wayishyizeho umukono agaragaje ko mu gihe iyo nyandiko yasohorwaga cyangwa yashyirwagaho umukono umuntu washyirirwagaho iyo nshingano yari azi neza ko iyo nshingano izabazwa isosiyete ntabiryozwa.	However, if the person who issued or signed the document provided for under Paragraph One of this Article proves that the person in whose favour the obligation was incurred was aware at the time the document was issued or signed that the obligation was incurred by the company, he or she is relieved of that liability.	Toutefois, si la personne ayant émis ou signé ce document visé à l'alinéa premier du présent article prouve que la personne envers laquelle l'obligation a été contractée savait, au moment où le document était émis ou signé, que l'obligation était contractée par la société, elle est dégagée de cette responsabilité.
Ingingo ya 46: Itangazwa ry'ihindurwa ry'izina ry'isosiyete	**Article 46: Notice of change of a company name**	**Article 46 : Notification du changement de dénomination sociale d'une société**
Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12), buri nyandiko itanzwe cyangwa ishyizweho umukono n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo rya mbere y'isohoka ry'itangazo ku ihinduka ry'izina ryayo, iyo isosiyete igomba kureba neza ko inyandiko igaragaza ibi kikurikira:	Following a company's release of a public notice indicating that the name of the company was changed, the company ensures that for a period of twelve (12) months each document issued or signed on behalf of the company states:	Dans un délai de douze (12) mois, tout document émis ou signé par la société ou pour son compte avant l'avis au public de la société sur le changement de la dénomination sociale de la société, celle-ci doit s'assurer que le document précise :
1° izina ry'isosiyete ryahindutse muri icyo gihe;	1° the name of the company being changed in that period;	1° que le changement de la dénomination sociale de la société a eu lieu au cours de cette période;
2° izina cyangwa amazina mu gihe habaye guhindura izina inshuro irenze imwe mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12).	2° the former name or names of the company in case of change of name more than once within twelve (12) months.	2° l'ancienne ou les anciennes dénominations sociales de la société en cas de changement de dénomination sociale plus d'une fois dans les douze (12) mois.
Icyiciro cya 4: Gukora amasezerano	**Section 4: Entering into contract and**	**Section 4 : Conclusion de contrat et pouvoir**

n'ababasha bw'intumwa	representative's powers	du mandataire
<u>Ingingo ya 47</u>: Uburyo bwo kugirana amasezerano	**<u>Article 47:</u> Method of contracting**	**<u>Article 47 :</u> Mode contractuel**
Amasezerano cyangwa indi nshingano igomba kurangizwa ishobora gushyirwaho n'isosiyete ku buryo bukurikira:	A contract or other enforceable obligation is entered into by a company as follows:	Un contrat ou autre obligation exécutoire sont conclus par une société comme suit :
1° inshingano iteganywa n'itegeko y'uko yakagombye gushyirwaho mu buryo bw'inyandiko ishobora gushyirwaho n'isosiyete mu nyandiko ishyizweho umukono mu mwanya w'isosiyete n'aba bakurukira:	1° an obligation that the law requires to be made by written contract is entered into on behalf of the company in writing signed under the name of the company by:	1° l'obligation qui doit être faite par un contrat écrit tel que requis par la loi peut être contractée par la société dans un écrit signé pour le compte d'une société par:
a) abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete babiri (2) cyangwa barenga igihe ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;	a) two (2) or more directors of the company in the case of a public company;	a) deux (2) ou plusieurs administrateurs de la société dans le cas d'une société publique;
b) ugize Inama y'Ubutegetsi umwe cyangwa umwanditsi cyangwa bombi;	b) one director or the secretary or both of them;	b) un administrateur ou le secrétaire ou les deux;
c) igihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite ugize inama y'ubutegetsi umwe gusa, n'uwo muyobozi;	c) the director, in the case of a private company with only one director;	c) un administrateur, dans le cas d'une société privée qui n'a qu'un seul administrateur;
d) undi muntu ugize inama y'ubutegetsi cyangwa undi muntu, cyangwa itsinda ry'abantu, iyo inyandiko z'ishingwa	d) any other director or any other person or group of persons, if the company's incorporation documents so provide;	d) tout autre administrateur ou toute autre personne ou groupe de personnes, si les documents constitutifs de la société

ry'isosiyete ari uko zibiteganya; e) intumwa imwe cyangwa nyinshi zishyirwaho n'isosiyete hakurikijwe iri tegeko; 2° inshingano yindi yose ishobora gushyirwaho mu izina ry'isosiyete n'undi muntu wese uyikorera, yagenwe mu buryo bweruye cyangwa buteruye. Igika cya mbere cy'iyi ngingo gikurikizwa ku masezerano cyangwa inshingano iyo: 1° amasezerano yakorewe mu Rwanda cyangwa inshingano zarashyiriweho mu Rwanda cyangwa ahandi; 2° mu gihe itegeko rigenga amasezerano cyangwa inshingano ari itegeko ry'u Rwanda cyangwa atari iry'u Rwanda. **<u>Ingingo ya 48</u>: Ububasha bw'intumwa y'isosiyete bwo gushyira umukono ku nyandiko** Isosiyete ishobora guha umuntu mu nyandiko ububasha bwo gukora igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa gushyira umukono ku nyandiko mu izina ryayo mu buryo bwa rusange cyangwa ku bintu bigenwe,	e) one or more attorneys appointed by the company in accordance with this Law; 2° any other obligation may be entered into on behalf of the company by any person acting under its express or implied authority. Paragraph One of this Article applies to a contract or to an obligation if: 1° the contract or obligation was entered into in Rwanda or elsewhere; 2° the Law governing the contract or obligation is the law of Rwanda or not. **<u>Article 48:</u> Power of company's representative to sign documents** A company may, in writing, empower any person, either generally or in respect of any specified matters, as its nominee, to perform any act or sign documents on its behalf.	le prévoient ainsi; e) un ou plusieurs mandataires nommés par la société conformément à la présente loi; 2° toute autre obligation peut être contractée pour le compte d'une société par toute personne agissant sous sa permission expresse ou implicite. L'alinéa premier du présent article s'applique à un contrat ou une obligation si : 1° le contrat ou l'obligation ont été ou non conclus au Rwanda ou ailleurs; 2° la loi régissant le contrat ou l'obligation est ou non la loi du Rwanda. **<u>Article 48 :</u> Pouvoir du mandataire d'une société de signer les documents** Une société peut, par écrit, habiliter une personne, soit de façon générale, soit à l'égard des questions données, à accomplir un acte ou signer des documents en son nom en tant que son mandataire.

nk'intumwa yayo.		
Inyandiko ishyizweho umukono n'intumwa mu izina ry'isosiyete yitirirwa isosiyete.	A document signed by the nominee on behalf of the company binds the company.	Un document signé par un mandataire au nom de la société lie la société.
<u>Ingingo ya 49</u>: Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete	**<u>Article 49:</u> Pre-incorporation contracts**	**<u>Article 49 :</u> Contrats antérieurs à la constitution en société**
Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete ashobora kwemezwa n'iyo sosiyete nyuma y'uko ishinzwe, bityo iyo sosiyete ikaba igomba kuyubahiriza no kuyakuramo inyungu nk'aho yaba yari iriho ku itariki ayo masezerano yakozwe mbere y'ishingwa yakoreweho, kandi nk'aho ari yo yayakoze.	A pre-incorporation contract may be ratified by the company after its incorporation and thereupon the company is bound by it and entitled to the benefit of it as if the company was in existence at the date of the pre-incorporation contract and as if the company had entered into the contract.	Un contrat antérieur à la constitution en société peut être entériné par la société après sa constitution, et dès lors la société est liée par ce contrat et a le droit d'en bénéficier, comme si la société existait à la date du contrat antérieur à la constitution en société et comme si elle l'avait conclu.
Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete, ashobora kwemezwa mu gihe giteganywa muri ayo masezerano, cyangwa mu gihe nta gihe giteganywamo, iyemezwa ryayo rikaba mu gihe gikwiye nyuma y'ishingwa ry'isosiyete ayo masezerano yakozwe mu izina ryayo.	A pre-incorporation contract may be ratified within such period as may be specified in the contract, or if no period is specified, then within a reasonable time after the incorporation of the company in the name of which, or on behalf of which, it has been made.	Un contrat antérieur à la constitution en société peut être entériné dans le délai prévu dans ledit contrat, ou si aucun délai n'y est prévu, il est entériné dans un délai raisonnable après la constitution de la société au nom ou pour le compte de laquelle il a été conclu.
Mbere yo kwemezwa n'isosiyete, umuntu wiyitiriye igikorwa mu izina cyangwa mu mwanya w'isosiyete, ni we ugomba kwirengera ku giti cye amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete kandi akaba ari we uyakuramo inyungu, igihe nta masezerano agaragara abivuguruza ahari.	Before ratification by the company, the person who purported to act in the name or on behalf of the company is, in the absence of express agreement to the contrary, personally bound by the pre-incorporation contract and entitled to the benefit of it.	Avant d'être entériné par la société, la personne qui prétendait agir au nom ou pour le compte de la société est, en l'absence de convention expresse contraire, personnellement liée par le contrat antérieur à la constitution en société et a le droit d'en bénéficier.

Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete yemezwa na yo mu buryo bumwe amasezerano cyangwa indi nshingano bishobora gushyirwaho n'isosiyete hakurikijwe iri tegeko.	A pre-incorporation contract is ratified by a company in the same manner as a contract or other enforceable obligation may be entered into by a company under this Law.	Un contrat antérieur à la constitution en société est entériné par celle-ci de la même manière qu'un contrat ou une obligation exécutoire peut être conclu par une société conformément à la présente loi.
Umwe mu bagiranye amasezerano yakozwe mbere y'uko isosiyete ishingwa, nyuma yo kwandikwa ntiyemeze ingingo zose ziyagize cyangwa igice cyayo, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.	A party to a pre-incorporation contract that is not approved in all or a part of its provisions by the company after its registration may file a claim to the competent court.	Une partie au contrat antérieur à la constitution en société qui n'est pas entériné en tout ou en partie par la société, après son enregistrement peut saisir une juridiction compétente.
UMUTWE WA III: IMIGABANE N'IMIGABANE NGUZANYO	**CHAPTER III: SHARES AND DEBENTURES**	**CHAPITRE III: ACTIONS ET OBLIGATIONS**
Icyiciro cya mbere: Kugura imigabane n'imigabane nguzanyo	**Section One: Subscription for shares and debentures**	**Section première : Souscription d'actions et d'obligations**
Ingingo ya 50: Guhamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo	**Article 50: Public invitation to subscribe for shares and debentures**	**Article 50 : Invitation au public à la souscription d'actions et d'obligations**
Inyandiko ihamagarira rubanda gufata imigabane cyangwa imigabane nguzanyo ni inyandiko cyangwa ubundi buryo buhamagarira abantu, baba abo mu cyiciro cyihariye cy'abantu cyangwa rubanda muri rusange, n'iyo byaba byakwitabirwa gusa n'abo byagenewe.	A public invitation to subscribe for shares or debentures is construed as a document or any means whether intended to a particular section of the public or to the public in general even though such invitation is accepted by the targeted public.	Une invitation au public à la souscription d'actions ou d'obligations est assimilée à un document ou tout autre moyen destinés à un public bien ciblé ou au public en général quand bien même cette invitation serait acceptée par le public visé.
Gusaba gufata imigabane cyangwa imigabane nguzanyo bishobora gukorwa hakurikijwe uko	An offer of shares or debentures may be made pursuant to provisions of the invitation and	L'offre d'actions ou d'obligations peut se faire conformément à l'invitation, mais la

biteganyijwe muri iryo hamagara, gusaba gufata imigabane cyangwa imigabane nguzanyo bikorwa gusa n'umuntu wagejejweho iryo hamagara.	subscription of shares and debentures is done only by a person to whom the invitation for subscription is issued.	souscription d'actions ou d'obligations est faite uniquement par une personne à qui l'invitation a été adressée.
Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko yihariye, ihamagara ryo kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo rikozwe nta buriganya ntirifatwa nk'aho ryakorewe rubanda iyo ari:	Subject to the provisions of special Laws, the invitation to subscribe for shares or debentures issued *bona fide* is not construed to be intended for the public where it is:	Sous réserve des dispositions des lois spéciales, l'invitation de souscrire des actions ou des obligations émises de bonne foi ne peut être considérée comme étant faite au public si elle est :
1° inyandiko isaba gukorana amasezerano yo kwishingira igurishwa ry'imigabane isanzwe n'imigabane nguzanyo;	1° an offer to enter into an underwriting agreement for selling shares and debentures;	1° une offre de conclusion d'une convention de souscription pour la vente d'actions et d'obligations;
2° inyandiko igenewe umuntu usanzwe akora akazi ko kugura no gucuruza imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo yaba ari we ubwe cyangwa intumwa ye;	2° made to a person whose ordinary business is to buy and sell shares or debentures whether as principal or agent;	2° une offre faite à une personne dont l'activité habituelle consiste en l'achat et en la vente des actions ou des obligations à titre de principal ou de mandataire ;
3° inyandiko igenewe abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo ikaba yerekeranye n'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo y'iyo sosiyete;	3° made to existing shareholders or debenture holders of a company and relates to shares or debentures of that company;	3° une offre faite aux actionnaires ou obligataires actuels de la société et relative aux actions ou aux obligations de cette société.
4° ihamagara rikozwe ku istinda ry'abantu runaka, aho:	4° an invitation is made exclusively to a restricted circle of persons, whereby:	4° une invitation est adressée exclusivement à un cercle restreint de personnes, où:
a. ubutumire bugenewe icyiciro cy'abantu runaka bazwi	a. the invitation is addressed to an identifiable category of persons to	a. l'invitation est adressée à une catégorie identifiable de personnes auxquelles il

bakabugezwaho n'utumira cyangwa intumwa y'utumira;	whom it is directly communicated by the inviter or the inviter's agent;	est directement communiqué par l'initiateur ou par le mandataire de l'initiateur de l'invitation;
b. abagize icyiciro cy'abo bantu nibo bonyine bashobora kwemera ubwo butumire kandi bakaba bafite amakuru ahagije kugira ngo babashe gusesengura mu buryo bukwiye ubwo butumire;	b. the members of that category are the only persons who may accept the offer and they are in possession of sufficient information to be able to make a reasonable evaluation of the invitation;	b. les membres de cette catégorie sont les seules personnes qui peuvent accepter l'offre et qui détiennent des informations suffisantes pour être en mesure de procéder à une évaluation raisonnable de l'invitation;
c. umubare w'abantu mu Rwanda cyangwa ahandi ubwo butumire bushobora guhabwa nturenga mirongo itanu (50).	c. the number of persons in Rwanda or elsewhere to whom the invitation is so communicated does not exceed fifty (50).	c. le nombre de personnes au Rwanda ou ailleurs à qui l'invitation est ainsi communiquée ne dépasse pas cinquante (50) personnes.
Amabwiriza y'Ikigo cya Leta gishinzwe ibijyanye n'isoko ry'imari n'imigabane agena uburyo kugurisha imigabane nguzanyo bikorwamo.	Instructions of the national authority in charge of capital market determines modalities for the subscription of debentures.	Les instructions de l'autorité nationale chargée du marché des capitaux déterminent les modalités de souscription des obligations.
Ingingo ya 51: Inyandiko ifatwa nk'imigabane nguzanyo	**Article 51: Document deemed debentures**	**Article 51: Document considéré comme obligations**
Inyandiko yose itanzwe ihamagarira rubanda kuguriza isosiyete amafaranga cyangwa kubitsamo amafaranga ifatwa nk'ihamagarira abantu kugura imigabane nguzanyo.	Any invitation to the public to deposit money with or to lend money to a company is deemed to be an invitation to subscribe for or purchase debentures of the company.	Est considérée comme une invitation au public à la souscription ou achat d'obligations d'une société toute invitation au public à déposer ou prêter de l'argent à la société.
Inyandiko yose ikozwe n'isosiyete, igamije cyangwa isabwa gukorwa na yo, yemeza cyangwa itanga ikimenyetso cy'umwenda	Any document that is issued or intended or required to be issued by a company acknowledging or evidencing or constituting	Tout document émis ou à émettre ou à devoir émettre par la société en guise de reconnaissance ou de preuve ou de

cyangwa igize ikimenyetso cy'umwenda isosiyete irimo werekeranye n'amafaranga yahawe cyangwa yagurijwe cyangwa se ishobora guhabwa cyangwa kugurizwa bikurikije ihamagarira rubanda ryo kuyiguriza cyangwa kuyibitsamo amafaranga, yitwa inyandiko y'umugabane nguzanyo.	an acknowledgement of the indebtedness of the company in respect of any money that is or may be deposited with or lent to the company in response to a public invitation is deemed a debenture.	constitution de preuve d'endettement de la société en rapport avec tout argent déposé ou pouvant être déposé ou prêté ou pouvant être prêté à la société suite à une invitation au public est considéré comme une obligation.
Icyiciro cya 2: Ubwoko n'itangwa by'imigabane	**Section 2: Nature and allotment of shares**	**Section 2 : Nature et attribution d'actions**
Akiciro ka mbere: Imigabane n'itangwa ryayo	**Subsection One: Shares and their allotment**	**Sous-section première : Actions et leur attribution**
Ingingo ya 52: Ibiranga imigabane	**Article 52: Characteristics of shares**	**Article 52 : Caractéristiques des actions**
Imigabane y'isosiyete:	Shares in a company:	Les actions d'une société :
1° ni umutungo bwite;	1° are personal property;	1° sont des biens personnels;
2° ntiri mu mitungo itimukanwa;	2° are not in the nature of immovable property;	2° ne sont pas dans la nature de biens immeubles;
3° ishobora gusaranganywa;	3° can be allotted;	3° peuvent être attribuées;
4° iha abanyamigabane uburenganzira buteganywa muri iri tegeko no mu nyandiko z'iyandikisha ry'isosiyete;	4° confer to shareholders the rights provided in this Law and in the company's incorporation documents;	4° confèrent aux actionnaires des droits prévus par la présente loi et dans les documents constitutifs de la société;
5° ihererekanywa hitawe ku buryo inyandiko z'ishingwa rya sosiyete ziteganya uko uburenganzira bugabanywa cyangwa	5° are transferable subject to any restrictions or limitations set out in the company's incorporation documents.	5° sont cessibles sous réserve des restrictions ou des limitations stipulées dans les documents constitutifs de la

bugenerwa aho bugarukira.		société.
Ingingo ya 53: Ubwoko bw'imigabane	**Article 53: Types of shares**	**Article 53 : Types d'actions**
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, isosiyete ishobora gushyira imigabane itanga mu byiciro bitandukanye. Imigabane mu isosiyete ishobora kuba:	Subject to the provisions of company's incorporation documents, different classes of shares may be issued in a company. The shares in a company may:	Sous réserve des stipulations des documents constitutifs de la société, cette dernière peut classer les actions qu'elle émet dans des catégories différentes. Les actions dans une société peuvent:
1° imigabane isanzwe;	1° be ordinary;	1° être ordinaires;
2° imigabane isosiyete yakwisubiza iyiguze;	2° be redeemable;	2° être rachetables;
3° imigabane itanga uburenganzira bwo kurutishwa abandi mu gihe cy'isaranganya ry'imari shingiro cyangwa ibindi sosiyete yinjije;	3° confer preferential rights to distributions of capital or income;	3° conférer les droits préférentiels dans la distribution du capital social ou des revenus;
4° imigabane itanga uburenganzira bwihariye, bucagase cyangwa bufite ibindi busaba kubahiriza mu gihe cy'amatora;	4° confer special, limited or conditional voting rights;	4° conférer des droits de vote spéciaux, limités ou conditionnels;
5° imigabane idatanga uburenganzira bwo gutora ubwo ari bwo bwose.	5° not confer any voting rights.	5° ne conférer aucun droit de vote.
Ingingo ya 54: Kugira konti ya buri cyiciro cy'imigabane	**Article 54: Maintaining an account for each class of shares**	**Article 54: Tenue d'un compte pour chaque catégorie d'actions**
Buri sosiyete igomba kugira konti mu gitabo cy'ibaruramari ya buri cyiciro cy'imigabane igaragaza amazina na aderesi	Each company must maintain in the book of accounts a stated capital account for each class of shares it issues stating the names and	Toute société doit avoir dans ses livres comptables un compte de capital déclaré pour chaque catégorie d'actions émises par elle

by'abanyamigabane n'umubare wabo, itsinda n'icyiciro by'imigabane ya buri wese.	addresses of all shareholders and the number, type and class of shares held by each of them.	indiquant les noms et adresses de tous les actionnaires et le nombre, le type et la catégorie des actions détenues par chacun.
Ingingo ya 55: Konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane	**Article 55: Share premium account**	**Article 55 : Compte de primes d'émission**
Isosiyete ntishobora kugabanya imari shingiro yayo, keretse mu buryo buteganywa n'iri tegeko.	A company cannot reduce its stated capital except as provided under this Law.	Aucune société ne peut réduire son capital déclaré, sauf dans les conditions prévues par la présente loi.
Ingingo z'iri tegeko zigenga iby'imari shingiro yatangajwe ntizireba isosiyete yemerewe gukora nk'ikigega rusange cyemerewe gushora imari.	The provisions of this Law relating to stated capital do not apply to a company which is authorized to operate as a fund.	Les dispositions de la présente loi portant sur le capital social déclaré ne sont pas applicables à une société autorisée à fonctionner comme un fonds.
Imari shingiro y'isosiyete igomba guhabwa agaciro mu mafaranga y'u Rwanda cyangwa mu yandi mafaranga byemejwe n'umwanditsi Mukuru.	The share capital of a company is expressed in Rwandan francs or in any other currency authorised by the Registrar General.	Le capital social déclaré d'une société est exprimé en francs rwandais ou en toute autre devise agréée par le Registraire général.
Iyo imigabane ifite agaciro mu mafaranga yatanzwe hari andi mafaranga yiyongera ku gaciro kayo, byaba ari ukwishyura mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, umubare wose w'ayo mafaranga yiyongera kuri iyo migabane ugomba gushyirwa kuri konti yitwa «konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane», kandi ingingo z'iri tegeko zerekeye imari shingiro y'isosiyete n'izerekeranye n'igabanuka ry'imari shingiro y'isosiyete zigomba gukurikizwa.	Where shares having a par value are issued at a premium, whether for cash or otherwise, a sum equal to the aggregate amount or value of the premiums on those shares is transferred to an account to be called "the share premium account" and the provisions of this Law relating to the stated capital of the company and relating to the reduction of the share capital of the company apply.	Lorsque les actions à valeur nominale sont émises à prime, que ce soit en numéraire ou autrement, la somme équivalente au montant total ou à la valeur totale des primes d'émission de ces actions est transférée sur un compte appelé « compte de primes d'émission » et il est fait application des dispositions de la présente loi relatives au capital social déclaré d'une société et à la réduction de capital social d'une société.

Iyo imigabane yatanzwe yahawe agaciro mu mafaranga itishyuwe ako kanya, noneho amafaranga atangwa akaruta ayagenewe agaciro k'iyo migabane, ikinyuranyo hagati y'amafaranga y'agaciro k'iyo migabane n'ayakiriwe kuri iyo migabane kigomba gushyirwa kuri konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane.	Where shares having a par value are issued for a consideration other than cash and the value of that consideration is more than the par value of such shares, the difference between the par value of the shares and the value of the shares so acquired is transferred to the share premium account.	Lorsque les actions à valeur nominale sont émises en contrepartie d'apports autres qu'en numéraire et que la valeur de cette contrepartie est supérieure à la valeur nominale de ces actions, la différence entre la valeur nominale de ces actions et la valeur des actions ainsi acquises est transférée sur le compte de primes d'émission.
Iyo imigabane ifite agaciro mu mafaranga, konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane ishobora, hatitawe ku byavuzwe byose mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, gufungurwa n'isosiyete kugira ngo hishyurwe imigabane yayo igomba gutangwa ku buryo bwuzuye.	In the case of shares having a par value, the share premium account may, notwithstanding provisions of Paragraph one of this Article, be opened in order for the shares of the company to be issued as fully paid shares.	Au cas où les actions sont à valeur nominale, le compte de primes d'émission peut, nonobstant les dispositions de l'alinéa premier du présent article, être créé par la société pour la libération des actions de la société à émettre aux actionnaires de la société en tant qu'actions entièrement libérées.
<u>Ingingo ya 56</u>: Amafaranga yo kwishyura hakoreshejwe konti yagenewe imigabane na konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane	**<u>Article 56:</u> Payments by use of stated capital account and the share premium account**	**<u>Article 56 :</u> Paiements à travers un compte en capital déclaré et compte de primes d'émission**
Konti yahariwe imari shingiro, harimo n'igihe imigabane ifite agaciro mu mafaranga, konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane, bitewe n'uko abagize Inama y'Ubutegetsi babona ko nyuma y'ubusabe isosiyete yashobora kwishyura imyenda, zishobora gusabirwa mu nyandiko gukoreshwa na sosiyete kugira ngo yishyure:	The stated capital account, including in case of shares having a par value, the share premium account may, provided that the directors are satisfied that the company will immediately after the application satisfy the solvency test, be applied by the company in order to pay:	Le compte en capital déclaré, y compris le cas des actions à valeur nominale et le compte de primes d'émission peuvent, dès lors que les administrateurs estiment que la société pourra, immédiatement après la demande, satisfaire au test de solvabilité, être utilisés par la société pour payer :

1° ibyaguzwe by'ibanze n'isosiyete; 2° amafaranga n'ibihembo bijyanye n'igenwa cyangwa itangwa ry'imigabane.	1° the preliminary expenses of the company; 2° the expenses of, and the commission paid on the determination or issue of any such shares.	1° les dépenses préliminaires de la société; 2° les frais et les commissions payés lors de la création ou de l'émission de ces actions.
<u>Ingingo ya 57</u>: Igabanywa ry'uburenganzira mu itangwa ry'imigabane	**<u>Article 57:</u> Restrictions on allotment of shares**	**<u>Article 57</u>: Restrictions sur l'attribution d'actions**
Isosiyete ntiyemerewe gutanga: 1° umugabane ufite agaciro gacishirije cyangwa agaciro katari mu mafaranga; 2° umugabane ushobora guhamagarirwa kugurishwa; 3° umugabane isosiyete ishobora kwisubiza iwuguze mu gihe hatabayeho isaranganya ry'imigabane y'isosiyete idashobora kwisubizwa na sosiyete iyiguze. Iyo isosiyete isaranganya imigabane ifite agaciro mu mafaranga: 1° umugabane witiriwe ko utangiwe agaciro gacishirije cyangwa agaciro katari mu mafaranga ufatwa nk'umugabane udafite agaciro mu mafaranga, utanzwe ku giciro nyacyo cy'umugabane kirimo n'agaciro	A company is not allowed to allot: 1° a nominal or par value share; 2° a share which is subject to calls; 3° a redeemable share at a time when there are no allotted shares of the company which are not redeemable. If a company allots par value shares: 1° a share purportedly allotted with a nominal or par value is deemed to be a share of no nominal or par value, allotted at its actual allotment price, including any purported premium;	Il est interdit à une société d'attribuer : 1° une action à valeur nominale ou au pair; 2° une action susceptible d'appels; 3° une action rachetable du moment qu'il n'y a pas d'actions attribuées d'une société qui ne sont pas rachetables. Si une société attribue des actions à valeur nominale : 1° une action prétendument attribuée avec une valeur nominale ou au pair est réputée être une action sans valeur nominale ou au pair attribuée à son prix réel, y compris toute prétendue prime;

kose kaba karahindutse; 2° umugabane witiriwe kuba wahamagarirwa kugurwa ufatwa nk'aho wishyuwe byuzuye; 3° umugabane witiriwe ko utanzwe nk'umugabane isosiyete ishobora kwisubiza iwuguze ufatwa nk'umugabane isosiyete idashobora kwisubiza.	2° a share purportedly allotted subject to calls is deemed to be fully paid; 3° a share purportedly allotted as redeemable, is deemed to be not redeemable.	2° une action prétendument attribuée en tant que susceptible d'appels est réputée être entièrement libérée; 3° une action prétendument attribuée comme rachetable est réputée être non rachetable.
<u>Ingingo ya 58</u>: Kwemeza itangwa ry'imigabane	**<u>Article 58:</u> Authorisation to allot shares**	**<u>Article 58:</u> Autorisation d'attribution d'actions**
Haseguriwe ibyateganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'ikurwaho ry'amahitamo y'abanyamigabane mu isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane riteganywa mu ngingo ya 203 y'iri tegeko, isosiyete ishobora gutanga imigabane igihe cyose byemejwe n'abanyamigabane mu mwanzuro usanzwe, cyangwa byemejwe n'Inama y'Ubutegetsi iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, hagaragazwa :	Subject to any restrictions of provisions in the incorporation documents of a private company or of any options by the shareholders of a private company provided for under Article 203 of this Law, a company may allot shares from time to time as decided by shareholders by ordinary resolution or, in the case of a public company, by the Board of Directors, in specifying:	Sous réserve de toutes restrictions des stipulations de ses documents constitutifs d'une société privée ou de toute option des actionnaires d'une société privée prévu à l'article 203 de la présente loi, une société peut, à tout moment, attribuer des actions sur décision des actionnaires par résolution ordinaire et, dans le cas d'une société publique, par le Conseil d'administration en précisant :
1° uburenganzira, akarusho, igabanywa ry'uburenganzira n'ibisabwa bijyanye na buri mugabane utangwa, ndetse no kuba umugabane ushobora guhererekanywa ; 2° umubare ntarengwa w'imigabane itangwa;	1° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each share to be allotted, and its transferability, 2° the maximum number of shares to be	1° les droits, privilèges, restrictions et conditions rattachées à chaque action à attribuer et sa cessibilité ; 2° le nombre maximal d'actions à

	allotted;	attribuer;
3° itariki ububasha bw'itangwa ry'imigabane buzarangiriraho iyo yagenywe.	3° the date, if any, when such authority to allot shares expires.	3° la date, le cas échéant, de l'expiration de ce pouvoir d'attribution des actions.
Umwanzuro w'itangwa ry'imigabane ushyikirizwa Umwanditsi Mukuru mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi wemejwe.	A resolution for allotment of shares is submitted to the Registrar General within fifteen (15) days of its adoption.	Une résolution d'attribution d'actions est soumise au Registraire général dans les quinze (15) jours suivant son adoption.
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa, ry'isosiyete, gutanga imigabane hubahirijwe uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi ntibyubahirizwa mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	Subject to the provisions of incorporation documents, the requirement to allot shares in accordance with shareholders' pre-emption rights does not apply in the case of a public company.	Sous réserve des stipulations des documents constitutifs, l'obligation d'attribuer des actions conformément aux droits de préemption des actionnaires ne s'applique pas dans le cas d'une société publique.
<u>Ingingo ya 59</u>: Uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi	**<u>Article 59:</u> Pre-emption rights**	**<u>Article 59 :</u> Droits de préemption**
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, abanyamigabane ba sosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane bafite uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi yatanzwe na sosiyete nk'uko biteganijwe muri iyi ngingo. Uburenganzira bwa buri munyamigabane ni uguhabwa imigabane mishya yatanzwe hakurikijwe imigabane asanganwe, ku giciro kitari kure y'igiciro cyatanzweho iyo migabane ku bandi kandi ku mabwiriza ashyigikira uburenganzira bungana ku itora n'itangwa ry'uburenganzira ku	Subject to the provisions of incorporation documents, the shareholders of a private company have a pre-emption right to acquire newly-issued shares of a company as provided in this Article. The right of each shareholder is to acquire the newly-issued shares pro rata to the shares already held by such existing shareholders, at a price no less favourable than that offered to other persons, and on terms which maintain the relative voting and distribution rights of those existing shareholders.	Sous réserve des stipulations des documents constitutifs, les actionnaires d'une société privée ont un droit de préemption pour acquérir des actions nouvellement émises d'une société tel que prévu dans le présent article. Le droit de chaque actionnaire est d'acquérir les actions nouvellement émises au prorata des actions déjà détenues par des actionnaires existants, à un prix qui n'est pas moins favorable que celui offert aux autres personnes et selon les modalités permettant de maintenir les droits de vote relatifs et les droits de distribution de ces actionnaires existants.

banyamigabane basanzwe.		
Isosiyete iha buri munyamigabane usanzweho inyandiko y'imenyekanisha ry'itangwa ry'imigabane riteganyijwe igaragaza nibura umubare w'imigabane igiye gutangwa, igiciro giteganyijwe cyangwa uburyo bw'igena ry'igiciro itangirwaho, n'igihe ntarengwa n'uburyo uburenganzira bwo kugura imigabane mbere y'abandi bukoreshwamo.	The company gives each existing shareholder advance notice of any proposed issuance stating, at a minimum, the number of shares to be issued, the proposed price or method of determining the price of issuance, and the time period and procedure for exercising the pre-emptive rights.	La société donne à chaque actionnaire existant un avis préalable de toute émission proposée indiquant, au minimum, le nombre d'actions devant être émises, le prix proposé, la méthode de détermination du prix d'émission ainsi que les délais et la procédure pour exercer les droits de préemption.
Haseguriwe ibiteganyijwe mu nyandiko y'ishingwa ry'isosiyete, igihe kigomba kuba gifunguye mu gihe cy'amezi atatu (3). Amabwiriza yose n'ibikurikizwa bigomba kuba bimwe ku banyamigabane bose bafite ubwo burenganzira.	Subject to the provisions of incorporation documents, the time period remains open within a period of three (3) months. All rules and conditions for exercise must be uniform for all shareholders who have this right.	Sous réserve des stipulations des documents constitutifs, ces délais doivent rester ouverts pendant une période de trois (3) mois. Toutes les règles et procédures pour l'exercice doivent être uniformes pour tous les actionnaires ayant ce droit.
Imigabane ifitweho uburenganzira bwo kugurwa mbere y'abandi baguzi itaguzwe n'abanyamigabane basanzweho ishobora guhabwa undi muntu wese mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma y'uko ihawe abanyamigabane basanzweho ku giciro kimwe n'ikijyanye no kubahiriza uburenganzira bwo kugura imigabane mbere y'abandi.	Shares subject to pre-emption rights that are not acquired by existing shareholders pursuant to such rights may be issued to any person within a period of three (3) months after having been offered to existing shareholders at the same price as the price set for the exercise of pre-emption rights.	Les actions soumises aux droits de préemption qui ne sont pas acquises par les actionnaires existants en vertu de ces droits peuvent être émises à une quelconque personne endéans trois (3) mois après avoir été offertes aux actionnaires existants conformément au présent article, au même prix que le prix fixé pour l'exercice des droits de préemption.
Itangwa ry'imigabane ku giciro kiri hasi muri icyo gihe cy'amezi atatu (3) cyangwa nyuma yacyo, bijyana n'ikoreshwa ry'uburenganzira bw'abanyamigabane basanzweho.	The allotment of shares at a lower price during or after such three (3)-month period is subject to existing shareholders' rights.	L'offre d'actions à un prix inférieur ou au cours de cette période de trois (3) mois est soumise aux droits des actionnaires existants.

Inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zishobora kubuza, gukumira cyangwa guhindura ubu burenganzira.	The incorporation documents of a company may negate, limit or modify these rights.	Les documents constitutifs d'une société peuvent réfuter, limiter ou modifier ces droits.
<u>Ingingo ya 60</u>: Ingurane ku itangwa ry'imigabane	**<u>Article 60:</u> Consideration for allotment of shares**	**<u>Article 60 :</u> Contrepartie pour l'attribution d'actions**
Haseguriwe igabanywa ry'ingurane ku itangwa ry'imigabane ku masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane hakurikijwe iri tegeko, ubwishyu butangwa ku migabane ni amafaranga, impapuro zivunjwa amafaranga, amasezerano ku bizakorwa mu gihe kizaza, ibintu byimukanwa cyangwa umutungo utimukanwa cyangwa izindi nyandiko z'isosiyete.	Subject to restrictions on consideration on allotment of shares for public companies in accordance with this Law, payment given on shares is cash, promissory notes, contracts for future services, moveable or immoveable property or any other securities of the company.	Sous réserve des restrictions sur la contrepartie pour les sociétés publiques en vertu de la présente loi, la contrepartie pour laquelle une action est attribuée peut être en numéraire ou sous forme de billets à ordre, de contrats pour les services futurs, de biens meubles ou immeubles ou d'autres titres de la société.
Hatitawe ku kintu icyo ari cyose giteganywa mu nyandiko z'ishingwa ryayo, ariko haseguriwe ivanwaho ry'amahitamo yose y'abanyamigabane b'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane rigenwa n'iyi ngingo, mbere yo gutanga imigabane bitari ukuyicamo uduce, Inama y'Ubutegetsi:	Notwithstanding anything in its incorporation documents, subject to any option out of this article by the shareholders of a private company determined by this Article, before a company allots shares other than share split, the Board of Directors:	Nonobstant toute stipulation des documents constitutifs, sous réserve d'une quelconque option de non application du présent article par les actionnaires d'une société privée déterminée par la présente loi, le Conseil d'administration, avant qu'une société n'attribue des actions autres qu'un fractionnement d'actions :
1° ifata icyemezo ku ngurane imigabane igiye gutangirwaho n'uburyo igiye gutangwamo	1° decides on the consideration for and the terms on which shares will be allotted;	1° décide de la contrepartie pour laquelle les actions seront attribuées et les termes selon lesquels elles seront attribuées;
2° yemeza niba, mu bushishozi bwayo,	2° resolves that in its opinion the	2° décide que, à son avis, la contrepartie

ingurane n'uburyo by'isaranganywa ry'imigabane bibereye kandi bikwiye ku bw'isosiyete no ku bw'abanyamigabane basanzweho bose.	consideration for and terms of the allotment are fair and reasonable to the company and to all existing shareholders.	pour l'attribution et les conditions y relatives sont, selon l'avis de la société et de tous les actionnaires existants, équitables et raisonnables.
Abagize Inama y'Ubutegetsi batorera icyemezo bashyira umukono ku cyemezo kigaragaramo:	The directors who vote in favour of the resolution sign a certificate stating:	Les administrateurs votant en faveur de la résolution signent un certificat attestant :
1° ingurane n'uburyo buteganyirijwe itangwa ry'imigabane;	1° the consideration for and the proposed terms of the allotment;	1° la contrepartie de l'attribution proposée et les conditions y relatives;
2° ko mu bushishozi bwabo, ingurane n'uburyo by'itangwa ry'imigabane bibereye kandi bikwiye ku bw'isosiyete no ku bw'abanyamigabane basanzweho bose;	2° that in their opinion, the consideration for and terms of the allotment are fair and reasonable to the company and to all existing shareholders;	2° qu'à leur avis, la contrepartie pour l'attribution et les conditions y relatives sont, quant à la société et à tous les actionnaires existants, équitables et raisonnables;
3° ibidakorwa biteganywa mu ngingo ya 67 y'iri tegeko, iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	3° the restrictions set out in Article 67 of this Law, if the company is a public company.	3° les restrictions prévues à l'article 67 de la présente loi, si la société est une société publique.
Mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi, Inama y'Ubutegetsi ishyikiriza Umwanditsi Mukuru icyemezo nk'uko giteganywa n'iri tegeko.	The Board of Directors, within fifteen (15) working days, submits a certificate to the Registrar General as specified by this Law.	Dans les quinze (15) jours ouvrables, le Conseil d'administration soumet au Registraire général un certificat conformément à la présente loi.
Abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora igihe icyo ari cyo cyose gufata icyemezo cyo gutanga imigabane nk'uduce tw'umugabane, iryo tangwa ry'imigabane ritubahirije igika	The directors may at any time resolve to allot shares as a share split, and such allotment of shares does not necessarily respect Paragraphs One and 3 of this Article.	Les administrateurs peuvent à tout moment décider d'attribuer des actions après leur fractionnement, sans que cette attribution s'applique aux alinéas premier et 3 du présent

cya mbere n'icya 3 by'iyi ngingo.		article.
<u>Ingingo ya 61</u>: Ibidakorwa mu itangwa ry'imigabane	**<u>Article 61</u>: Restrictions to allotment of shares**	**<u>Article 61 :</u> Restrictions relatives à l'attribution d'actions**
Hatitawe ku cyo ari cyo cyose mu nyandiko z'iyandikisha z'isosiyete, isosiyete ntishobora gukora amasezerano cyangwa indi nyandiko yashingirwaho hasabwa gusaranganya cyangwa hashobora gusabwa gusaranganya imigabane, keretse:	Notwithstanding anything in its incorporation documents, a company cannot enter into a contract or deed under which it is or may be required to allot any shares unless:	Nonobstant toute stipulation de ses documents constitutifs, une société ne peut pas conclure un contrat ou un acte en vertu desquels elle est ou peut être obligée d'attribuer des actions, à moins que :
1° isosiyete yemerewe gusaranganya imigabane;	1° the company is entitled to allot shares;	1° la société ait le droit d'attribuer des actions;
2° isaranganywa ry'imigabane ryose isosiyete ishobora gusabwa gukora ryubahirije uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi buteganywa mu ngingo ya 59 y'iri tegeko;	2° any allotment of shares which the company may be required to make complies with pre-emption rights under Article 59 of this Law;	2° toute attribution d'actions que la société peut ainsi être tenue de faire soit conforme aux droits de préemption en vertu de l'alinéa premier de l'article 59 de la présente loi;
3° kandi abagize Inama y'Ubutegetsi baremeje ubwishyu n'uburyo bw'isaraganywa ry'imigabane.	3° the directors have approved the payment for and terms of allotment.	3° les administrateurs eussent approuvé le payement et les conditions de l'attribution.
Igika cya mbere cy'iyi ngingo ntigikurikizwa iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane iyo abanyamigabane bayo bavanyeho ibisabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	Paragraph One of this Article does not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of the requirements under Paragraph One of this Article.	L'alinéa premier du présent article ne s'applique pas dans le cas d'une société privée où les actionnaires ont renoncé aux exigences visées à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 62: Guhindura icyiciro cy'imigabane mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane	**Article 62: Conversion of class of shares into shares of no-par value**	**Article 62 : Conversion de la catégorie des actions en actions sans valeur nominale**
Isosiyete ishobora igihe icyo ari cyo cyose guhindura icyiciro cyose cy'imigabane y'isosiyete mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane mu gihe byemejwe na mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'abanyamigabane batorera icyo cyemezo.	A company may at any time, convert any class of shares of the company into no-par value shares provided that seventy-five per cent (75%) of shareholders vote for the resolution.	Une société peut à tout moment convertir toute catégorie d'actions en actions sans valeur nominale pourvu que soixante-quinze pour cent (75%) des actionnaires approuvent la résolution.
Iyo habayeho guhindura imigabane biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, inyandiko isobanura ibyakurikijwe mu mihindurire y'imigabane ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo byandikwe mu minsi itarenze cumi n'ine (14) uhereye igihe iryo hindurwa ryemerejwe.	In case of conversion of shares as provided for in Paragraph One of this Article, a notice of the terms of the conversion is given to the Registrar General for registration within fourteen (14) days of approval of the conversion.	En cas de conversion d'actions prévue à l'alinéa premier du présent article, un avis décrivant les conditions de conversion des actions est remis au Registraire général pour être enregistré dans les quatorze (14) jours de la date d'approbation de la conversion.
Ingingo ya 63: Uburenganzira n'uburyozwe butagizweho ingaruka n'imigabane yahinduwe	**Article 63: Rights and liabilities not affected by converted shares**	**Article 63: Droits et responsabilités non affectés par la conversion des actions**
Imigabane ifite agaciro kuri buri mugabane yahinduwe mu migabane idafite agaciro kuri buri mugabane ntigira ingaruka ku burenganzira n'uburyozwe bujyanye n'iyo migabane.	The shares having a par value which are converted into of no-par value do not affect the rights and liabilities attached to such shares.	Les actions à valeur nominale converties en actions sans valeur nominale n'affectent en aucun cas les droits et obligations qui y sont rattachés.
By'umwihariko iryo hinduka ntirishobora kugira icyo ritera:	In particular, such conversion does not affect:	En particulier, une telle conversion ne peut pas affecter:

1° ku kigomba kwishyurwa icyo ari cyo cyose kuri iyo migabane; 2° ku burenganzira bw'abafite imigabane bujyanye n'inyungu igabanywa na bo, itora cyangwa iyishyurwa igihe cy'iseswa ry'isosiyete cyangwa igabanuka ry'imari shingiro.	1° any unpaid liability on such shares; 2° the rights of the holders of the shares in respect of dividends, voting, or repayment during the winding up of a company or in case of reduction of share capital.	1° tout engagement impayé à l'égard de ces actions; 2° les droits des actionnaires sur les dividendes, le vote ou le remboursement à la liquidation de la société ou à la réduction du capital social.
<u>Ingingo ya 64</u>: Kwemera itangwa ry'imigabane	**<u>Article 64:</u> Consent to allotment of shares**	**<u>Article 64 :</u> Consentement à l'attribution d'actions**
Isosiyete ntigomba guha umuntu umugabane, iyo uwo mugabane wongera umwenda umuntu agomba isosiyete cyangwa ugatuma uwo muntu agirira isosiyete uburyozwe bushyashya, keretse iyo uwo muntu yemeye mu nyandiko gufata imigabane. Itangwa ry'imigabane ryose hatabayeho uko kuyemera nta gaciro riba rifite.	A company cannot allot a share to any person if the allotment of that share increases liability of that person to the company or imposes new liability on that person unless that person consents in writing to acquire shares. Any allotment of shares without such consent is void.	Une société ne peut attribuer une action à une quelconque personne, si l'attribution a pour effet d'accroître la dette de cette dernière vis-à-vis de la société ou de créer une nouvelle obligation pour elle, à moins que cette personne n'ait consenti par écrit à acquérir cette action. Toute attribution d'actions sans un tel consentement est nulle est non avenue.
<u>Ingingo ya 65</u>: Imenyesha ry'ihinduka ry'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kubera itangwa ry'imigabane	**<u>Article 65:</u> Notification of alteration of incorporation documents due to allotment of shares**	**<u>Article 65 :</u> Notification d'une modification des documents constitutifs suite à l'attribution d'actions**
Iyo isosiyete itanze imigabane, Inama y'Ubutegetsi ishyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko y'ihinduka ry'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye ku munsi w'iryo tangwa	When a company issues shares, the Board of Directors submits to the Registrar General a notice of alteration of the company's incorporation documents within fifteen (15) working days from such an allotment.	Lorsqu'une société procède à l'attribution d'actions, le Conseil d'administration soumet au Registraire général un avis de modification de ses documents constitutifs dans un délai de quinze (15) jours ouvrables à dater du jour

ry'imigabane.		d'une telle attribution.
<u>Akiciro ka 2</u>: Ingingo zihariye ku itangwa ry'imigabane mu masosiyete adahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane	**<u>Subsection 2:</u> Special provisions relating to allotment of shares for private companies**	**<u>Sous-section 2 :</u> Dispositions particulières relatives à l'attribution d'actions dans les sociétés privées**
<u>Ingingo ya 66</u>: Igabanywa ry'uburenganzira bw'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane mu igurisha ry'imigabane	**<u>Article 66:</u> Restriction on public offers by private company**	**<u>Article 66 :</u> Restriction sur les offres publiques par une société privée**
Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ntigomba:	A private company shall not:	Une société privée ne doit pas :
1° guhamagarira rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu kuyiguramo imigabane, byaba kuyiha amafaranga cyangwa kuyiha ku bundi buryo ingwate y'isosiyete y'ibintu byimukanwa iyo ari yo yose;	1° offer to the public or any section of the public, whether for cash or otherwise any securities of the company;	1° faire appel au public ou à une partie quelconque du public pour offrir, soit en numéraire ou autrement, des titres de la société;
2° gutanga imigabane cyangwa kwemera gutanga imigabane, byaba ku mafaranga cyangwa ku ngwate ya sosiyete y'ibintu byimukanwa ku bundi buryo hagamijwe ko ingwate zose cyangwa zimwe na zimwe zagurishwa rubanda cyangwa icyiciro runaka cya rubanda.	2° allot shares or agree to allot shares, whether for cash or otherwise, any securities of the company with a view to all or any of the securities being offered for sale to the public or any section of the public.	2° attribuer ou accepter d'attribuer des actions, que ce soit en numéraire ou autrement, tous titres de la société en vue de proposer à la vente la totalité ou une partie des titres au public ou à une partie quelconque du public.
Nta na kimwe giteganywa n'iyi ngingo kigira ingaruka ku gaciro k'itangwa ry'imigabane iryo ari ryose cyangwa ak'igurishwa	No provision of this Article affects the validity of any allotment of shares or sale of securities, or of any agreement to allot shares or sell	Aucune disposition du présent article n'a d'incidence sur la validité de toute attribution d'actions ou de la vente de titres ou de tout

ry'ingwate, cyangwa ku gaciro k'amasezerano yo gutanga imigabane cyangwa kugurisha ingwate.	securities.	accord d'attribuer des actions ou de vendre des titres.
<u>Akiciro ka 3:</u> Ingingo zihariye ku itangwa ry'imigabane mu masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane	**<u>Subsection 3:</u> Special provisions relating to allotment of shares for public companies**	**<u>Sous-section 3 :</u> Dispositions particulières relatives à l'attribution d'actions dans les sociétés publiques**
<u>Ingingo ya 67:</u> Itangwa ry'ubwishyu ku mugabane mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ku byerekeye ingurane	**<u>Article 67:</u> Distribution of payment for public companies with regard to compensation**	**<u>Article 67 :</u> Distribution du paiement pour les sociétés publiques en ce qui concerne la compensation**
Isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ntigomba kugira uwo yemerera kuyisezeranya ko we cyangwa undi muntu azishyura imigabane ye cyangwa andi mafaranga y'inyongera asabwa kuri iyo migabane ye mu buryo bw'imirimo cyangwa serivisi yakorera iyo sosiyete cyangwa undi muntu aho kuyishyura mu mafaranga.	A public company must not accept at any time, in payment up of its shares or any premium on them, an undertaking given by any person that he or another should do work or perform services for the company or any other person.	En aucun cas, une société publique ne doit, dans la libération de ses actions ou de toute prime sur ces dernières, accepter qu'une personne quelconque s'engage à ce qu'elle-même ou une autre personne effectue un travail ou preste des services pour le compte de la société ou de toute autre personne au titre de la libération de ces actions.
Ariko iyo isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane yemeye ko hagira uyisezeranya kuzishyura imigabane ye cyangwa andi mafaranga y'inyongera asabwa kuri iyo migabane muri ubwo buryo, maze iyo migabane cyangwa andi mafaranga y'inyongera asabwa kuri iyo migabane bigafatwa ko byishyuwe byose cyangwa igice cyabyo, nyir'iyo migabane afite inshingano zikurikira:	However, if a public company accepts such an undertaking in payment up of its shares or any premium on them, the holder of the shares when they or the premium are treated as paid up, in whole or in part, by the undertaking is liable:	Toutefois, si une société publique accepte un tel engagement en contrepartie de la libération de ses actions ou d'une prime sur ces dernières, le détenteur de ces actions, lorsque celles-ci ou la prime sont considérées comme libérées, en tout ou en partie, par la société, est tenu de :

1° kwishyura iyo sosiyete amafaranga angana n'agaciro k'iyo migabane mu mafaranga hamwe n'andi mafaranga yose y'inyongera asabwa kuri iyo migabane cyangwa umubare w'amafaranga ujyanye n'imigabane yari yarafashwe ko yishyuwe mu buryo butari ubw'amafaranga;	1° to pay the company in respect of those shares an amount equal to their nominal value, together with the whole of any premium or, if the case so requires, such proportion of that amount as is treated as paid up by the undertaking;	1º verser à la société, à l'égard de ces actions, un montant égal à leur valeur nominale ainsi que la totalité de toute prime ou, le cas échéant, la proportion de ce montant considérée comme libérée sous forme d'engagement;
2° kwishyura inyungu ku mafaranga agomba kwishyurwa avugwa mu gace ka 1º k'igika cya 2 cy'iyi ngingo kandi iyo nyungu ikabarwa ku ijanisha rikwiye;	2° to pay interests at the appropriate rate on the amount payable under item 1° of Paragraph 2 of this Article;	2º payer des intérêts au taux approprié sur le montant à payer en vertu du point 1° de l'alinéa 2 du présent article ;
Umunyamigabane uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo agira uburenganzira ntakumirwa bwo:	The shareholder referred to in Paragraph 2 of this Article has an unconditional right:	L'actionnaire visé à l'alinéa 2 du présent article dispose d'un droit inconditionnel :
1° kwandikwaho iyo migabane mu gitabo cy'abanyamigabane b'iyo sosiyete;	1° to be included in the company's register of members in respect of those shares;	1º d'être inscrite au registre des membres de la société au titre de ces actions ;
2° gusaba ko hakorwa inyandiko igaragaza ko yeguriwe iyo migabane.	2° to have an instrument of transfer of them executed in his favour.	2º de faire exécuter un acte de cession de ces actions en sa faveur.
<u>Ingingo ya 68</u>: Ibisabwa by'inyongera	**<u>Article 68:</u> Additional requirements**	**<u>Article 68 :</u> Conditions supplémentaires**
Iyo imigabane igiye gutangwa itari amafaranga yishyurwa, abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane bagomba kugaragaza,	If shares are to be allotted other than for cash immediately payable, the directors of a public company state the reasonable cash value of the compensation for the allotment in the	Si les actions sont à être attribuées d'une façon autre qu'en numéraire et sont payables immédiatement, les administrateurs d'une société publique doivent indiquer dans le

mu cyemezo gishyizweho umukono, agaciro kayo nyako mu mafaranga k'ingurane y'itangwa ry'imigabane.	certificate signed.	certificat signé la valeur raisonnable de l'attribution.
Buri sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza ariho y'Isoko ry'Imigabane yerekeye amatangazo ahamagarira rubanda gushora imari mu isosiyete, ibisabwa n'amabwiriza n'amategeko n'ibindi byangombwa bisabwa.	Every public company complies with any regulation in force concerning the Capital Market public offers conditions required by and laws as well as any other necessary requirements.	Chaque société publique doit se conformer à tout règlement en vigueur régissant les offres publiques du Marché des Capitaux, règlements et les lois ainsi que toutes autres conditions requises nécessaires.
Icyiciro cya 3: Igabana, ihererekanya by'imigabane n'icyemezo cy'umugabane	**Section 3: Distribution, transfer of shares and share certificate**	**Section 3 : Distribution, cession d'actions et certificat d'actions**
Akiciro ka mbere: Igabana ry'imigabane	**Subsection One: Distribution of shares**	**Sous-section première : Distribution d'actions**
Ingingo ya 69: Uruhushya rw'Inama y'Ubutegetsi rwo gutanga imigabane	**Article 69: Authorization of distribution by the Board of Directors**	**Article 69 : Autorisation de distribution par le Conseil d'administration**
Haseguriwe igabanyabubasha ryateganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko, Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ishobora gutanga uruhushya rw'uko sosiyete itanga imigabane igihe icyo ari cyose umubare uyu n'uyu w'amafaranga ku banyamigabane aba n'aba nk'uko ibona bikwiye, imaze kubona ko, nyuma y'itangwa ry'imigabane, isosiyete igumana ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo.	The Board of Directors of a company may, subject to any restrictions contained in the company's incorporation documents and this Law, authorise a distribution of shares by the company at such time and of such amount and to such shareholders as they consider fit provided that the Board of Directors is satisfied that the company will, after the distribution of shares, satisfy the solvency test.	Le Conseil d'administration de la société peut, sous réserve des restrictions contenues dans les documents constitutifs de la société et dans la présente loi, autoriser une distribution des actions par la société au moment et au montant et aux actionnaires qu'ils jugent appropriés, pourvu que le Conseil d'administration estime que la société, après la distribution des actions, satisfait au test de solvabilité.

Abagize Inama y'Ubutegetsi batoreye itangwa ry'imigabane bashyira umukono ku cyemezo cy'uko ku bwabo babona isosiyete izashobora kwishyura imyenda irimo nyuma y'itangwa ry'imigabane.	Directors who vote in favour of the distribution sign a certificate that in their opinion the company will, after the distribution, stays solvent to pay its debts.	Les administrateurs qui votent en faveur de la distribution des dividendes signent une attestation déclarant que, à leur avis, la société est en mesure des payer ses dettes, après la distribution.
Iyo, nyuma yo kwemeza itangwa ry'imigabane, na mbere y'uko itangwa ry'imigabane rikorwa, Inama y'Ubutegetsi, mu bushishozi bwayo itakibona ko isosiyete, nyuma y'itangwa ry'imigabane izaba igifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda, itangwa iryo ari ryo ryose ryakozwe n'isosiyete rifatwa nk'aho ryakozwe nta ruhushya.	Where, after the resolution to distribute shares is made and before such distribution is effected, the Board of Directors in its opinion establishes that the company will, after the distribution of shares, not satisfy the solvency test to pay its debts, any distribution done is considered as unauthorized one.	Si, après avoir décidé de distribuer les actions et avant que cette distribution ne soit effectuée, le Conseil d'administration constate qu' après la distribution des actions, la société n'est pas en mesure de payer ses dettes, toute distribution des actions qui est effectuée est considérée comme non autorisée.
Mu gusuzuma niba ubushobozi bwo kwishyura imyenda buhari hakurikizwa ibi bikurikira:	In applying the solvency test the following is taken into account:	En réalisant le test de solvabilité, il est pris en compte ce qui suit :
1° imyenda ifatwa nk'ikubiyemo amafaranga adahinduka yishyurwa ku migabane iri mu cyiciro kirebana n'itangwa agarurirwa ababanziriza abandi kwishyurwa ku migabane yo mu cyiciro cyisumbuye bitewe n'icyo itangwa ry'imigabane rikorewe;	1° debts treated as including fixed preferential returns on shares ranking ahead of those in respect of which a distribution is made;	1° les dettes considérées comme comprenant des rendements préférentiels fixes sur des actions de rang supérieur à ceux pour lesquelles une distribution est faite;
2° uburyozwe bufatwa nk'ubukubiyemo umubare w'amafaranga usabwa, mu gihe isosiyete yaba igiye kuvanwa mu gitabo cy'isosiyite itangwa ry'imigabane rikimara gukorwa, kugira ngo hubahirizwe	2° liabilities treated as including the amount that would be required, if the company is to be removed from the register of companies immediately after the time of distribution, to satisfy	2° les éléments du passif considéré comme incluant le montant qui serait requis, si la société doit être radiée du registre immédiatement après le moment de la distribution, pour

umubare uhoraho wishyurwa n'isosiyete kuri ba nyirimigabane babanziriza abandi keretse iyo inyandiko z'ishingwa z'isosiyete zahaye abagize Inama y'Ubutegetsi ububasha bwo kubigena ukundi	the fixed entitlements of all security holders, unless the incorporation documents provide the directors with the power to otherwise determine it.	satisfaire les droits fixes de tous les détenteurs de titres, à moins que les documents constitutifs donnent aux administrateurs le pouvoir d'en décider autrement.
Icyemezo gitangwa n'Inama y'Ubutegetsi kivugwa muri iyi ngingo nticyitabwaho iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igihe abanyamigabane bahisemo kureka icyo cyemezo.	The certificate issued by the Board of Directors provided under this Article does not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of the requirement of the certificate.	Le certificat délivré par le Conseil d'administration visé au présent article ne s'applique pas dans le cas d'une société privée où les actionnaires ont renoncé à l'exigence de ce certificat.
<u>Ingingo ya 70</u>: Itangwa ry'inyungu ku migabane	**<u>Article 70:</u> Distribution of dividends**	**<u>Article 70 :</u> Distribution des dividendes**
Inama y'Ubutegetsi ntishobora kwemera itangwa ry'inyungu ku migabane:	The Board of Directors cannot authorise dividends:	Le Conseil d'administration ne peut pas autoriser la distribution de dividendes :
1° hashingiwe ku migabane imwe mu cyiciro hadafashwe n'indi migabane yose iri muri icyo cyiciro; cyangwa	1° in respect of some shares in a class, and not of others of that class; or	1° à l'égard d'une partie des actions à l'exclusion d'autres actions d'une même catégorie; ou
2° hatangwa amafaranga menshi ku migabane imwe kurusha indi yo mu cyiciro kimwe; keretse mu gihe umubare w'amafaranga y'inyungu ku migabane ari make ugereranyije n'ayishyuwe isosiyete ku migabane.	2° of a greater value per share in respect of some shares of a class than in respect of others of that class except where the amount of the dividend is low by comparison with the amount paid to the company in respect of the shares.	2° d'une plus grande valeur par action à l'égard de certaines actions d'une catégorie au détriment d'autres actions de la même catégorie; sauf si le montant du dividende est bas par rapport au montant payé à la société eu égard aux actions.
Umunyamigabane ashobora kwemera kutakira	A shareholder may waive his or her	Un actionnaire peut renoncer à son droit au

inyungu ku migabane, akoresheje inyandiko yandikira isosiyete akayishyiraho umukono cyangwa igashyirwaho umukono mu izina rye n'uwo yabihereye ububasha.	entitlement to receive a dividend by notice in writing to the company signed by that shareholder or on his or her behalf by his or her authorized person.	dividende par avis écrit adressé à la société et signé par l'actionnaire lui-même ou par la personne autorisée par lui.
Inyungu zishyurwa abanyamigabane mu gihe kitarenze iminsi miromgo itatu (30) nyuma y'aho Inama y'Ubutegetsi itangiye uruhushya kandi hamaze kwemezwa ubushobozi bwabo bwo kwishyura.	Dividends are paid to the shareholders not later than thirty (30) days after it has been authorized by the Board of Directors and after satisfaction of the solvency test.	Les dividendes sont versés aux actionnaires au plus tard trente (30) jours après l'autorisation donnée par le Conseil d'administration et après la satisfaction au test de solvabilité.
<u>Ingingo ya 71</u>: Gutanga imigabane mu mwanya w'inyungu	**<u>Article 71</u>: Allotment of shares in lieu of dividends**	**<u>Article 71 :</u> Attribution d'actions à la place de dividendes**
Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, Inama y'Ubutegetsi ishobora guha imigabane umunyamigabane wemeye guhabwa imigabane yose cyangwa igice cyayo, aho guhabwa inyungu ku migabane yagenwe gusa ari uko:	Subject to the provisions in a company's incorporation documents, the Board of Directors may allot shares to shareholder who has accepted the allotment, wholly or partly, in lieu of the proposed dividend or proposed future dividend if:	Sous réserve des stipulations des documents constitutifs d'une société, le Conseil d'administration peut attribuer des actions en faveur d'un actionnaire qui a accepté l'attribution, en tout ou en partie, à la place du dividende proposé ou du dividende futur proposé si:
1° uburenganzira bwo kwakira imigabane, mu mwanya w'inyungu ku migabane yagenwe cyangwa izagenwa bwarahawe abanyamigabane bose bo mu rwego rumwe kandi ku buryo bumwe;	1° the right to receive shares in lieu of the proposed dividends or proposed future dividends has been offered to all shareholders of the same class on the same terms;	1° le droit de recevoir des actions à la place des dividendes proposés ou des dividendes à proposer, a été offert à tous les actionnaires de la même catégorie dans les mêmes conditions ;
2° abanyamigabane batoranyijwe ngo bahabwe imigabane mu mwanya w'inyungu ku migabane, bagumanye uburenganzira bwabo mu itora no mu	2° the shareholders elected to receive the shares in lieu of dividends, preserve their relative voting and distribution rights;	2° tous les actionnaires choisis pour recevoir les actions à la place des dividendes conservent leurs droits au vote et à la distribution;

igabana ry'inyungu;		
3° abafite imigabane bahawe ubwo burenganzira bose bahawe uburyo buboneye bwo kubitekerezaho no kubyemera;	3° the shareholders to whom the right is offered are afforded a reasonable opportunity for accepting it;	3° il est donné aux actionnaires auxquels droit est offert, une possibilité raisonnable de l'accepter;
4° imigabane yagenewe buri munyamigabane itanzwe mu buryo bumwe kandi haseguriwe uburenganzira bumwe bw'uko imigabane itanzwe ku banyamigabane bose bo muri icyo cyiciro bemeye kwakira imigabane;	4° the shares allotted to each shareholder are allotted on the same terms and subject to the same rights as the shares allotted to all shareholders in that class who agree to receive shares; and	4° les actions attribuées à chacun des actionnaires sont attribuées aux mêmes conditions et sous réserve des mêmes droits que les actions attribuées à tous les actionnaires de cette catégorie qui acceptent de recevoir des actions;
5° abagize Inama y'Ubutegetsi bubahirije ingingo ya 56 y'iri tegeko.	5° directors comply with Article 56 of this Law.	5° les administrateurs se conforment à l'article 56 de la présente loi.
Ingingo ya 72: Kugabanyiriza abanyamigabane igiciro cy'imigabane	**Article 72: Share price discounts for shareholders**	**Article 72 : Réduction de prix d'actions en faveur des actionnaires**
Haseguriwe igabanya ry'uburenganzira ryose riteganywa mu nyandiko z'ishingwa ryayo, isosiyete ishobora kugabanyiriza igiciro abanyamigabane ku bintu bimwe cyangwa byose isosiyete igurisha cyangwa servisi zitangwa na sosiyete.	Subject to any restriction in the company's incorporation documents, a company may offer shareholders discounts in respect of some or all of the goods sold or services provided by the company.	Sous réserve de toute restriction contenue dans les documents constitutifs, une société peut offrir des réductions de prix aux actionnaires à l'égard de toute ou partie des biens et services fournis par la société.
Isosiyete ishobora kugabanya ibiciro bivugwa mu gika cya mbere gusa iyo abagize Inama y'Ubutegetsi babonye ko iryo gabanywa ry'ibiciro ritegurwa:	A company may only operate a discount scheme under Paragraph One of this Article if the directors have realized that the proposed discount:	Une société ne peut faire une réduction des prix sur base de l'alinéa premier du présent article que si les administrateurs ont constaté que la réduction proposée :

1° ritunganiye isosiyete ndetse n'abanyamigabane bose; 2° rizaboneka ku banyamigabane bose mu buryo bumwe. Nta gabanywa ry'ibiciro rishobora kwemerwa cyangwa gukomeza gukorwa iyo hari impamvu ifatika ituma hakekwa ko isosiyete idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo. Igabanywa ryemejwe n'umunyamigabane hakurikijwe igabanywa ry'ibiciro ryemejwe muri iyi ngingo ntabwo ari isaranganywa ku mpamvu z'iri tegeko; keretse iyo igabanywa ryemewe n'umunyamigabane ku biciro byemejwe cyangwa byakomejwe n'Inama y'Ubutegetsi kandi ku gihe ibiciro byemejweho cyangwa igihe igabanywa ryatanzwe, Inama y'ubutegetsi ikaba ihamya ko hari impamvu ifatika ituma hakekwa ko isosiyete idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo.	1° is fair and reasonable to the company and to all shareholders; 2° will be available to all shareholders of the same class on the same terms. No discount scheme may be approved or continued if there are reasonable grounds for believing that the company does not satisfy the solvency test. A discount accepted by a shareholder under a discount scheme approved under this Article is not a distribution for the purposes of this Law, except where a discount is accepted by a shareholder under a scheme approved or continued by the board and at the time the scheme was approved or the discount was offered, the board ceased to be satisfied on reasonable grounds that the company would satisfy the solvency test.	1° est, quant à la société et à tous les actionnaires, équitable et raisonnable; 2° sera disponible à tous les actionnaires de la même catégorie dans les mêmes conditions. Aucune offre de réduction de prix ne peut être approuvée ni prolongée s'il y a de fortes raisons de croire que la société ne satisfait pas au test de solvabilité. Une remise acceptée par un actionnaire dans le cadre d'un système de rabais approuvé en vertu du présent article ne constitue pas une distribution aux fins de la présente loi, sauf lorsqu'un rabais est accepté par un actionnaire dans le cadre d'un système approuvé ou maintenu par le Conseil d'administration et au moment où le système a été approuvé ou le rabais a été offert, le Conseil d'administration n'a plus de motifs raisonnables de croire que la société satisferait au test de solvabilité.
Ingingo ya 73: Kugaruza inyungu ku	**Article 73: Dividend recovery on paid**	**Article 73 : Recouvrement de dividendes**

migabane yishyuwe	**shares**	**sur les actions libérées**
Inyungu ku migabane zihawe umunyamigabane isosiyete igahita itakaza ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo zishobora kwishyuzwa umunyamigabane keretse iyo uwo munyamigabane:	Dividends to a shareholder, which immediately make the company fail to satisfy the solvency test may be recovered from the shareholder unless the shareholder:	Les dividendes à l'actionnaire qui font qu'immédiatement la société perd ses moyens de satisfaire au test de solvabilité, peuvent être récupérées auprès de l'actionnaire, sauf si l'actionnaire :
1° yakiriye nta buriganya inyungu yahawe atazi ko isosiyete itazashobora kwishyura imyenda irimo;	1° received the distribution in good faith and without knowledge of the company's failure to satisfy the solvency test;	1° a bénéficié de la distribution en toute bonne foi et sans connaissance du fait que la société ne satisfaisait pas au test de solvabilité;
2° yagize icyo ahindura cyerekeranye n'agaciro k'itangwa ry'inyungu, ku buryo harebwe ingaruka zose zabaho ku bandi bantu habaho ubusumbane mu kugaruza ibyishyuwe byose cyangwa bimwe muri byo, bitewe n'uko ibintu biteye.	2° has altered his or her position in reliance on the validity of the distribution, so that having regard to all possible implications in respect of other persons it is inequitable to require repayment in whole or in part, as the case may be.	2° a modifié sa position en se fiant à la validité de la distribution, de sorte que, vu toutes les implications possibles en ce qui concerne les autres personnes, il serait injuste d'en exiger le remboursement intégral ou partiel, le cas échéant.
Iyo habayeho kugabana inyungu kandi:	Where a distribution of dividend was made and:	Lorsqu'une distribution de dividendes a été faite et que :
1° ibisabwa mu ngingo ya 69 y'iri tegeko ntibikurikizwa; cyangwa	1° the requirements of Article 69 of this Law are not complied with; or	1° les exigences de l'article 69 de la présente loi ne sont pas remplies; ou
2° nta mpamvu yumvikana yo gutanga icyemezo hakurikijwe ingingo ya 69 y'iri tegeko;	2° there are no reasonable grounds to issue a certificate in accordance with Article 69 of this Law;	2° il n'y a pas de motifs raisonnables pour délivrer le certificat conformément à l'article 69 de la présente loi;
abagize Inama y'Ubutegetsi batafashe	those directors who fail to ensure the	les administrateurs qui n'ont pas pris les

ingamba mu bihe byose zo kureba neza niba ibisabwa byose byujujwe, bagashyira umukono ku cyemezo, baryozwa buri wese ku giti cye, gusubiza sosiyete ibyasaranganyijwe, keretse bishobora kwishyurwa n'abanyamigabane hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo.	requirements are complied with, or who sign the certificate, are personally liable to the company to restore the distribution, except in so far as it may be recovered from shareholders under Paragraph One of this Article.	mesures pour s'assurer que les exigences sont remplies, ou qui ont signé le certificat, sont personnellement responsables devant la société du remboursement de la distribution, sauf dans la mesure où cette dernière peut être récupérée auprès des actionnaires en vertu de l'alinéa premier du présent article.
Iyo hari ikirego icyo ari cyo cyose kireba ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane gishingiye kuri iyi ngingo, urukiko rukabona ko isosiyete yari ikwiriye kuba yarasaranganyije agaciro kari hasi katari gutuma inanirwa kwishyura imyenda irimo, urukiko rushobora:	In case of any lawsuit brought against a director or a shareholder under this Article and the court is satisfied that the company could properly have made a distribution of lesser value which would not have caused the company to fail to satisfy the solvency test, the court may:	Si une action quelconque est intentée contre un administrateur ou un actionnaire en vertu du présent article, et que la juridiction est convaincue que la société aurait effectué régulièrement une distribution d'un montant moins élevé qui n'aurait pas amené la société à ne pas satisfaire au test de solvabilité, la juridiction peut :
1° gukuriraho ugize Inama y'Ubutegetsi uburyozwe bwerekeranye n'isaranganya ryakozwe hakurikije agaciro k'itangwa ryashoboraga gukorwa mu buryo bukwiye;	1° relieve the director from liability in respect of the distribution made up to the value of any distribution that might properly have been made;	1° dispenser l'administrateur de sa responsabilité à l'égard de la distribution faite suivant la valeur de toute distribution qui aurait pu être effectuée régulièrement;
2° kwemerera umunyamigabane kugumana isaranganya rimeze nk'iryo.	2° permit the shareholder to also retain a similar distribution;	2° permettre à l'actionnaire de conserver également une distribution similaire.
<u>Ingingo ya 74</u>: Igabanywa ry'uburyozwe bw'umunyamigabane biturutse ku itangwa ry'inyungu	**<u>Article 74</u>: Reduction of shareholder liability following a distribution of dividends**	**<u>Article 74:</u> Réduction de la responsabilité de l'actionnaire suite à une distribution de dividendes**
Iyo isosiyete yifuje guhindura inyandiko z'ishingwa ryayo, cyangwa ishaka kwisubiza	Where a company proposes to alter its incorporation documents, or to acquire or	Lorsqu'une société propose de modifier ses documents constitutifs ou d'acquérir ou

imigabane yayo iyiguze, ku buryo byagabanya uburyozwe bw'umunyamigabane ku isosiyete ku birebana n'umugabane uwo ari wo wose ayifitemo mbere y'iryo hindura ry'inyandiko, igura cyangwa kwisubiza imigabane, ikurwaho cyangwa igabanywa ry'uburyozwe bifatwa:	redeem shares allotted by it, in a manner which would cancel or reduce the liability of a shareholder to the company in respect of any share held by him or her prior to that alteration, acquisition or redemption, the cancellation or reduction of liability is treated:	rembourser des actions attribuées par elle, d'une manière qui reviendrait à annuler ou réduire la responsabilité de l'actionnaire envers la société en rapport avec toute action détenue par lui avant cette modification, cette acquisition ou ce rachat, l'annulation ou la réduction de la responsabilité est considéré :
1° nk'aho habayeho kugabana inyungu;	1° as if it was a distribution;	1° comme s'il s'agissait d'une distribution;
2° nk'aho byari inyungu ku migabane.	2° as if it was a dividend.	2° comme s'il s'agissait d'un dividende.
Iyo isosiyete yahinduye inyandiko z'ishingwa ryayo, yaguze cyangwa yishubije imigabane yayo iyiguze ku buryo buvanaho uburyozwe bw'umunyamigabane ku birebana n'umugabane wose ayifitemo mbere y'uko ihindura inyandiko, igura cyangwa yisubiza imigabane, iryo kurwaho cyangwa igabanywa ry'uburyozwe rifatwa, nk'igabana ry'inyungu ry'umubare w'amafaranga iryo kurwaho cyangwa igabanywa ry'uburyozwe rikorewe.	Where a company has altered its incorporation documents, or acquired or redeemed shares in a manner which cancels the liability of a shareholder to the company in respect of any share held by him or her prior to that alteration, acquisition or redemption, that cancellation or reduction of liability is treated as a distribution of the amount by which his or her liability was reduced.	Lorsqu'une société a modifié ses documents constitutifs, ou a acquis ou racheté les actions de manière à annuler la responsabilité de l'actionnaire envers la société eu égard à toute action détenue par lui avant cette modification, cette acquisition ou ce rachat, cette annulation ou réduction de la responsabilité, est traitée comme une distribution du montant dont sa responsabilité a été réduite.
Iyo uburyozwe bw'umunyamigabane w'isosiyete bukomatanyije n'ubw'isosiyete ku birebana n'umugabane wose ayifitemo mbere y'ikomatanya:	Where the liability of a shareholder of an amalgamating company to that company in respect of any share held by him or her before an amalgamation is:	Lorsque la responsabilité d'un actionnaire d'une société en fusion avec cette société eu égard à toute action qu'il détient avant la fusion est:
1° buri hejuru y'uburyozwe bw'uwo munyamigabane ku isosiyete ikomatanije ku birebana n'umugabane cyangwa	1° greater than the liability of that shareholder to the amalgamated company in respect of any share or	1° plus importante que la responsabilité de cet actionnaire envers la société fusionnée eu égard à toute action ou

imigabane yahinduwemo; 2° buvanyweho n'uko uwo mugabane uvanyweho mu ikomatamya; igabanuka ry'uburyozwe butewe n'ikomatanya rifatwa nk'igabana ry'umubare w'amafaranga uburyozwe bwe bwagabanyirijwe. **<u>Akiciro ka 2</u>: Ihererekanya ry'imigabane** **<u>Ingingo ya 75</u>: Uburyo bw'ihererekanya ry'imigabane** Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, imigabane mu isosiyete ishobora guhererekanywa handikwa izina ry'ugenewe iryo hererekanya mu gitabo cy'abanyamigabane b'isosiyete. Iyo hari imigabane igenewe guhererekanywa, sosiyete igezwaho: 1° inyandiko y'ihererekanya ry'imigabane ishyirwaho umukono: a) n'umunyamigabane cyangwa umuntu wahawe uburenganzira ku migabane y'isosiyete mu buryo buteganyijwe n'amategeko;	shares into which that share is converted; 2° is cancelled by the cancellation of that share in the amalgamation; the reduction of liability effected by the amalgamation is treated as a distribution of the amount by which his or her liability was reduced. **<u>Subsection 2:</u> Transfer of shares** **<u>Article 75:</u> Procedure for transfer of shares** Subject to the incorporation documents of a company, shares in the company may be transferred by entry of the name of the transferee in the company's register of shareholders. Where shares are to be transferred, there shall be delivered to the company: 1° a share transfer form signed by: a) the shareholder or a person to whom the right to any shares in the company has been transmitted by operation of law;	toutes les actions dans lesquelles cette action est convertie; 2° annulée par l'annulation de cette action part suite de la fusion; la réduction de la responsabilité faisant suite à une fusion est traitée comme une répartition du montant dont la responsabilité a été réduite. **<u>Sous-section 2:</u> Cession des actions** **<u>Article 75:</u> Procédure de cession d'actions** Sous réserve des documents constitutifs d'une société, les actions cessibles peuvent être cédées par inscription du nom du cessionnaire au registre des actionnaires de la société. Lorsqu'il y a des actions à céder, il est remis à la société: 1° un formulaire de cession d'actions signé par: a) l'actionnaire ou une personne à qui le droit à des actions de la société a été transmis par effet de la loi;

b) n'ugenewe iryo hererekanya.	b) the transferee;	b) le cessionnaire,
2° icyemezo cy'imigabane ku bijyanye n'imigabane igenewe guhererekanywa iyo cyari cyaratanzwe, cyangwa gihamya y'uko icyo cyemezo cyabuze cyangwa cyangiritse, n'indishyi igenewe abagize Inama y'Ubutegetsi, mu gihe ari ngombwa; kandi	2° if a share certificate has been issued in respect of the shares to be transferred, the share certificate or evidence of its loss or destruction and, if required, an indemnity to the satisfaction of the directors; and	2° si un certificat d'actions a été émis à l'égard des actions à céder, ce certificat d'actions ou la preuve de sa perte ou destruction et, le cas échéant, une indemnité à la satisfaction des administrateurs; et
3° mu gihe hari umuntu ufite uburenganzira ku mibagane iyo ari yo yose mu isosiyete yarabuhawe hubahirizwa amategeko, ikagezwaho ikimenyetso cy'uko yabuhawe;	3° in the case of a person to whom the right to any shares in the company has been transmitted by operation of law, sufficient evidence of such transmission.	3° dans le cas d'une personne à qui le droit à des actions de la société a été transmis du seul fait de la loi, la preuve suffisante de cette transmission.
Inyandiko y'ihererekanya ry'imigabane si ngombwa mu gihe uwagenewe ihererekanya ry'imigabane ari umuntu wahawe uburenganzira ku migabane mu isosiyeti hubahirizwa itegeko.	A share transfer form is not required where the transferee is a person to whom the right to any shares in the company has been transmitted by operation of law.	Un formulaire de cession d'actions n'est pas requis lorsque le cessionnaire est une personne à laquelle le droit à des actions dans la société a été transmis par effet de la loi.
Ikimara kwakira inyandiko zisabwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, isosiyeti ihita yandika mu gitabo cy'abanyamigabane izina ry'ugenewe ihererekanya ry'imigabane nk'umunyamigabane; keretse :	Upon receipt of the documents required by Paragraph 2 of this Article, the company enters in its register of shareholders the name of the transferee as holder of the shares unless:	Dès la réception des documents exigés à l'alinéa 2 du présent article, la société inscrit, immédiatement dans son registre des actionnaires, le nom du cessionnaire en tant que détenteur des actions, à moins que :
1° mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'akazi imaze kwakira ihererekanya, Inama y'Ubutegetsi ifashe icyemezo cyo	1° the Board of Directors resolve within thirty (30) working days of receipt of the transfer to refuse or delay the	1° le Conseil d'administration décide, dans les trente (30) jours ouvrables suivant la réception de la cession, de

kwanga cyangwa gutinza iyandikisha ry'ihererekanya, kandi uwo mwanzuro ukabigaragariza impamvu zihagije;	registration of the transfer, and the resolution sets out in full the reasons for doing so;	refuser ou de retarder l'enregistrement de cette dernière, et la décision indique toutes les raisons ayant motivé sa décision ;
2° inyandiko imenyesha umwanzuro, harimo n'impamvu zawo, yohererezwa uwakoze ihererekanya n'uwarigenewe mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe wafashwe n'Inama y'Ubutegetsi; kandi	2° notice of the resolution, including the reasons, is sent to the transferor and to the transferee within five (5) working days of its adoption by the Board of Directors; and	2° l'avis de la décision, y compris les motifs, est transmis au cédant et au cessionnaire dans les cinq (5) jours ouvrables suivant son adoption par le Conseil d'administration; et
3° iri tegeko cyangwa inyandiko y'ishingwa ry'isosiyeti yemerera Inama y'Ubutegetsi, mu buryo budashidikanya, kwanga cyangwa gutinza iyandikisha bitewe n'impamvu zasobanuwe.	3° this Law or the company's incorporation documents expressly permits the Board of Directors to refuse or delay registration for the reasons stated.	3° la présente loi ou les documents constitutifs de la société permettent expressément au Conseil d'administration de refuser ou de retarder l'inscription pour des motifs spécifiés.
Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko z'iyandikwa rya sosiyete, inama y'ubutegetsi ishobora kwanga cyangwa gutinza iyandikwa ry'ihererekanya ry'imigabane iyo nyir'imigabane atishyuye amafranga ahwanye n'iyo migabane, byaba nk'ingurane ku itangwa ry'iyo migabane cyangwa hitawe ku giteranyo cy'amafaranga yishyurwa n'ufite imigabane hakurikijwe inyandiko z'iyandikwa rya sosiyete.	Subject to the incorporation documents of a company, the board may refuse or delay the registration of a transfer of shares if the holder of the shares has failed to pay to the company an amount due in respect of those shares, whether by way of consideration for the issue of the shares or in respect of sums payable by the holder of the shares in accordance with the incorporation documents.	Sous réserve des documents constitutifs d'une société, le Conseil d'administration peut refuser ou retarder l'inscription d'une cession d'actions si le détenteur des actions n'a pas payé à la société un montant dû au titre de ces actions, que ce soit en contrepartie de l'émission des actions ou au titre des sommes payables par le titulaire des actions conformément aux documents constitutifs.
Ingingo ya 76: Gusubiza abantu imigabane	**Article 76: Remittance of shares following**	**Article 76: Remise des actions suite à**

bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe	**the issuance of a certificate of amalgamation**	**l'émission d'un certificat de fusion**
Igihe isosiyete ebyiri (2) cyangwa nyinshi zibumbiye hamwe, zigomba guhita zigaragaza agaciro k'umugabane wa buri sosiyete, bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe. Isosiyete yavanzwe ihita isubiza buri muntu wese ufite uburenganzira ku mugabane umwe cyangwa ku migabane myinshi, uwo mugabane cyangwa iyo migabane afiteho uburenganzira.	Where two (2) or more companies are amalgamated, they must forthwith demonstrate the value of a share of each company following the issue of a certificate of amalgamation. The amalgamated company remits to any person entitled to a share or shares under the amalgamation proposal, the share or shares to which that person is entitled.	Lorsque deux (2) ou plusieurs sociétés entrent en fusion, elles doivent immédiatement montrer la valeur d'une action de chaque société suite à l'émission d'un certificat de fusion. La société fusionnée remet à toute personne ayant droit à une action ou à des actions en vertu de la proposition de fusion, l'action ou les actions auxquelles cette personne a droit.
Ingingo ya 77: Guhererekanya uburenganzira ku migabane mu buryo bw'ikoranabuhanga	**Article 77: Transferring title to shares electronically**	**Article 77: Transfert du titre aux actions par voie électronique**
Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru agena uburyo guhererekanya uburenganzira ku migabane bikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga.	Instructions of the Registrar General determines modalities for transferring title to shares electronically.	Les instructions du Registraire général détermine les modalités de transfert par voie électronique du titre aux actions.
Ingingo ya 78: Ikimenyetso cyo gutanga irage	**Article 78: Evidence of grant of probate**	**Article 78: Preuve de l'octroi de l'homologation**
Inyandiko iyo ari yose iteganywa n'amategeko nk'ikimenyetso gihagije cy'irage, amabaruwa cyangwa icyemezo cy'icungamurage ry'umuntu wapfuye cyahawe undi muntu, yemerwa n'isosiyete nk'ikimenyetso gihagije cy'iyo mpano cyangwa icy'ibikorwa bigamije kuyitanga, hatitawe ku cyo ari cyo cyose	Any document which is by law sufficient evidence of probate of the will, or letters or certificate of administration of the estate, of a deceased person having been granted to some person is accepted by the company, notwithstanding anything in its incorporation documents, as sufficient evidence of such	Tout document qui, de par la loi, constitue une preuve suffisante de l'homologation du testament, ou des lettres ou d'un certificat d'administration de la succession d'une personne décédée ayant été accordés à une personne est accepté par la société comme preuve suffisante de cet octroi d'homologation

giteganijwe mu nyandiko z'iyandikisha ry'isosiyete.	grant or undertaking.	ou de cette réalisation, nonobstant toute stipulation des documents constitutifs.
Ingingo ya 79: Iyemeza ry'ihererekanya ry'umugabane	**Article 79: Certification of share transfer**	**Article 79 : Certification des cessions d'une action**
Iyemeza ry'inyandiko zigaragaza ihererekanya ry'umugabane rikozwe n'isosiyete, rigomba gufatwa nk'ihagararirwa n'isosiyete ku muntu wese ugize icyo akora yizeye iryo yemeza kandi ko inyandiko zisabwa zagejejwe kuri sosiyete .	The certification by a company of a share transfer form is to be taken as a representation by the company to any person acting on the faith of the certification that there have been produced to the company the documents required.	La certification par une société d'un formulaire de cession d'une action, doit être considérée comme une représentation par la société à toute personne agissant sur base de la certification que les documents exigés, ont été présentés à la société.
Iyo umuntu agize icyo akora yizeye iyemeza ry'inyandiko ryakozwe nabi n'isosiyete bitewe n'uburangare, iyo sosiyete imugiraho uburyozwe nk'aho iryo menyesha ryaba ryarakoranywe uburiganya.	Where a person acts on the faith of a false certification by a company made negligently, the company is under the same liability to him or her as if the certification had been made fraudulently.	Lorsqu'une personne agit sur base d'une fausse certification par une société faite par négligence, la société a la même responsabilité envers cette personne que si la certification aurait été faite de manière frauduleuse.
Inyandiko y'ihererekanya ry'imigabane ifatwa nk'aho yamenyeshejwe iyo ifite amagambo «icyemezo cy'imenyesha cyatanzwe» cyangwa bizagira ingaruka zimwe kandi yarashyizweho umukono mu izina ry'isosiyete nk'aho ari inyandiko y'ihagararirwa.	A share transfer form is deemed to be certified if it bears the words "certificate lodged" or words to the like effect and is signed under the name of the company as if it were a deed.	Un formulaire de cession d'actions est réputé être certifié s'il porte les mots «certificat déposé» ou porte une autre expression ayant le même effet et est signé sous le nom de la société comme s'il s'agissait d'un acte.
Ingingo ya 80: Ihererekanya ry'imigabane idahererekanywa	**Article 80: Transfer of non-transferable shares**	**Article 80: Cession d'actions non cessibles**
Imigabane idahererekanywa ntishobora guhererekanywa ku bushake na nyirayo ariko ishobora guhererekanywa ku bw'irage	Non-transferable shares may not be voluntarily transferred by their holder but may pass by transmission or by operation of law or	Les actions non cessibles ne peuvent faire l'objet de cession volontaire par leur détenteur mais elles peuvent être cédées par testament ou

cyangwa hubahirizwa itegeko cyangwa yongera kugurwa cyangwa ikishyurwa n'isosiyeti hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, keretse igihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zibiteganya ukundi.	be repurchased or redeemed by the company in accordance with this Law, unless the company's incorporation documents provide otherwise.	par effet de la loi ou par rachat ou remboursement de la société conformément à la présente loi, à moins que les documents constitutifs de la société n'en disposent autrement.
<u>Ingingo ya 81</u>: Kugabanya, kugabagabanya, cyangwa gukomatanya imigabane	**<u>Article 81:</u> Division, sub-division or consolidation of shares**	**<u>Article 81:</u> Division, subdivision ou consolidation des actions**
Abanyamigabane bashobora binyuze mu mwanzuro usanzwe gukora ibikorwa bikurikira:	Shareholders may by ordinary resolution:	Les actionnaires peuvent, par résolution ordinaire :
1° kugabanya cyangwa kugabagabanya imigabane ifite agaciro mu mafaranga kari hasi, iyo ikigereranyo hagati y'amafaranga yishyuwe n'asigaye kwishyurwa kuri buri mugabane wagabanyijwe kikiri uko cyahoze mu gihe cy'umugabane wabyaye uwo mugabane wagabanyijwe;	1° divide or subdivide its shares into shares of a smaller amount if the proportion between the amount paid, and the amount, if any, unpaid on each reduced share remains the same as it was in the case of the share from which the reduced share is derived;	1° diviser ou subdiviser les actions en des actions d'une valeur inférieure si la proportion entre le montant et le montant qui reste dû pour chaque action réduite reste la même que celle de l'action dont dérive l'action réduite;
2° gukomatanya imigabane mu migabane ifite agaciro kisumbuye ku ko yari isanganwe.	2° consolidate its existing shares into shares of a larger amount.	2° consolider les actions existantes en actions d'une valeur plus élevée.
Mu gihe imigabane ihujwe, amafaranga yishyuwe n'imyenda itishyuwe birebana na yo, amafaranga ashyizweho nk'inyungu cyangwa ayo kwishyura arebana n'uburenganzira kuri iyo migabane, na byo birahuzwa.	Where shares are consolidated, the amount paid and any unpaid liability thereon, any fixed sum by way of dividend or repayment to which such shares are entitled, are also increased.	Lorsque les actions sont consolidées, le montant libéré et toute dette impayée y afférente, toute somme forfaitaire à titre de dividende ou de remboursement auquel ces actions ont droit, sont également majorés.

Ingingo ya 82: Gutanga ibice by'imigabane	**Article 82: Issue of fractions of shares**	**Article 82: Émission des fractions d'actions**
Isosiyete ishobora, iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zibiteganya zityo, gutanga ibice by'imigabane bituma uburyozwe, aho uburenganzira bugarukira, ibyo umuntu yongererwa, inyungu, ibibujijwe, uburenganzira cyangwa ibindi bireshya n'iby'umugabane wuzuye cyangwa itsinda ry'imigabane.	A company may, where its incorporation documents so provide, issue fractions of shares which have corresponding fractional liabilities, limitations, preferences, privileges, qualifications, restrictions, rights and other attributes as those which relate to the whole share of the same class or series of shares.	Une société peut, lorsque ses documents constitutifs le prévoient, émettre des fractions d'actions auxquelles se rattachent des obligations, limitations, préférences, privilèges, restrictions et d'autres droits fractionnels tels que ceux liés à une action entière de même catégorie ou série d'actions.
Ingingo ya 83: Gutanga no gutesha agaciro ibyemezo by'imigabane	**Article 83: Issue and cancellation of share certificates**	**Article 83: Émission et annulation de certificats d'actions**
Isosiyete:	A company:	Une société:
1° itanga kandi igashyikiriza umunyamigabane icyemezo cy'imigabane yose yatanzwe cyangwa yahererekanijwe cyangwa yasigaye nyuma y'ihererekanya, keretse igihe uburyo bwo kuyitanga bubiteganya ukundi.	1° issues and delivers to the holder of certificates all shares allotted or transferred or remaining after a transfer, unless the conditions of allotment provide otherwise;	1° émet et remet au détenteur des certificats toutes les actions attribuées ou cédées ou restant après une cession, à moins que les conditions d'attribution n'en disposent autrement;
2° mu gihe cy'ihererekanya, itesha agaciro icyemezo cy'imigabane icyo ari cyo cyose cyohererejwe iyo isosiyeti kugira ngo habe iyandikwa ry'iryo hererekanya.	2° in the case of a transfer, cancels any share certificate sent to the company to enable the registration of the transfer.	2° dans le cas d'une cession, annule tout certificat d'actions envoyé à la société pour permettre l'enregistrement de la cession.
Buri sosiyete igomba kubahiriza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) y'akazi nyuma:	Any company must comply with Paragraph one of this Article within thirty (30) working days after:	Toute société doit se conformer à l'alinéa premier du présent article dans les trente (30) jours ouvrables suivant:

1° y'itangwa ry'umwe mu migabane yayo uwo ari wo wose;	1° the allotment of any of its shares;	1° l'attribution de l'une de ses actions;
2° y'itariki inyandiko zisabwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 75 y'iri tegeko, zihawe sosiyete iyo nta menyekanisha ryoherejwe hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 4 cy'ingingo ya 75 y'iri tegeko.	2° the date on which the documents required by Paragraph 2 of Article 75 of this Law are delivered to the company, provided no notice under Paragraph 4 of Article 75 of this Law has been sent.	2° la date à laquelle les documents requis en vertu de l'alinéa 2 de l'article 75 de la présente loi sont déposés auprès de la société, à condition qu'aucune notification n'ait été envoyée en vertu de l'alinéa 4 de l'article 75 de la présente loi.
Iyo imigabane y'isosiyeti yatanzwe cyangwa igahererekanywa ku watoranijwe mu by'imari n'imigabane akemezwa hakurikijwe itegeko rigenga isoko ry'imari n'imigabane, isoseyeti ntisabwa kubahiriza ibiteganywa mu gika cya 2 (1°) ku byerekeranye n'imigabane yatanzwe cyangwa yahererekanyijwe.	Where shares in a company are allotted or transferred to a nominee of a stock exchange approved under the Law regulating capital market, the company is not required to comply with Paragraph 2 (1°) in respect of the shares so allotted or transferred.	Lorsque les actions d'une société sont attribuées ou cédées à un représentant d'une bourse approuvée en vertu de la loi portant régulation du marché des capitaux, cette société n'est pas tenue de se conformer à l'alinéa 2 (1°) pour les actions ainsi attribuées ou cédées.
Icyemezo cy'imigabane gishyirwaho umukono mu izina ry'isosiyeti nk'aho ari inyandiko y'ihagararirwa kandi kikagaragaza:	A share certificate is signed under the name of the company as if it was a deed and states:	Un certificat d'action est signé sous le nom de la société comme s'il s'agissait d'un acte de représentation et indique:
1° izina ry'isoseyeti na nomero yandikishijweho;	1° the name and registered number of the company;	1° le nom et le numéro enregistré de la société;
2° icyiciro cy'imigabane gihagarariwe n'icyemezo;	2° the class of shares represented by the certificate;	2° la classe d'actions représentée par le certificat;
3° umubare w'imigabane uhagarariwe n'icyemezo;	3° the number of shares represented by the certificate;	3° le nombre d'actions représenté par le certificat;

4° incamake y'ibyagabanyijwe mu ihererekanya ry'imigabane ihagarariwe n'icyemezo.	4° a summary of any restriction on the transfer of the shares represented by the certificate.	4° un résumé de toute restriction sur la cession des actions représentées par le certificat.
Inyandiko igaragaza ibyagabanyijwe ibyo ari byo byose mu ihererekanya ry'imigabane ihagarariwe n'icyemezo bisabwa ni kimwe n'ibindi bisabwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo kandi bitaba ibyo bigafatwa nk'ako nta cyagabanyijwe mu ihererekanya ry'umugabane.	The statement about any restriction on the transfer of shares represented by the certificate is as conspicuous as the other statements required by Paragraph 4 of this Article, and if this is not the case, the share is deemed to have no restriction on its transfer.	La déclaration relative à toute restriction sur la cession des actions représentées par le certificat est aussi la même que celles prescrites à l'alinéa 4 du présent article, et si tel n'est pas le cas, l'action est réputée n'avoir aucune restriction sur sa cession.
Isosiyeti idahamagarira ubanda kuyiguramo imigabane ntitanga icyemezo cy'imigabane, keretse bisabwe n'umunyamigabane. Iyo icyemezo cy'imigabane gitanzwe na sosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, iyi ngingo ikoreshwa ku cyemezo cyatanzwe.	A private company need not issue a share certificate, unless requested to by a shareholder. When a share certificate is issued by a private company, this Article applies to the certificate so issued.	Il n'est pas requis l'émission d'un certificat d'actions pour une société privée, sauf si un actionnaire en fait la demande. Lorsqu'un certificat d'action est émis par une société privée, le présent article s'applique au certificat ainsi émis.
Ingingo ya 84: Icyemezo cy'imigabane nk'ikimenyetso cy'uburenganzira bwa burundu	**Article 84: Certificate to be evidence of title**	**Article 84: Certificat pour preuve de titre**
Icyemezo kigaragaza imigabane iyo ari yo yose ifitwe n'abanyamigane b'isosiyete ni ikimenyetso cy'uburenganzira bwa nyir'imigabane bwa burundu.	A certificate specifying any shares held by shareholders is prima facie evidence of their title to the shares.	Un certificat précisant les actions détenues par les actionnaires est une preuve prima facie de leur titre sur les actions.
UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA	**CHAPTER IV: SHAREHOLDERS'**	**CHAPITRE IV: DROITS DES**

BW'ABANYAMIGABANE, UBURYOZWE, UBUBASHA N'INAMA	RIGHTS, LIABILITIES, POWERS AND MEETINGS	ACTIONNAIRES, RESPONSABILITÉS, POUVOIRS ET RÉUNIONS
<u>Icyiciro cya mbere</u>: Uburenganzira rusange bw'abanyamigabane	**<u>Section One:</u> Shareholders' general rights**	**<u>Section première:</u> Droits généraux des actionnaires**
<u>Ingingo ya 85</u>: Uburenganzira bw'ibanze bujyanye n'imigabane	**<u>Article 85</u>: Fundamental rights attached to shares**	**<u>Article 85:</u> Droits fondamentaux attachés aux actions**
Imigabane iha ba nyirayo ibi bikurikira:	Shares confer the following on their holders:	Les actions confèrent ce qui suit à leurs détenteurs :
1° kugira uburenganzira mu kugabana inyungu za sosiyeti;	1° the right to share in the distribution of the dividends of the company;	1° le droit à la distribution des dividendes de la société;
2° kugira uburenganzira mu itangwa ry'ibyasigaye ku mutungo mu gihe isosiyeti isheshwe;	2° the right to share in the distribution of the surplus assets of the company upon its liquidation;	2° le droit à la distribution de l'excédent d'actif de la société lors de sa liquidation;
3° hakurikijwe ubundi burenganzira n'inyungu, kandi haseguriwe ibintu ntarengwa cyangwa ibisabwa bijyanye n'ubwo burenganzira nk'uko biteganijwe muri iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyeti, gutora ku bijyanye n'ibyemezo by'abanyamigabane, harimo:	3° in accordance with other rights and privileges and subject to such limitations or conditions on such rights as may be provided for in this Law or the company's incorporation documents, the right to vote on shareholders' resolutions includes:	3° conformément à d'autres droits et privilèges et sous réserve des limitations ou conditions relatives à ces droits pouvant être prévus par la présente loi ou les documents constitutifs de la société, le droit de vote sur les résolutions des actionnaires comprend:
a. gushyiraho cyangwa gukuraho umugenzuzi cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi;	a. appointing or removing an auditor or director;	a. nommer ou révoquer un auditeur ou un administrateur;

b. kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye;	b. approving a major transaction;	b. approuver une transaction capitale;
c. gutora cyangwa guhindura amategeko shingiro y'isosiyete;	c. adopting or altering articles of association;	c. adopter ou modifier les statuts;
d. gusesa isosiyete;	d. dissolving the company;	d. dissoudre la société;
e. kwemeza kwibumbira hamwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	e. approving an amalgamation in accordance with the provisions of this Law.	e. approuver une fusion conformément aux dispositions de la présente loi.
Icyakora, iyo isosiyete ifite ibyiciro birenze kimwe by'imigabane, ibyiciro biha uburenganzira abanyamigabane nk'uko biteganywa mu gika cya mbere ariko icyiciro kimwe ntikigomba guha ubwo burengazira umunyamigabane.	However, where a company has more than one class of shares, the classes confer all the rights set out in Paragraph One, but one class need not confer any of such rights on its holder.	Toutefois, lorsqu'une société détient plus d'une catégorie d'actions, les catégories confèrent l'ensemble de droits énoncés à l'alinéa premier, mais une seule catégorie ne doit pas conférer aucun de ces droits à son titulaire.
Uretse iyo biteganyijwe ukundi mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyeti, buri mugabane utanga uburenganzira bukurikira:	Unless otherwise specified in the incorporation documents, each share has attached to it the following rights:	Sauf indication contraire dans les documents constitutifs de la société, chaque action se confère les droits suivants:
1° hubahirijwe uburenganzira bwo kugabana inyungu z'isosiyete, uburenganzira bwo guhabwa imigabane ingana;	1° with respect to the right to share in the distribution of the dividends of the company, the right to an equal share;	1° le droit à une part égale, en ce qui concerne le droit de participation à la distribution des dividendes de la société;
2° hubahirijwe uburenganzira bwo kugira uruhare mu igabana ry'ibyasigaye ku mutungo mu gihe sosiyete isheshwe, uburenganzira bwo kugabana ku buryo	2° with respect to the right to share in the distribution of the surplus assets of the company upon its winding up, the right to an equal share;	2° le droit à une part égale, dans le respect du droit de participation à la distribution de l'excédent d'actif de la société lors de sa liquidation;

bungana; 3° hubahirijwe uburenganzira bwo gutora ibyemezo by'abanyamigabane, uburenganzira bw'ijwi rimwe. Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, mu gihe ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, umugabane wose ushobora guhererekanywa. Iyo ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, uretse iyo hari ibindi bibuzwa mu ihererekanywa biteganyijwe mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, umugabane urahererekanywa haseguriwe uburenganzira bw'abanyamigabane bwo guhakana iyandikwa ry'umuntu batemeje, kandi uburenganzira bwo guhakana iyandikwa bunakoreshwa ku muntu wagenewe ihererekanya mu isosiyete ku bw'itegeko. **<u>Ingingo ya 86</u>: Itariki yo kugena uburenganzira bw'abanyamigabane** Itariki yo kugena abanyamigabane bafite uburenganzira bwo kumenyeshwa cyangwa ubwo gutora mu nteko rusange y'abanyamigabane ni: (a) ku munsi wa nyuma wo guhagarika ibikorwa ukurikira umunsi	3° with respect to the right to vote on shareholders' resolutions, the right to one vote. Subject to the provisions of this Law, if the company is a public company, a share is fully transferable. If the company is a private company, unless some other restriction on transfer is specified in its incorporation documents, a share is transferable subject to the right of the shareholders to decline to register a transfer to a person of whom they do not approve. The right to decline registration also applies to a person to whom the right to any share in the company has been transferred by operation of law. **<u>Article 86:</u> Date for determining shareholders' rights** The date for determination of shareholders entitled to receive notice of or vote at a meeting of shareholders is: (a) the close of business on the day immediately preceding the day on	3° le droit à une voix, dans le respect du droit de vote lors des résolutions des actionnaires. Sous réserve des dispositions de la présente loi, si la société est publique, une action est entièrement cessible. S'il s'agit d'une société privée, à moins qu'une autre restriction de transfert ne soit spécifiée dans ses documents constitutifs, une action est cessible sous réserve du droit des actionnaires de refuser d'enregistrer une cession à une personne qu'ils n'approuvent pas et le droit de refuser l'enregistrement s'applique également à une personne à qui le droit à une part dans la société a été cédé en vertu de la loi. **<u>Article 86:</u> Date de détermination des droits des actionnaires** La date de détermination des actionnaires ayant le droit de recevoir un avis ou de voter à une assemblée des actionnaires est: (a) la clôture des activités le jour qui précède immédiatement celui où l'avis

imenyekanisha ryatanzwe; (b) iyo nta menyekanisha ryabayeho, ku munsi inama yabereyeho	which the notice is given; (b) if no notice is given, the day on which the meeting is held.	est donné; (b) si aucun avis n'est donné, le jour de la tenue de la réunion.
Umunsi wo kugena uburenganzira bw'abanyamigabane ku mpamvu iyo ari yo yose, uretse kugena uburenganzira bwo kumenyeshwa cyangwa gutora mu nama, ni igihe cy'ihagarika ry'ibikorwa, ku munsi wa nyuma abagize Inama y'Ubutegetsi bafatiye umwanzuro ubyerekeye.	The date for the determination of shareholders rights for any purpose except determining the right to receive notice of or to vote at a meeting is at the close of business on the day on which the directors pass the resolution relating thereto.	La date de la détermination des droits des actionnaires à quelque fin que ce soit, à l'exception de la détermination du droit de recevoir un avis ou de voter dans une réunion est celle de la clôture des activités le jour où les administrateurs adoptent la résolution y relative.
Inama y'Ubutegetsi ishyiraho mbere y'igihe, itariki abanyamigabane b'isosiyeti bazemerezwa, hagamijwe kugena abanyamigabane bafite uburenganzira bwo guhabwa imenyesha cyangwa ubwo gutora mu Nteko Rusange y'abanyamigabane, ariko itariki ishyizweho ntibe mbere y'iminsi irenga mirongo itatu (30) isanzwe, cyangwa iri munsi y'iminsi cumi (10) isanzwe, uhereye ku itariki inama izaberaho.	The Board of Directors fixes in advance a date on which the shareholders of the company are to be determined for the purpose of determining shareholders entitled to receive notice of or vote at a meeting of shareholders, provided that the date fixed may not precede by more than thirty (30) days or by less than ten (10) days the date on which the meeting is to be held.	Le Conseil d'administration fixe en avance une date à laquelle les actionnaires de la société doivent être déterminés aux fins de déterminer les actionnaires ayant le droit de recevoir un avis ou de voter à une assemblée des actionnaires, à condition que la date fixée ne puisse pas précéder, de plus de trente (30) jours ou de moins de dix (10) jours, à compter de la date de la réunion.
Ingingo ya 87: Ihinduka ry'uburenganzira	**Article 87: Variation of rights**	**Article 87: Modification des droits**
Iyo imari shingiro y'isosiyete igabanyijemo amatsinda y'imigabane, iyo sosiyete ntigomba kugira icyo ikora gihindura uburenganzira bujyanye n'iryo tsinda ry'imigabane, keretse iryo hindura ryemejwe n'umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane bo muri iryo	Where the share capital of a company is divided into different classes of shares, a company does not take any action which varies the rights attached to a class of shares unless that variation is approved by a special resolution of shareholders having such a class	Lorsque le capital social d'une société est réparti en différentes catégories d'actions, une société ne doit prendre aucune action qui modifie les droits liés à une catégorie d'actions, à moins que cette modification ne soit approuvée par résolution spéciale des

tsinda. Iyo ihinduka ry'uburenganzira bujyanye n'icyiciro cy'umugabane ryemejwe, kandi n'isosiyete ikaba ifite uburenganzira bwo kurishyira mu bikorwa, ufite uwo mugabane wo muri icyo cyiciro utaremeye ntanahakane amatora y'uwo mwanzuro wemeje ihinduka, ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kubuza igikorwa icyo ari cyo cyose gishobora kumubangamira cyangwa se agasaba isosiyete kugura iyo migabane.	of shares. Where the variation of rights attached to a class of shares is approved and the company becomes entitled to take the action concerned, the holder of a share of that class, who did not consent to or cast any vote in favour of the resolution for the variation, may apply to a competent Court for an order against acts that are prejudicial to a shareholder, or he or she may require the company to purchase those shares.	actionnaires ayant cette catégorie d'actions. Lorsque la modification des droits attachés à une catégorie d'actions est approuvée et que la société est en droit de prendre l'action en cause, le détenteur de l'action de cette catégorie, qui n'a ni consenti, ni rejeté les votes en faveur de la résolution portant sur la modification, peut demander à la juridiction compétente de prendre une décision contre toute action qui peut être préjudiciable à un actionnaire, ou encore, il peut demander à la société d'acheter ces actions.
<u>Ingingo ya 88</u>: Inyandiko zimenyeshwa abanyamigabane buri mwaka Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yohereza buri munyamigabane mu gihe cyagenwe, inyandiko zikurikira: 1° kopi y'ibaruramari ry'umwaka rya sosiyete ryemejwe kandi ryashyizweho umukono; 2° kopi ya raporo y'umugenzuzi w'imari kuri iryo baruramari; 3° kopi ya raporo y'Inama y'Ubutegetsi yerekeranye n'igihe cy'ibaruramari gihuye n'iryo baruramari.	**<u>Article 88:</u> Documents to be disclosed annually to shareholders** The Board of Directors of a company sends to every shareholder of the company within the specified time limits the following documents: 1° a copy of the company's annual accounts approved and signed; 2° a copy of the auditor's report on those accounts; 3° a copy of the Board of Directors' report relating to the same accounting period as those accounts.	**<u>Article 88</u>: Documents à communiquer annuellement aux actionnaires** Le Conseil d'administration d'une société envoie à chaque actionnaire de la société dans les délais prévus, les documents suivants: 1° une copie des comptes annuels de la société approuvés et signés; 2° une copie du rapport de l'auditeur sur ces comptes ; 3° une copie du rapport du Conseil d'administration relatif au même exercice comptable que ces comptes.

Igihe ntarengwa cyo kumenyesha amakuru ni:	The time limits for disclosure of such information are:	Les délais impartis pour la communication de ces informations sont les suivants :
1° mu mezi arindwi (7) akurikira itariki fatizo y'ibaruramari, mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;	1° within seven (7) months of the company's accounting reference date, in the case of a private company;	1° dans les sept (7) mois suivant la date de référence comptable de la société, dans le cas d'une société privée;
2° mu mezi ane (4) akurikira itariki fatizo y'ibaruramari iyo ari isosiyeti ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	2° within four (4) months of the company's accounting reference date, in the case of a public company.	2° dans les quatre (4) mois suivant la date de référence comptable de la société, dans le cas d'une société publique.
Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ishobora binyuze mu nyandiko z'ishingwa ryayo cyangwa mu mwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane, gutanga birenzeho amakuru ku burenganzira bw'abanyamigabane ku biteganyijwe muri iyi ngingo.	A private company may, through its incorporation documents or by special shareholder resolution, provide for more extensive or different information rights for shareholders than those set out in this Article	Une société privée peut, au moyen de ses documents constitutifs or d'une décision spéciale de ses actionnaires, prévoir des droits d'informations plus étendues ou variées pour les actionnaires outre que ceux prévus dans le présent article
Ingingo ya 89: Raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 89: Report of directors**	**Article 89: Rapport des administrateurs**
Raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete igomba gukorwa mu nyandiko hubahirijwe igihe cy'ibaruramari kijyanye n'ibaruramari ry'umwaka cyerekeranye na yo. Iyo raporo igaragaza ibi bikurikira:	In respect of the accounting period to which the annual accounts relate, a report of directors for a company must be in writing. Such a report:	En ce qui concerne l'exercice comptable auquel les comptes annuels se rapportent, un rapport des administrateurs d'une société doit être établi par écrit. Ce rapport :
1° umubare w'amafaranga Inama y'Ubutegetsi isaba ko wishyura nk'inyungu ku migabane, n'umubare	1° states the amount, if any, which the Board of Directors recommends should be paid as dividend and the	1° indique, le cas échéant, le montant que le Conseil d'administration a recommandé de verser à titre de

w'amafaranga isaba ko azigamwa;	amount, if any, which they propose to carry to reserves;	dividende et, le cas échéant, le montant qu'il propose de porter en réserves;
2° indi mpano iyo ari yo yose irenga ku mafaranga yagenywe, harimo imfashanyo z'abagiraneza cyangwa izo mu rwego rwa politiki zatanzwe na sosiyeti uhereye igihe cya raporo iheruka;	2° states any donations exceeding the prescribed amount, including charitable or political donations made by the company since the date of the previous report;	2° indique les dons excédant le montant prescrit, y compris les dons de bienfaisance ou politiques effectués par la société depuis la date du rapport précédent;
3° 3° inyungu zanditswe mu gitabo zabonetse guhera ku itariki ya raporo iheruka;	3° states particulars of any entries in the register of interests made since the date of the previous annual report;	3° indique les inscriptions au registre des intérêts effectuées depuis la date du précédent rapport annuel;
4° umukono n'abagize Inama y'Ubutegetsi babiri (2) ba sosiyete mu izina ry'Inama y'Ubutegetsi ya sosiyete, cyangwa umukono w' ugize inama y'ubutegetsi mu gihe ari we wenyine uhari;	4° is signed on behalf of the Board of Directors by two (2) directors of the company, or, if there is the only one director, by that director.	4° est signé pour le compte de Conseil d'administration de la société par ses deux (2) membres ou, s'il n'y a qu'un seul membre, par lui.
Iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane raporo inagaragaza:	In the case of a public company, the report also:	Dans le cas d'une société publique, le rapport aussi:
1° ibikorwa by'ingezi by'isosiyete n'izindi zabyawe na yo muri icyo gihe n'izindi mpiduka zifatika zabaye muri icyo gihe; kandi	1° states the principal activities of the company and its subsidiaries during the period and any significant changes in those activities during the period; and	1° indique les principales activités de la société et de ses filiales au cours de la période et tout changement significatif de ces activités au cours de cette période; et
2° iba irimo isesengura nyakuri ry'iterambere ry'ubucuruzi bw'isosiyete n'iry'izindi zabyawe na yo mu gihe cy'ibaruramari n'icyo bavuga ku mpera ryacyo.	2° contains a fair review of the development of the business of the company and its subsidiaries during the accounting period and of their	2° contient un examen juste de l'évolution des activités de la société et de ses filiales au cours de l'exercice comptable et de leurs positions à la fin

	positions at the end of it.	de celui-ci.
Raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi si ngombwa iyo ari sosiyete idahamagarira abantu kuyiguramo imigabane mu gihe abanyamigabane babihisemo batyo.	The requirement for a report of the directors does not apply in the case of a private company where shareholders have opted out of this requirement.	L'exigence d'un rapport des administrateurs ne s'applique pas dans le cas d'une société privée lorsque les actionnaires ont choisi de ne pas satisfaire à cette exigence.
<u>Ingingo ya 90</u>: Andi makuru ahabwa abanyamigabane	**<u>Article 90</u>: Other disclosures to shareholders**	**<u>Article 90:</u> Autres informations à fournir aux actionnaires**
Abanyamigabane bahabwa **andi** makuru yerekeye ibi bikurikira:	Shareholders are provided with other information related to:	Les actionnaires reçoivent d'autres informations relatives:
1° inyandikomvugo y'inteko rusange y'abanyamigabane n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	1° proceedings at shareholders' meetings and the incorporation documents;	1° aux délibérations des réunions d'actionnaires et les documents constitutifs de la société;
2° ibiteganywa mu ngingo ya 115 y'iri tegeko;	2° the provisions of Article 115 of this Law;	2° aux dispositions de l'article 115 de la présente loi;
3° ibiteganywa n'ingingo ya 179 y'iri tegeko ku bisabwa mu kugura imigabane y'abanyamigabane mu buryo bwihariye keretse iyo abanyamigabane b'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane bahisemo kutubahiriza ibisabwa.	3° the provisions of Article 179 of this Law on requirements for special offers except if a private company shareholders have opted out of the requirements.	3° aux dispositions de l'article 179 de la présente loi sur les exigences spéciales offertes, sauf si les actionnaires d'une société privée ont choisi d'exclure ces exigences.
Abanyamigabane bahabwa amakuru avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kugira ngo batange uruhushya rwerekeranye na:	A disclosure referred to under Paragraph One of this Article is made to seek shareholders authorisation with respect to:	La communication visée à l'alinéa premier du présent article est fournie aux actionnaires pour obtenir leur autorisation en rapport avec:

1° ububasha bwo guhindura inyandiko z'ishingwa rya sosiyeti; 2° isabwa mu gutanga uburenganzira bw'itsinda; 3° ibikorwa by'ubucuruzi bihambaye; 4° guhindura icyiciro cy'isosiyete; 5° uburyo bwo kwemerera kwibumbira hamwe.	1° the power to alter company's incorporation documents; 2° class authorisation; 3° major transactions; 4° change of status; 5° manner of authorising amalgamations.	1° le pouvoir de modifier les documents constitutifs de la société; 2° l'exigence d'autorisation de la catégorie; 3° les transactions capitales; 4° le changement de statut; 5° le mode d'autorisation des fusions.
<u>Ingingo ya 91</u>: Uburyo bwo kohereza inyandiko abanyamigabane Inyandiko iyo ari yo yose yohererezwa abanyamigabane ishobora gutangwa ku buryo bufatika cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga, igashyirwa cyangwa ikoherezwa kuri aderesi y'uwo munyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane. Inyandiko yohererejwe umunyamigabane ifatwa nk'aho yayibonye nyuma y'iminsi itanu (5) y'akazi kuva igejejwe kuri aderesi yatanzwe n'umunyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane.	**<u>Article 91</u>: Method of sending documents to shareholders** Any document to be sent to shareholders may be delivered physically or by electronic means to the shareholder, posted or delivered to the address for that shareholder shown on the register of shareholders. The document posted to a shareholder is deemed to be received by the shareholder five (5) working days after it is delivered to the address for that shareholder shown on the register of shareholders.	**<u>Article 91</u>: Mode d'envoi des documents aux actionnaires** Tout document à envoyer aux actionnaires peut être remis physiquement ou par voie électronique à l'actionnaire, être envoyé ou remis à l'adresse de cet actionnaire indiqué sur le registre des actionnaires. Le document envoyé à un actionnaire est réputé reçu par l'actionnaire cinq (5) jours ouvrables après son dépôt remis à l'adresse de cet actionnaire indiqué sur le registre des actionnaires.

Iyo inyandiko yoherejwe kuri aderesi y'umunyamigabane igaragara mu gitabo cy'abanyamigabane igaruwe inshuro eshatu (3) zikurikirana nk'itakiriwe, isosiyete ntikenera kongera kohereza umunyamigabane izindi nyandiko izo ari zo zose kugeza igihe uwo munyamigabane amenyesheje isosiyete aderesi ye nshya.	If a document sent to a shareholder at the address shown on the register of shareholders is returned unclaimed three (3) consecutive times, the company does not have to send any further documents to the shareholder until the shareholder notifies the company of his or her new address.	Si un document envoyé à un actionnaire à l'adresse indiquée sur le registre des actionnaires est retourné comme non réclamé trois (3) fois consécutives, la société n'a pas besoin d'envoyer d'autres documents à l'actionnaire jusqu'à ce que l'actionnaire avise la société de sa nouvelle adresse.
Icyiciro cya 3: Uburyozwe	**Section 3: Liability**	**Section 3: Responsabilité**
Ingingo ya 92: Uburyozwe bw'umunyamigabane	**Article 92: Liability of shareholders**	**Article 92: Responsabilité des actionnaires**
Uretse iyo ari isosiyete ifite uburyozwe butagarukira ku migabane, umunyamigabane ntaryozwa inshingano ya sosiyete kuko ari umunyamigabane gusa. Uburyozwe bw'umunyamigabane kuri sosiyete, cyangwa ku nshingano zayo, bugarukira:	With the exception of an unlimited liability company, a shareholder is not liable for the obligations of a company only because of being a shareholder. The liability of a shareholder to the company, or for the company's obligations is limited to:	À l'exception d'une société à responsabilité illimitée, un actionnaire n'est pas responsable de l'obligation d'une société en raison seulement de sa qualité d'actionnaire. La responsabilité d'un actionnaire envers la société ou pour ses obligations se limite à :
1° ku mafaranga atarishyuwe ku mugabane ufitwe n'uwo munyamugabane;	1° any amount unpaid on a share held by the shareholder;	1° tout montant impayé sur une action détenue par l'actionnaire;
2° ku bundi buryozwe bwose bwateganyijwe n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete ku buryo budashidikanywaho, aho zishobora guteganya ko uburyozwe bw'umunyamigabane butagarukira gusa ku migabane ye;	2° any liability expressly provided for in the company's incorporation documents which may provide that the shareholder's liability is unlimited;	2° toute responsabilité expressément prévue dans les documents constitutifs de la société qui peuvent prévoir que la responsabilité de l'actionnaire est illimitée;
3° ku byahawe umunyamigabane ariko	3° any distribution received by the	3° toute distribution reçue par

bikaba bigomba kugaruzwa hakurikijwe ingingo ya 73 y'iri tegeko.	shareholder but which has to be recovered in accordance with Article 73 of this Law.	l'actionnaire mais qui doit être recouvrée conformément à l'article 73 de la présente loi.
Iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ziteganya ko umugabane utuma nyirawo agira uburyozwe, ubwo buryozwe buba k'ufite uwo mugabane icyo gihe, aho kuba k'uwari uwufite mbere, kabone n'iyo ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwufite ubu.	When the incorporation documents of a company provide that a share imposes a liability on its holder, that liability is attached to the holder of the share for the time being, and not to a prior holder of the share, even if the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current shareholder.	Lorsque les documents constitutifs d'une société prévoient qu'une action impose une responsabilité à son détenteur, cette responsabilité est attachée au détenteur actuel de cette action et non à un détenteur antérieur de l'action, même si cette responsabilité est devenue exécutoire avant que l'action ne soit enregistrée au nom de l'actionnaire actuel.
Haseguriwe igika cya 2 cy'iyi ngingo, iyo:	Subject to Paragraph 2 of this Article, when:	Sous réserve de l'alinéa 2 du présent article, lorsque :
1° iyishyurwa ry'umugabane wose cyangwa igice cyawo kitishyuwe;	1° all or part of the payment for the allotment of a share remains unsatisfied;	1° la totalité ou une partie du paiement de l'attribution d'une action reste impayée;
2° umuntu wahawe umugabane ntabe akiwufite, uburyozwe bujyanye n'icyo gice kitishyuwe, ntibiba ubwishyu bw'abafite imigabane bawuhawe nyuma, ahubwo uburyozwe bugira uwahawe umugabane, cyangwa undi muntu wese wagize ubwo buryozwe igihe cy'isaranganya ry'imigabane.	2° the person to whom the share was allotted no longer holds that share, liability in respect of that unsatisfied payment does not become that of subsequent holders of the share, but remains the liability of the person to whom the share was allotted, or of any other person who assumed that liability at the time of allotment.	2° la personne à laquelle l'action a été attribuée ne détient plus cette action, la responsabilité à l'égard de ce paiement non fait ne devient pas celui des détenteurs subséquents de l'action, mais reste la responsabilité de la personne à qui l'action a été attribuée, ou de toute autre personne qui a assumé cette responsabilité au moment de l'allotissement.
Nta na kimwe giteganywa n'iyi ngingo	No provision of this Article affects a	Aucune disposition du présent article n'affecte

gishobora kugira icyo gikora ku buryozwe umunyamugabane afitiye sosiyete hashingiwe ku masezerano, harimo n'amasezerano y'itangwa ry'imigabane, cyangwa ku bijyanye n'ikosa ridashingiye ku masezerano, kutubahiriza inshingano y'ushinzwe gucunga iby'abandi, cyangwa izindi mpamvu zatuma hitabazwa inkiko mu gihe irindi kosa rikozwe na we.	shareholder's liability to the company on any contract, including a contract for the allotment of shares or for any tort or breach of fiduciary duty or other ground to take legal action for wrong committed by him or her.	la responsabilité d'un actionnaire envers la société sur aucun contrat, y compris un contrat pour l'attribution d'actions ou pour tout délit ou manquement à une obligation fiduciaire ou autre raison d'intenter une action pour la faute commise par lui.
Urukiko rushobora kurenga uburyozwe bushingiye ku migabane kugira ngo umunyamugabane aryozwe inshingano za sosiyete, iyo rusanze uwo munyamugabane yarakoresheje nabi icyiciro cya sosiyete agamije uburiganya cyangwa kwica amategeko cyangwa yarafashe nabi umutungo wa sosiyete nk'aho ari umutungo w'abantu ku giti cyabo.	A court may pierce the corporate veil to hold a shareholder liable for obligations of the company if the court finds that the shareholder has abused the company status form for fraudulent or illegal purposes or abused the company's assets as if they were personal assets.	Une juridiction peut déroger à la responsabilité liée à l'action pour tenir un actionnaire responsable des obligations de la société si cette juridiction constate que l'actionnaire a abusé du statut de la société à des fins frauduleuses ou illégales ou a abusé des actifs de la société comme si c'étaient des biens personnels.
Ingingo ya 93: Uburyozwe bushingiye ku mafaranga atarishyurirwa imigabane	**Article 93: Liability for calls**	**Article 93: Responsabilités à l'égard des appels**
Iyo umugabane utuma nyirawo aryozwa amafaranga atari yawishyurira, cyangwa, ufite ubundi buryozwe kuri nyirawo, ubwo buryozwe bubarwa ku munyamigabane uwufite muri icyo gihe; kandi ntibubazwe uwari uwufite mbere kabone n'iyo ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwufite ubu.	Where a share makes its holder liable to calls, or imposes any other liability on its holder, that liability is attached to the holder of the share, and not to a prior holder of the share, even if the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current holder.	Lorsqu'une action rend son détenteur redevable des sommes non encore payées ou impose une responsabilité à son détenteur, cette responsabilité se rattache au détenteur actuel de l'action et non à l'actionnaire précédent même si la responsabilité deviendrait applicable avant l'enregistrement de l'action au nom de l'actuel détenteur.

Ingingo ya 94: Uburyozwe bw'intumwa bwite Mu gihe intumwa bwite yazunguye umuntu wapfuye yanditswe nk'ifite umugabane ubarirwa mu byo yazunguye, uburyozwe bw'iyo ntumwa bwite ku bijyanye n'uwo mugabane, ntibugomba kurenga agaciro k'ibintu iyo ntumwa bwite ifite bituruka ku byo yacungiraga undi bifitanye isano n'uwo mugabane, igihe hasabwa kubahiriza ubwo buryozwe. Ku bw'iyi ngingo «ibintu by'undi» bigarukira ku nshingano z'intumwa bwite.	**Article 94: Liability of personal representative** Where a personal representative of the estate of a deceased person is registered as the holder of a share comprised in that estate, the liability of that personal representative, in respect of that share, does not exceed the value of any assets which, at the time when any demand is made for the satisfaction of such liability are held by that personal representative upon the same trusts as are applicable to that share. For the purposes of this Article, "trust" extends to the duties of a personal representative.	**Article 94: Responsabilité du représentant personnel** Lorsqu'un représentant personnel de la succession d'une personne décédée est inscrit comme titulaire d'une action comprise dans cette succession, la responsabilité de ce représentant personnel ne doit pas, à l'égard de cette action, excéder la valeur des biens qui, au moment où une demande est faite pour la satisfaction de cette responsabilité, sont détenus par ce représentant personnel sur les mêmes fiducies que celles applicables à cette action. Aux fins du présent article, la « fiducie » s'étend aux devoirs d'un représentant personnel.
Ingingo ya 95: Uburyozwe bw'ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo Iyo ucunga iby'undi mu gihe cy'igihombo yanditswe nk'ufite umugabane, uburyozwe bwe bushingiye kuri uwo mugabane ntibujya hejuru y'agaciro k'umutungo uwo ari wo wose w'igihombo mu gihe hatanzwe ubusabe ubwo ari bwo bwose bwo kubahiriza ubwo buryozwe, iyo uwo mutungo weguriwe ucunga iby'undi.	**Article 95: Liability of trustee in bankruptcy** Where a trustee in bankruptcy is registered as the holder of a share, the liability of that trustee in bankruptcy, in respect of that share, cannot exceed the value of any property of the bankrupt which, at the time when any demand is made for the satisfaction of such liability, is vested in the trustee.	**Article 95: Responsabilité du syndic de faillite** Lorsqu'un syndic de faillite est enregistré en tant que détenteur d'une action, la responsabilité d'un syndic de faillite ne peut pas, à l'égard de cette action, dépasser la valeur des biens du failli qui, au moment où une demande pour la satisfaction de cette responsabilité est formulée, est dévolu au fidéicommissaire.

Ingingo ya 96: Uburyozwe bw'abanyamigabane ku birebana n'ikoreshwa ry'ububasha bwabo	**Article 96: Liability of shareholders in respect of exercise of powers**	**Article 96: Responsabilité des actionnaires en ce qui concerne l'exercice des pouvoirs**
Umunyamigabane utora gusa nk'umunyamigabane ukoresha ububasha buteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, nta nshingano n'imwe aba afite kuri sosiyete cyangwa ku wundi muntu, kandi ntaryozwa kuba yaratoye cyangwa ataratoye mu itora afitemo uburenganzira.	A shareholder voting solely in his or her capacity as a shareholder in the exercise of any of the powers set out in Paragraph 2 of this Article does not owe any duty to the company or to any other person and does not incur any liability in respect of the exercise of or failure to exercise votes to which that shareholder is entitled.	Un actionnaire votant uniquement en sa qualité d'actionnaire sur l'exercice de l'un des pouvoirs énoncés à l'alinéa 2 du présent article n'a aucun devoir envers la société ou envers une autre personne et n'engage aucune responsabilité à l'égard de l'exercice ou de l'omission d'exercer des votes auxquels cet actionnaire a droit.
Ububasha buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni ubu bukurikira:	The powers mentioned in Paragraph One of this Article are those to:	Les pouvoirs visés à l'alinéa premier du présent article sont les suivants :
1° kwemeza itangwa ry'imigabane;	1° authorise an allotment of shares;	1° autoriser une attribution des actions;
2° kwemeza ihindurwa ry'uburenganzira bw'abanyamigabane;	2° authorise an alteration of shareholders' rights;	2° autoriser une modification des droits des actionnaires;
3° kwemeza ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'ugize Inama y'Ubutegetsi;	3° authorise the appointment of or removal of a director;	3° autoriser la nomination ou la révocation d'un administrateur;
4° kwemeza ishyirwaho cyangwa ivanwaho ry'umugenzuzi w'imari;	4° authorise the appointment of or removal of an auditor;	4° autoriser la nomination ou la révocation d'un auditeur;
5° kwemeza ko hagira igihinduka mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	5° authorise any alteration in the company's incorporation documents;	5° autoriser toute modification des documents de constitution de la société;

6° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihamye hashingiwe ku ngingo ya 197 y'iri tegeko;	6° authorise a major transaction in accordance with Article 197 of this Law ;	6° autoriser une transaction capitale en vertu de l'article 197 de la présente loi;
7° gusaba ko isosiyete ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda isibwa mu gitabo;	7° apply for a solvent company to be removed from the register.	7° demander la radiation d'une société solvable.
Mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete:	Where a company's incorporation documents:	Lorsque les documents constitutifs d'une société:
1° ziha ububasha ubwo ari bwo bwose bwagombye kuba ubw'abagize Inama y'Ubutegetsi;	1° confer any power which would otherwise be exercised by the director;	1° confèrent tout pouvoir qui serait exercé par les administrateurs;
2° zitegeka ko abagize Inama y'Ubutegetsi bakoresha ububasha cyangwa birinda kubukoresha hakurikijwe icyemezo cyangwa ibwiriza ry'abanyamigabane,	2° require the directors to exercise or refrain from exercising a power in accordance with a decision or direction of shareholders;	2° exigent que les administrateurs exercent ou s'abstiennent d'exercer un pouvoir conformément à une décision ou à une directive des actionnaires ;
abanyamigabane batora cyangwa bagenzura ikoreshwa ry'ububasha, cyangwa icyemezo cy'uko ububasha bwagombye gukoreshwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa bakirinda kubukoresha, bafatwa nk'abagize Inama y'Ubutegetsi hashingiwe ku nshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi ziteganywa n'iri tegeko.	the shareholders who vote on or control the exercise of that power, or the decision or direction that the power should or should not be exercised by the Board of Directors are deemed to be directors for the purposes of the duties of directors set out in this Law.	les actionnaires qui votent ou contrôlent l'exercice de ce pouvoir, ou la décision ou l'instruction que le pouvoir devrait ou ne devrait pas être exercé par les administrateurs sont réputés être des administrateurs aux fins des fonctions des administrateurs énoncées dans la présente loi.
Nta na kimwe giteganywa muri iyi ngingo kibangamira uburyozwe bushingiye ku	No provision of this Article affects any liability arising out of a contract or other	Aucune disposition du présent article ne porte atteinte à la responsabilité découlant d'un

masezerano cyangwa indi nshingano yafashwe n'umunyamigabane.	obligation expressly entered into by a shareholder.	contrat ou autre obligation dans laquelle un actionnaire s'est engagé.
Icyiciro cya 4: Ikoreshwa ry'ububasha bw'abanyamigabane	**Section 4: Exercise of shareholder powers**	**Section 4: Exercice des pouvoirs des actionnaires**
Ingingo ya 97: Ikoreshwa ry'ububasha bw'abanyamigabane binyuze mu myanzuro	**Article 97: Exercise of shareholder powers by resolution**	**Article 97: Exercice des pouvoirs des actionnaires par résolution**
Ububasha abanyamigabane bahabwa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, bukoreshwa binyujijwe mu mwanzuro w'abanyamigabane mu buryo bukurikira:	Powers reserved for shareholders by this Law or by a company's incorporation documents are exercised by shareholders' resolution:	Les pouvoirs réservés aux actionnaires par la présente loi ou par les documents constitutifs d'une société sont exercés par voie de résolution des actionnaires :
1° mu nteko rusange ya buri mwaka y'abanyamigabane;	1° at a shareholders' annual general meeting;	1° lors d'une assemblée générale annuelle des actionnaires;
2° mu nteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane;	2° at a shareholders' extraordinary general meeting;	2° lors d'une assemblée générale extraordinaire des actionnaires;
3° mu mwanzuro wanditse usimbura inteko rusange;	3° by shareholders' written resolution in lieu of general meeting;	3° par résolution écrite des actionnaires tenant lieu de l'assemblée générale;
4° mu bwumvikane busesuye bw'abanyamigabane.	4° by a unanimous shareholder agreement.	4° par accord unanime des actionnaires.
Ingingo ya 98: Gusaba gushyira ingingo ku	**Article 98: Shareholder proposal for any**	**Article 98: Proposition par un actionnaire**

murongo w'ibyigwa n'Inteko rusange bikozwe n'umunyamigabane	matter for discussion at general meeting	d'inscrire un point à l'ordre du jour à l'assemblée générale
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, umunyamigabane ashobora kwandikira Inama y'Ubutegetsi asaba ko ingingo runaka igibwaho impaka mu Nteko Rusange itaha y'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora. Inyandiko y'ubusabe igomba kuba iriho umukono w'umunyamigabane wayitanze. Ubwo busabe bushobora kuba bufitanye isano n'imicungire ya sosiyete.	Subject to the company's incorporation documents, a shareholder may by written notice to the Board of Directors propose any matter for discussion or resolution at the next meeting of shareholders at which the shareholder is entitled to vote. The proposal must be signed by the shareholder submitting it. The proposal may relate to the management of the company.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, un actionnaire peut, par un écrit adressé au Conseil d'administration, proposer l'examen d'un point donné par les actionnaires ayant le droit de vote lors de leur prochaine assemblée. La proposition écrite est signée par l'actionnaire qui en est l'auteur. Cette proposition peut porter sur la gestion de la société.
Iyo imenyekanisha ry'ubusabe rigeze ku Nama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi mbere y'umunsi wa nyuma imenyesha ry'inama y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejejwe ku Nama y'Ubutegetesi, Inama y'Ubutegetsi igomba, kandi byishyuwe n'isosiyete, kugeza iryo menyekanisha ry'inyandiko y'ubusabe n'umunyamigabane iherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.	If the notice of proposal is received by the Board of Directors within twenty (20) working days before the last day on which notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of Directors, the Board of Directors must, at the expense of the company, give notice of such proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.	Si l'avis de proposition est reçu par le Conseil d'administration au moins vingt (20) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de l'assemblée des actionnaires concernée doit être donné au Conseil d'administration, ce dernier doit, aux frais de la société, faire parvenir cet avis de proposition accompagné d'un projet de résolution à tous les actionnaires ayant le droit de recevoir un avis de convocation de la réunion.
Iyo imenyekanisha ry'ubutumire ryakiriwe n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi y'akazi itari munsi y'itanu (5) kandi kitarengeje iminsi makumyabiri (20) y'akazi	If the notice of meeting is received by the Board of Directors not less than five (5) working days and not more than twenty (20) working days before the last day on which	Si l'avis de convocation de l'assemblée est reçu par le Conseil d'administration au moins cinq (5) jours ouvrables et au plus tard vingt (20) jours ouvrables avant le dernier jour où

mbere y'umunsi wa nyuma w'itumira ry'Inteko Rusange y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejejwe ku Nama y'Ubutegetsi. Inama y'Ubutegetsi igomba, kandi byishyuwe n'uwo munyamigabane, kugeza iryo menyekanisha ry'ubusabe riherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.	notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of Directors, the Board of Directors must, at the expense of the shareholder, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.	l'avis de l'assemblée des actionnaires concernée doit être donné par le Conseil d'Administration, ce dernier doit, aux frais de l'actionnaire, donner l'avis de la proposition faite par l'actionnaire ainsi que le texte de tout projet de résolution à tous les actionnaires ayant le droit de recevoir l'avis de convocation de la réunion.
Iyo imenyekanisha ry'ubusabe ryakiriwe n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'iminsi y'akazi itari munsi y'iminsi (5) mbere y'umunsi wa nyuma w'itumira w'inteko rusange y'abanyamigabane bireba rigomba kuba ryagejejwe ku Nama y'Ubutegetsi, Inama y'Ubutegetsi igomba, mu gihe bishoboka, kandi byishyuwe n'umunyamigabane, kugeza iryo menyekanisha ry'ubusabe n'umunyamigabane buherekejwe n'umushinga w'umwanzuro usabwa ku banyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kugezwaho ubutumire bw'inama.	If the notice is received by the Board of Directors less than five (5) working days before the last day on which the notice of the relevant meeting of shareholders is required to be given by the Board of Directors, the Board of Directors must, if practicable, and at the expense of the shareholder, give notice of the shareholder proposal and the text of any proposed resolution to all shareholders entitled to receive notice of the meeting.	Lorsque le Conseil d'administration reçoit l'avis de proposition moins de cinq (5) jours ouvrables avant le dernier jour où l'avis de la convocation des actionnaires concernés doit être envoyé par le Conseil d'Administration, ce dernier doit, dans la mesure du possible et aux frais de l'actionnaire, informer tous les actionnaires ayant le droit de recevoir l'avis de convocation de l'assemblée, de la proposition de l'actionnaire ainsi que le texte de tout projet de résolution.
Iyo umunyamigabane ari we ugomba kwishyura imenyekanisha ry'ubusabe, yohereza isosiyete amafaranga kugira ngo ibimenyeshe abanyamigabane ndetse n'Inama y'Ubutegetsi.	Where the costs of giving notice are to be borne by the proposing shareholder, the latter must deposit a sum to cover the costs for giving notice to shareholders and members.	Lorsque le coût lié à l'avis de proposition doit être assumé par l'actionnaire, ce dernier doit donner une somme d'argent pour couvrir les coûts liés à l'avis devant être donné aux actionnaires et aux administrateurs.

Icyakora, Inama y'Ubutegetsi itanga imenyekanisha ry'igisabwa n'umunyamigabane riri kumwe n'umushinga w'umwanzuro yabonye hakurikijwe igika cya mbere bikozwe mu nyandiko itumira abanyamigabane mu nteko rusange yahawe abanyamigabane. Mu gihe Inama y'Ubutegetsi isaba ko abanyamigabane bashobora gutora uwo mushinga bahagarariwe cyangwa binyujijwe ku iposita cyangwa mu bundi buryo bw'ikoranabuhanga, iha umunyamigabane wagize icyo asaba uburenganzira bwo gushyira mu nyandiko itumira inama ibisobanuro byumvikana bijyanye no gushyigikira icyo asaba, iherekejwe n'izina na aderesi bye.	However, the Board of Directors gives notice of any shareholder proposal and the text of any proposed resolution received by it under Paragraph One in the notice of the meeting given to shareholders. If the Board of Directors proposes that shareholders may vote on that proposal by proxy or by postal vote or by any other electronic means, they give the proposing shareholder the right to include in the notice of meeting a concise statement in support of the proposal, together with the name and address of the proposing shareholder.	Toutefois, le Conseil d'administration inclut dans l'avis de convocation donné aux actionnaires l'avis de toute proposition faite par un actionnaire ainsi que celui du texte de tout projet de résolution qu'il reçoit en vertu de l'alinéa premier et, si le Conseil d'administration permettent aux actionnaires de voter sur cette proposition par procuration ou par correspondance postale ou par voie électronique, il donne à l'actionnaire auteur de la proposition le droit d'inclure dans l'avis de convocation une déclaration concise à l'appui de la proposition, accompagnée du nom et de l'adresse de l'actionnaire auteur de la proposition.
Inama y'Ubutegetsi ntishyira mu nyandiko itumira inama y'abanyamigabane inyandiko iyo ari yo yose yateguwe n'umunyamigabane ibona irimo ibintu bishobora gusebanya, kurakaza cyangwa bidafite icyo bimaze.	The Board of Directors does not include in the notice of meeting any statement prepared by a shareholder which the board of directors consider to be defamatory, vexatious or frivolous.	Le Conseil d'administration n'inclut dans l'avis de convocation de la réunion aucune déclaration préparée par un actionnaire que le Conseil d'administration considère comme diffamatoire, vexatoire ou frivole.
Inama y'Ubutegetsi ntikenera kubahiriza iyi ngingo iyo ubusabe bwashyizweho umukono n'abanyamigabane bari munsi ya batanu ku ijana (5%) by'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora ku bibazo biri mu busabe mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, cyangwa n'icumi ku ijana (10%) by'abanyamigabane	The Board of Directors need not comply with this Article if the proposal is signed by less than five percent (5%) of the shareholders entitled to vote on the issues in the proposal for private companies or by less than ten percent (10%) of the shareholders so entitled for public companies and the Board of Directors is of the reasonable opinion that:	Le Conseil d'administration n'a pas besoin de se conformer au présent Article si la proposition est signée par moins de cinq pour cent (5%) des actionnaires ayant le droit de vote sur les questions se trouvant dans la proposition pour les sociétés privées ou de moins de dix pour cent (10%) des actionnaires ainsi autorisés pour les sociétés publiques et

bafite ubwo burenganzira mu gihe ari sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, kandi Inama y'Ubutegetsi ifite impamvu yumvikana ko:		que le Conseil d'administration est raisonnablement d'avis que:
1º ubwo busabe cyangwa ikimeze nkabwo cyasuzumwe n'inteko rusange y'abanyamigabane mu gihe cy'imyaka ibiri (2) guhera ku itariki yaboneyeho inyandiko itumira;	1° the same or substantially the same proposal was considered by a shareholders' meeting within two (2) years from the date of receipt of the notice;	1° la proposition identique ou substantiellement identique été examinée par l'assemblée des actionnaires dans les deux (2) ans suivant la date de réception de l'avis;
2º impamvu y'ibanze y'ubusabe ari ugukosora ikintu bwite cyangwa ari uguteza imbere, muri rusange, ibijyanye n'ubukungu, politiki, idini, umubano cyangwa indi mpamvu bifitanye isano.	2° the primary purpose of the proposal is to redress a personal grievance, or promote general economic, political, religious, social or other similar causes.	2° le but principal de la proposition est de remédier à un grief personnel ou de promouvoir des causes générales économiques, politiques, religieuses, sociales ou autres causes similaires.
<u>Ingingo ya 99</u>: Umwanzuro w'umunyamigabane werekeranye n'icungwa ry'isosiyete	**<u>Article 99:</u> Shareholder resolution relating to the management of the company**	**<u>Article 99:</u> Résolution de l'actionnaire relative à la gestion de la société**
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, abanyamigabane bashobora gufata umwanzuro werekeranye n'icungwa ry'isosiyete.	Subject to the company's incorporation documents, the shareholders may pass a resolution relating to the management of the company.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, les actionnaires peuvent adopter une résolution relative à la gestion de la société.
Icyakora, Inama y'Ubutegetsi ishobora kutubahiriza uwo mwanzuro iyo isanze ubangamiye inyungu za sosiyete.	However, the Board of Directors may refrain from complying with such a resolution if satisfied that the resolution is contrary to the company's interests.	Toutefois, le Conseil d'administration peut s'interdire de se conformer à cette résolution s'il la juge contraire aux intérêts de la société.

<u>Icyiciro cya 5</u>: Inteko rusange z'abanyamigabane n'imyanzuro isimbura inama **<u>Ingingo ya 100</u>: Inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane** Inama y'Ubutegetsi itumiza inteko rusange ya buri mwaka igomba guterana: 1° inshuro imwe mu mwaka kandi ntibirenge amezi cumi n'atanu (15) nyuma y'inteko rusange iheruka; 2° bitarenze amezi atandatu (6) nyuma y'itariki y'iyemezwa ry'ifoto y'umutungo w'isosiyete, Icyakora, isosiyete nshya ishobora guteranya inteko rusange yayo mu gihe kitarenze amezi cumi n'umunani (18) uhereye igihe yashingiwe. Isosiyete iteranya inteko rusange yayo ku itariki yumvikanyweho n'abagize Inama y'Ubutegetsi. Inyandiko itumiza inama yohererezwa abanyamigabane bose mu minsi makumyabiri n'umwe (21) mbere y'uko inteko rusange iterana, kandi iyo nyandiko ikagaragaza	**<u>Section 5:</u> Shareholders' general meetings and resolutions in lieu of general meeting** **<u>Article 100</u>: Shareholders' annual general meeting** The Board of Directors calls an annual general Assembly of shareholders to be held: 1° once a year and not later than fifteen (15) months after the last preceding meeting; 2° not later than six (6) months after the date of approval of the company's balance sheet; However, a newly incorporated company may hold its shareholders' meeting within eighteen (18) months of its incorporation. The company holds a General assembly of shareholders on the date agreed upon by directors. Notice of each meeting is sent to all shareholders not less than twenty-one (21) days before the date of the general assembly. The notice states, at a minimum, the agenda	**<u>Section 5</u>: Assemblées générales des actionnaires et résolutions tenant lieu de réunion** **<u>Article 100:</u> Assemblée générale annuelle des actionnaires** Le Conseil d'administration convoque une assemblée générale annuelle qui doit se tenir : 1° une fois par an et au plus tard quinze (15) mois après la tenue de la dernière assemblée générale précédente; 2° pas plus tard que dans six (6) mois après la date d'approbation du bilan de la société; Toutefois, une société nouvellement constituée peut tenir son assemblée des actionnaires dans les dix-huit (18) mois qui suivent sa constitution. La société tient son Assemblée générale des actionnaires à la date convenue entre les administrateurs. L'avis de convocation est envoyé à tous les actionnaires au moins vingt et un (21) jours avant la date de l'Assemblée générale , lequel avis mentionne au moins l'ordre du jour de la

nibura, ibiri ku murongo w'ibyigwa n'amakuru arebana n'abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba gutorwa mu nteko rusange, harimo imyirondoro yabo, ubunararibonye bafite mu bucuruzi, n'imyanya bafite mu nama y'ubutegetsi mu yandi masosiyete.	for the meeting and information regarding directors to be elected at the General assembly including biographies, a statement of their business experience, and any directorships held by them in other companies.	réunion et les informations concernant les administrateurs à élire à l'Assemblée générale , y compris les biographies, leur expérience dans les affaires, et tous les postes qu'ils occupent en tant qu'administrateurs d'autres sociétés.
Ingingo ya 101: Gukurikirana imicungire y'isosiyete bikozwe n'abanyamigabane	**Article 101: Shareholders' review of the company's management**	**Article 101: Contrôle de la gestion de la société par les actionnaires**
Umuyobozi w'inteko rusange y'abanyamigabane aha abanyamigabane umwanya uboneye wo kujya impaka no kugira icyo bavuga ku micungire y'isosiyete.	The chairperson of shareholders' general ssembly gives the shareholders a reasonable opportunity to discuss and comment on the management of the company.	Le président de l'Assemblée générale des actionnaires donne aux actionnaires une occasion raisonnable de discuter et de commenter sur la gestion de la société.
Inteko rusange y'abanyamigabane ishobora gufata umwanzuro yitwaje iyi ngingo igira ibyo isaba Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ku birebana n'ibibazo bigira ingaruka ku micungire y'isosiyete.	A shareholders' general assembly may pass a resolution under this Article which makes recommendations to the Board of Directors on matters affecting the management of the company.	Une assemblée générale des actionnaires peut adopter une résolution en vertu du présent article qui formule des recommandations au Conseil d'administration sur les questions affectant la gestion de la société.
Ingingo ya 102: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru mu gutumiza inteko rusange y'abanyamigabane ngaruka mwaka	**Article 102: Registrar General's power to convene shareholders' annual general meeting**	**Article 102: Pouvoir du Registraire général de convoquer l'assemblée générale annuelle des actionnaires**
Mu gihe inteko rusange y'abanyamigabane ngarukamwaka itatumijwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru ashobora kuyitumiza mu nyandiko, akanatanga amabwiriza ajyanye na yo abona ko ari ngombwa yerekeranye no guhindura	If default is made in holding a shareholders' annual general meeting, in accordance with this Law, the Registrar General may by written notice convene such a meeting and give such ancillary or consequential directions as he or she considers necessary, including a direction	En cas d'omission de tenir une assemblée générale annuelle des actionnaires conformément à la présente loi, le Registraire général peut, par avis écrit, convoquer une telle assemblée et donner les directives connexes ou consécutives qu'il juge

cyangwa kuzuza inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, cyangwa ibiteganywa n''iri tegeko byerekeranye no gutumira, guterana no kuyobora inteko rusange.	modifying or supplementing the company's incorporation documents or provisions of this Law in relation to the calling, holding and conducting of the general meeting.	opportunes, y compris une directive concernant la modification ou le complément des documents constitutifs de la société ou les dispositions de la présente loi relatives à la convocation, à la tenue et à la direction de l'assemblée générale.
Mu gihe inteko rusange itumijwe n'Umwanditsi Mukuru mu mwaka inteko rusange y'abanyamuryango ngarukamwaka itabayemo, iyo nama ntigomba gufatwa nk'inteko rusange ngarukamwaka y'uwo mwaka yabayemo, keretse Umwanditsi Mukuru abigennye ukundi.	Where a general meeting called by the Registrar General is not held in the year in which the default in holding the shareholders' annual general meeting occurred, the meeting is not to be considered as the annual general assembly for the year in which it is held unless the Registrar General so directs.	Lorsqu'une assemblée générale convoquée par le Registraire général n'est pas tenue dans l'année au cours de laquelle l'assemblée générale annuelle des actionnaires n'a pas eu lieu, cette assemblée ne doit pas être considérée comme l'assemblée générale annuelle de l'exercice où elle est tenue, à moins que le Registraire général n'en décide autrement.
Ingingo ya 103: Inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane	**Article 103: Shareholders' extraordinary general meeting**	**Article 103: Assemblée générale extraordinaire des actionnaires**
Inteko rusange y'abanyamigabane itari inteko rusange ngarukamwaka ni inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane.	A shareholders' general assembly other than the annual general meeting is a shareholders' extraordinary meeting.	Une assemblée générale des actionnaires autre que l'assemblée générale annuelle, est une assemblée extraordinaire des actionnaires.
Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu wese ubihererwa uburenganzira n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, ashobora gutumiza inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane.	The Board of Directors or any other person so authorised in the company's incorporation documents, may convene a shareholders' extraordinary meeting.	Le Conseil d'administration ou toute autre personne autorisée dans les documents constitutifs de la société peut convoquer une assemblée générale extraordinaire des actionnaires.
Inama y'Ubutegetsi itumiza inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane bisabwe mu	The Board of Directors convene a shareholders' general extraordinary meting	Le Conseil d'administration convoque une assemblée générale extraordinaire des

nyandiko ishyikirizwa isosiyete yashyizweho umukono n'umuntu cyangwa abantu bafite uburenganzira bw'amajwi angana na gatanu ku ijana (5%) nibura, bafite uburenganzira bwo kugira icyo bavuga ku bigomba kugibwaho impaka mu nteko rusange, nk'uko byagaragajwe mu butumire.	upon request made by written notice served on the company signed by one or more persons holding the right to exercise not less than five per cent (5%) of the votes entitled to be cast on the issues to be discussed at the meeting as set out in the notice.	actionnaires sur demande faite par avis écrit signifié à la société signé par une ou plusieurs personnes titulaires du droit d'exercer au moins cinq pour cent (5%) des voix ayant droit de se prononcer sur les questions à discuter lors de l'assemblée, telles qu'elles sont énoncées dans l'avis.
Ubutumire bwa buri nteko rusange idasanzwe bwohererezwa abanyamigabane bose mu minsi cumi n'itanu (15) nibura mbere y'inama bukanagaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa n'inama.	Notice of each extraordinary general meeting is sent to all shareholders not less than fifteen (15) days before the date of the meeting, and notice states the agenda for the meeting.	L'avis de convocation de chaque assemblée générale extraordinaire est envoyé à tous les actionnaires au moins quinze (15) jours avant la date de l'assemblée, et cet avis mentionne l'ordre du jour de l'assemblée.
Iyo nyuma y'iminsi makumyabiri n'umwe (21) ibarwa guhera igihe inyandiko itumira inteko rusange idasanzwe y'abanyamigabane yatangiwe, abagize Inama y'Ubutegetsi badatumije inteko rusange, abashyize umukono ku nyandiko imenyesha cyangwa umwe muri bo bashobora gutumiza inteko rusange, ariko iyo nteko rusange ntishobora guterana mu gihe kirenze amezi atatu (3) nyuma y'inyandiko itumira.	If after twenty-one (21) days from the date of service of the notice to convene a shareholders' extraordinary general meeting, directors have not convened the general meeting, the signatories to the notice or any of them may convene the meeting, but such meeting is not held more than three (3) months after the date of service of the notice.	Si, après un délai de vingt et un (21) jours à compter de la signification de l'avis de convocation de l'assemblée générale extraordinaire des actionnaires, les administrateurs n'ont pas convoqué l'assemblée générale, les signataires de l'avis ou l'un d'entre eux peut convoquer l'assemblée générale, mais cette assemblée ne peut pas avoir lieu plus de trois (3) mois après la date de signification de l'avis.
Inteko rusange itumijwe hakurikijwe igika cya 5 cy'iyi ngingo, itumizwa mu buryo bumwe, nk'ubuteganywa muri iyi ngingo.	A general meeting convened under Paragraph 5 of this Article is convened in the same manner in accordance with this Article.	L'assemblée générale convoquée conformément à l'alinéa 5 du présent article est convoquée de la même manière que celle prévue au présent article.
Isosiyete isubiza abashyize umukono ku nyandiko y'itumira ibyo batanze byose	The company repays to the signatories to the notice any reasonable expenses incurred by	La société rembourse aux signataires de l'avis toute dépense raisonnable qu'ils ont engagée

byumvikana bitewe n'uko abagize Inama y'Ubutegetsi batubahirije ibiteganywa muri iyi ngingo, kandi amafaranga yishyuwe kuri ubwo buryo akavanwa ku bihembo by'abo bagize Inama y'Ubutegetsi batabyubahirije.	them due to the directors' failure of to comply with the provisions of this article, and any sum so repaid is deducted by the company from the remuneration of directors who were in default.	en raison du défaut des administrateurs de se conformer aux dispositions du présent article, et toute somme ainsi remboursée est déduite de la rémunération de ces administrateurs en défaut.
<u>Ingingo ya 104</u>: Imigendekere y'inteko rusange y'abanyamigabane	**<u>Article 104:</u> Proceedings at shareholders' general meeting**	**<u>Article 104 :</u> Déroulement de l'assemblée générale des actionnaires**
Haseguriwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, amabwiriza atanzwe n'Umwanditsi Mukuru agenga imigendekere y'inteko rusange.	Subject to the company's incorporation documents, instructions issued by the Registrar General govern proceedings at shareholders' general meeting.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, les instructions du Registraire général régissent le déroulement de l'assemblée générale.
<u>Ingingo ya 105</u>: Umwanzuro wanditse w'abanyamigabane usimbura inteko rusange	**<u>Article 105:</u> Shareholders' written resolution in lieu of general meeting**	**<u>Article 105 :</u> Résolution écrite des actionnaires tenant lieu de l'assemblée générale**
Umwanzuro wanditse washyizweho umukono n'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo kuba bawutorera mu nteko rusange y'abanyamigabane ugira agaciro nk'aho waba waremejwe mu nteko rusange y'abo banyamigabane, iyo uwo mwanzuro washyizweho umukono n'abanyamigabane bemerewe gutora kuri uwo mwanzuro mu nama y'abanyamigabane kandi bakaba bafite nibura umubare utari munsi ya mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'amajwi yo gutora cyangwa undi mubare uri hejuru ya mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) mu biteganyijwe mu nyandiko z'ishingwa	A resolution in writing, signed by shareholders, is valid as if it has been passed at a meeting of those shareholders, where the resolution is signed by shareholders are entitled to vote on that resolution at a meeting of shareholders; and hold not less than seventy-five (75%) per cent of the votes entitled to be cast on that resolution, or such percentage above seventy-five (75%) per cent as is required under the incorporation documents.	Une résolution écrite et signée par les actionnaires est valable comme si elle a été adoptée à l'assemblée de ces actionnaires lorsqu'elle est signée par les actionnaires qui ont le droit de vote sur une telle résolution à la réunion des actionnaires et qui détiennent au moins soixante-quinze (75%) pour cent des votes pouvant être exprimées sur cette résolution, ou un pourcentage au-dessus de soixante-quinze pour cent (75%) tel que requis en vertu des documents constitutifs.

ry'isosiyete.		
Umwanzuro wanditse ku kintu cyose kigombwa gusuzumwa n'inteko rusange y'abanyamigabane kandi washyizweho umukono n'abanyamigabane bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, uba wujuje ibisabwa byose n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ku byerekeye inteko rusange y'abanyamigabane.	Where a resolution in writing relates to any matter that is required by this Law or by the incorporation documents to be decided at a meeting of the shareholders of a company; and is signed by the shareholders specified in Paragraph One of this Article, it is deemed to be made in accordance with this Law or the incorporation documents of the company.	Lorsqu'une résolution écrite se rapporte à une question qui est exigée par la présente loi ou par les documents constitutifs pour être soumis aux débats lors d'une assemblée des actionnaires d'une société et est signée par les actionnaires visés à l'alinéa premier du présent article; elle est réputée avoir été prise conformément à la présente loi ou aux documents constitutifs de la société.
Umwanzuro uwo ari wo wose ushobora gukorwa mu nyandiko imwe cyangwa nyinshi zifite imiterere imwe buri yose ishyizweho umukono cyangwa yemejwe mu izina ry'umwe cyangwa benshi mu banyamigabane bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	Any resolution may consist of one or more documents in similar form, each signed or assented to by or on behalf of one or more of the shareholders specified in Paragraph One of this Article.	Toute résolution peut consister en un ou plusieurs documents ayant la même forme, chacun signé ou approuvé par ou au nom d'un ou plusieurs des actionnaires visés à l'alinéa premier du présent article.
Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ishobora kudateranya inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane ivugwa mu ngingo ya 97 y'iri tegeko ku kintu gisabwa gukorwa mu nama hafashwe umwanzuro cyangwa ubundi buryo, gikorwa hakurikijwe umwanzuro nk'uko biteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.	It is not necessary for a private company to hold an annual general meeting of shareholders under Article 97 of this Law where everything required to be done at that meeting, by resolution or otherwise, is done by resolution in accordance with Paragraph 2 of this Article.	Il n'est pas nécessaire pour une société privée de tenir une assemblée générale annuelle des actionnaires en vertu de l'article 97 de la présente loi lorsque tout ce qui doit être fait à cette assemblée, par résolution ou autrement, est fait par résolution conformément à l'alinéa 2 du présent article.
Mu gihe cy'iminsi irindwi (7) hafashwe umwanzuro, isosiyete yohereereza kopi y'umwanzuro buri munyamigabane utarashyizeho umukono cyangwa uwo	Within seven (7) days of a resolution being passed under this Article, the company sends a copy of the resolution to every shareholder who did not sign the resolution or on whose	Dans les sept (7) jours suivant l'adoption d'une résolution en vertu du présent article, la société envoie une copie de la résolution à tout actionnaire qui n'a pas signé la résolution ou

umwanzuro utashyizweho umukono mu izina rye.	behalf the resolution was not signed.	au nom duquel la résolution n'a pas été signée.
Umwanzuro ushobora gushyirwaho umukono nk'uko uvugwa mu gika cya mbere cyangwa icya 2 by'iyi ngingo hatabanje kumenyeshwa abanyamigabane.	A resolution may be signed under Paragraph One or 2 of this Article without any prior notice being given to shareholders.	Une résolution peut être signée en vertu de l'alinéa premier ou 2 du présent article sans avis préalable aux actionnaires.
<u>Ingingo ya 106</u>: Umunyamigabane usaba ko imigabane afite mu isosiyete igurwa n'isosiyete	**<u>Article 106:</u> Shareholder requiring a company to purchase his or her shares**	**<u>Article 106</u>: Actionnaire qui demande à une société d'acheter des actions**
Umunyamigabane afite uburenganzira bwo gusaba isosiyete kugura imigabane ye iyo hafashwe umwanzuro udasanzwe ugamije:	A shareholder is entitled to require a company to purchase his or her shares where a special resolution is passed for the purpose of:	Un actionnaire a le droit de demander à une société d'acheter ses actions lorsqu'une résolution spéciale est adoptée aux fins :
1° guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kugira ngo hagire icyongerwa cyangwa igikurwa ku mirimo n'ibikorwa by'isosiyete;	1° altering the incorporation documents of a company with a view of imposing or removing a restriction on the business or activities of the company;	1° de modifier les documents constitutifs d'une société en vue d'imposer ou de supprimer une restriction sur les affaires ou activités de la société;
2° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye cyangwa kwibumbira hamwe kw'isosiyete n'iyindi.	2° approving a major transaction or an amalgamation of the company.	2° d'approuver une transaction capitale ou une fusion de la société.
Iyo umunyamigabane atoye akoresheje amajwi ye yose ajyanye n'imigabane yanditse mu izina rye agatora yanga ko hakoreshwa ububasha bwo gufata umwanzuro udasanzwe cyangwa iyo yanze gushyira umukono kuri uwo mwanzuro, afite uburenganzira bwo gusaba isosiyete kugura imigabane ye.	If a shareholder casts all the votes attached to shares registered in the shareholder's name against the exercise of the power to pass the special resolution; or did not sign the special resolution, he or she is entitled to require the company to purchase his or her shares.	Si un actionnaire émet tous les votes attachés aux actions inscrites à son nom en contrepartie de l'exercice de son pouvoir de prendre une résolution spéciale ou n'a pas signé la résolution, il a le droit de demander à la société d'acheter ses actions.

Ingingo ya 107: Imenyekanisha ryo kugurisha imigabane	**Article 107: Notice requiring purchase of shares**	**Article 107: Avis exigeant l'achat d'actions**
Umunyamigabane w'isosiyete wifuza ko isosiyete igura imigabane ye, ashyikiriza isosiyete, mu minsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itariki uwo munyamigabane yamenyeshejweho ko umwanzuro udasanzwe wafashwe, ibaruwa yanditse isaba isosiyete kugura iyo migabane.	A shareholder who wishes the company to purchase his or her shares gives, within fifteen (15) days from the date on which notice of the passing of the special resolution is given to the shareholder, give a written notice to the company requesting the latter to purchase those shares.	L'actionnaire d'une société qui souhaite que la société achète ses actions donne, endéans quinze (15) jours à compter de la date à laquelle l'avis d'adoption de la résolution spéciale est donné à l'actionnaire, un avis écrit à la société demandant à cette dernière d'acheter ces actions.
Iyo iryo menyesha ryakiriwe, Inama y'Ubutegetsi ishobora:	Upon receipt of such a notice, the Board of Directors may:	Dès réception d'un tel avis, le Conseil d'administration peut:
1° gufata ingamba z'uko isosiyete yagura iyo migabane;	1° arrange for the purchase of the shares by the company;	1° prendre des dispositions pour l'achat des actions par la société;
2° gufata ingamba za ngombwa kugira ngo n'abandi bantu bagure iyo migabane; cyangwa	2° arrange for some other persons to purchase the shares; or	2° prendre des dispositions pour que d'autres personnes achètent les actions;
3° gufata ingamba za ngombwa kugira ngo icyo cyemezo kivanweho mbere yo kugishyira mu bikorwa.	3° before executing the decision, take the necessary measures to revoke the resolution.	3° avant d'exécuter la décision, prendre les mesures nécessaires pour révoquer la résolution.
Inama y'Ubutegetsi ishyikiriza umunyamigabane umwanzuro wayo mu minsi mirongo itatu (30) iryo menyesha ryakiriwe.	The Board of Directors, within thirty (30) days of receipt of a notice, gives written notice to the shareholder of its decision.	Dans les trente (30) jours qui suivent la réception de l'avis, le Conseil d'administration avise par écrit l'actionnaire de sa décision.
Ingingo ya 108: Kugura imigabane bikozwe	**Article 108: Purchase of shares by a**	**Article 108: Achat des actions par une**

n'isosiyete	**company**	**société**
Iyo Inama y'Ubutegetsi yemeye ko isosiyete igura imigabane, iyo Nama y'Ubutegetsi, mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uhereye igihe yamenyeshereje abanyamigabane umwanzuro wafashwe:	Where the Board of Directors agrees to the purchase of the shares by the company, the Board within seven (7) days of issuing the notice to the shareholder of its decision:	Lorsque le Conseil d'administration accepte l'achat des actions par la société, dans les sept (7) jours suivant l'émission de l'avis aux actionnaires de sa décision, le Conseil d'administration :
1° yemeza igiciro cy'imigabane igomba kugurwa;	1° states a price for the shares to be acquired;	1° indique les actions à acquérir;
2° imenyesha umunyamigabane icyo giciro mu buryo bwanditse.	2° gives written notice of the price to the shareholder.	2° donne à l'actionnaire un avis écrit du prix.
<u>Ingingo ya 109</u>: Imenyesha ryerekeranye no kutemera igiciro cyatanzwe	**<u>Article 109:</u> Notice of objection regarding stated price**	**<u>Article 109:</u> Avis d'opposition concernant le prix indiqué**
Umunyamigabane wumva ko igiciro cyatanzwe n'Inama y'Ubutegetsi kidakwiye, ahita amenyesha isosiyete ko atabyemeye mu nyandiko, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma yo kubona icyemezo cy'Inama y'Ubutegetsi.	A shareholder who considers that the price stated by the Board of Directors is not fair and reasonable, not later than fifteen (15) days of receipt of the notice, gives written notice of objection to the company.	L'actionnaire qui estime que le prix indiqué par le Conseil d'administration n'est pas juste et raisonnable, il donne, dans un délai de quinze (15) jours suivant la réception de l'avis, un avis écrit d'objection à la société.
Mu gihe umunyamigabane atabihakanye, ku itariki yemejwe hagati y'isosiyete n'umunyamigabane, cyangwa n'iyo ntayo bemeranyijweho, isosiyete ihita igura imigabane yose ku giciro cyumvikanyweho.	Where the shareholder does not raise an objection, the company, on such date as the company and the shareholder agree or, in the absence of any agreement, as soon as practicable, purchases all the shares at the stated price.	Lorsque l'actionnaire ne soulève pas d'objection, la société, à la date convenue par la société et l'actionnaire ou, à défaut d'accord, dès que possible, achète toutes les actions au prix indiqué.
Iyo umunyamigabane yanditse ibaruwa yo	Where the shareholder gives written notice of	Lorsque l'actionnaire donne un avis écrit

kutabyemera, isosiyete: 1° ishaka abakemurampaka bo gushyiraho igiciro gikwiye; 2° ikishyura amafaranga y'agateganyo harebwe igiciro cyemejwe n'Inama y'Ubutegetsi kuri buri mugabane mu minsi irindwi (7).	an objection, the company: 1° identifies arbitrators who to set the fair and reasonable price; 2° makes a provisional payment following the price determined by the Board of Directors on each share within seven (7) days.	d'objection, la société: 1° identifie les arbitres pour fixer le prix juste et raisonnable; 2° fait un paiement provisoire suivant le prix déterminé par le Conseil d'administration sur chaque action dans les sept (7) jours.
Ingingo ya 110: Igiciro cyemejwe n'abakemurampaka Igihe igiciro cyemejwe n'abakemurampaka kiri hejuru y'igiciro cy'agateganyo, isosiyete ihita yishyura ikinyuranyo igomba nyir'umugabane.	**Article 110: Price determined by arbitrators** In case the price determined by arbitrators exceeds the provisional price, the company immediately pays the balance owing to the shareholder.	**Article 110 : Prix déterminé par les arbitres** Si le prix déterminé par les arbitres dépasse le prix provisoire, la société paye immédiatement le solde dû à l'actionnaire.
UMUTWE WA V: ICUNGAMUTUNGO N'UBUYOBOZI **Icyiciro cya mbere: Kubika inyandiko z'isosiyete** **Ingingo ya 111: Inyandiko z'isosiyete zigomba kubikwa** Isosiyete igomba kubika ku cyicaro cyayo cyangwa ahandi hose mu Rwanda, buri nyandiko muri izi zikurikira: 1° inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	**CHAPTER V: MANAGEMENT AND ADMINISTRATION** **Section One: Company record keeping** **Article 111: Company records to be kept** The company must keep at its registered office, or at any other place in Rwanda, each of the following records: 1° its incorporation documents;	**CHAPITRE V: GESTION ET ADMINISTRATION** **Section première : Tenue des documents d'une société** **Article 111 : Documents de la société à tenir** La société doit conserver, à son siège social ou à tout autre lieu au Rwanda, chacun des documents suivants: 1° ses documents constitutifs;

2° igitabo cy'imigabane;	2° the share register;	2° le registre des actions ;
3° nomero iranga abanyamigabane;	3° the index of shareholders;	3° l'index des actionnaires ;
4° ibitabo by'ibaruramari;	4° the accounting records;	4° les registres comptables;
5° ibitabo by'inyungu z'abagize Inama y'Ubutegetsi;	5° a register of interests of directors;	5° le registre des intérêts des administrateurs ;
6° inyandikomvugo z'inteko rusange zose n'imyanzuro y'abanyamigabane nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10);	6° minutes of all general meetings and resolutions of shareholders for at least the last ten (10) years;	6° les procès-verbaux de toutes les assemblées générales et résolutions des actionnaires pour les dix (10) dernières années au moins;
7° inyandikomvugo z'inama zose n'imyanzuro by'abagize Inama y'Ubutegetsi n'iz'abagize komite z'Inama y'Ubutegetsi nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10);	7° minutes of all meetings and resolutions of directors and board committees for at least the last ten (10) years;	7° les procès-verbaux de toutes les réunions et résolutions des administrateurs et des comités du Conseil d'administration pour les dix (10) dernières années au moins;
8° ibyemezo bitangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi hakurikijwe iri tegeko nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10);	8° certificates given by directors under this Law for at least the last ten (10) years;	8° les certificats délivrés par les administrateurs en vertu de la présente loi pour les dix (10) dernières années au moins;
9° kopi z'amabaruramari y'imyaka yose, raporo z'umugenzuzi w'imari n'iz'abagize Inama y'Ubutegetsi zerekeranye n'imyaka icumi (10) ya nyuma y'igihe cy'ibaruramari ry'isosiyete yuzuye;	9° copies of all annual accounts, auditors and directors' reports in relation to the last ten (10) completed accounting periods of the company;	9° les copies de tous les comptes annuels, des rapports des auditeurs et des administrateurs relatifs aux dix (10) derniers exercices comptables de la société ;

10° igitabo cy'ugenewe inyungu nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10) ishize**;**	10° the register of beneficial ownership for at least the previous ten (10) years;	10° le registre des bénéficiaires effectifs pour les dix (10) dernières années au moins;
11° kopi zose zanditse z'itumanaho ku banyamigabane bose cyangwa abafite imigabane bo mu cyiciro kimwe mu gihe cy'imyaka irindwi (7) ishize, hakubiyemo raporo z'umwaka.	11° copies of all written communications to all shareholders or all holders of the same class of shares during the last seven (7) years, including annual reports.	11° copies de toutes les communications écrites à tous les actionnaires or détenteurs de la même catégorie pour les sept (7) dernières années, y compris les rapports annuels.
Iyo isosiyete ihinduye aho ibika inyandiko zayo igomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) imaze kuhahindura, kubimenyesha Umwanditsi Mukuru.	Where the company changes the place at which its records are kept, it must, within fifteen (15) days of the change, notify the Registrar General.	Lorsque la société change d'endroit où ses actes sont conservés, elle doit en aviser le Registraire général endéans quinze (15) jours suivant le changement.
<u>Ingingo ya 112</u>: Imiterere y'inyandiko	**<u>Article 112:</u> Form of records**	**<u>Article 112:</u> Forme de documents**
Inyandiko za sosiyete zigomba kubikwa:	The records of a company must be kept:	Les documents d'une société doivent être conservés :
1° mu buryo bw'inyandiko;	1° in written form;	1° sous forme écrite;
2° mu buryo izo nyandiko n'amakuru azikubiyemo bigerwaho ku buryo bworoshye kandi bikaba byahindurwa mu nyandiko.	2° in a manner that allows the documents and information that comprise the records to be easily accessible and convertible into written form.	2° de manière à ce que les documents et informations qu'ils contiennent soient facilement accessibles et convertibles sous forme écrite.
Abagize Inama y'Ubutegetsi n'umunyamabanga wa sosiyete bagenzura buri gihe ko hakorwa ibya ngombwa byose kugira ngo inyandiko z'isosiyete	Directors and the secretary of a company ensure at all times that adequate precautions are taken against forgery of the company's records and for facilitating the discovery of	Les administrateurs et le secrétaire d'une société veillent en tout temps à ce que des précautions adéquates soient prises contre la falsification des documents de la société et

zidahindurwa n'uburyo bwo kuvumbura iryo hinduka.	any such forgery.	pour faciliter la découverte de ces falsifications.
<u>Ingingo ya 113</u>: Kugenzura kopi z'inyandiko	**<u>Article 113:</u> Inspection of copies of records**	**<u>Article 113:</u> Inspection des copies des documents**
Abagize Inama y'Ubutegetsi bagenzura ko:	Directors ensure that:	Les administrateurs veillent à ce que:
1° ibitabo by'abanyamigabane b'isosiyete na nimero zibaranga biboneka mu nyandiko igihe icyo ari cyo cyose cyumvikana kugira ngo zishobore kugenzurwa n'umuntu wese;	1° the company's register of shareholders and index of shareholders are at all reasonable times available in written form for inspection by any person;	1° les registres des actionnaires de la société et l'index des actionnaires soient disponibles à tout moment raisonnable, sous forme écrite, pour inspection par toute personne;
2° inyandiko zivugwa mu ngingo ya 111 y'iri tegeko ziboneka kugira ngo zigenzurwe n'abanyamigabane ba sosiyete;	2° records specified in Article 111 of this Law are available for inspection by the company's shareholders;	2° tous les documents prévus par l'article 111 de la présente loi, sont disponibles pour l'inspection par les actionnaires de la société;
3° inyandiko zose z'isosiyete ziboneka kugira ngo zigenzurwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi.	3° all the company's records are available for inspection by directors.	3° tous les documents sont disponibles pour l'inspection par les administrateurs.
Mu gihe cy'igenzura rikozwe n'umuntu utari mu bagize Inama y'Ubutegetsi, umunyamigabane cyangwa undi ufite inyungu muri sosiyete, igenzurwa rishobora kwishyurirwa amafaranga bisabwe n'Umwanditsi Mukuru, cyangwa hagatangwa amafaranga aciriritse bisabwe n'isosiyete.	In the case of inspection by a person who is not a director, shareholder or other security holder of the company, inspection may be on payment of such a fee as may be prescribed by the Registrar General, or such lesser sum as the company may require.	En cas d'inspection par une personne qui n'est pas administrateur, un actionnaire ou un autre détenteur de titres de la société, l'inspection peut se faire moyennant paiement des frais tel que requis par le Registraire général ou de la somme moindre que la société peut requérir.
Ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa	A director or shareholder may require a copy	Un administrateur ou un actionnaire peut

umunyamigabane bashobora gusaba kopi y'inyandiko bafiteho uburenganzira bwo kugenzura cyangwa igice cyayo. Mu gihe ari umunyamigabane, igenzurwa rikorwa hishyuwe amafaranga agenwa n'Umwanditsi Mukuru cyangwa amafaranga acirirítse bisabwe n'isososiyete kandi isosiyete yohereza kopi uwayisabye mu minsi icumi (10) y'akazi imaze kubisabwa.	of a record that he or she is entitled to inspect or of any part of it. In case of a shareholder the inspection is done on payment of a fee prescribed by the Registrar General or such lesser sum as the company may require and the company sends the copy so required to such person within ten (10) working days from receipt of the request.	exiger une copie d'un document dont il a le droit d'inspecter ou d'une partie de celui- ci. S'il agit d'un actionnaire, l'inspection est faite moyennant paiement de frais requis par le Registraire général ou sur la somme moindre tel que requis par la société et la société envoie la copie ainsi requise à cette personne endéans dix (10) jours ouvrables suivant la réception de la demande.
Iyo isosiyete itemereye umunyamigabane kugenzura no gufata kopi z'inyandiko zivugwa muri iyi ngingo, uwo munyamigabane ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kwemeza ko hababo igenzura ry'izo nyandiko. Ubusabe bugaragaza inyandiko umunyamigabane yifuza kugenzura no kubona n'uburyo ashaka gushyikirizwamo izo nyandiko. Urukiko rushobora gufata umwanzuro utegeka isosiyete kwemerera umunyamigabane kugenzura inyandiko zasabiwe kugenzura cyangwa gutanga inyandukuro y'izo nyandiko kandi byishyuwe n'isosiyete.	If the company does not allow a shareholder to inspect and copy the documents provided for under this Article, the shareholder may apply to the competent court for the purpose of allowing inspection of such documents. The application indicates documents that the shareholder wishes to inspect or receive, as well as the form in which the documents are submitted. The court may issue an order ordering the company to allow the shareholder to inspect the documents stated in the application or to give a transcript of the documents at the expense of the company.	Si la société ne permet pas à l'actionnaire d'inspecter et de copier les documents visés au présent article, l'actionnaire peut recourir à la juridiction compétente pour permettre l'inspection de ces documents. La demande indique les actes et les documents que l'actionnaire souhaite inspecter ou recevoir, ainsi que la forme sous laquelle ces documents doivent lui être soumis. La juridiction peut ordonner la société à permettre à l'actionnaire d'inspecter les documents énoncés dans la demande ou de transmettre une transcription des documents aux frais de la société.
Ingingo ya 114: Igitabo cy'abanyamigabane n'abafite imigabane nguzanyo	**Article 114: Register of shareholders and debenture holders**	**Article 114: Registre des actionnaires et détenteurs d'obligations**
Isosiyete ibika igitabo cy'imigabane n'abafite imigabane nguzanyo yayo, cyandikwamo imigabane n'imigabane nguzanyo yatanzwe	A company keeps a register of its shares and debentures that records the shares and debentures issued by the company and it is the	Une société tient un registre de ses actions et obligations qui contient les actions et les obligations émises par la société et il est du

n'iyo sosiyete kandi biri mu nshingano z'ugize Inama y'Ubutegetsi n'umwanditsi kugenzura ko icyo gitabo kibitswe neza kandi ko ibikurikira byandikwamo ku buryo bukwiye:	duty of each director and a secretary to ensure that the register is properly kept and the following particulars promptly entered in it:	devoir de chaque administrateur et le secrétaire de veiller à ce que le registre soit dûment tenu et les indications suivantes qui y soient promptement inscrites:
1° amazina na aderesi ya nyuma izwi by'umuntu wabaye umunyamigabane cyangwa ufite umugabane nguzanyo utarishyuwe na sosiyete mu myaka icumi (10) iheruka;	1° names and latest known addresses of each person who is or has within the last ten (10) years been a shareholder or debenture holder;	1° les noms et dernières adresses connues de chaque personne qui est ou a été un actionnaire ou détenteur d'obligations au cours des dix (10) dernières années;
2° umubare w'imigabane ifitwe na buri munyamigabane, buri mugabane ugatandukanywa n'iyindi hakoresheje inomero yawo, iyo uwo mugabane ufite nomero, kandi mu gihe isosiyete ifite ibyiciro birenze kimwe by'imigabane yatanzwe, hakagarazwa icyiciro umugabane urimo;	2° the shares index held by each shareholder, a share segregated by another share by its number, so as long as the share has a number and, where the company has more than one class of issued shares, by its class;	2° l'index d'actions détenues par chaque actionnaire, en distinguant chaque action par son numéro, tant que l'action a un index et, si la société a plus d'une catégorie d'actions émises, par sa classe;
3° itariki y'itangwa, iy'igurishwa, iy'isubiza cyangwa iy'ihererekanya ry'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo rikozwe n'umunyamigabane mu myaka icumi (10) iheruka, n'izina n'uwahererekanyije imigabane cyangwa imigabane nguzanyo n'uwagenewe ihererekanya;	3° the date of any allotment of shares to, or repurchase or redemption of shares from, or transfer of shares or debentures by or to each such shareholder within the last ten (10) years, and in relation to any such transfer, the name of the person to or from whom the shares or debentures were transferred;	3° la date de toute attribution d'actions, de tout rachat ou remboursement d'actions, ou de toute cession d'actions ou d'obligations par ou à chacun de ces actionnaires au cours des dix (10) dernières années, et en ce qui concerne une telle cession, le nom de la personne à laquelle ou de laquelle les actions ou obligations ont été cédées ;
4° mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa amabwiriza agenga itangwa	4° whether the incorporation documents or the terms of issue of the shares or	4° si les documents constitutifs de la société ou les conditions d'émission

ry'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo hari ibyo bibuza cyangwa bikagaragaza aho bigomba kugarukira mu ihererekanya ry'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo, imenyesha ry'icyabikijwe cyose, ku buryo bweruye cyangwa buteruye rigomba kwandikwa mu gitabo.	debentures place any restrictions or limitations on the transfer of shares or debentures, a notice of any trust, expressed, implied or constructive, must be entered on the register.	des actions ou obligations imposent des restrictions ou des limitations sur la cession d'actions ou obligations, un avis de toute fiducie, exprimé, implicite ou constructif, doit être inscrit au registre.
Isosiyete ishobora gushyiraho umuntu ubika igitabo cy'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo.	A company may appoint an agent to maintain its share or debenture register.	Une société peut nommer un mandataire pour maintenir son registre des actions ou obligations.
Icyiciro cya 2: Amakuru y'abagenewe imigabane	**Section 2: Beneficial ownership information**	**Section première 2: Informations sur les bénéficiaires effectifs**
Ingingo ya 115: Inomero iranga abanyamigabane	**Article 115: Index of shareholders**	**Article 115 : Index des actionnaires**
Uretse igihe igitabo cyandikwamo imigabane kiba giteye ku buryo ubwacyo kigaragaza inomero, isosiyete ibika nomero y'amazina y'abanyamigabane banditswe mu gitabo cy'imigabane, yanditse hakurikijwe urukurikirane rw'inyuguti, hamwe n'igitabo cy'imigabane.	Unless the register of shareholders is in such a form as to constitute in itself an index, a company keeps an index of the names of shareholders entered in the share registry, alphabetically arranged, at the same place as the share register.	Sauf si le registre des actionnaires est sous une forme telle qu'il constitue en soi un index, la société tient un index des noms des actionnaires inscrits au registre des actions, classé par ordre alphabétique, au même endroit que le registre des actions.
Inomero yerekana ku buryo igaragaza, kuri buri munyamigabane, konti isomeka y'uwo munyamigabane mu gitabo.	The index in respect of each shareholder contains a sufficient indication to enable the account of that shareholder in the register to be readily found.	L'indice contient, pour chaque actionnaire, une indication suffisante pour permettre de lire facilement le compte de cet actionnaire dans le registre.

Ingingo ya 116: Iyandikwa ry'abagenewe inyungu ku migabane	**Article 116: Record of beneficial owners**	**Article 116 : Dossier des bénéficiaires effectifs**
Umwanditsi w'isosiyete abika igitabo cy'abagenewe inyungu ku migabane ku cyicaro cy'isosiyete.	The company secretary maintains a register of beneficial owners at the registered office of the company.	Le secrétaire de la société maintient un registre des bénéficiaires au siège social de la société.
Igitabo cy'abagenewe inyungu ku migabane kiba gikubiyemo amakuru y'abagenewe inyungu ku migabane no ku bundi burenganzira muri sosiyete. Amakuru yerekeranye na nyiri umutungo nyawe w'isosiyete idakora nayo akomeza kubikwa ndetse akanamenyeshwa Umwanditsi Mukuru buri mwaka.	The register of beneficial owners contains the beneficial ownership information as to the shares and other rights in the company. Beneficial ownership information for a dormant company is also maintained and disclosed to the Registrar General every year.	Le registre des bénéficiaires effectifs contient les informations sur les bénéficiaires effectifs en rapport avec les actions et autres droits de la société. Les informations sur les bénéficiaires effectifs pour une société en veilleuse sont elles aussi conservées et communiquées au Registraire général chaque année.
Buri munyamuryango cyangwa umunyamigabane w'isosiyete agomba gukora ku buryo amakuru agaragaza imigabane ye ashyirwa mu gitabo cy'abagenewe inyungu ku migabane ku birebana n'ubunyamuryango bwe cyangwa umutungo we w'imigabane.	Every member or shareholder of the company must make or cause to be made an entry in the register of beneficial owners of the beneficial ownership information in relation to his or her membership or shares.	Chaque membre ou actionnaire d'une société effectue ou assure l'inscription au registre des bénéficiaires effectifs les informations sur les bénéficiaires effectifs en lien soit avec son adhésion ou avec ses actions.
Amakuru yerekeye abagenewe inyungu ku migabane ni amakuru akurikira ku muntu wese ugenewe inyungu ku migabane, yaba yose cyangwa ku gice cy'imigabane y'isosiyete:	Beneficial ownership information means, the following information as to any person who is a beneficial owner, whether in whole or in part, of shares in the company:	Informations sur le bénéficiaires effectifs désigne les informations suivantes concernant toute personne qui est le bénéficiaire effectif, en tout ou en partie, des actions de la société:
1° ku byerekeye umuntu:	1° in respect of an individual:	1° en ce qui concerne un particulier:
a) amazina ye;	a) his or her names;	a) son nom;

b) aderesi y'aho abarizwa; c) ubwenegihugu bwe; d) itariki ye y'amavuko.	b) his or her usual residential address; c) his or her nationality; d) his or her date of birth.	b) l'adresse de sa résidence régulière; c) sa nationalité ; d) sa date de naissance.
2° ku byerekeye isosiyete: a) izina ry'ubucuruzi; b) icyicaro cyayo cyangwa aho ibiro bikuru byayo bihereye, iyo idafite icyicaro; c) icyiciro cy'isosiyete mu mategeko n'itegeko riyigenga; d) aho bishoboka, kugaragaza igitabo yanditsemo na nimero yanditseho muri icyo gitabo;	2° in respect of a company: a) its corporate or firm name; b) its registered office or, if it has no registered office, its principal office; c) its legal form and the law by which it is governed; d) if applicable, the register in which it is entered and its registration number in that register.	2° en ce qui concerne une société: a) sa raison sociale ou sa dénomination sociale; b) son siège social ou, si elle n'a pas de siège social, son bureau principal; c) sa forme juridique et la loi qui la régit; d) le cas échéant, le registre dans lequel elle est enregistrée et son numéro d'enregistrement dans ce registre.
3° ku byerekeye icyiciro cy'abagenewe imigabane nk'iyo ngano idashobora kugaragazwa kuri buri munyamigabane wa buri cyiciro, amakuru yuzuye agaragaza kandi asobanura icyiciro cy'abantu bagenewe imigabane.	3° in respect of a class of beneficial owners of such a size that it is not reasonably practicable to identify each member of the class, information sufficient to identify and describe the class of individuals who are beneficial owners.	3° en ce qui concerne une catégorie de bénéficiaires effectifs d'une taille telle qu'il n'est pas raisonnablement possible d'identifier chaque membre de la catégorie, des informations suffisantes permettant l'identification et la description des bénéficiaires effectifs.

Ahavugwa umwanditsi w'isosiyete mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ku byerekeye igitabo cy'abagenewe inyungu ku migabane, hafatwa nk'ahavugwa inama y'ubutegetsi y'isosiyete mu gihe isosiyete idafite umwanditsi.	A reference to the company secretary under Paragraph 2 of this Article relating to the register of beneficial owners is construed as a reference to the Board of Directors of the company where the company does not have a company secretary.	Une référence au secrétaire de la société à l'alinéa 2 du présent article en rapport avec le registre des bénéficiaires effectifs est interprétée comme une référence au Conseil d'administration de la société lorsque la société n'a pas de secrétaire de société.
Umwanditsi w'isosiyete agenera kopi y'igitabo cy'abagenewe imigabane Umwanditsi Mukuru akamumenyesha impinduka zabayeho mu minsi cumi n'ine (14)".	The company secretary files a copy of the register of beneficial owners with the Registrar General and inform the latter within fourteen (14) days of any changes thereto.	Le secrétaire de la société dépose une copie du registre des bénéficiaires effectifs auprès du Registraire général et informe ce dernier dans les quatorze (14) jours de toute modification relative audit registre.
Ingingo ya 117: Kumenyesha abanyamigabane itangwa ry'amakuru yerekeye inyungu ku migabane	**Article 117: Notice to shareholders to disclose beneficial ownership information**	**Article 117: Notification aux actionnaires de communiquer les informations sur les bénéficiaires effectifs**
Umwanditsi w'isosiyete cyangwa undi mukozi ugenwa na yo ashobora kwandikira umunyamuryango cyangwa umunyamigabane w'iyo sosiyete amusaba amakuru niba imigabane afite muri sosiyete ari iye bwite cyangwa niba ari iy'undi, cyangwa niba ari we ugenerwa inyungu kuri iyo migabane.	The company secretary or any other employee determined by the company may give notice to a member or shareholder of that company requiring that member or shareholder to disclose whether they are holding their interest in that company for their own benefit or the benefit of another person, and, if not, the beneficial ownership information.	Le secrétaire de la société ou tout autre employé déterminé par la société peut émettre un avis à un membre ou un actionnaire de cette société exigeant que ce membre ou cet actionnaire révèle s'il détient sa participation dans cette société pour son propre bénéfice ou au profit d'une autre personne et, dans le cas contraire, les informations sur les bénéficiaires effectifs.
Umunyamuryango cyangwa umunyamigabane ubonye imenyesha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo agomba kubahiriza ibikubiye muri iryo menyesha mu gihe ryateganyije nk'uko biteganyijwe muri	A member or shareholder who receives a notice under Paragraph One of this Article must comply with that notice within such time as may be specified in the notice.	Un membre ou un actionnaire qui reçoit un avis en vertu de l'alinéa premier du présent article doit se conformer audit avis dans le délai spécifié dans l'avis.

iryo menyesha.		
<u>Ingingo ya 118</u>: Guhagarika cyangwa gukuraho inyungu kubera kutagaragaza inyungu igenewe umugabane	**<u>Article 118</u>: Suspension or cancellation of interests for failure to disclose beneficial ownership**	**<u>Article 118:</u> Suspension ou annulation de participation pour cause de non-communication des informations sur les bénéficiaires effectifs**
Iyo mu gitekerezo cy'Umwanditsi wa sosiyete, umunyamuryango cyangwa umunyamigabane, nta mpamvu yumvikana atagaragaje amakuru ku nyungu ku mugabane akenewe kandi mu gihe bisabwe hakurikijwe iri tegeko, cyangwa agakora inyandiko itanga amakuru ku nyungu igenewe imigabane nk'uko iri tegeko ribiteganya ariko idahuje n'ukuri, ibeshya, cyangwa iyobya ku buryo runaka, Umwanditsi abimenyesha sositeye cyangwa intumwa yayo.	If, in the opinion of the company secretary, a member or shareholder has failed, without reasonable excuse, to provide beneficial ownership information when required to do so under this Law, or made a statement in response to request to provide beneficial ownership information under this Law which is false, deceptive or misleading in a material particular, the secretary gives notice of this to the company or its agent.	Si, de l'avis du secrétaire de la société, un membre ou un actionnaire n'a pas fourni, sans raison valable, des informations sur les bénéficiaires effectifs lorsque cela est requis en vertu de la présente loi, fait une déclaration fausse, trompeuse ou mensongère en réponse à une demande de fournir des informations sur les bénéficiaires effectifs en vertu de la présente loi, le mandataire résidant au Rwanda en informe la société ou son agent.
Nyuma yo kwakira imenyesha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, isosiyete ishobora:	On receipt of a notice under Paragraph One of this Article, the company may:	Sur réception d'un avis en vertu de l'alinéa premier du présent article, la société peut :
1° gushyiraho ibidakorwa ku bijyanye n'uburenganzira n'inyungu by'umunyamuryango, harimo:	1° place such restrictions as it thinks fit on rights attaching to the member's interest in the company, including, without limitation:	1° imposer les restrictions qu'il juge appropriées aux droits attachés à la participation du membre dans la société, y compris:
a) uburenganzira ubwo ari bwo bwose ku ihererekanywa ry'inyungu;	a) any right to transfer the interest;	a) tout droit de transférer sa participation ;

b) uburenganzira bwo gutora; c) uburenganzira ku yindi migabane hitawe ku migabane asanganywe; d) uburenganzira ku iyishyurwa rigeze igihe ku nyungu z'umunyamuryango, yaba ku gishoro cyangwa ku bindi; cyangwa 2° gukuraho inyungu y'umunyamuryango mu isosiyete 3° ibibujijwe ibyo ari byo byose mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bikurwaho iyo isosiyete ivuyeho nyuma y'itangira ry'iseswa ryayo.	b) any voting rights; c) any right to further shares in respect of shares already held; d) any right to payment due to the member's interest, whether in respect of capital or otherwise; or 2° cancel the member's interest in the company; 3° any restriction under Paragraph 2 of this Article is removed if the company is struck off or upon the commencement of the company's winding up.	b) tous droits de vote ; c) tout droit à des actions supplémentaires en ce qui concerne les actions déjà détenues ; d) tout droit au paiement dû à la participation du membre, que ce soit à titre de capital ou autrement ; ou 2° annuler la participation du membre dans la société ; 3° toute restriction en vertu de l'alinéa 2 du présent article est révoquée si la société est radiée ou au début de la dissolution de la société.
<u>Ingingo ya 119</u>: Imenyekanisha ry'amakuru y'ugenewe umugabane bikozwe n'umwanditsi wa sosiyete Umwanditsi w'isosiyete, amaze kubona icyemezo gisaba kumenyekanisha amakuru y'ugenewe umugabane abitse abimenyesha urwego rubifitiye ububasha rugenwa n'amategeko. Amakuru yose asabwe n'urwego rubifitiye ububasha hashingiwe ku itegeko cyangwa ku cyemezo cy'urukiko, umwanditsi w'isosiyete cyangwa undi	**<u>Article 119</u>: Disclosure of beneficial ownership information by company secretary** The company secretary, on receipt of a certificate requiring the disclosure of information, informs the competent authority as defined by relevant laws thereof. Any information required by the competent authority by operation of any enactment or a court order, the company secretary or any other authorized person informs the relevant	**<u>Article 119 :</u> Communication des informations sur les bénéficiaires par le secrétaire de la société** Le secrétaire de la société, sur réception d'un certificat exigeant la communication des informations, en informe l'autorité compétente telle que définie par les lois en la matière. Pour toute information requise par l'autorité compétente en application d'une loi ou d'une ordonnance du tribunal, le secrétaire de la société ou toute autre personne autorisée en

wabiherewe ububabasha abimenyesha urwego rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi.	authority thereof within two (2) working days.	informe l'autorité compétente dans les deux (2) jours ouvrables.
Icyemezo kivugwa mu gika cya mbere ni icyemezo gishyizweho umukono n'umuyobozi w' urwego rubifitiye ububasha cyangwa undi muntu waba washyizweho nawe kubera iyo mpamvu.	The certificate referred to in Paragraph One of this Article is a certificate signed by the head of the competent authority or any person appointed by the latter for that purpose.	Le certificat visé au à l'alinéa premier du présent article est un certificat signé par le chef de l'autorité compétente ou toute personne désignée par lui à cette fin.
Icyo cyemezo kigaragaza itegeko ubusabe bw'amakuru bushingiyeho, amakuru akenewe n'impamvu yo gusaba amakuru.	The certificate states the enactment under which the request for information is made, what information is required and the purpose for which the information is required.	Ce certificat indique la loi en vertu de laquelle la demande d'informations est faite, le type d'informations requises et les fins auxquelles ces informations sont requises.
Umwanditsi wa sosiyete cyangwa undi ugenwa na sosiyete ashyira umukono ku cyemezo yemera ko amakuru atanze ariyo yahawe.	The company secretary or any other person determined by the company sets his or her hand to the certificate to certify that the information provided by him or her is the information received.	Le secrétaire de la société ou toute autre personne désignée par la société signe ce certificat pour attester que les informations qu'il fournit sont celles reçues.
Ingingo ya120: Amakuru yihariye	**Article 120: Privileged information**	**Article 120: Informations privilégiées**
Umwunganizi mu mategeko cyangwa undi mujyanama mu by'amategeko ntahatirwa gutanga cyangwa gutangaza amakuru arebana n'ibyo yavuganye n'umukiriya we igihe amuha ubujyanama mu by'amategeko, ariko ashobora gusabwa gutanga izina na aderesi by'umukiriya uwo ari we wese n'urwego rubifitiye ububasha.	Nothing compels the production or divulgence by an advocate or other legal adviser of an item subject to legal professional privilege, but an advocate or other legal adviser may be required by the relevant authority to give the name and address of any client.	Rien n'oblige la production ou la communication par un avocat ou un autre conseiller juridique d'une information couverte par la confidentialité des communications entre l'avocat et son client, mais un avocat ou un autre conseiller juridique peut être requis par l'autorité compétente de donner le nom et l'adresse de tout client.

Hatitawe ku nshingano yo kugira ibanga cyangwa indi yose yo kwirinda gutangaza amakuru iteganyijwe mu itegeko, mu masezerano cyangwa mu bundi buryo bwose, utanze amakuru agamije kubahiriza ibisabwa muri iki cyiciro ntashobora gufatwa nk'utubahirije iyo nshingano yo kugira ibanga cyangwa yo kwirinda gutangaza amakuru.	A requirement imposed by or under this Section has effect notwithstanding any obligation as to confidentiality or other restriction on the disclosure of information imposed by Law, contract or otherwise, and accordingly the obligation or restriction is not contravened by the making of a disclosure pursuant to such a requirement.	Une exigence imposée par ou en vertu de la présente section produit des effets nonobstant toute obligation de confidentialité ou toute autre restriction à la divulgation d'informations imposée par la loi, un contrat ou autrement, et par conséquent, l'obligation ou la restriction n'est pas enfreinte par la divulgation conformément à cette exigence.
Icyiciro cya 3: Ibitabo by'ibaruramari	**Section 3: Accounting records**	**Section 3: Registres comptables**
Ingingo ya 121: Inshingano zo kubika ibitabo by'ibaruramari	**Article 121: Duty to keep accounting records**	**Article 121: Devoir de tenue des registres comptables**
Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ikora ku buryo ibitabo by'ibaruramari bibikwa buri gihe kandi bikagaragaza ishusho y'ukuri ku miterere y'umutungo w'isosiyete, bikandikwamo, bigasobanura ibikorwa byose byayo kandi bikubahiriza amabwiriza y'ibaruramari ngenderwaho yemewe.	The Board of Directors of a company causes to be kept accounting records at all times that give a true and fair view of the company's financial position and that explain its transactions and comply with accepted accounting standards.	Le Conseil d'administration d'une société fait tenir des registres comptables à tout moment donnant une image sincère et fidèle de la situation financière de la société, expliquant ses opérations et conformes aux normes comptables reconnues.
Ibitabo by'ibaruramari bigirwa n'ibitabo byihariye by'ibaruramari kandi bikabikwa mu nyandiko cyangwa mu buryo butuma bigerwaho mu buryo bworoshye kandi bigahindurwa mu nyandiko ku birebana:	Accounting records contain proper books of account and are kept in a written form or in a manner in which they are easily accessible and convertible into a written form with particular respect to:	Les registres comptables contiennent des livres comptables appropriés et conservés sous une forme écrite ou d'une manière qui permet d'y accéder facilement et de les convertir à la forme écrite, notamment en ce qui concerne :
1° ibyinjiye n'ibisohoka buri munsi biherekejwe n'inyandiko zabyo	1° daily receipts and expenses with their accounting documents;	1° les recettes et les dépenses journalières avec leurs documents comptables;

z'ibaruramari; 2° igitabo cy'umutungo n'imyenda y'isosiyete; 3° ubucuruzi bw'ibintu, iyo bireba ibikorwa by'isosiyete bikurikira: a) igitabo cy'ibyaguzwe n'ibyacurujwe na sosiyete, ababiguze n'inyemezabuguzi zabyo; b) igitabo cy'ibicuruzwa biri mu bubiko n'imihindagurikire yabyo; 4° igitabo kigaragaza serivisi zatanzwe giherekejwe n'inyemezabuguzi zabyo, iyo isosiyete icuruza serivisi.	2° a register of assets and liabilities of the company; 3° where the company's business involves the sale of goods: a) all sales and purchases of goods by the company, those who bought them and related invoices; b) a register of stock held and its variation; 4° where the company's business involves providing services, a register of services provided and relevant invoices.	2° un registre des actifs et passifs de la société; 3° lorsque l'activité de la société consiste en la vente de biens: a) tous les achats et ventes par la société, ceux qui les ont achetés et les factures y relatives; b) un registre des stocks détenus et leur variation; 4° lorsque les activités de la société consistent à fournir des services, un registre des services fournis et les factures correspondantes.
Icyiciro cya 4 : Ibaruramari ngarukamwaka	**Section 4: Annual accounts**	**Section 4: Comptes annuels**
Ingingo ya 122: Itariki fatizo n'ibaruramari ngarukamwaka by'isosiyete	**Article 122: Accounting reference date and annual accounts**	**Article 122: Date de référence comptable et comptes annuels**
Isosiyete igomba kugira itariki fatizo y'ibaruramari muri buri mwaka, uretse ko: 1° bitari ngombwa ko isosiyete igira itariki fatizo y'ibaruramari mu mwaka yashyizweho mu gihe itariki fatizo	A company must have an accounting reference date in each calendar year, except that: 1° a company may not necessarily have its first accounting reference date in the calendar year of its incorporation so	Une société doit avoir une date de référence comptable pour chaque année civile, sauf que: 1° une société ne doit pas nécessairement avoir sa première date de référence comptable dans l'année civile de sa

y'ibaruramari yayo ya mbere ibaho mu mwaka ukurikira; kandi	long as its first accounting reference date takes place in the following calendar year; and	constitution tant que sa première date de référence comptable a lieu au cours de l'année civile suivante; et
2° iyo isosiyete ihinduye itariki fatizo y'ibaruramari yayo ntiba ikeneye kugira itariki fatizo y'ibaruramari muri uwo mwaka, mu gihe igihe kiri hagati y'amatariki fatizo y'ibaruramari yombi kitarengeje amezi cumi n'atanu (15).	2° if a company changes its accounting reference date it need not have an accounting reference date in that calendar year, so long as the period between the two accounting reference dates does not exceed fifteen (15) months.	2° si une société change de date de référence comptable, elle n'a pas besoin d'une date de référence comptable au cours de cette année civile, pourvu que la période entre les deux dates de référence comptable ne dépasse pas quinze (15) mois.
Ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete rikorwa mu gihe cy'ibaruramari n'isosiyete imwe cyangwa itsinda ry'amasosiyete yibumbiye hamwe.	Annual accounts are carried out during the accounting period by a company or a group of companies.	Les comptes annuels sont effectués lors de l'exercice comptable par une société ou par un groupe de sociétés.
Inyandiko z'icungamari z'isosiyete imwe zigaragaza ibikorwa by'isosiyete mu gihe cy'ibaruramari harimo ifoto y'umutungo, inyungu cyangwa igihombo, inyandiko zigaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse, imari shingiro n'ibyayihindutseho.	Individual accounts show the activities of a company during the accounting period, which include a balance sheet, a profit and loss account, cash flow statements, equity and statement of changes therein.	Les comptes individuels indiquent les activités d'une société au cours de l'exercice comptable y compris le bilan, le compte de profits et pertes, les états des flux de trésorerie, les capitaux propres et leur variation.
Inyandiko z'icungamari z'itsinda ry'amasosiyete zigaragaza ibikorwa by'itsinda mu gihe cy'ibaruramari harimo ifoto y'umutungo w'itsinda, inyungu cyangwa igihombo by'itsinda, inyandiko zigaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse, imari shingiro n'ibyayihindutseho n'inyandiko iyo ari yo yose yakomekwa ku nyandiko	Group accounts show the activities of a group of companies during the accounting period, which include a consolidated balance sheet for the group, a consolidated profit and loss account for the group, cash flow statements, equity and statement of changes therein and any other document which may be attached to the group accounts to provide additional	Les comptes du groupe de sociétés indiquent les activités de ce groupe au cours de l'exercice comptable y compris un bilan consolidé du groupe, un compte de profits et pertes consolidé du groupe, un compte de profits et pertes, les états des flux de trésorerie, les capitaux propres et leurs variations et tout autre document pouvant être joint aux comptes

y'icungamari ry'itsinda itanga amakuru y'inyongera.	information.	du groupe pour fournir des informations supplémentaires.
Ingingo ya 123: Amahame ifoto y'umutungo igenderaho	**Article 123: Standards for balance sheet preparation**	**Article 123 : Normes de préparation du bilan**
Ifoto y'umutungo w'isosiyete yubahiriza amahame mpuzamahanga. By'umwihariko ifoto y'umutungo yose igomba kugira isobanurampamvu ya politiki y'ingenzi ya sosiyete, ingorane ihura nazo, ibishobora gutungurana, ibiteganyijwe bitizewe kugerwaho n'ibindi byagira akamaro bitanzweho raporo.	The balance sheet of a company complies with international standards. In particular, all financial statements must contain explanatory notes on significant company's policies, trends, risks, uncertainties and other factors influencing the reporting.	Le bilan d'une société se conforme aux normes internationales. En particulier, tout le bilan comporte des notes explicatives sur d'importantes politiques de la société, les tendances, les risques, les incertitudes et autres facteurs influant sur les informations financières.
Ingingo ya 124: Inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi ku bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka	**Article 124: Duties of directors in relation to annual accounts**	**Article 124: Devoirs des administrateurs par rapport aux comptes annuels**
Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete igomba kugenzura ko ibaruramari ry'umwaka ryayo riba mu bihe byateganyijwe muri iri tegeko:	The Board of Directors of a company must ensure that annual accounts are within the time limits specified in this Law:	Le Conseil d'administration d'une société doit veiller à ce que les comptes annuels soient dans les délais prévus par la présente loi:
1° ryateguwe, ryagenzuwe kandi ryemejwe;	1° prepared, audited et approved;	1° préparés, vérifiés et approuvés ;
2° ryamenyeshejwe abanyamigabane;	2° disclosed to shareholders;	2° communiqués aux actionnaires;
3° ryagejejwe ku Mwanditsi Mukuru.	3° delivered to the Registrar General.	3° remis au Registraire général.
Icyiciro cya 5: Ibaruramari ry'umwaka	**Section 5: Special annual accounts**	**Section 5: Comptes annuels particuliers**

ryihariye		
<u>Ingingo ya 125</u>: Ibisabwa byerekeranye n'ibaruramari ry'umwaka ryihariye	**<u>Article 125</u>: Requirement for special annual accounts**	**<u>Article 125</u>: Exigences relatives aux comptes annuels particuliers**
Ibaruramari ry'umwaka ryihariye ni inyandiko z'icungamari z'isosiyete zigaragaza ibikorwa by'isosiyete mu gihe cy'ibaruramari harimo ifoto y'umutungo, inyungu cyangwa igihombo, inyandiko zigaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse, imari shingiro n'ibyayihindutseho;	Special annual accounts are a set of accounts showing the activities of a company during the accounting period, which include a balance sheet, a profit and loss account, cash flow statements, equity and changes therein.	Les comptes annuels particuliers sont un ensemble de comptes indiquant les activités d'une société au cours de l'exercice comptable y compris un bilan, un compte de profits et pertes, les états des flux de trésorerie, les capitaux propres et leur variation.
Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete igenzura ibaruramari ry'umwaka ryihariye ku bijyanye n'iyo sosiyete kuri iyo tariki fatizo y'ibaruramari ryagenzuwe n'umugenzuzi w'imari wigenga, kandi ryemejwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi, rikanashyirwaho umukono, mu izina ryabo, n'abayigize babiri, cyangwa, mu gihe ari ugize inama y'ubutegetsi umwe, rigashyirwaho umukono na we.	The Board of Directors of a company ensures that, special annual accounts in respect of the company as at the accounting reference date are audited by an independent auditor and approved by directors and signed on their behalf by two directors, or if there is only one member, by himself or herself.	Le Conseil d'administration d'une société veille à ce que les comptes annuels particuliers de cette société à cette date de référence comptable soient audités par un auditeur indépendant et approuvés par le Conseil d'administration et signés en leur nom par deux administrateurs et, s'il n'y a qu'un seul administrateur, par cet administrateur lui-même.
Ibisabwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bikorwa mu mezi atatu (3) uhereye ku itariki fatizo y'ibaruramari haba ku isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane n'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	The requirement under Paragraph 2 of this Article is done within three (3) months of the accounting reference date, in the case of both public and private companies.	Le respect de l'exigence prévue à l'alinéa 2 du présent article se fait dans les trois (3) mois suivant la date de référence comptable que ce soit pour la société publique ou la société privée.
Ifoto y'umutungo y'isosiyete igomba gutanga	The balance sheet of a company must give a	Le bilan d'une société doit donner une image

ishusho y'ukuri y'uko ibikorwa byayo byifashe ku itariki fatizo y'ibaruramari kandi konti y'inyungu n'igihombo igomba gutanga ishusho y'ukuri y'inyungu n'igihombo by'isosiyete mu gihe cy'ibaruramari bireba.	true and fair view of the state of affairs of the company as at the accounting reference date and its profit and loss account must give a true and fair view of the profit or loss of the company for the accounting period concerned.	sincère et fidèle de la situation de la société à la date de référence comptable et son compte de profits et pertes doit donner une image sincère et fidèle du bénéfice ou de la perte de la société pour l'exercice comptable concerné.
Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ibaruramari ry'umwaka ryihariye ryubahiriza amabwiriza ayo ari yo yose yerekeranye n'ibaruramari ry'umwaka n'ibisabwa ibyo ari byo byose bireba isosiyete biteganywa n'amategeko abigenga.	Without prejudice to the provisions Paragraph 3 of this Article, special annual accounts comply with any regulations concerning annual accounts and with any requirements applicable to the company under relevant Laws.	Sans préjudice des dispositions de l'alinéa 3 du présent article, les comptes annuels particuliers se conforment aux règlements concernant les comptes annuels et aux exigences applicables à la société en vertu des lois en la matière.
Icyiciro cya 6: Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Section 6: Group of companies annual accounts**	**Section 6: Comptes annuels du groupe de sociétés**
Ingingo ya 126: Itariki fatizo y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**Article 126: Accounting reference date of group of companies**	**Article 126: Date de référence comptable du groupe de sociétés**
Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ikora uko ishoboye ku buryo itariki fatizo y'ibaruraramari ya buri sosiyete iyishamikiyeho ihura n'itariki fatizo y'ibaruramari ry'iyo sosiyete, keretse igihe hari impamvu zigaragara ibona zatuma bitagenda bityo.	The Board of Directors of a company ensures that except where in their opinion there are good reasons against it, the accounting reference date of each of its subsidiaries is the same as the accounting reference date of the company.	Le Conseil d'administration d'une société veille à ce que la date de référence comptable de chacune de ses filiales soit la même que la date de référence comptable de cette société, à moins que, à son avis, il y ait de bonnes raisons de ne pas le faire ainsi.
Mu gihe itariki fatizo y'ibaruramari ry'isosiyete yabyawe n'indi idahuye n'iy'iyayibyaye, itariki fatizo y'iyo sosiyete iyishamikiyeho ku bijyanye n'itariki fatizo	Where the accounting reference date of a subsidiary company is not the same as that of the parent company, the accounting reference date of the subsidiary for the purposes of any	Lorsque la date de référence comptable d'une filiale n'est pas la même que celle de la société mère, la date de référence comptable de la filiale pour les comptes annuels particuliers

y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ni itariki fatizo y'ibaruramari ry'iyo sosiyete ishamikiyeho.	particular group of companies annual accounts is the accounting reference date of the company.	d'un groupe de sociétés est la date de référence comptable de cette société.
<u>Ingingo ya 127</u>: Ibisabwa ku ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**<u>Article 127:</u> Requirements for group of companies annual accounts**	**<u>Article 127</u>: Exigences relatives aux comptes annuels du groupe de sociétés**
Iyo ku itariki fatizo y'ibaruramari rya sosiyete, iyo sosiyete ifite isosiyete imwe cyangwa nyinshi ziyishamikiyeho, abagize Inama y'Ubutegetsi yayo bagenzura ko ku itariki fatizo y'ibaruramari, ibaruramari ry'itsinda ku bijyanye n'iryo tsinda ry'amasosiyete ritegurwa, rikagenzurwa kandi rikemezwa n'Inama y'Ubutegetsi, rikanashyirwaho umukono mu izina ryayo masosiyete n'abagize Inama y'Ubutegetsi babiri, cyangwa mu gihe hari ugize inama y'ubutegetsi umwe, akaba ari we urishyiraho umukono.	If at its accounting reference date a company has one or more subsidiaries, its directors ensure that, group accounts in respect of that group of companies as at that accounting reference date are prepared, audited and approved by the Board of Directors and signed on behalf of those companies by two directors or if there is only one member by that member himself or herself.	Si, à sa date de référence comptable, une société a une ou plusieurs filiales, ses administrateurs veillent à ce que les comptes de groupe de sociétés à cette date de référence comptable soient établis, vérifiés et approuvés par le Conseil d'administration et signés par deux administrateurs au nom de toutes ces sociétés ou, s'il n'y a qu'un seul administrateur, par cet administrateur lui-même.
Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa mu gihe cy'amezi atatu (3) nyuma y'itariki fatizo y'ibaruramari ryayo haba ku isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane n'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	The provisions of Paragraph One of this Article are executed within three (3) months of the accounting reference date, in the case of both public and private companies.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article sont exécutées dans les trois (3) mois suivant la date de référence comptable que ce soit pour la société publique ou la société privée.
Ifoto y'umutungo y'itsinda igaragaza ishusho nyayo y'ibikorwa by'itsinda ku itariki fatizo y'ibaruramari, kandi konti yaryo y'inyungu n'igihombo ikagaragaza ishusho nyayo y'inyungu cyangwa igihombo by'itsinda mu	The balance sheet of the group gives a true and fair view of the state of affairs of the group as at the accounting reference date and its profit and loss account gives a true and fair view of the profit or loss of the group for the	Le bilan du groupe donne une image sincère et fidèle de la situation du groupe à la date de référence comptable et son compte de profits et pertes donne une image sincère et fidèle du résultat du groupe pour l'exercice comptable

mwaka w'ibaruramari bireba.	accounting period concerned.	concerné.
Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ryubahiriza amabwiriza yose yerekeranye n'ibaruramari ry'umwaka n'ibindi bisabwa amasosiyete n'iri tegeko.	Group of companies annual accounts comply with any regulations concerning annual accounts and with any requirements applicable to the company under this Law.	Les comptes annuels du groupe de sociétés se conforment aux règlements relatifs aux comptes annuels et aux exigences applicables à la société en vertu de la présente loi.
<u>Ingingo ya 128</u>: Gusonera ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**<u>Article 128</u>: Exemption from the requirement for group of companies annual accounts**	**<u>Article 128:</u> Exemption de l'exigence de comptes annuels du groupe de sociétés**
Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ntirireba ibi bikurikira:	Group of companies annual accounts are not applied to the following:	Les comptes annuels du groupe de sociétés ne s'appliquent pas à ce qui suit:
1° ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ntirikenerwa iyo, ku itariki fatizo y'ibaruramari ryayo, isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana (100%) yashingiwe mu Rwanda;	1° group of companies annual accounts are not required where the company is at its accounting reference date the wholly owned subsidiary of another body corporate incorporated in Rwanda;	1° les comptes annuels du groupe de sociétés ne sont pas exigés lorsque la société est, à sa date de référence comptable, une filiale en propriété exclusive d'une autre société constituée au Rwanda;
2° ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ntirireba isosiyete yabyawe n'indi iyo abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete bemera ko:	2° group of companies annual accounts need not deal with a subsidiary company if the company's directors are of opinion that:	2° les comptes annuels du groupe de sociétés ne couvrent pas nécessairement une filiale si les administrateurs de la société estiment que:
a) bidashoboka cyangwa bitagirira abanyamigabane b'isosiyete agaciro kagaragara hashingiwe ku mubare w'amafaranga arebwa n'iryo baruramari cyangwa bikaba byatuma hatangwa	a) it is impracticable or would be of no real value to shareholders of the company, in view of the insignificant amounts involved or would involve expense or delay out of proportion to	a) cela est impraticable ou ne serait d'aucune véritable utilité pour les actionnaires de la société, compte tenu des montants insignifiants en jeu ou occasionnerait des dépenses ou un

amafaranga cyangwa bigatera ubukerererwe ku buryo burenze ibyo abanyamigabane bakura muri sosiyete;	the value to the shareholders of the company;	retard disproportionnés par rapport à son utilité pour les actionnaires de la société;
b) umwanzuro wavamo waba utandukanye n'ukuri, kandi iyo abagize Inama y'Ubutegetsi bagendeye ku byo bazi kuri buri sosiyete mu zabyawe n'iyo isosiyete, basanga ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete ridakenewe.	b) the result would be misleading, and, if directors are of such an opinion about each of the company's subsidiaries, group of companies annual accounts are not required.	b) le résultat serait trompeur et, si les administrateurs partagent un tel avis concernant chacune des filiales de la société, les comptes annuels du groupe ne sont pas exigés.
<u>Ingingo ya 129</u>: Imiterere y'ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete	**<u>Article 129</u>: Form of group of companies annual accounts**	**<u>Article 129:</u> Forme des comptes annuels du groupe de sociétés**
Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete rishobora gutegurwa mu buryo bunyuranyije n'ubuteganywa n'ingingo ya 127 y'iri tegeko, iyo abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete bemera ko ari byo byiza kurusha ibindi, hagamijwe:	The group of companies annual accounts may be prepared in a form different from that required by Article 127 of this Law if the directors are of opinion that is better for the purpose:	Les comptes annuels du groupe de sociétés peuvent être établis sous une forme autre que celle stipulée à l'article 127 de la présente loi, si les administrateurs de la société estiment que c'est le meilleur moyen de:
1° gutanga amakuru amwe cyangwa ahuye ku bijyanye n'ibikorwa, inyungu n'ibihombo by'isosiyete na sosiyete zabyawe na yo;	1° of presenting the same or equivalent information about the state of affairs and profit and loss of the company and its subsidiaries;	1° présenter les informations identiques et ou équivalentes sur la situation, les profits et pertes de la société et de ses filiales;
2° gutanga amakuru ku buryo butuma yemerwa n'abanyamigabane b'isosiyete ku buryo bworoshye.	2° of so presenting such information that it may be readily appreciated by the company's shareholders.	2° présenter des informations pouvant être facilement appréciées par les actionnaires de la société.
By'umwihariko, ibaruramari ry'itsinda	In particular, the group of companies annual	En particulier, les comptes annuels du groupe

ry'amasosiyete rigirwa n'amabaruramari y'umwaka akomatanyije arenze rimwe arebana na sosiyete n'itsinda rimwe ry'amasosiyete ayishamikiyeho n'andi matsinda ayishamikiyeho cyangwa rigizwe n'amabaruramari y'umwaka atandukanye arebana na buri sosiyete yabyawe n'iyo sosiyete, cyangwa zikagirwa n'inyandiko zigamije kongera amakuru yerekeye amasosiyete yabyawe n'iyo sosiyete mu ibaruramari ry'umwaka ryayo cyangwa rigategurwa mu buryo bukomatanya bumwe muri ubwo buryo.	accounts consist of more than one set of consolidated annual accounts dealing respectively with the company and one group of subsidiaries and with other groups of subsidiaries or of separate annual accounts dealing with each of the subsidiaries or of statements expanding the information about the subsidiaries in the company's own annual accounts, or any combination of those forms.	de sociétés sont composés de plus d'un ensemble de comptes annuels consolidés portant respectivement sur la société et un groupe de filiales et sur d'autres groupes de filiales, ou composés de comptes annuels distincts portant sur chacune des filiales ou des déclarations permettant de fournir davantage d'informations sur des filiales dans les comptes annuels propres de la société ou un ensemble de ces formes.
Ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete, ryose cyangwa igice cyaryo, rishobora gushyirwa mu ifoto y'umutungo no muri konti zigaragaza inyungu n'ibihombo byihariye bya sosiyete.	The group of companies annual accounts may be wholly or partly incorporated in the company's particular balance sheet and profit and loss account.	Les comptes annuels du groupe de sociétés peuvent être intégrés en tout et en partie dans le bilan et le compte de profits et pertes particuliers de la société.
Ingingo ya 130: Amabwiriza arebana n'ibaruramari ry'umwaka	**Article 130: Regulations relating to annual accounts**	**Article 130: Règlements relatifs aux comptes annuels**
Umwanditsi Mukuru ashobora gushyiraho amabwiriza arebana n'ibikubiye mu ibaruramari ry'umwaka.	The Registrar General may make regulations relating to the content of annual accounts.	Le Registraire général peut arrêter les règlements relatifs au contenu des comptes annuels.
Icyiciro cya 7: Ubugenzuzi bw'imari	**Section 7: Audit**	**Section 7: Audit**

Ingingo ya 131: Gusabwa gukora ubugenzuzi bw'imari	**Article 131: Instruction to conduct audit**	**Article 131: Instruction d'effectuer l'audit**
Buri sosiyete ishyiraho umugenzuzi w'imari wigenga kugira ngo agenzure ibaruramari ryayo rya buri mwaka.	Every company appoints an external auditor to audit its annual accounts.	Chaque société nomme un auditeur externe pour l'audit de ses comptes annuels.
Ingingo ya 132: Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari	**Article 132: Appointment of an auditor**	**Article 132: Nomination d'un auditeur**
Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari wihariye rigomba gutangirwa uruhushya n'abanyamigabane binyujijwe mu mwanzuro usanzwe.	The appointment of a particular auditor is authorised by the shareholders by ordinary resolution.	La nomination d'un auditeur particulier est autorisée par les actionnaires par résolution ordinaire.
Umugenzuzi w'imari wa mbere w'isosiyete ashobora gushyirwaho n'Inama y'Ubutegetsi hatagombye kuba iyemezwa risabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kandi iyo batavanyweho, abagenzuzi b'imari bashyizweho muri ubwo buryo, bakomeza uwo murimo kugeza igihe isosiyete ikoreye inteko rusange yayo ya mbere, cyangwa kugeza mu minsi makumyabiri n'umunani (28) ya nyuma y'itariki ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete rishyikirijwe abanyamigabane, hakurikijwe ikibaye mbere.	The first auditor of the company may be appointed by the Board of Directors without the approval required under Paragraph One of this Law, and auditors so appointed, unless removed, hold office until the conclusion of the company's first general meeting or until twenty-eight (28) days after the date that the company's annual accounts are sent to shareholders, whichever is the sooner.	Le premier auditeur de la société peut être nommé par le Conseil d'administration sans l'approbation requise à l'alinéa premier du présent article et les auditeurs ainsi nommés, à moins d'être révoqués, demeurent en fonction jusqu'à la tenue de la première assemblée générale de la société ou pendant vingt-huit (28) jours suivant la date à laquelle les comptes annuels de la société sont envoyés aux actionnaires, selon la première de ces éventualités.
Mu gihe nta mugenzuzi w'imari ushyizweho hakurikijwe igika cya kabiri cy'iyi ngingo, Umwanditsi Mukuru aba afite ububasha bwo	In case no auditor is appointed in accordance with Paragraph 2 of this Article, the Registrar General has the powers to direct the company	Au cas où aucun auditeur n'est nommé conformément à l'alinéa 2 du présent article, le Registraire général a le pouvoir d'exiger la

gutegeka sosiyete gushyiraho umugenzuzi w'imari wayo mu minsi mirongo itatu (30).	to appoint its auditor within thirty (30) days.	société de nommer son auditeur endéans trente (30) jours.
Umushahara n'ibindi bitangwa ku mugenzuzi w'imari bishyirwaho n'inteko rusange y'abanyamigabane cyangwa Inama y'Ubutegetsi.	The salary and other expenses for the auditor are determined by the general meeting of shareholders or the Board of Directors.	Le salaire et les autres dépenses de l'auditeur sont déterminés par l'assemblée générale des actionnaires ou par le Conseil d'administration.
<u>Ingingo ya 133</u>: Ibisabwa kugira ngo umugenzuzi w'imari yemerwe	**<u>Article 133:</u> Qualifications of auditor**	**<u>Article 133:</u> Qualifications d'un auditeur**
Umuntu cyangwa ikigo ntibashyirwaho nk'abagenzuzi b'imari, keretse mu gihe ari ikigo, ukigize wese ari umwe mu bagize ikigo cyangwa ishyirahamwe ry'ababaruramari byemewe mu Rwanda, ukorana na byo. Nta n'umwe mu bantu bakurikira ushobora kugirwa umugenzuzi w'imari wa sosiyete:	A person or firm is not qualified for appointment as auditor of a company unless, in the case of a firm, every partner in the firm is a full or associate member of an institution or association of chartered accountants recognized in Rwanda. None of the following persons can be qualified for appointment as an auditor of a company:	Une personne ou une société n'est qualifiée pour être nommée auditeur d'une société que si, dans le cas d'une société, chaque associé est un membre effectif ou associé d'une institution ou d'une association de comptables agréés au Rwanda. Aucune des personnes suivantes ne peut être nommée à titre d'auditeur d'une société:
1° ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete cyangwa umukozi wayo;	1° a director or an employee of the company;	1° un administrateur ou un employé de la société;
2° ugize sosiyete cyangwa uwashyizweho n'ugize Inama y'Ubutegetsi wayo cyangwa umukozi wayo;	2° a person who is a partner of or in the employed of by a director or employee of the company;	2° une personne qui est un associé ou engagée par un administrateur ou un employé de la société ;
3° umuntu udashobora kugirwa umugenzuzi w'imari wa sosiyete ifitanye isano na sosiyete bireba, hashingiwe ku gace ka 1° cyangwa aka 2° tw'iyi ngingo.	3° a person who, by virtue of either items 1° or 2° of this Article is disqualified for appointment as auditor of a related company.	3° une personne qui, en vertu des points 1° ou 2° du présent article, est disqualifiée pour être nommée auditeur d'une société liée à celle-ci.

Ingingo ya 134:Uburenganzira bw' umugenzuzi w'imari bwo kubona amakuru	**Article 134: Auditor's right of access to information**	**Article 134: Droit d'un auditeur d'accéder à l'information**
Inama y'Ubutegetsi ya sosiyete ikora ku buryo umugenzuzi w'imari agira igihe cyose uburenganzira bwo kugera ku bitabo by'ibaruramari n'izindi nyandiko z'isosiyete zose, kandi agira uburenganzira bwo kwaka ugize Inama y'Ubutegetsi uwo ari we wese cyangwa umukozi wa sosiyete uwo ari we wese amakuru n'ibisobanuro abona ari ngombwa mu kazi ke nk'umugenzuzi w'imari.	The Board of Directors of a company ensures that its auditor has a right of access at all times to the accounting records and other documents of the company, and that the auditor is entitled to require from any director or employee of the company such information and explanation as the auditor thinks necessary for the performance of his or her duties as auditor.	Le Conseil d'administration d'une société s'assure que son auditeur a un droit d'accès en tout temps aux livres comptables et autres documents de la société et que l'auditeur a le droit d'exiger de tout administrateur ou employé de la société les informations et les explications que l'auditeur estime nécessaires pour l'exercice de ses fonctions comme auditeur.
Ingingo ya 135: Raporo y'umugenzuzi w'imari	**Article 135: Auditor's report**	**Article 135: Rapport d'un auditeur**
Raporo y'umugenzuzi w'imari igomba kubahiriza amabwiriza ngenderwaho y'ibaruramari n'ubwishingizi kandi igomba kugaragaza:	The auditor's report must comply with applicable auditing and assurance standards and state:	Le rapport de l'auditeur doit être conforme aux normes d'audit et de certification applicables et doit indiquer:
1° ibirebwa n'igenzura ry'imari n'aho rigarukira;	1° the scope and limitations of the audit;	1° la portée et les limites d'audit;
2° ko umugenzuzi yabonye amakuru yose n'ibisobanuro byose yasabye;	2° whether the auditor has obtained all information and explanations that he or she has required;	2° si l'auditeur a obtenu tous les renseignements et explications qu'il a requis;
3° ko ibitabo by'ibaruramari byihariye byabitswe neza na sosiyete;	3° whether proper accounting records have been kept by the company;	3° si les livres comptables appropriés ont été tenus par la société;
4° ko nta sano, nta nyungu nta n'umwenda	4° the proof that there is no relationship,	4° qu'il n'existe aucune relation, aucun

mu isosiyete;	no interests and debt in the company;	intérêt et aucune dette envers la société;
5° ko ifoto y'umutungo ngarukamwaka yateguwe kandi igakorwa hakurikijwe amahame y'ibaruramari mpuzamahanga;	5° whether the annual balance sheet complies with the international accounting standards;	5° que le bilan annuel a été établi conformément aux normes internationales de la comptabilité;
6° ko umugenzuzi w'imari atanga igitekerezo cye akanagaragaza ibibazo ku micungire ya sosiyete;	6° the auditor's opinion and problems that are linked with the company's management;	6° l'opinion de l'auditeur et les problèmes sur la gestion de la société;
7° umugenzuzi w'imari atanga inama y'uburyo ibibazo byagaragaye mw'igenzura byakemuka;	7° the auditor recommends actions to correct problems identified during the audit;	7° l'auditeur recommande les mesures visant à corriger les irrégularités identifiées pendant l'audit;
8° ko ibaruramari ry'umwaka ryubahiriza ingingo ya 125 n'iya 127 z'iri tegeko bitewe n'uko ibintu bimeze, hakurijwe uko umugenzuzi w'imari abibona, hakurikijwe amakuru n'ibisobanuro biruta ibindi yahawe n'inyandiko z'ibaruramari n'izindi nyandiko za sosiyete, kandi ryaba ritazubahiriza, akagaragaza aho ritazubahiriza.	8° whether, in the auditor's opinion, according to the best of his information and the explanations given to him as shown by the accounting and other documents of the company, the annual accounts comply with Article 125 and Article 127 of this Law as the case may be, and where they do not, the areas in which they fail to comply.	8° si, de l'avis de l'auditeur, les comptes annuels sont conformes à l'article 125 et à l'article 127 de la présente loi selon le cas, le meilleur de ses informations et les explications qui lui sont fournies par les documents comptables et autres documents de la société, et lorsqu'ils n'y sont pas conformes, les aspects dans lesquels ils n'y sont pas.
Umugenzuzi w'imari wa sosiyete agomba kohereza abanyamigabane ba sosiyete, raporo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	The auditor of a company must submit the report under Paragraph One of this Article to the shareholders of the company.	L'auditeur d'une société doit soumettre aux actionnaires de la société, le rapport mentionné à l'alinéa premier du présent article.
Mu gihe ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane iri ku isoko ry'imari	In the case of a public company listed on the stock exchange the audit report is published in	Dans le cas d'une société publique cotée en bourse, le rapport d'audit est publié dans au

n'imigabane, raporo y'igenzuramari itangazwa nibura muri kimwe (1) mu binyamakuru bitangazwa cyane mu Rwanda.	at least one (1) of the most widely circulated newspapers in Rwanda.	moins un (1) des journaux les plus diffusés au Rwanda.
Ingingo ya 136: Uburenganzira bwo kwitabira inteko rusange y'abanyamigabane	**Article 136: Right to attend shareholders' general meeting**	**Article 136: Droit d'assister à l'assemblée générale des actionnaires**
Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ikora ku buryo umugenzuzi w'imari w'isosiyete amenyeshwa amakuru yose y'inteko rusange y'abanyamigabane cyangwa imyanzuro yayo abanyamigabane bafiteho uburenganzira.	The Board of Directors of a company ensure that an auditor of the company receives all information relating to shareholders' general meeting or resolutions which shareholders are entitled to receive.	Le Conseil d'administration d'une société veille à ce qu'un auditeur d'une société reçoive toutes les informations relatives à l'assemblée générale ou résolution des actionnaires que les actionnaires ont le droit de recevoir.
Umugenzuzi w'imari ashobora kwitabira inteko rusange y'abanyamigabane iyo ari yo yose kandi akagira icyo avuga muri iyo nama yitabiriye cyangwa igice cyayo kimureba nk'umugenzuzi w'imari.	An auditor of a company may attend any shareholders' general meeting and may be heard at any shareholders' general assembly which the auditor attends on any part of the business of the assembly which concerns him or her as an auditor.	Un auditeur d'une société peut assister à toute assemblée générale des actionnaires et peut être entendu à toute assemblée des actionnaires à laquelle il assiste, à toute partie de l'activité de l'assemblée qui le concerne comme auditeur.
Ingingo ya 137: Kuvanaho umugenzuzi w'imari	**Article 137: Removal of an auditor**	**Article 137: Révocation d'un auditeur**
Haseguriwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'ingingo ya 144 y'iri tegeko, umugenzuzi w'imari ashobora gukurwa ku mirimo ye igihe icyo ari cyo cyose n'umwanzuro usanzwe w'inteko rusange y'abanyamigabane.	Subject to the company's incorporation documents and to the provisions of Article 144 of this Law, an auditor may be removed from office at any time by an ordinary resolution passed at a shareholders' general meeting.	Sous réserve des documents constitutifs de la société et des dispositions de l'article 144 de la présente loi, un auditeur peut être révoqué à tout moment par une résolution ordinaire adoptée lors d'une assemblée générale des actionnaires.
Ingingo ya 138: Guhagarika imirimo	**Article 138: Auditor ceasing to hold office**	**Article 138: Cessation de fonctions**

k'umugenzuzi w'imari w'isosiyete		**d'auditeur**
Umugenzuzi w'imari w'isosiyete ahagarika imirimo ye iyo: 1° yirukanwe ku mirimo ye; 2° igihe yashyiriweho nk'umugenzuzi w'imari kirangiye kandi nticyongerwe; 3° mu gihe apfuye, iyo umugenzuzi w'imari ari umuntu ku giti cye.	An auditor ceases to hold office as auditor of a company if: 1° he or she is removed from office; 2° the term of appointment as auditor expires and is not renewed; 3° in the event of death, where the auditor is a natural person.	L'auditeur cesse d'exercer ses fonctions à titre d'auditeur d'une société si: 1° il est démis de ses fonctions; 2° la durée de sa nomination à titre d'auditeur expire et n'est pas renouvelée: 3° en cas de décès, lorsqu'il s'agit d'une personne physique.
<u>Ingingo ya 139</u>: Gufata nk'aho kongerera igihe umugenzuzi w'imari byemewe	**<u>Article 139:</u> Deemed reappointment of auditor**	**<u>Article 139:</u> Mandat réputé renouvelé pour un auditeur**
Iyo igihe umugenzuzi w'imari yashyiriweho kirangiye ariko ntahagarike imirimo ye nk'umugenzuzi w'imari w'isosiyete, bifatwa nk'aho yongerewe ikindi gihe kingana n'umwaka umwe (1) guhera ku itariki igihe yashyiriweho giheruka kirangiye, kandi: 1° hakurikijwe andi amategeko n'amabwiriza yumvikanyweho hagati y'abanyamigabane n'uwo mugenzuzi w'imari; 2° iyo nta mategeko n'amabwiriza asa n'ayumvikanyweho umugenzuzi w'imari	If the term of appointment of an auditor of a company expires but the auditor does not cease to hold office as auditor of the company, the auditor is considered to have been reappointed for a further term of one (1) year from the date of expiry of the previous term, and: 1° on such other terms and conditions as are agreed between the shareholders and the auditor; 2° if no terms and conditions are agreed, on the same terms and conditions as	Si le mandat d'un auditeur d'une société expire, mais que cet auditeur ne cesse pas d'exercer ses fonctions à titre d'auditeurs de la société, ledit auditeur est réputé avoir été reconduit pour une période supplémentaire d'un (1) an à compter de la date d'expiration du mandat précédent, et: 1° aux autres modalités et conditions convenues entre les actionnaires et cet auditeur; 2° si aucune modalité et condition ne sont convenues, aux mêmes modalités et

ashyirwaho bwa mbere.	the auditor was initially appointed.	conditions de la nomination initiale de cet auditeur.
<u>Ingingo ya 140</u>: Kwirukana, gusimbuza cyangwa kwegura k'umugenzuzi w'imari	**<u>Article 140</u>: Removal, replacement or resignation of an auditor**	**<u>Article 140:</u> Révocation, remplacement ou démission d'un auditeur**
Umugenzuzi w'imari ntashobora kwirukanwa ku mirimo ye, keretse:	An auditor is not removed from office, unless:	Un auditeur ne peut être démis de ses fonctions que si:
1° yahawe integuza yanditse y'iminsi icumi (10) y'akazi nibura byemejwe mu mwanzuro;	1° he or she has been given at least ten (10) working days' written notice of a resolution to that effect;	1° il a reçu, à cet effet, un avis écrit de résolution d'au moins dix (10) jours ouvrables;
2° yahawe uburyo bwumvikana bwo kugira icyo abwira abanyamigabane ku bijyanye no kwirukanwa kwe, byaba bikozwe mu nyandiko iteguwe na we cyangwa bigakorwa n'abamuhagarariye babivugira mu nteko rusange y'abanyamigabane, bitewe n'icyo ahisemo.	2° has been given a reasonable opportunity to make representations to the shareholders on the removal, either in writing or by the auditor or his or her representative speaking at a shareholders' general meeting, whichever the auditor may choose.	2° il a eu la possibilité de présenter aux actionnaires des observations sur sa révocation, soit par un acte écrit préparé par lui-même ou par ses représentants prenant la parole à une assemblée générale des actionnaires, selon le choix de l'auditeur.
Isosiyete ntishobora gusaba ko hashyirwaho undi mugenzuzi w'imari usimbura umugenzuzi w'imari udashobora kongererwa igihe, keretse:	A company shall not propose to appoint a new auditor in place of an auditor who is disqualified for re-appointment, unless:	Une société ne peut proposer de nommer un nouvel auditeur à la place d'un auditeur qui n'est pas admissible à la reconduction que si:
1° uwo mugenzuzi w'imari yahawe integuza yanditse y'iminsi icumi (10) y'akazi nibura y'uko bigiye gukorwa;	1° at least ten (10) working days' written notice of intention to do so has been given to the auditor;	1° cet auditeur a reçu un préavis écrit de l'intention de le faire d'au moins dix (10) jours ouvrables;
2° yahawe uburyo bwumvikana bwo kugira	2° the auditor has been given a reasonable	2° cet auditeur a eu la possibilité de

icyo abwira abanyanyamigabane ku bijyanye no gushyiraho undi mugenzuzi w'imari, byaba bikozwe mu nyandiko iteguwe na we cyangwa bigakorwa n'abamuhagarariye babivugira mu nteko rusange y'abanyamigabane, bitewe n'icyo ahisemo.	opportunity to make representations to the shareholders on the appointment of another auditor, either in writing or by the auditor or his or her representative speaking at a shareholders' general meeting whichever the auditor may choose.	présenter aux actionnaires des observations sur la nomination d'un autre auditeur, soit par un acte écrit préparé par lui-même ou par ses représentants prenant la parole à une assemblée générale des actionnaires, selon le choix de l'auditeur.
Mu gihe umugenzuzi w'imari yahaye abagize Inama y'Ubutegetsi integuza yanditse y'uko adashaka kongererwa igihe, abagize Inama y'Ubutegetsi babisabwe na we:	Where an auditor has given the directors a written notice of unwillingness to be reappointed, the director, if requested to do so by the auditor:	Lorsqu'un auditeur a donné aux administrateurs un préavis écrit de refus de se faire reconduire, les administrateurs à la demande de l'auditeur:
1° baha abanyamigabane bose inyandiko y'umugenzuzi w'imari igaragaza impamvu adashaka kongererwa igihe kandi bikishyurwa na sosiyete;	1° distributes to all shareholders at the expense of the company a written statement of the auditor's reasons for unwillingness to be reappointed;	1° distribuent à tous les actionnaires, aux frais de la société, un exposé écrit des raisons pour lesquelles l'auditeur n'a pas voulu être reconduit;
2° bemerera umugenzuzi w'imari cyangwa abamuhagarariye gusobanura mu nteko rusange y'abanyamigabane izindi impamvu zatuma adashaka kongererwa igihe.	2° permits the auditor or his or her representatives to explain at a shareholders' general assembly the other reasons for his or her unwillingness to be reappointed.	2° permettent à l'auditeur ou à ses représentants d'expliquer à l'assemblée générale des actionnaires les autres motifs de son refus d'être reconduit.
Umugenzuzi w'imari afite uburenganzira bwo guhabwa na sosiyete ibihembo no kwishyurwa ibindi byose yakoresheje asobanurira abanyamigabane hakurikijwe iyi ngingo.	An auditor is entitled to be paid by the company reasonable fees and expenses for making representations to shareholders' under this Article.	L'auditeur a droit au payement par la société des honoraires et frais raisonnables pour présenter des observations aux actionnaires en vertu du présent article.
Icyiciro cya 8: Inyandiko zigomba	**Section 8: Documents to be delivered to the**	**Section 8: Documents à remettre au**

gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru **<u>Ingingo ya 141</u>: Inyandiko zishyikirizwa Umwanditsi Mukuru** Inyandiko zikurikira zigomba gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru: 1° inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete; 2° imenyesha, iyemezwa, ihindurwa cyangwa ikurwaho ry'inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete; 3° ihinduka ry'amategeko agenga isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa agenga sosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane; 4° haseguriwe ingingo ya 210 y'iri tegeko, inyandiko z'ibaruramari ry'umwaka; 5° inyandiko ngarukamwaka ku makuru y'isosiyete; 6° inyandiko zerekeranye no kwibumbira hamwe kw'amasosiyete; 7° isaba ry'isosiyete ifite ububasha bwo	**Registrar General** **<u>Article 141</u>: Documents to be delivered to the Registrar General** The following documents must be delivered to the Registrar General: 1° company's incorporation documents; 2° notice of adoption, alteration or revocation of incorporation documents; 3° change of status to public or private company; 4° subject to Article 210 of this Law, annual accounts; 5° annual returns on company's information; 6° documents relating to amalgamation; 7° application for a solvent company to be	**Registraire général** **<u>Article 141</u>: Documents à remettre au Registraire général** Les documents suivants doivent être remis au Registraire général : 1° les documents constitutifs de la société; 2° un avis d'adoption, de modification ou de révocation de documents constitutifs; 3° changement de statut en société publique ou privée; 4° sous réserve de l'article 210 de la présente loi, des comptes annuels; 5° la déclaration annuelle sur les informations de la société; 6° les documents relatifs à la fusion; 7° la demande de radiation d'une société

kwishyura imyenda ryo kuvanwa mu gitabo hashingiwe ku ngingo ya 208 y'iri tegeko;	removed from the register pursuant to Article 208 of this Law;	solvable du registre en application de l'article 208 de la présente loi;
8° mu gihe ari isosiyete y'inyamahanga:	8° in the case of a foreign company:	8° dans le cas d'une société étrangère:
a) ubusabe bwo kwandikwa;	a) application for registration;	a) demande d'enregistrement;
b) inyandiko imenyesha impinduka;	b) notice of alteration;	b) avis de modification;
c) ibaruramari ry'umwaka inyandiko ngarukamwaka ku makuru y'isosiyete;	c) annual accounts and annual returns;	c) comptes annuels et déclaration annuelle sur les informations de la sociétés;
d) inyandiko imenyesha ko isosiyete ishaka kureka kugira icyicaro mu Rwanda;	d) notice that the company intends to cease to have a registered office in Rwanda;	d) avis que la société a l'intention de cesser d'avoir un siège social au Rwanda;
e) inyandiko yo kwanga gusibwa mu gitabo;	e) objection for removal from the register;	e) opposition à la radiation du registre ;
f) n'izindi nyandiko zigenwa n'amategeko abigenga.	f) such other documents as may be determined by relevant Laws.	f) autres documents déterminés par les lois en la matière.
Inyandiko zisabwa n'iri tegeko zishobora kwandikwa mu rurimi rukoreshwa mu butegetsi urwo ari rwo rwose. Byemejwe n'Inama y'Ubutegetsi inyandiko ziri mu rurimi rw'Ikinyarwanda zishobora gushyirwa no mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi.	Documents required under this Law may be written in any of the official languages. Upon approval by the Board of Directors, documents written in Ikinyarwanda may also be translated into another official language.	Les documents requis en vertu de la présente loi peuvent être rédigés dans l'une des langues officielles du Rwanda. Après approbation par le Conseil d'administration, les documents rédigés en ikinyarwanda peuvent aussi être traduits dans une autre langue officielle.

Mu gihe iri tegeko risaba ko inyandiko iyo ari yose ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru mu gihe runaka, iyo nshingano ntirangirana n'icyo gihe ahubwo irakomeza.	Where this Law requires any document to be delivered to the Registrar General within a specific period, the duty to deliver it does not cease on the expiration of that period but is a continuing duty.	Lorsque la présente loi exige que tout document soit remis au Registraire général dans un délai déterminé, l'obligation de le délivrer ne cesse pas à l'expiration de ce délai mais constitue une obligation continue.
Ingingo ya 142: Ibaruramari ry'umwaka rigomba kohererezwa Umwanditsi Mukuru	**Article 142: Annual accounts to be delivered to the Registrar General**	**Article 142: Comptes annuels à remettre au Registraire général**
Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 210 y'iri tegeko, abagize Inama y'Ubutegetsi bakurikirana ko isosiyete igeza ku Mwanditsi Mukuru mu gihe kitarenze amezi arindwi (7) nyuma y'itariki fatizo y'ibaruramari mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, no mu gihe kitarenze amezi ane (4) y'itariki fatizo y'ibaruramari ryayo mu gihe ari isosiyete ihamagarira rubanda kugura imigabane:	Subject to the provisions of Article 210 of this Law, the directors ensure that the company delivers to the Registrar General not later than seven (7) months after its accounting reference date in the case of a private company, and four (4) months after its accounting reference date in the case of a public company:	Sous réserve des dispositions de l'article 210 de la présente loi, les administrateurs d'une société veillent à ce que la société remette au Registraire général au plus tard sept (7) mois après sa date de référence comptable dans le cas d'une société privée, et quatre (4) mois après sa date de référence comptable dans le cas d'une société publique:
1° kopi y'ibaruramari ry'umwaka yashyizweho umukono kandi ikemezwa;	1° a copy of signed and approved annual accounts;	1° une copie de comptes annuels signés et approuvés;
2° kopi ya raporo y'umugenzuzi kuri izo baruramari;	2° a copy of the auditor's report on those accounts;	2° une copie du rapport de l'auditeur sur ces comptes;
3° raporo z'abagize Inama y'Ubutegetsi yerekerenye n'igihe cy'ibaruramari gihuye n'izo baruramari z'umwaka.	3° the reports of directors relating to the same accounting period as those annual accounts.	3° rapports des administrateurs relatifs au même exercice comptable que ces comptes annuels.
Ingingo ya 143: Inyandiko ngarukamwaka	**Article 143: Annual return**	**Article 143: Déclaration annuelle**

Abagize Inama y'Ubutegetsi bagenzura ko isosiyete ishyikiriza Umwanditsi Mukuru, buri mwaka, mu kwezi yahawe mu kubahiriza iyi ngingo, mu nyandiko yabugenewe yashyizweho umukono n'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete babiri(2), cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi umwe(1) gusa mu gihe ari we uhari, inyandiko ngarukamwaka yemeza:	Directors ensure that the company delivers to the Registrar General each year, during the month allocated to the company for the purposes of this Article, an annual return in the prescribed form signed by two(2) directors of the company, or if there is only one (1) member, by that member and confirming:	Les administrateurs d'une société veillent à ce que la société remette au Registraire général chaque année, au cours du mois qui lui est accordé pour l'application du présent article, une déclaration annuelle en la forme prescrite signée par deux administrateurs de la société ou, s'il n'y a qu'un (1) administrateur, par ce membre lui-même et confirmant:
1° ko amakuru akubiye mu gitabo ari ahuye n'ay'itariki y'ifoto y'umutungo ku birebana na:	1° that the information that is on the register is correct as at the date of the return in relation to:	1° que les informations inscrites au registre sont exactes à la date de la déclaration en ce qui concerne:
a) izina ry'isosiyete;	a) the company's name;	a) le nom de la société;
b) icyicaro cy'isosiyete n'aderesi yayo;	b) the registered office and registered address of the company;	b) le siège social et l'adresse de la société;
c) aho igitabo cy'imigabane na nimero ziranga abanyamigabane bihereye;	c) the location of the share register and index of shareholders;	c) la localisation du registre des actions et de l'indice des actionnaires;
d) aderesi y'igikorwa cy'isosiyete;	d) the address for service of the company;	d) l'adresse du service de la société;
e) aho inyandiko z'isosiyete zitabitswe ku cyicaro cyayo zihereye;	e) the location of any records that are not kept at the company's registered office;	e) l'emplacement des actes d'une société qui ne sont pas conservés au siège de la société;
f) imigabane yasaranganyijwe n'agaciro ka buri mugabane watanzwe, umubare wose w'imigabane yatanzwe,	f) shares allotted and the value of consideration of each share allotted, the total number of shares allotted,	f) les actions attribuées et la valeur de chaque action attribuée, le nombre total d'actions attribuées, remboursées

yagombowe, n'iyanyazwe n'isosiyete;	redeemed and forfeited by the company;	et confisquées par la société;
g) amazina yose n'aderesi zuzuye by'abagize Inama y'Ubutegetsi;	g) the full names and addresses of the directors;	g) les noms et adresses complets des administrateurs;
h) amazina yose na aderesi zuzuye bya buri munyamabanga;	h) the full names and address of any secretary;	h) les noms et adresses complets de tout secrétaire;
i) amazina yose n'aderesi zuzuye by'abanyamigabane bose n'umubare w'imigabane ya buri wese;	i) the full names and addresses of all the shareholders and the number of shares held by each;	i) les noms et adresses complets de tous les actionnaires et le nombre d'actions détenues par chacun d'eux;
j) amazina yose n'aderesi zuzuye by'abatakiri abanyamigabane guhera ku ifoto y'umutungo iheruka cyangwa guhera igihe isosiyete yashingiwe;	j) the full names and addresses of those who have ceased to be shareholders since the last return or incorporation of the company;	j) les noms et adresses complets de ceux qui ont cessé d'être actionnaires depuis la dernière déclaration ou la constitution de la société;
k) ibisobanuro kuri buri saranganya ry'umugabane;	k) details on any transfer of shares;	k) les précisions sur toute cession d'actions;
l) amakuru ku isosiyete ibumbye izindi, mu gihe isosiyete ari iyabyawe n'indi;	l) where the company is a subsidiary, information on the holding company;	l) lorsque la société est une filiale, des informations sur la société holding;
m) itariki fatizo y'ibaruramari ry'isosiyete;	m) the company's accounting reference date;	m) la date de référence comptable de la société;
n) ikindi cyose kibujijwe ku bushobozi n'ububasha bw'isosiyete.	n) any other restriction on the company's capacity and powers;	n) toute autre restriction à la capacité et aux pouvoirs de la société;
2° ko ibaruramari ry'umwaka ryashyikirijwe Umwanditsi Mukuru hakurikijwe iri	2° that annual accounts have been delivered to the Registrar General in	2° que les comptes annuels ont été remis au Registraire général conformément à

tegeko.	accordance with this Law.	la présente loi.
Ifoto y'umutungo ngarukamwaka ishyirwaho itariki y'ukwezi ifoto y'umutungo igomba gushyikirizwamo Umwanditsi Mukuru.	The annual return is dated as at a day within the month during which the return is required to be delivered to the Registrar General.	Une déclaration annuelle de revenus est datée du jour du mois au cours duquel la déclaration doit être remise au Registraire général.
Mu gihe cy'ishingwa ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru, akoresheje inyandiko agenera isosiyete, ukwezi kugira ngo yubahirize ibiteganywa n'iyi ngingo.	During incorporation of a Company, the Registrar General by written notice to the company, allocates a month to the company to comply with provisions for the purposes of this Article.	Lors de la constitution de la société, le Registraire général, par avis écrit à la société, accorde un mois à la société aux fins de la conformité aux dispositions du présent article.
Umwanditsi Mukuru ashobora, akoresheje indi nyandiko, guhindura ukwezi yatanze akurikije igika cya 3 cy'iyi ngingo.	The Registrar General may by subsequent written notice, alter the month allocated pursuant to Paragraph 3 of this Article.	Le Registraire général peut, par avis écrit ultérieur, modifier le mois accordé en vertu de l'alinéa 3 du présent article.
Hatitawe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo:	Notwithstanding Paragraph One of this Article:	Nonobstant l'alinéa premier du présent article:
1° isosiyete ntikenera gukora ifoto y'umutungo ngarukamwaka mu mwaka yashinzwemo;	1° a company to make an annual return in the calendar year of its incorporation;	1° une société n'a pas besoin de faire une déclaration annuelle de revenus dans l'année civile de sa constitution;
2° byemejwe n'Umwanditsi Mukuru akoresheje inyandiko, isosiyete yabyawe n'indi ikorera isosiyete ibumbye izindi ifoto y'umutungo ngarukamwaka mu kwezi kwahawe isosiyete ibumbye izindi hakurikijwe iyi ngingo, aho kuyikora mu kwezi iyo sosiyete yahawe.	2° upon a written approval of the Registrar General, a subsidiary company makes an annual return during the month allocated to its holding company for the purposes of this article, rather than during the month allocated to it.	2° sur approbation écrite du Registraire général, une filiale fait une déclaration annuelle de revenus au cours du mois consacré à la société holding aux fins du présent article, plutôt que pendant le mois qui lui est consacré.

Icyiciro cya 9: Abagize Inama y'Ubutegetsi n'abanyamabanga	**Section 9: Directors and secretaries**	**Section 9: Administrateurs et secrétaires**
Akiciro ka mbere: Ububasha bw'abagize Inama y'Ubutegetsi	**Subsection One: Powers of members of the Board of Directors**	**Sous-section première: Pouvoirs des administrateurs**
Ingingo ya 144: Ubuyobozi bw'isosiyete	**Article 144: Management of a company**	**Article 144: Direction d'une société**
Imirimo n'ibikorwa by'isosiyete biyoborwa cyangwa bikarebererwa n'Inama y'Ubutegetsi yayo ifite ububasha bwose bukenewe muri ubwo buyobozi, keretse mu gihe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa iri tegeko biha ubwo bubasha abanyamigabane cyangwa undi muntu.	The business and affairs of a company are managed by or under the direction of the Board of Directors of the company which has all powers necessary for the management except where the company's incorporation documents or this Law expressly reserve those powers to the shareholders or any other person.	Les activités et les affaires d'une société sont placées sous la direction ou supervision du Conseil d'administration de la société qui dispose de tous les pouvoirs nécessaires de la direction sauf si les documents constitutifs de la société ou la présente loi réservent expressément ces pouvoirs aux actionnaires ou à une autre personne.
Iyo isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite ugize Inama y'Ubutegetsi umwe, uwo ugize Inama y'Ubutegetsi ni we ufite ububasha n'inshingano z'Inama y'Ubutegetsi ziteganywa n'iri tegeko.	Where a private company has one Director, he or she exercises the powers and carries out the duties of a Board of Directors provided for in this Law.	Si une société privée a un seul administrateur, celui-ci exerce les pouvoirs et remplit les responsabilités du Conseil d'administration prévues par la présente loi.
Ingingo ya 145: Imigendekere y'inama y'Inama y'Ubutegetsi	**Article 145: Proceedings of meeting of the Board of Directors**	**Article 145: Procédure de tenue de réunion du Conseil d'administration**
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru agenga imigendekere y'inama z'Inama y'Ubutegetsi.	Subject to a company's incorporation documents, the Registrar General's instructions govern proceedings of the Board of Directors' meetings.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, les instructions du Registraire général régissent la procédure de tenue des réunions du Conseil d'administration.

Ingingo ya 146: Itangwa ry'ububasha	**Article 146: Delegation of powers**	**Article 146: Délégation de pouvoirs**
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, Inama y'Ubutegetsi ishobora guha bumwe mu bubasha bwayo:	Subject to the provisions of the incorporation documents of a company, the Board of Directors may delegate any of its powers:	Sous réserve des stipulations des documents constitutifs de la société, le Conseil d'administration peut déléguer certains de ses pouvoirs:
1° komite zigizwe n'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi iyo babikwiye;	1° to committees consisting of such a director or directors if deemed appropriate;	1° aux comités constitués d'un administrateur ou des administrateurs s'il le juge approprié;
2° umuyobozi mukuru cyangwa umuyobozi nshingwabikorwa umwe cyangwa benshi bashyirwaho na bo.	2° to one or more Managing or Executive Directors appointed by them.	2° à un ou plusieurs directeurs généraux ou exécutifs qu'ils nomment.
Icyakora, abagize Inama y'Ubutegetsi ntibashobora gutanga ububasha bwabo bwerekeranye n'inshingano zishingiye ku cyizere bagiriwe.	However, the members of Board of Directors cannot delegate any of their fiduciary duties.	Toutefois, les administrateurs ne peuvent déléguer aucune de leurs obligations fiduciaires.
Iyo Inama y'Ubutegetsi igize ububasha itanga hashingiwe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, icyo gihe buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi, yaba cyangwa ntabe mu batanze ububasha, aba afite inshingano z'uburyo uwahawe ububasha abukoresha nk'aho ubwo bubasha burimo gukoreshwa na buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa buri wese cyangwa bamwe muri bo, keretse:	If the Board of Directors have delegated any power under Paragraph One then every director whether a party to the decision to delegate or not, is responsible for every exercise of the power by the delegate as if the power was exercised by the director or any one or more of them, unless he or she:	Si le Conseil d'administration a délégué un pouvoir en vertu de l'alinéa premier, tout administrateur, qu'il soit partie à la décision de délégation ou non, est responsable de tout exercice du pouvoir par le délégué comme si le pouvoir était exercé par les administrateurs ou un ou plusieurs d'entre eux, à moins:
1° yemera ashingiye ku mpamvu zumvikana	1° believes on reasonable grounds at all	1° qu'il croit raisonnablement en tout

ko buri gihe uwahawe ububasha azabukoresha yubahiriza inshingano abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete bahabwa n'iri tegeko n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	times before the exercise of the power that the delegate will exercise the power in conformity with the duties imposed on directors of the company by this Law and the company's incorporation documents;	temps avant l'exercice du pouvoir que le délégué exercera le pouvoir en conformité avec les devoirs imposés aux administrateurs de la société par la présente loi et les documents constitutifs de la société;
2° yaragenzuye, ikoresheje uburyo busobanutse kandi yabukoresheje neza, uko uwahawe ububasha abukoresha.	2° has monitored, by means of reasonable methods properly used, the exercise of the power by the delegate.	2° a contrôlé, par des méthodes raisonnables et correctement utilisées, l'exercice du pouvoir par le délégué.
<u>Akiciro ka 2</u>: Inshingano z'abagize Inama y'Ubutegetsi	**<u>Subsection 2:</u> Responsibilities of directors**	**<u>Sous-section 2:</u> Attributions des administrateurs**
<u>Ingingo ya 147</u>: Inshingano z'ingenzi z'ugize Inama y'Ubutegetsi	**<u>Article 147:</u> Fundamental duty of a director**	**<u>Article 147:</u> Devoir fondamental d'un administrateur**
Inshingano z'ingenzi z'ugize Inama y'Ubutegetsi mu gihe akoresha ububasha bwe cyangwa yuzuza inshingano ze nk'ugize Inama y'Ubutegetsi, ni ugukora nta buriganya ku buryo yemera ashingiye ku mpamvu zumvikana ko ibyo akora bigamije inyungu z'isosiyete, kandi agakoresha ubushishozi bugaragara mu kurangiza inshingano ze mu byo akora.	The fundamental duty of a director, when exercising powers or performing duties as a director, is to act in good faith in a manner that he or she believes on reasonable grounds is in the best interests of the company, and use reasonable diligence in the discharge of the duties of his or her office.	Le devoir fondamental d'un administrateur, dans l'exercice de ses pouvoirs ou l'accomplissement de ses fonctions en tant qu'administrateur consiste à agir de bonne foi d'une manière qu'il croit raisonnablement être dans l'intérêt de la société et à faire preuve de diligence raisonnable dans l'exercice de ses fonctions.
Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana, uwa sosiyete yabyaye indi, ashobora, iyo akoresha ububasha cyangwa atunganya imirimo ye nk'ugize Inama y'Ubutegetsi, iyo abyemererwa mu	A director of a company that is a wholly owned subsidiary may, when exercising powers or performing duties as a director, if expressly permitted to do so by the incorporation documents of the company, act	Un administrateur d'une société, qui est une filiale en propriété exclusive, peut, lorsqu'il exerce des pouvoirs ou exerce des fonctions d'administrateur, si expressément autorisé à le faire par les documents constitutifs de la

buryo busobanutse neza n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete, gukora mu buryo we abona ko buri mu nyungu z'iyo sosiyete ibumbye indi sosiyete cyangwa isosiyete n'ubwo byaba bitari mu nyungu za sosiyete.	in a manner which he or she believes is in the best interests of that company's holding company even though it may not be in the best interests of the company.	société, agir d'une manière qui, selon lui, est dans l'intérêt supérieur de la société holding de ladite société, même si cela peut aller à l'encontre de l'intérêt supérieur de la société.
Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yabyawe n'indi itari ifitwe n'indi ijana ku ijana ashobora, iyo akoresha ububasha nk'ugize Inama y'Ubutegetsi, iyo abyemererwa mu buryo bugaragara n'inyandiko z'ishingwa rya sosiyete kandi bibanje kwemerwa n'abanyamigabane batari aba sosiyete ibumbye indi gukora mu buryo we yemera ko buri mu nyungu za sosiyete ibumbye indi n'ubwo byaba bitari mu nyungu za sosiyete yabyawe n'indi.	A director of a company that is a subsidiary, but not a wholly owned subsidiary may, when exercising powers or performing duties as a director, if expressly permitted to do so by the incorporation documents of the company and with the prior agreement of the shareholders other than its holding company, act in a manner which he or she believes is in the best interests of that company's holding company even though it may not be in the best interests of the subsidiary.	Un administrateur d'une société, qui n'est pas une filiale en propriété exclusive, peut, lorsqu'il exerce des pouvoirs ou exerce des fonctions d'administrateur, si cela est expressément autorisé par les documents constitutifs de la société et avec l'accord préalable de l'actionnaire autre que sa société holding, agir d'une manière qui, selon lui, est dans le meilleur intérêt de la société holding de cette société, même si cela peut ne être dans l'intérêt supérieur de la filiale.
Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ikora igikorwa cyo guhuza amasosiyete ngo akorere hamwe igikorwa cy'ubucuruzi hagati y'abanyamigabane, ashobora, iyo akoresha ububasha bwerekeranye no guhuza ubucuruzi nk'ugize Inama y'Ubutegetsi, iyo abyemererwa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, gukora mu buryo yemera ko buri mu nyungu z'umunyamigabane cyangwa abanyamigabane n'ubwo byaba bitari mu nyungu za sosiyete.	A director of a company that is carrying out a joint venture between the shareholders may, when exercising powers or performing duties as a director in connection with the carrying out of the joint venture, if expressly permitted to do so by the incorporation documents of the company, act in a manner which he or she believes is in the best interests of a shareholder or shareholders, even though it may not be in the best interests of the company.	L'administrateur d'une société qui réalise une coentreprise entre les actionnaires peut, lorsqu'il exerce des pouvoirs ou exerce des fonctions d'administrateur dans le cadre de la réalisation de la coentreprise, si cela est expressément autorisé par les documents constitutifs de la société, agir de la manière qu'il croit être dans l'intérêt supérieur d'un ou de plusieurs actionnaires, même si cela peut ne pas être dans le meilleur intérêt de la société.
Ingingo ya 148: Inshingano y'ugize inama	**Article 148: Director's duty towards**	**Article 148 : Devoir d'un administrateur**

y'ubutegetsi ku banyamigabane basanzwe	**existing shareholders**	**envers actionnaires existants**
Mu gihe akoresha ububasha bwe, ugize Inama y'Ubutegetsi, yuzuza inshingano ze nk'ugize Inama y'Ubutegetsi.	When exercising his or her powers, a director of a company performs his or her duties as a director.	Lorsqu'il exerce ses pouvoirs, un administrateur remplit ses fonctions à titre d'administrateur.
Ugize inama y'ubutegetsi ntiyemerewe gukora cyangwa ngo yemere ko isosiyete ikora mu buryo bw'uburiganya bwabangamira cyangwa bukavangura umunyamigabane usanzwe w'isosiyete.	A director is not allowed to act or agree to the company to act in a manner that unfairly prejudices or unfairly discriminates against any existing shareholder of the company.	Il est interdit à un administrateur d'agir ou accepter que la société agisse de manière à porter préjudice injustement ou à exercer une discrimination injuste à l'égard d'un actionnaire existant de la société.
Ingingo ya 149: Inshingano y'ugize inama y'ubutegetsi yo kubahiriza ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko	**Article 149: Director's duty to comply with incorporation documents and this Law**	**Article 149: Devoir d'un administrateur de de se conformer aux documents constitutifs de la société et à la présente loi**
Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ntiyemerewe gukora cyangwa ngo yemere ko isosiyete ikora mu buryo bubangamira inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa iri tegeko.	A director of a company shall not act or agree to the company acting in a manner that contravenes its incorporation documents or this Law.	Un administrateur d'une société ne doit pas agir ou accepter que la société agisse d'une manière qui contrevient aux documents constitutifs de la société ou à la présente loi.
Ingingo ya 150: Inshingano y'ugize inama y'ubutegetsi mu kubahiriza ubushobozi bwo kwishyura imyenda	**Article 150: Duty of a director to comply with solvency requirement**	**Article 150 : Devoir d'un administrateur de se conformer à l'exigence de solvabilité**
Ugize Inama y'Ubutegetsi ntiyemera ko isosiyete ikora amasezerano cyangwa ubwumvikane cyangwa ikora mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, keretse ashingiye ku mpamvu zumvikana ko igikorwa bireba	A director of a company does not agree to the company entering into a contract or arrangement or acting in any other manner unless he or she believes at that time on reasonable grounds that the act concerned does	Un administrateur n'accepte pas que la société conclut un contrat ou un arrangement ou agisse d'une autre manière, à moins qu'il ne croie à ce moment-là, pour des motifs raisonnables, que l'acte en cause n'entraîne pas un risque

kidashora isosiyete mu ngorane zidafite ishingiro zatuma isosiyete itakaza ubushobozi bwo kwishyura imyenda.	not involve an unreasonable risk of causing the company to fail the solvency test.	déraisonnable de la part de la société à échouer au test de solvabilité.
Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ntiyemera ko isosiyete ifata inshingano, keretse muri icyo gihe yemera ashingiye ku mpamvu zumvikana ko isosiyete izashobora kuzuza iyo nshingano igihe bizaba ngombwa.	A director of a company does not agree to the company incurring an obligation unless he or she believes at that time on reasonable grounds that the company will be able to perform the obligation when required to do so.	Un administrateur n'accepte pas que la société contracte une obligation à moins qu'il ait, à cet égard, des motifs de croire que la société sera en mesure d'exécuter l'obligation lorsque cela est nécessaire.
Ingingo ya 151: Gukorana ubwitonzi no gukoresha ububasha kubera igikorwa kigamijwe	**Article 151: Standard of care and exercise of power for a proper purpose**	**Article 151: Degré de soin requis et exercice du pouvoir à des fins justifiées**
Ugize Inama y'Ubutegetsi, mu gihe akoresha ububasha bwe nk'ugize Inama y'Ubutegetsi, akorana ubwitonzi, ubushishozi n'ubumenyi bushobora gukoreshwa n'undi ugize Inama y'Ubutegetsi wakora mu bihe nk'ibyo.	A director of a company, when exercising powers or performing duties as a director, exercises the care, diligence and skills reasonably to be expected of a director acting in like circumstances.	Dans l'exercice de ses pouvoirs ou de ses fonctions, un administrateur fait preuve de tout le soin, de toute l'assiduité te de toute l'habileté que l'on peut raisonnablement attendre d'un administrateur agissant dans des circonstances semblables.
Ugize Inama y'Ubutegetsi kandi akoresha ububasha bwe hari ikigamijwe kigaragara.	A director also exercises the power for a proper purpose.	Un administrateur exerce également son pouvoir à des fins appropriées.
Ingingo ya 152: Gukoresha amakuru n'inama	**Article 152: Use of information and advice**	**Article 152: Utilisation des informations et conseils**
Ugize Inama y'Ubutegetsi, mu gihe akoresha ububasha bwe nk'ugize Inama y'Ubutegetsi, ashobora kwemera nk'aho ari ukuri, za raporo, inyandiko, ibyerekeranye n'umutungo n'andi makuru yateguwe n'inama z'abanyamwuga	A director of a company, when exercising his or her powers or performing duties as a director, may accept as correct, reports, statements, financial data and other information prepared, and professional or	Un administrateur peut, dans l'exercice de ses pouvoirs ou de ses fonctions d'administrateur accepter comme corrects, les rapports, les déclarations, les données financières et autres informations préparées et avis professionnels

cyangwa iz'impuguke zatanzwe n'umwe mu bantu bakurikira: 1° umukozi w'isosiyete, ugize Inama y'Ubutegetsi yemera ashingiye ku mpamvu zumvikana ko yizewe kandi afite ubushobozi kuri icyo kibazo bireba; 2° umunyamwuga uwo ari we wese cyangwa impuguke iyo ari yo yose hagendewe ku bibazo ugize Inama y'Ubutegetsi yemera ko ashingiye ku mpamvu zumvikana biri mu bushobozi bw'uwo munyamwuga cyangwa iyo mpuguke; 3° undi wese ugize Inama y'Ubutegetsi, cyangwa komite y'abagize Inama y'Ubutegetsi, atigeze akoraho na bo imirimo yerekeranye n'ibyo bashinzwe. Ukwemera k'ugize Inama y'Ubutegetsi kwemerwa gusa mu gihe akora nta buriganya, nyuma y'ipereereza ryumvikana, iyo iryo perereza ari ngombwa bitewe n'ibyo bihe, kandi atazi ko ibyo byazagaragara nk'ibidafite ishingiro. **<u>Akiciro ka 3</u>: Gushyiraho no gukuraho**	expert advice given, by any of the following persons: 1° an employee of the company whom a director believes on reasonable grounds to be reliable and competent in relation to the matters concerned; 2° any professional or expert person in relation to matters which a director believes on reasonable grounds to be within the person's professional or expert competence; 3° any other director, or a committee of directors upon which he or she did not serve, in relation to matters within his or her or committee's designated authority. The acceptance of a director is to the extent only that the member acts in good faith, after reasonable inquiry when the need for inquiry is indicated by the circumstances and without knowledge that would cause such acceptance to be unwarranted. **<u>Subsection 3:</u> Appointment and removal of**	ou d'expert donnés par l'une des personnes suivantes : 1° un employé de la société que l'administrateur croit, sur des motifs raisonnables, être fiable et compétent en ce qui concerne les questions en cause; 2° toute autre personne professionnelle ou expert en ce qui concerne des questions qu'un administrateur estime, sur base des motifs raisonnables, relever de la compétence professionnelle ou de l'expertise de ladite personne; 3° tout autre administrateur ou le comité des administrateurs dans lequel il n'a pas exercé les fonctions relatives à des questions relevant de l'autorité lui conférée ou conférée à ce ou à ce comité. L'acceptation d'un administrateur est, dans la mesure où ce dernier agit de bonne foi, après enquête raisonnable, lorsque la nécessité d'une enquête est indiquée par les circonstances et sans connaissance qui ferait en sorte que cette acceptation soit injustifiée. **<u>Sous-section 3</u>: Nomination et révocation**

abagize Inama y'Ubutegetsi	**directors**	**des administrateurs**
<u>Ingingo ya 153</u>: Umubare w'abagize Inama y'Ubutegetsi	**<u>Article 153:</u> Number of directors**	**<u>Article 153:</u> Nombre d'administrateurs**
Hatitawe ku nyandiko z'ishingwa ryayo, isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igira ugize Inama y'Ubutegetsi nibura umwe, naho isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane igira nibura abagize Inama y'Ubutegetsi babiri (2).	Notwithstanding anything in its incorporation documents, a private company must have at least one director and a public company shall have at least two (2) directors.	Nonobstant ses documents constitutifs, une société privée doit avoir au moins un administrateur et une société publique doit en avoir au moins deux (2) administrateurs.
Abagize Inama y'Ubutegetsi bakorera hamwe bafatanyije mu buyobozi kandi bagomba kuba bangana n'umubare uteganyijwe mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kugira ngo inama iterane.	Directors must act in a collegial administration and must be of a sufficient number provided for in incorporation documents of the company for a meeting to be attained.	Les administrateurs doivent agir dans une administration collégiale et doivent être d'un nombre suffisant prévu dans les documents constitutifs de la société pour réunir le quorum de l'assemblée des administrateurs.
<u>Ingingo ya 154</u>: Gushyiraho abagize Inama y'Ubutegetsi batangirana n'isosiyete n'abashyirwaho nyuma	**<u>Article 154:</u> Appointment of first and subsequent directors**	**<u>Article 154 :</u> Nomination des premiers et subséquents administrateurs**
Umuntu bitabujijwe ko agirwa ugize Inama y'Ubutegetsi kandi wabyiyemereye mu nyandiko ashobora kugirwa ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete. Umuntu wiswe ugize Inama y'Ubutegetsi mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete aba ugize Inama y'Ubutegetsi kugeza igihe aviriye muri uwo mwanya mu buryo buteganywa n'iri tegeko.	A person who is not disqualified from appointment as a director and who has indicated his or her consent in writing may be appointed as a director of a company. A person named as a director in the company's incorporation documents is a director until that person ceases to hold office as such in accordance with this Law.	Une personne qui n'est pas frappée d'une interdiction d'être nommée administrateur et qui a indiqué son consentement par écrit, peut être nommé administrateur d'une société. Une personne nommée administrateur dans les documents constitutifs devient administrateur jusqu'à ce que cette personne cesse d'exercer ses fonctions, conformément à la présente loi.

Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, ishyirwaho ry' ugize Inama y'Ubutegetsi utangiranye n'isosiyete n'abashyirwaho nyuma bigomba kwemezwa n'umwanzuro usanzwe w'abanyamigabane.	Subject to the company's incorporation documents, the appointment of the first and subsequent director of the company is authorised by a shareholders' ordinary resolution.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, la nomination du premier et subséquent administrateur de la société est autorisée par résolution ordinaire des actionnaires.
<u>Ingingo ya 155</u>: Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Ubutegetsi batorwa buri wese ku giti cye	**<u>Article 155</u>: Appointment of directors to be voted on individually**	**<u>Article 155:</u> Nomination des administrateurs devant être élus individuellement**
Haseguriwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, abanyamigabane cyangwa abanyamuryango b'isosiyete bashobora gusa, mu cyemezo gitorewe, gushyiraho ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete, iyo: 1° icyemezo kigamije gushyiraho ugize Inama y'Ubutegetsi umwe (1) w'isosiyete; 2° icyemezo kimwe (1) rukumbi kigamije gushyiraho abantu babiri (2) cyangwa barenga nk'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete kigomba gutorerwa nyuma y'uko cyemejwe nta tora ryacyanze.	Subject to the incorporation documents of the company, the shareholders or members of a company may vote on a resolution to appoint a director of the company only if: 1° the resolution is for the appointment of one (1) Director; 2° single resolution for the appointment of two (2) or more persons as directors of the company be so voted after it on has first been passed without a vote being cast against it.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, les actionnaires ou membres d'une société ne peuvent voter sur une résolution de nomination d'un administrateur de la société que si: 1° la résolution est pour la nomination d'un(1) seul administrateur; 2° une résolution unique pour la nomination de deux (2) ou plusieurs administrateurs de la société doit être adoptée après qu'une telle résolution ait été adoptée sans aucun vote contre elle.
Ku byerekekeye isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, icyifuzo cyo gushyiraho ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete umwe(1) cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi benshi binyuze mu cyemezo	In relation to a public company, a motion for the appointment of one (1) director or more persons as directors of the company by a single resolution may not be made at a shareholders' meeting, unless a resolution that it shall be	En ce qui concerne une société publique, une motion pour la nomination d'un administrateur ou de plusieurs administrateurs de la société par une seule résolution ne peut être faite lors de la réunion des actionnaires, à

kimwe rukumbi gishobora kudafatirwa mu nama y'abanyamigabane, keretse iyo icyemezo cyo kubigenza gutyo cyabanje kwemezwa n'inama nta tora ryacyanze.	made has first been agreed to by the meeting without any vote being given against it.	moins qu'une telle résolution ait été adoptée par la réunion sans aucun vote contre elle.
Icyemezo gifashwe mu buryo bunyuranyije n'iyi ngingo nta gaciro kigira, cyaba cyashyigikiwe cyangwa kitashyigikiwe mu gihe cy'ifatwa ryacyo, ariko:	A resolution moved in contravention of this Article is void, whether or not it's being moved was objected to at the time of decision making, but:	Une résolution proposée en violation du présent article est nulle, même si elle avait été ou non contestée lors de la prise de la décision, mais :
1° iki gika ntigikuraho ibiteganywa n'ingingo ya 159 y'iri tegeko;	1° this Paragraph is not taken as excluding the operation of Article 159 of this Law;	1° le présent alinéa n'exclut pas les dispositions de l'article 159 de la présente loi;
2° iyo icyemezo gifashwe mu buryo buvuzwe, ntagiteganyijwe ku ikomeza ry'imirimo y'Abagize Inama y'Ubutegetsi bari barangije imirimo mu gihe nta rindi rishyirwaho rishya ribayeho.	2° where a resolution so moved is passed, no provision for the automatic reappointment of retiring directors has been provided in default of new appointment has been provided.	2° lorsqu'une résolution ainsi proposée est adoptée, aucune disposition pour la reconduction automatique des administrateurs sortants n'a été prévue à défaut d'une nouvelle nomination;
Muri iyi ngingo, gusaba kwemeza ishyirwa mu mwanya ry'umuntu cyangwa guteganya umuntu ngo azashyirwe mu mwanya bigomba gufatwa nk'isaba ryo gushyirwaho.	For the purposes of this Article, a motion for approving a person's appointment, or for nominating a person for appointment is to be treated as a motion for his or her appointment.	Aux fins du présent article, une motion approuvant la nomination d'une personne, ou pour la désignation d'une personne pour nomination doit être traitée comme une motion pour sa nomination.
Nta giteganywa n'iyi ngingo kibuza ko habaho guhitamo ugize Inama y'Ubutegetsi umwe (1) cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi barenga umwe hakoreshejwe amatora.	Nothing in this Article is taken as preventing the election of one (1) or more directors by poll.	Rien dans le présent article ne peut être considérée comme empêchant l'élection de d'un (1) ou plusieurs administrateur au scrutin.

<u>Ingingo ya 156</u>: Ibisabwa mu ishyirwaho ry' ugize inama y'ubutegetsi	**<u>Article 156:</u> Requirements for the appointment of a director**	**<u>Article 156 :</u> Conditions de nomination d'un administrateur**
Isosiyete ishyiraho umuntu ku giti cye nk'ugize Inama y'Ubutegetsi iyo yujuje ibi bikurikira:	A company appoints a natural person as a director when the person meets the following requirements:	Une société nomme une personne physique en qualité d'administrateur lorsque cette personne remplit les conditions suivantes :
1° afite nibura imyaka cumi n'itandatu (16);	1° being at least sixteen (16) years of age;	1° être âgé d'au moins seize (16) ans;
2° yarahanaguweho igihombo;	2° being a discharged bankrupt, if applicable;	2° être un failli libéré, le cas échéant;
3° atarakumiriwe n'icyemezo cy'urukiko;	3° not being subject to a disqualification by a court's order;	3° ne pas avoir été soumis à la disqualification par une ordonnance judiciaire;
4° atarakatiwe n'inkiko mu myaka itanu (5) ibanza igihano giteganywa n'iri tegeko cyangwa n'itegeko rigenga isoko ry'imigabane cyangwa ku byaha bimunga ubukungu;	4° not having been sentenced in the immediately preceding five (5) years to a penalty under this Law or the Law regulating Capital Market or for economic crimes;	4° ne pas avoir été condamné, dans les cinq (5) ans précédents, à une peine prévue par la présente loi ou par la loi portant régulation du marché des capitaux ou pour crimes économiques;
5° 5° yujuje ibisabwa kugira ngo abe mu bagize Inama y'Ubutegetsi biteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	5° complying with any qualification for directors contained in the company's incorporation documents;	5° remplir les conditions exigées pour être nommé administrateur telles que contenues dans les documents constitutifs de la société;
6° adafite ubumuga bwo mu mutwe bwemejwe n'umuganga wemewe na Leta.	6° not having a mental disability as certified by a recognised medical doctor.	6° ne pas souffrir d'une incapacité mentale attestée par un médecin agréé.

Umuntu ufite imiziro imubuza kuba ugize Inama y'Ubutegetsi nyamara agakora nk' ugize Inama y'Ubutegetsi afatwa nk'ugize Inama y'Ubutegetsi ku bijyanye n'inshingano z'ugize Inama y'Ubutegetsi w'isosiyete nk'uko biteganywa muri iri tegeko. Mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi n'umuyobozi nshingwabikorwa ntibagomba kuba umuntu umwe. Mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, Inama y'Ubutegetsi ishyiraho komite y'ubugenzuzi bw'imari igizwe nibura n'abayobozi batatu (3) bigenga batari nshingwabikorwa. Mu nshingano z'akanama k'ubugenzuzi bw'imari harimo gusuzuma amahame y'ibaruramari y'isosiyete, konti n'ibikorwa by'imari by'isosiyete, kureba ko ubugenzuzi bw'imari n'ifoto y'umutungo ngarukamwaka byifashe neza no kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko. Muri iyo mirimo harimo kandi gutanga umurongo mu ishyirwaho n'iyishyurwa ry'umugenzuzi wigenga w'isosiyete no kugenzura imikorere ye.	A person who is disqualified from being appointed as a director but who acts as a director is deemed to be a director for the purposes of provisions of this Law that imposes duties and obligations on a director of a company. In a public company, the functions of the chairperson of the Board of Directors and the Chief Executive Officer shall not be exercised by the same individual. In a public company, the Board of Directors establishes an audit committee consisting of at least three (3) independent non-executive directors. The audit committee's functions include review of the company's accounting and financial practices, the integrity of its financial controls and financial statements, and its compliance with legal requirements. Those functions also include recommending the appointment and compensation of the company's independent auditor, and monitoring and oversight of that auditor.	Une personne qui est disqualifiée à être nommée administrateur, mais qui agit à titre d'administrateur est réputée être administrateur en ce qui concerne les devoirs et obligations d'un administrateur d'une société tels que prévus par la présente loi. Dans une société publique, les fonctions du président du Conseil d'administration et celles du directeur général ne peuvent pas être exercées par une même personne. Dans une société publique, un Conseil d'administration constitue un comité d'audit composé d'au moins trois (3) administrateurs non exécutifs indépendants. Les fonctions du comité d'audit comprennent l'examen des pratiques comptables et financières de la société, l'intégrité de ses contrôles financiers et des états financiers, et sa conformité avec les exigences légales. Ces fonctions comprennent également la recommandation à la nomination et la rémunération de l'auditeur indépendant de la société et le suivi de cet auditeur.
Ingingo ya 157: Gusaba isosiyete kugira	**Article 157: Requesting a company to have**	**Article 157 : Demander à une société**

ugize Inama y'Ubutegetsi uba mu Gihugu	**a director who resides in the country**	**d'avoir un administrateur qui réside dans le pays**
Isosiyete igomba kugira nibura ugize Inama y'Ubutegetsi umwe (1) utuye mu Rwanda.	A company must have at least one (1) director who resides in Rwanda.	Une société doit avoir au moins un (1) administrateur qui réside au Rwanda.
Ingingo ya 158: Abagize Inama y'Ubutegetsi bigenga cyangwa batari nshingwabikorwa mu isosiyete ihamagaririra rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 158: Independent or non-executive directors in a public company**	**Article 158 : Administrateurs indépendants ou non exécutifs dans une société publique**
Mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, umubare munini w'abagize Inama y'Ubutegetsi ugomba kuba ugizwe n'abayobozi batari nshingwabikorwa kandi nibura kimwe cya gatatu (1/3) cyabo kigomba kuba kigizwe n'abayobozi bigenga.	In a public company, a majority of directors must be non-executive directors and at least one-third (1/3) of the directors must be independent directors.	Dans une société publique, la majorité des administrateurs doivent être des administrateurs non exécutifs et au moins un tiers (1/3) des administrateurs doivent être des administrateurs indépendants.
Ugize Inama y'Ubutegetsi utari nshingwabikorwa agomba kuba umuntu utari mu rwego nshingwabikorwa rw'isosiyete kandi ntabe n'umukozi wayo cyangwa ngo abe afite aho ahuriye na yo, ariko ushobora kugira imigabane muri iyo sosiyete.	A non-executive director is a person who does not form part of the management team of the company and who is not an employee of the company or affiliated with it in any other way, but who can own shares in the company.	Un administrateur non exécutif est une personne qui ne fait pas partie de l'équipe de direction de la société et qui n'est pas un employé de la société ou affiliée dans une quelconque manière, mais qui peut détenir des actions dans la société.
ugize Inama y'Ubutegetsi wigenga agomba kuba ari umuntu utagira umutungo n'umwe ufite aho uhuriye n'isosiyete cyangwa abantu bafitanye isano na we, uhabwa gusa amafaranga y'insimburamubyizi kandi ntagire imigabane irenze ibiri iku ijana (2%)	An independent director is a person who does not have a material or pecuniary relationship with the company or related persons, is compensated through sitting fees or allowances, and does not own more than two per cent (2%) of shares in the company.	Un administrateur indépendant est une personne qui n'a pas une relation matérielle ou pécuniaire avec la société ou personnes en relation avec la société, qui est compensée par des jetons de présence et qui ne possède pas plus de deux pour cent (2%) d'actions dans la

by'imigabane mu isosiyete.		société.
<u>Ingingo ya 159</u>: Agaciro k'ibikorwa by'abagize Inama y'Ubutegetsi n'uburyozwe bwabo	**<u>Article 159:</u> Validity of acts and liability of directors**	**<u>Article 159 :</u> Validité des actes et responsabilité des administrateurs**
Ibikorwa by'ugize Inama y'Ubutegetsi bigira agaciro n'ubwo nyuma yo gushyirwaho byagaragara ko hari ibyo atujuje.	The acts of a director are valid notwithstanding any defect that may afterwards be discovered in his or her appointment or qualification.	Les actes d'un administrateur sont valables malgré tout défaut qui pourrait par la suite être découvert relativement à sa nomination ou sa qualification.
Umuntu utemerewe kuba ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ishyirwaho rye rikaba rifite inenge ariko nyamara akagira ibyo akora nk'aho ari ugize Inama y'Ubutegetsi afatwa nk'ugize Inama y'Ubutegetsi ku birebana n'ingingo z'iri tegeko zitanga uburyozwe ku bagize Inama y'Ubutegetsi ku bikorwa yakoze akiri mu buyobozi.	A person who is disqualified from being a director, or whose appointment is defective, but nevertheless acts as a director, is a director for the purposes of any provision of this Law imposing liability on directors for the acts he or she performed in that capacity.	Une personne qui est interdite d'être administrateur ou dont la nomination est entachée d'irrégularité, mais qui, néanmoins, fait office d'administrateur, est administrateur aux fins des dispositions de la présente loi imposant la responsabilité aux administrateurs pour les actes qu'il a accomplis en cette qualité.
<u>Ingingo ya 160</u>: Gukuraho umwe cyangwa benshi mu bagize Inama y'Ubutegetsi	**<u>Article 160:</u> Removal of one or more directors**	**<u>Article 160:</u> Révocation d'un ou de plusieurs administrateurs**
Inteko rusange y'isosiyete ishobora mu mwanzuro usanzwe ufashwe n'abanyamigabane, gukuraho ugize inama y'ubutegetsi umwe cyangwa bose mbere y'uko manda ye irangira itagombye kubitangira igisobonuro cyangwa impamvu hatitawe ku biteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'sosiyete cyangwa hagati y'isosiyete n'uwo muyobozi.	A company may, by an ordinary resolution passed at a shareholders' general meeting remove one or all of the directors before the expiration of their term of office, with or without a stated reason or cause notwithstanding anything in its incorporation documents or in any agreement between the company and the director.	Une société peut, par une résolution ordinaire adoptée lors de l'assemblée générale des actionnaires, destituer l'un ou l'ensemble générale des administrateurs avant l'expiration de leur mandat, avec ou sans motif déclaré ou raison nonobstant toute disposition dans ses documents constitutifs ou dans tout accord entre la société et l'administrateur.

Itumizwa mu nama ry'abanyamigabane rigomba kugaragaza ko ku murongo w'ibyigwa harimo kwirukana ugize inama y'ubutegetsi kandi rigomba kumenyeshwa ugize Inama y'Ubutegetsi bireba.	The notice of shareholders' meeting must state that among items on the agenda of the meeting include the vote on the removal of a director and be sent to the director concerned.	L'avis de convocation de l'assemblée des actionnaires doit indiquer que parmi les points à l'ordre du jour figure la révocation d'un administrateur doit être envoyé à l'administrateur concerné.
Ugize inama y'Ubutegetsi ukuweho mu buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, atakaza n'izindi nshingano z'inyongera yari afite mu isosiyete zishingiye ku mwanya w'ubuyobozi**.**	A director removed from office in the manner provided under Paragraph One of this Article is disqualified from performing other duties associated with his or her office as director.	Un administrateur révoqué conformément aux dispositions de l'alinéa premier du présent article est interdit d'exercer d'autres attributions liées à son mandat d'administrateur.
Ibikubiye muri iyi ngingo ntibibuza uwakuwe ku buyobozi kwishyurwa cyangwa guhabwa indishyi zigendanye no gukurwa mu mwanya w'ubuyobozi n'izindi nshingano z'inyongera yakoraga ziwushingiyeho.	Nothing in this Article is construed as depriving such a director of compensation or damages as a result of termination of office and disqualification from other duties associated therewith.	Aucune disposition du présent article n'a pour effet de priver cet administrateur de son droit à l'indemnisation ou aux dommages-intérêts payables par suite de sa révocation et de son interdiction d'exercer d'autres attributions liées à son mandat.
<u>Ingingo ya 161</u>: Guhagarika imirimo k'ugize inama y'ubutegetsi	**<u>Article 161:</u> Ceasing to hold office of a director**	**<u>Article 161:</u> Cessation de fonction d'administrateur**
Umwanya w'ugize inama y'ubutegetsi w'isosiyete uba nta muntu uwurimo iyo uwari uwurimo:	An office of director of a company is vacated if the person holding that office:	Un poste d'administrateur d'une société est vacant si la personne qui détient ce poste :
1° yeguye akoresheje inyandiko;	1° resigns in writing;	1° démissionne par écrit;
2° yirukanwe mu buryo buteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	2° is removed from office in accordance with this Law or the company's incorporation documents;	2° est démis de ses fonctions conformément à la présente loi ou aux documents constitutifs de la société;

3° atacyujuje ibisabwa kugira ngo abe ugize inama y'ubutegetsi ;	3° is disqualified from being a director;	3° est disqualifié d'être un administrateur;
4° apfuye.	4° dies.	4° décède.
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, ugize inama y'ubutegetsi w'isosiyete ashobora kwegura ku mirimo abimenyesheje mu nyandiko iriho umukono akayigeza ku cyicaro cy'isosiyete, kandi iyo nyandiko igira agaciro guhera igihe yakiriweho ku cyicaro cy'isosiyete cyangwa ku yindi tariki yavuzwe muri iyo nyandiko.	Subject to the company's incorporation documents, a director of a company may resign office by signing a written notice of resignation and delivering it to the address for service of the company and any such notice is effective from the time of receipt at the address for service of the company or from such later time as is specified in the notice.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, un administrateur d'une société peut présenter sa démission par signature d'un avis écrit de démission qu'il envoie à l'adresse de signification à la société et un tel avis prend effet à compter de sa réception à l'adresse de signification à la société ou à compter de toute autre date ultérieure précisée dans l'avis.
Hatitawe ku kuba umwanya w'ugize inama y'ubutegetsi udafite uwurimo, ku bw'iri tegeko, uwari uwurimo akomeza kuryozwa ibikorwa yakoze cyangwa ibyemezo yafashe akiri ugize inama y'ubutegetsi.	Notwithstanding vacation of the office of director, a person having held that office remains liable under the provisions of this Law imposing liabilities on directors, in relation to all acts done and decisions made while that person was director.	Nonobstant la vacance de poste d'administrateur, une personne ayant occupé ce poste demeure responsable en vertu des dispositions de la présente loi imposant la responsabilité à l'administrateur à l'égard de tous les actes accomplis et des décisions prises pendant l'exercice de son mandat.
Ingingo ya 162: Kwegura k'ugize inama y'ubutegetsi w'isosiyete iyo ari umwe	**Article 162: Resignation by the company's sole director**	**Article 162: Démission d'un administrateur unique de la société**
Iyo isosiyete igizwe n'ugize inama y'ubutegetsi umwe, ntashobora kwegura ku mirimo ye atatumiye inama y'abanyamigabane b'isosiyete kugira ngo abamenyeshe iyegura rye kandi hashyirweho ugize inama y'ubutegetsi umwe mushya	Where a company has only one director, that director cannot resign until that director has called a general meeting of shareholders to receive notice of the resignation and one or more new directors are appointed.	Lorsqu'une société a un administrateur unique, celui-ci ne peut pas démissionner avant qu'il ne convoque une assemblée générale des actionnaires pour recevoir un avis de la démission, et un ou plusieurs nouveaux administrateurs sont nommés.

cyangwa abarenze umwe bashya. Ukwegura k'ugize inama y'ubutegetsi umwe kugira agaciro guhera ku itariki Inteko Rusange y'abanyamigabane b'isosiyete iteraniye ikabyemeza.	The resignation by the sole director of a company takes effect as of the date on which the general meeting of shareholders is held and approves the resignation.	La démission par un administrateur unique de la société prend effet à compter de la tenue de l'assemblée générale des actionnaires qui approuve sa démission.
<u>Ingingo ya 163</u>: Isimburwa ry'ugize inama y'ubutegetsi upfuye yari nyiri isosiyete Mu gihe hari ugize inama y'ubutegetsi umwe ari nyiri sosiyete kandi umunyamigabane w'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane agapfa, abamuzungura, cyangwa mu gihe nta muntu n'umwe yasize wamuzungura, umucungamutungo, ashobora gushyiraho ugize inama y'ubutegetsi hakurikijwe amabwiriza abigenga. Mu gihe abazungura cyangwa umucungamutungo badashyizeho ugize inama y'ubutegetsi mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi w'urupfu rw'uwari ugize inama y'ubutegetsi, Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba urukiko gushyiraho umuntu ufite ububasha n'ubushobozi bwo kuzuza inshingano z'ugize inama y'ubutegetsi kugeza igihe abazungura cyangwa umucungamutungo bashyiriyeho ugize inama y'ubutegetsi.	**<u>Article 163</u>: Replacing the company's owner who dies** Where a person who is the only director and shareholder of a private company dies, the heirs, or where he or she leaves no heir, the curator under the relevant regulations, may appoint a director. Where the heirs or curator fail to appoint a director within thirty (30) days of the death of the former director, the Registrar General may apply to the Court for the appointment of a fit and proper person to act as director, until the appointment of a director by the heirs or curator.	**<u>Article 163</u>: Remplacement du propriétaire d'une société qui décède** Lorsqu'une personne qui est administrateur et actionnaire unique d'une société privée décède, les héritiers, ou le curateur, s'il ne laisse pas d'héritier, en vertu des règlements en la matière, peut nommer un administrateur. Lorsque les héritiers ou curateur ne parviennent pas à nommer un administrateur dans les trente (30) jours du décès du dernier administrateur, le Registraire général peut demander à la juridiction de nommer une personne apte et convenable pour servir d'administrateur jusqu'à la nomination d'un administrateur par les héritiers ou le curateur.

<u>Ingingo ya 164</u>: Kumenyekanisha ibihembo cyangwa ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubutegetsi n'abandi bakozi	**<u>Article 164:</u> Disclosure of remuneration and other benefits for directors and other employees**	**<u>Article 164:</u> Notifier les rémunérations ou autres avantages des administrateurs et des autres employés**
Umwanzuro usanzwe w'abanyamigabane wemeza ibihembo n'ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubutegetsi n'ibihabwa abari bagize Inama y'Ubutegetsi n'ibyo bahabwa kubera kuva muri uwo mwanya.	The company approves, by ordinary resolution the remuneration and any other benefits payable to directors and any allowances to a former director, including any allowances for loss of membership.	La société approuve, par résolution ordinaire, la rémunération et tous autres avantages payables aux administrateurs et à un ancien administrateur, y compris tous autres avantages pour perte de qualité d'administrateur.
Urwego rubifitiye ububasha mu isosiyete rushobora kugena ibishingirwaho mu kugena amasezerano y'akazi k'Umuyobozi Mukuru cyangwa undi Muyobozi Nshingwabikorwa.	The company's competent organ may determine the terms of any service contract with a managing director or other executive director.	L'organe compétent de la société peut déterminer les conditions de tout contrat de services du directeur général ou d'un autre administrateur exécutif.
Abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora kwishyurirwa amafaranga y'urugendo, icumbi n'andi bakoresheje mu kwitabira inama z'Inama y'Ubutegetsi cyangwa gukora indi mirimo y'Inama y'Ubutegetsi.	Directors may be paid all travel, accommodation and other expenses properly incurred by them in attending any meetings of the Board of Directors or in connection with the business of the Board of Directors.	Les administrateurs peuvent être payés tous les frais de déplacement, de séjour et autres frais engagés à juste titre en rapport avec la participation aux réunions du Conseil d'administration ou avec les activités du Conseil d'administration.
Uretse amasosiyete atanga inguzanyo, amasosiyete ntiyemerewe guha inguzanyo abagize Inama y'Ubutegetsi.	Except for companies involved in granting loans, companies are not allowed to grant loans to members of their Board of Directors.	Sauf pour les sociétés ayant vocation à octroyer des prêts, les sociétés ne sont pas autorisées à accorder des prêts aux membres de leur Conseil d'administration.
Urwego rubifitiye ububasha rwa sosiyete rugomba kumenyesha abanyamigabane indishyi zose, harimo amashimwe	The company competent organ discloses to the shareholders the total compensation, including bonuses and incentive schemes, paid to each	L'organe compétent de la société communique aux actionnaires la rémunération totale, y compris les primes et les régimes incitatifs,

n'uduhimbazamushyi byishyuwe buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi, Umuyobozi Mukuru, Umuyobozi Nshingwabikowa, undi mukozi cyangwa umuyobozi ufite inshingano zo kwita ku micungire n'ibikorwa by'isosiyete. Iryo menyekanisha rigomba gukorwa nibura rimwe mu mwaka kandi buri gihe bigomba gushyirwa mu nyandiko itumira abanyamigabane mu nama ngarukamwaka.	director, managing director, executive director and any other officer or manager who has responsibility for management and operation of current activities of the company. Such disclosure must be made at least once annually and can in no way be included in the notice inviting shareholders to each annual general meeting of shareholders.	versés à chaque administrateur, directeur général, administrateur exécutif et tout autre agent ou responsable chargés de la gestion et de la réalisation des activités courantes de la société. Une telle communication doit se faire au moins une fois par an et être, en tout état de cause, incluse dans l'avis de convocation des actionnaires à l'assemblée générale annuelle des actionnaires.
Ingingo ya 165: Kumenyekanisha indi mirimo y'abagize Inama y'Ubutegetsi n'abandi bari mu bagize Inama z'Ubutegetsi z'andi masosiyete	**Article 165: Disclosure of other offices held by Directors and memberships held in other companies' Board of Directors**	**Article 165: Notifier les autres fonctions des administrateurs et le statut d'administrateur détenu dans d'autres sociétés**
Iyo ugize Inama y'Ubutegetsi ashyizweho, isosiyete imenyesha abanyamigabane ugize Inama y'Ubutegetsi washyizweho, aho yabaye mu bagize Inama y'Ubutegetsi mu gihe cy'imyaka itanu (5) ishize, uburambe mu kazi afite n'ibyo asanzwe akora. Iryo menyekanisha rikorwa buri gihe iyo hashyizweho ugize Inama y'Ubutegetsi na rimwe nibura buri mwaka, kandi buri gihe rigomba gushyirwa mu nyandiko itumira abanyamigabane mu nama ngarukamwaka.	When a director is appointed, the company discloses to the shareholders the director appointed, directorships held in the past five (5) years, working experience and occupations. Such disclosure is made upon the appointment of each director and thereafter at least once annually and can in no way be included in the notice to shareholders of each annual general meeting of shareholders.	Quand un administrateur est nommé, la société doit communiquer aux actionnaires l'administrateur nommé, les mandats d'administrateur qu'il a exercés au cours de cinq (5) dernières années, son expérience professionnelle et sa profession. Une telle communication doit se faire lors de la nomination de chaque administrateur et au moins une fois par l'an et être, en tout état de cause, incluse dans l'avis de convocation des actionnaires à l'assemblée générale annuelle des actionnaires.
Akiciro ka 4: Ishyirwa mu bikorwa	**Subsection 4: Enforcement of agreements**	**Sous-section 4: Exécution des accords**

ry'ibyumvikanyweho n'abagize Inama y'Ubutegetsi	**of directors**	**passés entre les administrateurs**
<u>Ingingo ya 166</u>: Inyungu mu gikorwa cy'ubucuruzi cy'isosiyete	**<u>Article 166:</u> Interest in a company's transaction**	**<u>Article 166:</u> Intérêt dans une transaction de la société**
Ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane w'isosiyete urusha abandi imigabane myinshi afatwa nk'ufite inyungu mu gikorwa runaka cy'ubucuruzi iyo sosiyete ifitemo uruhare iyo:	A director or a controlling shareholder of a company is to be treated as interested in a transaction to which the company is a party if the director or the controlling shareholder:	Un administrateur ou un actionnaire majoritaire de la société est considéré comme ayant le statut de partie intéressée dans une transaction à laquelle la société est partie si cet administrateur ou cet actionnaire majoritaire:
1° ari cyangwa azaba rumwe mu mpande muri icyo gikorwa cyangwa ashobora kubona inyungu z'amafaranga muri icyo gikorwa;	1° is a party to or will or may derive a material financial benefit from the transaction;	1° est une partie ou aura ou peut tirer un avantage financier important de la transaction;
2° hari inyungu z'amafaranga afite ku rundi ruhande ruri muri icyo gikorwa;	2° has a material financial interest in another party to the transaction;	2° a un intérêt financier dans une autre partie à la transaction;
3° ari ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa intumwa y'urundi ruhande mu gikorwa cyangwa umuntu uzabona cyangwa ushobora kubona inyungu y'amafaranga mu gikorwa, atari rumwe mu ruhande cyangwa umuntu:	3° is a director, officer or trustee of another party to, or person who will or may derive a material financial benefit from, the transaction, not being a party or person that is:	3° est un administrateur, agent ou fiduciaire d'une autre partie, ou la personne qui aura ou pourra tirer un avantage financier de la transaction, n'étant pas partie ou une personne qui est:
a. isosiyete ibumbye izindi kandi ikaba na sosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana;	a. the company's holding company being a holding company of which the company is a wholly owned subsidiary;	a. la société holding de la société étant une société holding dont la société est une filiale en propriété exclusive;

b. isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana;	b. a wholly owned subsidiary of the company;	b. une filiale en propriété exclusive;
c. isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana y'isosiyete ibumbye indi nayo ari isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana;	c. wholly owned subsidiary of a holding company of which the company is also a wholly owned subsidiary;	c. une filiale en propriété exclusive d'une société holding dont la société est également une filiale en propriété exclusive;
4° ari umubyeyi, umwana cyangwa uwashyingiranywe n'urundi ruhande ku gikorwa cy'ubucuruzi, cyangwa umuntu uzabona cyangwa ushobora kubona inyungu z'amafaranga muri icyo gikorwa;	4° is the parent, child, or spouse of another party to, or person who will or may derive a material financial benefit from, the transaction;	4° est le parent, enfant ou conjoint d'une autre partie, ou la personne qui aura ou pourra tirer un avantage financier important de la transaction;
5° afite inyungu iziguye cyangwa itaziguye muri icyo gikorwa cy'ubucuruzi.	5° is otherwise directly or indirectly materially interested in the transaction.	5° a des intérêts financiers importants directs ou indirects dans la transaction.
Icyakora, ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ntafatwa nk'ufite inyungu bwite:	However, a director of a company is not treated as interested party:	Toutefois, un administrateur d'une société ne peut être considéré comme ayant le statut de partie intéressée :
1° ku gihembo cy'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ku bindi bimugenerwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 164 y'iri tegeko;	1° in respect of any remuneration or other benefit given to a director in accordance with Article 164 of this Law;	1° à toute rémunération ou autre avantage donné à un administrateur conformément à l'article 164 de la présente loi;
2° ku yindi ndishyi itanzwe cyangwa ubwishingizi butanzwe hakurikijwe ingingo ya 174 y'iri tegeko;	2° in respect of any indemnity given or insurance provided in accordance with Article 174 of this Law;	2° à toute indemnité accordée ou assurance fournie conformément à l'article 174 de la présente loi;
3° iyo isosiyete iha ingwate gusa urundi ruhande rutagira aho ruhuriye n'ugize	3° where the transaction comprises only of the giving by the company of any	3° la transaction ne comprend que la remise par la société d'un titre à un tiers

Inama y'Ubutegetsi, bisabwe n'urwo rundi ruhande ku birebana n'ideni cyangwa inshingano isosiyete ifite ugize inama y'ubutegetsi cyangwa undi muntu yishingiye wose cyangwa igice cyawo ku bwo gutanga ingwate, indishyi cyangwa hakoreshweje kubitsa ingwate.	security to a third party which is unconnected with the director, at the request of the third party, in respect of a debt or obligation of the company for which the member or another person has personally assumed responsibility in whole or in part under a guarantee, indemnity, or by the deposit of a security.	qui est sans rapport avec l'administrateur, à la demande du tiers, à l'égard d'une dette ou obligation de la société pour laquelle ce membre ou une autre personne a personnellement assumé la responsabilité en tout ou en partie en vertu d'une garantie, indemnité, ou par le dépôt d'une garantie
<u>Ingingo ya 167</u>: Kumenyekanisha inyungu bwite	**<u>Article 167:</u> Disclosure of interest**	**<u>Article 167:</u> Déclaration d'intérêt**
Ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi w'isosiyete ufite inyungu bwite mu gikorwa giteganyijwe muri sosiyete, akimara kumenya ko icyo gikorwa kiriho, agomba gusaba gushyirwa mu gitabo cy'inyungu bwite, muri raporo y'umwaka y'isosiyete. Iyo isosiyete ifite abagize Inama y'Ubutegetsi barenze umwe, amenyesha Inama y'Ubutegetsi ubwoko n'ingano y'inyungu bwite afite n'aho ishobora kubarirwa n'agaciro k'iyo nyungu mu mafaranga.	A director or controlling shareholder of a company who is interested in a transaction or proposed transaction with the company, shall immediately after becoming aware of the transaction or proposed transaction cause to be entered in the register of interests, the annual report of the company and if the company has more than one director, disclose to the board the nature and extent of his or her interest and where the interest can be quantified and the monetary value of that interest.	Un administrateur ou actionnaire majoritaire d'une société qui est intéressé dans une transaction ou opération avec la société, doit immédiatement après avoir pris connaissance de la transaction ou l'opération proposée, faire inscrire au registre des intérêts, le rapport annuel de la société et si la société a plus d'un administrateur, notifier le Conseil d'administration de la nature et l'étendue de son intérêt et si l'intérêt peut être quantifié et la valeur monétaire de cet intérêt.
Imenyekanisha ryanditswe mu gitabo cyandikwamo abafite inyungu bwite, raporo y'umwaka cyangwa kubimenyekanisha ku Nama y'Ubutegetsi ku buryo ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi aba ari umunyamigabane,	The notice entered in the register of interests, the annual report or disclosed to the Board of Directors to the effect that a director or controlling shareholder is a shareholder, director, officer or trustee of another named company or other person and is to be regarded	Un avis inscrit au registre des intérêts, le rapport annuel ou communiqué au Conseil d'administration à l'effet qu'un administrateur ou un actionnaire majoritaire est un actionnaire, un administrateur, un agent ou un représentant d'une autre société nommée ou

ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa intumwa y'indi sosiyete izwi cyangwa undi muntu kandi akagaragara nk'ufite inyungu bwite mu gikorwa cy'ubucuruzi, gishobora, nyuma yo kwandikwa cyangwa kumenyekanishwa, kuba cyakoranwa n'iyo sosiyete cyangwa n'undi muntu, ni imenyekanisha rihagije ry'inyungu bwite ku birebana n'igikorwa cyose nk'icyo.	as interested in any transaction which may, after the date of the entry or disclosure, be entered into with that company or person, is a sufficient disclosure of interest in relation to any such transaction.	autre personne et doit être considéré comme ayant un intérêt dans une opération qui peut, après la date de l'entrée ou de la notification, être conclu avec cette société ou personne, est une notification suffisante d'intérêt par rapport à une telle transaction.
Mu gihe hari igikorwa giteganyijwe n'isosiyete, ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi agomba kumenyekanisha ibintu byose bifatika byerekeranye n'inyungu bwite muri icyo gikorwa.	In the case of any particular proposed transaction, disclosure of all material facts concerning the interest of the director controlling shareholder in the transaction is made.	Dans le cas d'une transaction proposée, la notification de tous les faits importants concernant l'intérêt de l'administrateur ou de l'actionnaire majoritaire dans la transaction doit se faire.
Kutubahiriza ku ruhande rw'ugize Inama y'Ubutegetsi ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibitesha agaciro igikorwa cyakozwe n'isosiyete, ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi.	A failure by director to comply with the provisions of Paragraph One of this Article does not affect the validity of any transaction entered into by the company, the director or controlling shareholder.	Le défaut pour un administrateur de se conformer aux dispositions de l'alinéa premier du présent article n'a aucune incidence sur la validité de toute transaction conclue par la société, l'administrateur ou l'actionnaire majoritaire.
Ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa n'isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane, iyo abanyamigabane bahisemo kutubahiriza iyi ngingo.	The provisions of Paragraph One of this Article do not apply in the case of a private company where the shareholders have opted out of the requirements of disclosure under this Article.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne sont pas applicables dans le cas d'une société privée où les actionnaires ont choisi de ne pas être régis par le présent article.
Ingingo ya 168: Ibikorwa bishobora	**Article 168: Avoidable transactions**	**Article 168: Transactions annulables**

guteshwa agaciro		
Igikorwa cyakozwe n'isosiyete umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi agifitemo inyungu bwite, isosiyete ishobora kugitesha agaciro mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira igihe icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyamenyeshejwe abanyamigabane bose b'isosiyete, binyuze muri raporo y'umwaka y'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ubundi buryo, keretse isosiyete yahawe agaciro gakwiye muri icyo gikorwa.	A transaction entered into by the company in which a director of the company is in any way interested may be avoided by the company within three (3) months of the transaction being disclosed to all the shareholders, whether by means of the Board of Directors' annual report or otherwise, unless the company receives fair value under the transaction.	Une transaction conclue par la société dans laquelle un administrateur de la société est de toute façon intéressée peut être annulée par la société dans les trois (3) mois après que la transaction ait été notifiée à tous les actionnaires, que ce soit par le biais du rapport annuel des administrateurs ou autrement, à moins que la société ne reçoive la juste valeur dans le cadre de la transaction.
Iyo igikorwa cy'ubucuruzi gikozwe n'isosiyete mu rwego rw'imirimo yayo isanzwe no mu buryo busanzwe, isosiyete ifatwa nk'iyabonye agaciro gakwiye muri icyo gikorwa.	If a transaction is entered into by the company in the ordinary course of its business and on usual terms and conditions, the company is presumed to receive fair value under the transaction.	Si une transaction est conclue par la société dans le cours normal de ses activités et selon des modalités et conditions usuelles, la société est présumée recevoir la juste valeur dans le cadre de la transaction.
Kumenya niba sosiyete yabonye agaciro gakwiye mu gikorwa, bigenwa hashingiwe ku makuru sosiyete izi cyangwa ay'ugize Inama y'Ubutegetsi bireba mu gihe igikorwa cyakorwaga.	The question whether a company receives fair value under a transaction is determined on the basis of the information known to the company or to the interested director at the time the transaction is entered into.	La question de savoir si une société reçoit la juste valeur dans une transaction doit être déterminée sur base des informations connues de la société ou d'un administrateur intéressé au moment où la transaction est conclue.
Umuntu ushaka kurengera igikorwa cyari kizwiho ko ugize Inama y'Ubutegetsi agifitemo inyungu bwite mu gihe cyakorwaga, ni we ugira inshingano yo kugaragaza agaciro gakwiye; mu bindi bihe byose, isosiyete niyo igira inshingano zo kugaragaza ko itakuyemo agaciro gakwiye.	Where a person seeking to uphold a transaction knew of the interest of the director at the time the transaction was entered into, the burden of establishing fair value is on that person, and in any other case, the company has the burden of establishing that it did not receive fair value.	Si une personne qui cherche à défendre une transaction connaissait l'intérêt de l'administrateur au moment où l'opération a été conclue, la charge d'établir la juste valeur incombe à cette personne, et dans tous les autres cas, la société a la charge d'établir qu'elle n'a pas reçu la juste valeur.

Gutesha agaciro igikorwa cy'ubucuruzi mu buryo buvugwa muri iyi ngingo, nta ngaruka bigira ku burenganzira cyangwa ku nyungu z'umuntu ku mutungo afite, mu gihe uwo mutungo yawubonye:	The avoidance by a company of any transaction under this Article does not affect the title or interest of a person in property which that person has acquired:	L'annulation par une société de toute transaction en vertu du présent article ne porte nullement atteinte au titre ou à l'intérêt d'une personne dans un bien que cette personne a acquis:
1° biturutse ku wundi muntu utari iyo sosiyete;	1° from a person other than the company;	1° d'une personne autre que la société;
2° ku kiguzi gikwiye;	2° for fair consideration;	2° à une juste contrepartie;
3° atazi uko icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyatumye uwo muntu aba nyir' umutungo mu isosiyete cyagenze.	3° without knowledge of the circumstances of the transaction under which the second-mentioned person acquired the property from the company.	3° sans connaissance des circonstances de la transaction en vertu de laquelle ladite deuxième personne a acquis le bien de la société.
Umunyamigabane cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu ashobora kurega ugize Inama y'Ubutegetsi utaramenyekanishije inyungu bwite afite mu gikorwa nk'uko biteganywa n'iyi ngingo. Urukiko rwashyikirijwe ikirego ruragisuzuma. Rushobora kugena ko:	A shareholder or any other interested person may bring an action against a director who fails to disclose his or her interest in a transaction in accordance with provisions of this Article. The court which the action is referred to considers the action, and may order that:	Un actionnaire ou toute autre personne intéressée peut traduire en justice tout administrateur qui omet de notifier son intérêt dans une transaction conformément aux dispositions du présent article. La juridiction saisie examine l'action et peut ordonner que:
1° uwari ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete avanwa muri uwo mwanya;	1° that director be disqualified from continuing to serve as a director of that company;	1° l'administrateur perde le droit de continuer à servir comme administrateur de cette société;
2° ugize Inama y'Ubutegetsi nk'uwo abuzwa gukomeza guhagararira cyangwa kugira	2° such director be disqualified from representing or holding a position on	2° l'administrateur perde le droit de représenter le Conseil d'administration

umwanya mu Nama y'Ubutegetsi cyangwa mu mwanya nshingwabikorwa mu isosiyete mu gihe nibura cy'umwaka umwe (1);	the Board of Directors or management of a company for a period of at least one (1) year;	ou d'occuper un poste au sein de celui-ci ou de la direction de la société pour une période d'au moins un (1) an;
3° ugize Inama y'Ubutegetsi ufite inyungu bwite mu gikorwa kimwe n'undi ugize Inama y'Ubutegetsi wemeje mu buryo butari bwo igikorwa azi inyungu bwite, aryozwa n'isosiyete cyangwa abanyamigabane igihombo bagize giturutse kuri iyo myitwarire idakwiye yabateje igihombo. Icyo gihombo gishobora kugenwa mu kirego gitanzwe hashingiwe ku ngingo kuva ku ya 228 kugeza ku ya 231 z'iri tegeko;	3° such director, as well as other directors who improperly approved the transaction knowing of the interest, are liable to the company or the shareholders for damages caused to them resulting from such misconduct which is unfair or prejudicial to them. Such damages may be determined in an action under Articles 228 to 231 of this Law;	3° cet administrateur ainsi que d'autres administrateurs qui ont indûment approuvé la transaction connaissant l'intérêt, soient responsables à l'égard de la société ou des actionnaires pour les dommages causés à eux comme conséquence d'une inconduite les ayant affectés de manière injuste ou préjudiciable. Ces dommages peuvent être déterminés dans une action introduite en vertu des articles 228 à 231 de la présente loi;
4° ugize Inama y'Ubutegetsi asabwa kugarura inyungu yakuye muri icyo gikorwa;	4° a director is liable to repay profits earned by such director as a result of the transaction;	4° qu'un administrateur est tenu de rembourser les profits qu'il a réalisés suite à cette transaction ;
5° igikorwa cy'ubucuruzi mu buryo buvugwa muri iyi ngingo cyakozwe giteshwa agaciro.	5° a transaction entered into in the manner provided for under this Article is made void.	5° une transaction conclue de la manière visée au présent article en vertu du présent article est annulée.
<u>Ingingo ya 169</u>: Kudatora k'ugize Inama y'Ubutegetsi ufite inyungu bwite mu gikorwa	**<u>Article 169:</u> Incapacity to vote on the part of director**	**<u>Article 169:</u> Interdiction pour un administrateur de voter en cas d'intérêt dans une transaction**
Haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, ugize Inama	Subject to the incorporation documents of a company, a director who is interested in a	Sous réserve des documents constitutifs d'une société, un administrateur qui est intéressé par

y'Ubutegetsi bw'isosiyete ufite inyungu bwite mu gikorwa kireba cyangwa kigiye gukorwa n'isosiyete ntatora mu gihe cy'ifatwa ry'icyemezo. Iyo atoye ijwi rye riba imfabusa.	transaction entered into or to be entered into by the company does not vote on a directors' resolution. Where he or she votes, the vote is invalid.	une transaction conclue ou à conclure par la société ne doit pas voter la résolution. S'il vote, sa voix est nulle.
<u>Ingingo ya 170</u>: Gukoresha amakuru cyangwa amahirwe by'isosiyete	**<u>Article 170:</u> Use of company information or opportunity**	**<u>Article 170:</u> Utilisation des informations et des opportunités de la société**
Ugize Inama y'Ubutegetsi afite inshingano yo gukorana n'isosiyete mu buryo butunganye. Iyi nshingano ikubiyemo bimwe muri ibi bikurikira:	A director has a duty to act with loyalty to the company. This duty includes but is not limited to the following:	Un administrateur a le devoir de loyauté envers la société. Ce devoir comprend entre autres:
1° kudakoresha umutungo w'isosiyete ku nyungu ze bwite;	1° not to use property of the company for the director's personal benefit;	1° ne pas utiliser la propriété de la société à des fins personnelles;
2° kudatangaza cyangwa kudakoresha amabanga y'isosiyete ku nyungu ze bwite cyangwa iz'undi muntu uwo ari we wese;	2° not to disclose or use confidential information of the company for the director's or any other person's personal benefit;	2° ne pas notifier ni utiliser des informations confidentielles de la société, pour l'intérêt personnel de l'administrateur ou autre personne;
3° kudatwara amahirwe mu bucuruzi yari agenewe isosiyete;	3° not to take business opportunities of the company;	3° ne pas saisir les opportunités d'affaires de la société;
4° kudapiganwa hamwe n'isosiyete harimo nko kuba yapiganwa ku giti cye cyangwa nk'ugize Inama y'Ubutegetsi y'indi sosiyete iri gupiganwa hamwe n'isosiyete.	4° not to compete in business with the company including but not limited to competing individually or as a director of another company which competes in business with the company.	4° ne pas entrer en concurrence avec la société, que ça soit à titre individuel ou comme administrateur d'une autre société qui est en concurrence commerciale avec la société.
Ugize Inama y'Ubutegetsi ntagomba	A director must not make improper use of his	Un administrateur ne doit pas abuser de son

gukoresha mu buryo butari bwo umwanya afite nk'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi wa sosiyete cyangwa gukoresha amakuru yamenye kubera umwanya we kugira ngo abone, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, inyungu bwite cyangwa iy'undi muntu mu buryo bubangamiye isosiyete, uretse ku birebana n'isosiyete.	or her position as a director employee of the company or of any information acquired solely by virtue of his or her position, to gain directly or indirectly, a personal benefit for himself or for any other person or to cause detriment to the company other than for the purposes of the company.	poste en tant que membre, employé de la société ou de toute information acquise grâce à son poste pour obtenir directement ou indirectement, un avantage pour lui-même ou pour toute autre personne ou de causer un préjudice à la société autre que pour les besoins de la société.
Ugize Inama y'Ubutegetsi ashobora kumenyekanisha, gukoresha cyangwa gukora ashingiye ku makuru ayo ariyo yose iyo ibiranga iryo menyekanisha, ikoresha cyangwa igikorwa byanditswe mu gitabo cy'inyungu bwite kandi yabiherewe uburenganzira n'abandi bagize Inama y'Ubutegetsi ndetse isosiyete ikabihabwamo inyungu ikwiye.	A director may disclose, use, or act on the basis of any information if particulars of the disclosure, use or act are entered in the register of interests and the director is authorised to do so by the directors and the company receives fair value thereof.	Un administrateur peut notifier, utiliser ou agir sur la base de toute information si les détails de la notification, l'utilisation ou l'action sont inscrits au registre des déclarations d'intérêts moyennant l'autorisation des administrateurs et la société reçoit la juste valeur y correspondante.
<u>Ingingo ya 171</u>: Kugura cyangwa kugurisha imigabane bikozwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi	**<u>Article 171:</u> Directors' share dealings**	**<u>Article 171:</u> Transactions effectuées par les administrateurs sur les actions**
Ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete uguze cyangwa ugurishije imigabane cyangwa ingwate byatanzwe n'iyo sosiyete cyangwa indi bifitanye isano cyangwa wabonye inyungu iziguye cyangwa itaziguye muri iyo migabane cyangwa izindi ngwate:	A director who acquires or disposes of shares or other securities issued by the company or a related company, or a direct or indirect interest in such shares or other securities:	Un administrateur qui acquiert ou dispose des actions ou d'autres titres émis par la société ou une société affiliée, ou un intérêt direct ou indirect dans ces actions ou autres valeurs mobilières:
1° nyuma y'uko igura cyangwa igurisha rikozwe, amenyekanisha ku bandi bagize	1° after the acquisition or disposal is made, discloses to any other directors	1° après l'acquisition ou la cession est faite, notifie d'autres administrateurs

Inama y'Ubutegetsi, umubare cyangwa ubwoko bw'imigabane yaguze cyangwa yagurishije, igiciro yatanze cyangwa yahawe n'itariki yaguriyeho cyangwa yagurishirijeho;	of the company the number and type of shares acquired or disposed of, the consideration paid or received thereof and the date of acquisition or disposal;	de la société du nombre et de la nature des actions acquises ou cédées, la contrepartie payée ou reçue de celles-ci et la date d'acquisition ou de cession;
2° gukora ku buryo imiterere y'igura cyangwa igurisha ihita yandikwa mu gitabo cy'abafite inyungu.	2° ensures that particulars of the acquisition or disposal are immediately entered in the register of interests.	2° veille à ce que les détails de l'acquisition ou la cession sont immédiatement inscrits au registre des intérêts.
Mu gihe ugize Inama y'Ubutegetsi hari amakuru yamenye kubera kuba ari mu Nama y'Ubutegetsi, umukozi w'isosiyete cyangwa nk'ufite aho ahuriye n'isosiyete atashoboraga kumenya mu bundi buryo, kandi ayo makuru akaba afite agaciro ku isesengura ry'agaciro k'imigabane cyangwa izindi ngwate byatanzwe n'isosiyete arimo cyangwa indi sosiyete bifitanye isano, uwo ugize Inama y'Ubutegetsi ashobora gusa kugura cyangwa kugurisha bene iyo migabane cyangwa izindi ngwate cyangwa kubonamo inyungu iziguye cyangwa itaziguye iyo:	Where a director has information in his or her capacity as director or employee of the company or a person related to the company, that would not otherwise be available to him or her and that information is material to an assessment of the value of the shares or other securities issued by the company or a related company, the director may only acquire or dispose of any such shares or other securities, or a direct or indirect interest therein, if:	Lorsqu'un administrateur a des informations en vertu de sa qualité d'administrateur ou d'un employé de la société ou une personne ayant un lien quelconque avec la société, qu'il n'aurait pas eu et que l'information est importante à une évaluation de la valeur des actions ou d'autres titres émis par la société ou une société affiliée, l'administrateur peut seulement acquérir ou céder ces actions ou autres valeurs mobilières, ou un intérêt direct ou indirect dans celui-ci, si:
1° mu gihe ari ukugura, igiciro cyatanzwe atari gito ugereranyije n'agaciro gakwiye k'ingwate cyangwa inyungu yabonetse;	1° in the case of an transfer, the consideration given for the acquisition is not less than the fair value of the securities or interest acquired;	1° dans le cas d'une cession, la contrepartie versée pour l'acquisition ne soit pas inférieure à la juste valeur des garanties ou des intérêts acquis;
2° mu gihe ari ukugurisha, igiciro cyakiriwe mu igurisha kiri hasi y'agaciro k'ingwate	2° in the case of a transfer , the consideration received for the transfer	2° dans le cas d'une cession, la contrepartie reçue pour la cession ne

cyangwa inyungu yavuye mu igurisha.	is not more than the fair value of the securities or interest disposed of.	dépasse pas la juste valeur des titres ou des intérêts cédés.
Ku bw'ibiteganywa mu gika cya 2, agaciro gakwiye k'ingwate cyangwa inyungu ivuyemo igomba kugerwaho hashingiwe ku makuru azwi n'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ashobora kubonwa na buri wese.	For the purposes of the provisions of Paragraph 2 of this Article, the fair value of any securities or interest therein is to be arrived at on the basis of all information known to the director or publicly available.	Aux fins des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, la juste valeur des titres ou des intérêts y relatifs peut être établie sur base de toutes les informations connues de l'administrateur ou accessible au public.
Igika cya 2 ntigikoreshwa ku byerekeranye n'ingwate cyangwa inyungu ikomoka mu byagurishijwe cyangwa byaguzwe ugize Inama y'Ubutegetsi yabonye n'intumwa y'isosiyete cyangwa y'indi bifitanye isano.	Paragraph 2 does not apply in respect of any security or interest acquired or disposed of by a director only as a nominee for the company or related company.	L'alinéa 2 ne s'applique pas à l'égard de toute garantie ou intérêt acquis ou aliéné par un administrateur uniquement en tant que nommé pour la société ou la société affiliée.
Ku bw'ibiteganywa n'iyi ngingo, igisobanuro cy'ijambo «inyungu» kitagabanyijwe, ugize Inama y'Ubutegetsi mu isosiyete agira inyungu mu ngwate iyo ikindi kigo cy'ubucuruzi gifite inyungu muri izo ngwate kandi:	For the purposes of this Article and without limiting the meaning of the term "interest", a director of a company has an interest in securities if another body corporate holds or has an interest in them and either:	Aux fins du présent article et sans limiter la signification du terme «intérêt», un administrateur d'une société a une intérêt dans des garanties si une autre société détient ou à une intérêt dans ces garanties et soit:
1° icyo kigo cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi bwacyo bamenyereye cyangwa basabwa kubahiriza amabwiriza y'abagize Inama y'Ubutegetsi mu mikorere yabo;	1° that body corporate, or its directors, are accustomed or required to act in accordance with the director's directions or instructions;	1° que la société ou les membres de son Conseil d'administration, sont habitués ou tenus d'agir en conformité avec les directives ou les instructions de l'administrateur;
2° uwo ugize Inama y'Ubutegetsi afite uburenganzira cyangwa agenzura nibura kimwe cya gatatu (1/3) mu matora mu nama y'icyo kigo cy'ubucuruzi.	2° the director is entitled to exercise or control the exercise of one-third (1/3) or more of the voting power at a meeting of that body corporate.	2° l'administrateur a le droit d'exercer ou de contrôler l'exercice d'un tiers (1/3) ou plus des droits de vote lors d'une réunion de cette société.

Ingingo ya 172: Ishyirwaho ry'Umwanditsi w'isosiyete	**Article 172: Appointment of a company secretary**	**Article 172 : Nomination d'un secrétaire de la société**
Isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane igomba kugira umwanditsi w'isosiyete naho isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane ishobora kugira umwanditsi w'isosiyete.	A public company must have a company secretary, and a private company may have a company secretary.	Une société publique doit avoir un secrétaire, et une société privée peut avoir un secrétaire de la société.
Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko zishinga isosiyete, umwanditsi w'isosiyete ashobora gushyirwaho n'abagize Inama y'Ubutegetsi ikanagena igihe yakora, ibisabwa n'ibyo agenerwa ibona ko bikwiye; umwanditsi w'isosiyete ushyizweho muri ubwo buryo ashobora gukurwaho n'abamushyizeho.	Subject to the company's incorporation documents, the company secretary may be appointed by the directors for such term, at such remuneration and upon such conditions as they think fit; and any company secretary so appointed may be removed by the appointing authority.	Sous réserve des documents constitutifs de la société, le secrétaire peut être nommé par les administrateurs pour le mandat, la rémunération et les conditions qu'ils jugent convenables ; et tout secrétaire ainsi nommé peut être révoqué par l'autorité de nomination.
Ingingo ya 173: Inshingano z'Umwanditsi w'isosiyete	**Article 173: Duties of a company secretary**	**Article 173: Attributions d'un secrétaire de la société**
Inshingano z'Umwanditsi w'isosiyete ni izi zikurikira:	A company secretary has the following duties:	Un secrétaire de la société a les attributions suivantes :
1° kugira inama abagize Inama y'Ubutegetsi ku birebana n'inshingano n'ububasha byabo;	1° advise directors on their responsibilities and powers;	1° conseiller les administrateurs sur leurs attributions et pouvoirs;
2° kumenyesha abagize Inama y'Ubutegetsi ibyerekeranye n'amabwiriza cyangwa	2° inform directors about all the necessary regulations or those which	2° informer les administrateurs de tous les règlements nécessaires ou ceux qui

ibindi byose bishobora kubangamira inama z'abanyamigabane cyangwa z'Inama y'Ubutegetsi, raporo zazo no gushyikiriza inzego bireba inyandiko zose z'isosiyete zisabwa n'amategeko ndetse akabamenyesha ingaruka zose zo kutubahiriza ayo mabwiriza;	may affect the meetings of shareholders and of the Board of Directors, reports thereof and submission of all company documents required by the law to relevant organs as well as consequences due to the failure to comply with such regulations;	peuvent affecter les réunions des actionnaires et celles du Conseil d'administration, les rapports de celui-ci et la soumission de tous les documents de la société requis par la loi aux organes concernés ainsi que les conséquences en raison du non-respect de ces règlements;
3° kumenya ko inyandikomvugo z'inama y'abanyamigabane n'iz'Inama y'Ubutegetsi ziteguye neza no kubika neza ibitabo byose biteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	3° ensure that minutes of the meetings of shareholders or the Board of Directors are well prepared and that registers provided for by the incorporation documents are accurately kept;	3° veiller à ce que les procès-verbaux des réunions des actionnaires ou du Conseil d'administration soient bien préparés et que des registres prévus par les documents constitutifs soient soigneusement tenus;
4° kumenya ko inyandiko z'ibaruramari za buri mwaka z'isosiyete n'izindi nyandiko zose zisabwa n'amategeko zashyikirijwe Umwanditsi Mukuru, nk'uko iri tegeko ribiteganya;	4° ensure that annual balance sheet and other required documents are submitted to the Registrar General as provided for by this Law;	4° s'assurer que le bilan annuel et d'autres documents requis sont soumis au Registraire général tel que prévu par la présente loi;
5° kumenya ko kopi y'inyandiko z'ibaruramari za buri mwaka na raporo y'ibikorwa y'umwaka byohererejwe ababigenewe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'umuntu wese amategeko ateganya;	5° ensure that copies of annual balance sheet and activity reports are transmitted to relevant destinations in accordance with this Law and to any person as provided by the Law;	5° s'assurer que des copies du bilan annuel et d'activités sont transmises à destination concernée conformément à la présente loi et à toute personne prévue par la loi ;
6° gukora indi nshingano yahabwa n'inama y'ubutegetsi.	6° preform such other duties as may be assigned by the Board of Directors.	6° accomplir d'autres tâches pouvant lui être assignées par le Conseil d'administration.

Akiciro ka 6: Indishyi	**Subsection 6: Indemnity**	**Sous-section 6: Indemnité**
Ingingo ya 174: Indishyi n'ubwishingizi ku bagize Inama y'Ubutegetsi	**Article 174: Indemnity and insurance for directors**	**Article 174 : Indemnité et assurance pour administrateurs**
Isosiyete ntiyishyura ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi w'isosiyete, Umugenzuzi cyangwa umukozi wayo indishyi zikomoka ku bikorwa cyangwa ibyo batakoze mu gihe bari mu mirimo yabo cyangwa amafaranga bakoresheje mu bikorwa ibyo aribyo byose. Indishyi yose yatangwa binyuranyije n'ibiteganywa n'iyi ngingo ntigira agaciro.	A company must not indemnify director, secretary, auditor or employee of the company in respect of any liability for his or her acts or omission in respect of his or her capacity as director, secretary, auditor or employee of the company or for costs incurred by him or her in any proceedings. Any indemnity given in breach of this Article is void.	Une société ne doit pas indemniser un Administrateur, son secrétaire, un auditeur ou un employé de la société en ce qui concerne toute responsabilité pour leurs actes ou omission fait en leur qualité d'Administrateur, secrétaire, auditeur ou employé de la société ou pour les frais engagés dans toute procédure. Toute indemnisation accordée en violation du présent article est nulle.
Haseguriwe ikindi cyose kibujijwe mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, isosiyete ishobora guha indishyi ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi w'isosiyete, umugenzuzi cyangwa umukozi wayo bitewe n'amafaranga bakoresheje mu rubanza urwo arirwo rwose:	Subject to any restriction in its incorporation documents, a company may indemnify a director, secretary, auditor or employee of the company in respect of any costs incurred by him or her in a legal action:	Sous réserve de toute restriction dans ses documents constitutifs, une société peut indemniser un administrateur, un secrétaire, un auditeur ou un employé de la société pour les frais engagés au cours d'une action en justice:
1° isosiyete yarezemo ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi w'isosiyete, umugenzuzi cyangwa umukozi kubera uwo mwanya wabo;	1° brought by the company against the director, company secretary, auditor or employee in that capacity;	1° intentée par la société contre l'administrateur, le secrétaire de la société, l'auditeur ou l'employé en cette qualité;
2° urubanza rukaba rwaciwe ku nyungu ze, yagizwe umwere, rwarahagaritswe cyangwa se ikurikirana rikaba	2° in which judgment is given in his or her favour, or is acquitted, or relief is granted to him or her under Article 236	2° dans lequel le jugement est rendu en sa faveur, est acquitté, ou une mesure de redressement lui est accordé en vertu

ryaravanyweho hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 236 y'iri tegeko.	of this Law.	de l'article 236 de la présente loi.
Isosiyete ishobora guha indishyi ugize Inama y'Ubutegetsi, Umwanditsi w'isosiyete, umugenzuzi cyangwa umukozi wayo bitewe n'uburyozwe cyangwa amafaranga bakoresheje mu rubanza urwo arirwo rwose:	A company may indemnify a director, company secretary, auditor or employee of the company in respect of any liability or costs incurred by him or her in any legal proceedings:	Une société peut indemniser un administrateur, secrétaire, auditeur ou un employé de la société concernant toute responsabilité ou les frais engagés par lui dans toute action en justice:
1° barezwemo n'undi muntu wese utari isosiyete ku mpamvu z'ako kazi bakora mu isosiyete;	1° brought by any person other than the company against them in their respective capacities;	1° occasionnée par toute personne autre que la société contre eux en leurs qualités respectives;
2° rutatewe no kuba ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi w'isosiyete, umugenzuzi cyangwa umukozi w'isosiyete yakoranye uburiganya, yakoze mu buryo bigaragara ko bishingiye ku nyungu z'isosiyete.	2° which do not result from a failure by the director, company secretary, auditor or employee to act in good faith in a manner that he believes on reasonable grounds to be in the best interests of the company.	2° qui ne résulte pas du défaut de l'administrateur, du secrétaire, de l'auditeur ou de l'employé d'agir de bonne foi d'une manière qu'il croyait à juste raison d'être dans les meilleurs intérêts de la société.
Muri iyi ngingo ntakibuza isosiyete gufatira ubwishingizi ugize Inama y'Ubutegetsi, umwanditsi w'isosiyete, umugenzuzi cyangwa umukozi ku birebana n'uburyozwe cyangwa amafaranga bakoresha mu rubanza urwo arirwo rwose.	Nothing in this Article prevents a company from providing insurance for a director, secretary, auditor or employee in respect of any liability or costs incurred by him in any legal proceedings.	Aucune disposition du présent article n'empêche une société de souscrire une assurance pour un administrateur, un secrétaire, un auditeur ou un employé à l'égard de toute responsabilité ou frais qu'il a engagés en toute procédure judiciaire.
Abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba kumenya imiterere ya buri ndishyi ihawe ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ubwishingizi bumufatiwe byashyizwe mu gitabo cy'abafite inyungu.	The directors of a company must ensure that particulars of every indemnity given to or insurance provided for any director, secretary, auditor or employee of the company are forthwith entered in the register of interests.	Les administrateurs d'une société doivent veiller à ce que les détails de toute indemnité accordée ou assurance souscrite à tout administrateur, secrétaire, auditeur ou un employé de la société sont immédiatement

		inscrits au registre des intérêts.
Ugize Inama y'Ubutegetsi, Umwanditsi n'Umukozi bavugwa muri iyi ngingo ni abahoze ndetse n'abakiri muri iyo myanya muri sosiyete.	Under this Article, a director, secretary and employee are those who served or currently serve in those respective capacities within the company.	Aux fins du présent article, un administrateur, un secrétaire et un employé d'une société sont ceux qui sont membres, anciens ou actuels, du Conseil d'administration.
Indishyi zivugwa muri iyi ngingo zirebana no guhagarikwa cyangwa isonerwa ry'uburyozwe, haba mbere cyangwa nyuma y'uko bubaye.	The indemnity referred to under this Article relates to the fact of relieving or excusing from liability, whether before or after the liability arises.	L'indemnité visée au présent article se rapporte au fait de dégager ou dispenser d'une responsabilité, que ce soit avant ou après une telle responsabilité.
UMUTWE WA VI: IMITERERE Y'IMARI SHINGIRO	**CHAPTER VI: CAPITAL STRUCTURE**	**CHAPITRE VI: STRUCTURE DU CAPITAL SOCIAL**
Icyiciro cya mbere: Kugira imigabane mu isosiyete	**Section One: Shareholdings in the company**	**Section première: Avoir des actions au sein de la société**
Ingingo ya 175: Ubusobekerane bw'imigabane	**Article 175: Circular holdings**	**Article 175: Participations circulaires**
Isosiyete yabyawe n'indi ntigomba kugira imigabane muri iyo sosiyete ishamikiyeho.	A subsidiary must not hold shares in its holding company.	Une filiale ne doit pas détenir des actions dans la société holding.
Itangwa ry'imigabane y'isosiyete ibumbye izindi iyiha iyabyawe nayo nta gaciro rigira. Kwimura imigabane iva mu isosiyete ibumbye izindi ijyanwa mu isosiyete yabyawe nayo nta gaciro bifite.	An issue of shares by a holding company to its subsidiary is void. A transfer of shares in a holding company to its subsidiary is void.	L'émission des actions d'une société holding à sa filiale est sans effet. Une cession des actions d'une société holding à sa filiale est sans effet.
Icyakora, iyi ngingo ntibuza:	However, this Article does not prevent:	Toutefois, le présent article n'empêche pas:

1° isosiyete yabyawe n'indi gukomeza kuba umunyamigabane w'isosiyete yayibyaye iyo, mu gihe yahindukaga isosiyete yabyawe n'indi, yari ifite imigabane mu isosiyete yayibyaye, ariko iyo sosiyete yabyawe n'indi nta burengenzira igira bwo gutora mu gihe cy'inama z'isosiyete yayibyaye cyangwa inama z'abanyamigabane bayo, kandi iyo sosiyete yabyawe ishobora, mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) cyangwa ikindi gihe cyisumbuyeho cyagenwa n'Umwanditsi Mukuru nyuma y'uko ibyawe n'indi, kwikuraho imigabane yose yari ifite mu isosiyete yayibyaye. Iki gika gita agaciro iyo isosiyete yabyawe iretse kuba ishami ry'isosiyete yari yarayibyaye.	1° a subsidiary from continuing to be a member of its holding company if, at the time when it becomes a subsidiary thereof, it already holds shares in that holding company, but the subsidiary has no right to vote at meetings of the holding company or any class of members thereof; and the subsidiary, within the period of twelve (12) months or such longer period as the Registrar General may allow after becoming the subsidiary of its holding company, disposes of all of its shares in the holding company. This paragraph ceases to apply if the subsidiary ceases to be a subsidiary of the holding company;	1° une filiale de continuer à être un membre de sa société holding si, au moment où elle devient une filiale de celle-ci, elle détient déjà des actions de cette société holding, mais la filiale n'a pas le droit de voter lors des réunions de la société holding ou une catégorie de membres de celle-ci, et la filiale doit, dans le délai de douze (12) mois ou au-delà de cette période tel que peut être déterminé par le Registraire général après avoir acquis le statut de filiale de sa société holding, disposer de la totalité de ses actions dans la société holding. Le présent alinéa n'est plus applicable si la filiale cesse d'être une filiale de la société holding ;
2° isosiyete yabyawe n'indi ikomeza kuba umunyamigabane w'iyo sosiyete yayibyaye, igihe iri tegeko rizashyirirwa mu bikorwa. Ariko, iyo sosiyete yabyawe n'indi nta burenganzira bwo gutora igira mu nama z'isosiyete yayibyaye cyangwa mu banyamigabane bahuriye mu cyiciro kimwe.	2° a subsidiary continues to be a member of its holding company until the commencement of this Law. However, the subsidiary has no right to vote at meetings of the holding company or any class of members thereof.	2° une filiale continue à être un membre de sa société holding jusqu'à l'entrée en vigueur de la présente loi. Toutefois, la filiale n'a pas le droit de voter lors des réunions de la société holding ou au sein des actionnaires de même catégorie.
Ku birebana n'umugabane uwo ari wo wose uvugwa muri iyi ngingo:	With respect to any share referred to in this Article:	En ce qui concerne toute action visée au présent article :
1° mu gihe isosiyete ibumbye izindi ifite	1° where the holding company has shares	1° lorsque la société holding détient des

imigabane y'icyiciro kimwe, umubare wose w'imigabane ifitwe n'amasosiyete ayishamikiyeho cyangwa imigabane ifite yaguze n'isosiyete yari yarayigurishije, ntishobora na rimwe kurenga icumi ku ijana (10%) by'umubare w'imigabane yose iyo sosiyete ibumbye izindi ifite muri icyo gihe;	of only one class, the aggregate number of shares held by all the subsidiaries of the holding company or by the holding company as treasury shares, must not at any time exceed ten percent (10%) of the total number of shares of the holding company at that time;	actions d'une seule catégorie, le nombre total des actions détenues par l'ensemble des filiales de la société holding ou par la société holding en actions propres, ne doit jamais dépasser dix pourcent (10%) du nombre total des actions de la société holding en ce temps-là;
2° mu gihe umugabane shingiro w'isosiyete ibumbye izindi ugabanyijwemo imigabane y'ibyiciro bitandukanye, umubare wose w'imigabane wa buri cyiciro ifitwe na sosiyete zishamikiye kuri iyo yindi, cyangwa imigabane y'iyo sosiyete ibumbye izindi yaguze kubo yari yarayigurishije, ntushobora na rimwe kurenga icumi ku ijana (10%) by'imigabane yose ifite muri icyo cyiciro;	2° where the share capital of the holding company is divided into shares of different classes, the aggregate number of the shares of any class held by all the subsidiaries of the holding company or by the holding company as treasury shares, must not at any time exceed 10% of the total number of the shares in that class;	2° lorsque le capital social de la société holding est divisé en actions de différentes catégories, le nombre total des actions de toute catégorie détenues par l'ensemble des filiales de la société holding ou par la société holding en actions propres, ne doit en aucun moment dépasser dix pourcent (10%) du nombre total des actions de cette catégorie;
3° mu gihe agace ka 1° cyangwa aka 2° kaba katubahirijwe, isosiyete ibumbye izindi yikuraho, igasiba cyangwa ikagurisha imigabane irenze y'iyo sosiyete iyishamikiyeho mbere y'amezi atandatu (6) uhereye ku munsi ukunyuranya n'agace ka 1° cyangwa aka 2° byabereye cyangwa ikindi gihe cyagenwa n'Umwanditsi Mukuru;	3° where item 1° or item 2° of this Article is contravened, the holding company disposes of or cancels the excess shares, or procures the disposal of the excess shares by its subsidiary before the end of the period of six (6) months beginning with the day on which that the breach of item 1° and 2° occurs, or such further period as the Registrar General may allow;	3° lorsque le point 1° ou 2° du présent article est violé, la société holding doit céder ou annuler les actions excédentaires, ou obtenir la cession des actions excédentaires par sa filiale avant la fin de la période de six (6) mois à compter du jour où la violation du point 1° et 2° se produit, ou toute autre période que le Registraire général peut permettre;
4° iyo isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana,	4° where the subsidiary is a wholly owned	4° si la filiale est une filiale en propriété

inyungu ku migabane ntishobora gutangwa nta tangwa rindi, ryaba mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, ry'umutungo w'isosiyete ibumbye izindi, harimo itangwa ry'umutungo mu banyamigabane igihe cyo gusesa isosiyete ku isosiyete yabyawe n'indi ku birebana n'imigabane yavuzwe haruguru;	subsidiary of the holding company, no dividend may be paid, and no other distribution, whether in cash or otherwise, of the holding company's assets, including any distribution of assets to members on a winding up, may be made, to the subsidiary in respect of the shares referred to above;	exclusive de la société holding, aucun dividende ne peut être versé, et aucune autre distribution des actifs de la société holding peut être faite, à la filiale à l'égard des actions visées ci-dessus;
5° iyo isosiyete idafitwe n'indi ijana ku ijana, inyungu ku migabane zishobora gutangwa ndetse n'irindi tangwa ryaba rikozwe mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, ry'umutungo w'isosiyete ibumbye izindi, harimo itangwa ry'umutungo ku banyamigabane igihe cy'iseswa ry'isosiyete, ku isosiyete ishamikiye ku yindi ku birebana n'imigabane yavuzwe haruguru.	5° where the subsidiary is not a wholly owned subsidiary of the holding company, a dividend may be paid and other distribution, whether in cash or otherwise, of the holding company's assets, including any distribution of assets to members on a winding up, may be made, to the subsidiary in respect of the shares referred to above.	5° si la filiale n'est pas une filiale en propriété exclusive de la société holding, un dividende peut être payé et toute autre distribution des actifs de la société holding peut être faite, à la filiale à l'égard des actions visées ci-dessus.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Igura ry'imigabane bwite y'isosiyete bikozwe n'iyo sosiyete	**<u>Section 2</u>: Acquisition by a company of its own shares**	**<u>Section 2:</u> Acquisition par une société de ses propres actions**
<u>Ingingo 176</u>: Igura ry'imigabane bwite y'isosiyete	**<u>Article 176:</u> Acquisition of company's own shares**	**<u>Article 176</u>: Acquisition d'actions propres de la société**
Isosiyete ishobora kugura cyangwa guhabwa imigabane isanzwe iyigenewe:	A company may purchase or otherwise acquire shares allotted to it:	Une société peut acheter ou acquérir d'autres actions lui attribuées :
1° haseguriwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete kandi hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 65, iya 177 n'iya	1° subject to any restriction in its incorporation documents and in accordance with Articles 65, 177 and	1° sous réserve de toute restriction contenue dans ses documents constitutifs et conformément aux

178 z'iri tegeko;	178 of this Law;	articles 65, 177 et 178 de la présente loi;
2° mu gihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane, abanyamigabane bahisemo kutagengwa n'ingingo ya 240 y'iri tegeko;	2° the case of a private company, if the shareholders have opted out of the requirements of Article 240 of this Law;	2° dans le cas d'une société privée, si les actionnaires ont choisi de ne pas se conformer aux exigences de l'article 240 de la présente loi;
3° hubahirijwe icyemezo cy'urukiko cyafashwe ku bw'iri tegeko ku byerekeranye n'amabwiriza ashyirwaho n'iri tegeko;	3° in accordance with an order of the court made under this Law on the terms and conditions set out in this Law;	3° conformément à une ordonnance judiciaire rendue en vertu de la présente loi sur les termes et conditions énoncées dans la présente loi;
4° hubahirijwe ingingo ya 241 y'iri tegeko.	4° in accordance with Article 241 of this Law.	4° conformément à l'article 241 de la présente loi.
Ingingo ya 177: Ububasha bw'Abagize Inama y'Ubutegetsi bwo kugura imigabane y'abanyamigabane	**Article 177: Powers of directors to acquire shares**	**Article 177: Pouvoirs des administrateurs d'acquérir des actions**
Buri gihe cyose isosiyete ifite uburenganzira bwo kugura imigabane yayo, abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora:	At any time when a company is entitled to acquire its own shares, the directors may:	À tout moment où une société a le droit d'acquérir ses propres actions, les administrateurs peuvent:
1° gusaba mu buryo rusange abanyamigabane b'isosiyete kugura igice runaka cy'imigabane yabo, iyo:	1° make a general offer to all shareholders of the company to acquire a proportion of their shares, if:	1° faire une offre générale à tous les actionnaires de la société d'acquérir une proportion de leurs actions, si:
a. ubwo busabe, buramutse bwemewe uko bwakabaye, butazagira icyo buhungabanyaho uburenganzira bwerekeranye no gutora n'itangwa	a. such an offer will, if accepted in full, leave unaffected relative voting and distribution rights;	a. une telle offre, si elle est acceptée dans son intégralité, n'affectera pas les droits de vote et de distribution y relatifs non affectés;

ry'inyungu; b. abanyamigabane bose bahawe amahirwe yo kugaragaza icyo batekereza kuri ubwo busabe; c. ibisabwa biteganyijwe mu ngingo ya 178 kugira ngo ubusabe bwa rusange cyangwa bwihariye byubahirizwe; 2° gukora ubusabe bwihariye bwo kugura imigabane kuri umwe cyangwa benshi mu banyamigabane mu bundi buryo butari ubuteganyijwe mu gace ka mbere, iyo ibisabwa n'ingingo ya 179 y'iri tegeko byubahirijwe.	b. all shareholders are afforded a reasonable opportunity to accept the offer; c. the requirements for general or special offers set out in Article 178 of this Law are followed; 2° make a special offer to one or more shareholders to acquire shares, other than in accordance with item 1o, if the requirements set out in Article 179 of this Law are followed.	b. tous les actionnaires ont l'opportunité raisonnable d'accepter l'offre; c. les exigences pour les offres générales ou spéciales prévues à l'article 178 de la présente loi sont respectées; 2° faire une offre spéciale à un ou plusieurs actionnaires d'acquérir des actions, autrement qu'en vertu du point 1°, si les conditions énoncées à l'article 179 de la présente loi sont respectées.
<u>Ingingo ya 178</u>: Ibisabwa mu isaba rikozwe mu buryo rusange Abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora gusaba mu buryo bwa rusange kugura imigabane iyo babanje kwemeza ko: 1° iryo gura riri mu nyungu y'isosiyete; 2° ingingo zikubiye muri iryo saba ndetse n'igiciro batanga bikwiye kuri iyo sosiyete;	**<u>Article 178</u>: Requirements for general offers** Directors may make a general offer or special offer to acquire shares only if they have previously resolved: 1° that the acquisition in question is in the best interests of the company; 2° that the terms of the offer and the consideration offered for the shares are fair and reasonable to the company;	**<u>Article 178:</u> Exigences relatives aux offres générales** Les administrateurs ne peuvent faire une offre générale ou une offre spéciale pour acquérir des actions que s'ils ont déjà résolu : 1° que l'acquisition en question est dans les meilleurs intérêts de la société; 2° que les conditions de l'offre et de la contrepartie offerte pour les actions sont justes et raisonnables pour la société;

3° nta makuru bafite abandi banyamigabane badashobora kubona: a. ya ngombwa ku isesengura ry'agaciro k'imigabane; b. nk'ingaruka y'ingingo zikubiye mu nyandiko y'isaba ndetse n'igiciro bidakwiye kugira ngo yemere iryo saba; bene icyo cyemezo kigomba kandi gushyiraho impamvu zose z'umwanzuro w'abagize Inama y'Ubutegetsi.	3° that they are not aware of any information not available to shareholders: a. which is material to an assessment of the value of the shares; b. as a result of which the terms of the offer and consideration offered for the shares are unfair to shareholders accepting the offer; any such resolution sets out full reasons for the board of directors' resolution.	3° qu'ils n'ont pas connaissance de toute information non disponible pour les actionnaires: c. qui est importante à une évaluation de la valeur des actions; d. comme résultat pour laquelle les conditions de l'offre et de contrepartie offerte pour les actions sont injustes aux actionnaires d'accepter l'offre; une telle résolution doit énoncer les motifs complets pour la résolution du Conseil d'administration.
Abayobozi batoye umwanzuro usabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bashyira umukono ku cyemezo kirebana n'ibivugwa muri icyo gika, icyemezo gishobora guhuzwa n'icyemezo gisabwa mu ngingo ya 68 y'iri tegeko ndetse n'ikindi cyemezo cyose gisabwa mu ngingo ya 179 y'iri tegeko.	Directors who vote in favour of a resolution required by Paragraph one of this Article sign a certificate as to the matters set out in that Paragraph which may be combined with the certificate required by Article 68 of this Law and any certificate required under Article 179 of this Law.	Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution requise par l'alinéa premier du présent article signent un certificat en rapport avec les dispositions de cet alinéa qui peut être combiné avec le certificat requis par l'article 68 de la présente loi et de tout certificat requis en vertu de l'article 179 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 179</u>: Ibisabwa mu isaba ryihariye	**<u>Article 179:</u> Requirements for special offers**	**<u>Article 179 :</u> Exigences relatives aux offres spéciales**
Abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora gusaba mu buryo bwihariye kugura imigabane iyo, hiyongereye ku bisabwa n'ingingo ya 178 y'iri tegeko, baba bararangije kwemera ibi	The members of the Board of Directors may make a special offer to acquire shares only if in addition to complying with requirements of Article 178 of this Law the directors have	Les administrateurs peuvent faire une offre spéciale pour acquérir des actions si, en plus des conditions de l'article 178 de la présente loi, ils ont préalablement résolu :

bikurikira:	previously resolved:	
1° ko iryo gurisha riri mu nyungu z'abandi banyamigabane basigaye;	1° that the acquisition in question is of benefit to the remaining shareholders;	1° que l'acquisition en question est bénéfique pour les actionnaires restants;
2° ko ibikubiye muri iryo saba n'igiciro ku migabane bikwiye ku banyamigabane bandi basigaye.	2° that the terms of the offer and consideration offered for the shares are fair and reasonable to the remaining shareholders.	2° que les conditions de l'offre et de contrepartie offerte pour les actions sont justes et raisonnables aux actionnaires restants.
Uwo mwanzuro ugomba kwerekana impamvu zose zashingiweho ufatwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi.	Any such resolution sets out full reasons for the directors' conclusions.	Une telle résolution doit énoncer les motifs complets ayant conduit les administrateurs à la prendre.
Abagize Inama y'Ubutegetsi batoye umwanzuro usabwa mu gika cya mbere bashyira umukono ku cyemezo ku byerekeranye n'ibiteganywa mu gika cya mbere.	Directors who vote in favour of a resolution required by Paragraph One sign a certificate as to the matters set out in Paragraph One.	Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution requise par l'alinéa premier signent un certificat relatifs aux dispositions de l'alinéa premier.
Mbere yo gusaba bishingiye ku biteganywa mu gika cya mbere, isosiyete yohereza buri munyamigabane inyandiko imenyekanisha amakuru.	Before an offer is made pursuant to a resolution under Paragraph One, the company sends each shareholder a disclosure document.	Avant qu'une offre soit faite conformément à une résolution en vertu de l'alinéa premier, la société doit envoyer à chaque actionnaire un document d'information.
Inyandiko imenyekanisha amakuru yohererejwe abanyamigabane bose igomba kugaragaza:	The document disclosure sent to all shareholders sets out:	Le document d'information envoyé à tous les actionnaires énonce:
1° imiterere n'ingingo z'isaba, mu gihe rireba abanyamigabane runaka, kugaragaraza	1° the nature and terms of the offer, and if made to specified shareholders, to	1° la nature et les conditions de l'offre, et si elle est faite aux actionnaires

abanyamigabane rireba; 2° inyandiko y'umwanzuro usabwa mu gika cya mbere, iherekejwe n'andi makuru yose n'ibisobanuro byaba ngombwa kugira ngo bifashe umunyamigabane kumva neza ubwoko n'ingaruka z'igurishwa risabwa ku isosiyete no ku banyamigabane. Gusaba gushobora gukorwa mu gihe kitari munsi y'iminsi icumi (10) kandi kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi nyuma y'uko inyandiko imenyekanisha yohererejwe buri munyamigabane.	whom it will be made; 2° the text of the resolution required by Paragraph One, together with such further information and explanation as may be necessary to enable a shareholder to understand the nature and implications for the company and its shareholders. The offer may be made not less than ten (10) and not more than thirty (30) working days after the disclosure document has been sent to each shareholder.	spécifiés, à qui elle sera faite; 2° le texte de la résolution requise par l'alinéa premier ainsi que toute autre information supplémentaire et explication en cas de besoin pour permettre à un actionnaire raisonnable de comprendre la nature et les implications pour la société et ses actionnaires. L'offre peut être faite au moins dix (10) et pas plus de trente (30) jours ouvrables après l'expédition du document d'information à chaque actionnaire.
<u>Ingingo ya 180</u>: Icyemezo gihagarika igurisha ryasabwe Umunyamigabane w'isosiyete ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gihagarika igurishwa ryasabwe rishingiye ku isabwa rya rusange cyangwa ryihariye riteganywa mu ngingo ya 178 n'iya 179 z'iri tegeko ku mpamvu z'uko: 1° iryo gurisha ritari mu nyungu z'isosiyete cyangwa iz'abanyamigabane bandi basigaye; 2° ingingo z'isaba n'igiciro gitangwa ku	**<u>Article 180</u>: Order restraining proposed acquisition** A shareholder or the company may apply to the court for an order restraining a proposed acquisition pursuant to a general or special offer under Articles 178 and 179 of this Law on the grounds that: 1° it is not in the best interests of the company or of benefit to any remaining shareholders; 2° the terms of the offer and the	**<u>Article 180</u>: Ordonnance interdisant le projet d'acquisition** Un actionnaire ou la société peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance interdisant un projet d'acquisition sur base d'une offre générale ou spéciale en vertu des articles 178 et 179 de la présente loi sur les motifs suivants: 1° il n'est pas dans les meilleurs intérêts de la société ou des actionnaires restants; 2° les termes de l'offre et de la

migabane bidakwiye ku isosiyete no ku bandi banyamigabane basigaye.	consideration offered for the shares are not fair and reasonable to the company or to any remaining shareholders.	contrepartie offerte pour les actions ne sont pas justes et raisonnables pour la société ou les actionnaires restants.
Icyiciro cya 3: Imigabane ishobora kwisubizwa	**Section 3: Redeemable shares**	**Section 3: Actions rachetables**
Ingingo ya 181: Kwisubiza imigabane ku bushake bw'isosiyete	**Article 181: Redemption at option of the company**	**Article 181: Remboursement d'actions au gré de la société**
Iyo umugabane ushobora kwisubizwa ku bushake bw'isosiyete, uko kwisubizwa gufatwa nk'igurwa ry'umugabane ku bw'ibiteganyijwe kuva ku ngingo ya 177, iya 178 n'iya 179 z'iri tegeko.	Where a share is redeemable at the option of the company, any such redemption is deemed to be an acquisition of the share for the purposes of Articles 177, 178 and 179 of this Law.	Lorsqu'une action est rachetable au gré de la société, un tel remboursement est réputé être une acquisition de l'action aux fins des articles 177, 178 et 179 de la présente loi.
Ingingo ya 182: Kwisubiza imigabane bikozwe n'abanyamigabane	**Article 182: Redemption at the option of the shareholder**	**Article 182: Remboursement au choix de l'actionnaire**
Iyo umugabane ari uwo gusubizwa ku bushake bw'uwufite, hanyuma nyirawo agaha inyandiko imenyesha isosiyete ko yawisubiza:	Where a share is redeemable at the option of the holder of the share, and the holder gives proper notice to the company requiring the company to redeem the share:	Lorsqu'une action est rachetable au gré du détenteur de l'action et que le détenteur donne un avis approprié à la société l'exigeant à rembourser l'action:
1° isosiyete igomba gusubirana uwo mugabane ku itariki yavuzwe muri iyo nyandiko, niba nta tariki yavuzwe isosiyete igomba guhita iwisubiza ikimara kubona iyo nyandiko;	1° the company redeems the share on the date specified in the notice, or if no date is specified, on the date of receipt of the notice;	1° la société doit rembourser l'action à la date indiquée dans l'avis, ou si aucune date n'est spécifiée, à la date de réception de la notification;
2° guhera ku itariki yo kwisubiza umugabane, uwari uwufite wa mbere afatwa	2° from the date of redemption, the former shareholder ranks as an	2° à partir de la date du rachat, l'ancien actionnaire se classe comme un

nk'uberewemo umwenda n'isosiyete nta ngwate ku mafaranga avugwa mu nyandiko zishinga isosiyete nk'aho azishyurwa uko kwisubiza kumaze gukorwa.	unsecured creditor of the company in respect of the sum specified in the incorporation documents as being payable upon such redemption.	créancier chirographaire de la société à l'égard de la somme indiquée dans les documents constitutifs comme étant payable à un tel rachat.
Ku bw'ibivugwa mu ngingo ya 69 n'iya 70 z'iri tegeko, kwisubiza umugabane guteganywa n'iyi ngingo ntabwo bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane biteganywa n'igika cya mbere n'icya 3 by'ingingo ya 73 y'iri tegeko.	A redemption under this Article is not a distribution for the purposes of Articles 69 and 70 of this Article but is deemed to be a distribution for the purposes of Paragraphs One and 3 of Article 73 of this Law.	Un rachat en vertu du présent article n'est pas une distribution aux fins des articles 69 et 70 de la présente loi, mais est considéré comme une distribution aux fins des alinéas premier et 3 de l'article 73 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 183</u>: Kwisubiza umugabane ku itariki yagenwe	**<u>Article 183:</u> Redemption upon a fixed date**	**<u>Article 183</u>: Remboursement à une date fixe**
Iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zagennye itariki yo kwisubiza umugabane:	Where a share is redeemable upon a date specified in the incorporation documents:	Lorsqu'une action est rachetable à une date spécifiée dans les documents constitutifs:
1° isosiyete igomba kwisubiza uwo mugabane kuri iyo tariki;	1° the company must redeem the share upon that date;	1° la société doit rembourser l'action à cette date;
2° guhera kuri iyo tariki, uwari ufite uwo mugabane afatwa nk'uberewemo umwenda n'isosiyete nta ngwate ku mafaranga avugwa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete nk'aho azishyurwa uko kwisubiza kumaze gukorwa.	2° from that date, the former shareholder ranks as an unsecured creditor of the company in respect of the sum specified in the incorporation documents as being payable upon such redemption.	2° à partir de cette date, l'ancien actionnaire se classe comme un créancier chirographaire de la société à l'égard de la somme indiquée dans les documents constitutifs comme étant payable à un tel rachat.
Kwisubiza umugabane guteganywa n'iyi ngingo ntabwo bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane hagamijwe kwisubiza	A redemption under this Article is not a distribution, but is deemed to be a distribution for the purposes of recovering a distribution	Un rachat en vertu du présent article n'est pas une distribution, mais est réputé être une distribution à des fins de récupération d'une

inyungu zahawe umunyamigabane.	from shareholder.	distribution à partir d'un actionnaire.
Icyiciro cya 4: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe	**Section 4: Cancellation of shares re-purchased or redeemed**	**Section 4: Annulation des actions rachetées ou remboursées**
Ingingo ya 184: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe	**Article 184: Cancellation of shares re-purchased or redeemed**	**Article 184: Annulation des actions rachetées ou remboursées**
Umugabane wose w'isosiyete waguzwe cyangwa wishubijwe n'isosiyete ufatwa nk'utakiriho ako kanya nyuma yo kuwugura cyangwa kuwisubiza kandi uburenganzira n'inyungu byose byari biwushamikiyeho bihita bita agaciro.	Any share of a company acquired or redeemed by a company is deemed to be cancelled immediately upon acquisition or redemption and all the rights and privileges attached to that share expire.	Toute action d'une société acquise ou remboursée par une société est réputée être annulée immédiatement à l'acquisition ou au rachat et tous les droits et privilèges attachés à cette action sont déchus.
Uretse ibiteganywa n'iyi ngingo, imigabane igurwa cyangwa ikisubizwa ku itariki isosiyete yagombaga kugira ububasha bwo gukoreshwa uburenganzira bwayo bushamikiye kuri iyo migabane.	Shares are acquired or redeemed on the date upon which the company would, apart from this Article, become entitled to exercise the rights attached to the shares.	Les actions sont acquises ou remboursées à la date à laquelle la société aurait, en dehors du présent article, droit d'exercer les droits attachés aux actions.
Iyo umugabane ukuweho, abagize Inama y'Ubutegetsi baha Umwanditsi Mukuru inyandiko imenyesha ihindurwa ry'inyandiko zishingwa ry'isosiyete mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15).	Where a share is cancelled, the directors deliver to the Registrar General a notice of alteration of incorporation documents within fifteen (15) days.	Lorsqu'une action est annulée, les administrateurs remettent au Registraire général un avis de modification des documents constitutifs dans un délai de quinze (15) jours.
Icyiciro cya 5: Gushyira mu bikorwa	**Section 5: Enforceability of contract to**	**Section 5: Exécution des contrats de rachat**

amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza	**repurchase or redeem shares**	**ou de remboursement d'actions**
<u>Ingingo ya 185</u>: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza	**<u>Article 185:</u> Enforceability of contract to repurchase or redeem shares**	**<u>Article 185:</u> Exécution des contrats de rachat d'actions**
Isosiyete ntiryozwa igihombo gitewe no kunanirwa kugura cyangwa kwisubiza imigabane yayo, ariko amasezerano yakoze ateganya kugura cyangwa kwisubiza imigabane yayo ashyirwa mu bikorwa n'isosiyete uko bisabwa, keretse iyo:	A company is not liable in damages for any failure to acquire or redeem its shares, but a contract with a company providing for the acquisition or redemption by the company of its shares is specifically enforceable against the company except to the extent that:	Une société n'est pas responsable des dommage-intérêts pour tout manquement à acquérir ou rembourser ses actions, mais un contrat avec une société prévoyant l'acquisition ou le rachat par la société de ses actions est spécifiquement exécutoire contre la société, sauf dans la mesure où:
1° isosiyete idashobora gushyira mu bikorwa ayo masezerano bitayiteje kunanirwa kwishyura imyenda yayo;	1° the company cannot perform the contract without thereby causing the company to fail to satisfy the solvency test;	1° la société ne peut pas exécuter le contrat sans causer la défaillance de la part de la société de satisfaire au critère de solvabilité;
2° nk'ingaruka yo kugurisha, nta munyamigabane w'isosiyete uzongera kugira imigabane uretse imigabane ishobora kwisubizwa.	2° as a result of the acquisition there would no longer be any shareholder of the company holding shares other than redeemable shares.	2° à la suite de l'acquisition, il n'y aurait plus aucun actionnaire de la société détenant des actions autres que des actions rachetables.
Mu kirego cyose cyerekeye amasezerano yavuzwe mu gika cya mbere, isosiyete niyo isabwa gutanga ikimenyetso ko ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ryabujijwe n'ibiteganywa n'ingingo ya 69 y'iri tegeko.	In any action brought on a contract referred to in Paragraph One of this Article, the company has the burden of proving that performance of that contract is prevented by provisions of Article 69 of this Law.	Dans toute action portée sur un contrat visé à l'alinéa premier du présent article, la société a l'obligation de prouver que l'exécution de ce contrat est empêché par les dispositions de l'article 69 de la présente loi.
Kugeza igihe isosiyete irangirije gushyira mu	Until the company has fully performed a	Jusqu'à ce que la société ait complètement

bikorwa amasezerano nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urundi ruhande ku masezerano rugumana uburenganzira bwo gusaba ko rwishyurwa buri gihe cyose isosiyete ibonye ubushobozi cyangwa mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete rwishyurwa ku ntera iri inyuma y'ababerewemo umwenda n'isosiyete ariko mbere y'abandi banyamigabane.	contract referred to in Paragraph One of this Article, the other party retains the status of a claimant entitled to be paid as soon as the company is lawfully able to do so or, prior to the removal of the company from the register, to be ranked subordinate to the rights of creditors but in priority to the other shareholders.	exécuté le contrat visé à l'alinéa premier du présent article, l'autre partie conserve le statut de demandeur qui a le droit d'être payé dès que la société est légalement en mesure de le faire ou, avant la radiation de la société du registre, d'être classé parmi les créanciers, mais en priorité aux autres actionnaires.
Icyiciro cya 6: Inkunga y'amafaranga itanzwe n'isosiyete mu kugurisha imigabane yayo	**Section 6: Financial assistance by a company for the purchase of its own shares**	**Section 6: Assistance financière par une société pour l'achat de ses propres actions**
Ingingo ya 186: Ububasha bwo gutanga inkunga y'amafaranga	**Article 186: Power to give financial assistance**	**Article 186 : Pouvoir de fournir une assistance financière**
Isosiyete ishobora gutanga inkunga y'amafaranga, inguzanyo, kwishingira, ingwate cyangwa n'ibindi bijyana na byo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku muntu wese hagamijwe kugura imigabane yayo yatanzwe cyangwa igomba gutangwa, iyo gusa:	A company may give financial assistance by means of a loan, guarantee, the provision of security or otherwise to any person for the purpose of or in connection with the purchase of any share allotted or to be allotted by the company, whether directly or indirectly, only if:	Une société peut accorder une assistance financière au moyen d'un prêt, de garantie, de fourniture de la sécurité ou autrement à toute personne dans le but d'achat d'une action attribuée ou devant être attribuée par la société, que ce soit directement ou indirectement, seulement si:
1° isosiyete:	1° the company:	1° la société:
a) itanze inkunga y'amafaranga mu bikorwa byayo no ku bigomba kubahirizwa bisanzwe;	a) gives the financial assistance in the ordinary course of business and on usual terms and conditions;	a) donne l'assistance financière dans le cours normal des affaires et selon des termes et conditions habituelles;
b) ibonye agaciro gakwiye ugereranyije	b) receives fair value in connection with	b) reçoit la juste valeur en rapport avec

n'inkunga yatanzwe; 2° haseguriwe ibyaba bibujijwe byose mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, inkunga y'amafaranga itangwa hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 69 n'iya 187 z'iri tegeko; 3° igihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, abanyamigabane baremeye kutagengwa n'ibisabwa n'ingingo ya 194 n'iya 209 z'iri tegeko.	the assistance; 2° subject to any restriction in its incorporation statement, the financial assistance is given in accordance with Articles 69 and 187 of this Law; 3° in the case of a private company, the shareholders have opted out of the requirements of Articles 194 and 209 of this Law.	l'assistance; 2° sous réserve de toute restriction dans sa déclaration d'incorporation, l'assistance financière est accordée conformément aux articles 69 et 187 de la présente loi; 3° dans le cas d'une société privée, les actionnaires ont choisi de ne pas se soumettre aux exigences des articles 194 et 209 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 187</u>: Inkunga y'amafaranga ifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane	**<u>Article 187:</u> Financial assistance considered as a distribution**	**<u>Article 187:</u> Assistance financière considérée comme une distribution**
Inkunga y'amafaranga itangwa nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 186 y'iri tegeko ntifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane. Inkunga y'amafaranga itangwa mu bundi buryo ifatwa nk'itangwa ry'inyungu kumigabane ku birebana n'indi migabane yagurishijwe cyangwa igomba kugurishwa, uwahawe inkunga yaba afite imigabane mu isosiyete cyangwa atayifite igihe inkunga yatangwaga . Ku mpamvu yo kugena niba amafaranga yatangwa: 1° «umutungo» ufatwa nk'utabarirwamo	The financial assistance given under Article 186 of this Law is deemed not to be a distribution. Financial assistance given otherwise is deemed to be a distribution in respect of the shares purchased, or to be purchased, whether or not the person to whom the assistance is given holds or acquires share in the company at the time the assistance is given. For the purpose of determining whether financial assistance may be given: 1° "asset" is to be taken to exclude the	L'assistance financière accordée en vertu de l'article 186 de la présente loi est réputée ne pas être une distribution. L'assistance financière donnée autrement est réputée une distribution à l'égard des actions acquises, ou à acheter, que la personne à qui l'assistance est offerte détient ou acquiert ou non l'action dans la société au moment où l'assistance est accordée. Aux fins de déterminer si une assistance financière peut être accordée: 1° «actif» doit être pris pour exclure le

amafaranga y'inkunga yatanzwe mu buryo bw'inguzanyo;	amount of any financial assistance in the form of a loan;	montant de toute assistance financière sous la forme d'un prêt;
2° «uburyozwe» harimo agaciro k'uburyozwe bwose bwaba buhari cyangwa budahari isosiyete yahuye nabwo kubera kuba yaratanze inkunga.	2° "liability" includes the face value of any liability, whether contingent or otherwise, incurred in connection with the giving of the assistance.	2° «responsabilité» inclut la valeur nominale de toute responsabilité éventuelle ou engagée en rapport avec l'octroi de l'assistance.
<u>Ingingo ya 188</u>: Ibisabwa kugira ngo hatangwe inkunga yo kugura imigabane	**<u>Article 188</u>: Requirements for financial assistance to promote shares**	**<u>Article 188</u>: Exigences relatives à l'assistance financière pour promouvoir les actions**
Isosiyete ishobora gutanga inkunga y'amafaranga ku muntu kugira ngo agure imigabane yatanzwe, mu gihe gusa abagize Inama y'Ubutegetsi bemeje ko:	A company may give financial assistance to a person to purchase shares allotted only if the directors have previously resolved that:	Une société ne peut accorder une assistance financière à une personne d'acheter des actions attribuées que si les administrateurs ont déjà décidé que:
1° gutanga iyo nkunga biri mu nyungu z'isosiyete;	1° the giving of the assistance is in the best interests of the company;	1° l'octroi de l'assistance est dans les meilleurs intérêts de la société;
2° ibyubahirizwa mu itangwa ry'iyo nkunga bikwiye kuri sosiyete;	2° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to the company;	2° les termes conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables à la société;
3° gutanga iyo nkunga biri mu nyungu za buri munyamigabane utayihawe;	3° giving the assistance in question is of benefit to any shareholders not receiving the assistance;	3° donner ladite assistance est bénéfique pour tous les actionnaires qui n'ont pas reçu l'assistance;
4° ibyubahirizwa kugira ngo iyo nkunga itangwe bikwiye kuri buri munyamigabane utayihawe.	4° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to any shareholders not	4° les termes dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables à tous les actionnaires qui n'ont pas reçu

	receiving the assistance.	l'assistance.
Uwo mwanzuro kandi ugomba kugaragaza impamvu abagize Inama y'Ubutegetsi bashingiyeho bawufata.	Any such resolution must set out full reasons for the directors' conclusions.	Une telle résolution doit énoncer les motifs complets ayant conduit les administrateurs à la prendre.
Abayobozi batoye umwanzuro wemera gutanga inkunga y'amafaranga bashyira umukono ku cyemezo cyerekeranye n'ibivugwa mu gika cya mbere kandi icyo cyemezo gishobora guhuzwa n'ikivugwa mu ngingo ya 69 y'iri tegeko.	Directors who vote in favour of a resolution to give financial assistance sign a certificate as to the matters set out in Paragraph One and that certificate may be combined with the certificate required under Article 69 of this Law.	Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution visant à apporter une assistance financière doit signer un certificat pour les questions énoncées à l'alinéa premier et ce certificat peuvent être combinés avec le certificat requis en vertu de l'article 69 de la présente loi.
Mbere y'uko inkunga y'amafaranga itangwa, isosiyete yohereereza buri munyamigabane inyandiko imenyekanisha yubahirije ibivugwa mu ngingo ya 178 y'iri tegeko.	Before financial assistance is given, the company sends each shareholder a disclosure document which complies with Article 178 of this Law.	Avant qu'une assistance financière soit accordée, la société doit envoyer à chaque actionnaire un document d'information qui est conforme à l'article 178 de la présente loi.
Inkunga ishobora gutangwa mu gihe kitari munsi y'iminsi icumi (10) kandi itari hejuru y'iminsi mirongo itatu (30) inyandiko imenyekanisha yohererejwe buri munyamigabane.	The assistance may be given not less than ten (10) and not more than thirty (30) days after the disclosure document has been sent to each shareholder.	L'assistance peut être fournie dans un délai d'au moins dix (10) et ne dépassant pas trente (30) jours après l'envoi du document d'information à chaque actionnaire.
Iyo nyandiko yohererejwe abanyamigabane mu buryo bwo kumenyekanisha igaragaza:	The document sent to all shareholders by way of disclosure sets out:	Le document envoyé à tous les actionnaires au moyen de la notification doit indiquer:
1° ubwoko n'ibyubahirizwa kugira ngo inkunga itangwe n'uwo izahabwa;	1° the nature and terms of the assistance to be given, and to whom it will be given;	1° la nature et les termes de l'assistance à fournir, tout en indiquant le destinataire;

2° inyandiko ikubiyemo umwanzuro werekeranye n'itangwa ry'inkunga y'amafaranga, iherekejwe n'andi makuru yose n'ibisobanuro bya ngombwa bifasha umunyamigabane kumva ubwoko n'ingaruka z'iyo nkunga y'amafaranga ku isosiyete no ku banyamigabane bayo.	2° the text of the resolution relating to giving financial assistance, together with such further information and explanation as may be necessary to enable a reasonable shareholder to understand the nature and implications of that financial assistance for the company and its shareholders.	2° le texte de la résolution concernant la donation de l'assistance financière, ainsi que toute autre information et explication nécessaires pour permettre à un actionnaire raisonnable de comprendre la nature et les conséquences de l'assistance financière pour la société et ses actionnaires.
Ingingo ya 189: Icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa	**Article 189: Order restraining proposed financial assistance**	**Article 189: Ordonnance interdisant une assistance financière proposée**
Umunyamigabane cyangwa isosiyete bashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa bashingiye ko:	A shareholder or the company may apply to the court for an order restraining the proposed financial assistance on the grounds that:	Un actionnaire ou la société peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance interdisant l'assistance financière proposée sur les motifs suivants:
1° itari mu nyungu z'isosiyete cyangwa z'umunyamigabane wese utabonye iyo nkunga;	1° it is not in the best interests of the company or of benefit to any shareholders not receiving the assistance;	1° l'assistance financière n'est pas dans les meilleurs intérêts ni de la société, ni de l'actionnaire qui ne la reçoit pas;
2° ingingo zashingiweho kugira ngo izatangwe zidakwiye ku isosiyete cyangwa kuri buri munyamigabane utayihawe.	2° the terms and conditions under which the assistance is to be given are not fair and reasonable to the company or to any shareholders not receiving the assistance.	2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance doit être donnée ne sont pas justes et raisonnables à la société ou à l'actionnaire qui ne reçoit pas l'assistance.
Ingingo ya 190: Ingaruka zo kutubahiriza	**Article 190: Effects of non-compliance with**	**Article 190: Effets du non-respect des**

ibisabwa mu gutanga inkunga	**requirements for granting financial assistance**	**exigences relatives à l'octroi d'assistance financière**
Kutubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 188 y'iri tegeko ntibigira ingaruka ku gaciro k'igikorwa, ariko bigira ingaruka ziteganyijwe mu ngingo ya 230 y'iri tegeko.	The failure to comply with the provisions of Article 188 of this Law does not affect the validity of any transaction, but has the consequences set out in Article 230 of this Law.	Le défaut de se conformer aux dispositions de l'article 188 de la présente loi ne porte pas atteinte à la validité de toute transaction, mais produit des conséquences prévues à l'article 230 de la présente loi.
Iyi ngingo ntacyo ihungabanya ku buryozwe bw'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu wese ku kuba atubahirije inshingano nk'umuntu uhagarariwe cyangwa mu bundi buryo bwose.	This Article does not affect any liability of a director or any other person for breach of any duty, or as a constructive trustee, or otherwise.	Le présent article n'a aucune incidence sur la responsabilité d'un administrateur ou de toute autre personne pour violation de tout devoir, ou à titre d'un mandataire ou autrement.
UMUTWE WA VII: KWEMEZA, GUHINDURA NO GUKURAHO INYANDIKO ZIGENGA SOSIYETE N'IMPINDUKA ZIKOMEYE	**CHAPTER VII: ADOPTION, ALTERATION AND REVOCATION OF INCORPORATION DOCUMENTS AND FUNDAMENTAL CHANGES**	**CHAPITRE VII: ADOPTION, MODIFICATION ET RETRAIT DES DOCUMENTS CONSTITUTIFS ET CHANGEMENTS FONDAMENTAUX**
Icyiciro cya mbere: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete	**Section One: Alteration of incorporation documents**	**Section première : Modification des documents constitutifs**
Ingingo ya 191: Ububasha bugenewe abanyamigabane bushyirwa mu bikorwa binyuze mu mwanzuro udasanzwe	**Article 191: Powers reserved to shareholders exercisable by special resolution**	**Article 191: Pouvoirs réservés aux actionnaires par voie de résolution spéciale**
Ububasha bugenewe abanyamigabane bushobora gukoreshwa gusa hafashwe umwanzuro udasanzwe ni ubwo:	The powers reserved to shareholders which may only be exercised by special resolution are to:	Les pouvoirs réservés aux actionnaires, qui ne peuvent être exercés que par voie de résolution spéciale sont:

1° kwemeza, guhindura cyangwa gukuraho inyandiko zishinga isosiyete;	1° adopt, alter or revoke the company's incorporation documents;	1° l'adoption, modification ou abrogation des documents constitutifs de la société;
2° kwemeza umwanzuro udasanzwe;	2° adopt a special resolution;	2° l'adoption d'une résolution spéciale;
3° kwemeza icyifuzo cyo guhindura sosiyete, imiterere y'isosiyete, icyiciro cyangwa ubwoko bwayo;	3° authorise a proposal to change the status, category or type of the company;	3° l'autorisation d'une proposition visant à modifier le statut ou le type de la société ;
4° kwemeza ukwibumbira hamwe kw'amasosiyete;	4° authorise an amalgamation;	4° l'autorisation d'une fusion;
5° gusesa isosiyete;	5° put the company in liquidation;	5° la mise en liquidation d'une société;
6° gusabira isosiyete, iyo igishoboye kwishyura imyenda, kuvanwa mu gitabo cy'amasosiyete.	6° apply for the company, when solvent, to be removed from the register of companies.	6° la demande de radiation de la société étant encore solvable du registre des sociétés.
Icyemezo gifashwe binyuze mu mwanzuro udasanzwe gishobora kuvanwaho binyuze gusa mu wundi mwanzuro udasanzwe.	Any decision made by special resolution may be rescinded only by special resolution.	Toute décision prise par une résolution spéciale ne peut être annulée que par résolution spéciale.
<u>Ingingo ya 192</u>: Ububasha bwo guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete	**<u>Article 192:</u> Power to alter incorporation documents**	**<u>Article 192:</u> Pouvoir de modifier les documents constitutifs**
Iyo isosiyete ihinduye inyandiko ziyishinga, abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira iryo hinduka, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru ibi bikurikira:	When a company alters its incorporation documents, the directors, within ten (10) working days of the alteration, deliver to the Registrar General:	Lorsqu'une société modifie ses documents constitutifs, les administrateurs doivent endéans dix (10) jours ouvrables suivant la modification, remettre au Registraire général:

1° inyandiko yuzuye imenyesha iryo hinduka ry'inyandiko zigenga isosiyete mu buryo buteganyijwe; 2° inyandiko ikubiyemo kwemera yanditswe mu buryo buteganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese uyanditsemo nk'ugize inama y'ubutegetsi mushya cyangwa umwanditsi.	1° a completed notice of alteration of incorporation documents in the prescribed form; 2° completed consent in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.	1° un avis dûment rempli de modification des documents constitutifs dans la forme prescrite; 2° un acte de consentement rédigé dans la forme prescrite et signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau administrateur ou secrétaire.
Mu gihe cy'igabana ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza: 1° umubare w'imigabane yagabanywe; 2° uburenganzira, ibibujijwe cyangwa ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane wagabanywe cyangwa icyiciro cyawo, n'uko ushobora guhererekanywa, niba binyuranyije n'ingingo ya 85 y'iri tegeko.	In the case of an allotment of shares, the notice must specify: 1° the number of shares allotted; 2° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each allotted share or class, and its transferability, if different to Article 85 of this Law.	Dans le cas d'une attribution d'actions, l'avis doit préciser: 1° le nombre d'actions attribuées; 2° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à chaque action ou catégories d'actions allouées, et sa transférabilité, si elle est différente de l'article 85 de la présente loi.
Mu gihe habayeho ihanagurwa ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza ku migabane ya buri bwoko, umubare wahanaguwe n'itariki iryo hanagurwa ryabereyeho.	In the case of a cancellation of shares, the notice specifies for shares of each class the number cancelled and the date of cancellation.	Dans le cas d'une annulation d'actions, l'avis doit préciser, pour les actions de chaque catégorie, le nombre annulé et la date d'annulation.
Mu gihe habayeho guhindura izina ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru agomba gutanga icyemezo gihinduye cy'isosiyete.	In the case of an alteration of the company's name, the Registrar General issues an amended certificate of incorporation.	Dans le cas d'une modification de la dénomination sociale , le Registraire général doit délivrer un certificat de constitution modifié.

Igika cya mbere ntikireba igice icyo aricyo cyose cy'inyandiko zigenga sosiyete cyerekeranye n'imicungire y'imbere y'isosiyete.	Paragraph One of this Article does not apply to any part of a company's incorporation documents relating to the internal management of the company.	L'alinéa premier du présent article n'est d'application à une partie des documents constitutifs d'une société relative à la gestion interne de la société.
Mu gihe abanyamigabane b'isosiyete badashoboye guhindura amategeko-shingiro ku buryo buteganywa nayo cyangwa n'iri tegeko, urukiko rubifitiye ububasha rushobora, rubisabwe n'abanyamigabane cyangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi, gufata icyemezo gihindura amategeko-shingiro mu buryo rubona bukwiye.	Where the shareholders of a company are unable to alter the articles of association in the manner provided by the articles of association or this Law, a competent court may upon the application of the shareholders or directors make an order altering the articles of association on terms and conditions as it deems fit.	Lorsque les actionnaires d'une société ne sont pas capables de modifier les statuts de la manière prévue par les statuts ou la présente loi, une juridiction compétente peut, sur la demande des actionnaires ou des administrateurs de rendre une ordonnance modifiant les statuts suivant les termes et conditions que la juridiction juge convenables.
Usaba bene icyo cyemezo yoherereza Umwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kopi y'icyo cyemezo giherekejwe n'amategeko shingiro ahinduye.	The applicant for such an order delivers a copy of the order together with the altered articles to the Registrar General in fifteen (15) working days.	Le demandeur d'une telle ordonnance transmet un exemplaire d'une telle ordonnance ainsi que les statuts modifiés au Registraire général endéans quinze (15) jours ouvrables.
<u>Ingingo ya 193</u>: Imenyesha ry'ihindurwa ry'inyandiko z'ishingwa ry' isosiyete	**<u>Article 193:</u> Notice of alteration of incorporation documents**	**<u>Article 193:</u> Avis de modification des documents constitutifs**
Haseguriwe ibiteganywa n'igika cya 4 cy'iyi ngingo, iyo isosiyete ihinduye inyandiko ziyishinga, abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira iryo hinduka, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru:	Subject to the provisions of Paragraph 4 of this Article, when a company alters its incorporation documents, the directors, within ten (10) working days of the alteration deliver to the Registrar General:	Sous réserve des dispositions de l'alinéa 4 du présent article, lorsqu'une société modifie ses documents constitutifs, les administrateurs doivent endéans dix (10) jours ouvrables suivant la modification, remettre au Registraire général:
1° inyandiko yuzuye imenyesha iryo hinduka	1° a completed notice of alteration of	1° un avis dûment rempli de modification

ry'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete mu buryo buteganyijwe; 2° inyandiko ikubiyemo kwemera yanditswe mu buryo buteganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese uyanditsemo nk'ugize inama y'ubutegetsi mushya cyangwa umwanditsi.	incorporation documents in the prescribed form; 2° completed consent in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.	des documents constitutifs dans la forme prescrite; 2° un acte de consentement rédigé dans la forme prescrite et signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau administrateur ou secrétaire.
Mu gihe cy'igabana ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza: 1° umubare w'imigabane yagabanywe; 2° uburenganzira, ibibujijwe cyangwa ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane wagabanywe cyangwa icyiciro cyawo, n'uko ushobora guhererekanywa, niba bitanyuranyije n'ingingo ya 85 y'iri tegeko.	In the case of an allotment of shares, the notice specifies: 1° the number of shares allotted; 2° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each allotted share or class, and its transferability, if different to Article 85 of this Law.	Dans le cas d'une attribution d'actions, l'avis doit préciser: 1° le nombre d'actions attribuées; 2° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à chaque action ou catégories d'actions allouées, et sa transférabilité, si elle est différente de l'article 85 de la présente loi.
Mu gihe habayeho ihanagurwa ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza ku migabane ya buri bwoko, umubare wahanaguwe n'itariki iryo hanagurwa ryabereyeho.	In the case of a cancellation of shares, the notice specifies for shares of each class the number cancelled and the date of cancellation.	Dans le cas d'une annulation d'actions, l'avis doit préciser, pour les actions de chaque catégorie, le nombre annulé et la date d'annulation.
Mu gihe habayeho guhindura izina ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru agomba gutanga Icyemezo gihinduye cy'isosiyete.	In the case of an alteration of the company's name, the Registrar General issues an amended certificate of incorporation.	Dans le cas d'une modification de la dénomination sociale , le Registraire général doit délivrer un certificat de constitution modifié.

Igika cya mbere cy'iyi ngingo ntikireba igice icyo aricyo cyose cy'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyerekeranye n'imicungire y'imbere y'isosiyete.	Paragraph One of this Article does not apply to any part of a company's incorporation documents relating to the internal management of the company.	L'alinéa premier du présent article n'est d'application à une partie des documents constitutifs d'une société relative à la gestion interne de la société.
Icyiciro cya 2: Impinduka zikomeye	**Section 2: Fundamental changes**	**Section 2: Changements fondamentaux**
Ingingo ya 194: Kwemeza ibikorwa bigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku mugabane	**Article 194: Authorisation of actions affecting rights attached to shares**	**Article 194: Approbation d'actes qui affectent les droits attachés aux actions**
Hatitawe ku cyo ari cyo cyose kiri mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, nta gikorwa kibangamira uburenganzira buturuka ku mugabane gishobora gufatwa n'isosiyete keretse iyo icyo gikorwa cyatangiwe uburenganzira mu cyemezo cyihariye kuri buri cyiciro.	Notwithstanding anything in a company's incorporation documents, no action may be taken by a company which affects the rights attached to any shares unless that action has been authorised by a special resolution of each class.	Nonobstant toute disposition des documents constitutifs d'une société, aucun acte affectant les droits attachés à tout acte ne peut être pris par une société, à moins que l'activité n'ait été autorisée par une résolution spéciale de chaque catégorie.
Uburenganzira bushingiye ku mugabane bugizwe n'ibi bikurikira:	The rights attached to a share include the following:	Les droits attachés à l'action comprennent ce qui suit:
1° uburenganzira, ibibujijwe n'ibigomba kubahirizwa bishingiye ku migabane biteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, harimo n'uburenganzira bwose bwo gutora n'ubwo kugabagabana inyungu zishingiye ku migabane;	1° the rights, privileges, limitations and conditions attached to the share by this Law or the incorporation documents, including any voting rights and rights to distributions attached to the share;	1° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à l'action par la présente loi ou par les documents constitutifs, y compris les droits de vote et les droits aux distributions attachés à l'action;
2° uburenganzira bwo guhabwa amahirwe	2° pre-emption rights in accordance with	2° les droits de préemption conformément

mbere y'abandi hakurikijwe ingingo ya 59 y'iri tegeko;	Article 59 of this Law;	à l'article 59 de la présente loi;
3° uburenganzira bw'uburyo bw'ibigomba gukorwa kugira uburyo bw'ibigomba gukorwa buteganyijwe muri iyi ngingo n'ubundi buryo bwose busabwa mu nyandiko z'isosiyete ku birebana n'ihindurwa ry'uburenganzira byubahirizwa n'isosiyete;	3° the right that the company observes the procedure set out in this Article, and any further procedure required by the incorporation statement for the amendment or alteration of rights; and	3° le droit que la société doit respecter la procédure prévue dans le présent article, ainsi que toute autre procédure requise par la déclaration d'incorporation pour l'amendement ou la modification des droits; et
4° uburenganzira ko uburyo busabwa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ku byerekeranye n'ihindurwa ry'uburenganzira ko butagomba guhindurwa.	4° the right that any procedure required by the incorporation documents for the amendment or alteration of rights shall not be amended or altered.	4° le droit que toute procédure requise par les documents constitutifs pour l'amendement ou la modification des droits ne doivent être modifiés ou altérés.
Hashingiwe ku bw'ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, kugabana indi migabane iri ku rwego rumwe cyangwa iri imbere y'imigabane iriho, haba ku burenganzira bwo gutora cyangwa igabana ry'inyungu, bifatwa nk'igikorwa kigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku migabane iriho, uretse:	For the purposes of the provisions of Paragraph One of this Article, the allotment of further shares ranking equally with or in priority to existing shares, whether as to voting rights or distributions, is deemed to be an action affecting the rights attached to the existing shares, unless:	Aux fins des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'attribution de nouvelles actions de rang égal ou en priorité aux actions existantes, que ce soit aux droits de vote ou de distributions, est réputée être une action affectant les droits attachés aux actions existantes, à moins que:
1° inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zemera ku buryo busesuye igabagabana ry'indi migabane iri ku rwego rumwe cyangwa iri imbere y'iyo migabane;	1° the incorporation documents of the company expressly permits the allotment of further shares ranking equally with or in priority to those shares;	1° les documents constitutifs de la société permettent expressément l'attribution de nouvelles actions de rang égal ou en priorité à ces actions;
2° iryo gabagabana rikozwe hubahirijwe	2° the allotment is made in accordance	2° l'attribution est faite en conformité

uburenganzira bw'abanyamigabane bwo kugura imigabane mbere y'abandi.	with shareholders' pre-emption rights.	avec les droits de préemption des actionnaires.
<u>Ingingo ya 195</u>: Kudasaba uruhushya rw'icyiciro cy'imigabane	**<u>Article 195:</u> Failure to seek class authorisation**	**<u>Article 195</u>: Défaut de demander l'autorisation de la catégorie**
Iyo igikorwa gifashwe n'isosiyete gisaba gutangirwa uruhushya rwo kwemezwa n'icyiciro maze uko kwemezwa ntibigerweho, icyo gikorwa ntigihita gita agaciro; ariko gifatwa nk'imyifatire itera igihombo abanyamigabane b'icyo cyiciro, urukiko rubisabwe n'ubifitemo inyungu rushobora gukuraho icyo cyemezo.	If action is taken by a company which required the authorisation of a class, and that authorisation was not obtained, that action is not for that reason invalid; but is deemed to be a conduct which is unfairly prejudicial to the shareholders of that class, and a competent court may decide to nullify it.	Si l'action entreprise par la société exige l'autorisation d'une catégorie est prise par une société et que l'autorisation n'a pas été obtenue, cette action n'est pas pour autant illégale; mais elle est considérée comme un comportement qui peut être préjudiciable aux actionnaires de cette catégorie, et la juridiction compétente peut décider de l'annuler.
<u>Ingingo ya 196</u>: Umutungo n'igikorwa gihambaye	**<u>Article 196</u>: Assets and major transaction**	**<u>Article 196</u>: Actifs et transaction capitale**
Muri iyi ngingo igikorwa gihambaye gifitanye isano n'isosiyete bisobanuye ibi bikurikira:	For the purposes of this Article, the company's major transaction means:	Aux fins du présent article, une transaction capitale d'une société signifie :
1° kugura cyangwa amasezerano yo kugura, byaba bihari cyangwa bidahari, umutungo ungana n'icumi ku ijana (10%) cyangwa rirenze ry'agaciro k'umutungo w'isosiyete mbere yo kugura;	1° the acquisition of, or an agreement to acquire, or a series of agreements to acquire whether contingent or not, assets equivalent in value to ten (10%) per cent or more of the value of the company's assets before the acquisition;	1° acquisition ou décision en ce sens, ou série d'accords d'acquisition, imprévue ou non, des biens d'une valeur équivalente à dix pour cent (10%) ou plus de la valeur des biens de la société avant l'acquisition;
2° kugurisha cyangwa amasezerano yo kugurisha, yaba ahari cyangwa	2° the disposition of, or an agreement to dispose of, whether contingent or not,	2° cession d'actif de la société, ou décision en ce sens, imprévue ou non, d'une valeur

adahari, umutungo w'isosiyete ufite agaciro karenze kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo w'isosiyete mbere y'igurishwa;	assets of the company the value of which is more than half the value of the company's assets before disposition;	supérieure à la moitié de la valeur de son actif avant la cession;
3° igikorwa giha cyangwa gishobora guha isosiyete, uburenganzira, inyungu cyangwa inshingano harimo inshingano zifite agaciro kangana na kimwe cya kabiri (1/2) cy'agaciro k'umutungo w'isosiyete mbere y'uko igikorwa kiba.	3° a transaction which has or is likely to have the effect of the company acquiring rights or interests or incurring obligations or liabilities including contingent liabilities the value of which is more than half the value of the company's assets before the transaction.	3° transaction qui a ou aura probablement pour effet que la société va acquérir des droits ou des titres ou encourir des obligations, y compris des obligations éventuelles dont la valeur est supérieure à la moitié de la valeur de son actif avant la transaction.
Gukora amasezerano yo gutanga ingwate ku mutungo w'isosiyete, w'agaciro karenze kimwe cya kabiri (1/2) cy'agaciro k'umutungo w'isosiyete hagamijwe gusa kwishingira iyishyurwa ry'amafaranga cyangwa ikorwa ry'inshingano, ntibivuga igikorwa gihambaye hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.	Entering into an agreement to give a charge secured over assets of the company the value of which is more than half the value of the company's assets for the sole purpose of securing the repayment of money or the performance of an obligation does not amount to a major transaction under the provisions of Paragraph One of this Article.	Conclure un accord de donner en garantie les biens de la société dont la valeur est plus de la moitié de la valeur des biens de la société dans le seul but d'obtenir le remboursement de l'argent ou l'exécution d'une obligation n'est pas à une transaction capitale en vertu des dispositions de l'alinéa premier du présent article.
<u>Ingingo ya 197:</u> Kwemeza igikorwa gihambaye	**<u>Article 197:</u> Authorizing major transactions**	**<u>Article 197</u>: Autorisation des transactions capitales**
Isosiyete ikimara kubona icyifuzo cy'igikorwa gihambaye, igomba kumenyesha abanyamigabane icyo gikorwa. Igomba kandi kumenyesha umuntu ufitanye isano n'icyo gikorwa uvugwa mu ngigo ya 167 y'iri tegeko harimo inyungu yose yihariye ugize Inama	Immediately upon receiving a proposal for a major transaction, the company discloses that proposed transaction to its shareholders. Such disclosure includes disclosure of any related party transactions provided under Article 167 of this Law including any personal interest	Immédiatement après réception d'une proposition de transaction capitale, la société doit notifier cette transaction proposée à ses actionnaires. Elle doit également notifier la transaction visée à l'article 167 de la présente loi, y compris tout intérêt personnel qu'un

y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi yaba afite muri icyo gikorwa cyangwa nk'ugize Inama y'Ubutegetsi ku rundi ruhande muri icyo gikorwa.	which a director or controlling shareholder may have in the transaction. It also includes any personal interest as a director of any other party to the transaction.	administrateur ou actionnaire majoritaire peut avoir dans la transaction et tout intérêt personnel en tant qu'administrateur de l'autre partie à la transaction.
Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, isosiyete ntigomba gutangira gukora igikorwa gihambaye, yaba igikoze mu rwego rw'imirimo yayo isanzwe cyangwa mu bundi buryo cyangwa yaba igikoze mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, uretse:	Subject to provisions of Paragraph One of this Article, a company does not undertake a major transaction whether or not such transaction is entered into in the ordinary course of business, and whether or not entered into directly or indirectly unless:	Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, une société ne doit pas procéder à une transaction capitale si une telle transaction est conclue ou non dans le cours normal des affaires, et si elle est conclue ou non, directement ou indirectement, sauf si :
1° Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yabanje guhabwa inama n'umujyanama w'umunyamwuga mu by'imari wigenga ku byerekeye ingingo z'icyo gikorwa gihambaye, akayikorera isesengura kandi akayiha ibisobanuro ku ngingo zose zigize icyo gikorwa gihambaye kandi agaha abanyamigabane b'i sosiyete inama ku bwiza bw'igikorwa gihambaye;	1° the Board of Directors of the company has obtained a prior opinion of an independent professional financial adviser on the terms of the major transaction, in which the adviser provides an analysis and an explanation of all the terms of the transaction and provides an opinion as to the fairness of the major transaction to the shareholders of the company;	1° le Conseil d'administration de la société a obtenu un avis préalable d'un conseiller financier professionnel indépendant sur les termes de l'opération, dans laquelle le conseiller doit fournir une analyse et une explication de tous les termes de la transaction et émet un avis quant à l'équité de la transaction au profit des actionnaires de la société;
2° Inama y'Ubutegetsi yafashe umwanzuro wemeza icyo gikorwa gihambaye igatanga umurongo ko igikorwa gihambaye gishyikirizwa inama rusange y'abanyamigabane, ishobora kuba iy'umwaka cyangwa inama idasanzwe. Imenyesha ry'inama rigaragaza ko impamvu y'inama ari ugusuzuma icyo	2° the Board of Directors has adopted a decision approving the transaction and directed that the transaction be submitted to a shareholders' general meeting, which may be either an annual or extraordinary general meeting. The notice of the meeting states that the purpose of the meeting is	2° le Conseil d'administration a adopté une décision approuvant la transaction capitale et ordonnant que la transaction soit soumise à l'assemblée générale des actionnaires, qui peut être soit une assemblée générale annuelle ou extraordinaire. L'avis de convocation indique que le but de la réunion est

gikorwa gihambaye. Inshamake y'igikorwa gihambaye, icyifuzwa n'Inama y'Ubutegetsi kuri icyo gikorwa na kopi y'inyandiko ikubiyemo inama z'umujyanama bigomba guhabwa abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kwitabira inama; 3° igikorwa gihambaye cyemezwa kandi kigafatwa hamaze kwakirwa itora ry'umwanzuro wihariye utowe n'abafite imigabane bose bemerewe gutorera icyo gikorwa gihambaye mu nama.	to consider the transaction. The company gives a summary of the transaction, the recommendation of the board of directors on the transaction, and a copy of the independent adviser's opinion, to all shareholders entitled to attend the meeting; 3° the major transaction is approved and adopted upon receiving the affirmative vote of a special resolution of the votes of all shareholders entitled to vote at the meeting on the transaction.	d'examiner la transaction. La société donne un résumé de la transaction capitale, la recommandation du Conseil d'administration sur la transaction et une copie de l'avis du conseiller indépendant à tous les actionnaires ayant le droit de participer à la réunion ; 3° la transaction capitale est approuvée et adoptée après un vote affirmatif d'une résolution spéciale des voix de l'ensemble des actionnaires ayant le droit de voter la transaction lors de la réunion.
<u>Ingingo ya 198</u>: Ikomatanya ry'amasosiyete	**<u>Article 198:</u> Amalgamation**	**<u>Article 205</u>: Fusion de sociétés**
Haseguriwe ibiteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, isosiyete ebyiri (2) cyangwa nyinshi zishobora kwihuriza hamwe zikaba isosiyete imwe ishobora kuba imwe muri ayo masosiyete yihuje cyangwa isosiyete nshya. Impande zose kuri iryo komatanya ntizigomba gushyira mu bikorwa iryo komatanya kugeza igihe ryemerejwe, haba hari ibyo risabwa kuzuza cyangwa bidahari n'Urwego rushinzwe ihiganwa no kurengera umuguzi.	Subject to any restrictions in their respective incorporation documents, two (2) or more companies may amalgamate, and continue as one company, which may be one of the amalgamating companies, or may be a new company. The parties to an amalgamation cannot implement such amalgamation until it has been approved, with or without conditions, by the authority in charge of competition and consumer protection.	Sous réserve des restrictions dans leurs documents constitutifs, deux (2) ou plusieurs sociétés peuvent fusionner et continuer comme une seule société, qui peut être soit l'une des sociétés fusionnées, ou une nouvelle société. Les parties à une fusion ne doivent pas mettre en œuvre cette fusion avant qu'elle soit approuvée, avec ou sans conditions, par l'organe chargé de concurrence et protection des consommateurs.
<u>Ingingo ya 199</u>: Ibikorwa by'ibanze mu	**<u>Article 199:</u> Prerequisites for authorising**	**<u>Article 199</u>: Conditions préalables à**

kwemeza ikomatanya	**amalgamation**	**l'autorisation de fusion**
Isosiyete ifite umushinga wo kwikomatanya yemerera: 1° umushinga wo kwikomatanya n'indi wubahirije ibiteganywa mu ingingo ya 200 y'iri tegeko; 2° umushinga w'inyandiko z'ishingwa ry'iyo sosiyete ikomatanye zubahirije ibiteganywa mu ngingo ya 201 y'iri tegeko. 3° iyo ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite imigabane cyangwa imigabane nguzanyo icuruzwa ku isoko ry' imari n'imigabane igomba no kubahiriza ibisabwa n'amategeko cyangwa amabwiriza yose yerekeye isoko ry'imari n'imigabane.	A company that proposes to amalgamate authorises: 1° an amalgamation proposal; 2° the proposed incorporation documents of the amalgamated company in conformity with Article 201 of this Law; 3° in the case of a public company with shares or debentures traded on the capital market, the company must comply with all Laws and regulations relating to the capital market.	Une société qui propose la fusion autorise: 1° une proposition de fusion; 2° une proposition de documents constitutifs de la société issue de la fusion conformément à l'article 201 de la présente loi; 3° dans le cas d'une société publique dont les actions ou les obligations sont négociées sur le marché des capitaux, la société doit se conformer à toutes les lois et règlements relatives au marché des capitaux.
Ingingo ya 200: Umushinga wo kwikomatanya kw'amasosiyete	**Article 200: Amalgamation proposal**	**Article 200: Proposition de fusion**
Umushinga wo gukomatanyiriza hamwe amasosiyete ugomba gusobanura ibizakurikizwa mu kuyakomatanya, by'umwihariko: 1° uburyo imigabane ya buri sosiyete ikomatanyijwe izahinduka imigabane	An amalgamation proposal sets out the terms of the amalgamation, and in particular: 1° the manner in which shares of each amalgamating company are to be	Une proposition de fusion définit les termes de la fusion, et en particulier: 1° la manière dont les actions de chaque société en fusion, seront converties en

y'isosiyete nshya ikomatanyije izindi;	converted into shares of the amalgamated company;	actions de la société issue de la fusion;
2° niba hari imigabane y'isosiyete ikomatanye itazahindurwamo imigabane y'isosiyete ikomatanyirijwe hamwe izindi, ikiguzi abafite iyo migabane bagomba kubona mu mwanya w'imigabane y'isosiyete bakomatanyije n'izindi;	2° if any shares of an amalgamating company are not to be converted into shares of the amalgamated company, the consideration that the holders of those shares are to receive instead of shares of the amalgamated company;	2° si des actions d'une société en fusion ne doivent pas être converties en actions de la société issue de la fusion, la contrepartie que les détenteurs de ces actions doivent recevoir à la place des actions de la société issue de la fusion;
3° ubwishyu bwose umunyamigabane cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete nshya ikomatanyije izindi afitiye uburenganzira uretse ubwishyu bukozwe mu buryo buvugwa mu gace ka 2o k'iyi ngingo;	3° any payment to be made to any shareholder or director of an amalgamated company, other than a payment of the kind described in item 2º of this Article;	3° tout paiement à effectuer à un actionnaire ou administrateur d'une société issue de la fusion, autre qu'un paiement décrit au point 2º du présent article ;
4° ibisobanuro birambuye by'ibintu bya ngombwa biteganyijwe gukorwa kugira ngo igikorwa cyo gukomatanya amasosiyete cyuzuzwe neza kandi hashyirweho uburyo bwo gucunga isosiyete nshya yakomatanyije izindi n'ibikorwa byayo.	4° details of any arrangements necessary to perfect the amalgamation and to provide for the subsequent management and operation of the amalgamated company.	4° les détails des dispositions nécessaires pour opérer d'une façon parfaite la fusion et pour assurer la gestion et l'exploitation de la société issue de la fusion.
Umushinga wo gukomatanyiriza hamwe amasosiyete ugaragaza amatariki iryo komatanya ryifuza kugira agaciro.	An amalgamation proposal specifies the date on which the amalgamation is intended to become effective.	Une proposition de fusion doit préciser la date à laquelle la fusion compte devenir effective.
Iyo imigabane y'isosiyete imwe mu zikomatanyirije hamwe ifitwe n'indi sosiyete mu zikomatanyije cyangwa ifitwe mu zina	If shares of one of the amalgamating companies are held by or on behalf of another of the amalgamating companies, the	Si des actions de l'une des sociétés fusionnées sont tenues par ou pour le compte d'une autre des sociétés en fusion , la proposition de fusion

ryayo, umushinga wo kwikomatanya uteganya ikurwaho ry'iyo migabane igihe iryo komatanya rizagirira agaciro nta kiguzi kirebana n'iyo migabane, kandi nta kigombye guteganywa mu mushinga cyerekeranye no guhinduramo bene iyo migabane imigabane y'isosiyete nshya ikomatanyije izindi.	amalgamation proposal provides for the cancellation of those shares when the amalgamation becomes effective without any payment in respect of those shares, and no provision may be made in the proposal for the conversion of such shares into shares of the amalgamated company.	doit prévoir l'annulation de ces actions au moment où la fusion devient effective sans aucun paiement à l'égard de ces actions, et aucune disposition ne peut être prévue dans la proposition concernant la conversion de ces actions en actions de la société issue de la fusion.
<u>Ingingo ya 201</u>: Inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete ikomatanyije	**<u>Article 201:</u> Incorporation documents of amalgamated company**	**<u>Article 201</u>: Documents constitutifs de la société issue de la fusion**
Inyandiko z'isosiyete zemerera gukomatanya amasosiyete zigomba gukorwa mu nyandiko zabugenewe kandi zigomba kugaragaza:	The incorporation documents for authorisation of an amalgamation are in the prescribed form and in particular state:	Les documents constitutifs pour l'autorisation d'une fusion doivent être dans la forme prescrite et doivent particulièrement préciser:
1° izina ry'isosiyete nshya ikomatanyije;	1° the name of the amalgamated company;	1° le nom de la société issue de la fusion;
2° imiterere y'imigabane y'isosiyete ikomatanyije izindi igaragaza:	2° the share structure of the amalgamated company, specifying:	2° la structure des actions de la société issue de la fusion, en précisant:
a. umubare w'imigabane y'isosiyete nshya ikomatanyije izindi, uburenganzira, ibibujijwe n'ibigomba kwitabwaho bishingiye kuri iyo migabane n'uko ishobora guhererekanywa, iyo bitandukanye n'ibiteganywa mu ngingo ya 193 y'iri tegeko;	a. the number of shares of the amalgamated company and the rights, privileges, limitations and conditions attached to each such share, and its transferability, if different from provisions of Article 193 of this Law;	a. le nombre d'actions de la société issue de la fusion et les droits, privilèges, restrictions et conditions rattachées à chacune de ces actions, et son caractère transférable, si c'est différent des dispositions de l'article 193 de la présente loi;
b. izina ryuzuye, aderesi y'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete nshya	b. the full names, postal and residential addresses of the directors of the	b. le nom complet, l'adresse postale et résidentielle des administrateurs de la

ikomatanyije yaba iy'iposita n'iy'aho batuye; c. iyo sosiyete ari ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa ari idahamagarira rubanda kugura imigabane ifite umwanditsi, izina ryuzuye na aderesi y'umwanditsi w'isosiyete yaba iy'iposita cyangwa iy'aho atuye;	amalgamated company; c. in the case of a public company, or a private company with a secretary, the full name, postal or residential address of the secretary of the amalgamated company;	société issue de la fusion; c. dans le cas d'une société publique, ou d'une société privée ayant un secrétaire, le nom complet, l'adresse postale et résidentielle du secrétaire de la société issue de la fusion;
3° icyicaro cy'isosiyete nshya ikomatanyije;	3° the registered office of the amalgamated company;	3° le siège social de la société issue de la fusion;
4° aho inyandiko z'isosiyete nshya ikomatanyije izindi zigomba kubikwa, igihe zitazabikwa ku cyicaro cy'isosiyete;	4° the place where the amalgamated company's records are to be kept, if not the registered office;	4° l'endroit où les dossiers de la société issue de la fusion doivent être conservés, si ce n'est pas à son siège social;
5° amatariki nshingirwaho y'ibaruramari y'isosiyete nshya ikomatanyije;	5° the amalgamated company's accounting reference date.	5° la date de référence comptable de la société issue de la fusion.
Inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zishobora kandi kuba zikubiyemo:	The incorporation documents may also contain:	Les documents constitutifs peuvent également contenir:
1° ibibujijwe byose mu bushobozi n'ububasha by'isosiyete ikomatanyije;	1° any restriction on the amalgamated company's capacity and powers;	1° toute restriction sur la capacité et les pouvoirs de la société issue de la fusion;
2° indi ngingo yose yemewe muri iri tegeko yerekeranye n'imicungire y'isosiyete ikomatanyije.	2° any provision permitted by this Law relating to the internal management of the amalgamated company.	2° toute disposition permise par la présente loi relative à la gestion interne de la société issue de la fusion.

Iyo isosiyete ikomatanyije izindi yifuzwa ari izaba imwe muri sosiyete z'ikomatanyirijwe hamwe, inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zishobora kugirwa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete yakomatanyirijwe hamwe n'izindi n'inyandiko imenyesha ihindurwa ry'iyo nyandiko.	If the proposed amalgamated company is to be the same as one of the amalgamating companies, the incorporation documents for authorisation may comprise the incorporation documents of that amalgamating company and proposed notice of change of the incorporation documents.	Si la société issue de la fusion proposée doit être l'une des sociétés à être fusionnées, les documents constitutifs pour l'autorisation peuvent comprendre les documents constitutifs de ladite société à fusionner et l'avis proposé de changement des documents constitutifs.
<u>Ingingo ya 202</u>: Uburyo bwo kwemerera amasosiyete kwikomatanya	**<u>Article 202:</u> Manner of authorising amalgamation**	**<u>Article 202</u>: Mode d'autorisation de la fusion**
Abagize Inama y'Ubutegetsi ya buri sosiyete yakomatanyirijwe hamwe bafata icyemezo ko mu bitekerezo byabo: 1° ikomatanya riri mu nyungu z'abanyamigabane b'isosiyete; 2° isosiyete yakomatanyije izindi izakemura ikibazo cyo kwishyura imyenda igihe kwihuza bizaba byagize agaciro.	Directors each amalgamating company resolves that in its opinion the: 1° amalgamation is in the best interests of the shareholders of the company; 2° the amalgamated company will satisfy the solvency test immediately after the time at which the amalgamation is to become effective.	Les administrateurs de chaque société en fusion décide que, à son avis: 1° la fusion est dans le meilleur intérêt des actionnaires de la société; 2° la société issue de la fusion satisfera au critère de solvabilité immédiatement après la date à laquelle la fusion est devenue effective.
Abagize Inama y'Ubutegetsi batoye bemeza umwanzuro wo gukomatanya amasosiyete bashyira umukono ku cyemezo ko, ku bwabo, ibisabwa kugira ngo habeho gukomatanya amasosiyete byuzuye.	Directors voting in favour of a resolution to amalgamate sign a certificate attesting that, in their opinion, the conditions required for amalgamation are satisfied.	Les administrateurs votant en faveur d'une résolution de fusionner signent un certificat selon lequel, à leur avis, les conditions requises pour la fusion sont remplies.
Abagize Inama y'Ubutegetsi ba buri sosiyete zihuje bohereereza buri munyamigabane b'iyo sosiyete mu gihe kitarenze iminsi	Directors of each amalgamating company send to each shareholder of that company not less than twenty (20) working days before the	Les administrateurs de chaque société en fusion envoient à chaque actionnaire de cette société au moins vingt (20) jours ouvrables

makumyabiri (20) y'akazi mbere y'uko ikomatanya rigira agaciro:	amalgamation is to take effect:	avant que la fusion ne prenne effet:
1° kopi y'umushinga w'ikomatanya;	1° a copy of the amalgamation proposal;	1° une copie de la proposition de fusion;
2° kopi y'umushinga w'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	2° a copy of the proposed incorporation documents;	2° une copie des documents constitutifs proposés;
3° kopi z'ibyemezo byahawe buri tsinda ry'abagize Inama y'Ubutegetsi bemera iryo yimuka;	3° copies of the certificates given to each set of directors in favour of ambulation;	3° les copies des certificats délivrés à chaque catégorie d'administrateurs en faveur du mouvement;
4° inyandiko y'inyungu yose igaragara y'abagize Inama y'Ubutegetsi, haba muri uwo mwanya cyangwa mu bundi buryo;	4° a statement of any material interests of the directors, whether in that capacity or otherwise;	4° un état des intérêts matériels des administrateurs, que ce soit dans cette capacité ou autrement;
5° andi makuru y'inyongera n'ibisobanuro byaba ngombwa kugira ngo afashe umunyamigabane kumva neza ubwoko n'ingaruka z'umushinga w'ikomatanya ku isosiyete no ku banyamigabane bayo.	5° such other additional information and explanation as may be necessary to enable a shareholder to understand the nature and implications for the company and its shareholders of the proposed amalgamation.	5° d'autres informations supplémentaires et explications pouvant être nécessaires pour permettre à un actionnaire de comprendre la nature et les conséquences pour la société et ses actionnaires de la fusion proposée.
Haseguriwe ibisabwa n'amategeko cyangwa amabwiriza ashyira mu bikorwa ibyerekeye isoko ry'imari n'imigabane, iyo imigabane nguzanyo y'isosiyete byashyizwe ku isoko ry' imari n'imigabane, ikomatanya ry'amasosiyete ryemezwa:	Subject to the requirements under capital market Laws and regulations, when debentures of a company are traded on the capital market, the amalgamation is authorised:	Sous réserve des conditions requises par les lois et règlements relatifs au marché des capitaux, lorsque les obligations d'une société sont négociées sur le marché des capitaux, la fusion est approuvée:
1° n'abanyamigabane ba buri sosiyete yahujwe n'izindi binyuze mu mwanzuro	1° by the shareholders of each amalgamating company by special	1° par les actionnaires de chaque société en fusion par résolution spéciale;

udasanzwe; 2° n'icyiciro cy'amasosiyete yakomatanyirijwe hamwe, igihe nta ngingo iri mu mushinga w'ikomatanya yakenera uruhushya rw'icyo cyiciro iramutse ishyizwe mu ihindurwa ry'inyandiko zishinga isosiyete cyangwa yakwifuzwa ku birebana n'iyo sosiyete.	resolution; 2° by any class of amalgamating companies, where no provision in the amalgamation proposal would, if contained in an alteration to that company's incorporation documents, require the authorisation of that class.	2° par toute catégorie des sociétés en fusion, lorsqu'aucune disposition dans la proposition de fusion, si contenue dans une modification des documents constitutifs de cette société, ne nécessiterait l'autorisation de cette catégorie.
<u>Ingingo ya 203</u>: Kwandikisha ikomatanya ry'amasosiyete	**<u>Article 203:</u> Registration of amalgamation**	**<u>Article 203</u>: Inscription de la fusion**
Nyuma y'uko hemejwe ikomatanya ry'amasosiyete, inyandiko zikurikira zigomba, mu minsi icumi (10) y'akazi ikurikira itangwa ry'icyemezo cyafashwe cyemera ikomatanya, gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru ku birebana n'isosiyete yakomatanyije izindi:	After an amalgamation has been authorised, the following documents shall, within ten (10) working days of passing of the resolution to amalgamate, be delivered to the Registrar General in relation to the amalgamated company:	Après qu'une fusion a été approuvée, les documents suivants en rapport avec la société issue de la fusion doivent, dans les dix (10) jours ouvrables suivant l'adoption de la résolution de fusionner, être délivrés au Registraire général :
1° inyandiko zayo ziyigenga, cyangwa iyo sosiyete yakomatanyije izindi ari imwe n'imwe mu masosiyete yakomatanyirijwe hamwe, inyandiko imenyesha impinduka mu nyandiko zishinga isosiyete;	1° its incorporation documents, or if the amalgamated company is the same as one of the amalgamating companies, notice of change of incorporation documents;	1° ses documents constitutifs, ou si la société issue de la fusion est la même que l'une des sociétés fusionnées, un avis de changement de documents constitutifs;
2° ukwemera gutanzwe mu nyandiko yabugenewe iriho umukono wa buri wese wanditse mu nyandiko zigenga isosiyete nk'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umwanditsi cyangwa wanditse mu	2° consents in the prescribed form signed by each of the persons named as director or secretary in the incorporation documents or in the notice of change of incorporation	2° acte de consentements dans la forme prescrite signé par chacune des personnes nommées à titre d'administrateur ou de secrétaire dans les documents constitutifs ou dans

nyandiko imenyesha ihindurwa ry'inyandiko zigenga isosiyete, bitewe n'ibivugwa;	documents, as the case may be;	l'avis de modification de ces documents, selon le cas;
3° icyemezo cyemeza ikomatanya.	3° a certificate approving the amalgamation.	3° un certificat approuvant la fusion.
<u>Ingingo ya 204</u>: Ibyemezo by'ikomatanya	**<u>Article 204:</u> Certificates on amalgamation**	**<u>Article 204</u>: Certificats sur la fusion**
Umwanditsi Mukuru yoherereza isosiyete cyangwa umuntu wamushyikirije inyandiko zisabwa kugira ngo ikomatanya ry'amasosiyete ryandikwe :	The Registrar General sends to the company, or person who delivered the documents required for registration of an amalgamation:	Le Registraire général envoie à la société, ou la personne qui a transmis les documents requis pour l'enregistrement d'une fusion:
1° iyo isosiyete yakomatanyije izindi ari imwe n'imwe muri sosiyete zakomatanyirijwe hamwe, icyemezo cy'ikomatanya cyanditse mu nyandiko yabugenewe, iherekejwe, iyo ari ngombwa, n'icyemezo gikosowe cya sosiyete;	1° if the amalgamated company is the same as one of the amalgamating companies, a certificate of amalgamation in the prescribed form, together with, if necessary, an amended certificate of incorporation of the company;	1° si la société issue de la fusion est la même que l'une des sociétés fusionnées, un certificat de fusion dans la forme prescrite, ainsi que, le cas échéant, un certificat modifié de constitution de la société;
2° iyo isosiyete yakomatanyije izindi ari isosiyete nshya, icyemezo cy'ikomatanya cyanditse mu nyandiko yabugenewe, iherekejwe n'icyemezo cy'inyandiko z'isosiyete kiri mu nyandiko yabugenewe.	2° if the amalgamated company is a new company, a certificate of amalgamation in the prescribed form together with a certificate of incorporation in the prescribed form.	2° si la société issue de la fusion est une nouvelle société, un certificat de fusion dans la forme prescrite accompagnée d'un certificat de constitution d'une société dans la forme prescrite.
Mu gihe umushinga w'ikomatanya ugaragaza itariki ikomatanya ryifuzwa kuba ryagize agaciro, kandi iyo tariki ikaba imwe cyangwa iya nyuma y'itariki Umwanditsi Mukuru	Where an amalgamation proposal specifies a date on which the amalgamation is intended to become effective, and that date is the same as or later than the date on which the Registrar	Si une proposition de fusion indique une date à laquelle la fusion compte entrer en vigueur, et que la date est identique ou postérieure à la date à laquelle le Registraire général reçoit les

yakiriyeho inyandiko zisabwa kugira ngo habeho iyandikwa ry'ikomatanya, icyemezo cy'ikomatanya n'ikindi cyemezo cyose cy"isosiyete gitanzwe n'Umwanditsi Mukuru kigaragaza ku buryo busobanuye neza ko kizagira agaciro kuri iyo tariki.	General receives the documents required for registration of an amalgamation, the certificate of amalgamation and any certificate of incorporation issued by the Registrar General are expressed to have effect on that date.	documents requis pour l'enregistrement d'une fusion, le certificat de fusion et tout certificat de constitution délivré par le Registraire général doivent être exprimés comme ayant eu effet à cette date.
Ku itariki yagaragajwe mu cyemezo cy'ikomatanya:	On the date shown in a certificate of amalgamation:	À la date indiquée dans le certificat de fusion:
1° ikomatanya ritangira kugira agaciro;	1° the amalgamation becomes effective;	1° la fusion devient effective;
2° Umwanditsi Mukuru asiba isosiyete zakomatanyirijwe hamwe mu gitabo agasigamo gusa iyakomatanyije izindi;	2° the Registrar General removes the amalgamating companies other than the amalgamated company from the register;	2° le Registraire général radie du registre les sociétés fusionnées autres que la société issue de la fusion ;
3° isosiyete yakomatanyije izindi izungura imitungo yose, uburenganzira bwa buri sosiyete yahujwe;	3° the amalgamated company succeeds to all the property, rights and privileges of each of the amalgamating companies;	3° la société issue de la fusion succède à tout le patrimoine, droits et privilèges de chacune des sociétés fusionnées;
4° isosiyete yakomatanyije izindi izungura inshingano zose za buri sosiyete yahujwe;	4° the amalgamated company succeeds to all the liabilities of each of the amalgamating companies;	4° la société issue de la fusion succède à toutes les obligations de chacune des sociétés fusionnées;
5° ikurikiranwa ryose riri mu nkiko isosiyete yahujwe iregamo cyangwa iregwamo rishobora gukurikiranwa n'isosiyete yakomatanyirije hamwe izindi cyangwa akaba ariyo ikomeza gukurikiranwa;	5° proceedings pending by or against any amalgamating company may be continued by or against the amalgamated company;	5° les procédures en cours par ou contre toute société fusionnée peuvent être poursuivies par ou contre la société issue de la fusion;

6° icyemezo cyose cyafashwe n'urukiko cyangwa urubanza rwaciwe mu nyungu cyangwa rubangamira isosiyete yahujwe gishobora kurangirizwa kuri sosiyete yakomatanyije izindi.	6° any ruling, order or judgment in favour of or against an amalgamating company may be enforced by or against the amalgamated company.	6° toute décision, ordonnance ou jugement en faveur ou contre une société fusionnée peut être exécuté en faveur ou contre la société issue de la fusion.
Imigabane n'uburenganzira bw'abanyamigabane mu masosiyete yahujwe bihindurwamo imigabane n'uburenganzira biteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete yakomatanyije izindi.	The shares and rights of the shareholders in the amalgamating companies are converted into the shares and rights provided for in the incorporation documents of the amalgamated company.	Les actions et les droits des actionnaires des sociétés fusionnées sont convertis en actions et droits prévus dans les documents constitutifs de la société issue de la fusion.
<u>Ingingo ya 205</u>: Uburenganzira bw'ababerewemo imyenda igihe cy'ikomatanya ry'amasosiyete	**<u>Article 205:</u> Creditors' rights on amalgamation**	**<u>Article 205</u>: Droits des créanciers sur la fusion**
Mu gihe nyuma y'uko ikomatanya ry'amasosiyete rimaze kugira agaciro, isosiyete yahuje izindi idashoboye kwishyura imyenda, uwari uberewemo imyenda wese n'amasosiyete yahujwe ashobora kwishyuza igihombo yatewe n'ikomatanya ry'amasosiyete:	Where immediately after the time when an amalgamation becomes effective, an amalgamated company does not satisfy the solvency test, any creditor of any of the amalgamating companies may recover any loss he or she has suffered by reason of the amalgamation:	Lorsque, immédiatement après le moment où la fusion devient effective, une société issue de la fusion ne parvient pas à payer ses dettes, tout créancier de l'une des sociétés fusionnées peut réclamer toute perte qu'il a subie en raison de la fusion:
1° iyo nta cyemezo cyemera ikomatanya cyatanzwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi y'iyo sosiyete yakomatanyije izindi, kivuye ku bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yahujwe n'izindi igihe ikomatanya ryemezwaga;	1° if no certificate approving the amalgamation was given by directors of that amalgamated company, from the directors of the amalgamating company at the time the amalgamation was approved;	1° si aucun certificat approuvant la fusion n'a été donné par les administrateurs de cette société issue de la fusion, en provenance des administrateurs de la société fusionnée au moment où la fusion a été approuvée;

2° kabone n'iyo icyemezo cyatanzwe, kandi akaba nta mpamvu zifatika zatuma hatekerezwa ko isosiyete yahuje izindi ishobora kutabasha kwishyura imyenda kivuye ku bagize Inama y'Ubutegetsi bashyize umukono kuri icyo cyemezo.	2° even if the certificate was given by the directors who signed it, there were no reasonable grounds for the opinion that the amalgamated company would not satisfy the solvency test.	2° même si le certificat a été donné par les administrateurs qui l'ont signé, et il n'y avait pas de motifs raisonnables pour croire que la société issue de la fusion ne satisferait pas au critère de solvabilité.
Ingingo ya 206: Ububasha bw'urukiko ku byerekeye ikomatanya ry'amasosiyete	**Article 206: Powers of court in relation to amalgamations**	**Article 206: Pouvoirs de la juridiction en matière de fusions**
Hatitawe ku cyaba giteganywa mu zindi ngingo z'iri tegeko cyangwa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, iyo bidashoboka ko ikomatanya rishyirwa mu bikorwa hakurikijwe uburyo buteganywa n'iri tegeko cyangwa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete yahujwe, ayo masosiyete ashobora gusaba urukiko ko rwemeza ikomatanya. Urukiko rushobora kwemeza uwo mushinga ku ngingo n'ibisabwa rwabona bikwiye.	Notwithstanding any provision in this Law or in the incorporation documents of any company, where it is not practicable to effect an amalgamation in accordance with the procedures set out in this Law or the incorporation documents of the amalgamating companies, those companies may apply to the court for approval of an amalgamation. The court may approve any such proposal on such terms and subject to such conditions as it thinks fit.	Nonobstant toute disposition de la présente loi ou des documents constitutifs d'une société, lorsqu'il est impossible d'effectuer une fusion en conformité avec les procédures définies dans la présente loi ou dans les documents constitutifs des sociétés en fusion, ces sociétés peuvent demander à la juridiction l'approbation de la fusion. La juridiction peut approuver une telle proposition selon les termes et les conditions qu'elle juge convenables.
Mu minsi icumi (10) y'akazi urukiko rumaze gufata icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, abagize Inama y'Ubutegetsi ya buri sosiyete yahujwe bashyikiriza kopi y'icyo cyemezo Umwanditsi Mukuru, ushyira mu bikorwa ibyo icyemezo gitegeka niba hari ibihari.	Within ten (10) working days of an order being made by the court under Paragraph One of this Article, the directors of each amalgamating company deliver a copy of the order to the Registrar General, who takes such steps if any, as the order may direct.	Dans dix (10) jours ouvrables suivant la prise de cette ordonnance de la juridiction en vertu de l'alinéa premier du présent article, les administrateurs de chaque société en fusion doivent fournir une copie de l'ordonnance au Registraire général , qui prend des mesures, s'il y en a, comme l'exige l'ordonnance.
Ingingo ya 207: Guhindura icyiciro	**Article 207: Change of status of a company**	**Article 207: Modification du statut d'une**

cy'isosiyete		**société**
Haseguriwe ibyaba bibujijwe mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, isosiyete ihamagarira rubanda kugura imigabane ishobora guhindukamo isosiyete idahamagarira rubanda kugura imigabane ndetse n'isosiyete idahamagarira rubanda kugura imigabane igahindukamo isosiyete ihamagarira rubanda kugura imigabane.	Subject to any restriction in its incorporation documents, a public company may become a private company, and a private company may become a public company.	Sous réserve de toute restriction dans ses documents constitutifs, une société publique peut devenir une société privée, et une société privée peut devenir une société publique.
Hatitawe ku biteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, icyifuzo cyo guhindura icyiciro cy'isosiyete kigomba kwemezwa n'umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane.	Notwithstanding anything in its incorporation documents, a proposal to change company's status is authorised by shareholders' special resolution.	Nonobstant toute disposition de ses documents constitutifs, une proposition visant à modifier le statut d'une société doit être approuvée par résolution spéciale des actionnaires.
Gusaba ko ihindurwa rivugwa muri iyi ngingo bishyikirizwa Umwanditsi Mukuru mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira ifatwa ry'icyemezo cyo guhindura:	An application for change of status under this Article there is delivered to the Registrar General within ten (10) working days of the resolution to change status:	Une demande de modification de statut en vertu du présent article, est remise au Registraire général endéans dix (10) jours ouvrables suivant la résolution de modification de statut:
1° inyandiko yuzuye imenyesha ihindurwa ry'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete;	1° a duly completed notice of alteration of incorporation documents;	1° un avis dûment rempli de modification des documents constitutifs;
2° iyemerwa ryuzuye rikozwe mu nyandiko yateganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese wanditseho ko ari ugize Inama y'Ubutegetsi mushya cyangwa umwanditsi mushya.	2° duly completed consent in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.	2° l'acte de consentement dûment rempli dans la forme prescrite signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau administrateur ou secrétaire.

Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo cy'isosiyete gihinduye.	The Registrar General issues an amended certificate of incorporation.	Le Registraire général délivre un certificat de constitution modifié.
Iyi ngingo ntikoreshwa iyo isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane yahindutsemo ihamagarira rubanda kuguramo imigabane cyangwa ari isosiyete ihamagarira rubanda kugura imigabane cyangwa idahamagarira rubanda kugura imigabane hashingiwe ku ikomatanya ry'amasosiyete.	This Article does not apply where a private company becomes a public company, or a public company becomes a private company pursuant to an amalgamation.	Le présent article ne s'applique pas lorsqu'une société privée devient une société publique ou une société publique devient une société privée en vertu d'une fusion.
<u>Ingingo ya 208</u>: Gusiba mu gitabo isosiyete ikibasha kwishyura imyenda	**<u>Article 208:</u> Removal of solvent company from register**	**<u>Article 208</u>: Rayer du registre la société solvable**
Gusaba ko isosiyete isibwa mu gitabo bishobora gukorwa mu buryo buteganyijwe n'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora kuri icyo kibazo bikorwa mu mwanzuro udasanzwe.	An application for a company to be removed from the register may be made through the prescribed procedure by shareholders entitled to vote on the question, by special resolution.	Une demande de rayer une société du registre peut être faite par une résolution spéciale selon les modalités prescrites par les actionnaires ayant droit de vote sur la question.
Impamvu zo gusiba isosiyete mu gitabo ni:	The grounds for removal of a company from the register are:	Les motifs de rayer une société du registre sont les suivants:
1° kuba isosiyete itagikora imirimo y'ubucuruzi, yarishyuye abo ibereyemo imyenda bose bazwi kandi yaragabaganyije umutungo usagutse wayo mu buryo bwubahirije ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa itegeko rigenga igihombo;	1° that the company has ceased to carry on business, has discharged in full its liabilities to all its known creditors, and has distributed its surplus assets in accordance with its incorporation documents or the law governing insolvency;	1° la société a cessé d'exercer son activité, a honoré intégralement ses engagements envers tous ses créanciers connus, et a distribué son excédent d'actif conformément à ses documents constitutifs ou la loi régissant l'insolvabilité;

2° kuba isosiyete idafite umutungo usagutse nyuma yo kwishyura imyenda yayo yose cyangwa igice cyayo kandi mu bo ibereyemo imyenda ntawasabye urukiko gufata icyemezo gisesa isosiyete.	2° that the company has no surplus assets after paying its debts in full or in part and no creditor has applied to the court for an order putting the company into liquidation.	2° la société n'a pas d'excédent d'actif après avoir payé ses dettes en totalité ou en partie et aucun créancier n'a demandé à la juridiction de rendre une ordonnance de liquidation de la société.
UMUTWE WA VIII: AMASOSIYETE ADAHAMAGARIRA RUBANDA KUGURAMO IMIGABANE	**CHAPTER VIII: PRIVATE COMPANIES**	**CHAPITRE VIII: SOCIÉTÉS PRIVÉES**
Ingingo ya 209: Uguhitamo kw'amasosiyete adahamagarira rubanda kuguramo imigabane	**Article 209: Opt out for private companies**	**Article 209: Choix des sociétés privées**
Hatitawe ku cyo ari cyo cyose kiri mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane ishobora:	Notwithstanding anything in its incorporation documents, a private company may:	Nonobstant toute disposition dans ses documents constitutifs, une société privée peut:
1° kugabagabanya inyungu ku migabane nta cyemezo cy'abagize Inama y'Ubutegetsi;	1° make a distribution without a directors' certificate;	1° faire une distribution sans certificat des administrateurs;
2° kugabanyiriza abanyamigabane icyiciro ititaye ku biteganywa n'igika cya 2 cy'ingingo ya 74 y'iri tegeko;	2° give shareholder discounts without complying with Paragraph 2 of Article 74 of this Law;	2° offrir des rabais aux actionnaires sans se conformer à l'alinéa 2 de l'article 74 de la présente loi;
3° gushyiraho umugenzuzi yirengagije ibiteganywa n'ingingo ya 137 y'iri tegeko;	3° appoint an auditor without complying with provisions of Article 137 of this Law;	3° nommer un auditeur sans se conformer aux dispositions de l'article 137 de la présente loi;

4° kwishyura ugize Inama y'Ubutegetsi, gutanga ingwate cyangwa gukora amasezerano avugwa mu ngingo ya 168 y'iri tegeko yirengagije ibisanzwe bigenderwaho mu kugirana amasezerano n'ugize Inama y'Ubutegetsi;	4° make a payment to a director, give a guarantee or enter into a contract specified in Article 168 of this Law without complying with terms of any service contract with a director;	4° effectuer un paiement à un administrateur, donner une garantie ou conclure un contrat visé à l'article 168 de la présente loi, sans se conformer aux termes du contrat avec un administrateur;
5° gutanga inkunga y'amafaranga hagamijwe cyangwa ifitanye isano no kugura umugabane yatanzwe n'isosiyete ititaye ku biteganywa n'ingingo ya 188 y'iri tegeko.	5° give financial assistance for the purpose of or in connection with the purchase of any share allotted by the company without complying with provisions of Article 188 of this Law.	5° donner une assistance financière aux fins de ou en relation avec l'achat d'une action accordée par la société sans se conformer aux dispositions de l'article 188 de la présente loi.
Icyakora, abanyamigabane b'isosiyete idahamagarira rubanda kuguramo imigabane bashobora mu cyemezo bumvikanyeho guhitamo kudakurikiza zimwe mu ngingo z'iri tegeko zivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo zose cyangwa zimwe muri zo, kandi uko kudahitamo bishobora gukorwa mu buryo rusange cyangwa ku birebana n'igikorwa cyangwa ibikorwa runaka haba mu gihe gihoraho cyangwa kigenwe.	However, the shareholders of a private company may by unanimous shareholders' resolution opt out of all or any of the provisions of this Law specified in Paragraph 2 of this Article, and the opt out may be either general or in respect of a particular act or acts and either for an indefinite or a specified period.	Toutefois, les actionnaires d'une société privée peuvent, par résolution unanime, choisir de ne pas appliquer toutes ou une partie des dispositions de la présente loi spécifiées à l'alinéa 2 du présent article, et ce choix peut être général ou concernant un acte particulier ou peut-être pour une durée indéterminée ou déterminée.
Isosiyete idahamagarira rubanda kugura imigabane ntishobora kudakurikiza ibi bisabwa:	A private company cannot opt out of the following requirements:	Une société privée ne doit pas exclure les exigences suivantes:
1° gukorera no kumenyesha abanyamigabane raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi;	1° to make and disclose a directors' report to shareholders;	1° faire et informer les actionnaires du rapport des administrateurs;
2° inama ya buri mwaka y'abanyamigabane.	2° a shareholders' annual meeting.	2° la réunion annuelle des actionnaires.

Gusubira ku cyemezo cyo guhitamo kudakurikiza ibiteganywa n'iyi ngingo bikorwa mu mwanzuro udasanzwe cyangwa n'uko isosiyete ihindutse isosiyete ihamagarira rubanda kugura imigabane.	A reversal takes place when an opt out under this Article is revoked by special resolution or the company changes its status to a public company.	Une révision de la décision de renoncer à une décision prise en vertu du présent article est faite par une résolution spéciale ou par le fait que la société change de statut pour devenir une société publique.
Ingingo ya 210: Guhitamo kudakurikiza ibisabwa byerekeye ubugenzuzi	**Article 210: Opt out of audit requirement**	**Article 210: Choix de renonciation à l'exigence d'audit**
Iteka rya Minisitiri rishobora guteganya ubwoko bw'amasosiyete adahamagarira rubanda kugura imigabane ashobora kutubahiriza ibisabwa byerekeranye n'ingenzura rya buri mwaka ry'ibaruramari no kugira raporo y'umugenzuzi byemejwe n'umwanzuro wumvikanyweho na bose.	An Order of the Minister may prescribe types of private companies which may, by unanimous resolution, opt out of the requirements to have their annual accounts audited and have an auditor's report.	Un arrêté du Ministre peut prescrire les types de sociétés privées qui peuvent, par voie de résolution unanime, faire le choix de ne pas appliquer les exigences d'être soumis annuellement à un audit de leurs comptes et avoir un rapport de l'audit.
Uwo mwanzuro ugomba gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye ku itariki wagiriye agaciro.	Such a resolution is filed with the Registrar General within fifteen (15) working days from its effective date.	Une telle résolution doit être déposée auprès du Registraire général dans les quinze (15) jours ouvrables à compter de sa date de prise d'effet.
UMUTWE WA IX: ISOSIYETE	**CHAPTER IX: PROTECTED CELL**	**CHAPITRE IX : SOCIÉTÉS À**

IBUMBYE IBICE BIRINZWE	COMPANIES	CELLULES PROTÉGÉES
<u>Icyiciro cya mbere</u>: Gushinga cyangwa gukomeza ibikorwa by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Section One:</u> Incorporation or continuation of a protected cell company**	**<u>Section première :</u> Constitution ou continuation d'une société à cellules protégées**
<u>Ingingo ya 211</u>: Ishingwa cyangwa iyandikisha ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 211:</u> Incorporation or registration of a protected cell company**	**<u>Article 211</u>: Constitution ou enregistrement d'une société à cellules protégées**
Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko ku bijyanye n'ishingwa ry'isosiyete, gushinga cyangwa kwandikisha isosiyete ibumbye ibice birinzwe bikorwa iyo:	Subject to the provisions of this Law on the constitution of a company, a protected cell company is constituted or registered when:	Sous réserve des dispositions de la présente loi relative à la constitution d'une société, une société à cellules protégées est constituée et enregistrée si :
1° isosiyete ishobora gushingwa nk'isosiyete ibumbye ibice birinzwe;	1º a company may be incorporated as a protected cell company;	1° une société peut être constituée en tant que société à cellules protégées;
2° isosiyete yanditswe mu kindi gihugu ishobora kwandikwa mu buryo bwo gukomeza ibikorwa nk'igice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe mu Rwanda;	2º a company registered in a jurisdiction other than Rwanda may be registered by way of continuation as a protected cell company in Rwanda;	2° une société enregistrée dans un territoire autre que celui du Rwanda peut être enregistrée à titre de continuation en tant que société à cellules protégées au Rwanda;
3° isosiyete isanzwe iriho ishobora guhindurwa igice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe, iyo ibyemerewe mu nyandiko y'ubwimvikane cyangwa mu mategeko shingiro byayo.	3º an existing company may, if it is authorised by its memorandum and articles of association, be converted into a protected cell company.	3° une société existante peut, si son mémorandum et ses statuts l'autorisent, être transformée en société à cellules protégées.
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe, hatitawe ko	A protected cell company must,	Une société à cellules protégées doit, en dépit

ishobora gushyiraho igice cy'isosiyete kimwe cyangwa byinshi, igomba kuba ifite ubuzima gatozi. Gushyiraho igice cy'isosiyete ntibituma kigira ubuzimagatozi butandukanye n'ubw'isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	notwithstanding that it may create one or more cells, be a single legal person and the creation by a protected cell company of a cell does not create, in respect of that cell, a legal person separate from the protected cell company.	du fait qu'elle peut créer une ou plusieurs cellules, être une seule entité juridique et la création par elle d'une cellule ne crée pas, en ce qui concerne cette cellule, une entité dotée d'une personnalité juridique distincte de cette société à cellules protégées.
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibigomba kubahirizwa kugira ngo isosiyete isanzwe iriho ihinduke isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	An Order of the Minister determines the procedure and conditions subject to which an existing company may be converted into a protected cell company.	Un arrêté du Ministre détermine la procédure et les conditions selon lesquelles une société existante peut être transformée en société à cellules protégées.
<u>Ingingo ya 212</u>: Gukomereza ibikorwa mu Rwanda kw'isosiyete y'inyamahanga ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 212</u>: Continuation of a foreign protected cell company in Rwanda**	**<u>Article 212</u>: Continuation en d'une société étrangère à cellules protégées au Rwanda**
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe y'inyamahanga yujuje ibisabwa byerekeye iyandikwa ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe, ishobora gukomereza ibikorwa byayo mu Rwanda iyo imaze kwandikwa nk'isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	A foreign protected cell company which satisfies requirements for registration of a protected cell company may continue as a protected cell company in Rwanda after being registered as a protected cell company.	Une société étrangère à cellules protégées qui remplit les conditions d'enregistrement d'une société à cellules protégées peut poursuivre ses activités en tant que société à cellules protégées au Rwanda après avoir été enregistrée comme société à cellules protégées.
Amategeko shingiro yo gukomeza ibikorwa akubiyemo ibi bikurikira:	The articles of continuation contain:	Les statuts de continuation contiennent ce qui suit:
1° izina ry'isosiyete n'izina ishaka gukomezanya;	1° the name of the company and the name under which it is being continued;	1° le nom de la société et le nom sous lequel elle poursuit ses activités;
2° izina ry'igihugu yashingiwemo;	2° the name of the jurisdiction under which it is incorporated;	2° le nom du pays sous lequel elle est constituée;

3° itariki yashingiweho; 4° amakuru asabwa gushyirwa mu nyandiko y'ubwumvikane no mu mategeko shingiro by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe iteganywa muri iri tegeko; 5° amavugururwa y'inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro cyangwa ibindi bihwanye na byo bitangira kugira agaciro isosiyete ikimara kwandikwa hakurikijwe iri tegeko n'amategeko yo gukomeza ibikorwa.	3° the date on which it was incorporated; 4° the information required to be in the memorandum and articles of a protected cell company under this Law; 5° the amendments to its memorandum and Articles or their equivalent that are to be effective upon registration under this law and articles of continuation.	3° la date à laquelle elle a été constituée; 4° les informations à inclure dans le mémorandum et les statuts d'une société à cellules protégées en vertu de la présente loi; 5° les modifications de son mémorandum et de ses statuts ou de leur équivalent qui doivent entrer en vigueur lors de l'enregistrement en vertu de la présente loi et les statuts de continuation;
Amategeko shingiro yo gukomeza ibikorwa yoherezwa Umwandtsi Mukuru aherekejwe na kopi y'inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro cyangwa ibindi bihwanye na byo ndetse n'ikimenyetso icyo ari cyo cyose kigaragariza Umwandtsi Mukuru ko isosiye ihagaze neza kugira ngo abibike kandi abyandike.	The articles of continuation are submitted, together with a copy of the Memorandum and Articles of the company, or their equivalent, and any evidence satisfactory to the Registrar General that the company is in good standing in order for the Registrar General to retain and register them.	Les statuts de continuation sont soumis, accompagné d'une copie du mémorandum et des statuts de la société ou de leur équivalent et toute preuve satisfaisante indiquant au Registraire général que la société est en règle pour qu'il les conserve et les enregistre.
Amategeko shingiro y'ikomeza ry'ibikorwa akubiyemo ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo yemezwa ku bwiganze bw'amajwi y'abagize inama y'ubutegetsi cyangwa mu bundi buryo bwashyirwaho n'isosiyete hagamijwe gukoresha ububasha bw'isosiyete.	The Articles of continuation containing the particulars set out in Paragraph 3 of this Article is approved by a majority of the directors or in such other manner as may be established by the company for exercising the powers of the company.	Les statuts de continuation contenant les détails visées à l'alinéa 3 du présent article sont approuvés à la majorité des administrateurs ou de toute autre manière qui peut être établie par la société pour l'exercice de ses pouvoirs.
Nyuma yo kwandika inyandiko	Upon the registration of the memorandum and	Après l'enregistrement du mémorandum et des

y'ubwumvikane n'amategeko shingiro, Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo cyo gukomeza ibikorwa kigaragaza ko isosiyete yanditswe nk'isosiyete ibumbye ibice birinzwe hakurikijwe iri tegeko.	articles of continuation, the Registrar General issues a certificate of continuation certifying that the company is registered as a protected cell company under this Law.	statuts de continuation, le Registraire général délivre un certificat de continuation attestant que la société est enregistrée comme société à cellules protégées en vertu de la présente loi.
<u>Ingingo ya 213</u>: Izina n'inyandiko y'ubwumvikane by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 213</u>: Name and memorandum of a protected cell company**	**<u>Article 213</u>: Nom et mémorandum d'une société à cellules protégées**
Izina ry'isosiyete ibumbye ibice birinzwe rigomba kuba ririmo ijambo rigaragara "protected cell company" cyangwa inyuguti "PCC" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza inyuma y'izina ryayo.	The name of a protected cell company must include clearly the expression "Protected Cell Company" or its abbreviation "PCC" after its name.	Le nom d'une société à cellules protégées doit inclure clairement l'expression « Protected Cell Company» ou son sigle en anglais «PCC», après son nom.
Buri gice cy'isosiyete kigomba kugira izina ryacyo ryihariye cyangwa inyito igomba kuba igaragara neza mu mazezerano agenga kugura imigabane y'igice cy'isosiyete.	Each cell of a protected cell company has its own distinct name or designation or denomination which is clearly set out in the agreement governing the subscription for cell shares.	Chaque cellule d'une société de cellule protégée a son propre nom ou sa propre dénomination qui est clairement indiquée dans l'accord régissant la souscription des parts de cellule.
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe y'inyamahanga ariko igakomeza kubaho nk'isosiyete ibumbye ibice birinzwe yanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ishobora gukoresha izina yahawe mu mategeko shingiro yo gukomeza ibikorwa hongewemo amagombo "protected cell company" cyangwa inyuguti "PCC" .	A company incorporated under the laws of a jurisdiction other than the Republic of Rwanda and continued as a protected cell company registered under this law may use the name designated in the Articles of continuation with the addition of either the suffix "Protected Cell Company" or "PCC".	Une société constituée en vertu des lois d'un autre pays que la République du Rwanda et maintenue comme société à cellules protégées enregistrée en vertu de la présente loi peut utiliser le nom désigné dans les statuts de continuation suivi du suffixe « Protected Cell Company » ou « PCC ».
Inyandiko y'ubwumvikane y'isosiyete	The memorandum of a protected cell company	Le mémorandum d'une société à cellules

ibumbye ibice birinzwe igomba kugaragaza ko ari isosiyete ibumbye ibice birinzwe.	must state that it is a protected cell company.	protégées doit indiquer qu'il s'agit d'une société à cellules protégées.
Kugira ngo yubahirize ibivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo, isosiyete ibumbye ibice birinzwe ishobora guhindura inyandiko y'ubwumvikane yayo ikoresheje umwanzuro udasanzwe.	A protected cell company may, in order to comply with Paragraph 4 of this Article, alter its memorandum by special resolution.	Une société à cellules protégées peut, pour se conformer à l'alinéa 4 du présent article, modifier son mémorandum par une résolution spéciale.
Ingingo ya 214: Gushyiraho igice cy'isosiyete kimwe cyangwa byinshi	**Article 214: Creation of one or more cells**	**Article 214: Création d'une ou plusieurs cellules**
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe ishobora gushyiraho igice cy'isosiyete kimwe cyangwa byinshi kugira ngo itandukanye kandi irinde umutungo w'igice cy'isosiyete mu buryo buteganywa n'iri tegeko.	A protected cell company may create one or more cells for the purpose of segregating and protecting cellular assets in the manner provided by this Law.	Une société à cellules protégées peut créer une ou plusieurs cellules pour séparer et protéger les actifs cellulaires, tel que prévu par la présente loi.
Hatitawe ku bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, nta gice cy'isosiyete gishobora gushyirwaho:	Notwithstanding the provisions of Paragraph One of this Article, no cell is created:	Nonobstant les dispositions de l'alinéa premier du présent article, aucune cellule n'est créée:
1° hagamijwe igikorwa cy'ubucuruzi gitandukanye n'igikorwa cy'ubucuruzi cy'igice cy'isosiyete;	1° for a business activity different from the business activity of the protected cell company;	1° en vue d'une activité commerciale différente de l'activité commerciale de la société à cellules protégées;
2° bitemejwe n'urwego rw'ubugenzuzi bireba.	2° without the approval of the relevant regulator.	2° sans l'approbation du régulateur concerné.
Ingingo ya 215: Umutungo w'igice	**Article 215: Cellular assets and assets of the**	**Article 215: Actifs cellulaires et actifs du**

cy'isosiyete n'umutungo w'isosiyete remezo	**core**	**noyau**
Umutungo w'isosiyete ibumbye ibice birinzwe ushobora kugirwa n'umutungo w'igice cy'isosiyete n'uw'isosiyete remezo cyangwa ihuriro ry'umutungo w'igice cy'isosiyete n'uw'isosiyete remezo.	The assets of a protected cell company may comprise of cellular assets and that of the core or a combination of both cellular and that of the core.	Les actifs d'une société à cellules protégées peuvent comprendre des actifs cellulaires ou des actifs du noyau ou une combinaison d'actifs cellulaires et des actifs du noyau.
Abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bagomba:	The directors of a protected cell company must:	Les administrateurs d'une société à cellules protégées doivent:
1° kubika umutungo w'igice cy'isosiyete ku buryo ushobora gutandukanywa n'uw'isosiyete remezo;	1° keep cellular assets separate and separately identifiable from the assets of the core;	1° garder les actifs cellulaires distincts des actifs du noyau de façon à pouvoir les identifier séparément;
2° kubika umutungo w'igice cy'isosiyete ubarirwa kuri buri gice kandi ushobora gutandukanywa n'umutungo ubarirwa mu bindi bice by'isosiyete.	2° keep cellular assets attributable to each cell separate and separately identifiable from cellular assets attributable to other cells.	2° garder les actifs cellulaires attribuables à chaque cellule distincts des actifs cellulaires attribuables à d'autres cellules de façon à pouvoir les identifier séparément;
Abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bashobora gutuma cyangwa kwemerera:	The directors of a protected cell company may cause or permit:	Les administrateurs d'une société à cellules protégées peuvent confier ou autoriser :
1° umutungo w'igice cy'isosiyete n'umutungo w'isosiyete remezo ugirwa:	1° cellular assets and that of the core to be held:	1° la détention des actifs cellulaires et ceux du noyau:
a. n'umuntu washyizweho cyangwa bimunyujijweho;	a. by or through a nominee;	a. par ou par le biais d'une personne désignée;
b. n'isosiyete ifite imigabane n'inyungu	b. by a company the shares and capital	b. par une société dont les actions et les

ku mari shingiro bishobora kuba ari umutungo w'igice cy'isosiyete cyangwa umutungo w'isosiyete remezo cyangwa uwa byombi.	interests of which may be cellular assets or that of the core or a combination of both.	participations au capital peuvent être des actifs cellulaires ou des actifs du noyau ou une combinaison des deux.
2° umutungo w'igice cy'isosiyete cyangwa umutungo w'isosiyete remezo cyangwa uwa byombi, ugomba gucungirwa hamwe n'ucunga ishoramari, ariko iyo mitungo itandukanye.	2° cellular assets or that of the core or a combination of both, to be collectively managed by an investment manager, but the assets in question being separately identifiable.	2° la gestion collective de actifs cellulaires ou les actifs du noyau, ou une combinaison des deux, par un gestionnaire d'investissement, pour autant que ces actifs restent identifiables séparément.
Umutungo w'igice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe ugizwe n'umutungo w'iyo sotiyete ubarirwa kuri ibyo bice by'isosiyete.	The cellular assets of a protected cell company comprise the assets of the company attributable to the cells of the company.	Les actifs cellulaires d'une société à cellules protégées comprennent les actifs de cette société attribuables à ses cellules.
Umutungo ubarirwa ku bice by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe ugizwe n'ibi bikurikira:	The assets attributable to a cell of a protected cell company comprise:	Les actifs attribuables à une cellule d'une société à cellules protégées comprennent :
1° umutungo ugizwe n'ibivuye ku mari shingiro y'igice cy'isosiyete n'ubwizigame bibarirwa ku gice cy'isosiyete;	1° assets represented by the proceeds of cell share capital and reserves attributable to the cell;	1° les actifs représentés par le produit du capital social de la cellule et les réserves attribuables à la cellule;
2° undi mutungo wose ubarirwa ku gice cy'isosiyete.	2° all other assets attributable to the cell.	2° tous les autres actifs attribuables à la cellule.
Hakurikijwe igika cya 5 cy'iyi ngingo, mu bigize ubwizigame, harimo amafaranga asaguka nyuma y'itangwa ry'inyungu ku migabane, imari shingiro yazigamwe	For the purposes of Paragraph 5 of this Article, reserves includes retained earnings, capital reserves and share premiums.	Aux fins de l'alinéa 5 du présent article, les réserves comprennent les bénéfices non distribués, les réserves de capital et les primes d'émission.

n'amafaranga y'inyongera ku gaciro k'imigabane.		
Umutungo w'isosiyete remezo ugizwe n'umutungo w'iyo sosiyete hatabariwemo umutungo ubarirwa ku bice by'isosiyete.	The assets of the core comprise the assets of the company which are not cellular assets.	Les actifs du noyau comprennent les actifs de la société qui ne sont pas des actifs cellulaires.
<u>Ingingo ya 216</u>: Imigabane n'imari shingiro by'igice cy'isosiyete	**<u>Article 216</u>: Cell shares and cell share capital**	**<u>Article 216:</u> Actions cellulaires et capital social cellulaire**
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe ishobora kugena no gutanga imigabane ireba kimwe mu bice biyigize, ibivuye mu itangwa ry'iyo migabane bishyirwa mu mutungo w'igice cy'sisosiyete ubarirwa kuri icyo gice kirebwa n'iyo migabane yatanzwe.	A protected cell company may, in respect of any of its cells, create and issue cell shares the proceeds of which is comprised in the cellular assets attributable to the cell in respect of which the cell shares were issued.	Une société à cellules protégées peut, à l'égard de l'une de ses cellules, créer et émettre des actions cellulaires dont le produit est compris dans les actifs cellulaires attribuables à la cellule pour laquelle les actions cellulaires ont été émises.
Ibivuye mu itangwa ry'imigabane igenwa kandi igatangwa n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe ariko iyo migabane ikaba itari imigabane y'ibice by'isosiyete bibarirwa mu mutungo wa sosiyete remezo;	The proceeds of the issue of shares other than cell shares created and issued by a protected cell company are comprised in the company's non-cellular assets.	Le produit de l'émission des actions autres que les actions cellulaires créées et émises par une société à cellules protégées est compris dans les actifs non cellulaires de la société.
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe ishobora gutanga inyungu ku migabane mu rwego rw'imigabane y'igice cy'isosiyete.	A protected cell company may pay a dividend in respect of cell shares.	Une société à cellules protégées peut verser un dividende au titre des actions cellulaires.
Inyungu ku migabane y'igice cy'isosiyete zishobora gutangwa hashingiwe gusa ku mutungo n'imyenda by'igice cy'isosiyete kirebwa n'imigabane y'igice cy'isosiyete yatanzwe.	Cellular dividends may be paid in respect of cell shares by reference only to the cellular assets and liabilities attributable to the cell in respect of which the cell shares were issued.	Les dividendes cellulaires peuvent être versés au titre des actions cellulaires par référence uniquement aux actifs et passifs cellulaires attribuables à la cellule pour laquelle les actions cellulaires ont été émises.

Igenwa ry'inyungu zitangwa ku migabane y'igice cy'isosiyete rikorwa hatitawe: 1° ku nyungu n'igihombo cyangwa umutungo n'imyenda by'ikindi gice cy'isosiyete icyo ari cyo cyose; 2° ku nyungu, igihombo, umutungo n'imyenda by'isosiyete remezo.	In determining the cellular dividend payment, no account needs to be taken of: 1° the profits and losses, or the assets and liabilities, attributable to any other cell of the company; 2° non-cellular profits and losses, or assets and liabilities.	Pour déterminer le versement des dividendes cellulaires, il n'est pas nécessaire de tenir compte de ce qui suit: 1° les profits et pertes ou les actifs et passifs attribuables à toute autre cellule de la société; 2° bénéfices et pertes ou actifs et passifs non cellulaires.
<u>Ingingo ya 217</u>: Igabanywa ry'imari shingiro y'igice cy'isosiyete Isosiyete ibumbye ibice birinzwe cyangwa umunyamigabane mu gice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bashobora gusaba Umwanditsi Mukuru kwemerera isosiyete kugabanya imari shingiro y'igice cy'isosiyete iyo: 1° usaba ari isosiyete cyangwa kimwe mu bice by'iyo sosiyete ; 2° usaba ari nyir'imigabane y'igice cy'isosiyete kirimo iyo migabane y'igice cy'isosiyete; Igabanywa ry'imari shingiro ryemerwa iyo:	**<u>Article 217</u>: Reduction of cell share capital** A protected cell company or a holder of cell shares in a cell of a protected cell company may apply to the Registrar General to authorise the company to reduce the cell share capital if: 1° where the applicant is the company, or any of the company's cells; 2° where the applicant is the holder of cell shares of the cell in which the cell shares are held. The reduction of the share capital is	**<u>Article 217:</u> Réduction du capital social de la cellule** Une société à cellules protégées ou un détenteur d'actions cellulaires dans une cellule d'une société à cellules protégées peut demander au Registraire général d'autoriser la société à réduire le capital social de la cellule si : 1° le demandeur est la société ou l'une des cellules de cette société; 2° le demandeur est le détenteur d'actions cellulaires de la cellule dans laquelle les actions cellulaires sont détenues. La réduction du capital social est autorisée:

	authorized:	
1° hagamijwe gukuraho cyangwa kugabanya imigabane iyo ari yo yose yafashwe mu gice cy'isosiyete ku birebana n'imari shingiro yacyo ariko ikaba itari yishyurwa;	1° to extinguish or reduce the liability on any cell shares in respect of cell share capital not paid up;	1° pour éteindre ou réduire le passif concernant toutes actions cellulaires en ce qui concerne le capital social de cellule non libéré ;
2° hafashwe cyangwa hadafashwe icyemezo cyo gukuraho cyangwa kugabanya imigabane iyo ari yo yose yafashwe mu gice cy'isosiyete ariko ikaba itari yishyurwa hakorwa ibi bikurikira:	2° where a decision is taken to extinguish or reduce any liability on any cell shares which are not paid up yet, the following action is taken:	2° lorsqu'une décision est prise quant à l'extinction ou réduction du passif concernant toutes actions cellulaires non libérées, les mesures suivantes sont engagées :
a) gukura mu bitabo imari shingiro iyo ari yo yose y'igice cy'isosiyete yishyuwe ariko ikaza guhomba cyangwa hakaba hatakiri umutungo ufite agaciro iyo mari shingiro yabarwagamo;	a) to remove from books any paid-up cell share capital which is attributable to a company that went bankrupt or which is unrepresented by available cellular assets;	c) pour radier des livres tout capital social de cellule libéré qui est attribuable à une société tombée en faillite ou qui n'est pas représenté par les actifs cellulaires disponibles;
b) gusubiza imari shingiro iyo ari yo yose y'igice cy'isosiyete yishyuwe ariko ikaba irenze ku mari shingiro iyo sosiyete ikeneye, icyo gihe sosiyete ikaba ishobora guhindura inyandiko yayo y'ubwumvikane iyo bibaye ngombwa.	b) to pay off any paid-up cell share capital which exceeds the company's wants, and the company may, so far as is necessary, alter its memorandum accordingly.	d) pour rembourser tout capital social de cellule libéré qui excède les besoins de la société peut, si nécessaire, modifier son mémorandum à cet effet.
Umwanditsi Mukuru yemera ko habaho igabanya ry'imari shingiro y'igice cy'isosiyete iyo asanze:	The Registrar General authorises the reduction of cell share capital where he or she is satisfied that:	Le Registraire général autorise la réduction du capital social de la cellule s'il estime que :
1° yarashyikirijwe umwanzuro udasanzwe	1° a special resolution referred to as a	1° une résolution spéciale dite résolution

werekeye kugabanya imari shingiro y'igice cy'isosiyete;	resolution for cell share capital reduction is filed;	de réduction du capital social cellulaire est déposée;
2° isosiyete yatanze ingwate ihagije igaragaza ko ishoboye kwishyura uwo ibereyemo imyenda cyangwa abo igice cy'isosiyete kirebwa n'igabanya ry'imari shingiro kibereyemo imyenda;	2° the company has provided sufficient guarantees to secure payment of its liabilities to its creditors or those of the cell in respect of which the reduction for cell share capital is made;	2° la société a fourni des garanties suffisantes pour garantir le paiement de ses passifs envers ses créanciers ou ceux de la cellule faisant l'objet de la réduction du capital social cellulaire;
3° nta n'umwe mu baberewemo umwenda ubangamiwe n'iryo gabanywa;	3° no creditor is unfairly prejudiced by the reduction;	3° aucun créancier n'est injustement lésé par la réduction;
4° isosiyete igaragaje ko ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda.	4° the company demonstrates that it satisfies the solvency test.	4° la société démontre qu'elle satisfait au test de solvabilité.
Hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 4 k'igika cya 3 cy'iyi ngingo, isosiyete ifatwa nk'ishobora kwishyura imyenda iyo:	In accordance with the provisions of item 4, Paragraph 3 of this Article, a company is regarded as satisfying the solvency test where:	Conformément aux dispositions du point 4 de l'alinéa 3 du présent article, une société est considérée comme satisfaisant au test de solvabilité lorsque :
1° ishobora kwishyura imyenda yayo igihe cyose igejeje igihe cyo kwishyurwa kandi igakomeza ibikorwa byayo uko bisanzwe;	1° the company is able to pay its debts as they become due in the normal course of business;	1° elle est en mesure de payer ses dettes à leur échéance dans le cours normal des activités ;
2° agaciro k'umutungo w'iyo sosiyete karenze imyenda yayo harimo n'imyenda ishobora kuzavuka nyuma.	2° the value of the company's assets is greater than the value of its liabilities including contingent liabilities.	2° la valeur réalisable des actifs de la société commerciale est supérieure au total de la valeur actuelle de son passif, qu'il soit éventuel ou autre;
Ku birebana n'ibivugwa mu gace ka 2º k'igika	For the purpose of the provisions of item 2º of	Aux fins du point 2º de l'alinéa 4 du présent

cya 4 cy'iyi ngingo, ibishobora gushingirwaho ni ibi bikurikira:	Paragraph 4 of this Article, account may be taken of:	article, les conditions suivantes peuvent être prises en considération :
1° raporo iheruka ku ifoto y'umutungo w'isosiyete;	1° the most recent financial statements of the company;	1° les états financiers les plus récents de la société;
2° izindi mpamvu zose abagize inama y'ubutegetsi bazi cyangwa bakwiye kuba bazi zifite cyangwa zishobora kugira ingaruka ku gaciro k'umutungo w'isosiyete n'agaciro k'imyenda yayo harimo n'imyenda ishobora kuzavuka nyuma;	2° all other circumstances that all directors know or ought to know that affect, or may affect, the value of the company's assets and the value of the company's liabilities, including its contingent liabilities;	2° toutes les autres circonstances que tous les administrateurs connaissent ou devraient connaître et qui affectent ou peuvent affecter la valeur des actifs de la société et la valeur des passifs de la société, y compris ses passifs éventuels;
3° igenagaciro iryo ari ryo ryose ry'umutungo cyangwa ikigereranyo cy'imyenda igihe bigaragarako ari ngombwa;	3° any valuation of assets or estimates of liabilities that are reasonable in the circumstances;	3° toute évaluation d'actifs ou estimation de passif qui est raisonnable dans les circonstances;
4° icyatuma habaho imyenda ishobora kuzavuka;	4° the likelihood of the contingency occurring;	4° l'éventuelle survenance d'imprévus;
5° imyenda sosiyete ifite uburenganzira bwo kwishyuza hakaba hari impamvu zituma yizerako iyo myenda ishobora kuzishyurwa;	5° any claim the company is entitled to make and can reasonably expect to be met;	5° toute dette que la société est en droit de réclamer et dont le règlement auquel elle peut raisonnablement s'attendre;
6° imigabane iyo ari yose ishobora kuzafatwa ariko ntiyishyurwe ku buryo isosiyete ishobora kuba ifite impamvu yo guteganya kuzayikuraho cyangwa kuyigabanya.	6° any contingent liability the company can reasonably expect to reduce or extinguish.	6° toute dette éventuelle dont la réduction et l'extinction auxquelles la société peut raisonnablement s'attendre.

Uberewemo umwenda uwo ari we wese ubangamiwe n'iyemerwa ryo kugabanya imari shingiro ashobora gusaba urukiko kumurenganura cyangwa gufata icyemezo cyo guhagarika cyangwa kubuza igabanya ry'imari shingiro y'igice cy'isosiyete.	Any creditor who is prejudiced by the authorised reduction of capital, may apply to the Court for redress or for an order restraining or prohibiting the reduction of cell share capital.	Tout créancier lésé par la réduction du capital social autorisée peut demander à une juridiction une réparation ou une ordonnance restreignant ou interdisant la réduction du capital social de la cellule.
<u>Icyiciro 2</u>: Ababerewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Section 2</u>: Creditors of protected cell company**	**<u>Section 2</u> : Créanciers d'une société à cellules protégées**
<u>Ingingo ya 218</u>: Uburyozwe bw'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 218</u>: Liability of protected cell company**	**<u>Article 218</u>: Responsabilité d'une société à cellules protégées**
Iyo isosiyete ibumbye ibice birinzwe ifite uburyozwe ku muntu uwo ari we wese bukomoka ku gikorwa cy'ubucuruzi cyangwa butegetswe mu bundi buryo ku birebana n'igice cy'isosiyete icyo ari cyo cyose:	Where a liability of a protected cell company to a person arises from a transaction, or is otherwise imposed, in respect of a particular cell:	Lorsqu'une responsabilité d'une société à cellules protégées envers une personne découle d'une transaction ou est autrement imposée, à l'égard d'une cellule donnée :
1° ubwo buryozwe bw'isosiyete bwishyuzwa gusa kuri ibi bikurikira:	1° that liability of the company is extended only to the following:	1° cette responsabilité de la société ne s'étend qu'à ce qui suit :
a) ku mutungo ubarirwa kuri icyo gice cy'isosiyete ku buryo ari wo urebwa n'ubwo buryozwe ku rwego rwa mbere;	a) the cellular assets attributable to that cell which is primarily liable;	c) les actifs cellulaires attribuables à cette cellule dont la responsabilité est engagée à titre principal;
b) ku mutungo w'isosiyete remezo urebwa n'ubwo buryozwe hakurikijwe amasezerano y'ikurikiranabwishyu ateganya ko ubwo buryozwe bureba uwo mutungo ku rwego rwa kabiri	b) subject to an express recourse agreement so providing, to the extent that the cellular assets attributable to that cell may be insufficient, the company's non-cellular assets, which	d) sous réserve d'un accord relatif au recours exprès qui le prévoit, dans la mesure où les actifs cellulaires attribuables à cette cellule peuvent être insuffisants, les actifs non cellulaires

igihe umutungo ubarirwa kuri icyo gice cy'isosiyete waba udahagije;	are secondarily liable;	de la société qui sont engagés à titre subsidiaire;
2° ubwo buryozwe bw'isosiyete ntibwishyuzwa ku mutungo ubarirwa ku kindi gice cy'isosiyete.	2° that liability of the company is not extend to the cellular assets attributable to any other cell;	2° cette responsabilité de la société ne s'étend pas aux actifs attribuables à une autre cellule;
Iyo uburyozwe isosiyete ibumbye ibice by'isosiyete ifite ku muntu, bukomoka ku gikorwa kitari icy'igice cy'isosiyete, cyangwa butegetswe mu bundi buryo budafite aho buhuriye n'igice cy'isosiyete, ubwo buryozwe bw'isosiyete bwishyuzwa gusa ku mutungo w'isosiyete remezo.	Where liability of a protected cell company to a person arises otherwise than from a transaction in respect of a particular cell; or is imposed otherwise than in respect of a particular cell, that liability of the company is only levied on the assets of the core.	Lorsque la responsabilité d'une société à cellules protégées envers une personne découle d'une transaction autre que celle d'une cellule donnée; cette responsabilité de la société ne concerne que les actifs du noyau.
Haseguriwe ibiteganywa ukundi mu masezerano y'ikurikiranabwishyu ku buryo butaziguye, umutungo w'isosiyete remezo:	Subject to the terms of any express recourse agreement providing otherwise, non-cellular assets of a protected cell company:	Sous réserve des conditions de tout accord relatif au recours express qui en dispose autrement, les actifs non cellulaires d'une société à cellules protégées:
1° ukoreshwa gusa mu kwishyura ababerewemo umwenda n'isosiyete batanze uwo mwenda ku isosiyete remezo;	1° are only available to the creditors of the company who are creditors in respect of the core; and who shall thereby be entitled;	1° ne sont disponibles que pour les créanciers de la société qui sont créanciers du noyau et qui y ont ainsi droit;
2° ntushobora na rimwe gukoreshwa mu kwishyura ababerewemo umwenda n'isosiyete batatanze uwo mwenda ku isosiyete remezo.	2° are absolutely protected from the creditors of the company who are not creditors in respect of the core.	2° sont absolument protégés contre les créanciers de la société qui ne sont pas créanciers du noyau.
Ingingo ya 219: Uburyozwe bureba	**Article 219: Liability of cellular assets**	**Article 219: Responsabilité impliquant les**

imitungo y'ibice by'isosiyete		**actifs cellulaires**
Uretse igihe isosiyete yemeye ko uburyozwe bugomba guherera gusa ku mutungo utari uw'ibice byayo, iyo havutse uburyozwe ubwo aribwo bwose bureba igice cy'isosiyete:	Save to the extent that the company may have agreed that a liability is the liability solely of the company's non-cellular assets, where any liability which is attributable to a particular cell:	Sauf dans la mesure où la société peut avoir accepté que la responsabilité porte uniquement sur les actifs non cellulaires de la société, lorsqu'il existe une responsabilité imputable à une cellule donnée d'une société à cellules protégées :
1° umutungo ubarirwa kuri icyo gice cy'isosiyete ni wo urebwa n'ubwo buryozwe ku rwego rwa mbere;	1° the cellular assets attributable to that cell are primarily liable;	1° les actifs cellulaires attribuables à cette cellule sont engagés à titre principal;
2° umutungo wa sosiyete remezo ni wo urebwa n'ubwo buryozwe ku rwego rwa kabiri hakurikijwe amasezerano y'ikurikiranabwishyu igihe yaba ateganyako ubwo buryozwe buherera kuri uwo mutungo;	2° where an express recourse agreement so provides, the assets of the core is secondarily liable;	2° lorsqu'un accord relatif au recours exprès le prévoit ainsi, les actifs du noyau sont engagés à titre subsidiaire;
3° ubwo buryozwe ntibureba umutungo uwo ari wo wose w'igice cy'isosiyete kitarebwa n'ubwo buryozwe.	3° the liability is not a liability of any cellular assets not attributable to the relevant cell.	3° la responsabilité ne s'étend pas aux à tout autre actif cellulaire non attribuable à la cellule concernée.
Icyakora, iyo habayeho igihombo cyangwa kuryozwa indishyi bihereye ku gice icyo ari cyo cyose cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe kubera uburiganya, uburyozwe bw'icyo gihombo cyangwa iyo ndishyi buherera ku mutungo w'isosiyete remezo yonyine, mu gihe uburiganya buvugwa muri iki gika butagizwemo uruhare n'umuntu wishyuza	However, in the case of loss or damage which is attributable to a particular cell of a protected cell company and which is caused by fraud, the loss or damage is the liability solely of the assets of the core, provided that the fraud referred to in this Paragraph does not include the fraud of any person making a claim against the cell, his or her servants, employees,	Toutefois, en cas de perte ou de dommage imputable à une cellule particulière d'une société à cellules protégées et résultant d'une fraude, la perte ou le dommage ne concerne que des actifs du noyau, à condition que la fraude visée au présent alinéa n'implique pas une personne ayant fait une réclamation contre cette cellule ni ses agents, ses employés,

igice cy'isosiyete, abakozi be cyangwa intumwa ze.	officers or agents.	responsables ou mandataires.
Uburyozwe ubwo ari bwo bwose butareba igice iki n'iki cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe buherera gusa ku mutungo w'isosiyete remezo.	Any liability not attributable to a particular cell of a protected cell company is the liability solely of the core assets.	Toute dette non attribuable à une cellule particulière d'une société à cellules protégées ne constitue que la dette des actifs du noyau.
Haseguriwe ibiteganywa mu masezerano y'ikurikiranabwishyu, uburyozwe bw'igice cy'isosiyete ntibushobora kujya hejuru y'agaciro k'umutungo ubarirwa ku gice cy'isosiyete bireba.	Subject to the terms of a recourse agreement the liabilities of the cellular assets cannot surpass the total value of the assets of the concerned cell.	Sous réserve des termes d'un accord relatif au recours, des actifs cellulaires ne peuvent pas être supérieures à la valeur réelle de la cellule concernée.
Uburyozwe kuri sosiyete remezo ntibushobora kujya hejuru y'agaciro k'umutungo ubarirwa ku mutungo wayo. Icyakora ibivugwa muri iki gika ntibikurikizwa mu gihe habaye uburiganya bukomoka ku mikorere y'isosiyete remezo cyangwa hashingiwe ku masezerano yo kugobokwa hagati y'isosiyete remezo n'igice cy'isosiyete.	The liabilities of the assets of the core cannot surpass the total value of its assets. However, the provisions of this Paragraph do not apply in any situation in which any of the liabilities of the core assets arise from fraud or by reason of a recourse agreement between the core and its cell.	Les passifs du noyau ne peuvent pas être supérieures à la valeur réelle de ses actifs. Toutefois, les dispositions du présent aliéna ne s'appliquent dans aucune situation dans laquelle l'un des passifs du noyau d'une fraude ou d'un accord relatif au recours entre le noyau et sa cellule.
Ingingo ya 220: Amasezerano y'ikurikiranabwishyu	**Article 220: Recourse agreement**	**Article 220: Accord relatif au recours**
Amasezerano y'ikurikiranabwishyu ni amasezerano yanditse yerekeye igice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe akorwa hagati y'iyo sosiyete n'undi muntu ibereyemo umwenda ateganya ko umutungo remezo w'iyo sosiyete cyangwa uw'ikindi gice cyayo	A recourse agreement is a written agreement in relation to a cell of a protected cell company entered into between a protected cell company and a third party which provides that, pursuant to an arrangement effected by the protected cell company, core assets or assets of another	Un accord relatif au recours est un accord écrit relatif à une cellule d'une société à cellules protégées conclu entre une société à cellules protégées et un tiers qui prévoit que, conformément à un arrangement conclu par la société à cellules protégées, les actifs du noyau

ushobora gukoreshwa mu kwishyura uwo muntu hakurikijwe ubwumvikane iyo sosiyete yagiranye nawe kandi hatitawe ku bindi biteganyijwe muri iri tegeko.	cell may, notwithstanding the other provisions of this law, be subject to a liability owed to that third party.	ou les actifs d'une autre cellule peut, nonobstant les autres dispositions de la présente loi, être soumis à une responsabilité envers ce tiers.
Mbere yo gukora amasezerano y'ikurikiranabwishyu, buri wese mu bagize inama y'ubutegetsi y'isosiyete ibumbye ibice birinzwe wemeye ko ayo masezerano akorwa yemeza ko azi neza ko, ashingiye ku mpamvu zumvikana ko:	Before entering into a recourse agreement, each director of the protected cell company who authorises it must make a declaration that he believes, on reasonable grounds:	Avant de conclure un accord relatif au recours, chaque administrateur de la société à cellules protégées qui l'autorise doit faire une déclaration selon laquelle il a des bonnes raisons de croire :
1° nta n'umwe mu baberewemo umwenda n'isosiyete uzabangamirwa n'ayo masezerano y'ikurikiranabwishyu;	1° that no creditor of the company will be unfairly prejudiced by the recourse agreement;	1° qu'aucun créancier de la société ne sera injustement lésé par l'accord relatif au recours ;
2° abanyamigabane b'isosiyete bafashe umwanzuro wemeza amasezerano y'ikurikiranabwishyu, uretse igihe biteganyijwe ukundi n'inyandiko y'ubwumvikane cyangwa amategeko shingiro.	2° where shareholders of the company have passed a resolution approving the recourse agreement, unless otherwise provided for by the memorandum or the articles of association.	2° lorsque les actionnaires de la société ont adopté une résolution approuvant l'accord relatif au recours, sauf dispositions contraires prévues par le mémorandum ou par les documents constitutifs.
Haseguriwe ibibujijwe isosiyete ibumbye ibice birinzwe ishobora gushyiraho ku mpamvu zumvikana, umunyamigabane cyangwa uberewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe cyangwa igice cyayo ashobora kugenzura cyangwa gusaba kopi y'ibyo abagize inama y'ubutegetsi bemeje.	Subject to the restrictions that a protected cell company may lay down, a shareholder or a creditor of a protected cell company or one of its cells, may check or request a copy of the decisions of directors.	Sous réserve des restrictions qu'une société à cellules protégées peut imposer, un actionnaire ou un créancier d'une société de cellule protégée ou de l'une de ses cellules peut vérifier ou demander une copie des décisions des administrateurs.

<u>Ingingo ya 221</u>: Ababerewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 221</u>: Creditors of a protected cell company**	**<u>Article 221</u>: Créanciers d'une société à cellules protégées**
Uburenganzira bw'ababerewemo umwenda n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe bugarukira ku buryozwe buvugwa mu ngingo ya 218 y'iri tegeko.	The rights of creditors of a protected cell company correspond with the liabilities provided for in Article 218 of this Law.	Les droits des créanciers d'une société à cellules protégées correspondent aux responsabilités prévues à l'article 218 de la présente loi.
Nta n'umwe mu baberewemo umwenda n'isosiyete ugira uburenganzira budateganyijwe muri iyi ngingo, mu ngingo ya 219 n'iya 220 ndetse n'ibirebana n'uburenganzira bw'ababerewemo umwenda bwo kwishyuza uburyozwe ku mutungo w'igice cy'isosiyete.	No such creditor has any rights other than the rights referred to in this Article, in Articles 219 and 220 as well as the provisions relating to the rights of creditors Liability of cellular assets.	Aucun créancier d'une société à cellules protégées n'a d'autres droits que ceux qui sont visées au présent article, aux articles 219 et 220 ainsi que les dispositions relatives aux droits des créanciers à l'égard des actifs cellulaires.
Uretse igihe byemejwe ukundi mu nyandiko ku buryo butaziguye, muri buri gikorwa cy'ubucuruzi gikozwe n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe hagomba kumvikana ko:	Unless where is expressly provided in writing, there is implied that in every transaction entered into by a protected cell company the following terms:	Sauf disposition expresse écrite, les modalités suivantes sont implicites dans chaque transaction conclue par une société à cellules protégées:
1° nta n'umwe mu barebwa n'icyo gikorwa ushobora, mu buryo ubwo aribwo bwose gusaba ko umutungo ubarirwa ku gice cy'isosiyete ukoreshwa mu kwishyura umwenda udafite aho uhuriye n'icyo gice cy'isosiyete;	1° that no party shall seek, whether in any proceedings or by any other means whatsoever or wherever, to make or attempt to make liable any cellular assets attributable to any cell of the company in respect of a liability not attributable to that cell;	1° aucune partie ne cherche, que ce soit par voie de justice ou par tout autre moyen que ce soit ou où que ce soit, à utiliser ou tenter d'utiliser les actifs cellulaires attribuables à une cellule de la société pour amortir une dette qui ne lui est pas imputable;
2° mu gihe umwe mu barebwa n'icyo	2° that if any party shall succeed by any	2° si une partie réussit par quelque moyen

gikorwa ashoboye mu buryo ubwo ari bwo bwose kwemererwa ko umutungo uwo ari wo wose w'igice cy'isosiyete ufatwa ko ari uw'igice cy'isosiyete ukoreshwa mu kwishyura uburyozwe butareba icyo gice cy'isosiyete, agira uburyozwe bwo kwishyura isosiyete umubare w'amafaranga ungana n'amafaranga yahawe bitewe n'uko kwemererwa;	means whatsoever or wherever in making liable any cellular assets attributable to any cell of the company in respect of a liability not attributable to that cell, that party is liable to the company to pay a sum equal to the value of the benefit thereby, obtained by him;	que ce soit ou où que ce soit à utiliser les actifs cellulaires attribuables à une cellule de la société pour amortir une dette non imputable à cette cellule, cette partie est redevable à l'égard de la société d'une somme égale à la valeur du bénéfice qu'elle en tire;
3° mu gihe umwe mu barebwa n'icyo gikorwa ashoboye kwemererwa ifatira risanzwe cyangwa ifatiratambama akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose cyangwa kugobotora umwenda hifashishijwe ifatira ry'umutungo ubarirwa ku gice cy'isosiyete ku birebana n'uburyozwe butareba icyo gice cy'isosiyete, uwo muntu abikira isosiyete uwo mutungo cyangwa ibiwuvuyemo mu buryo bw'ubwizerane ukwawo kandi akawugaragaza nk'umutungo acungiye isosiyete.	3° that if any party shall succeed in seizing or attaching by any means or otherwise levying execution against any cellular assets attributable to any cell of the company in respect of a liability not attributable to that cell, that party shall hold those assets or their proceeds on trust for the company and shall keep those assets or proceeds separate and identifiable as such trust property.	3° si une partie réussit à saisir ou faire saisir par tout moyen quelconque ou autrement procède à une saisie-exécution d'actifs cellulaires attribuables pour amortir une dette non imputable à cette cellule, cette partie détient ces actifs ou leur produit en fiducie pour la société et doit les garder à part de façon à pouvoir les identifier comme tels.
Amafaranga yose isosiyete ibumbye ibice birinzwe igaruje nyuma yo kuyabikirwa mu buryo bw'ubwizerane buvugwa mu gace ka 3 k'i gika cya 3 cy'iyi ngingo, akoreshwa mu kwishyura uburyozwe ubwo ari bwo bwose buhuriweho butegetswe hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 2 k'igika cya 3 cy'iyi ngingo.	All sums recovered by a protected cell company as a result of any such trust as it is described in item 3, Paragraph 3 of this Article is credited against any concurrent liability imposed pursuant to the implied term set out in item 2, Paragraph 3 of this Article.	Toutes les sommes recouvrées par une société à cellules protégées à la suite d'une quelconque fiducie décrite au point 3 , alinéa 3 du présent article sont portées au crédit de toute autre dette qui existe découlant de la condition implicite énoncée au point 2, l'alinéa 3 du présent article.

Umutungo cyangwa amafaranga isosiyete ibumbye ibice birinzwe igaruje hakurikijwe uburyo buvugwa mu gace ka 2 n'aka 3 k'igika cya 3 cy'iyi ngingo bikoreshwa n'isosiyete mu guha indishyi igice cyayo bireba nyuma yo gukuraho cyangwa kwishyura amafaranga yakoreshejwe mu kugaruza uwo mutungo cyangwa ayo mafaranga.	Any asset or sum recovered by a protected cell company pursuant to the implied term set out in items 2 and 3 of Paragraph 3 of this Article are, after the deduction or payment of any costs of recovery, be applied by the company so as to compensate the cell affected.	Tout élément d'actif ou montant recouvré par une société à cellules protégées en vertu de la condition implicite énoncée aux points 2 et 3 de l'alinéa 3 du présent article sont, après déduction ou paiement de tous frais de recouvrement, affectés au dédommagement de la cellule affectée.
Iyo umutungo uwo ari wo wose ubarirwa ku gice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe cyangwa ukaba ubarirwa ku isosiyete remezo ufatiriwe hagamijwe kwishyura umwenda utareba icyo gice cyangwa iyo sosiyete remezo, ariko icyo gice cy'isosiyete cyangwa iyo sosiyete remezo bikaba bidashobora gusubizwa uwo mutungo cyangwa guhabwa ikindi kiwusimbura, isosiyete:	In the event of any cellular assets attributable to a cell of a protected cell company or to the core being taken in execution in respect of a liability not attributable to that cell or to the core, as the case may be, and insofar as such assets or compensation in respect thereof cannot otherwise be restored to the cell affected or core, as the case may be, the company:	Dans le cas où des actifs cellulaires attribuables à une cellule d'une société à cellules protégées ou au noyau sont pris en exécution d'une dette non imputable à cette cellule ou au noyau, selon le cas, et dans la mesure où ces actifs ou un dédommagement à cet effet ne peuvent pas être restitués à la cellule affectée ou au noyau, selon le cas, la société doit :
1° isaba umugenzuzi w'imari wayo cyangwa igashaka umugenzuzi w'imari kugira ngo yemeze agaciro k'umutungo icyo gice cy'isosiyete cyangwa iyo sosiyete remezo yatakaje;	1° causes or procures its auditor to certify the value of the assets lost to the cell affected or core, as the case may be;	1° demander à son auditeur ou chercher un auditeur pour certifier la valeur des actifs perdus du fait de la cellule affectée ou du noyau, selon le cas;
2° ifata umwe mu mitungo cyangwa amwe mu mafaranga by'ibice by'isosiyete cyangwa bitari iby'ibice by'isosiyete ikabyegurira cyangwa ikabyishyura icyo gice cy'isosiyete cyangwa iyo sosiyete remezo bireba mu rwego rwo kubishumbusha ku buryo bwuzuye	2° transfers or pays, from the cellular or non-cellular assets to which the liability was attributable to the cell affected or core, as the case may be, assets or sums sufficient to restore to the cell or core, as the case may be, affected by the value of the assets lost.	2° transférer ou payer, à partir des actifs cellulaires ou non cellulaires auxquels la dette était imputable à la cellule affectée ou au noyau, selon le cas, des actifs ou des sommes suffisantes pour restituer à la cellule ou au noyau, selon le cas, affecté par la valeur des biens

umutungo byatakaje mu gihe uburyozwe bwari buherereye kuri uwo mutungo w'ibice by'isosiyete cyangwa utari uw'ibice by'isosiyete.		perdus.
<u>Ingingo ya 222</u>: Uburenganzira bw'ababerewemo umwenda bwo kwishyurwa ku mutungo w'ibice by'isosiyete	**<u>Article 222</u>: Recourse to cellular assets by creditors**	**<u>Article 222</u>: Recours aux actifs cellulaires par les créanciers**
Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 219, iya 220 n'iya 221 z'iri tegeko, umutungo w'igice cy'isosiyete:	Without prejudice to the provisions of Articles 219, 220 and 221 of this Law, cellular assets:	Sans préjudice des dispositions des articles, 219, 220 et 221 de la présente loi, les actifs cellulaires :
1° ukoreshwa gusa mu kwishyura ababerewemo umwenda n'isosiyete ariko uwo mwenda ukaba ureba icyo gice cy'isosiyete, bityo abo baberewemo umwenda bakaba bafite, hakurikijwe ibikubiye mu ngingo z'iri tegeko, uburenganzira bwo kwishyuza umwenda wabo bashingiye ku mutungo w'ibice by'isosiyete ubarirwa kuri icyo gice;	1° is only available to the creditors of the company who are creditors, in respect of that cell and who shall thereby be entitled, in conformity with the provisions of this law, to have recourse to the cellular assets attributable to that cell;	1° ne sont accessibles qu'aux créanciers de la société qui sont des créanciers au titre de cette cellule et qui ont ainsi le droit, conformément aux dispositions de la présente loi, de recourir aux actifs cellulaires attribuables à cette cellule;
2° ntushobora na rimwe, haseguriwe ibikubiye mu masezerano y'ikurikiranabwishyu, gukoreshwa mu kwishyura ababerewemo umwenda n'isosiyete batatanze uwo mwenda kuri icyo gice cy'isosiyete remezo, bityo abo baberewo umwenda muri ubwo buryo bakaba badafite uburenganzira bwo	2° is, subject to the terms of a recourse agreement, absolutely protected from the creditors of the company who are not creditors in respect of that cell and who accordingly shall not be entitled to have recourse to the cellular assets attributable to that cell.	2° sont, sous réserve des termes d'un accord relatif au recours, absolument protégé contre les créanciers de la société qui ne sont pas créanciers de cette cellule et qui, en conséquence, n'ont pas le droit de recourir aux actifs cellulaires attribuables à cette cellule.

kwishyuza umwenda wabo bashingiye ku mutungo w'ibice by'isosiyete ubarirwa kuri icyo gice.		
<u>Ingingo ya 223</u>: Ihererekanya ry'umutungo w'ibice by'isosiyete ibumbye ibice birinzwe	**<u>Article 223</u>: Transfer of cellular assets from a protected cell company**	**<u>Article 223:</u> Cession d'actifs cellulaires d'une société à cellules protégées**
Uretse umutungo w'isosiyete remezo, ihererekanya ry'umutungo ubarirwa ku gice cy'isosiyete riremewe hatitawe kureba aho umuntu urikorewe abarizwa cyangwa yanditse, hatitawe kandi kureba ko urikorewe ari isosiyete ibumbye ibice birinzwe cyangwa atariyo.	It is lawful for the cellular assets attributable to any cell of a protected cell company, but not the non-cellular assets of a protected cell company, to be transferred to another person, wherever resident or incorporated and whether or not a protected cell company.	Il est licite que les actifs cellulaires attribuables à une cellule d'une société à cellules protégées, et non les actifs non cellulaires d'une société à cellules protégées, soient transférés à une autre personne, quelle que soit son lieu de résidence ou de constitution et qu'elle soit ou non une société à cellules protégées.
Uretse igihe ihererekanya rikozwe mu buriganya cyangwa mu buryo bw'ubushukanyi bugamije gutwara ababerewemo umwenda n'igice cy'isosiyete ibyabo, ihererekanya ry'umutungo ubarirwa ku gice cy'isosiyete ibumbye ibice birinzwe rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntiriha ababerewemo umwenda n'iyo sosiyete uburenganzira bwo gusaba ubwishyu ku mutungo w'icyo gice cy'isosiyete wahererekanyijwe ku wundi muntu.	A transfer referred to under Paragraph One of this Article, of cellular assets attributable to a cell of a protected cell company does not of itself entitle creditors of that company to have recourse to the assets of the person to whom the cellular assets were transferred save and except where such transfer of cellular assets was made by fraud or with intent to defraud creditors of the particular cell making the transfer of cellular assets.	Une cession d'actifs cellulaires attribuables à une cellule d'une société à cellules protégées visée au premier alinéa du présent article ne donne pas en soi le droit aux créanciers de cette société de recourir aux actifs de la personne à laquelle les actifs cellulaires ont été transférés sauf au cas où la cession d'actifs cellulaires a été effectuée par fraude ou dans l'intention d'escroquer les créanciers de la cellule particulière effectuant la cession d'actifs cellulaires.
Ibikubiye muri iyi ngingo ntibibuza isosiyete ibumbye ibice birinzwe gukoresha ububasha ifite bwo gukoresha umutungo ubarirwa ku gice cyayo icyo ari cyo cyose hagamijwe	The provisions of this Article are without prejudice to any power of a protected cell company lawfully to make payments or transfers from the cellular assets attributable to	Les dispositions du présent article sont sans préjudice de tout pouvoir d'une société à cellules protégées d'effectuer légalement des paiements ou des transferts à partir des actifs

gutanga ubwishyu ku muntu uhabwa n'iri tegeko uburenganzira bwo gusaba kwishyurwa hakoreshejwe umutungo ubarirwa kuri icyo gice cyangwa ubwo kuwuhererekanya na we.	any cell of the company to a person entitled in conformity with the provisions of this Law, to have recourse to those cellular assets.	cellulaires attribuables à toute cellule de la société à une personne habilitée conformément aux dispositions de la présente loi, et à recourir à ces actifs cellulaires.
Ingingo ya 224: Icyemezo ku birebana n'umutungo n'imyenda by'ibice by'isosiyete	**Article 224: Resolution as for cellular assets and liabilities**	**Article 224: Résolution relative aux actifs et passifs cellulaires**
Haseguruiwe ibiteganywa ku buryo butaziguye n'amasezerano y'ikurikiranabwishyu:	Subject to the express terms of any recourse agreement:	Sous réserve des conditions expresses de tout accord relatif au recours:
1° imyenda y'isosiyete ibumbye ibice birinzwe itabarirwa ku gice cy'isosiyete icyo ari cyo cyose yishyurwa ku mutungo w'isosiyete remezo;	1° the liabilities of a protected cell company not otherwise attributable to any of its cells are discharged from the company's non-cellular assets;	1° les passifs d'une société à cellules protégées qui ne sont autrement imputables à aucune de ses cellules sont réglés en faisant appel aux actifs non cellulaires de la société;
2° amafaranga yinjijwe, yakiriwe, undi mutungo cyangwa uburenganzira byakiriwe n'isosiyete ibumbye ibice birinzwe ariko bitabarirwa ku gice cy'isosiyete icyo ari cyo cyose, bibarirwa kandi bikoreshwa mu mutungo w'isosiyete remezo.	2° income, receipts and other property or rights of or acquired by a protected cell company not otherwise attributable to any cell are applied to and comprised in the company's non-cellular assets.	2° les revenus, recettes et autres biens ou droits d'une société à cellules protégées ou acquis par une société à cellules protégées qui ne sont autrement attribuables à aucune cellule sont imputés et compris dans les actifs non cellulaires de la société.
Ingingo ya 225: Kurengera ababerewemo	**Article 225: Protection of creditors**	**Article 225: Protection des créanciers**

umwenda		
Isosiyete ibumbye ibice birinzwe igomba kumenyesha umuntu wese igirana na we igikorwa cy'ubucuruzi ko ari isosiyete ibumbye ibice birinzwe, kandi ikagaragaza mu rwego rw'icyo gikorwa ikorana n'uwo muntu, igice cy'isosiyete, cyangwa isosiyete remezo bakorana igikorwa cy'ubucuruzi.	A protected cell company informs any person with whom it transacts that it is a protected cell company; and for the purposes of that transaction, identify or specify the cell or cells, or the core, as the case may be, in respect of which that person is transacting.	Une société à cellules protégées doit informer toute personne avec laquelle elle traite qu'elle est une société à cellules protégées et ainsi aux fins de cette opération, identifier ou préciser la cellule, les cellules ou le noyau, selon le cas, à l'égard desquels cette personne effectue des opérations.
Iyo habayeho kutubahiriza ibirebana no gutanga amakuru nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kandi hadashobora kugaragazwa ko uwo bireba yayamenye, hatitawe ku biteganywa n'amategeko shingiro y'iyo sosieyete cyangwa mu masezerano n'iyo sosiyete, isosiyete remezo iryozwa ingaruka zatewe no kudatanga ayo amakuru.	In case of failure to disclose information as provided for under Paragraph One of this Article, and there would not be established that the concerned person has got the information, notwithstanding any provision to the contrary in the company's articles, or in any contract with the company, the core is liable to any inconvenience caused by non-provision of such information.	En cas de violation de dispositions relatives à la divulgation des informations conformément à l'alinéa premier du présent article, et qu'on ne peut pas établir si la personne concernée a obtenu ces informations, nonobstant toute disposition contraire dans les documents constitutifs de la société, ou dans tout contrat avec la société, le noyau assume toute responsabilité au préjudice causé par ce défaut de fourniture de ces informations.
Icyakora, iyo isosiyete remezo imaze kwishyura abagizweho ingaruka zo kutabona amakuru avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ishobora gukurikirana abagize inama y'ubutegetsi iyo bigaragaye ko kudatanga ayo makuru byatewe n'ubushishozi buke, uburangare cyangwa uburiganya byabo.	However, after the core has compensated for inconvenience caused by lack of information referred to under Paragraph One of this Article, it may take legal action against directors where it is established that failure to provide such information was a result of their recklessness, carelessness or deceitfulness.	Toutefois, après réparation des préjudices causés par le manque d'informations visées à l'alinéa premier du présent article, le noyau peut intenter une action en justice contre les administrateurs lorsqu'il est établi que le défaut de fournir ces informations était due à leurs imprudence, négligence ou malhonnêteté.
UMUTWE WA X: UBURYO BWO	**CHAPTER X: REMEDIES AVAILABLE**	**CHAPITRE X: VOIES DE RECOURS**

GUSABA KURENGANURWA KU BANYAMIGABANE N'ABANDI	TO SHAREHOLDERS AND TO OTHERS	OUVERTES AUX ACTIONNAIRES ET AUX AUTRES
Ingingo ya 226: Ibyategekwa n'urukiko kubahirizwa	**Article 226: Compliance orders by the court**	**Article 226: Ordonnances d'exécution rendue par la juridiction**
Umuntu ubifitemo inyungu ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo rufate icyemezo:	Any interested person may apply to a competent court for an order:	Toute personne intéressée peut demander à la juridiction compétente de rendre une ordonnance:
1° kibuza isosiyete, abagize Inama y'Ubutegetsi yayo cyangwa umwanditsi wayo kwishora mu myitwarire inyuranyije n'iri tegeko cyangwa n'inyandiko zigenga isosiyete;	1° restraining a company, its directors or secretary from engaging in conduct that contravenes this Law or the company's incorporation documents;	1° interdisant une société, ses administrateurs ou son secrétaire d'adopter un comportement contraires à la présente loi ou à ses documents constitutifs;
2° gitegeka isosiyete cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi yayo cyangwa Umwanditsi wayo kugira igikorwa gisabwa bakora bisunze iri tegeko cyangwa inyandiko zishinga isosiyete.	2° requiring the company or its directors or secretary to take any action required under this Law or the company's incorporation documents.	2° obligeant la société ou ses administrateurs ou son secrétaire à prendre toute mesure requise en vertu de la présente loi ou de ses documents constitutifs.
Kuregera urukiko bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora gukorwa n'aba bakurikira :	The application for a court order as specified in Paragraph One of this Article may be made by:	La demande d'une ordonnance de la juridiction visée à l'alinéa premier du présent article peut être introduite par:
1° umunyamigabane, ufite imigabane nguzanyo cyangwa undi ufite imigabane ishinganye muri sosiyete;	1° a shareholder debenture holder or other security holder of the company;	1° un actionnaire détenteur d'obligations ou un autre détenteur de titres de la société;
2° ugize inama y'ubutegetsi;	2° a director;	2° un administrateur;

3° uberewe mo imyenda n'isosiyete; 4° umuntu uwo ari we wese habaye kunyuranya n'ibiteganywa n'agace ka mbere k'igika cya mbere cy'ingingo ya 113 y'iri tegeko; 5° Umwanditsi Mukuru hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	3° a creditor of the company; 4° any person, in the case of a contravention of provisions of Article 113 of this Law; 5° the Registrar General in accordance with the provisions of this Law.	3° un créancier de la société; 4° toute personne, dans le cas de violation des dispositions de l'article 113 de la présente loi; 5° le Registraire général, conformément aux dispositions de la présente loi.
<u>Ingingo ya 227</u>: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru bwo gukosora igitabo cy'abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo Iyo izina ry'umuntu ryanditswe nabi mu gitabo, cyangwa ryaribagiranye mu gitabo cy'imigabane cy'isosiyete, umunyamigabane cyangwa ufite imigabane nguzanyo bibangamiye ashobora gusaba Umwanditsi Mukuru kubikosora. Iyo Umwanditsi Mukuru asanga hagomba kubaho ikosora, arabikora.	**<u>Article 227:</u> Powers of the Registrar General to rectify the register of shareholders or holders of debentures** Where the name of a person is wrongly entered in, or omitted from the share register of a company, the aggrieved shareholder, may apply to the Registrar General for rectification. If the Registrar General believes that there is need for rectification, he or she does so.	**<u>Article 227</u>: Pouvoir du Registraire général de rectifier le registre des actionnaires ou détenteurs d'obligations** Lorsque le nom d'une personne est mal inscrit, ou omis du registre des actions d'une société, l'actionnaire lésé peut demander au Registraire général de faire une rectification. Si le Registraire général estime qu'il doit y avoir rectification, il le fait.
<u>Ingingo ya 228</u>: Inshingano z'Abagize Inama y'Ubutegetsi bafitiye abanyamigabane ubwabo n'ibirego bwite by'umunyamigabane ubwe Abagize Inama y'Ubutegetsi bafitiye abanyamigabane ubwabo inshingano yo kubahiriza iri tegeko n'inyandiko zishinga isosiyete.	**<u>Article 228:</u> Responsibilities of directors owed to the shareholders personally and personal suits by shareholders** Directors owe to shareholders personally an obligation to comply with this Law and the company's incorporation documents.	**<u>Article 228:</u> Attributions des administrateurs envers les actionnaires personnellement et actions personnelles d'un actionnaire** Les administrateurs ont une obligation envers les actionnaires personnellement de se conformer à la présente loi et aux documents constitutifs de la société.

Umunyamigabane ashobora kurega sosiyete cyangwa abagize Inama y'Ubutegetsi bayo ku birebana no kutubahiriza inshingano bamugomba ubwe, ariko ntiyabikora: 1° ku birebana no kutubahiriza inshingano zagombaga gusa gukorerwa isosiyete; 2° iyo igihombo gisabwa kwishyurwa ari igabanyuka cyangwa guteganya kuzamura agaciro k'imigabane mu isosiyete bikomotse ku gihombo cyabayeho cyangwa inyungu zabonywe n'isosiyete	A shareholder may sue the company or its directors in respect of any breach of a duty owed to the shareholder personally, but not: 1° in respect of a breach of a duty owed solely to the company; 2° where the only damage complained of is a diminution in or forecast of increase in the value of shares in the company as a result of loss suffered or gain obtained by the company.	Un actionnaire peut intenter une action contre la société ou ses administrateurs suite à un manquement à une obligation envers l'actionnaire personnellement, mais non: 1° en ce qui concerne le manquement à une obligation due uniquement à la société; 2° lorsqu'un préjudice invoqué concerne seulement une diminution ou une prévision de l'augmentation de la valeur des actions de la société à la suite de la perte subie ou le gain obtenu par la société.
Inshingano z'ugize Inama y'Ubutegetsi afitiye sosiyete ariko adafitiye abanyamigabane hakurikijwe iri tegeko ni izi; 1° inshingano y'ishingiro iteganywa n'ingingo ya 147 y'iri tegeko; 2° inshingano zerekeranye no kwishyura imyenda ziteganywa n'ingingo ya 150 y'iri tegeko; 3° ubuteganye bukwiye buteganywa n'ingingo ya 151 y'iri tegeko;	The duties of a director owed to the company and not to shareholders under this Law are: 1° fundamental duty under Article 147 of this Law; 2° duties relating to solvency under Article 150 of this Law; 3° standard of care and proper purpose under Article 151 of this Law;	Les attributions d'un administrateur envers la société et non envers les actionnaires en vertu de la présente loi sont les suivantes: 1° le devoir fondamental en vertu de l'article 147 de la présente loi; 2° les attributions relatives à la solvabilité en vertu de l'article 150 de la présente loi; 3° les normes de diligence et de but approprié en vertu de l'article 151 de la présente loi;

4° inshingano zerekeranye no gukoresha amakuru n'inama by'isosiyete biteganywa n'ingingo ya 152 y'iri tegeko.	4° duties relating to use of company information and advice under Article 152 of this Law.	4° les attributions liées à l'utilisation des informations et des conseils de la société en vertu de l'article 152 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 229</u>: Imigabane ihagarariwe	**<u>Article 229:</u> Representative actions**	**<u>Article 229</u>: Actions représentatives**
Iyo umunyamigabane areze isosiyete cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa Umwanditsi, abandi banyamigabane bakaba bafite inyungu imwe mu cyaregewe, urukiko rushobora gushyiraho uwo munyamigabane ngo aharanire abo banyamigabane bose cyangwa bamwe muri bo bafite inyungu imwe, kandi rushobora gufata icyemezo rubona ko ari ngombwa harimo, rutagarukiye gusa ku biteganywa n'iyi ngingo, icyemezo cyerekeye:	Where a shareholder brings an action against a company or a director, or secretary, and other shareholders have the same interest in relation to the subject-matter of the action, the court may appoint that shareholder to represent all or some of the shareholders having the same interest, and may without limiting the generality of this Article, make such order as it is considered fit, including an order:	Lorsqu'un actionnaire intente une action contre une société ou un administrateur ou le secrétaire alors que les autres actionnaires ont le même intérêt par rapport à l'objet du litige, la juridiction peut nommer cet actionnaire pour représenter tous ou certains actionnaires ayant un même intérêt, et peut sans se limiter à la généralité du présent article, rendre l'ordonnance qu'elle juge appropriée, y compris une ordonnance :
1° kugenzura n'imigendekere y'ikirego;	1° on the control and conduct of the suit;	1° concernant le contrôle et la conduite du procès;
2° ikiguzi cy'ikirego;	2° on the costs of the suit;	2° concernant les frais de justice;
3° guha umurongo isaranganywa ry'amafaranga yose ageze igihe cyo kwishyurwa n'uregwa mu banyamigabane bahagarariwe.	3° directing the distribution of any amount adjudged payable by a defendant in the suit among the shareholders represented.	3° ordonnant une distribution de tout montant jugé payable par un défendeur dans l'action parmi les actionnaires représentés.
Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba iyishyurwa ry'indishyi yisunze urukiko.	The Registrar General may apply to the court for recovery of damages.	Le Registraire général peut présenter une demande à la juridiction pour le recouvrement des dommages et intérêts.

<u>Ingingo ya 230</u>: Igikorwa cyateje cyangwa gishobora guteza igihombo	**<u>Article 230:</u> Unfair prejudice**	**<u>Article 230</u>: Préjudice injuste**
Iyo ibikorwa by'isosiyete byakozwe, biri gukorwa cyangwa bishobora gukorwa mu buryo bubangimiye inyungu z'umunyamigabane wayo uwo ari we wese, cyangwa abafite ingwate, cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete, umuntu wese watewe igihombo cyangwa ushobora guterwa igihombo ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha guhagarika icyo gihombo, kandi uwo muntu ashobora kuba:	In case the company's affairs were done, are being done or are likely to be done in a manner which is prejudicial to the interests of any of its shareholders or other security holders or a director of the company, any insolvent person or a person likely to be insolvent may apply to the competent court to stop the unfair prejudice, and that person may be:	Lorsque les affaires de la société ont été, sont en train ou sont susceptibles d'être menées d'une manière injustement préjudiciable aux intérêts de l'un de ses actionnaires ou détenteurs de titres, toute personne lésée ou susceptible d'être lésée, peut intenter une action en justice visant à mettre fin au préjudice injuste, et cette personne peut être :
1° umunyamigabane cyangwa undi ufite umugabane wishingiwe muri rusange;	1° a shareholder or other security holder in general;	1° un actionnaire ou autre détenteur de titres en général;
2° ugenewe imigabane cyangwa undi ufite umugabane wishingiwe;	2° a beneficial owner of shares or other security holder;	2° un actionnaire bénéficiaire des actions ou autre détenteur de titres;
3° ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete cyangwa isosiyete bifitanye isano.	3° a director of the company or any related company.	3° un administrateur de la société ou d'une société apparentée.
Iyo, ku isaba rishingiye kuri iyi ngingo, urukiko mu bushishozi bwarwo rushobora gufata icyemezo rubona ko ari ngombwa:	Upon application under this Article, the court may with due diligence take an order it considers necessary:	Sur demande faite en vertu du présent article, la juridiction peut, avec la diligence voulue, rendre une ordonnance qu'elle estime nécessaire:
1° kigamije ko isosiyete cyangwa undi muntu wese agura imigabane y'umunyamigabane;	1° aimed at enabling a company or any other person acquire shares of a shareholder;	1° visant à permettre l'acquisition des actions de l'actionnaire par la société ou par toute autre personne;

2° kigamije ko isosiyete cyangwa undi muntu wese yishyurwa indishyi; 3° kigenga imigendekere y'ibikorwa by'isosiyete mu gihe kizaza; 4° gishyiraho umuntu ucunga umutungo w'isosiyete; 5° gisesa isosiyete.	2° for the payment of compensation to the company or any other person; 3° for regulating the conduct of the company's affairs in future; 4° for appointing a receiver of the company; 5° for company liquidation.	2° pour le versement d'une indemnité à la société ou à toute autre personne; 3° pour la réglementation de la conduite des affaires de la société à l'avenir; 4° pour la nomination d'un administrateur de la société; 5° pour la mise en liquidation de la société.
Kutubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 58, iya 59, iya 60, iya 61, iya 167, iya 168, iya 177, iya 186, iya 191 n'iya 197 z'iri tegeko bifatwa nk'imyitwarire yo guteza igihombo. Mu gihe abagize Inama y'Ubutegetsi bananiwe gushyira umukono ku cyemezo gisabwa n'iri tegeko, cyangwa bagishyizeho umukono ariko nta mpamvu zifite ishingiro zagaragajwe mu cyemezo, na byo ni imyifatire itera igihombo.	Failure to comply with Articles 58, 59, 60, 61, 167, 168, 177, 186, 191 and 197 of this Law amounts to conduct which is unfairly prejudicial. If directors fail to sign a certificate required by this Law, or if they sign a certificate without any reasonable grounds set out in the certificate, such also amounts to unfair prejudice.	La violation des articles 58, 59, 60, 61, 167, 168, 177, 186, 191 et 197 de la présente loi équivaut à une conduite injustement préjudiciable. Si les administrateurs omettent de signer un certificat requis par la présente loi ou de signer un certificat sans motifs raisonnables établies dans le certificat, un tel agissement équivaut également à un préjudice injuste.
Icyiciro cya mbere: Ikirego kiziguye	**Section one: Derivative action**	**Section première: Action oblique**
Ingingo ya 231: Ikirego kiziguye	**Article 231: Derivative action**	**Article 231: Action oblique**
Ikirego kiziguye gishobora gutangwa n'umunyamigabane uwo ari we wese cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi, kugira ngo urukiko	A derivative action may be lodged by any shareholder or director of a company to the competent court for authorization to:	Une action oblique peut être introduite par tout actionnaire ou administrateur devant la juridiction pour être autorisé à:

rubifitiye ububasha rusabwe gutanga uburenganzira bwo:		
1° gutanga ikirego mu izina rya sosiyete cyangwa mu mwanya w'isosiyete cyangwa iyishamikiyeho mu gihe isosiyete itabikoze;	1° bring any legal proceedings in the name of or on behalf of a company or any subsidiary where the company fails to do so;	1° intenter une action en justice au nom ou pour le compte d'une société ou d'une filiale lorsque la société ne l'a pas fait elle-même;
2° kugoboka mu rubanza mu gihe isosiyete cyangwa iyishamikiyeho ari imwe mu mpande ziburana mu rubanza, yiregura cyangwa ihagarikisha urubanza mu mwanya w'isosiyete cyangwa iyishamikiyeho.	2° intervene in proceedings to which the company or any subsidiary is a party for the purpose of defending or discontinuing the proceedings on behalf of the company or subsidiary.	2° intervenir dans une procédure judiciaire dans laquelle une société ou une filiale est partie dans le but de la défense ou d'arrêter les procédures pour le compte de ladite société ou filiale.
Nta rubanza rushobora kubaho, nta no kugoboka bishobora gukorwa hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, keretse urukiko rubona ko:	No proceedings may be initiated and no intervention in proceedings may be made under Paragraph One of this Article unless the court is satisfied that either:	Aucune procédure judiciaire ne peut être engagée et aucune intervention dans une procédure n'est possible en vertu de l'alinéa premier du présent article, sauf si la juridiction estime que:
1° isosiyete cyangwa iyishamikiyeho bidateganya kurega, kwiregura cyangwa kureka ikirego, kandi bikaba bigaragara ko mu nyungu z'isosiyete cyangwa iyishamikiyeho urubanza ruregerwa, biregura cyangwa rukarekwa;	1° the company or subsidiary does not intend to bring, defend or discontinue the proceedings, and it appears to be in the interests of the company or its subsidiary that the proceedings be brought, defended or discontinued;	1° la société ou la filiale ne manifeste pas l'intention d'engager, de défendre ou d'arrêter une procédure, et qu'il apparaît être dans l'intérêt de la société ou de sa filiale d'engager, de défendre ou d'arrêter ladite procédure;
2° biri mu nyungu z'isosiyete ko imigendekere y'urubanza ikurikiranwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa	2° it is in the interest of the company to leave the conduct of the proceedings to the directors or to the determination of	2° il est dans l'intérêt de la société de laisser la poursuite de la procédure aux administrateurs ou à la

bigakorwa n'abanyamigabane bose.	all the shareholders.	détermination de tous les actionnaires.
Inyandiko imenyesha ubusabe bwakozwe mu rukiko ishyikirizwa isosiyete cyangwa iyishamikiyeho, ikaba ishobora kuza igasaba ko ubwo busabe buvaho, kandi ikamenyesha urukiko ko iteganya kurega, gushinja, kwiregura cyangwa kureka ikirego.	Notice of application for the authorization of the court is served on the company or its subsidiary, which may appear and oppose the application, and notifies the court that it intends to bring, sue, defend or discontinue the proceedings.	La notification de la demande d'autorisation à la juridiction est signifiée à la société ou à sa filiale, qui peut comparaître et s'opposer à la demande et notifier la juridiction si elle a l'intention d'engager, d'intenter, de défendre ou d'arrêter la procédure.
Iyo ubusabe bwakozwe n'abanyamigabane bagera ku icumi ku ijana (10%) cyangwa barenga b'imari shingiro y'isosiyete, uwasabye afite uburenganzira mbere yo kurega, kugenzura ihererekanya ry'inyandiko zirebana n'icyo kirego. Urukiko rufite ububasha bwo gutegeka ko isosiyete itanga inyandiko zijyanye n'ubwo busabe.	If the application is made by shareholders who represent ten percent (10%) or more of the company's share capital, the applicant has the privilege, before suing, to inspect the transaction documents that relate to the claim. The court has powers to order the company to provide such documents in connection with the application.	En cas d'introduction de la demande par les actionnaires représentant dix pour cent (10%) ou plus du capital social de la société, le demandeur a le droit, avant d'intenter les poursuites, d'examiner les documents des opérations relatifs à la demande. La juridiction a le pouvoir d'ordonner la société à fournir les documents ayant un lien avec ladite demande.
Keretse nk'uko biteganyijwe mu gika cya mbere, nta munyamigabane ushobora kurega cyangwa kugoboka mu rubanza urwo ari rwo rwose mu izina cyangwa mu mwanya w'isosiyete cyangwa iyishamikiyeho.	Except as provided for under Paragraph One, no shareholder may initiate or intervene in any proceedings in the name of, or on behalf of, a company or its subsidiary.	À l'exception des cas prévus à l'alinéa premier du présent article, aucun actionnaire ne peut engager ou intervenir dans une procédure au nom ou pour le compte d'une société ou de sa filiale.
Ingingo ya 232: Amafaranga y'ikirego kiziguye yishyurwa na sosiyete	**Article 232: Cost of derivative action borne by company**	**Article 232: Frais occasionnés par l'action oblique supportés par la société**
Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, iyo uburenganzira butanzwe, urukiko rushobora gutegeka ko amafaranga yose cyangwa igice cyayo cyumvikana mu kurega cyangwa kugoboka mu rubanza bitangwa	Subject to provisions of Paragraph 2 of this Article, where authorization is granted, the court may order that the whole or any part of the reasonable costs of bringing or intervening in the proceedings be borne by the company.	Sous réserve des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, si l'autorisation est accordée, la juridiction peut ordonner que le paiement total ou partiel des frais raisonnables liés à l'engagement de la procédure et à

n'isosiyete.		l'intervention soient supportés par la société.
Urukiko ntirugomba gutanga icyemezo kijyanye n'amafaranga cyangwa igice cyayo cyumvikana atangwa mu rubanza iyo rubona ko byaba ari akarengane cyangwa ubusumbane ko isosiyete yirengera ayo mafaranga yose.	The court issues any order in respect of the whole or any part of the costs of the proceedings where it is of the opinion that it would be unjust or inequitable for the company to bear those costs.	La juridiction rend une ordonnance concernant le paiement total ou partiel des frais de procédure si elle estime qu'il serait injuste ou inéquitable de mettre ledit paiement à la charge de la société.
Icyemezo gitanzwe n'urukiko hashobora kuba hakubiyemo n'itegeko ko isosiyete iba ihaye uwasabye amafaranga umubare runaka ku azakoreshwa, hakurikijwe ibisabwa bijyanye n'ubwishingire ku bwishyu mu gihe urukiko rubona ko ari ngombwa.	Any order issued by court may include an order that the company advance to the applicant a sum in respect of costs to be incurred, on such terms and subject to the provision of such security for repayment as the court may consider fit.	Toute ordonnance rendue par la juridiction peut consister à ordonner à la société de payer en avance au demandeur une somme en rapport avec les frais encourus, dans les conditions et sous réserve des dispositions relatives à la garantie de remboursement que la juridiction peut juger nécessaires.
<u>Ingingo ya 233</u>: Ububasha bw'urukiko iyo uburenganzira butanzwe	**<u>Article 233:</u> Powers of court where authorization is granted**	**<u>Article 233</u>: Compétences de la juridiction en cas d'octroi de l'autorisation**
Ku bijyanye n'imanza zaregewe cyangwa zagobokeshejwe, urukiko rushobora igihe icyo ari cyo cyose gufata icyemezo:	In connection with any proceedings brought or intervened in, the court may at any time make an order:	En rapport avec l'engagement de toute procédure ou l'intervention dans celle-ci, la juridiction peut à tout moment, rendre une ordonnance:
1° giha ububasha umunyamigabane cyangwa undi muntu wese bwo kugenzura imigendekere y'ikirego;	1° authorising the shareholder or any other person to control the conduct of the suit;	1° autorisant un actionnaire ou toute autre personne de prendre en charge le déroulement de la poursuite;
2° gitanga imirongo ku migendekere y'ikirego;	2° giving directions for the conduct of the suit;	2° donnant des directives pour le déroulement de l'action;

3° gisaba sosiyete cyangwa iyishamikiyeho cyangwa abayobozi bazo gutanga amakuru yafasha ku bijyanye n'ikirego kiziguye;	3° requiring the company, or its subsidiary or their directors to provide useful information in relation to the derivative suit;	3° demandant à la société ou à sa filiale ou à ses administrateurs de fournir des informations utiles dans le cadre de l'action oblique;
4° gitanga umurongo ko umubare w'amafaranga wategetswe gutangwa n'uregwa mu rubanza wishyurwa, igice cyayo cyangwa yose, ugahabwa ubwabo abahoze ari abanyamigabane n'abakiri muri sosiyete cyangwa iyishamikiyeho aho kuba sosiyete cyangwa iyishamikiyeho.	4° directing that any amount adjudged payable by a defendant in the suit be paid, in whole or in part, directly to former and present shareholders of the company or its subsidiary instead of the company or subsidiary.	4° exigeant que tout montant jugé payable, en totalité ou en partie, par le défendeur soient directement payé aux anciens et actuels actionnaires de la société ou de sa filiale au lieu de ladite société ou de sa filiale.
Ingingo ya 234: Kurangiza ikirego kiziguye	**Article 234: Settlement of derivative suit**	**Article 234: Règlement de l'action oblique**
Ikirego kiziguye ntigishobora kurangizwa bitemejwe n'urukiko. Iyo uko kwemezwa bibayeho, urukiko rushobora, nyuma yo gutegeka ko mu gihe rubona ko ari ngombwa, ku bijyanye n'amafaranga gusaba ko uwareze yishyura umubare w'amafaranga yose azakoreshwa.	A derivative suit may not be settled without the approval of the court. If such approval is granted, the court may, after it considers it necessary, make such order as to costs, to require that the applicant pay all the amount to be incurred.	Aucune action oblique ne peut être réglée sans l'approbation de la juridiction. Si cette approbation est accordée, la juridiction peut, si elle le juge nécessaire, rendre une ordonnance quant aux frais, pour exiger que le demandeur rembourse la totalité du montant à engager.
Icyiciro cya 2: Ikurwaho uburyozwe	**Section 2: Relief from liability**	**Section 2: Exonération de responsabilité**

Ingingo ya 235: Kwemeza ibikorwa by'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa iby'abakozi Gusinya cyangwa kwemeza bikozwe n'abanyamigabane cyangwa undi muntu uwo ari we wese igikorwa cy'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi mukozi ubwabyo ntibivanaho ko urukiko rubifitiye ububasha gutanga ikurwaho cyangwa gukoresha ububasha ubwo ari bwo bwose bwagombye kuba bwakoreshejwe ku birebana n'icyo gikorwa.	**Article 235: Ratification of directors' or officers' acts** Ratification or approval by the shareholders or any other person of any action by a director or other officer does not of itself preclude a competent court from granting any relief or exercising any power which it could have exercised in relation to the action.	**Article 235: Ratification des actes des administrateurs ou des employés** La ratification ou l'approbation par les actionnaires ou par toute autre personne de l'action introduite par un administrateur ou un employé de la société n'empêche pas en elle-même la juridiction compétente d'accorder une exonération de responsabilité ou d'exercer tout pouvoir qu'elle pouvait avoir exercé en rapport avec l'action.
Ingingo ya 236: Gukuraho uburyozwe bikozwe n'urukiko Iyo, mu rubanza rwose ku burangare, uburiganya, kwica inshingano, cyangwa ububemu byarezwe ugize inama y'ubutegetsi, umwanditsi cyangwa umugenzuramari w'isosiyete, bikagaragara mu rukiko mu gihe cy'iburanisha ko ugize inama y'ubutegetsi, umwanditsi cyangwa umugenzuramari bashobora kugira uburyozwe, ariko akaba yarabikoranye ukuri kandi mu buryo bwumvikana, kandi ku bijyanye n'urwo rubanza n'umwanya we, ashobora kubabarirwa, urukiko rushobora kumukuraho uburyozwe kuri byose cyangwa bimwe mu gihe rubona ko ari ko bikwiye kugenda.	**Article 236: Granting relief from liability by court** If, in any proceedings for negligence, fraud, breach of duty, or breach of trust against a director, secretary or auditor of the company, it appears during court hearing that the director, secretary or auditor is or may be liable, but that he or she acted with good faith and reasonably, and that, having regard to all the circumstances of the case, including those connected with his or her appointment, he or she ought fairly to be excused, the court may relieve him or her, either wholly or partly, from liability on terms as the court may consider appropriate.	**Article 236: Octroi par une juridiction d'une exonération de responsabilité** Si, dans toute instance judiciaire pour négligence, fraude, manquement au devoir ou abus de confiance contre un administrateur, un secrétaire ou un auditeur de la société, il apparaît lors de l'audience que l'administrateur, le secrétaire, ou l'auditeur sont ou peuvent être mis en cause, mais qu'ils ont agi de bonne foi et de façon acceptable et que, eu égard à toutes les circonstances de l'affaire, y compris celles relatives à leur nomination, ils devraient, en toute justice, être exemptés, la juridiction peut les exonérer, en tout ou en partie, d'une responsabilité selon les conditions que la juridiction peut juger

		convenables.
<u>Ingingo ya 237:</u> Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru bwo guhamagaza inama	**<u>Article 237:</u> Powers of the Registrar General to convene meetings**	**<u>Article 237:</u> Pouvoir du Registraire général de convoquer les réunions**
Umwanditsi Mukuru ashobora guhamagaza inama y'abanyamigabane b'isosiyete ku mpamvu zikurikira : 1° bidashoboka gutumiza inama y'abanyamigabane mu buryo buteganyijwe n'iri tegeko cyangwa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete; 2° Umwanditsi Mukuru abona ko biri mu nyungu z'isosiyete ko inama y'abanyamigabane iba.	The Registrar General may convene a meeting of the company shareholders for the following reasons: 1° inability to call a meeting of shareholders in the manner prescribed by this Law or the company's incorporation documents; 2° in the opinion of the Registrar General, it is in the interest of the company that the shareholders meeting be held.	Le Registraire général peut convoquer une réunion des actionnaires de la société pour les raisons suivantes: 1° impossibilité de convoquer une réunion des actionnaires dans la forme prescrite par la présente loi ou par les documents constitutifs de la société; 2° le Registraire général estime, dans l'intérêt de la société, de tenir une réunion des actionnaires.
Umwandisti Mukuru ashobora ubwe abyibwirije cyangwa bisabwe n'abanyamigabane cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete gufata icyemezo ko inama y'abanyamigabane itumizwa cyangwa iba kandi ibyatanzwe kuri iyo nama bikishyurwa n'isosiyete.	The Registrar General may, either on his or her own initiative or on request by shareholders or a director of the company, decide that a shareholders' meeting be called or conducted and that costs of the meeting be borne by the company.	Le Registraire général peut, soit de sa propre initiative ou sur demande des actionnaires ou d'un administrateur de la société, décider qu'une réunion des actionnaires soit convoquée ou tenue et que les frais de ladite réunion soient placés à la charge par la société.
Iyo icyemezo cyo gutumiza inama y'abanyamigabane gifashwe, Umwanditsi Mukuru ashobora gutanga amabwiriza ajyanye nayo cyangwa y'ingaruka zayo mu gihe abona ko byihuta, harimo n'amabwiriza	Where a decision to call a shareholders' meeting is made, the Registrar General may make such ancillary or consequential directions as he or she considers expedient; including a direction that one shareholder of	En cas de décision prise pour la convocation d'une réunion des actionnaires, le Registraire général peut émettre des directives supplémentaires ou qui en découlent qu'il juge opportunes, y compris une directive selon

ko umunyamigabane umwe cyangwa uhagarariwe ari mu bitabiriye inama.	the company present in person or by proxy be considered a participant to the meeting.	laquelle un actionnaire de la société présent en personne ou par procuration est réputé présent à l'assemblée.
Inama yatumijwe kandi igakorwa hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ifatwa ku mpamvu zose nk'inama y'abanyamigabane yatumijwe kandi igakorwa hakurikijwe ibisabwa n'amategeko.	A meeting called, held and conducted in accordance with Paragraph One of this Article is considered for all purposes a meeting of shareholders legally called, held and conducted.	Une réunion convoquée, tenue et conduite selon les dispositions de l'alinéa premier du présent article est réputée, à toutes fins utiles, comme une assemblée d'actionnaires légalement convoquée, tenue et conduite.
Ingingo ya 238: Ububasha bw'Umwanditsi Mukuru bwo gushyiraho ugize inama y'ubutegetsi	**Article 238: Powers of the Registrar General to appoint a director**	**Article 238: Pouvoir du Registraire général de nommer un administrateur**
Iyo nta bagize inama y'ubutegetsi bahari cyangwa iyo abahari bari munsi y'umubare usabwa kugira ngo inama y'abayobozi iterane kandi bikaba bidashoboka ko bashyirwaho hakurikijwe ibiteganywa n'inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa iri tegeko, Umunyamigabane, uberewemo umwenda, cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ashobora gusaba Umwanditsi Mukuru gushyiraho ugize inama y'ubutegetsi umwe cyangwa benshi b'isosiyete, kandi ashobora gushyiraho ugize inama y'ubutegetsi mu gihe abona ko biri mu nyungu z'isosiyete, kandi akabikora akurikije amategeko n'amabwiriza abona ko ari byo.	In case there are no directors of a company or the number of directors is less than the quorum required for a directors' meeting and it is not possible to appoint directors in accordance with the company's incorporation documents or this Law, a shareholder, a creditor or a director of the company may request the Registrar General to appoint one or more directors of the company, and he or she may appoint a director if he or she considers that it is in the best interests of the company, and on such terms and conditions as he or she considers appropriate.	En cas d'absence d'administrateurs d'une société ou si leur nombre est inférieur au quorum exigé pour la tenue d'une réunion alors qu'il est impossible de nommer les administrateurs conformément aux documents constitutifs de la société ou à la présente loi, un actionnaire, un créancier ou un administrateur de ladite société peut demander au Registraire général de nommer un ou administrateurs de la société, et le Registraire général peut nommer un administrateur dans le meilleur intérêt de la société, et selon les termes et conditions qu'il juge convenables.
Ingingo ya 239: Ububasha bw'Umwanditsi	**Article 239: Powers of the Registrar**	**Article 239: Pouvoir du Registraire général**

Mukuru bwo guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete	**General to amend incorporation documents**	**de modifier les documents constitutifs de la société**
Iyo bidashoboka guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete nk'uko bitaganyijwe muri iri itegeko cyangwa mu nyandiko zishinga isosiyete, ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ashobora gusaba Umwanditsi Mukuru guhindura inyandiko zishinga isosiyete iyo abona aribyo hakurikijwe amabwiriza n'amategeko.	Where it is impossible to amend the incorporation documents of a company as set out in this Law or in the company's incorporation documents, a director or shareholder may request the Registrar General to amend the incorporation documents on such terms and conditions he or she considers appropriate.	En cas d'impossibilité de modifier les documents constitutifs de la société tel que prévu par la présente loi ou les documents constitutifs de ladite société, un administrateur ou un actionnaire peut demander au Registraire général de modifier les documents constitutifs de la société dans les modalités et conditions que le Registraire général juge convenables.
<u>Icyiciro cya 4</u>: Igururwa	**<u>Section 4</u>: Buyout**	**<u>Section 4</u>: Rachat**
<u>Ingingo ya 240</u>: Iboneka ry'igururwa	**<u>Article 240</u>: Availability of buyout**	**<u>Article 240</u>: Disponibilité de rachat**
Umunyamigabane yemerewe gusaba ko sosiyete igura imigabane ye. Umunyamigabane yemerewe gutora mu gushyira mu bikorwa ububasha buteganyijwe:	The shareholder is allowed to require the company to purchase his or her shares. A shareholder is allowed to vote on the exercise of one of the powers set out in:	L'actionnaire a le droit de demander à la société d'acheter ses actions. L'actionnaire a le droit de voter sur l'exercice d'un des pouvoirs prévus:
1° mu ngingo ya 191 y'iri tegeko, agace ka 1º, kandi uguhindurwa guteganywa kukaba gusaba ko, guhindura cyangwa gukuraho ibuza iryo ari ryo ryose ku bushobozi bw'isosiyete n'ububasha;	1° Article 191 of this Law and the proposed alteration imposes, alters or removes any restriction on the company's capacity and powers;	1° à l'article 191 de la présente loi et la modification proposée impose, modifie ou supprime toute restriction sur les compétences et pouvoirs de la société;
2° mu ngingo ya 191 y'iri tegeko, agace ka 2º, aka 3º, aka 4º cyangwa aka 5º, bigomba kwemera: igikorwa gifite ingaruka ku	2° items 2º, 3º, 4º or 5º of Article 191 of this Law which are to authorise: an action which affects the rights attached	2° aux points 2º, 3º, 4º ou 5º de l'article 191 de la présente loi qui autorisent: une action affectant les droits

burenganzira bujyanye n'imigabane, igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye, guhinduka kw'imiterere y'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa kwikomatanya hamwe kw'amasosiyete ;	to any shares, a major transaction, a change in status of the company to a public or private company, or an amalgamation;	rattachés aux actions, à une transaction capitale, à un changement du statut de la société en société publique ou privée ou à une fusion;
3° gutora akoresheje amajwi ye yose ajyanye n'imigabane yanditse iri mu izina rye cyangwa undi nyirayo ukoresha ubwo bubasha ahakana.	3° he or she cast all the votes attached to shares registered in his or her name or with the same beneficial owner against the exercise of the power.	3° il exerce tous les droits de vote rattachés aux actions inscrites à son nom ou ayant le même bénéficiaire effectif contre l'exercice de pouvoir.
Abanyamigabane bemera ko icyo gikorwa kibaho.	The shareholders accept that such an action be carried out.	Les actionnaires autorisent la mise en application d'une telle mesure.
<u>Ingingo ya 241</u>: Uburyo igururwa rikorwa	**<u>Article 241</u>: Procedure for buyout**	**<u>Article 241</u>: Procédure de rachat**
Umunyamigabane wemerewe gusaba ko isosiyete igura imigabane ye hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 240 y'iri tegeko, atanga inyandiko imenyesha sosiyete kugura imigabane ye yose.Umunyamigabane amenyekanisha ku isosiyete mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi nyuma y'itangazwa ry' ibyavuye mu matora yerekeye umwanzuro udasanzwe utamunogeye cyangwa guhera ku munsi isosiyete yemereye kugira icyo ikora.	A shareholder entitled to require the company to purchase shares by virtue of Article 240 of this Law gives a written notice to the company to purchase all his or her shares. The shareholder gives notice to the company within ten (10) working days from the date of announcement of the result of the vote on a special resolution of which he or she is dissatisfied or from the date the company becomes entitled to take the action.	Un actionnaire ayant le droit de demander le rachat de ses actions par la société en vertu de l'article 240 de la présente loi donne une notification écrite à la société de racheter toutes ses actions. L'actionnaire donne la notification à la société dans les dix (10) jours ouvrables suivant l'annonce des résultats des votes sur la résolution spéciale dont il n'est pas satisfait ou suivant le moment où la société est autorisée à prendre des mesures.
Mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi yo guhabwa iyo nyandiko imenyesha ivugwa	Within twenty (20) working days of receipt of a notice under Paragraph One of this Article,	Dans les vingt (20) jours ouvrables suivant la réception de la notification visée à l'alinéa

mu gika cya mbere abayobozi b'isosiyete bagomba: 1° kwemera kugura iyo migabane; 2° gushyiraho uburyo undi umuntu yakwemera kuba yagura iyo migabane; 3° gusaba urukiko gutegeka ko sosiyete isonerwa igururwa rivugwa mu ngingo ya 240 n'iya 246 z'iri tegeko; 4° guhitamo mu buryo bukwiye kutagira icyo bakora ku bijyanye n'ibyo.	the company directors shall either: 1° agree to purchase those shares; 2° arrange for some other person to agree to purchase the shares; 3° apply to the court for an order exempting the company from buyout under Articles 240 and 246 of this Law; 4° decide in the appropriate manner not to take the action concerned.	premier du présent article, les administrateurs de la société doivent: 1° se convenir à acheter ces actions; 2° prendre des dispositions pour qu'une autre personne accepte l'achat de ces actions; 3° saisir la juridiction pour demander une ordonnance exonérant la société du rachat en vertu des articles 240 et 246 de la présente loi; 4° décider d'une manière appropriée de ne pas prendre la mesure concernée.
<u>Ingingo ya 242</u>: Igura rikozwe n'isosiyete	**<u>Article 242</u>: Purchase by company**	**<u>Article 242</u>: Achat par la société**
Mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi bamaze kwemera kugura imigabane, abagize inama y'ubutegetsi bashyiraho igiciro gikwiye kandi cyumvikana ku migabane igiye kugurwa, kandi bakamenyesha icyo giciro nyir'iyo migabane. Iyo umunyamigabane abona ko igiciro cyashyizweho n'abayobozi kidakwiye kandi kitumvikana, amenyesha bikozwe mu nyandiko ko atemera icyo giciro. Iyo mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi iyo	Within five (5) working days of agreeing to purchase shares, the directors nominate a fair and reasonable price for the shares to be acquired and give notice of the price to the holder of those shares. If a shareholder considers that the price nominated by the directors is not fair and reasonable, he or she notifies in writing his or her objection to the price. If within ten (10) working days of giving	Dans les cinq (5) jours ouvrables suivant l'accord d'acheter les actions, les administrateurs proposent un prix raisonnable et équitable pour l'acquisition de ces actions et notifient le prix au détenteur de ces actions. Si l'actionnaire estime que le prix proposé par les administrateurs n'est pas raisonnable et équitable, il notifie par écrit son opposition à ce prix. Si, dans les dix (10) jours ouvrables suivant la

nyandiko imenyesha agaciro ihawe umunyamigabane wifuza ko isosiyete igura imigabane ye ariko akaba atigeze yanga igiciro cyatanzwe ngo abimenyeshe isosiyete, isosiyete igura imigabane yose bireba ku giciro cyatanzwe.	notice of the price to the shareholder proposing the buyout of his or her shares, no objection to the price has been received from the shareholder and notified to the company, the company purchases all the shares concerned at the nominated price.	notification du prix à l'actionnaire proposant le rachat de ses actions aucune opposition au prix n'est reçue par la société de la part de l'actionnaire et notifiée à la société, cette dernière achète toutes les actions concernées au prix proposé.
Iyo mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi yo gutanga inyandiko imenyesha umunyamigabane uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, igiciro cyatanzwe cyanzwe bigashyikirizwa isosiyete, iyo sosiyete, yohereza igiciro cyanzwe mu bukemurampaka; kandi mu gihe cy'iminsi itanu (5) y'akazi, sosiyete ikishyura igiciro cyashyizweho by'agateganyo kuri buri mugabane ungana n'igiciro cyagenwe n'abayobozi.	If within ten (10) working days of giving notice to a shareholder referred to under Paragraph 2 of this Article, an objection to the price has been received by the company, the company refers the price subject to objection to arbitration forthwith; and within five (5) working days, pays an interim price in respect of each share equal to the price nominated by the directors.	Si, dans les dix (10) jours ouvrables suivant la notification à l'actionnaire visée à l'alinéa 2 du présent article, une opposition au prix proposé est reçue par la société, celle-ci soumet immédiatement le prix faisant l'objet d'opposition à l'arbitrage et, dans les cinq (5) jours ouvrables, paie un prix provisoire pour chaque action égal au prix proposé par les administrateurs.
Umukemurampaka yihutisha gushyiraho igiciro gikwiye kandi cyumvikana ku migabane igurishwa. Iyo igiciro gishyizweho kingana cyangwa kikaruta icyagenywe by'agateganyo, isosiyete yihutisha kwishyura uwo munyamigabane ikinyuranyo. Iyo igiciro cyashyizwe hasi y'icyagateganyo, isosiyete igomba kugura imigabane ku giciro cyemejwe kandi igasubizwa arenzeho yishyuwe umunyamigabane.	The arbitrator expeditiously determines a fair and reasonable price for the shares to be purchased. If the price determined equals or exceeds the interim price, the company forthwith pays any balance owing to the shareholder. If the price determined is less than the interim price paid, the company purchases the shares at the price determined, and may recover the excess paid to a shareholder.	L'arbitre détermine dans les meilleurs délais un prix raisonnable et équitable pour les actions visées par le rachat. Dans le cas où le prix déterminé est égal ou excède le prix provisoire, la société paie, immédiatement, tout solde dû à l'actionnaire. Dans le cas où le prix déterminé est inférieur au prix provisoire payé, la société achète les actions visées au prix déterminé, et peut recouvrer l'excédent payé à l'actionnaire.
Umukemurampaka agena inyungu zikomotse	The arbitrator awards interest on any balance	L'arbitre accorde des intérêts sur tout solde

ku mafaranga arenze igiciro fatizo yagennye abona ko gikwiye yitaye uko igiciro cy'agateganyo cyumvikana cyishyuwe kandi yavuzeho. Ashobora no guha inyungu bamwe cyangwa bose mu banyamigabane imigabane yabo yagurishijwe. Ni nako bigenda ku banyamigabane bahawe igiciro kirenze igiciro fatizo cyagenwe n'umukemurampaka.	payable or excess to be repaid at such rate as the arbitrator thinks fit taking into account the reasonableness of the interim price paid and of the reference to arbitration, and may provide for interest to be paid to or payable by some or all of the shareholders whose shares are to be purchased. This also applies to shareholders who are given a price that is higher than the price determined by the arbitrator.	exigible ou excédent à rembourser au taux que l'arbitre juge convenable en tenant compte du caractère raisonnable du prix provisoire payé et de l'arbitrage, et peut accorder des intérêts à payer ou exigibles par certains ou tous les actionnaires dont les actions sont visées par l'achat. Cela s'applique également aux actionnaires ayant reçu un prix plus élevé que celui déterminé par l'arbitre.
Imigabane iguzwe n'isosiyete bivugwa muri iyi ngingo ifatwa nk'iyavanyweho kandi hagakurikizwa ingingo ya 180 y'iri tegeko.	Shares purchased by the company under this Article are considered to be cancelled and Article 180 applies.	Les actions rachetées par la société en vertu du présent article sont réputées annulées et l'article 180 s'applique.
<u>Ingingo ya 243</u>: Igura rikozwe n'undi muntu	**<u>Article 243</u>: Purchase by a third party**	**<u>Article 243</u>: Achat par une tierce partie**
Iyo isosiyete yiteguye kugurisha undi muntu akemera kugura imigabane hakurikjwe ingingo ya 241 y'iri tegeko, uwo muntu yemera kugura ku giciro gikwiye kandi cyumvikana.	If the company arranges for another person to agree to purchase shares in accordance with Article 241of this Law, that person agrees to purchase the shares at a fair and reasonable price.	Lorsqu'une société fait en sorte qu'une autre personne accepte d'acheter des actions conformément à l'article 241 de la présente loi, ladite personne accepte d'acheter les actions à un prix raisonnable et équitable.
Igiciro kigomba kwishyurwa n'ugura kigenwa nk'aho ari sosiyete igiye kugura imigabane, usibye ko:	The price to be paid by the purchaser is determined as if the company were to purchase the shares, except that:	Le prix à payer par l'acheteur est déterminé comme si la société achetait les actions, sauf que:
1° ubwishyu iyo ngingo isaba bwishyurwa n'isosiyete bugomba kwishyurwa n'undi muntu , atari isosiyete;	1° any payment which that Article requires to be made by the company is made by the third party;	1° tout paiement requis par ledit article à être fait par la société est effectué par la tierce partie;
2° imigabane igurwa n'undi muntu atari	2° the shares are purchased by the third	2° les actions sont achetées par la tierce partie

isosiyete; 3° iyo hari ibyishyuwe birenze bisubizwa undi muntu atari isosiyete. Isosiyete iha indishyi ba nyir'imigabane ku migabane yaguzwe nyuma yo kunanirwa k'uwari uteganyijwe kugura imigabane ku giciro cyatanzwe cyangwa cyashyizweho n'umukemurampaka bitewe n'uko ibiciro bihagaze.	party and not by the company; 3° any excess paid is recovered by the third party and not by the company. The company indemnifies the holders of the shares to be purchased in respect of any failure by the intended purchaser to purchase the shares at the price nominated or fixed by the arbitrator, as the case may be.	et non par la société; 3° tout excédent payé fait l'objet d'un recouvrement par la tierce partie et non par la société. La société indemnise les détenteurs des actions visées par l'achat en rapport avec le défaut d'achat par le potentiel acheteur des actions visées au prix proposé ou fixé par l'arbitre, selon le cas.
<u>Ingingo ya 244</u>: Inshingano yo gutegura isoko k'ushobora kugura imigabane y'isosiyete iri hejuru ya 50% Muri iyi ngingo "abantu bafitanye isano" bivuze: 1° izindi sosiyete aho umuntu afite amajwi yo gutora arenze mirongo itanu ku ijana (50%) y'ububasha bwo gutora cyangwa akaba afite uburenganzira bwo guhitisha umwanzuro; 2° umuryango w'umuntu ku giti cye; 3° abantu bakorera hamwe kugira ngo bagure imigabane cyangwa bagenzure hakurikijwe ibyumvikanyweho hagati yabo.	**<u>Article 244</u>: Obligation to make a tender offer by the potential acquirer of more than 50% of a company shares** In this Article the term "affiliated persons" means: 1° other companies in which the person owns more than fifty percent (50%) of the voting power or otherwise exercises a controlling influence over; 2° a family of an individual person; 3° persons who act in concert with the person to acquire shares or exercise influence over a company under an arrangement or understanding with	**<u>Article 244</u>: Obligation d'offre d'achat par le potentiel acquéreur de plus de 50% des actions d'une société** Dans le présent article, le terme "personnes affiliées" désigne: 1° les autres sociétés dans lesquelles ladite personne possède plus de cinquante pour cent (50%) des droits de vote ou autrement y exerce une influence dominante; ou 2° la famille de la personne physique; 3° les personnes agissant de concert avec ladite personne dans le but d'acquérir des actions ou d'exercer une influence sur une société en vertu d'un

	each other and the person.	arrangement ou d'un accord entre elles.
Muri iyi ngingo, "kwigaruriza" bivuze mirongo itanu ku ijana (50%) cyangwa ibirenga by'icyiciro cy'imigabane y'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.	In this Article the term "control block" means fifty percent (50%) or more of any class of shares of a public company.	Dans le présent article, le terme "bloc de contrôle d'actions" désigne cinquante pour cent (50%) ou plus d'actions d'une catégorie d'actions d'une société publique.
Umuntu wese uguze ku nshuro imwe cyangwa ugura mu bihe bitandukanye imigabane yaba ayiguze ari umwe cyangwa iguzwe n'abantu bafitanye isano, ingana na mirongo itanu ku ijana (50 %) cyangwa irenga by'uburenganzira bw'amajwi y'isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane agomba gutanga isoko ku banyamigabane mu byiciro by'imari shingiro by'isosiyete ibemerera gutora muri icyo cyiciro, kandi uwo muntu n'abandi bafitanye isano bagomba kuba bari muri icyo cyiciro. Byongeye kandi abantu bafitanye isano babyumvikanyeho bashobora kugira inshingano yo gutanga iryo soko.	Any person who acquires whether by a series of transactions over a period of time or not, shares which taken together with shares held or acquired by affiliated persons amount to fifty percent (50%) or more of the total voting rights of a public company, extends offers to the holders of any class of share capital of the company which carries votes and in which such person, or persons acting in concert with him or her, hold shares. In addition, the affiliated persons acting in concert with him or her may have the obligation to extend an offer.	Toute personne faisant l'acquisition, soit par une succession d'opérations sur une période de temps ou pas, d'actions constituant ensemble avec d'autres actions détenues ou acquises par des personnes affiliées équivaut à cinquante pour cent (50%) ou plus du total des droits de vote d'une société publique, étend les offres aux actionnaires d'une catégorie du capital social de la société comportant des droits de vote et dans laquelle cette personne ou des personnes agissant avec ladite personne, détiennent des actions. En outre, les personnes affiliées agissant de concert peuvent avoir l'obligation de donner l'offre.
Umuntu ufite umugambi ku giti cye cyangwa ari kumwe n'abandi bafitanye isano wo kugura imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi agomba bitarenze iminsi mirongo itatu (30) mbere y'itariki yo kugura, kohereza isosiyete inyandiko ayimenyesha umugambi wo kugura imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi.	A person who intends, alone or together with his affiliated persons to acquire a control block of shares of a public company, no later than thirty (30) days prior to the date of acquiring the control block, sends written notice to the company stating his or her intent to acquire a control block of shares.	Une personne, seule ou ensemble avec ses personnes affiliées, ayant l'intention d'acquérir un bloc de contrôle d'actions notifie par écrit, au plus tard trente (30) jour avant la date d'acquisition dudit bloc, à la société son intention d'acquérir ledit bloc de contrôle.

Umuntu ku giti cye cyangwa ari kumwe n'abandi bafitanye isano waguze imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane agomba, mu minsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe yaguriye iyo migabane, gushyira ku isoko imigabane y'isosiyete kugira ngo ba nyir'imigabane bagurishe imigabane yabo nibura ku giciro kitari hasi n'icyari cyitezwe aricyo yaguriyeho iyo migabane mu mezi atandatu (6) abanziriza iryo gura.	A person who alone or together with his or her affiliated persons has acquired a control block of shares of a public company shall, within sixty (60) days from the date of acquisition of such shares, make an offer to all of the company's holders of such shares to acquire the shares belonging to them at a price not less than the weighted average price at which he or she acquired such shares during the last six (6) months preceding the date of acquisition of a control block of shares.	Une personne, seule ou ensemble avec ses personnes affiliées, ayant acquis un bloc de contrôle d'actions d'une société publique fait une offre, dans un délai de soixante (60) jours suivant l'acquisition desdites actions, à tous les détenteurs de ces actions dans la société pour l'acquisition des actions leur appartenant à un prix qui ne peut être inférieur au prix moyen pondéré auquel ladite personne a acquis ces actions au cours des six (6) derniers mois précédant l'acquisition dudit bloc de contrôle d'actions.
Inyandiko imenyesha iryo shyira kw'isoko yohererezwa abanyamigabane. Inyandiko imenyesha igomba kuba ikubiyemo amakuru agaragaza uweguriwe imigabane ifite ubwiganze burunduye bw'amajwi n'abo bafitanye isano, harimo amazina yabo, aho batuye na aderese y'ubucuruzi bwabo, umubare w'imigabane bafite, igiciro cyashyizweho ku migabane igurishwa, igiciro cyishyuwe bagura iyo migabane, igihe abagurisha bemereyemo abagura kugura imigabane.	Written notice of the offer is sent to all shareholders. The notice must contain information identifying and describing the person who has acquired the control block and his or her affiliated persons, including their names, residence and business addresses, the number of shares belonging to them, the price offered for the shares, the price paid by them for the shares which they hold, and the period during which the offeree members accept the offer to acquire shares.	La notification écrite est envoyée aux actionnaires. Ladite notification doit contenir les informations relatives à l'identification et la description de la personne ayant acquis le bloc de contrôle et celles de ses personnes affiliées, y compris leurs noms, résidences et adresses commerciales, le nombre de leurs actions respectives, le prix offert pour les actions, le prix qu'ils ont payé pour leurs actions et la période au cours de laquelle les membres visés acceptent l'offre d'acquisition des actions.
Umunyamigabane ashobora kwemera ubwo busabe bw'igurisha akagura imigabane mu gihe cyatanzwe, kidashobora kujya munsi y'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe isoko ryatangiwe.	A shareholder may accept the offer to acquire shares within the period specified in the offer, which is not less than thirty (30) days from the date of sending the offer.	Un actionnaire peut accepter l'offre d'acquisition des actions au cours de la période spécifiée dans ladite offre, laquelle période ne peut être inférieure à trente (30) jours à compter de la date de l'envoi de l'offre.

Kugura imigabane iha uwayiguze ubwiganze burunduye bw'amajwi no kohereza abanyamigabane isoko bikorwa mu minsi ijana na makumyabiri (120) uhereye igihe inyandiko imenyesha ubwo bugure bw'imigabane y'isosiyete bwamenyesherejweho.	Acquisition of a control block and sending to shareholders the offer are completed within one hundred and twenty (120) days from the date of sending the notice to the company on acquisition of a control block of a company's shares.	L'acquisition d'un bloc de contrôle et l'envoi de l'offre aux actionnaires s'effectuent dans un délai de cent vingt (120) jours à compter de la date d'envoi à la société de la notification relative à l'acquisition du bloc de contrôle d'actions de la société.
Umuntu ku giti cye cyangwa ari kumwe n'abandi bafitanye isano waguze imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi utubahirije ibisabwa n'iyi ngingo ntabwo bagira uburenganzira bw'amajwi mu migabane y'isosiyete y'icyo cyiciro.	A person who alone or together with his or her affiliated persons has acquired a control block of shares without complying with the requirements of this Article does not have the right to vote any of the company's shares of such class.	Une personne, seule ou ensemble avec ses personnes affiliées, ayant acquis le bloc de contrôle d'actions d'une société sans se conformer aux exigences du présent article, n'ont pas le droit de vote sur toutes les actions de cette catégorie.
<u>Ingingo ya 245</u>: Gusonerwa igururwa	**<u>Article 245</u>: Exemption from buyout**	**<u>Article 245</u>: Exonération de rachat**
Iyo nyir'imigabane asabye gukoresha uburenganzira bwe buteganywa mu ngingo ya 240 y'iri tegeko, isosiyete ishobora gusaba urukiko gutegeka ko isonerwa ibisabwa kugira ngo hagurwe imigabane ye ku mpamvu z'uko:	Where a shareholder seeks to exercise his or her rights under Article 240 of this Law, a company may apply to the court for an order that it should be exempted from the requirement to purchase his or her shares on the grounds that:	Dans le cas d'un actionnaire cherchant à exercer ses droits en vertu de l'article 240 de la présente loi, une société peut demander à une juridiction de rendre une ordonnance exonérant ladite société de l'obligation de rachat de ses actions aux motifs que:
1° igurisha ribangamiye isosiyete ku buryo bukomeye;	1° the purchase is disproportionately damaging to the company;	1° le rachat porte un préjudice disproportionné à la société;
2° isosiyete idashobora ku buryo bwumvikana gusabwa gutanga amafaranga y'igurura;	2° the company cannot reasonably be required to fund the repurchase;	2° la société ne peut être raisonnablement obligée de financer le rachat;

3° inyandiko imenyesha abanyamigabane itatanzwe mu buryo bwiza cyangwa byarakozwe mu buryo butaribwo cyangwa bugamije guhutaza.	3° the shareholder's notice was not given in good faith or was frivolous or vexatious.	3° l'avis aux actionnaires n'est pas donné de bonne foi ou a été donné de façon frivole ou vexatoire.
Mu gihe hakurikizwa iyi ngingo, urukiko rushobora gutegeka ko isosiyete itagura imigabane, kandi rushobora no kongera gutegeka uko rubona bikwiye, harimo, gutegeka ko :	In respect of this Article, the court may order that the company should not purchase the shares, and may make such further order as it thinks fit, including, an order that:	En application du présent article, la juridiction peut rendre une ordonnance de non rachat des actions par la société, et peut rendre une ordonnance additionnelle qu'il juge convenable, y compris, une ordonnance:
1° umwanzuro uwo ariwo wose w'abanyamigabane ushyirwa ku ruhande;	1° any resolution of the shareholders be set aside;	1° obligeant que toute résolution des actionnaires soit infirmée;
2° sosiyete igomba kwirinda kugira ibyemezo ifata;	2° the company should refrain from taking action;	2° la société s'abstiennent de prendre des mesures;
3° indishyi zishyurwa na sosiyete ku banyamigabane;	3° compensation be paid by the company to the shareholders ;	3° la société paie une indemnité aux actionnaires;
4° sosiyete ishyirwa mu gihombo.	4° the company be put into liquidation.	4° la société soit mise en liquidation.
Nta sosiyete ishobora gusaba isonerwa ku igururwa ku mpamvu zavuzwe mu gace ka 1º cyangwa aka 2º tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo, keretse iyo ishobora kugaragariza ariko ko yakoze ibishoboka byose igategura igurisha ry'imigabane ku wundi muntu.	No company may seek an exemption from buyout on the grounds set out in items 1º or 2º of Paragraph One of this Article unless it can establish that it has made reasonable endeavours to arrange a sale of the shares to a third party.	Aucune exonération de rachat ne peut être accordée à une société aux motifs indiqués au point 1º ou 2º de l'alinéa premier du présent article, à moins que cette société ne démontre qu'elle a fait des efforts raisonnables pour organiser la vente des actions à une tierce partie.
Ingingo ya 246: Kutagurura bikozwe	**Article 246: No buyout on the part of an**	**Article 246: Impossibilité de rachat chez**

n'isosiyete itagishoboye kwishyura imyenda	**insolvent company**	**une société insolvable**
Mu gihe umunyamigabane asaba ko habaho uburenganzira ku igururwa ariko abagize inama y'ubutegetsi bakabona ko isosiyete yakoze ibishoboka byose kugira ngo hagurishwe imigabane ku bandi bantu kandi isosiyete ikagura iyo migabane itaguzwe n'undi muntu, iyo basuzumye bagasanga isosiyete iguze iyo migabane itagifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda, basaba urukiko ko rutegeka ibiteganywa n'iyi ngingo.	In case a shareholder seeks to exercise buy-out rights and the directors consider that the company has made reasonable endeavours to arrange the purchase of shares by a third party and in case the company purchases those shares which are not to be purchased by a third party, if it does not satisfy the solvency test, the directors apply to the court for an order under this Article.	Dans le cas d'un actionnaire cherchant à exercer ses droits de rachat et après constatation par les administrateurs des efforts raisonnables faits par la société pour organiser le rachat des actions par une tierce personne et en cas de l'achat desdites actions par la société ne devant pas être achetées par une tierce partie, si ladite société ne satisfait pas le test de solvabilité, les administrateurs demandent à une juridiction de rendre une ordonnance en vertu du présent article.
Iyo urukiko rubona ko hari impamvu zifatika ku bijyanye n'uko abagize inama y'ubutegetsi babona ari ngombwa, rutegeka ko isosiyete itagura imigabane, kandi urukiko rukanategeka nk'uko rubona bikwiye harimo no gutegeka ibikubiye mu ngingo ya 241 y'iri tegeko.	If the court is satisfied that there are reasonable grounds for the directors' opinion, the court orders that the company do not purchase the shares, and the court may make such further order as it considers fit, including any order that might be made under Article 241 of this Law.	Si la juridiction accepte l'existence des motifs raisonnables soutenant l'opinion des administrateurs, la juridiction interdit le rachat des actions par la société, et peut prendre toute autre décision qu'elle juge convenable, y compris toute ordonnance pouvant être rendue en vertu de l'article 241 de la présente loi.
UMUTWE WA XI: ISOSIYETE Y'INYAMAHANGA	**CHAPTER XI: FOREIGN COMPANY**	**CHAPITRE XI: SOCIÉTÉ ÉTRANGÈRE**
Ingingo ya 247: Gusaba kwandikwa	**Article 247: Application for registration**	**Article 247: Demande d'enregistrement**
Isosiyete y'inyamahanga ishyiraho ibiro bikora ibijyanye n'ihererekanya cyangwa n'iyandikwa ry'imigabane mu Rwanda igomba gusaba kwandikwa mu minsi icumi	A foreign company that establishes a place of business dealing with share transfer or share registration office within Rwanda applies for registration within ten (10) working days of	Une société étrangère qui établit son lieu d'activités opérant dans le domaine de transfert ou bureau d'enregistrement d'actions au Rwanda doit demander d'être enregistrée

(10) y'akazi imaze gushyiraho ibiro bikora.	establishing a place of business.	dans les dix (10) jours ouvrables de l'établissement de son lieu d'activités.
Gusaba kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga bikorwa byanditswe ku nyandiko iri mu buryo buteganyijwe, rugasinywa n'uhagarariye sosiyete y'inyamahanga igatangwa k'Umwanditsi Mukuru.	To apply for the registration of a foreign company, a duly completed application for registration in the prescribed form, signed by the representative of the foreign company is delivered to the Registrar General.	La demande d'enregistrement d'une société étrangère est dûment remplie dans la forme prescrite, signée par le représentant de ladite société et transmise au Registraire général.
Ubusabe bugomba kugaragaza:	The application states:	La demande doit spécifier :
1° izina ry'isosiyete y'inyamahanga;	1° the name of the foreign company;	1° le nom de la société étrangère;
2° amazina yose, aderesi n'iyaho abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga batuye;	2° the full names, residential addresses of the directors of the foreign company;	2° les noms complets et l'adresse des domiciles des administrateurs de la société étrangère;
3° icyicaro gikuru cy'ibikorwa by'ubucuruzi na aderesi y'isosiyete;	3° the principal place of business and address of the company;	3° l'adresse de l'emplacement principal d'affaires et l'adresse de la société;
4° itariki fatizo y'ibaruramari y'isosiyete y'inyamahanga; kandi	4° the foreign company's accounting reference date; and	4° la date de référence comptable de la société étrangère; et
Ubusabe bwomekwaho:	The application has in attachment :	À la demande, il est annexé:
1° kopi y'icyemezo kigaragaza iyandikisha ry'isosiyete y'inyamahanga;	1° a copy of evidence of registration certificate of the foreign company;	1° une copie de la preuve du certificat d'enregistrement de la société étrangère;
2° haseguriwe ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, kopi iriho umukono wa noteri yerekana ibigize isosiyete y'inyamahanga,	2° subject to Paragraph 3 of this Article, a certified copy of the instrument defining the constitution of the foreign	2° sous réserve de l'alinéa 3 du présent article, une copie certifiée de l'instrument définissant la constitution

kandi icyo cyemezo cyaba cyitanditse mu rurimi rw'icyongereza, icyemezo cy'ururimi yahinduwemo kiriho umukono wa noteri;	company, and if the instrument is not written in the English language, a certified translation of it;	de la société étrangère, et une traduction certifiée dudit instrument au cas où ce dernier n'est pas rédigé en langue anglaise;
3° inyandiko y'ubwumvikane cyangwa itanga bubasha kugira ngo isosiyete ihagararirwe mu Rwanda;	3° a memorandum of understanding or power of attorney to represent the company in Rwanda;	3° un mémorandum d'entente ou une procuration pour représenter la société au Rwanda;
4° itangazo rigaragaza abemerewe guhagararira isosiyete.	4° a declaration indicating the authorized representatives of the company.	4° une déclaration indiquant les représentants autorisés de la société.
Icyemezo kigize cyangwa kigaragaza ibigize sosiyete y'inyamahanga ntabwo kigomba gutangwa ku Mwanditsi Mukuru iyo kirebana gusa n'imikorere n'imicungire ya sosiyete, kandi iyo igice kimwe cy'icyo cyemezo kirebana n'ibyo ntabwo gishobora gutangwa.	The instrument constituting or defining the constitution of the foreign company need not be delivered to the Registrar General if it deals with solely the internal management of the company, and if a part of the instrument so deals, that part need not be delivered.	L'instrument établissant ou définissant la constitution de la société étrangère ne doit pas être transmis au Registraire général s'il porte exclusivement sur la gestion interne de la société, et si une partie dudit instrument porte sur la gestion interne, ladite partie ne doit pas être transmise.
<u>Ingingo ya 248</u>: Kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga	**<u>Article 248</u>: Registration of a foreign company**	**<u>Article 248</u>: Enregistrement d'une société étrangère**
Ikimara kwandikwa, Umwanditsi Mukuru aha isosiyete y'inyamahanga umubare wihariye uranga isosiyete y'inyamahanga uteye ku buryo mu bihugu by'umuryango wa Afurika y'Iburasurazuba cyangwa ibindi bihugu bifitanye amasezerano ufite umubare umwe cyangwa myinshi ikurikirana cyangwa inyuguti nk'uko Umwanditsi Mukuru	Upon registration, the Registrar General allocates to the foreign company a foreign company's registered code which is in such form, in the East African Community and other countries with agreements with Rwanda, consisting of one or more sequences of figures or letters as the Registrar General may from time to time determine.	Lors de l'enregistrement, le Registraire général attribue à la société étrangère un code enregistré d'une société étrangère qui est dans la forme, dans les pays de la Communauté de l'Afrique de l'Est et d'autres pays liés au Rwanda par des accords, comprenant une ou plusieurs séries de chiffres et de lettres que le Registraire général peut, de temps à autre,

ashobora kubigena mu bihe bisimburana.		déterminer.
Amasosiyete y'ubucuruzi akomoka mu bihugu by'umuryango wa Afurika y'Iburasurazuba cyangwa ibindi bihugu bifitanye amasezerano arebana nabyo afatwa nk'ayo mu gihugu.	Companies from East African Community member States or other companies from countries with relevant agreements with Rwanda enjoy national treatment.	Les sociétés issues des pays membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est ou d'autres pays ayant des accords applicables avec le Rwanda bénéficient du traitement national.
<u>Ingingo ya 249</u>: Kugaragaza izina rya sosiyete y'inyamahanga	**<u>Article 249</u>: Disclosure of foreign company's name**	**<u>Article 249</u>: Communication du nom de la société étrangère**
Isosiyete y'inyamahanga igomba kugaragaza izina ryayo ryuzuye mu nyuguti zisomeka z'ikiromani, ahantu hagaragara hanze ya buri biro cyangwa ahantu hose ikorera ibikorwa by'ubucuruzi.	A foreign company must have its full name stated clearly in easily legible roman letters in a conspicuous position outside every office or place in which its business is carried on.	La société étrangère doit avoir sa dénomination complète clairement mentionnée en lettres romaines facilement lisibles à un endroit visible à l'extérieur de chaque bureau ou lieu dans lequel la société conduit ses activités commerciales.
Isosiyete y'inyamahanga igomba kugira ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo byanditse neza mu nyuguti zisomeka neza ku**:**	A foreign company must have the particulars listed in Paragraph 3 of this Article clearly stated in easily legible letters on:	La société étrangère doit disposer des indications énumérées dans l'alinéa 3 du présent article en lettres facilement lisibles pour:
1° itumanaho ryose ryanditse ryoherezwa mu izina ry'isosiyete keretse ku itumanaho ry'imbere mu isosiyete;	1° all written communications sent on behalf of the company, except for internal company communications;	1° toutes les communications écrites envoyées au nom de la société, à l'exception des communications internes de ladite société;
2° inyandiko zose z'ubucuruzi n'izikwirakwizwa zitanzwe n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo;	2° all trade catalogues and trade circulars issued by or on behalf of the company;	2° tous les catalogues commerciaux et circulaires commerciales émis par ou au nom de la société;
3° inyandiko zose zatanzwe cyangwa	3° all documents issued or signed by or on	3° tous les documents émis ou signés par

zasinywe n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo zigaragaza cyangwa zitanga inshingano zo mu rwego rw'amategeko ku isosiyete.	behalf of the company that evidence or create a legal obligation of the company.	ou au nom de la société prouvant ou créant une obligation légale pour ladite société.
Ibisabwa byihariye ku bijyanye n'igika cya 2 ni:	The special requirement relating to Paragraph 2 of this Article are:	Les exigences particulières relatives à l'alinéa 2 du présent article sont:
1° amazina y'isosiyete yuzuye;	1° the company's full names;	1° les noms complets de la société;
2° umubare wanditswe w'isosiyete;	2° the company's registered number;	2° le numéro d'immatriculation de la société;
3° igihugu isosiyete yanditswemo;	3° the country in which it was registered;	3° le pays dans lequel la société a été enregistrée;
4° niba uburyozwe bw'abanyamuryango bayo buhinnye cyangwa busesuye.	4° if the liability of its members is limited or unlimited.	4° si la responsabilité de ses membres est limitée ou illimitée.
<u>Ingingo ya 250</u>: Kohereza inyandiko isosiyete y'inyamahanga	**<u>Article 250:</u> Mailing of documents to a foreign company**	**<u>Article 250</u>: Expédition des documents à une société étrangère**
Ihererekanya makuru iryo ariryo ryose cyangwa inyandiko imenyesha bishobora gushyikirizwa isosiyete y'inyamahanga mu buryo bukurikira:	Any communication or notice may be mailed to a foreign company by:	Toute communication ou notification peut être expédiée à une société étrangère par:
1° kuyishyikiriza umuntu wavuzwe mu gitabo cy'iyandikisha ko ariwe wemewe mu Rwanda guhabwa inyandiko mu izina ry'isosiyete y'inyamahanga;	1° delivery to the person named in the register as being authorised to receive the documents in Rwanda on behalf of the foreign company;	1° remise à la personne désignée dans le registre en tant que personne autorisée à recevoir au Rwanda les documents au nom de cette société;

2° iyo kuyishyikiriza hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 1° k'iyi ngingo bidashoboboka, ishobora gushyikirizwa aho isosiyete y'inyamahanga ikorera ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa ikoherezwa kuri aderesi y'isosiyete y'inyamahanga;	2° if delivery in accordance with item 1° of this Article is not practicable, by leaving it at any place of business of the foreign company or sending it to the address of the foreign company;	2° en cas d'impossibilité de remise conformément au point 1° du présent article, la communication s'effectue au lieu d'affaires de la société étrangère ou par envoi à l'adresse de la société étrangère;
3° ubundi buryo bwemejwe n'urukiko.	3° another procedure approved by the court.	3° autre procédure approuvée par la juridiction.
Ingingo ya 251: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa izindi nyandiko	**Article 251: Alteration of incorporation documents and other documents**	**Article 251: Modification des documents constitutifs et autres documents**
Iyo isosiyete y'inyamahanga ihinduye bimwe cyangwa inyandiko zikubiye mu busabe bwo kwandikwa, abagize inama y'ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko yuzuye imenyesha ihinduka ku nyandiko yabugenewe.	When a foreign company alters any of the matters or documents listed in the application for registration, the directors must within ten (10) working days of the alteration deliver to the Registrar General a duly completed notice of alteration in the prescribed form.	Lorsqu'une société étrangère modifie un des points ou des documents énumérés dans la demande d'enregistrement, les administrateurs doivent transmettre, dans les dix (10) jours ouvrables suivant ladite modification, une notification y relative dûment remplie auprès du Registraire général dans la forme prescrite.
Isosiyete y'inyamahanga ikimara gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko z'impinduka cyangwa ihindura, atanga, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), icyemezo cyabyo.	On the filing with the Registrar General of particulars of a change or alteration, the Registrar General issues a certificate to that effect within thirty (30) days.	En déposant auprès du Registraire général les indications portant sur tout changement ou modification, le Registraire général délivre un certificat y relatif dans les trente (30) jours.
Ingingo ya 252: Inyandiko zihabwa buri	**Article 252: Documents delivered annually**	**Article 252: Documents transmis**

mwaka Umwanditsi Mukuru	**to the Registrar General**	**annuellement au Registraire général**
Abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga bashyikiriza Umwanditsi Mukuru buri mwaka ibaruramari ry'umwaka n'ifoto y'umutungo ngarukamwaka by'isosiyete y'inyamahanga.	Directors of a foreign company deliver to the Registrar General the annual accounts and annual return of foreign company.	Les administrateurs d'une société étrangère transmettent au Registraire général les comptes annuels et la déclaration annuelle de cette société.
<u>Ingingo ya 253</u>: Ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete y'inyamahanga	**<u>Article 253:</u> Annual accounts of foreign company**	**<u>Article 253:</u> Comptes annuels d'une société étrangère**
Abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete y'inyamahanga bagomba kwishingira ko mu gihe cy'amezi atandatu (6) akurikira itariki fatizo y'ibaruramari yayo, ibaruramari ry'umwaka ry'umuntu ku giti cye cyangwa ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete bigomba gutegurwa, gukorerwa igenzuramari, bikemezwa bikohererezwa Umwandisti Mukuru. Ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bikurikizwa ku masosiyete y'inyamahanga n'ibihinduka bikandikwa.	Directors of a foreign company ensure that, within six (6) months of its accounting reference date, individual or group annual accounts are prepared, audited, approved and delivered to the Registrar General. The provisions of Paragraph 2 of this Article apply to foreign companies and the modifications are registered.	Dans les six (6) mois suivant sa date de référence comptable, les administrateurs d'une société étrangère doivent veiller à ce que les comptes annuels et individuels ou de groupe de sociétés soient élaborés, audités, approuvés et transmis au Registraire général. Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article s'appliquent aux sociétés étrangères et les modifications sont enregistrées.
Ibikurikira ni byo byubahirizwa ku masosiyete y'inyamahanga hahinduwe ibikurikira:	The following provisions apply to foreign companies with the following modifications:	Les dispositions suivantes s'appliquent aux sociétés étrangères avec les modifications suivantes:
1° igisobanuro cy'itariki fatizo y'ibaruramari mu biteganywa n'iri tegeko, cyahinduwe kugira ngo hakurikijwe inyandiko z'ishingwa zigaragaze ko ari "gusaba kwandikwa" kandi ahavugwa iyandikisha ry'isosiyete hafatwe nk'ahavugwa mu	1° the meaning of "accounting reference date" in provisions of this Law is modified so that reference to "incorporation documents" reads "application for registration" and references to the incorporation of the	1° le sens du terme « date de référence comptable » dans les dispositions de la présente loi est modifié afin que le renvoi aux « documents constitutifs » se lit « demande d'enregistrement » et les renvois à la constitution de la société sont

kwandikisha isosiyete y'inyamahanga;	company are taken as references to registration as a foreign company;	considérés comme des renvois d'enregistrement en tant que société étrangère ;
2° igihe kivugwa mu ngingo ya 126 igika cya mbere, n'iya 127 mu gika cya mbere bihindurwa mu gihe cy'amezi atandatu (6) y'itariki fatizo y'ibaruramari.	2° the periods referred to in Paragraph One of Article 126 and Paragraph One of Article 127 of this Law are modified within six (6) months of the accounting reference date.	2° les délais visés à l'alinéa premier de l'article 126 et l'alinéa premier de l'article 127 de la présente loi sont modifiés dans les six (6) mois suivant la date de référence de comptabilité.
Iteka rya Minisitiri rishobora guhindura ibisabwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kugira ngo bikoreshwe ku masosiyete y'inyamahanga kandi hashobora gushyirwamo n'ingingo zitandukanye bitewe n'ibibazo bitandukanye cyangwa ibyiciro byabyo.	An Order of the Minister may modify the requirements referred to in Paragraph One of this Article for the purpose of their application to foreign companies and may make differing provisions for different cases or their classes.	Un arrêté du Ministre peut modifier les conditions visées à l'alinéa premier du présent article aux fins de leur application aux sociétés étrangères et peut prévoir les dispositions différentes pour différents cas ou leurs catégories.
<u>Ingingo ya 254</u>: Amakosa n'ibihano bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka	**<u>Article 254</u>: Faults and sanctions in relation to annual accounts**	**<u>Article 254</u>: Fautes et sanctions relatives aux comptes annuels**
Amakosa n'ibihano bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka bikurikizwa no ku masosiyete y'inyamahanga.	Faults and penalties in relation to annual accounts also apply to foreign companies.	Les fautes et sanctions relatives aux comptes annuels s'appliquent également aux sociétés étrangères.
<u>Ingingo ya 255</u>: Inyandiko ngarukamwaka ku makuru	**<u>Article 255</u>: Annual return**	**<u>Article 255</u>: Déclaration annuelle**
Abagize inama y'ubutegetsi b'isosiyete y'inyamahanga bagenzura ko isosiyete iha Umwanditsi Mukuru buri mwaka, mu kwezi kwagenewe isosiyete muri iri tegeko, ifoto	The directors of a foreign company ensure that the company delivers to the Registrar General each year, during the month allocated to the company under this Law, an annual balance	Les administrateurs d'une société étrangère s'assurent que la société transmet chaque année au Registraire général, au cours du mois imparti à la société en vertu de la présente loi,

y'umutungo ngarukamwaka ku nyandiko iri mu buryo buteganyijwe ishyizweho umukono n' abagize inama y'ubutegetsi cyangwa haba hari ugize inama y'ubutegetsi umwe akaba ariwe usinya kandi akemeza:	sheet in the prescribed form signed by the directors of the company or if there is only one director, by that director and confirming:	un bilan annuel dans la forme prescrite et signée par les administrateurs de la société ou, dans le cas d'un seul administrateur, par ledit administrateur en confirmant:
1° ko amakuru ari mu gitabo kuri iyo tariki y'umutungo ku bijyanye na:	1° that the information is on the register at the date of the return in relation to:	1° que les informations sont contenues dans le registre à la date du rendement en relation avec:
a) izina ry'isosiyete y'inyamahanga;	a) the name of the foreign company;	a) le nom de la société étrangère;
b) abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga;	b) the directors of the foreign company;	b) les administrateurs de la société étrangère;
c) icyicaro gikuru cy'ibikorwa by'ubucuruzi na aderesi y'isosiyete y'inyamahanga;	c) the principal place of business and address of the foreign company;	c) le lieu du principal établissement et l'adresse de la société étrangère;
d) ibigize isosiyete y'inyamahanga;	d) the constitution of the foreign company;	d) la constitution de la société étrangère;
e) abantu bemerewe guhabwa inyandiko mu Rwanda mu izina ry'isosiyete y'inyamahanga;	e) the persons authorised to receive the documents in Rwanda on behalf of the foreign company;	e) les personnes autorisées à recevoir des documents au Rwanda au nom de la société étrangère;
2° ko ibaruramari ry'umwaka ryashyikirijwe Umwanditsi Mukuru hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	2° that annual accounts have been delivered to the Registrar General in accordance with provisions of this Law.	2° que les comptes annuels ont été transmis au Registraire général conformément aux dispositions de la présente loi.
Ifoto y'umutungo ngarukamwaka ihabwa itariki ku munsi wo muri uko kwezi umutungo	An annual balance sheet is dated as at a day within the month during which the return is	Le bilan annuel est arrêté à une date dans le mois durant lequel ledit bilan doit être remis

wagenwe ko ushyikirizwa Umwanditsi Mukuru.	required to be delivered to the Registrar General.	au Registraire général.
Amaze kwandika isosiyete y'inyamahanga hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru akoresheje inyandiko imenyesha aha ukwezi isosiyete nk'uko biteganyijwe muri iyi ngingo.	On registration of a foreign company under this Law, the Registrar General, by written notice to the company, allocates a month to the company in accordance with the provisions of this Article.	Après l'enregistrement d'une société étrangère en vertu de la présente loi, le Registraire général attribue, par notification écrite à ladite société, un mois conformément aux dispositions du présent article.
Umwanditsi Mukuru ashobora na none mu nyandiko imenyesha guhindura ukwezi yahaye isosiyete bivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo cyangwa muri iki gika.	The Registrar General may by subsequent written notice alter the month allocated under Paragraph 3 of this Article or under this Paragraph.	Le Registraire général peut, par une notification écrite ultérieure, changer le mois attribué en vertu de l'alinéa 3 du présent article ou du présent alinéa.
Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo:	Notwithstanding provisions of Paragraph One of this Article:	Nonobstant les dispositions de l'alinéa premier du présent article :
1° isosiyete y'inyamahanga ntikora ifoto y'umutungo ngarukamwaka mu mwaka usanzwe yiyandikishirijemo uvugwa muri iri tegeko;	1° a foreign company need not make an annual balance sheet in the calendar year of its registration under this Law;	1° une société étrangère n'est pas soumise à l'élaboration du bilan annuel au cours de l'année civile de son enregistrement en vertu de la présente loi;
2° isosiyete ishamikiyeho ishobora ibyemerewe n'Umwanditsi Mukuru gukora ifoto y'umutungo ngarukamwaka mu kwezi kwahawe isosiyete mbyeyi ku bw'iyi ngingo, aho kuba ukwezi yahawe.	2° a subsidiary may, with the approval of the Registrar General, make an annual balance sheet during the month allocated to its holding company for the purposes of this Article, rather than during the month allocated to it.	2° une filiale peut, après approbation du Registraire général, élaborer le bilan annuel au cours du mois attribué à sa société holding pour l'application du présent article plutôt qu'au cours du mois qui lui a été attribué.
Iyo abagize inama y'ubutegetsi bananiwe kubahiriza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, isosiyete ishobora gucibwa	If the directors fail to comply with provisions of Paragraph One of this Article, the company may be liable to an administrative fine	Si les administrateurs ne se conforment pas aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, la société peut être passible d'une

ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ivugwa mu ngingo ya 345 y'iri tegeko.	provided for under Article 345 of this Law.	amende administrative prévue à l'article 345 de la présente loi.
Ingingo ya 256: Kureka imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda	**Article 256: Ceasing to carry on business in Rwanda**	**Article 256: Cessation des activités commerciales au Rwanda**
Umwanditsi Mukuru akura mu gitabo isosiyete y'inyamahanga mu bihe bikurikira:	The Registrar General removes a foreign company from the register when:	Le Registraire général radie une société étrangère du registre lorsque :
1° iyo yahaye ibaruwa isosiyete y'inyamahanga ayibaza niba ikorera ubucuruzi mu Rwanda hagashira amezi atatu (3) nta gisubizo abonye; cyangwa	1° he or she gave a letter to the foreign company enquiring whether it is carrying on business in Rwanda and does not within three (3) months receive any reply;	1° il adresse une lettre à la société étrangère lui demandant si elle exerce les activités commerciales au Rwanda, et ne reçoit aucune réponse dans un délai de trois (3) mois;
2° **iyo** yahawe inyandiko imenyesha ivuga ko isosiyete y'inyamahanga yahagaritse ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda.	2° there is delivered to him or her a notice stating that a foreign company has ceased to carry on business in Rwanda.	2° une notification lui a été remise précisant que la société étrangère a cessé ses activités commerciales au Rwanda.
Ingingo ya 257: Ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko	**Article 257: Law enforcement**	**Article 257: Mise en application de la loi**
Ibiteganyijwe n'iri tegeko ku bijyanye no gukosora amakosa yakozwe mu nyandiko za sosiyete, ku bireba ibyaha n'ibihano, kimwe n'amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi, bikurikizwa ku isosiyete y'inyamahanga yanditswe mu Rwanda.	The provisions of this Law relating to the rectification of errors in the documents of a company, offences and penalties as well as faults and administrative sanctions apply to foreign companies registered in Rwanda.	Les dispositions de la présente loi relatives à la rectification des erreurs dans les documents d'une société, les infractions et peines ainsi que les fautes et sanctions administratives s'appliquent à une société étrangère enregistrée au Rwanda.
UMUTWE WA XII: ISOSIYETE	**CHAPTER XII: LIMITED LIFE**	**CHAPITRE XII : SOCIÉTÉ À DURÉE**

Y'IGIHE KIGENWE N'ISOSIYETE IDAKORA	COMPANY AND DORMANT COMPANY	LIMITÉE ET SOCIÉTÉ EN VEILLEUSE
Icyiciro cya mbere: Isosiyete y'igihe kigenwe	**Section One: Limited life company**	**Section première : Société à durée limitée**
Ingingo ya 258: Iyandikwa ry'isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 258: Registration as limited life company**	**Article 258: Enregistrement en tant que société à durée limitée**
Ubusabe bwo kwandikisha isosiyete nk'isosiyete y'igihe kigenwe bushobora kugezwa ku Mwanditsi Mukuru mu gihe cy'ishingwa ryayo cyangwa mu gihe cyo gusaba gukomeza ibikorwa biteganywa, cyangwa ikindi gihe icyo ari cyo cyose nyuma y'ishingwa ryayo cyangwa y'iyandikwa hagamije gukomeza ibikorwa.	An application may be made to the Registrar General for the registration of a company as a limited life company at the time of incorporation, or at the time of applying for continuation or at any other time after incorporation or registration by way of continuation.	Une demande peut être soumise au Registraire général pour l'enregistrement d'une société en tant que société à durée limitée au moment de la constitution ou au moment de la demande de continuation ou à tout autre moment après la constitution ou l'enregistrement sous forme de continuation.
Ubusabe ku bijyanye n'isosiyete yahawe icyemezo cyo gukomeza ibikorwa cyangwa icyemezo cy'iyandikwa mu rwego rwo gukomeza ibikorwa, bugomba guherekezwa n'inyandiko y'ishyirwaho ryayo iriho umukono wa noteri n'amategeko ayigenga mu gihe kitarenga imyaka mirongo itanu (50) guhera ku itariki y'ishingwa ry'iyo isosiyete cyangwa, y'igihe hafatiwe icyemezo cyo guhindura amategeko ayigenga ari cyo kigamijwe.	An application in respect of a company to which a certificate of incorporation or a certificate of registration by way of continuation has been issued, must be accompanied by a certified copy of the relevant extract of its memorandum and articles of association limiting the life or duration of the company to a period not exceeding fifty (50) years from the date of incorporation or, where necessary of a resolution of the company altering its memorandum and articles of association for that purpose.	Une demande en ce qui concerne une société à laquelle un certificat de constitution ou d'un certificat d'enregistrement sous forme de continuation a été délivré, doit s'accompagner d'une copie certifiée conforme de l'extrait pertinent de son mémorandum et les documents constitutifs spécifiant la limite de la durée de vie de la société à une période ne dépassant pas cinquante (50) ans à partir de la date de création ou, le cas échéant, d'une résolution de la société modifiant ses mémorandum et statuts.

Umwanditsi Mukuru yandika isosiyete ifite igihe kigenwe irebwa n'ubusabe nk'isosiyete y'igihe kigenwe, iyo ikimara gushingwa cyangwa kwandikwa:	The Registrar General registers the company to which the application refers as a limited life company where immediately on incorporation or registration if:	Le Registraire général enregistre la société à laquelle renvoie se réfère la demande en tant que société à durée limitée immédiatement après sa constitution ou enregistrement si:
1° iyo isosiyete yujuje ibisabwa bikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro;	1° the company satisfies the requirements set out in its Memorandum and Articles of Association;	1° la société remplie les conditions définies dans son mémorandum et ses statuts ;
2° iyo isosiyete ifite ugura imigabane cyangwa umunyamigabane nibura umwe;	2° the company has at least one subscriber or shareholder; and	2° la société a au moins un souscripteur ou un actionnaire;
3° inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro bigenera isosiyete igihe kitarenga imyaka mirongo itanu (50) guhera ku itariki yashingiweho.	3° the memorandum and articles of association of the company limits the life of the company to a period not exceeding fifty (50) years from the date of its incorporation.	3° le mémorandum et les statuts de la société limite la durée de vie de la société à une période ne dépassant pas cinquante (50) ans à compter de la date de sa constitution.
Mu kwandika isosiyete nk'isosiyete y'igihe kigenwe, Umwanditsi Mukuru agaragaza mu cyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete cyangwa mu cyemezo cy'iyandikwa hagamijwe gukomeza ibikorwa ko isosiyete yanditswe nk'isosiyete y'igihe kigenwe, akanagaragaza itariki y'iyandikwa.	On registering a company as a limited life company, the Registrar General certifies in the certificate of incorporation issued or in the certificate of registration by way of continuation that the company is registered as a limited life company, stating the date of the registration.	Lors de l'enregistrement d'une société en tant que société à durée limitée, le Registraire général atteste dans le certificat de constitution délivré ou dans le certificat d'enregistrement sous forme de continuation, que la société est enregistrée en tant que société à durée limitée, indiquant la date de l'enregistrement.
Ingingo ya 259: Igihe ntarengwa cy'isosiyete y'igihe kigenwe	**Article 259: Maximum duration of limited life company**	**Article 259: Durée maximale de la société à durée limitée**
Isosiyete y'igihe kigenwe ishobora, ibinyujije mu cyemezo, guhindura inyandiko	A limited life company may by resolution alter its memorandum and articles of association	Une société à durée limitée peut, par résolution, modifier son mémorandum et ses

y'ubwumvikane n'amategeko shingiro yongera igihe cy'isosiyete mu bihe binyuranye bitarenga imyaka ijana na mirongo itanu (150) yose hamwe guhera ku itariki isosiyete yashingiweho.	extending the duration of the company to such period or periods not exceeding in aggregate one hundred and fifty (150) years from the date of the incorporation of the company.	statuts en prolongeant sa durée à une période ou des périodes n'excédant pas au total cent cinquante (150) ans à compter de la date de sa constitution.
<u>Ingingo ya 260</u>: Ibikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro by'isosiyete y'igihe kigenwe	**<u>Article 260</u>: Contents of memorandum and articles of association of limited life company**	**<u>Article 260</u>: Contenu du mémorandum et des statuts de la société à durée limitée**
Inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro by'isosisiyete y'igihe kigenwe bishobora	The memorandum and articles of association of a limited life company may:	Le mémorandum et les statuts d'une société à durée limitée peuvent :
1° kubuza ku buryo budasubirwaho ihererekanya ry'umugabane uwo ari wo wose cyangwa izindi nyungu z'umunyamigabane w'isosiyete cyangwa bigateganya ko ihererekanya ry'umugabane uwo ari wo wose cyangwa izindi nyungu z'umunyamigabane bisaba umwanzuro uhuriweho n'abagize isosiyete n'umwanzuro wafashwe n'abanyamigabane muri ubwo buryo, kimwe n'uko inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro byabiteganya;	1° prohibit the transfer of any share or other interest of a shareholder of the company absolutely or may provide that the transfer of any share or other interest of a shareholder requires either the unanimous resolution of all the members and a resolution passed by such proportion of the shareholders as the memorandum and articles of association may specify;	1° interdire formellement la cession de toute action ou autre participation d'un actionnaire de la société ou peut prévoir que le transfert de toute action ou autre participation d'un actionnaire nécessite soit la résolution unanime de tous les membres et une résolution adoptée par le nombre d'actionnaires pouvant être déterminé dans le mémorandum et les statuts;
2° gukora itandukaniro, hagamijwe ibiteganywa mu gace ka 1º, hagati y'inyungu zo muri sosiyete, nk'inyungu zikomoka ku rwunguko rw'isosiyete, inyungu mu mari shingiro y'isosiyete	2° distinguish for the purpose of item 1º, between various interests in the company, such as an interest in the profits of the company, an interest in the capital of the company, or an	2° opérer, aux fins du point 1º, une distinction entre diverses participations dans la société, tels qu'une participation aux bénéfices de la société, une participation au capital de la société ou une participation

cyangwa inyungu mu buyobozi bw'isosiyete;	interest in management of the company;	dans la direction de la société;
3° guteganya ko umuntu areka kuba umunyamigabane w'isosiyete, iyo habaye ikintu kimwe cyangwa byinshi bisobanuwe mu nyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro, bishobora kandi guteganya ko uburenganzira bw'abahoze ari abanyamigabane bugarukira ku burenganzira bwo kubona agaciro runaka ku migabane yabo muri sosiyete gashobora guteganywa mu nyandiko y'ubwumvikane no mu mategeko shingiro;	3° provide that a person ceases to be a shareholder of the company upon the happening of any one or more of the events specified in the memorandum and articles of association, and may further provide that the rights of such former shareholders are limited to an entitlement to receive such value for their shares in the company may be determined by the memorandum and articles of association;	3° prévoir qu'une personne cesse d'être actionnaire de la société à la survenance d'un ou plusieurs des événements spécifiés dans le mémorandum et les statuts, et peut en outre prévoir que les droits de ces anciens actionnaires sont limités au droit à la valeur de leurs actions dans la société pouvant être déterminé par le mémorandum et les statuts;
4° guteganya ko ubucuruzi bw'isosiyete bushobora gucungwa n'abanyamigabane, cyangwa bugacungwa n'umucungamari washyizweho, ufite uburenganzira, ububasha n'inshingano bisobanuwe mu nyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro;	4° provide that the affairs of the company may be managed by its shareholders in their capacity as such, or by some person designated as manager with such rights, powers and duties as may be specified in the memorandum and articles of association;	4° prévoir que les affaires de la société peuvent être gérées par ses actionnaires en tant que tels, ou par une personne désignée comme gérant avec les droits, pouvoirs et devoirs pouvant être déterminés dans le mémorandum et les statuts;
5° kugena umuntu uba ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete mu gihe iyo sosiyete isheshwe hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 169;	5° designate a person to be the administrator of the company in the event of the company being in dissolution in accordance with Article 169 of this Law;	5° désigner une personne comme administrateur de la société en cas de dissolution de la société conformément à l'article169 de la présente loi ;
6° guteganya ko iyo isosiyete isheshwe hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 169 y'iri tegeko:	6° provide that where the company dissolves by virtue of Article 169 of this Law:	6° prévoir que lorsque la société est dissoute en vertu de l'article 169 de la présente loi :

a) ugize Inama y'Ubutegetsi wagenwe mu nyandiko y'ubwumvikane no mu mategeko shingiro ahita yishyura imyenda yose y'isosiyete mbere y'uko iseswa, umutungo wose usigaye akawusaranganya abahoze ari abanyamigabane hakurikijwe uburenganzira bwa buri wese;	a) the administrator designated in the memorandum and articles of association shill discharge any liabilities existing immediately before dissolution and distribute any surplus assets remaining after dissolution among the former shareholders according to their respective rights;	a) l'administrateur désigné dans le mémorandum et les statuts règle tout le passif existant immédiatement avant la dissolution et répartit tout excédent d'actif restant après la dissolution entre les anciens actionnaires selon leurs droits respectifs;
b) umunyamigabane umwe cyangwa abanyamigabane benshi b'isosiyete bashobora kugumana umutungo w'isosiyete kandi bagakomeza ibikorwa byayo nk'isosiyete nshya itanyuranije n'ibiteganywa n'iri tegeko, kandi umunyamigabane udakeneye gukomezanya n'isosiyete nshya ashobora kubona agaciro k'umugabane we nk'uko biteganywa n'inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko nshingiro;	b) any one or more of the shareholders of the dissolved company may retain the assets of the company and continue its business as a new enterprise not incompatible with the provisions of this law; and any shareholders who do not wish to continue in the new enterprise are entitled to receive such value for their share in the dissolved company as may be determined by the memorandum and articles of association;	b) un ou plusieurs actionnaires de la société dissoute peut conserver les actifs de la société et poursuivre ses activités en tant que nouvelle société non incompatible avec les dispositions de la présente loi; et tout actionnaire qui ne souhaite pas continuer dans la nouvelle société a le droit de recevoir la valeur de sa part dans la société dissoute dans les conditions pouvant être déterminées par le mémorandum et les statuts;
7° guteganya ko umunyamigabane afitiye, muri rusange, uburyozwe ababerewemo umwenda n'isosiyete, cyangwa ko afite uburyozwe mu gihe cy'iseswa ry'isosiyete, nyuma yo gusaranganya umutungo wose w'isosiyete ku baberewemo umwenda n'isosiyete no ku bandi banyamigabane ku bijyanye n'imari shingiro itarashubijwe.	7° provide that a shareholder is be liable generally to the creditors of the company, or that a shareholder is liable upon dissolution of the company, after application of all the assets of the company, to the creditors of the company and to other shareholders for their unreturned capital.	7° prévoir qu'un actionnaire est généralement responsable vis-à-vis des créanciers de la société, ou qu'un actionnaire est responsable lors de la dissolution de la société, après application de tous les actifs de la société, vis-à-vis des créanciers de la société et aux autres actionnaires pour leur capital non restitué.

<u>Ingingo ya 261</u>: Gusesa isosiyete y'igihe kigenwe	**<u>Article 261</u>: Dissolution of limited life company**	**<u>Article 261</u>: Dissolution d'une société à durée limitée**
Hatitawe ku biteganywa n'itegeko rigenga igihombo isosiyete y'igihe kigenwe iseswa:	Notwithstanding the provisions of the Law on insolvency, a limited life company is dissolved:	Nonobstant les dispositions de la loi sur l'insolvabilité, une société à durée limitée est dissoute :
1° iyo igihe yagenewe kirangiye;	1° when the period fixed for the duration of the company expires;	1° à l'expiration du délai fixé pour la durée de la société;
2° iyo abanyamigabane bafashe umwanzuro udasanzwe utegeka kuyihagarika no kuyisesa;	2° where the shareholders of the company pass a special resolution requiring the company to be wound up and dissolved;	2° lorsque les actionnaires de la société adoptent une résolution spéciale exigeant la liquidation et la dissolution de la société;
3° iyo mu gihe inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro by'isosiyete biteganya ko mu gihe ikintu kimwe cyangwa byinshi nk'uko biteganywa mu nyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro:	3° where the memorandum and articles of association of the company so provides, upon the happening of any one or more of the following events as are stipulated in the memorandum and articles of association:	3° lorsque le mémorandum et les statuts de la société le prévoient, en cas de survenance d'un ou plusieurs des événements suivants tels que stipulés dans le mémorandum et les statuts :
a) igihombo cy'umuntu ku giti cye, urupfu, indwara yo mu mutwe, izabukuru, gusezera, kuvanwa muri sosiyete, kwirukanwa, isesa ry'amasezerano, kureka gukora cyangwa iseswa by'umunyamigabane;	a) the bankruptcy, death, insanity, retirement, resignation, withdrawal, expulsion, termination, cessation or dissolution of a shareholder;	a) la faillite, le décès, la démence, la retraite, la démission, le retrait, l'expulsion, la résiliation, la cessation ou la dissolution d'un actionnaire ;
b) ihererekanya ry'umugabane uwo ari wo wose cyangwa indi nyungu muri	b) the transfer of any share or other interest in the company in contravention of the	b) le transfert de toute action ou autre participation dans la société en

sosiyete binyuranyije n'inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro;	memorandum and articles of association of the company;	violation du mémorandum et des statuts de la société ;
c) kwisubiza imigabane, igururwa, cyangwa gukuraho imigabane y'umunyamigabane w'isosiyete;	c) the redemption, repurchase or cancellation of all the shares of a shareholder of the company;	c) le remboursement ou l'annulation de toutes les actions d'un actionnaire de la société;
d) ikindi kintu icyo ari cyo cyose giteganyijwe mu nyandiko y'ubwumvikane, ko nikibaho isosiyete igomba guseswa.	d) the occurrence of any other event on which it is provided in the memorandum and articles of association that the company is to be dissolved.	d) la survenance de tout autre événement qui, comme le prévoient le mémorandum et les statuts, occasionne la dissolution d'une société.
4° mu gihe isosiyete y'igihe kigenwe isheshwe hakurikijwe igika cya 1 kandi nta muyobozi wagenwe mu nyandiko y'ubwumvikane no mu mategeko shingiro kugira ngo agire icyo akora, abanyamigabane b'isosiyete isheshwe bagena, bakoresheje umwanzuro ushyiraho umuyobozi hagamijwe gusesa isosiyete, batabasha gufata uwo mwanzuro, urukiko rukaba rwagena uwo umuyobozi;	4° where a limited life company dissolves by virtue of Paragraph 1º and no administrator is designated to act in the memorandum and articles of association of the company, the shareholders of the dissolved company shall by resolution appoint an administrator for the purposes of the winding up, and if they fail to pass such a resolution, the Court may appoint an administrator;	4° lorsqu'une société à durée limitée est dissoute en vertu de l'alinéa 1º et qu'aucun administrateur n'est désigné dans le mémorandum et les statuts de la société pour agir, les actionnaires de la société dissoute désignent par résolution, un administrateur aux fins de la liquidation, et s'ils ne parviennent pas à adopter une telle résolution, une juridiction peut nommer un administrateur ;
5° mu gace ka 1º, umuyobozi bisobanuye ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu washyizweho n'Inama y'Ubutegetsi;	5° under item 1º, "administrator" includes a director or such other person as may be appointed by the Board of directors;	5° au point 1º, « administrateur » signifie un administrateur ou toute autre personne pouvant être nommés par le Conseil d'administration ;
6° umuyobozi uvugwa mu gace ka 1º k'iyi	6° the administrator referred to in item 1°	6° l'administrateur visé au point 1º du

ngingo ntagomba kuba ucunga ibihombo by'amasosiyete wanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ryerekeye igihombo cy'isosiyete.	of this Article needs not be a registered insolvency practitioner under the insolvency Law.	présent article ne doit pas être un professionnel d'insolvabilité enregistré en vertu de la loi sur l'insolvabilité.
<u>Ingingo ya 262</u>: Gukuraho iyandikwa ry'isosiyete y'igihe kigenwe	**<u>Article 262</u>: Cancellation of registration of a limited life company**	**<u>Article 262</u>: Annulation de l'enregistrement d'une société à durée limitée**
Isosiyete ireka kuba isosiyete y'igihe gito iyo:	A company ceases to be a limited life company where:	Une société cesse d'être une société à durée limitée lorsque :
1° Umwanditsi Mukuru akuye izina ryayo mu gitabo;	1° the Registrar General removes its name from the register;	1° le Registraire général radie son nom du registre;
2° Isosiyete ifashe umwanzuro wo guhindura inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro byayo, igamije guteganya igihe cy'iyo sosiyete kirenze cyangwa gishobora kurenga imyaka ijana na mirongo itanu (150) ibarwa guhera igihe yashyiriweho.	2° the company passes a resolution to alter its memorandum and articles of association to provide for a period of duration for the company that exceeds or is capable of exceeding one hundred and fifty (150) years from the date of its incorporation.	2° la société adopte une résolution pour modifier son mémorandum et ses statuts afin de prévoir une durée pour la société qui dépasse ou est susceptible de dépasser cent cinquante (150) ans à compter de la date de sa constitution.
Ku isosiyete iretse kuba isosiyete y'igihe kigenwe:	On a company ceasing to be a limited life company:	Lorsqu'une société qui cesse d'être une société à durée limitée :
1° Umwanditsi Mukuru agomba, mu gihe isosiyete iretse kuba isosiyete y'igihe kigenwe hakurikijwe agace ka 2º, kandi imaze kwishyura umusoro wagenwe, kwandika impinduka ku cyemezo cyo gushinga isosiyete kugira ngo yuzuze ibijyanye n'imiterere yayo mishya;	1° the Registrar General must, where the company has ceased to be a limited life company by in accordance with item 2º, on payment of the prescribed fee, record the alteration on the certificate of incorporation in order to meet the circumstances of the case;	1° le Registraire général doit, lorsque la société a cessé d'être une société à durée limitée en vertu du point 2º sur paiement de la taxe prescrite, inscrire la modification au certificat de constitution afin de répondre aux circonstances de l'espèce;

2° icyemezo cyatanzwe hashingiwe ku iyandikwa ry'isosiyete y'igihe kigenwe.	2° the certificate issued by virtue of registration as a limited life company.	2° le certificat délivré en vertu d'enregistrement en tant que société à durée limitée.
Icyemezo gifashwe hakurikijwe agace ka 2º k'igika cya mbere cy'iyi ngingo nta gaciro kigira kugeza igihe Umwanditsi Mukuru atangiye icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete hakurikijwe agace ka 1º k'igika cya 2.	A resolution passed for the purpose of item 2º of Paragraph One of this Article has no effect until a certificate of incorporation is issued by the Registrar General under item 1º of Paragraph 2.	Une résolution adoptée aux fins du point 2° de l'alinéa premier du présent article n'a aucun effet jusqu'à la délivrance du certificat de constitution par le Registraire général en vertu du point 1° de l'alinéa 2.
Icyiciro cya 2: Isosiyete idakora	**Section 2: Dormant company**	**Section 2: Société en veilleuse**
Ingingo ya 263: Ibisobanuro by'isosiyete idakora	**Article 263: Definition of a dormant company**	**Article 263: Définition de la société en veilleuse**
Isosiyete yitwa isosiyete idakora igihe cyose imara nta gikorwa cy'ibaruramari kigaragara gikozwemo.	A company is a dormant company for any period during which no significant accounting transaction occurs.	Une société est dite en veilleuse pour toute période au cours de laquelle aucune opération comptable importante n'a lieu.
Ingingo ya 264: Isosiyete ifatwa nk'isosiyete idakora	**Article 264: A company considered to be dormant**	**Article 264: Société considérée comme étant en veilleuse**
Isosiyete ifatwa nk'isosiyete idakora iyo:	A company is deemed to be dormant where it:	Une société est réputée être en veilleuse lorsqu'elle :
1° idakora kuva yashyirwaho;	1° has been dormant from the time of its formation;	1° est en veilleuse depuis sa création;
2° yaretse gukora kuva igihe fatizo cyayo cya	2° has been dormant since the end of its	2° a été en veilleuse depuis la fin de son

nyuma cy'ibaruramari cyarangiraga; ikaba itarasabwe umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane b'isosiyete gutegura raporo zayo z'ibaruramari z'icyo gihe.	previous accounting period; and is not required to prepare accounts for that period, by a special resolution of shareholders.	dernier exercice comptable ; et il ne lui a pas été demandé, par une résolution spéciale des actionnaires, de préparer des rapports comptables pour cet exercice.
Ingingo ya 265: Kutitwa isosiyete idakora	**Article 265: Non-declaration as a dormant company**	**Article 265: Ne pas se déclarer société en veilleuse**
Isosiyete itanga serivise z'imari ntishobora kwitwa isosiyete idakora.	A company that carries out banking activities cannot be declared a dormant company.	Une société qui exerce des activités bancaires ou d'assurances ne doit pas être déclarée société en veilleuse.
Ingingo ya 266: Imenyekanisha ry'isosiyete idakora	**Article 266: Notice by a dormant company**	**Article 266: Notification par une société en veilleuse**
Isosiyete igomba, mu minsi cumi n'itanu (15) hafashwe umwanzuro udasanzwe uyigira isosiyete idakora, kumenyesha Umwanditsi Mukuru uwo mwanzuro.	The company must, within fifteen (15) days of the passing of the special resolution declaring it to be a dormant company, give notice to the Registrar General of that resolution.	La société doit, dans les quinze (15) jours de l'adoption de la résolution spéciale la déclarant société en veilleuse, aviser le Registraire général de cette résolution.
Ingingo ya 267: Imenyekanisha ry'isosiyete yongeye gukora	**Article 267: Notice of a company which ceases to be dormant**	**Article 267: Notification d'une société qui a cessé d'être en veilleuse**
Iyo isosiyete yari yaramenyesheje ko idakora yongeye gukora igomba kubimenyesha Umwanditsi Mukuru mbere yo gutangira imirimo yayo.	Where a company which has declared to be a dormant company ceases to be dormant, it must give a notice thereto to the Registrar General before starting its business.	Lorsqu'une société qui a déclaré être en veilleuse cesse de l'être, elle doit en donner avis au Registraire général avant de commencer ses activités.
Ingingo ya 268: Ibyo amasosiyete adakora	**Article 268: Exemption for dormant**	**Article 268: Exemption pour les sociétés en**

asonerwa	**companies**	**veilleuse**
Isosiyete yose yanditswe ko idakora ntigomba gukorerwa igenzuramutungo kuri raporo yayo y'ibaruramari no kwishyura amafaranga yose asabwa ajyanye n'uko isosiyete imeze.	Any company, which is registered as being a dormant company, is exempted from the requirement of having its accounts audited and from the payment of any prescribed fee as is relevant to its situation.	Lorsque la société est enregistrée comme société en veilleuse, elle est exonérée de l'obligation d'audit de ses comptes et du paiement de tout frais prescrit se rapportant à sa situation.
UMUTWE WA XIII: ISOSIYETE YITA KU NYUNGU ZA RUBANDA	**CHAPTER XIII: COMMUNITY BENEFIT COMPANY**	**CHAPITRE XIII : SOCIÉTÉ D'INTÉRÊT COMMUNAUTAIRE**
Ingingo ya 269: Intego y'isosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 269: Purpose of a community benefit company**	**Article 269 : Objectif d'une société d'intérêt communautaire**
Imwe mu ntego y'isosiyete yita ku nyungu za rubanda ni ukugira ingaruka nziza kuri rubanda no ku bidukikije, birebewe muri rusange, iba: 1° ihuye n'ingano n'ubwoko bw'ubucuruzi bw'iyo sosiyete; kandi 2° yarashyizweho n'uburyo bumwe n'ubwo isosiyete ikoreramo. Inyandiko zishingwa ry'isosiyete yita ku nyungu za rubanda zishobora kandi kugaragaza imwe cyangwa nyinshi mu ntego zifitiye rubanda akamaro zikurikira nk'impamvu zatuma isosiyete yita ku nyungu za rubanda ishingwa:	One of the purposes of every community benefit company is to have a positive impact on society and the environment, taken as a whole, that is: 1° proportionate to the size and nature of the business of the company; and 2° created by the manner in which the company is operated. The incorporation documents of a community benefit company may also identify one or more of the following social objectives that it is a purpose of the community benefit company:	L'un des objectifs de chaque société d'intérêt communautaire est d'avoir un impact positif sur la société et l'environnement, pris dans leur ensemble, qui est: 1° proportionné à la taille et à la nature de l'activité commerciale de cette société; et 2° créé par la manière dont la société est exploitée. Les documents constitutifs d'une société d'intérêt communautaire peuvent également définir un ou plusieurs des objectifs sociaux suivants que la société d'intérêt communautaire vise:

1° guha abantu binjiza bike cyangwa abantu cyangwa imiryango babona ibintu bike, ibikoresho na serivisi bibafitiye akamaro; 2° guteza imbere amahirwe mu bukungu ku bantu cyangwa imiryango birenze biri hejuru yo guhanga imirimo mu gihe gisanzwe cy'ibikorwa; 3° kubungabunga no guteza imbere ibidukikije; 4° guteza imbere ubuzima bw'abantu; 5° guteza imbere ubugeni, siyansi no kuzamura ubumenyi; 6° gutanga indi nyungu yose yihariye kuri rubanda no kubidukikije. Kugaragaza intego yihariye yo guteza imbere rubanda mu nyandiko yishinga ry'isosiyete yita ku nyungu za rubanda ntibibuza ko isosiyete iharanira inyungu za rubanda igira ingaruka nziza kuri rubanda no ku bidukikije bifatiwe hamwe. Iteka rya Minisitiri rigena ibirebana n'inyungu zigarukira abanyamigabane ba sosiyete yita ku nyungu za rubanda n'ibisabwa kugira ngo bazihabwe.	1° providing low-income or underserved individuals or communities with beneficial products or services; 2° promoting economic opportunity for individuals or communities beyond the creation of jobs in the normal course of business; 3° conserving and promoting the environment; 4° improving human health; 5° promoting the arts, sciences and advancement of knowledge; 6° conferring any other particular benefit on society or the environment. The identification of a specific social objective in a community benefit company's incorporation documents does not limit the purpose of the company to have a positive impact on society and the environment taken as a whole. An Order of the Minister determines benefits accruing to the community benefit company's shareholders and requirements to be eligible to such benefits.	1° fournir aux individus ou communautés à faible revenu ou desservies des produits ou services bénéfiques; 2° promouvoir les opportunités économiques pour les individus ou les communautés au-delà de la création d'emplois dans le cours normal des activités; 3° sauvegarder et promouvoir l'environnement; 4° améliorer la santé humaine; 5° promouvoir les arts, les sciences et l'avancement des connaissances; 6° conférer tout autre avantage particulier à la société ou à l'environnement. L'identification d'un objectif social spécifique dans les documents constitutifs d'une société d'intérêt communautaire ne limite pas l'objectif de la société d'avoir un impact positif sur la société et l'environnement dans son ensemble. Un arrêté du Ministre détermine les avantages revenant aux actionnaires d'une société d'intérêt communautaire et les conditions requises pour être éligibles à ces avantages.

Ingingo ya 270: Kwemeza icyiciro cy'isosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 270: Adoption of community benefit company status**	**Article 270: Adoption du statut de société d'intérêt communautaire**
Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane cyangwa isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane yitwa isosiyete yita ku nyungu za rubanda iyo biteganyijwe mu mategeko shingiro yayo.	A private company or a public company also has the status of a community benefit company if its incorporation documents include a statement that the company is a community benefit company.	Une société privée ou une société publique a également le statut de société d'intérêt communautaire si ses documents constitutifs incluent une déclaration selon laquelle la société est une société d'intérêt communautaire.
Kwemeza ko isosiyete isanzwe yanditse ihinduka isosiyete yita ku nyungu za rubanda byemezwa n'umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane.	The statement that a company that is already registered is a community benefit company is adopted by shareholders' special resolution.	La déclaration selon laquelle une société déjà enregistrée est une société d'intérêt communautaire est adoptée par une résolution spéciale des actionnaires.
Ingingo ya 271: Guhindura icyiciro cy'isosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 271: Change of community benefit company status**	**Article 271: Changement de statut de société d'intérêt communautaire**
Isosiyete yita ku nyungu za rubanda, ishobora guhindura icyiciro cyayo iyo abanyamigabane batoye umwanzuro udasanzwe uhindura inyandiko z'ishingwa ryayo.	A community benefit company may change its status when its shareholders adopt a special resolution altering its incorporation documents.	Une société d'intérêt communautaire peut changer son statut lorsque ses actionnaires adoptent une résolution spéciale modifiant ses documents constitutifs.
Ingingo ya 272: Inshingano z'abagize inama y'ubutegetsi ya sosiyete yita ku nyungu za rubanda	**Article 272: Duties of directors of a community benefit company**	**Article 272: Fonctions des administrateurs d'une société d'intérêt communautaire**
Mu kurangiza inshingano z'ibanze ziteganyijwe mu ngingo ya 147 y'iri tegeko, ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete yita ku nyungu za rubanda agomba kwita ku ngaruka	In discharging the fundamental duties under Article 147 of this Law, a director of a community benefit company must consider the effects of any action or inaction on:	Dans l'accomplissement des devoirs fondamentales prévus à l'article 147 de la présente loi, un administrateur d'une société d'intérêt communautaire doit prendre en

zo gukora cyangwa kudakora bishobora kugira:		considération les effets de toute action ou inaction sur:
1° ku banyamigabane;	1° the shareholders;	1° les actionnaires;
2° ku bakozi b'isosiyete n'abafatanyabikorwa b'isosiyete;	2° the employees and work force of the company and its stakeholders;	2° les employés et la main-d'œuvre de la société et de ses parties prenantes;
3° ku nyungu z'abakiliya cyangwa abagenerwa bikorwa;	3° the interests of customers or beneficiaries;	3° les intérêts des clients ou les bénéficiaires;
4° ku mpamvu za rubanda zigizwe n'iza buri muryango aho biro n'amazu bya sosiyete cyangwa iby'abafatanyabikorwa bihereye;	4° community and societal factors, including those of each community in which offices or facilities of the company or its stakeholders are located;	4° les facteurs communautaires et sociétaux, y compris ceux de chaque communauté dans laquelle sont situés les bureaux ou les installations de la société ou de ses parties prenantes;
5° ku miterere y'akarere n'iy'isi muri rusange;	5° the local and global environment;	5° l'environnement local et mondial;
6° inyungu z'igihe kigufi n'iz'igihe kirekire z'isosiyete zishobora gukomoka ku igenamigambi ry'igihe kirekire rya sosiyete no kuba izo nyungu zakoreshwa mu mucyo;	6° the short-term and long-term interests of the company, including benefits that may accrue to the company from its long-term plans and the possibility that these interests may be best served with transparency;	6° les intérêts à court et à long terme de la société, y compris les avantages que la société peut retirer de ses plans à long terme et la possibilité que ces intérêts soient mieux servis avec transparence;
7° ubushobozi bw'isosiyete bwo kurangiza intego yihaye.	7° the ability of the company to accomplish its purposes.	7° la capacité de la société à atteindre ses objectifs.
Kuba ugize inama y'ubutegetsi ari umunyamigabane ntibituma agira inyungu	The status of a director as a shareholder does not make the director an interested party for	Le statut d'un administrateur en tant qu'actionnaire ne lui fait pas une partie

muri sosiyete ku birebana n'ingingo ya 166 y'iri tegeko hashingiwe ku cyemezo cyafashwe n'ugize inama y'ubutegetsi yubahirije iyi ngingo.	purposes of Article 166 of this Law with respect to a decision made by the director in respect of this Article.	intéressée aux fins de l'article 166 de la présente loi en ce qui concerne une décision prise par l'administrateur en vertu du présent article.
Icyakora, mu gihe ugize inama y'ubutegetsi ari n'umunyamigabane bishobora kugira ugize inama y'ubutegetsi ufite inyungu bwite muri sosiyete iyo sosiyete itaza kuba isosiyete yita ku nyungu za rubanda.	However, to the extent that the director is also a shareholder, it may make the director an interested party if the company were not a community benefit company.	Toutefois, dans le cas où l'administrateur est aussi actionnaire, il peut être une partie intéressée si la société n'était pas une société d'intérêt communautaire.
<u>Ingingo ya 273</u>: Raporo y'umwaka ku nyungu	**<u>Article 273</u>: Annual benefit report**	**<u>Article 273:</u> Rapport annuel sur les bénéfices**
Inama y'ubutegetsi y'isosiyete yita ku nyungu za rubanda igomba gushyira mu nyandiko zisabwa kugaragarizwa abanyamigabane hashingiwe ku ngingo ya 89 yiri tegeko raporo ikubiyemo ibisobanuro birambuye kuri ibi bikurikira:	The Board of Directors of a community benefit company must include with the documents required to be disclosed to shareholders under Article 89 of this Law a report that includes a narrative description of both:	Le Conseil d'administration d'une société d'intérêt communautaire doit joindre aux documents dont la communication aux actionnaires est requise en vertu de l'article 89 de la présente loi, un rapport qui comprend une description narrative de:
1° uburyo isosiyete yakurikiranye intego zayo hashingiwe ku ngingo ya 309 y'iri tegeko, no ku rugero intego sosiyete yihaye zagezweho;	1° the ways in which the company pursued its purposes under Article 309 of this Law and the extent to which those purposes were accomplished.	1° la manière dont la société a poursuivi ses objectifs en vertu de l'article 309 de la présente loi et la mesure dans laquelle ces objectifs ont été atteints;
2° impamvu yose yatumye intego zitagerwaho.	2° any circumstances that hindered the accomplishment of those purposes.	2° toutes circonstances ayant entravé la réalisation de ces objectifs.
Isosiyete yita ku nyungu za rubanda igomba gutangaza raporo z'umwaka ku nyungu zayo ku rubuga rwa Interineti iyo irufite. Iyo	The community benefit company must post all of its annual benefit reports on the public portion of its Internet website, if any. If the	Une société d'intérêt communautaire doit publier tous ses rapports annuels sur les bénéfices dans la partie publique de son site

isosiyete idafite urwo rubuga, igomba guha ku buntu umuntu wese uyisabye kopi ya raporo y'umwaka iheruka.	company does not have an Internet website, the company must provide a copy of its most recent annual benefit report to any person that requests a copy.	Internet, le cas échéant. Si la société ne possède pas de site Internet, elle doit fournir une copie de son rapport annuel le plus récent, à toute personne qui en fait la demande.
UMUTWE WA XIV: KWANDIKA, GUKURA MU BITABO NO KUGENZURA IMIKORERE Y'AMASOSIYETE	**CHAPTER XIV: REGISTRATION, REMOVAL FROM REGISTERS AND INSPECTION OF THE OPERATION OF COMPANIES**	**CHAPITRE XIV: ENREGISTREMENT, RADIATION DES REGISTRES ET INSPECTION DU FONCTIONNEMENT DES SOCIÉTÉS**
Icyiciro cya mbere: Kwandika inyandiko, ibitabo, urutonde rw'amasosiyete yanditse, kubika inyandiko n'igenzura	**Section One: Registration of documents, registers, index of registered companies, filing and inspections**	**Section première: Enregistrement de documents, index des sociétés enregistrées, classements et inspections**
Ingingo ya 274: Kwandika inyandiko	**Article 274: Registration of documents**	**Article 274: Enregistrement de documents**
Inshingano z'Umwanditsi Mukuru zirebana no kwandika inyandiko ziteganywa muri iri itegeko zikorwa n'ibiro by'Umwanditsi Mukuru.	The Registrar General's duties relating to registration of documents under this Law are carried out by the Registrar General's office.	Les attributions du Registraire général concernant l'enregistrement des documents en vertu de la présente loi sont accomplies par le bureau du Registraire général.
Ingingo ya 275: Kubika igitabo cy'amasosiyete	**Article 275: Register of companies**	**Article 275: Registre des sociétés**
Umwanditsi Mukuru abika igitabo cy'amasosiyete, cyandikwamo ibintu byose biteganywa n'iri tegeko cyangwa andi mategeko.	The Registrar General keeps a register of companies into which are entered all the matters prescribed under this Law or other Laws.	Le Registraire général conserve un registre des sociétés dans lequel sont inscrits toutes les matières prévues par la présente loi ou d'autres lois.
Umwanditsi Mukuru abika:	The Registrar General keeps:	Le Registraire général conserve:

1° ibimenyetso bijyanye n'igihe cy'amazina y'amasosiyete harimo izina rya buri sosiyete, n'umubare wayo wanditse;	1° an up-to-date index of the names of companies, including against each name of each company, its registered number;	1° un index mis à jour des noms des sociétés, y compris le numéro enregistré de chaque société contre le nom de ladite société;
2° amakuru ajyanye n'igihe n'amazina y'abayobozi bambuwe uburenganzira bwo kugabanya no kugurisha umutungo w'isosiyete, harimo buri zina, itariki y'icyemezo cy'urukiko cyambura uburenganzira n'igihe bigomba kumara.	2° an up-to-date index of the names of directors disqualified from being a liquidator, including against each name, the date of the disqualification order and its duration.	2° un index mis à jour des administrateurs frappés d'une interdiction d'être liquidateur, y compris chaque nom, la date et la durée de l'ordonnance d'interdiction.
Umwanditsi Mukuru abika igitabo cy'amasosiyete urutonde rw'amasosiyete yanditse mu buryo bwose, igihe cyose bishoboka ko amakuru arimo yagenzurwa kandi hagatangwa kopi yayo makuru ishobora gusomeka.	The Registrar General keeps the register of companies and indices in any form, provided it is possible to inspect the information in them and to produce a copy of the information in legible form.	Le Registraire général conserve le registre des sociétés et les index sous toute forme, à condition qu'il soit possible de vérifier les informations contenues dans lesdits registres et index et d'obtenir une copie lisible desdites informations.
Umwanditsi Mukuru akomeza kubika igitabo cy'amasosiyete na nyuma y'uko sosiyete ikuwe mu bitabo by'amasosiyete.	The Registrar General continues to keep the register of companies even after removal of a company from the register of companies.	Le Registraire général continue de conserver le registre des sociétés même après radiation d'une société du registre des sociétés.
<u>Ingingo ya 276</u>: Ibikorwa by'Umwanditsi Mukuru amaze kubona inyandiko	**<u>Article 276</u>: Actions by Registrar General upon receipt of documents**	**<u>Article 276</u>: Actions du Registraire général après réception des documents**
Amaze kubona inyandiko zisaba iyandikwa ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru :	On receipt of documents for registration of a company, the Registrar General:	Après réception de documents d'enregistrement d'une société, le Registraire général:
1° agaragaza itariki n'isaha yakiriyeho izo	1° marks the date and time of receipt of	1° mentionne la date et l'heure de réception

nyandiko;	the document;	du document;
2° yandika iyo nyandiko;	2° registers the document;	2° enregistre le document;
3° bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi amaze kubona iyo nyandiko, yohereza cyangwa aha isosiyete cyangwa undi muntu watanze inyandiko ibikurikira kandi mu buryo nyabwo:	3° no later than two (2) working days of receipt of the document, sends or gives to the company or other person who submitted the document any of the following in an appropriate way:	3° au plus tard deux (2) jours ouvrables suivant réception du document, envoie ou délivre à la société ou à toute autre personne qui a fourni le document l'un des éléments suivants d'une manière convenable:
a) inama yanditse mu bijyanye n'iyandikisha;	a) written advice of the registration;	a) un avis écrit relatif à l'enregistrement;
b) icyemezo cy'ishingwa giteganywa mu ngingo ya 23 y'iri tegeko cyangwa icyemezo cyo kwibumbira hamwe giteganywa mu ngingo ya 198 y'iri tegeko;	b) a certificate of incorporation under Article 23 of this Law or a certificate of amalgamation under Article 198 of this Law;	b) un certificat de constitution en vertu de l'article 23 de la présente loi ou un certificat de fusion en vertu de l'article 198 de la présente loi;
c) icyemezo kivuguruye cy'ishingwa ry'isosiyete.	c) an amended certificate of incorporation of a company.	c) un certificat de constitution modifié d'une société.
Iyo inyandiko yashyikirijwe Umwanditsi Mukuru:	If a document delivered to the Registrar General:	Lorsque le document transmis au Registraire général:
1° itanditse mu nyandiko iri mu buryo buteganyijwe;	1° is not in the prescribed form;	1° n'est pas dans la forme prescrite;
2° itujujwe neza;	2° is not duly completed;	2° n'est pas dûment rempli;
3° idaherekejwe no kwemera cyangwa izindi nyandiko ziteganyijwe muri iri tegeko;	3° is not accompanied by any consents or other documents required under this Law;	3° n'est pas accompagné de consentements ou d'autres documents exigés en vertu de la présente loi;

4° harimo ibintu bidasomeka neza;	4° contains any matter that is not clearly legible;	4° contient un quelconque élément qui n'est pas clairement lisible;
5° idaherekejwe n'amafaranga yagenwe;	5° is not accompanied by the prescribed fee;	5° n'est pas accompagné des frais prévus à cette fin ;
Umwanditsi Mukuru ashobora kutemera kwandika inyandiko kandi mu gihe cy'iminsi ibiri (2) y'akazi amaze kwakira izo nyandiko, amenyesha ko yabyanze isosiyete cyangwa undi muntu watanze iyo nyandiko, agatanga impamvu zatumye abyanga.	the Registrar General may refuse to register the document and shall forthwith, and within two (2) working days of receipt of the document, send or give written notice of the refusal to the company or other person who submitted the document, giving reasons for such refusal.	le Registraire général peut refuser d'enregistrer le document et, dans un délai de deux (2) jours ouvrables suivant réception dudit document, envoie ou délivre une notification écrite de refus à la société ou à toute personne qui a soumis le document, en indiquant les motifs dudit refus.
Inyandiko Umwanditsi Mukuru yanze kwandika ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ifatwa nkaho itigeze itangwa bikurikije iri tegeko.	A document which the Registrar General refuses to register under paragraph 2 of this Article is deemed not to have been duly delivered under this Law.	Le document pour lequel le Registraire général refuse l'enregistrement en vertu de l'alinéa 2 du présent article est réputé ne pas avoir été dûment transmis en vertu de la présente loi.
<u>Ingingo ya 277:</u> Ivugurura ry'icyemezo cy'inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete	**<u>Article 277:</u> Amendment of certificate of incorporation of a company**	**<u>Article 277:</u> Modification du certificat de constitution d'une société**
Iyo inyandiko ishyikirijwe Umwanditsi Mukuru yerekana ko isosiyete yahinduye izina, Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo kivugurura inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete kigaragaza umubare wihariye uranga isosiyete, itariki y'ishingwa ry'isosiyete, ivugurura ry'izina ry'isosiyete n'itariki y'ivugurura ry'isosiyete.	Where a document is delivered to the Registrar General showing that the company has changed its name, the Registrar General issues an amended certificate of incorporation stating the company's registered code, the company's date of incorporation, the amendment to the company's name and the date of the amendment.	Dans le cas d'un document transmis au Registraire général indiquant le changement de nom d'une société, le Registraire général délivre un certificat de constitution modifié indiquant le code enregistré d'une société, sa date de constitution, le changement de son nom et la date de la modification.

<u>Ingingo ya 278:</u> Igenzura ry'ibitabo n'urutonde rw'amasosiyete yanditse bibitswe n'Umwanditsi Mukuru	**<u>Article 278:</u> Inspection of registers and indices of registered companies kept by Registrar General**	**<u>Article 278:</u> Consultation des registres et index des sociétés enregistrées conservés par le Registraire général**
Umuntu ubifitemo inyungu amaze kwishyura amafaranga asabwa, ashobora kugenzura igitabo cy'isosiyete n'urutonde rw'abanyamigabane ba buri sosiyete kandi agasaba:	Any person, upon payment of the prescribed fee, may inspect the register of companies and the list of shareholders of each company and may require:	Toute personne peut, après paiement des frais prévus, consulter le registre des sociétés et la liste des actionnaires de chaque société et peut demander:
1° kopi yemejwe n'ikirango cy'Umwanditsi Mukuru mu buryo Umwanditsi Mukuru abona ko bukwiye, ku makuru yose ari muri iyo nyandiko;	1° a copy authenticated by the Registrar General's official seal in a form as the Registrar General considers appropriate, of any information contained in that document;	1° une copie authentifiée par le sceau officiel du Registraire général dans la forme que le Registraire général estime appropriée, de toute information contenue dans ledit document;
2° icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete gikozwe mu nyandiko yabugenewe iriho ikirango cy'Umwanditsi Mukuru.	2° a certificate of the incorporation of a company in the prescribed form authenticated by the Registrar General's official seal.	2° un certificat de constitution d'une société dans la forme prévue et authentifiée par le sceau officiel du Registraire Général.
Uburenganzira bwo kugenzura buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bushobora no kugera ku nyandiko z'umwimerere zibitswe n'Umwanditsi Mukuru gusa iyo amakuru ari ku zindi nyandiko adasomeka cyangwa adahari.	The right of inspection under Paragraph One of this Article extends to the originals of documents kept by the Registrar General only where the record kept by the Registrar General of the contents of the document is illegible or unavailable.	Le droit de consultation visé à l'alinéa premier du présent article s'étend aux originaux des documents conservés par le Registraire général uniquement lorsque les archives desdits documents conservés par le Registraire général soient illisibles ou indisponibles.
Kopi cyangwa agace gato kabanza by'inyandiko zibitswe n'Umwanditsi Mukuru, byemejwe n'ikirango cy'Umwanditsi Mukuru bishobora kwemerwa mu manza kandi bifite	A copy of, or extract from, a document kept by the Registrar General for the purposes of this Law, authenticated by the Registrar General's official seal is in all legal proceedings	Une copie ou un extrait d'un document conservé par le Registraire général aux fins d'application de la présente loi, authentifié par le sceau officiel du Registraire général est dans

agaciro kamwe nk'ak'inyandiko z'umwimerere.	admissible in evidence as of equal validity with the original document.	toutes les procédures recevable comme preuve comme s'il s'agissait du document original.
<u>Ingingo ya 279</u>: Amafaranga yishyurwa ku mirimo yakozwe n'Umwanditsi Mukuru	**<u>Article 279:</u> Fees payable for actions performed by the Registrar General**	**<u>Article 279</u>: Frais payables pour actes posés par le Registraire général**
Iteka rya Minisitiri rishobora gushyiraho amafaranga yishyurwa ku bikorwa bikurikira:	An Order of the Minister may establish fees payable for the following actions:	Un arrêté du Ministre peut établir les frais payables pour les actes suivants:
1° ibikorwa by'Umwanditsi Mukuru iyo yuzuza inshingano zivugwa muri iri tegeko harimo kwandika inyandiko;	1° the performance of the Registrar General's functions under this Law, including fees for registering a document;	1° l'exercice de ses fonctions en vertu de la présente loi, y compris les frais d'enregistrement d'un document;
2° gutanga amakuru ku nyandiko zibitswe n'Umwanditsi Mukuru;	2° providing information on documents kept by the Registrar General;	2° offre d'information sur les documents conservés par le Registraire général;
3° amafaranga y'igihano kubera kudaha inyandiko Umwanditsi Mukuru mu gihe giteganyijwe n'iri tegeko.	3° penalty fees for failure to deliver a document to the Registrar General within the time prescribed by this Law.	3° frais de sanction pour défaut de transmission d'un document au Registraire général dans les délais prévus par la présente loi.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Ikurwa ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**<u>Section 2:</u> Removal of a company from the register**	**<u>Section 2:</u> Radiation d'une société du registre**
<u>Ingingo ya 280</u>: Ingaruka zo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**<u>Article 280:</u> Effect of removal of a company from the register**	**<u>Article 280</u>: Effet de la radiation d'une société du registre**
Isosiyete iba itakiriho iyo yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete.	A company ceases to exist when it is removed from the register.	Une société cesse d'exister lorsqu'elle est radiée du registre.

Ikurwa ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete ntirigira inkurikizi ku byo uwahoze ari ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umunyamigabane cyangwa undi muntu wese baryozwa kubera ibyo bakoze cyangwa batakoze byabayeho mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete. Ibyo baryozwa birakomeza kandi bashobora kubiryozwa nk'aho isosiyete itigeze ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	The removal of a company from the register of companies does not affect the liability of any former director or shareholder of the company or any other person in respect of any act or omission that took place before the company was removed from the register and that liability continues and may be enforced as if the company had not been removed from the register.	La radiation d'une société du registre des sociétés n'affecte pas la responsabilité de tout ancien administrateur ou actionnaire de la société ou de toute autre personne à l'égard de tout acte ou omission survenue avant que la société ne soit radiée du registre et cette responsabilité continue et peut être appliquée comme si la société n'avait pas été radiée du registre.
<u>Ingingo ya 281</u>: Impamvu zituma isosiyete ikurwa mu gitabo	**<u>Article 281:</u> Grounds for removal of a company from the register**	**<u>Article 281</u>: Motifs de radiation d'une société du registre**
Umwanditsi Mukuru akura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete iyo:	The Registrar General removes a company from the register if:	Le Registraire général radie une société du registre si:
1° isosiyete n'isosiyete ishaka gukomatanya iyindi kurusha kuba ikomatanyijwe kandi kuri uwo munsi Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo cy'ikomatanya;	1° the company is an amalgamating company other than an amalgamated company and, on the same day, the Registrar General issues a certificate of amalgamation;	1° cette société est une société fusionnante autre qu'une société issue de la fusion et, le même jour, le Registraire général délivre un certificat de fusion;
2° Umwanditsi Mukuru yemera ko:	2° the Registrar General is satisfied that:	2° le Registraire général est convaincu que:
a) isosiyete yahagaritse ibikorwa byayo kandi ko nta mpamvu ifatika ko sosiyete yakomeza kubaho;	a) the company has ceased to carry on business and there is no proper reason for the company to continue in existence;	a) la société a cessé ses activités et il n'y a aucune raison valable pour que la société continue d'exister;
b) isosiyete yananiwe kwishyura amafaranga yishyurwa ateganyijwe	b) the company has failed to pay fees due to the Registrar General under this Law;	b) la société n'a pas payé les frais dus au Registraire général en vertu de la

n'iri tegeko;		présente loi;
c) isosiyete itatanze raporo y'umwaka ku nyungu nk'uko bisabwa n'iri tegeko;	c) the company has not filed its annual return as required under this Law;	c) la société n'a pas déposé sa déclaration annuelle comme l'exige la présente loi;
3° Umwanditsi Mukuru yakiriye ubusabe mu nyandiko yagenwe iturutse ku:	3° the Registrar General receives a request, in a form approved by him or her, from:	3° le Registraire général reçoit une demande sous une forme qu'il a approuvé, de la part de ceux qui suivent :
a) Umunyamigabane wemerewe gukora ubusabe binyuze mu mwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora kandi batora kuri iyo ngingo;	a) a shareholder authorised to make the request by a special resolution of shareholders entitled to vote and voting on the question;	a) un actionnaire autorisé à faire la demande par une résolution spéciale des actionnaires ayant le droit de voter et qui participent au vote sur la question;
b) Inama y'ubutegetsi cyangwa undi muntu wese, iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zibyemera ko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete hashingiye ku mpamvu ziteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo; cyangwa	b) the Board or any other person, where the incorporation documents of the company so requires or permits, that the company be removed from the register on the grounds set out in paragraph 2 of this Article;	b) le Conseil ou toute autre personne, lorsque les documents constitutifs de la société l'exigent ou le permettent, que la société soit radiée du registre pour les motifs énoncés à l'alinéa 2 du présent article;
4° hatanzwe ubusabe ku Mwanditsi Mukuru bwo gukura isosiyete iri mu gihombo mu gitabo cy'amasosiyete kandi nta muntu ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo washyizweho cyangwa ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo washyizweho yananiwe gutanga ku Mwanditsi Mukuru inyandiko zisabwa	4° there is delivered to the Registrar General an application for removal of an insolvent company from register and no liquidator is acting in relation to that company or the liquidator appointed fails to deliver to the Registrar General the documents required to be filed under the law relating to insolvency;	4° il est remis au Registraire général une demande de radiation d'une société insolvable du registre et aucun liquidateur n'agit à l'égard de cette société ou le liquidateur désigné omet de remettre au Registraire général les documents qui doivent être déposés en vertu de la loi relative à l'insolvabilité;

ziteganywa n'itegeko ryerekeye igihombo cy'isosiyete;		
5° ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo w'isosiyete yohereza raporo ya nyuma ku Mwanditsi Mukuru n'imibare ya nyuma ku gihombo n'inyandiko isabwa hashingiwe ku itegeko ryerekeye igihombo cy'isosiyete.	5° a liquidator delivers to the Registrar General the final report and final accounts of the liquidation and the statement required by the law governing insolvency.	5° un liquidateur remet au Registraire général le rapport final et les comptes définitifs de la liquidation et la déclaration requise par la loi régissant l'insolvabilité.
Gusaba ko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete hashingiye ku gace ka 3^0 k'igika cya mbere bishobora gukorwa ku mpamvu:	A request that a company be removed from the register under item 3^0 of paragraph one, may be made on the grounds:	Une demande de radiation d'une société du registre en vertu du point 3^0 du premier alinéa peut être faite aux motifs:
a) ko isosiyete yahagaritse gukora imirimo, yishyuye uburyoze bwose ku bantu bafitiwe umwenda bazwi kandi haragabanywe umutungo usagutse hashingiwe ku nyandiko ziyandikisha n'iri tegeko, cyangwa	a) that the company has ceased to carry on business, has discharged in full its liabilities to all its known creditors and has distributed its surplus assets in accordance with its incorporation documents and this Law; or	a) que la société a cessé ses activités, s'est entièrement acquittée de ses obligations envers tous ses créanciers connus et a distribué son excédent d'actif conformément à ses documents constitutifs et à la présente loi; ou
b) ko isosiyete idafite umutungo usaguka nyuma yo kwishyura amadeni yose cyangwa igice kandi ntawuberewemo umwenda waregeye urukiko asaba ko sosiyete iseswa;	b) that the company has no surplus assets after paying its debts in full or in part, and no creditor has applied to the Court for an order putting the company into liquidation;	b) que la société ne dispose d'aucun excédent d'actif après avoir payé en totalité ou en partie ses dettes et qu'aucun créancier n'a saisi la juridiction pour une ordonnance mettant la société en liquidation;
c) gusaba ko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete biherekejwe n'inyandiko	c) a request that a company be removed from the register is accompanied by a written	c) une demande de radiation d'une société du registre est accompagnée d'un avis

y'Ikigo cy'imisoro n'amahoro ivuga ko nta kibazo cyo kuba isosiyete yakurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	notice from the Rwanda Revenue Authority stating that there is no objection to the company being removed from the register.	écrit de l'Office rwandais des Recettes indiquant qu'il n'y a pas d'objection à ce que la société soit radiée du registre.
Umwanditsi Mukuru akura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete hashingiwe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo iyo gusa:	The Registrar General removes a company from the register under paragraph one of this Article only when:	Le Registraire général radie une société du registre en vertu du premier alinéa du présent article uniquement lorsque:
1° yatanze inyandiko igaragaza umugambi wo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete;	1° he or she has given notice of intention to remove the company from the register;	1° il a notifié son intention de radier la société du registre;
2° yemera ko:	2° he or she is satisfied that:	2° il est convaincu:
a) nta muntu n'umwe watambamiye iryo kurwa mu gitabo cy'amasosiyete;	a) no person has objected to the removal;	a) qu'aucune personne ne s'est opposée à la radiation;
b) yashyize mu bikorwa inshingano zisabwa n'ingingo ya 283 y'iri tegeko niba hari itambamira ku ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	b) he or she has complied with the provisions of Article 283 of this Law in case of objection to the removal of the company from the register of companies.	b) il s'est conformé aux dispositions de l'article 283 de la présente loi en cas d'objection à la radiation de la société du registre des sociétés.
<u>Ingingo ya 282</u>: Itangazwa ry'icyifuzo cyo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete	**<u>Article 282:</u> Notice of intention to remove a company from register**	**<u>Article 282:</u> Notification de l'intention de radiation du registre**
Iyo Umwanditsi Mukuru abona ko:	Where the Registrar General:	Lorsque le Registraire général:
1° hari impamvu zigaragaza ko isosiyete yahagaritse ibikorwa byayo by'ubucuruzi	1° has reason to believe that a company has ceased to carry on business and	1° a raison de penser qu'une société a cessé ses activités commerciales et devrait être

ikaba igomba gukurwa mu gitabo nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 346 y'iri tegeko;	ought to be removed from the register under Article 346 of this Law;	radiée du registre en vertu de l'article 346 de la présente loi;
2° yakiriye ubusabe bwo kuvanwaho mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi;	2° received an application for removal of a company in commercial recovery;	2° reçoit une demande de radiation d'une société en redressement commercial;
3° yakiriye ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete.	3° received a liquidator.	3° reçoit un liquidateur.
Iyo Umwanditsi Mukuru ateganya kuvana isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete ku mpamvu zavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Umwandisti Mukuru aha inyandiko imenyesha:	Where the Registrar General intends to remove a company from the register on the ground referred to in Paragraph One of this Article, the Registrar General gives notice to:	Lorsque le Registraire général a l'intention de radier une société du registre des sociétés pour les motifs visés au premier alinéa du présent article, le Registraire général notifie :
1° isosiyete;	1° the company;	1° la société;
2° umuntu wishingiwe ufite inyungu zandikishije zirebana n'umutungo w'isosiyete;	2° any secured party who has a registered interest in relation to any property of the company;	2° tout créancier garanti ayant un droit enregistré par rapport à tout bien de la société;
3° Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro.	3° the Rwanda Revenue Authority.	3° l'Office rwandais des Recettes.
Umwanditsi Mukuru mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) atanga inyandiko rusange imenyesha abavuzwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.	The Registrar General, within a period not exceeding thirty (30) days, gives public notice to those specified in Paragraph 2 of this Article.	Le Registraire Général, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours, émet un avis public à ceux qui sont visés à l'alinéa 2 du présent article.
Inyandiko imenyesha ko isosiyete igiye gukurwa mu gitabo igomba kugaragaza:	The notice to remove a company from the register must specify:	La notification de radiation d'une société du registre doit préciser:

1° izina n'umubare wanditse w'isosiyete n'icyicaro cyayo; 2° ingingo ivuga impamvu Umwanditsi Mukuru ateganya ko sosiyete ivanwa mu gitabo cy'amasosiyete; 3° itariki yo kwanga gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete yohererezwa cyangwa igashyikirizwa Umwanditsi Mukuru, kandi ntibigomba kuba munsi y'iminsi makumyabiri (20) y'akazi nyuma y'itariki y'inyandiko imenyesha.	1° the name and registered code of the company and its registered office; 2° the article stating the grounds on which the Registrar General proposes to remove the company from the register of companies; 3° the date of an objection to the removal from the register is sent or delivered to the Registrar General, and which is not less than twenty (20) working days after the date of the notice.	1° le nom et le code enregistré d'une société et son siège social; 2° l'article indiquant les motifs pour lesquels le Registraire général propose de radier la société du registre des sociétés; 3° la date de l'opposition à la radiation du registre est envoyée ou remise au Registraire général, ce délai n'est pas inférieur à vingt (20) jours ouvrables suivant la date de la notification.
<u>Ingingo ya 283</u>: Impamvu zo gutambamira ikurwa ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete Iyo Umwanditsi Mukuru atanze inyandiko imenyesha icyifuzo cyo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete cyatanzwe, umuntu uwo ari we wese ashobora gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko itambamira ikurwa mu gitabo mu gihe giteganijwe n'icyifuzo, ku mpamvu z'uko: 1° isosiyete igikora imirimo y'ubucuruzi;	**<u>Article 283:</u> Grounds for objecting to removal of a company from the register of companies** Where the Registrar General gives notice of an intention to remove a company from the register of companies, any person may deliver to the Registrar General, not later than the date specified in the notice, an objection to the removal from the register on the grounds that: 1° the company is still carrying on business;	**<u>Article 283</u>: Motifs d'opposition à la radiation d'une société du registre des sociétés** Lorsque le Registraire général notifie son intention de radier une société du registre des sociétés, quiconque est intéressé peut lui transmettre, au plus tard à la date stipulée dans la notification, une opposition à la radiation du registre au motif que: 1° la société continue à mener des activités commerciales;

2° isosiyete ari umwe mu baburanyi mu rubanza;	2° the company is a party to legal proceedings;	2° la société est engagée dans des procédures judiciaires;
3° isosiyete iri mu gihe cyo kwishyura abo ibereyemo imyenda bose bigenwe n'urukiko cyangwa iri mu gihe cy'igabanamutungo nyuma y'iseswa cyangwa byombi;	3° the company is in receivership, liquidation or both;	3° la société est mise sous séquestre, en liquidation ou les deux à la fois;
4° umuntu ari uberewemo umwenda n'isosiyete cyangwa umunyamigabane w'isosiyete, cyangwa umuntu isosiyete itari yishyura umwenda imufitiye;	4° that the person is a creditor, a shareholder or any other person who has an undischarged claim against the company;	4° la personne est un créancier, un actionnaire ou toute autre personne ayant une réclamation non libérée contre la société;
5° umuntu yemera neza ko afite uburyo buteganywa n'amategeko kugira ngo arege mu rukiko nk'uko biteganywa muri iri tegeko ;	5° that the person believes that he or she has a right of action to pursue under provisions of this Law;	5° la personne estime qu'elle a le droit de poursuite en vertu de la présente loi ;
6° kubera indi mpamvu iyo ari yo yose, yagaragaza ko isosiyete idakwiye gukurwa mu gitabo.	6° that for any other reason it would not be just and equitable to remove the company from the register.	6° pour tout autre raison, il ne serait pas juste et équitable de radier la société du registre.
Hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo:	For the purposes of Paragraph one of this Article:	Aux fins d'application de l'alinéa premier du présent article:
1° umwenda w'uberewemo umwenda n'isosiyete ntuba umwenda utarishyurwa iyo:	1° a claim by a creditor against the company is not an undischarged claim where:	1° une revendication d'un créancier contre une société ne constitue pas une réclamation non acquittée lorsque:
a) umwenda wishyuwe;	a) the claim has been paid;	a) la créance a été payée;

b) umwenda wishyuwe igice byumvikanyweho cyangwa hari ukundi byabazwe ku buryo uberewemo umwenda abyemera;	b) the claim has been paid in part under a compromise or by being otherwise compounded to the reasonable satisfaction of the creditor;	b) la créance a été payée en partie aux termes d'un compromis ou autrement dans le cadre d'un arrangement raisonnable acceptable pour le créancier;
c) umwenda wishyuwe wose cyangwa igice bikozwe n'uwashyizweho kugira ngo acunge imitungo y'isosiyete iri mu gihombo cyangwa ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo mu gihe kwishyura abo ibereyemo imyenda bose bigenwe cyangwa kugabanya umutungo;	c) the claim has been paid in full or in part by a receiver or a liquidator in the course of a completed receivership or liquidation;	c) la créance a été payée en totalité ou en partie par un séquestre ou un liquidateur dans le cadre d'une mise sous séquestre ou d'une liquidation clôturée;
d) uwashyizweho kugira ngo acunge umutungo w'isosiyete iri mu gihombo cyangwa ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo yamenyesheje uberewemo umwenda ko umutungo w'isosiyete udahagije kugira ngo yishyurwe;	d) a receiver or liquidator has notified the creditor that the assets of the company are not sufficient to enable any payment to be made to the creditor;	d) un séquestre ou un liquidateur a notifié le créancier que les actifs de la société ne sont pas suffisants pour permettre de désintéresser le créancier;
2° umwenda w'umunyamigabane cyangwa undi muntu wese uberewemo umwenda n'isosiyete ntuba umwenda utarishyurwa iyo:	2° a claim by a shareholder or any other creditor is not undischarged where:	2° une revendication de la part d'un actionnaire ou de toute autre créancier ne constitue pas une réclamation non acquittée lorsque:
a) umunyamigabane yishyuwe cyangwa umuntu ku bijyanye n'uburenganzira ku nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zivugwa muri iri tegeko kandi agahabwa cyangwa akagabana	a) payment has been made to the shareholder or that person in accordance with any right under the company's incorporation documents and this Law to receive or share in any of the company's surplus assets;	a) le paiement a été effectué audit actionnaire ou à ladite personne conformément à tout droit en vertu des documents constitutifs de la société et la présente loi pour recevoir l'excédent

umutungo w'isosiyete wasagutse;		d'actif de la société ou y en recevoir une partie;
b) uwashyizweho kugira ngo acunge umutungo w'isosiyete iri mu gihombo cyangwa ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo yamenyesheje umunyamigabane cyangwa undi muntu ko isosiyete nta mutungo usaguka ifite.	b) a receiver or liquidator has notified the shareholder or that person that the company has no surplus assets.	b) un séquestre ou un liquidateur notifie ledit actionnaire ou ladite personne que la société n'a pas d'excédent d'actif.
<u>Ingingo ya 284</u>: Ibyo Umwanditsi Mukuru akora iyo agejejweho itambamira	**<u>Article 284</u>: Duties of Registrar General where objection received**	**<u>Article 284</u>: Responsabilités du Registraire général en cas de réception d'opposition**
Iyo itambamira ryo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete ryakozwe hakurikijwe ibiteganywa mu gace ka 1°, aka 2° cyangwa aka 3° tw'igika cya mbere cy'ingingo ya 283 y'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru ntakura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete keretse amaze kubona ko:	Where an objection to the removal of a company from the register is made on a ground specified in item 1°, 2° or 3° of Paragraph one of Article 283, the Registrar General does not proceed with the removal unless the Registrar General is satisfied that:	En cas d'opposition de radiation d'une société du registre pour les motifs visés aux points 1°, 2° ou 3 de l'alinéa premier de l'article 283, le Registraire général ne procède pas à ladite radiation sauf s'il est convaincu que:
1° itambamira ryakuweho;	1° the objection has been withdrawn;	1° ladite opposition a été retirée;
2° ibikorwa ibyo ari byo byose byatumye itambamira ribaho bitari ukuri;	2° any facts on which the objection is based are not, or are no longer, correct;	2° tous les faits sur base desquels ladite opposition est établie ne sont pas ou ne sont plus corrects;
3° itambamira ridafite agaciro cyangwa rigamije gutesha igihe.	3° the objection is frivolous or vexatious.	3° ladite opposition est frivole ou vexatoire.
Iyo itambamira ryo gukura isosiyete mu	Where an objection to the removal of a	En cas d'opposition de radiation d'une société

gitabo cy'amasosiyete ryakozwe hakurikijwe ibiteganywa mu gace ka 4º, aka 5º n'aka 6º tw'ingingo ya 281 y'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru ahagarika gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete, agasaba uwakoze itambamira kumushyikiriza mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimenyetso cy'uko yatanze ikirego mu rukiko arusaba ibi bikurikira:	company from the register is made on a ground specified in items 4º, 5º and 6º of Article 281 of this Law, the Registrar General stops the removal process and requests the person objecting to serve on the Registrar General, in a period not exceeding thirty (30) days, to provide his or her own notice of application to the court for an order:	du registre sur base des motifs précisés aux points 4, 5 et 6 de l'article 281 de la présente loi, le Registraire général interrompt la procédure de radiation et demande à l'auteur de l'opposition, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours, de pourvoir la notification de sa demande à la juridiction de rendre une décision ordonnant:
1° iyegeranya n'igabagabanya ry'umutungo w'isosiyete;	1° that the company be put into liquidation;	1° la mise en liquidation de ladite société;
2° gufata icyemezo cyo kudakura iyo sosiyete mu gitabo cy'amasosiyete.	2° the company not be removed from the register.	2° la radiation de ladite société du registre des sociétés.
Iyo uwakoze itambamira atubahirije ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Umwanditsi Mukuru akura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete.	Where an applicant for objection does not comply with the Paragraph 2 of this Article, the Registrar General removes the company from the register of companies.	Lorsqu'un demandeur d'opposition ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa 2 du présent article, le Registraire général radie la société du registre des sociétés.
Iyo uwakoze itambamira yatanze ikirego mu rukiko kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ariko akaba ataramenyesheje Umwanditsi Mukuru ko yatanze ikirego mu rukiko, yaretse ikirego cyangwa nyuma yo kwakira ikirego urukiko rukagitesha agaciro, Umwanditsi Mukuru akura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete.	Where an applicant for objection has made an application to the court referred to in Paragraph 2 of this Article without giving notice to the Registrar General that he or she has applied to the court, withdrawn the application or on the hearing of the application, the court refuses to grant it, the Register General removes the company from the register of companies	Lorsqu'un demandeur d'opposition a introduit une demande visée à l'alinéa 2 du présent article auprès d'une juridiction sans informer le Registraire général qu'il a saisi la juridiction, s'est désisté, retiré ou si, lors de l'audience, la juridiction refuse de faire droit à sa demande, le Registraire général radie la société du registre des sociétés.
Iyo hari uwasabye ko isosiyete ikurwa mu	Where there is an application for removal from	Lorsqu'il existe une demande de radiation du

gitabo cy'amasosiyete nyuma hakagira utambamira ubwo busabe, Umwanditsi Mukuru aha umuntu wese wamushyikirije inyandiko isaba gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete, inyandiko zikurikira: 1° kopi y'itambamira; 2° kopi y'inyandiko iyo ariyo yose ifitanye isano n'itambamira yatanzwe cyangwa yakiriwe n'Umwanditsi Mukuru; 3° iyo isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete, inyandiko ibimenyesha.	the register of companies and there is an objection to that application, the Registrar General serves on each applicant for removal from the register of companies the following documents: 1° a copy of any objection; 2° a copy of any notice given or served on the Registrar General under this Article; 3° if the company is removed from the register, notice of the removal.	registre des sociétés et qu'il y a une objection à cette demande, le Registraire général signifie à chaque demandeur de radiation du registre des sociétés les documents suivants: 1° une copie de toute opposition; 2° une copie de toute notification transmise ou signifiée au Registraire général en vertu du présent article; 3° en cas de radiation d'une société du registre, une notification de ladite radiation.
<u>Ingingo ya 285:</u> Ububasha bw'inkiko	**<u>Article 285</u>: Powers of court**	**<u>Article 285:</u> Pouvoirs de la juridiction**
Umuntu utanze inyandiko ihakana ikurwaho ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo cyo kudakura isosiyete mu gitabo. Ku busabe bw'icyemezo kivugwa mu gika cya mbere, Urukiko rumaze kwemera ko isosiyete idashobora gukurwa mu gitabo, rushobora gutanga icyemezo ko isosiyete idakurwa mu gitabo hashingiwe ku mpamvu zatangajwe imbere y'urukiko.	A person who gives a notice objecting to the removal of a company from the register of companies may apply to the Court for an order not to remove the company from the register. On an application for an order under Paragraph One, the Court may, on being satisfied that the company is not required to be removed from the register, make an order that the company is not removed from the register on the grounds and facts as stated before the Court.	Une personne qui donne un avis s'opposant à la radiation d'une société du registre des sociétés peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance interdisant la radiation de la société du registre. Sur demande d'ordonnance visée à l'alinéa premier, la juridiction peut, après être convaincue que la société ne doit pas être radiée du registre, ordonner que la société ne soit pas radiée du registre pour les moyens et les faits présentés devant la juridiction.

<u>Ingingo ya 286</u>: Umutungo w'isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete	**<u>Article 286:</u> Property of a company removed from register of companies**	**<u>Article 286:</u> Biens d'une société radiée du registre des sociétés**
Iyo mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete, umutungo uwo ari wo wose wari ufitwe n'iyo sosiyete utigeze utangwa cyangwa wihakanywe, uwo mutungo ufatwa nk'uwihakanywe kandi ubitswa Leta ukimara kuvanwa mu gitabo.	If, immediately prior to the removal of a company from the register of companies, any property vested in that company has not been distributed or disclaimed, the property is to be treated as unclaimed property and vested in the State upon removal of the company from the register.	Si, immédiatement avant la radiation d'une société du registre des sociétés, tous les biens dévolus à ladite société ne sont pas distribués ou ne font pas l'objet de renonciation, lesdits biens sont considérés comme des biens non réclamés et échoient à l'État après radiation de ladite société du registre.
Umutungo w'isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete ukubiyemo uburenganzira bukomoka ku bukode n'ubundi burenganzira bwose isosiyete yari ifite ku buryo buziguye cyangwa butaziguye mbere y'ivanwa mu gitabo ariko ntihakubiyemo ibintu by'undi muntu uwo ariwe wese bibitswe n'isosiyete yakuwe mu gitabo.	The property of the company removed from the register of companies includes leasehold property and all other rights vested in or held on trust for the former company, but does not include property held by the former company on trust for any other person.	Les biens de la société radiée du registre des sociétés comprennent les biens loués à bail et tous autres droits échéant à cette société ou tenus par fiducie pour son compte, à l'exception des biens tenus en fiducie par ladite société radiée pour le compte de toute autre personne.
Iyo kubitsa umutungo bivugwa muri iyi ngingo bikozwe n'inyandiko imenyesha y'Umwanditsi Mukuru atangaza inyandiko imenyesha y'ibitsa, ivuga izina rya sosiyete yakuwe mu gitabo n'ibigize umutungo ubitswa.	When the vesting of any property under this Article comes to the notice of the Registrar General, the Registrar General immediately gives public notice of the vesting, setting out the name of the former company and particulars of the property vesting.	En cas de dévolution des biens en vertu du présent article notifié au Registraire général, le Registraire général émet immédiatement un avis public de ladite dévolution, indiquant le nom de la société radiée et les détails des biens faisant l'objet de ladite dévolution.
Umwanditsi Mukuru ashobora kutemera uburenganzira bwo kubitsa Leta umutungo ubitswa Leta uvugwa muri iyi ngingo iyo abona ko utabyara inyungu.	The Registrar General may disclaim the State's title to any property vested in the State under this Article if the property is an onerous property.	Le Registraire général peut renoncer au droit de l'État à une propriété dont il a été mis en possession en vertu du présent article s'il s'agit d'une propriété onéreuse.

Umwanditsi Mukuru atanga ako kanya inyandiko imenyesha rubanda ko yawihakanye nk'uko bivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo.	The Registrar General immediately gives public notice of any disclaimer under paragraph 4 of this Article.	Le Registraire général lance immédiatement un avis public concernant la renonciation en vertu de l'alinéa 4 du présent article.
Iyo umutungo ubikijwe cyangwa ntubitswe Leta nk'uko biteganywa n'iyi ngingo, wihakanywe nk'uko biteganywa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo, umuntu uwo ariwe wese wagombaga guhabwa umutungo wose cyangwa igice cyawo cyangwa akishyurwa ibiwukomokaho byacungwaga n'isosiyete, ikimara gusibwa mu gitabo, umuntu wese uwusaba ashobora gusaba urukiko ko rubitegeka:	Whether or not any property vesting in the State under this Article is disclaimed under paragraph 4 of this Article, any person who would have been entitled to receive all or part of the property or payment from the proceeds of its realisation if it had been in the hands of the company immediately after its removal from the register, any person claiming for it may apply to the court for an order:	En cas de renonciation ou non, en vertu de l'alinéa 4 du présent article, aux biens échéant à l'État, toute personne qui aurait été en droit de recevoir tout ou partie de la propriété, ou un paiement sur le produit de sa réalisation, si elle avait été aux mains de la société immédiatement avant sa radiation du registre, ou toute autre personne faisant valoir ses droits sur ces biens, peut saisir la juridiction d'une requête en ordonnance:
1° kubitsa umutungo w'umuntu wose cyangwa igice cyawo;	1° vesting all or part of the property in that person;	1° mettant cette personne en possession de tout ou partie de ces biens;
2° guha uwo muntu bikozwe na Leta amafaranga arenga agaciro k'umutungo.	2° awarding that person an amount greater than the value of the property from the State.	2° l'octroi par l'État à ladite personne d'un montant supérieur à la valeur desdits biens.
Iyo habayeho ubusabe nk'uko biteganywa mu gika cya 6 cy'iyi ngingo, urukiko rushobora:	On an application made under paragraph 6 of this Article, the court may:	Saisie d'une requête en application des dispositions de l'alinéa 6 du présent article, la juridiction peut:
1° gufata icyemezo kijyanye n'agaciro k'umutungo wabikijwe Leta uvugwa muri iyi ngingo, uburenganzira bw'uwasabye ku mutungo cyangwa ku ndishyi	1° decide any question concerning the value of the property vesting in the State under this Article, the entitlement of any applicant to the property or to	1° statuer sur toute question concernant la valeur des biens dévolus à l'État en vertu du présent article, le droit de tout requérant aux biens ou à une indemnisation et le

n'igabagabanya ku mutungo cyangwa indishyi hagati y'ababisabye ari babiri cyangwa barenga;	compensation and the apportionment of any property or compensation among any two (2) or more applicants;	partage des biens ou de l'indemnisation entre deux (2) ou plusieurs requérants;
2° gutegeka ko imanza za babiri cyangwa barenga basabye zihuzwa;	2° order that the hearing of any two or more applications be consolidated;	2° ordonner que deux ou plusieurs demandes soient regroupées en une seule audience ;
3° gutegeka ko ubusabe bw'umuntu umwe bushobora gufatwa nk'ubusabe bw'abantu bose, abanyamuryango mu byiciro byabo, hamwe n'inyungu ku mutungo;	3° order that any application be treated as an application on behalf of all persons, or all members of a class of persons, with an interest in the property;	3° ordonner qu'une requête soit traitée comme une demande au nom de toutes les personnes, ou de tous les membres d'une catégorie de personnes, ayant un intérêt dans ces biens;
4° gutanga itegeko iryo ari ryo ryose ribuza ko hari ibyangirika.	4° make any order to prevent further loss.	4° rendre une ordonnance pour éviter toute nouvelle perte.
Indishyi zose zitanzwe hakurikijwe igika cya 6 cy'iyi ngingo zishyurirwa zose hamwe hatabayeho kongera gukoresha ibiteganyijwe n'iri tegeko.	Any compensation awarded under Paragraph 6 of this Article is paid out of the Consolidated Fund without resort to the provisions of this Law.	Toute indemnité payable par ordonnance en vertu de l'alinéa 6 du présent article est prélevée sur le Fonds consolidé sans toutefois recourir aux dispositions de la présente loi.
Ingingo ya 287: Gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete bikozwe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 287: Restoration by the Registrar General of a company to the register**	**Article 287: Rétablissement d'une société au registre par le Registraire général**
Umwanditsi Mukuru abyibwirije cyangwa abisabwe ashobora kongera kwandika mu gitabo isosiyete iyo asanga ko nyuma yo gukurwa mu gitabo:	The Registrar General may on his or her own initiative or on application restore a company to the register where he or she is satisfied that after its removal from the register :	Le Registraire général peut, de sa propre initiative ou sur demande, rétablir une société au registre s'il est convaincu qu'après sa radiation du registre:
1° isosiyete yakomeje gukora ibikorwa	1° the company was still carrying on	1° la société menait encore ses activités ou il

cyangwa hariho indi mpamvu yariho ituma isosiyete ikomeza kubaho;	business or other reason existed for the company to continue in existence;	y avait une autre raison pour que la société continue d'exister ;
2° isosiyete yari mu manza;	2° the company was a party to legal proceedings;	2° la société était partie dans des procédures judiciaires;
3° isosiyete yari muri gahunda ijyanye n'igihombo cy'isosiyete, cyangwa	3° the company was subject to an insolvency process; or	3° la société faisait l'objet d'une procédure d'insolvabilité; ou
4° ku mpamvu iyo ariyo yose yumvikana.	4° for any other good cause shown.	4° pour toute autre bonne cause indiquée.
Gusaba ko isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete isubizwa mo bishobora gusabwa n'umwe muri aba bakurikira amaze kwishyura amafaranga yagenwe:	Application to restore a company to the register may be made by any of the following after payment of prescribed fee:	Une demande de rétablissement d'une société au registre peut être présentée par l'une des personnes suivantes après paiement des frais prescrits**:**
1° umunyamigabane cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi;	1° shareholder or director of the company;	1° actionnaire ou administrateur de la société;
2° uberewemo umwenda n'isosiyete; cyangwa	2° a creditor of the company; or	2° un créancier de la société; ou
3° ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo.	3° a liquidator of the.	3° un liquidateur de la société.
Mbere y'uko Umwanditsi Mukuru yongera kwandika isosiyete mu gitabo anyuza itangazo mu bitangazamakuru bibiri (2) bisohoka buri munsi bisomwa na benshi mu Rwanda, usaba amaze kwishyura amafaranga ateganywa y'imenyekanisha. Iryo tangazo rigaragaza:	Before the Registrar General restores a company to the register, he or she, on payment of publication costs by an applicant, gives public notice in two (2) daily newspapers having wide circulation in Rwanda. The notice indicates :	Avant que le Registraire général ne rétablisse une société au registre, il donne, après paiement des frais de publication par le demandeur, un avis public dans deux (2) journaux quotidiens largement diffusés au Rwanda. Cet avis indique:

1° izina ry'isosiyete; 2° izina na aderesi y'usaba; 3° ingingo ishingirwaho n'impamvu ubusabe bushingiraho cyangwa Umwanditsi Mukuru ashingiraho asaba gukora, bitewe n'uko bimeze; Itariki ntarengwa yo gutambamira ko isosiyete yongera kwandikwa igomba gushyikirizwa Umwanditsi Mukuru, ariko ntigomba kuba munsi y'iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'itariki y'itangazo. Iyo Umwanditsi Mukuru asubije isosiyete mu gitabo abyibwirije, amenyekanisha ko isosiyete yasubijwe mu gitabo. Umwanditsi Mukuru ntasubiza isosiyete mu gitabo iyo yakiriye itambama ry'isubizwa mu gitabo mu gihe giteganyijwe mu nyandiko imenyesha. Mbere y'uko asubiza isosiyete mu gitabo, Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba isosiyete kubanza kubahiriza ibyo itari yarubahirije mbere y'uko ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	1° the name of the company; 2° the name and address of the applicant; 3° the Article under, and the grounds on which, the application is made or the Registrar General proposes to act, as the case may be; The date by which an objection to restoring the company to the register is not filed with the Registrar General, not being less than 30 days after the date of the notice. Where the Registrar General restores a company to the register on his own motion, he or she gives notice of the restoration. The Registrar General does not restore a company to the register if the Registrar General receives an objection to the restoration within the period stated in the notice. Before the Registrar General restores a company to the register under this Article, the Registrar General may require to comply with provisions which the company had failed to comply before it was removed from the register.	1° le nom de la société; 2° le nom et l'adresse du demandeur; 3° l'article en vertu duquel et les motifs pour lesquels la demande est faite ou le Registraire général propose d'agir, selon le cas; et La date butoir à laquelle une objection au rétablissement de la société au registre doit être déposée auprès du Registraire général, qui ne peut pas être en dessous de trente (30) jours après la date de l'avis. Lorsque le Registraire général rétablit, de sa propre initiative, une société au registre, il notifie ce rétablissement. Le Registraire général ne rétablit pas une société au registre s'il reçoit une opposition au rétablissement dans le délai indiqué dans l'avis. Avant qu'il ne rétablisse une société au registre en vertu du présent article, le Registraire général peut exiger que toutes les dispositions que la société n'avait pas respectées avant d'être radiée du registre, soit respectées.

Bisabwe n'Umwanditsi Mukuru cyangwa undi muntu, urukiko rushobora gutanga amabwiriza cyangwa umurongo ugamije gushyira isosiyete yasubijwe mu gitabo mu rwego rumwe nk'aho iyo sosiyete itigeze ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	The Court may, on the application of the Registrar General or the applicant, give such directions or make such orders as may be necessary or desirable for the purpose of placing a company that is restored to the register as nearly as possible in the same position as if the company had not been removed from the register.	La juridiction peut, à la demande du Registraire général ou du requérant, donner toutes instructions ou rendre toutes ordonnances nécessaires ou souhaitables aux fins de placer une société rétablie au registre autant que possible dans la même situation qu'elle aurait été si la société n'avait pas été radiée du registre.
<u>Ingingo ya 288:</u> Gusubiza isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete byemejwe n'Urukiko	**<u>Article 288</u>: Restoring a company to the register by the Court order**	**<u>Article 288:</u> Rétablissement d'une société au registre par décision judiciaire**
Urukiko, rushingiye ku busabe bw'umuntu uvugwa mu gika cya 2, rushobora gutegeka ko isosiyete yari yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete isubizwamo hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe, iyo urukiko rubonye ko mu gihe isosiyete yakurwaga mu gitabo:	The Court may, on the application of a person referred to in Paragraph 2, order that a company that has been removed from the register of companies be restored to the register on payment of the prescribed fee, where the Court is satisfied that at the time the company was removed from the register:	La juridiction peut, sur requête d'une personne visée à l'alinéa 2, ordonner qu'une société radiée du registre des sociétés y soit rétablie moyennant paiement des frais prescrits, lorsque la juridiction est convaincue qu'au moment où la société a été radiée du registre:
1° isosiyete yakomeje imirimo y'ubucuruzi cyangwa hari izindi mpamvu zatumye isosiyete ikomeza kubaho;	1° the Company was still carrying on business or other reason existed for the company to continue in existence;	1° la société menait encore ses activités ou il y avait une autre raison pour que la société continue d'exister ;
2° isosiyete yakurikiranwaga mu nkiko;	2° the company was a party to legal proceedings;	2° la société était partie dans des procédures judiciaires;
3° isosiyete yari mu gihombo;	3° the company was subject to insolvency proceedings;	3° la société faisait l'objet d'une procédure d'insolvabilité;
4° usaba yari uberewemo umwenda	4° the applicant was a creditor, or a	4° le requérant était un créancier ou un

n'isosiyete, umunyamigabane cyangwa umuntu wari ufite ikirego kitarasubizwa n'isosiyete;	shareholder, or a person who had an undischarged claim against the company;	actionnaire ou une personne qui avait une réclamation non acquittée contre la société;
5° usaba yizeraga ko hari uburenganzira bwo kurega bwariho cyangwa yateganyanga gukomeza uburenganzira bwo kurega mu izina ry'isosiyete hashingiwe kuri iri tegeko;	5° the applicant believed that a right of action existed, or intended to pursue a right of action, on behalf of the company under this law; or	5° le requérant estimait qu'un droit d'action existait ou avait l'intention de poursuivre un droit d'action au nom de la société en vertu de la présente loi;
6° kubera indi mpamvu yose yumvikana yatuma isosiyete yongera kwandikwa mu gitabo.	6° for any other reason it is just and equitable to restore the company to the register.	6° pour toute autre raison, il est juste et équitable de rétablir la société au registre.
Ubusabe bushingiye ku gika cya mbere bushobora gukorwa n'umwe mu bakurikira:	An application under Paragraph One may be made by any of the following:	Une requête en vertu de l'alinéa premier peut être formée par l'une des personnes suivantes:
1° uwari umunyamigabane cyangwa ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete;	1° a person who was a shareholder or director of the company;	1° une personne qui était un actionnaire ou administrateur de la société;
2° uwari uberewemo umwenda n'isosiyete;	2° a person who was a creditor of the company;	2° une personne qui était un créancier de la société;
3° uwari mu rubanza ruregwamo isosiyete;	3° a person who was a party to any legal proceedings against the company;	3° une personne qui était partie à une procédure judiciaire contre la société;
4° uwari ufite ikibazo kitarasubizwa n'isosiyete;	4° a person who had an undischarged claim against the company;	4° une personne qui avait une réclamation non acquittée contre la société;
5° uwari ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo wa sosiyete;	5° a person who was the liquidator of the company;	5° une personne qui était liquidateur de la société;

6° Umwanditsi Mukuru; 7° byemejwe n'urukiko.	6° the Registrar General; 7° a person with the leave of the Court.	6° le Registraire général; 7° une personne ayant l'autorisation de la juridiction.
Mbere yuko urukiko rufata icyemezo cyo gusubiza isosiyete mu gitabo, urukiko rushobora gusaba isosiyete kubanza kubahiriza ibyo atari yarubahirije mbere y'uko ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete;	Before the Court makes an order restoring a company to the register, it may require to comply with provisions which the company had failed to comply before it was removed from the register.	Avant de rendre une ordonnance rétablissant une société au registre, la juridiction peut exiger que soient respectées toutes les dispositions auxquelles la société n'avait pas respecté avant d'être radiée du registre.
Urukiko rushobora gutanga amabwiriza cyangwa umurongo ugamije gushyira isosiyete yasubijwe mu gitabo mu rwego rumwe nk'aho iyo sosiyete itigeze ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	The Court may give such directions or make such orders as may be necessary or desirable for the purpose of placing the company as nearly as possible in the same position as if the company had not been removed from the register.	La juridiction peut donner toutes instructions ou rendre toutes ordonnances qui peuvent être nécessaires ou souhaitables aux fins de placer la société autant que possible dans la même situation qu'elle aurait été si la société n'avait pas été rayée du registre.
<u>Ingingo ya 289:</u> Gusubira kwandikwa mu gitabo	**<u>Article 289</u>: Restoration to register**	**<u>Article 289</u>: Rétablissement au registre**
Isosiyete isubira kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete iyo inyandiko isinywe n'Umwanditsi Mukuru ivuga ko isosiyete isubiye kwandikwa mu gitabo yanditswe hashingiwe kuri iri tegeko.	A company is restored to the register of companies when a notice signed by the Registrar General stating that the company is restored to the register is registered under this Law.	Une société est rétablie au registre lorsqu'un avis signé par le Registraire général indiquant que la société est rétablie au registre est enregistré conformément à la présente loi.
Isosiyete yongeye kwandikwa mu gitabo ifatwa nk'iyakomeje kubaho nkaho itigeze ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	A company that is restored to the register is not deemed to have continued in existence as if it had not been removed from the register.	Une société qui est rétablie au registre est réputée avoir continué d'exister comme si elle n'avait pas été rayée du registre.

<u>Ingingo ya 290:</u> Gusubirana umutungo kw'isosiyete yongeye kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete	**<u>Article 290</u>: Vesting of property in company on restoration to register**	**<u>Article 290:</u> Société mise en possession de ses biens après rétablissement au registre**
Iyo isosiyete isubijwe mu gitabo cy'amasosiyete kandi icyo gihe hakaba hari umutungo wayo wari waratanzwe hakurijwe ibikubiye mu ngingo ya 286 y'iri tegeko, ihita isubirana uwo mutungo nk'aho itigeze ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete.	When property of a company that is, at the time the company is restored to the register, vested pursuant to Article 286 of this Law, it is vested in the company as if the company had not been removed from the register.	Lorsqu'une société est rétablie au registre, ses biens qui sont, au moment où la société est rétablie au registre, dévolus au gouvernement par application de l'article 286 de la présente loi, sont mis en sa possession lors de son rétablissement au registre comme si elle n'en avait pas été rayée.
Umutungo w'isosiyete yari yarakuwe mu gitabo cy'amasosiyete watanzwe nk'indishyi byemejwe n'icyemezo cy'urukiko, ntiwongera gusubizwa isosiyete yongeye kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete nyuma y'icyo cyemezo.	Property of a company removed from register of companies where the Court has made an order for the payment of compensation is not vested to the company restored to the register of companies subject to that order.	La propriété d'une société radiée du registre des sociétés sur laquelle la Cour a prononcé une ordonnance de paiement d'une indemnité n'est pas dévolue à la société réinscrite au registre des sociétés faisant l'objet de cette décision.
Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntibikurikizwa ku birebana n'ubutaka cyangwa inyubako cyangwa inyungu ku butaka isosiyete yari itunze mbere yo gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete, byeguriwe Leta ikabyandikwaho hakurikijwe amategeko agenga iyandikisha ry'uwo mutungo cyangwa inyungu.	Nothing in Paragraph One of this Article applies to land or any estate or interest in land that has vested pursuant to the company before its removal from register of companies where the transfer to the State of the land or interest in land has been registered under any enactment providing for the registration of such land or interest.	Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas au terrain ou à une propriété ou un intérêt foncier qui ont été mis en la possession de la société avant la radiation du registre des sociétés lorsque le transfert du terrain ou des intérêts fonciers à l'État a été enregistré en vertu de toute loi prévoyant l'enregistrement de ce terrain ou intérêt.
Icyakora iyo umutungo w'ubutaka cyangwa inyungu ziwukomokaho by'isosiyete yongeye kwandikwa mu gitabo cy'amasosiyete wari	Where the transfer to the State of land or any interest in land that has vested Property of a company removed from register of companies	Lorsque le transfert en faveur de l'État d'un terrain ou de tout intérêt foncier qui était en possession d'une société radiée du registre des

warahawe Leta, urukiko rushobora rushingiye ku busabe bw'isosiyete gufata icyemezo:	has been registered, the Court may, on the application of the company, make an order:	sociétés a été enregistré, la juridiction peut, à la demande de la société, rendre une ordonnance :
1° kigamije gusubiza isosiyete ubutaka cyangwa inyungu zibukomokaho;	1° for the transfer of the land or interest to the company; or	1° de transfert du terrain ou de l'intérêt à la société;
2° kigamije kwishyura indishyi isosiyete ishobora kuba:	2° for the payment, as directed by the Court, to the company of compensation:	2° de paiement à la société d'une compensation, selon l'ordonnance de la juridiction:
a) amafaranga atari hejuru y'agaciro k'ubutaka cyangwa inyungu ubariye ku itariki y'iyandikisha ry'ihererekanya;	a) of an amount not greater than the value of the land or interest as at the date of registration of the transfer;	a) d'un montant qui ne doit pas être supérieur à la valeur du terrain ou de l'intérêt à la date d'enregistrement du transfert ;
b) amafaranga angana n'ayakiriwe cyangwa azakirwa mu gihe cy'ubugure mu gihe ubutaka cyangwa inyungu byagurishijwe cyangwa hari amasezerano y'ubugure.	b) where the land or interest has been sold or contracted to be sold, of an amount equal to the net amount received or receivable from the sale.	b) si le terrain ou l'intérêt a été vendu ou fait l'objet d'un contrat de vente, d'un montant équivalent au montant net reçu ou attendu de la vente.
Hashingiwe ku busabe buteganyijwe mu gika cya 4 cy'iyi ngingo, urukiko rushobora gufata icyemezo ku kibazo cyose kijyanye n'agaciro k'ubutaka, ibikorwa ku butaka cyangwa inyungu.	On an application under paragraph 4 of this Article, the Court may decide any question concerning the value of the land or the estate or interest.	Sur requête en vertu de l'alinéa 4 du présent article, la juridiction peut statuer sur toute question concernant la valeur du terrain ou de la propriété ou de l'intérêt.
Icyiciro cya 3: Ishyirwa mu bikorwa	**Section 3: Enforcement**	**Section 3: Exécution**

ry'ibyemezo		
Ingingo ya 291: Icyemezo gishyira mu bikorwa	**Article 291: Enforcement order**	**Article 291: Ordonnance d'exécution**
Umwanditsi Mukuru ashobora kuregera urukiko arusaba gutegeka isosiyete yananiwe gukosora amakosa yakozwe cyangwa yakoze amakosa yo kutubahiriza amabwiriza isosiyete yahawe na Minisitiri hakurikijwe iri tegeko, kuyakosora mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi nyuma yo gushyikirizwa inyandiko imenyesha isosiyete kubikora.	The Registrar General may apply to the court for an order requiring a company failing to make good defaults or that fails to comply with any directions given to it by the Minister to make good any such default within ten (10) working days after the service of a notice on the company requiring it to do so.	Le Registraire général peut saisir la juridiction lui demandant de rendre une ordonnance exigeant une société qui n'a pas remédié à ses manquements ou qui ne se conforme pas aux instructions qui lui ont été données par le Ministre de remédier à ces manquements dans les dix (10) jours ouvrables suivant la signification d'un avis à la société l'enjoignant de le faire.
Rushingiye kuri ubwo busabe, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka isosiyete cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi uwo ariwe wese cyangwa umwanditsi gukosora amakosa yakozwe mu gihe cyavuzwe muri icyo cyemezo kandi rukanategeka ko hari ibyishyurwa iyo rubona ko ari ngombwa.	On such an application the competent court may make an order directing the company or any director or secretary of it to make good the default within such a time as may be specified in the order and may make such order as to costs as it deems fit.	Sur base d'une telle demande, la juridiction compétente peut rendre une ordonnance enjoignant la société ou tout administrateur ou secrétaire de ladite société de remédier au manquement d'une obligation dans le délai précisé dans l'ordonnance et rendre une ordonnance eu égard aux frais qu'elle juge convenables.
Ingingo ya 292: Igenzura ritegetswe na Minisitiri	**Article 292: Investigation ordered by the Minister**	**Article 292: Investigation ordonnée par le Ministre**
Minisitiri ashyiraho amabwiriza asaba Umwanditsi Mukuru gukurikirana no kugenzura isosiyete yo mu gihugu cyangwa isosiyete y'inyamahanga ifite ishami mu Rwanda iyo abona ko :	The Minister issues instructions requesting the Registrar General to investigate into the business of a local company or of a foreign company having its branch in Rwanda where the Minister is satisfied that:	Le Ministre donne des instructions demandant au Registraire général de faire une investigation du fonctionnement d'une société locale ou d'une société étrangère ayant sa succursale au Rwanda lorsque le Ministre

		estime que:
1° mu rwego rwo kurengera inyungu z'abantu muri rusange, iz'umunyamigabane, cyangwa uberewemo umwenda, hakwifuzwa ko ibikorwa by'isosiyete bigomba gukorerwa igenzura;	1° for the protection of the interests of the public, the shareholders or creditors of a company, it is desirable that the affairs of a company should be investigated;	1° pour la protection des intérêts du public, des actionnaires ou des créanciers d'une société, il est nécessaire de soumettre les activités d'une société à une investigation;
2° mu nyungu rusange ko ibikorwa by'isosiyete byakurikiranwa bikanagenzurwa;	2° it is in the public interest that the affairs of a company should be investigated;	2° il est de l'intérêt du public de soumettre les activités d'une société à une inspection;
3° mu gihe ari isosiyete y'inyamahanga, abayobozi babifitiye ububasha b'ikindi gihugu basaba ko isosiyete ikorerwa igenzura hakurikijwe iyi ngingo.	3° in the case of a foreign company, the competent authorities of another country requests that an investigation be made in respect of this Article	3° dans le cas d'une société étrangère, les autorités compétentes d'un autre pays demandent qu'il soit procédé à une investigation de ladite société conformément au présent article.
<u>Ingingo ya 293</u>: Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete	**<u>Article 293</u>: Appointment of inspector of the business of the company**	**<u>Article 293</u>: Nomination d'un inspecteur des activités d'une société**
Umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete ushyirwaho n'Umwanditsi Mukuru afite ububasha bwo gukurikirana ibikorwa by'isosiyete hakurikijwe ingingo ya 292 y'iri tegeko.	An inspector of the business of a company appointed by the Registrar General has the power to investigate the business of a company pursuant to Article 292 of this Law.	Un inspecteur des activités d'une société désigné par le Registraire général a les pouvoirs de faire l'investigation des activités d'une société en vertu de l'article 292 de la présente loi.
Ushyizweho agomba kuba afite ubumenyi, ubushobozi n'ubuzobere mu icungamutungo kandi wabigize umwuga.	The appointed person must be a qualified, skilled and experienced professional manager.	La personne désignée doit être un gestionnaire professionnel qualifiée, compétent et expérimenté.

Umugenzuzi washyizweho akora raporo akurikije imiterere n'inzira yasabwe n'Umwanditsi Mukuru.	The appointed inspector prepares a report according to the format and procedure required by the Registrar General.	L'inspecteur désigné fait un rapport selon la forme et la procédure lui exigées par le Registraire général.
Ingingo ya 294: Urwego rwishyura amafaranga y'ikurikirana n'igenzura	**Article 294: Organ to bear monitoring and investigation expenses**	**Article 294: Organe prenant à sa charge les frais de suivi et d'investigation**
Amafaranga yakoreshejwe mu ikurikirana n'igenzura by'ibikorwa by'isosiyete ndetse n'igihembo cy'umugenzuzi w'ibikorwa byishyurwa na Leta.	The expenses incurred in the monitoring and investigation of a company and the remuneration of the inspector are paid by the State.	Les frais engagés dans le suivi et l'investigation d'une société ainsi que la rémunération de l'inspecteur sont défrayés par l'État.
Ingingo ya 295: Igenzura ritegetswe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 295: Investigation ordered by the Registrar General**	**Article 295: Investigation ordonnée par le Registraire général**
Umwanditsi Mukuru ashobora gutegaka ko hakorwa igenzura:	The Registrar General may direct investigation:	Le Registraire général peut exiger une investigation:
1° iyo ari isosiyete ifite umutungo ushingiye ku migabane, bisabwe:	1° in the case of a company having a share capital, on the application of:	1° dans le cas d'une société ayant un capital social reparti en actions, à la demande:
a) n'umunyamigabane umwe cyangwa itsinda ryabo bafite nibura imigabane ingana na kimwe cya cumi (1/10) cy'imigabane yatanzwe mu isosiyete;	a) one shareholder or a group of shareholders holding at least one-tenth (1/10) of the issued shares in the company;	a) d'un actionnaire ou groupe d'actionnaires détenteurs d'au moins un dixième (1/10) de la valeur des actions émises au sein de la société;
b) n'abafite imigabane nguzanyo ingana nibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy'imigabane nguzanyo yose;	b) debenture holders holding not less than one-fifth (1/5) in nominal value of the issued debentures;	b) des détenteurs d'obligations d'au moins un cinquième (1/5) de la valeur nominale des obligations émises ;
2° iyo ari isosiyete ishingiye ku buryozwe bugarukira ku ngwate, bisabwe nibura na	2° in the case of a company limited by guarantee, on the application of not	2° dans le cas d'une société à responsabilité limitée par garantie, à la demande d'au

kimwe cya gatanu (1/5) cy'abantu banditse mu gitabo cy'imigabane; 3° iyo abonye ko gushyiraho umugenzuzi ari ngombwa mu kurengera inyungu z'abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo cyangwa ko ari ngombwa mu nyungu za rubanda, gusaba ko umugenzuzi akora igenzura ry'isosiyete cyangwa ku mirimo yayo nk'uko biba byanditswe mu nyandiko imushyiraho kandi akanagenzura imikorere y'uhagarariye itsinda ry'abafite imigabane nguzanyo bishyize hamwe nyuma akabikorera raporo akurikije imiterere n'uburyo bwasabwe n'Umwanditsi Mukuru.	less than one-fifth (1/5) in number of the persons on the share register; 3° where he or she considers that the appointment of an inspector is necessary to safeguard the interests of shareholders or debenture shareholders or is necessary in the public interest, require an inspector to investigate the affairs of a company or such aspects of the affairs of a company as are specified in the instrument of appointment and in the case of a debenture agency deed, the conduct of the debenture holders' representative and to make a report in such form and manner as the Registrar General may direct.	moins un cinquième (1/5) des personnes inscrites sur le registre d'actions; 3° lorsqu'il estime que la nomination d'un inspecteur est nécessaire pour la préservation des intérêts des actionnaires, des obligations ou qu'il s'agit de l'intérêt public, d'exiger que l'inspecteur procède à une enquête sur la société ou sur les activités de celle-ci tel qu'il est spécifié dans le document de nomination et dans le cas d'un syndicat d'obligations, sur la conduite du représentant du détenteur d'obligations et dresser un rapport dans la forme et la manière pouvant être exigées par le Registraire général.
<u>Ingingo ya 296</u>: Gusaba gukurikirana ibikorwa by'isosiyete no gutanga ingwate	**<u>Article 296</u>: Application for the inspection of the activities of a company and provision of security**	**<u>Article 296</u>: Demande d'inspection des activités d'une société et versement d'une garantie**
Iyo ari isosiyete cyangwa abanyamigabane bavugwa mu ngingo ya 295 y'iri tegeko basabye Umwanditsi Mukuru gushyiraho ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, bagomba kugaragaza impamvu zatumye basaba gukurikirana ibikorwa by'isosiyete. Mbere yo gushyiraho ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, Umwanditsi Mukuru ashobora, gusaba abasaba ko hashyirwaho ukurikirana ibikorwa	An application by the company or shareholders referred to in Article 295 of this Law must be supported by such evidence as the Registrar General may require as to the reasons for the application and the grounds of the applicants in requiring the inspection. The Registrar General may, before appointing an inspector, require the applicants to give security in such amount as he or she deems fit	Lorsqu'il s'agit d'une société ou des actionnaires visés à l'article 295 de la présente loi qui adressent au Registraire général une demande de désignation d'un inspecteur, ils sont tenus de fournir les raisons de demande d'inspection des activités d'une société. Avant la désignation d'un inspecteur, le Registraire général peut exiger aux demandeurs d'inspection de leurs activités de verser un

byabo gutanga ingwate ikwiye y'amafaranga bizatwara.	for payment of the costs of the inspection.	montant qu'il juge approprié en garantie des coûts de l'inspection.
ngingo ya 297: Abahabwa raporo	**Article 297: Recipients of the report**	**Article 297: Destinataires de rapport**
Kopi ya raporo y'ubugenzuzi ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru, abayisabye no ku cyicaro gikuru cy'isosiyete.	A copy of the inspector's report is forwarded to the Registrar General, to those who requested for it and to the registered office of the company.	Une copie du rapport d'inspection est adressée au Registraire général, aux demandeurs et au siège social de la société.
Ingingo ya 298: Gutangariza rubanda igenzura risabwe	**Article 298: Publication of the required inspection**	**Article 298: Publication de l'inspection requise**
Mu gihe asanga biri mu nyungu za rubanda, Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba urwego rwasabye igenzura ko ibirivuyemo bitangarizwa rubanda.	The Registrar General may, where he or she is of the opinion that it is necessary in the public interest to do so, ask the organ that requested for the inspection to cause the report to be published.	Si le Registraire général estime qu'il y va de l'intérêt du public, il peut exiger au service demandeur que les résultats du rapport d'inspection soient publiés.
Ingingo ya 299: Amakosa yatuma umugenzuzi w'imari akurikiranwa	**Article 299: Faults that may lead an inspector to be held accountable**	**Article 299: Fautes pouvant occasionner une poursuite à l'encontre d'un inspecteur**
Iyo raporo y'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete igaragaje ko umugenzuzi w'imari:	Where from a report of an inspector of the activities of a company it appears that any qualified auditor:	Lorsque le rapport de l'inspecteur des activités d'une société fait ressortir que l'auditeur qualifié:
1° ahamwa n'ikosa ryo kwitwara nabi mu kazi ke;	4° has been guilty of misconduct in his or her duties;	1° s'est rendu coupable d'une faute de méconduite dans ses fonctions ;
2° yakoze igenzura ry'imari ku buryo butabereye uwo murimo ;	5° has conducted an audit in a manner that is not appropriate;	2° a effectué l'audit de façon inappropriée;

Umwanditsi Mukuru ashobora kugeza icyo kibazo ku nzego zibifitiye ububasha kugira ngo zifate ingamba zikwiye.	the Registrar General may refer the matter to competent authorities for necessary action.	le Registraire général peut soumettre l'affaire aux autorités compétentes pour prendre les mesures qui s'imposent.
Ingingo ya 300: Zimwe mu mpamvu zatuma Umwanditsi Mukuru arega isosiyete mu rukiko	**Article 300: Some reasons which might drive the Registrar General to lodge a case before the court against a company**	**Article 300: Certaines raisons pouvant pousser le Registraire général à saisir la juridiction contre une société**
Iyo, hakurikijwe raporo y'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete, bigaragariye Umwanditsi Mukuru ko mu micungire n'imiyoborere by'isosiyete, umunyamigabane yakoresheje isosiyete n'uburenganzira ahabwa n'ibyiciro by'imigabane afite mu gutora cyangwa ibindi byihariye bijyanye na yo, yahinduye ibyumvikanyweho mu matora, yateye imicungire mibi agamije kugira ngo agire cyangwa agumane ububasha, ubwo bubasha bukaba bukumira cyangwa bubangamiye abandi banyamigabane, Umwanditsi Mukuru ashobora gutanga ikirego mu rukiko ashingiye kuri iri tegeko.	Where from a report of an inspector of the activities of a company it appears to the Registrar General that in the management and administration of a company, there is a shareholder who, by virtue of his or her company, shares and voting rights deriving from the classes of such shares and other benefits, alters the decisions that were taken through the vote, causes mismanagement for him or her to maintain control and where the latter helps him or her to unfairly discriminate other shareholders, the Registrar General may lodge a case before the court in accordance with this Law.	Lorsqu'il apparaît au Registraire général, sur base du rapport de l'inspecteur des activités d'une société, que dans la gestion et l'administration de la société, un actionnaire a fait l'usage de la société, du droit de vote et des droits spéciaux rattachés à certaines catégories d'actions, a modifié les résolutions prises de commun accord à l'occasion d'un vote, a provoqué une mauvaise gestion, dans le but de disposer ou de garder un contrôle limitant ou écartant d'autres actionnaires, le Registraire général peut introduire une demande en justice en vertu de la présente loi.
Ingingo ya 301: Ishyirwaho ry'umugenzuzi bikozwe n'isosiyete ushinzwe kugenzura ibikorwa byayo bwite	**Article 301: Appointment of an inspector by a company to investigate its own activities**	**Article 301: Nomination d'un inspecteur par la société pour enquêter les activités de la société**
Isosiyete yose, uretse iyatangajwe ko ikorerwa igenzura, ishobora, hakoreshejwe umwanzuro usanzwe, gushyiraho ukurikirana ibikorwa byayo kugira ngo ayikorere imirimo.	A company, other than a declared company, may, by ordinary resolution, appoint an inspector to investigate its affairs.	Une société, exception faite d'une société déclarée, peut, par résolution ordinaire, nommer un inspecteur pour qu'il enquête sur ses activités.

Ingingo ya 302: Gutanga imyanzuro ku bayigenewe Nyuma y'igenzura, umugenzuzi w'ibikorwa agomba gushyikiriza imyanzuro mu buryo bwemejwe no ku bantu bose bayigenewe nk'uko byemejwe n'inama rusange.	**Article 302: Submission of resolutions to the relevant persons** On the conclusion of an investigation, the inspector must submit resolutions in such a manner and to such relevant persons as approved by the general assembly.	**Article 302: Remise de conclusions aux personnes concernées** Au terme de l'enquête, l'inspecteur doit remettre des conclusions de la manière et aux personnes concernées tel qu'approuvé par l'assemblée générale.
Ingingo ya 303: Igenzurwa ry'isosiyete ishamikiye ku yindi Iyo ukurikirana ibikorwa by'isosiyete mu rwego rw'igenzura ry'imirimo y'isosiyete, asanze ari ngombwa gukora igenzura ry'imirimo y'isosiyete iyishamikiyeho, ashobora gukora iryo genzura abyemerewe ku buryo bwanditse n'Umwanditsi Mukuru.	**Article 303: Inspection of a subsidiary company** Where an inspector thinks it is necessary for the purposes of the inspection of the affairs of a company to investigate the affairs of a subsidiary company, he or she may, with the Registrar General's written consent, investigate the affairs of that subsidiary.	**Article 303: Inspection d'une filiale** Lorsqu'un inspecteur estime que, dans le cadre de l'inspection sur les opérations commerciales de la société, il est nécessaire d'organiser une inspection sur les activités d'une filiale, il peut avec l'accord écrit du Registraire général, enquêter sur les activités de cette filiale.
Ingingo ya 304: Aho ububasha bw'umugenzuzi w'ibikorwa bugarukira Ububasha bw'umugenzuzi w'ibikorwa mu gukurikirana ibikorwa by'isosiyete bugomba no gukoreshwa ku mpamvu izo ari zo zose zigaragaza imikorere n'ubwumvikane bidafite agaciro mu mategeko ariko bigaragara cyangwa bishobora kugaragara ko bufite akamaro mu gukora igenzura.	**Article 304: Scope of powers of an inspector** The powers of an inspector making an investigation of a company's business must extend to the investigation of any circumstances which suggest the existence of an arrangement or understanding which, though not legally binding, is or was observed or likely to be observed in practice that it is relevant to the inspection.	**Article 304: Étendue des pouvoirs d'un inspecteur** Les pouvoirs de l'inspecteur qui fait une inspection des activités d'une société doivent être étendus à toutes les circonstances qui suggèrent l'existence d'un arrangement ou d'un accord qui, bien que n'étant pas légalement contraignant, est, ou a été observé ou est susceptible d'être observé qu'il est utile à l'inspection.

Ingingo ya 305: Imikorere n'ububasha by'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete Umuntu wese bireba agomba, abisabwe n'umugenzuzi w'ibikorwa, gushyikiriza inyandiko yose ashinzwe kubika, kugenzura no gutanga inkunga yose afitiye ubushobozi kugira ngo inshingano zo gukora iyi mirimo zirangire neza.	**Article 305: Functioning and powers of an inspector** Every person concerned must, if required to do so by the inspector, produce to the latter every document in his or her custody, control and give to the inspector all assistance which he or she is able to give for the investigation to be properly carried out.	**Article 305: Fonctionnement et pouvoirs d'un inspecteur** Toute personne concernée doit, s'il en est requis par l'inspecteur, fournir à celui-ci tout document dont il a la garde, le contrôle et accorder à l'inspecteur toute l'assistance possible pour que l'inspection soit correctement menée.
Ingingo ya 306: Imenyekanisha risaba gutanga amakuru Ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, akoresheje imenyekanisha ryanditse ashobora, gusaba ko umuntu wese bireba aza kubazwa abirahiriye ibyerekeye imirimo y'isosiyete kandi iryo menyekanisha rishobora no gusaba ko ibitabo byose bibitswe, bicungwa cyangwa bifitwe n'uwo muntu bitangwa.	**Article 306: Notice for the production of information** An inspector may by written notice require any person concerned to appear for examination on oath in relation to the business of a company and the notice may require the production of every book in the custody, control or possession of the person concerned.	**Article 306: Avis de demande de fourniture d'information** Un inspecteur peut, par un avis écrit, exiger que toute personne concernée se présente pour être soumise à un interrogatoire sous serment relativement aux activités d'une société et cet avis peut exiger que chaque document dont cette personne a la garde, le contrôle ou la possession soit fourni.
Ingingo ya 307: Icungwa ry'ibitabo bikoreshwa mu gihe cy'igenzura Iyo umugenzuzi w'ibikorwa asabye guhabwa ibitabo bibitswe, bicungwa cyangwa bifitwe n'umuntu bireba, ugenzura: 1º ashobora kubika ibyo bitabo; 2º ashobora kugumana ibyo bitabo igihe cyose yumva ari ngombwa kugira ngo	**Article 307: Management of the books used during the investigation** Where an inspector requires the production of books in the custody, control or possession of a person concerned, the inspector: 1° may take possession of those books; 2° may retain those books for such time as he or she considers necessary for the	**Article 307: Gestion des livres utilisés lors de l'investigation** Lorsqu'un inspecteur exige que les livres dont une personne concernée a la garde, le contrôle ou la possession lui soient donnés, il: 1° peut prendre possession de ces livres; 2° peut retenir ces livres aussi longtemps qu'il le juge nécessaire au bon déroulement de

imirimo ye igende neza; 3º agomba, mu gihe abitse ibyo bitabo, kwemerera isosiyete kuba yabibona igihe cyose bikenewe.	purpose of the accomplishment of his or her mission; 3° must, where those books are in his or her possession, permit the company to have access, at all reasonable times to the books.	sa mission; 3° doit, lorsque ces livres sont en sa possession, permettre à la société d'y avoir accès, à tout moment raisonnable.
Ingingo ya 308: Inshingano yo gusubiza ibibazo by'umugenzuzi w'ibikorwa Nta muntu n'umwe bireba ufite uburenganzira bwo kwanga gusubiza ikibazo kirebana n'isosiyete igihe cy'ikurikiranwa ry'ibikorwa by'isosiyete.	**Article 308: Obligation to answer questions asked by the inspector** No relevant person has the right to refuse to answer a question which concerns the company during the investigation into the business of a company.	**Article 308: Obligation de répondre aux questions de l'inspecteur** Aucune personne concernée n'a le droit de refuser de répondre à une question qui relève de la société lors de l'enquête des activités d'une société.
ngingo ya 309: Ibyavuzwe mu igenzura bifatwa nk'ikimenyetso mu gihe cy'urubanza Umugenzuzi ashobora gukora ku buryo ibyo yagiye yandika mu gihe cy'igenzura byandikwa neza kandi bigasomerwa cyangwa bigasomwa bikanashyirwaho umukono n'uwabajijwe kandi nyuma yaho bikaba byakoreshwa nk'ikimenyetso mu rubanza urwo ari rwo rwose kuri uwo muntu wabajijwe.	**Article 309: Statements made during the investigation and considered as evidence in legal proceedings** An inspector may cause statements he or she came across during the investigation process to be recorded in written form and to be read to or by and signed by the person who makes such statements and the latter may be used as evidence in any legal proceedings against that person.	**Article 309: Déclarations faites lors de l'investigation et considérées comme preuve lors d'une procédure judiciaire** Un inspecteur peut exiger que toutes les déclarations faites lors de la procédure d'investigation soient consignées sous une forme écrite et lues pour ou par leur auteur et signées par lui et ces déclarations peuvent par la suite être utilisées comme éléments de preuve lors de toute procédure judiciaire contre leur auteur.
Ingingo ya 310: Gusubiza ibyangijwe	**Article 310: Compensation for damages by**	**Article 310: Réparation des dommages par**

n'uwahamwe n'icyaha	**the convict**	**une personne reconnue coupable**
Umuntu wese wahamwe n'icyaha cyagaragajwe n'igenzura, ashobora gutegekwa n'urukiko gusubiza mu isanduku ya Leta, uwareze, cyangwa isosiyete, hakurikijwe uko urubanza ruteye, amafaranga yose yakoreshejwe cyangwa igice cyayo.	Any person who is convicted of an offence as a result of the investigation may be directed by the court to pay by way of reimbursement to the public resources, the applicant or the company, as the case may be, the expenses, either in whole or in part.	Toute personne reconnue coupable d'avoir commis une infraction à la suite de l'investigation peut être condamnée par la juridiction à payer sous forme de remboursement au Trésor Public, au demandeur ou à la société, selon le cas, une partie ou la totalité des dépenses encourues.
Ingingo ya 311: Gukoresha raporo y'umugenzuzi nk'ikimenyetso cy'urukiko	**Article 311: Use of the report of an inspector as evidence before the court**	**Article 311: Utilisation du rapport d'inspecteur comme preuve devant la juridiction**
Raporo y'umugenzuzi w'isosiyete ifatwa nk'ikimenyetso cyakoreshwa mu rukiko.	The report by the inspector of a company is admissible in any legal proceedings as evidence.	Le rapport d'un inspecteur d'une société est considéré comme preuve devant les juridictions.
UMUTWE WA XV: IHEREREKANYA RY'IYANDIKISHA	**CHAPTER XV: TRANSFER OF REGISTRATION**	**CHAPITRE XV: TRANSFERT D'ENREGISTREMENT**
Icyiciro cya mbere: Gukomereza ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda kw'isosiyete y'inyamahanga	**Section One: Continuation of business activities in Rwanda by a foreign company**	**Section première: Poursuite d'activités commerciales au Rwanda par un société étrangère**
Ingingo ya 312: Kwandikwa no gukomereza ibikorwa mu Rwanda kw'isosiyete y'inyamahanga	**Article 312: Registration and continuation of activities in Rwanda by a foreign company**	**Article 312: Enregistrement et poursuite d'activités au Rwanda par une société étrangère**
Isosiyete y'inyamahanga ishobora, iyo amategeko y'igihugu yashingiwemo ayibyemerera gusaba Umwanditsi Mukuru	A foreign company may, where it is so authorised by the laws of the country of its incorporation, apply to the Registrar General	Une société étrangère peut, si cela est autorisé par les lois du pays de sa constitution, demander au Registraire général d'être

kwandikwa nka sosiyete iri mu Rwanda no kuhakomereza ibikorwa byayo nk'aho yaba yarashingiwe mu Rwanda hakurikijwe iri tegeko.	to be registered as, and continue as, a company in Rwanda as if it had been incorporated in Rwanda under this Law.	enregistrée au Rwanda et d'y poursuivre ses activités comme si elle avait été constituée au Rwanda selon la présente loi.
Ubusabe buvugwa mu gika cya mbere bugomba kuba buherekejwe n'ibi bikurikira:	An application under Paragraph one must be accompanied by the following:	La demande visée à l'alinéa premier doit être accompagnée de ce qui suit:
1º icyemezo cy'ishingwa kiriho umukono wa noteri cyangwa indi nyandiko igaragaza ko iyo sosiyete yari yarashinzwe;	1° notarised copy of the certificate of incorporation or other such document that evidences the incorporation of the company;	1° une copie notariée du certificat de constitution ou un autre document attestant la constitution de la société;
2º kopi y'icyemezo cyemerera iyo sosiyete gukomereza imirimo mu Rwanda;	2° a copy of the resolution authorizing the continuation of the company' business in Rwanda;	2° une copie d'une résolution autorisant la continuation d'activité au Rwanda;
3º kopi iriho umukono wa noteri y'icyemezo gikubiyemo inyandiko y'ubwumvikane cyangwa y'amategeko shingiro y'isosiyete;	3° a notarised copy of the certificate containing its memorandum or articles of association;	3° une copie notariée du certificat contenant ses mémorandums et statuts;
4º inyandiko igaragaza umutungo w'isosiyete watanzweho ingwate ;	4° a statement of the charges on the company's assets;	4° déclaration des charges imposées sur le patrimoine de la société;
5º ibimenyetso byanditse bigaragariza Umwanditsi Mukuru ko ibisabwa byose byo kwandika isosiyete y'inyamahanga byubahirijwe.	5° documentary evidence which satisfies the Registrar General that the conditions for registration of a foreign company have been complied with;	5° preuves écrites convainquant le Registraire général que toutes les conditions pour l'enregistrement d'une société étrangère sont remplies;
6º inyandiko n'amakuru akenewe kugira ngo isosiyete yandikwe hashingiwe kuri iri	6° the documents and information that are required to register a company under	6° documents et informations requis pour l'enregistrement d'une société

tegeko; 7º ibimenyetso byanditse bigaragariza Umwanditsi Mukuru ko isosiyete ihagaze neza mu gihugu yashingiwemo no mu kindi gihugu cyose ifitemo ibikorwa bigaragara; 8º indi nyandiko cyangwa amakuru Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba. Umwanditsi Mukuru ashobora gutegeka ko inyandiko irebana n'isosiyete y'inyamahanga yatanzwe cyangwa yandikishijwe idakenewe mu busabe. **<u>Ingingo ya 313</u>: Amasosiyete yashingiwe hanze y'u Rwanda yemerewe kwandikwa** Isosiyete itarashingiwe mu Rwanda yandikwa ari uko yujuje ibi bikurikira: 1° yemerewe n'amategeko y'igihugu yashingiwemo kwimura ishingwa ryayo; 2° yubahirije ibisabwa byose n'itegeko ry'aho yashingiwe ku birebana no kwimura ishingwa;	this Law; 7° documentary evidence which satisfies the Registrar General that the company is in good standing in the country of its incorporation and in the countries in which it has any significant activity; 8° such other document or information as may be required by the Registrar General. The Registrar General may direct that a document that has been delivered or registered in relation to a foreign company need not accompany the application. **<u>Article 313</u>: Companies incorporated outside Rwanda authorised to register** A company incorporated outside Rwanda is registered after complying with the following conditions: 1° the company is authorised to transfer its incorporation under the law of the country in which it is incorporated; 2° the company has complied with the requirements of that law in relation to the transfer of its incorporation;	conformément à la présente loi; 7° preuves écrites convainquant le Registraire général que la société est en règle dans le pays où elle a été constituée et dans tout pays où elle mène des activités importantes; 8° tout autre document ou information que le Registraire général peut exiger. Le Registraire général peut ordonner qu'un document relatif à une société étrangère qui est fourni ou enregistré n'est pas nécessaire dans la demande. **<u>Article 313</u>: Sociétés constituées hors du Rwanda autorisées à se faire enregistrer** Une société qui n'est pas constituée au Rwanda est enregistrée après avoir respecté les conditions suivantes: 1° elle est autorisée à transférer sa constitution en vertu de la loi du pays où elle a été constituée; 2° elle se conforme aux conditions imposées par la présente loi en rapport avec le transfert de sa constitution;

3° igihe itegeko ry'aho yashingiwe ridasaba abanyamigabane cyangwa igice cyabo, kwemera ko iryo yimura ry'iyandikwa rikorwa, bikorwa iyo: a) iyimurwa ryari ryaremewe na 75% by'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora ubwabo cyangwa bagatora bahagarariwe mu nama; b) inyandiko igaragaza umugambi wo kwimura ishingwa ry'isosiyete wagaragajwe n'abanyamigabane nibura mu minsi 21 mbere y'inama; 4° kugaragaza icyemezo cy'uko yandukuwe mu gitabo cy'amasosiyete mu gihugu yashingiwemo.	3° where the Law of its incorporation does not require its shareholders, or a specified proportion of them, to consent to the transfer of its incorporation, this occurs if: a) the transfer has been consented to by not less than seventy-five percent (75%) of its shareholders entitled to vote and voting in person or by proxy at a meeting; b) a notice specifying the intention to transfer the company's incorporation was given to the shareholders at least twenty-one (21) days prior to the meeting; 4° disclose the certificate of deregistration in the register of companies in the country of its incorporation.	3° si la loi du pays de sa constitution n'exige pas aux actionnaires ou à une partie d'actionnaires de consentir au transfert de constitution, cela se fait lorsque: a) le transfert a été consenti par au moins soixante-quinze pourcent (75%) des actionnaires ayant droit au vote et votant en personne ou votant par délégation à une réunion; b) un avis indiquant l'intention de transfert de la constitution de la société est accordé par les actionnaires au moins de vingt-et-un (21) jours avant la tenue de la réunion ; 4° présenter le certificat de désinscription au registre des sociétés du pays de sa constitution.
<u>Ingingo ya 314</u>: Amasosiyete yashingiwe hanze y'u Rwanda atemerewe kwandikwa Isosiyete itarashingiwe mu Rwanda ntiyemerewe kwandikwa no gukomeza ibikorwa byayo nk'isosiyete hakurikijwe iri itegeko iyo:	**<u>Article 314</u>: Companies incorporated outside Rwanda that cannot be registered** A company incorporated outside Rwanda is not authorised to be registered as, and continue as, a company under this Law where:	**<u>Article 314</u>: Sociétés constituées hors du Rwanda non autorisées à se faire enregistrer** Une société non constituée au Rwanda n'est pas autorisée à se faire enregistrer et poursuivre ses activités comme société en vertu de la présente loi, si:

1° isosiyete iri mu nzira zo guseswa;	1° the company is in the process of liquidation;	1° la société est en voie de liquidation;
2° ucunga ingwate cyangwa umucungamutungo w'uwahombye yashyizweho n'urukiko cyangwa mu bundi buryo kugira ngo acunge umutungo w'isosiyete;	2° a manager or administrator has been appointed, whether by a court or not, in relation to the property of the company;	2° le gestionnaire ou l'administrateur est nommé, soit par la juridiction ou non, en rapport avec le patrimoine de la société;
3° hari uburyo cyangwa icyemezo gikurikizwa ku birebana n'isosiyete aho uburenganzira bw'abo isosiyete ibereyemo imyenda bwabaye buhagaritswe cyangwa bwagabanyijwe;	3° there is a scheme or order in force in relation to the company whereby the rights of the creditors are suspended or restricted.	3° il y a un programme ou règlement en vigueur en relation avec la société selon lequel les droits des créditeurs sont suspendus ou restreints.
4° idashobora kugaragaza ko nyuma yo kwandikwa nta bibazo byo kwishyura imyenda izahura nabyo.	4° cannot after becoming registered satisfy the solvency test.	4° elle n'est pas à mesure de satisfaire au test de solvabilité après son enregistrement.
Ingingo ya 315: Kwandika isosiyete itarashingiwe mu Rwanda	**Article 315: Registration of a company incorporated outside Rwanda**	**Article 315: Enregistrement d'une société constituée hors du Rwanda**
Amaze kwakira ubusabe bwujuje ibisabwa byose, biteganywa muri iri tegeko, Umwanditsi Mukuru:	On receipt of an application fulfilling the requirements provided for by this Law, the Registrar General:	À la réception d'une demande remplissant toutes les conditions prévues par la présente loi, le Registraire général:
1° yandika mu gitabo cy'amasosiyete ibiranga isosiyete;	1° enters on the register of companies the particulars of the company; and	1° inscrit au registre des sociétés les caractéristiques de la société;
2° aha isosiyete icyemezo cy'iyandikwa mu buryo yagena.	2° issues a certificate of registration in such form as he or she may determine.	2° émet un certificat d'enregistrement dans la forme qu'il détermine.

Icyemezo cy'iyandikwa ry'isosiyete gitanzwe mu buryo buteganywa n'iyi ngingo kigaragaza ko: 1° ibisabwa byose n'iri tegeko byerekeranye n'iyandikwa byubahirijwe; 2° isosiyete yanditswe hakurikijwe iri tegeko guhera ku itariki y'iyandikwa igaragara mu cyemezo." **<u>Ingingo ya 316</u>: Inkurikizi z'iyandikwa** Iyandikwa ry'isosiyete itarashingiwe mu Rwanda hakurikijwe iri tegeko: 1° ntirishyiraho isosiyete nshya; 2° ntiribangamira cyangwa ngo rigire ingaruka ku biranga ikigo cy'ubucuruzi cyashyizweho n'iyo sosiyete cyangwa gukomeza gukora nk'ikigo; 3° ntirigira ingaruka ku mutungo, uburenganzira cyangwa inshingano z'isosiyete; 4° ntirigira ingaruka ku manza isosiyete yaregeye inkiko cyangwa yarezwemo.	A certificate of registration of a company issued under this Article is conclusive evidence that: 1° the requirements of this Law as to registration have been complied with; and 2° the company is registered under this Law as from the date of registration specified in the certificate. **<u>Article 316</u>: Effects of registration** The registration of a company incorporated outside Rwanda under this Law: 1° does not create a new legal entity; 2° does not prejudice or affect the identity of the body corporate constituted by the company or its continuity as a legal entity; 3° does not affect the property, rights or obligations of the company; or 4° does not affect proceedings by or against the company.	Un certificat d'enregistrement d'une société émis conformément au présent article est une preuve concluante que: 1° les exigences de la présente loi concernant l'enregistrement sont remplies; 2° la société est enregistrée selon la présente loi dès la date d'enregistrement figurant sur le certificat. **<u>Article 316</u>: Effets d'enregistrement** L'enregistrement d'une société constituée hors du Rwanda en vertu de la présente loi: 1° ne crée pas une nouvelle entité juridique ; 2° ne préjudicie pas ou n'affecte pas l'identité de la personne morale constituée par la société ou sa continuation comme entité juridique ; 3° n'affecte pas les biens, les droits ou les obligations de la société ; 4° n'affecte pas les procédures engagées par ou contre la société.

Imanza zatangiye kuburanishwa cyangwa zigikomeje isosiyete yashingiwe mu mahanga yaregeye cyangwa yarezwemo mbere yo kwandikwa hakurikijwe iri tegeko, zishobora gutangira cyangwa gukomeza na nyuma y'iyandikwa mu Rwanda.	Proceedings that have been commenced or continued by or against the company incorporated outside Rwanda before registration under this Law may be commenced or continued by or against the company after its registration in Rwanda.	Les procédures qui sont déjà engagées par ou contre la société ou qui sont en cours avant l'enregistrement en vertu de la présente loi, peuvent commencer ou se poursuivre par ou contre la société après son enregistrement au Rwanda.
Icyiciro cya 2: Kwimurira iyandikwa ry'isosiyete mu bindi bihugu	**Section 2: Transfer of registration of companies to other countries**	**Section 2: Transfert de l'enregistrement des sociétés à d'autres pays**
Ingingo ya 317: Isosiyete ishobora kwimura ishingwa	**Article 317: Company that may transfer incorporation**	**Article 317: Société pouvant transférer la constitution**
Isosiyete yashingiwe cyangwa yanditswe mu Rwanda ishobora gushingwa cyangwa kwandikwa mu kindi gihugu hashingiwe ku mategeko yacyo, ibanje gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete mu Rwanda.	A company incorporated or registered in Rwanda may be incorporated or registered in another country in accordance with its laws, after being removed from the register of companies in Rwanda.	Une société constituée ou enregistrée au Rwanda peut être constituée ou enregistrée dans un autre pays conformément à sa législation, après être rayée du registre des sociétés au Rwanda.
Ingingo ya 318: Gusaba iyimurwa ry'ishingwa	**Article 318: Application to transfer incorporation**	**Article 318: Demande de transfert de constitution**
Ubusabe bw'isosiyete bwo gukurwa mu gitabo hashingiwe ku bivugwa muri iki cyiciro cy'iri tegeko bikorwa mu buryo bwemejwe n'Umwanditsi Mukuru kandi bugomba kuba buherekejwe na:	An application by a company for its removal from the register under this Section of this Law is made in a form approved by the Registrar General and must be accompanied by:	Une demande par une société d'être rayée du registre selon la présente Section de la présente loi est faite dans la forme approuvée par le Registraire général et doit être accompagnée de:
1° ibimenyetso byanditse byemeza Umwanditsi Mukuru ko abanyamigabane b'isosiyete bemeje iyimurwa kandi ko imenyekanisha risabwa ryakozwe	1° documentary evidence which satisfies the Registrar General that the approval of shareholders has been obtained and the requisite publications have been	1° preuves écrites convainquant le Registraire général que l'approbation des actionnaires a été obtenue et les publications requises ont été faites

hakurikijwe iri tegeko; 2° ibimenyetso byanditse byemeza Umwanditsi Mukuru ko ikurwa ry'isosiyete mu gitabo ritabujijwe hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 321 y'iri tegeko; 3° imenyesha ryanditse ritanzwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro ko nta tambamira gikora ku ikurwa rya sosiyete mu gitabo; 4° ibimenyetso byanditse byemeza Umwanditsi Mukuru ko sosiyete izashingwa cyangwa izandikwa hakurikije itegeko rikoreshwa mu kindi gihugu; 5° indi nyandiko yose cyangwa amakuru byasabwa n'Umwanditsi Mukuru."	made in accordance with this Law; 2° documentary evidence which satisfies the Registrar General that the removal of the company from the register is not prohibited under the provisions of Article 321 of this Law; 3° written notice from the Rwanda Revenue Authority that there is no objection to the company being removed from the register; 4° documentary evidence which satisfies the Registrar General that the company is to be incorporated or registered under the law in force in another country; 5° such other document or information as may be required by the Registrar General.	conformément à la présente loi; 2° preuves écrites convainquant le Registraire général que la radiation de la société du registre n'est pas interdite conformément aux dispositions de l'article 321 de la présente loi; 3° avis écrit de l'Office rwandais des Recettes qu'il ne s'oppose pas à la radiation de la société du registre; 4° preuves écrites convainquant le Registraire général que la société est à constituer or à être enregistrée selon la loi en vigueur dans un autre pays; 5° tout autre document ou information que le Registraire général peut exiger.
Ingingo ya 319: Iyemera ry'abanyamigabane Isosiyete ntishobora gusaba ko ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete keretse iyo byemejwe n'icyemezo cyihariye cy'abanyamigabane.	**Article 319: Approval of shareholders** A company cannot apply to be removed from the register of companies unless it is approved by special resolution of shareholders.	**Article 319: Approbation des actionnaires** Une société ne peut demander qu'elle soit rayée du registre des sociétés que si cette demande ait été approuvée par une résolution spéciale des actionnaires.

Ingingo ya 320: Itangazo rigenewe rubanda rikozwe n'isosiyete	**Article 320: Public notice by a company**	**Article 320: Avis public d'une société**
Isosiyete yifuza gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete kugira ngo ishingwe cyangwa yiyandikishe mu kindi gihugu igomba gukora itangazo rigenewe rubanda.	A company intending to be removed from the register of companies so as to be incorporated or to register in another country must give a public notice.	Une société souhaitant être rayée du registre des sociétés pour être constituée ou s'inscrire dans un autre pays doit donner un avis public.
Iryo tangazo rigaragaza ko isosiyete, hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 310 y'iri tegeko, yifuje kwiyandikisha cyangwa gushingwa mu kindi gihugu hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ry'icyo gihugu. Iryo tangazo rigaragaza kandi ko ishingwa cyangwa iyandikwa mu kindi gihugu bidashobora gukorwa mbere y'iminsi makumyabiri n'umunani (28) uhereye ku munsi itangazo ryatangiweho.	Such a notice states that a company intends, in accordance with the provisions of Article 310 of this Law, to register or be incorporated in another country in accordance with the legislation of that country. Such a notice also states that incorporation or registration in another country cannot be done before twenty-eight (28) days after the date of the notice.	Cet avis public atteste que la société, conformément aux dispositions de l'article 310 de la présente loi, entend se faire enregistrer ou être constituée dans un autre pays conformément à la législation de ce pays. Cet avis atteste également que la constitution ou l'enregistrement dans un autre pays ne peut pas se faire avant vingt-huit (28) jours après la date de l'avis.
Itangazo rigaragaza igihugu isosiyete yifuza gushingwamo cyangwa kwiyandikishamo n'itegeko ishaka gukurikiza.	The notice specifies the country in which a company intends to be incorporated or registered and the Law it intends to follow.	L'avis indique le pays dans lequel une société entend être constituée ou enregistrée et la loi qu'elle entend suivre.
Ingingo ya 321: Amasosiyete yashingiwe cyangwa yanditswe mu Rwanda adashobora kwimura ishingwa ryayo	**Article 321: Companies incorporated or registered in Rwanda that cannot transfer incorporation**	**Article 321: Sociétés constituées ou enregistrées au Rwanda ne pouvant pas transférer la constitution**
Isosiyete yashingiwe cyangwa yanditswe mu Rwanda ntishobora gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete mu gihe:	A company incorporated or registered in Rwanda cannot be removed from the register of companies where:	Une société constituée ou enregistrée au Rwanda ne peut pas être rayée du registre des sociétés si:
1° iyo sosiyete irimo guseswa cyangwa hari	1° the company is in liquidation or an	1° la société est en liquidation ou une

ubusabe bwagejejwe mu rukiko bugamije kuyisesa;	application has been made to the Court to put the company into liquidation;	demande de mise en liquidation a été adressée à la juridiction ;
2° ucunga ingwate cyangwa umucungamutungo w'uwahombye yashyizweho n'urukiko cyangwa mu bundi buryo kugira ngo acunge umutungo w'isosiyete;	2° a receiver, manager or administrator has been appointed, whether by a Court or not, in relation to the property of the company;	2° un séquestre, gestionnaire ou administrateur a été nommé, soit par la juridiction ou non, en relation avec le patrimoine de la société;
3° hari ubwumvikane sosiyete yagiranye n'abo ibereyemo imyenda cyangwa n'igice cyabo cyangwa hari ubwumvikane bwasabwe ku bireba isosiyete;	3° the company has entered into a compromise with creditors or a class of creditors or a compromise has been proposed in relation to the company;	3° la société a eu un compromis avec les créanciers ou un groupe de créanciers ou un compromis a été proposé en relation avec la société;
4° hari ubwumvikane bwemejwe n'urukiko ku birebana na sosiyete cyangwa hari ubusabe bwagejejwe mu rukiko burusaba kwemeza ubwumvikane.	4° a compromise has been approved by the Court in relation to the company or an application has been made to the Court to approve a compromise;	4° une entente a été approuvée par la juridiction en relation avec la société ou une demande en vue de son approbation a été faite auprès de la juridiction ;
5° itagaragaje ko nta bibazo byo kwishyura imyenda izahura nabyo.	5° if it does not satisfy the solvency test.	5° s'il n'est pas à mesure de satisfaire au test de solvabilité.
Ingingo ya 322: Gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 322: Removal from the register of companies**	**Article 322: Radiation du registre des sociétés**
Iyo Umwanditsi Mukuru amaze kubona ubusabe bwo gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete kandi ubwo busabe bwujuje ibisabwa n'iri tegeko, akura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete.	Where the Registrar General receives an application to remove a company from the register and the application satisfies the requirements of this Law, the Registrar General removes the company from the register of companies.	Lorsque le Registraire général reçoit une demande de rayer une société du registre des sociétés et que la demande remplit les conditions requises par la présente loi, le Registraire général retire la société du registre des sociétés.

Isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete iyo imenyesha ryashyizweho umukono n'Umwanditsi Mukuru rigaragaza ko isosiyete yakuwe mu gitabo.	A company is removed from the register of companies when a notice signed by the Registrar General states that the company is removed from the register.	Une société est radiée du registre des sociétés si un avis signé par le Registraire général atteste que la société a été rayée du registre.
<u>Ingingo ya 323</u>: Inkurikizi zo gukurwa mu gitabo cy'amasosiyete	**<u>Article 323</u>: Effects of removal from the register of companies**	**<u>Article 323</u>: Effets de la radiation du registre des sociétés**
Gukura isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete hakurikijwe iri tegeko ntibigomba:	The removal of a company from the register of companies under this Law cannot:	La radiation d'une société du registre des sociétés conformément à la présente loi ne doit pas:
1° kubangamira cyangwa kugira ingaruka ku biranga isosiyete yari isanzweho cyangwa gukomeza gukora kw'iyo sosiyete;	1° prejudice or affect the identity of the company that was constituted or its continuity as a company;	1° compromettre ou affecter l'identité de la société ayant été constituée ou sa continuation en tant que société;
2° kugira ingaruka ku mutungo, uburenganzira cyangwa inshingano z'iyo sosiyete;	2° affect the property, rights, or obligations of that company;	2° affecter les biens, les droits ou les obligations de cette société;
3° kugira ingaruka ku manza iyo sosiyete yaregeye inkiko cyangwa yarezwemo.	3° affect proceedings by or against that company.	3° affecter les procédures engagées par ou contre cette société.
Imanza zatangiye kuburanishwa cyangwa zigikomeje sosiyete yaregeye cyangwa yaregwamo mbere y'uko ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete mu Rwanda, iyo sosiyete ishobora kuzikomeza cyangwa gukomeza kuziregwamo na nyuma y'uko isosiyete ikuwe mu gitabo cy'amasosiyete mu Rwanda.	Proceedings that have been commenced or continued by or against a Company before the company was removed from the register of companies in Rwanda may be commenced or continued by or against the company that continues in existence after the removal of the company from the register of companies in Rwanda.	Les procédures qui sont engagées par ou contre la société ou qui sont en cours avant la radiation du registre des sociétés au Rwanda peuvent reprendre ou continuer par ou contre la société qui continue d'exister après la radiation de la société du registre des sociétés au Rwanda.

Ingingo ya 324: Abagenzuzi b'ibikorwa bashyizweho n'isosiyete y'inyamahanga Isosiyete y'inyamahanga ifite amasosiyete ayishamikiyeho mu Rwanda, ishobora gushyiraho abagenzura ibikorwa by'imirimo y'ayo masosiyete, bikamenyeshwa Umwanditsi Mukuru.	**Article 324: Inspectors appointed by a foreign company** A foreign company with subsidiary companies in Rwanda may appoint inspectors for such subsidiary companies and the Registrar General is notified thereof.	**Article 324: Inspecteurs nommés par une société étrangère** Une société étrangère qui a des filiales au Rwanda peut nommer des inspecteurs de ces filiales et en aviser le Registraire général.
UMUTWE WA XVI: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER XVI: FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS**	**CHAPITRE XVI: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**
Ingingo ya 325: Kutubahiriza inshingano yo kwandikisha igikorwa cy'ubucuruzi Isosiyete itubahirije inshingano ijyanye no kwandikisha igikorwa cy'ubucuruzi mu bitabo byabugenewe, ihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) kandi buri wese mu bagize inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ashobora guhanishwa kwishyura ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.0000 FRW).	**Article 325: Failure to comply with the obligation to register a business activity** A company which fails to comply with the obligation to get registered a business activity in the relevant registers is liable to a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and every director of the company may be liable to a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).	**Article 325: Non-respect de l'obligation de faire enregistrer une activité commerciale** Une société qui ne respecte pas l'obligation relative à l'enregistrement d'une activité commerciale aux registres y relatifs est passible d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) et chacune de ses administrateurs est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais ne dépassant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 326: Kutagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko Isosiyete igaragayeho ko idafite kimwe mu bitabo biteganywa n'iri tegeko ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000Frw).	**Article 326: Failure to keep the books that are required by this Law** A company which fails to keep the books required under this Law is liable to an administrative fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).	**Article 326: Défaut de tenir les livres prévus par la présente loi** Une société qui ne tient pas les livres prévus par la présente loi est passible d'une amende administrative de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).
Ingingo ya 327: Kudatanga inyandiko ziteganywa n'iri tegeko Isosiyete idatanga cyangwa idatangira ku gihe inyandiko ziteganywa n'iri tegeko ku Mwanditsi Mukuru, ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000 Frw) ariko atarenze ibibumbi magana atanu (500.000Frw). Mu gihe inyandiko zivugwa mu gika kibanziriza iki zitari iz'ukuri cyangwa zitera urujijo, isosiyete ikaba yabikoze ku bushake, icyo gihe ihanishwa igihano kivugwa mu gika kibanziriza iki.	**Article 327: Failure to provide documents required by this Law** A company which fails or delays to provide the Registrar General with the documents that are required by this Law is liable to an administrative fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) but not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000). Where the documents referred to in the preceding Paragraph are fraudulent or misleading, a company that intentionally provided them is liable to a penalty referred to in the preceding Paragraph.	**Article 327: Défaut de fournir les documents prévus par la présente loi** Une société qui ne donne pas ou qui ne donne pas à temps les documents prévus par la présente loi au Registraire général est passible d'une amende administrative de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW). Lorsque les documents visés à l'alinéa précédent sont frauduleux ou trompeurs, la société qui les soumet intentionnellement est passible de sanction visée à l'alinéa précédent.
Ingingo ya 328: Imenyekanisha ry'ibinyoma Umuntu wese usabwa gutanga inyandiko, kandi akaba:	**Article 328: False notice** Any person who is required to provide a document and who:	**Article 328: Faux avis** Toute personne tenue de produire un document et qui:

1° akoresha cyangwa agatanga uburenganzira bwo gukoresha inyandiko itari iy'ukuri cyangwa ishobora gutera kwibeshya;	1° makes, or authorises the making of, a statement that is false or misleading;	1° fait ou autorise de faire une déclaration fausse ou trompeuse;
2° yirengagiza ku bushake cyangwa agatuma hirengagizwa ikintu ku buryo bwatuma habaho inyandiko itari iy'ukuri kandi ku buryo bwatera kwibeshya ku kintu cy'ingirakamaro;	2° deliberately omits or authorises the omission of, any matter whose omission makes the document false or misleading on an important matter;	2° délibérément omet ou autorise d'omettre une question dont l'absence a pour effet de rendre le document faux ou trompeur sur un élément important;
aba akoze ikosa kandi ahanishwa, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) na miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).	commits a fault and is liable to an administrative fine of between five hundred Rwandan francs (FRW 500,000) and two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	commet une faute et est passible d'une amende administrative comprise entre cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) et deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 329</u>: Gutanga nkana inyandiko itari iy'ukuri	**<u>Article 329</u>: Knowingly submitting a false document**	**<u>Article 329</u>: Fournir intentionnellement un faux document**
Ugize inama y'ubutegetsi y'isosiyete cyangwa umukozi w'isosiyete uzaba, ku bushake, yakoze, cyangwa yatanze uburenganzira bwo gukoresha inyandiko itari iy'ukuri cyangwa raporo itari iy'ukuri yerekeranye n'imirimo y'isosiyete, ku:	A director or employee of a company who knowingly makes or submits or authorises the making or submission of, a false or misleading statement or report with regard to:	Un administrateur ou employé de la société qui, en connaissance de cause, fait ou soumet, autorise de faire ou de soumettre une déclaration ou un rapport faux ou trompeurs concernant:
1° ugize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, umukozi, ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyete, umunyamigabane w'isosiyete, nyir'umugabane nguzanyo cyangwa uhagarariye ufite imigabane nguzanyo;	1° a director, employee, inspector, shareholder, debenture holder or trustee for debenture holder of the company;	1° un administrateur, employé, inspecteur, actionnaire, détenteur d'obligations ou fiduciaire pour détenteur d'obligations de la société;

2° ushinzwe iyegeranya n'igabagabana ry'umutungo w'isosiyete yasheshwe, komite ishinzwe iyegeranya n'igabagabana ry'umutungo w'isosiyete yasheshwe, ugomba guhabwa ibintu by'isosiyete cyangwa ushinzwe kubicunga;	2° a liquidator, liquidation committee, receiver or manager of property of the company;	2° un liquidateur, comité de liquidation ou syndic de faillite ou administrateur des biens de la société ;
3° isosiyete ishamikiye ku yindi, ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyete ishamikiyeho;	3° a subsidiary, a director, employee or inspector of its holding company;	3° une filiale, un administrateur, un employé ou inspecteur de la société holding;
4° isoko ry'imigabane cyangwa umukozi w'iguriro ry'imigabane;	4° a stock exchange or an officer of a stock exchange;	4° une bourse ou un responsable de la bourse;
aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW).	commits a fault and is liable to an administrative fine from one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	commet une faute et est passible d'une amende administrative allant d'un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 330:</u> Kwemeza ibaruramari ritujuje ibisabwa	**<u>Article 330:</u> Approval of non-compliant accounts**	**<u>Article 330:</u> Approbation des comptes non conformes**
Iyo abagize inama y'ubutegetsi y'isosiyete bemeje ibaruramari ritujuje ibisabwa mu ngingo ya 125 n'iya 127 z'iri tegeko, buri umwe mu bagize inama y'ubutegetsi wagize uruhare mu kubyemeza kandi akaba azi ko bitubahirije ibisabwa cyangwa habayeho	If the directors of a company approve accounts which do not comply with Articles 125 and 127 of this Law, every director who is a party to their approval and who knows that they do not comply or is reckless not to know whether they comply or not, commits a fault and is	Lorsque les administrateurs d'une société approuvent les comptes n'étant en conformité avec les dispositions des articles 125 et 127 de la présente loi, chaque administrateur ayant approuvé ces comptes et reconnaissant leur non-conformité ou manifestant une négligence

uburangare kugira ngo bamenye ko bibyubahirije cyangwa bitabyubahirije, aba akoze ikosa kandi ahanishwa, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) na miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).	liable to an administrative fine of between five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	eu égard à leur conformité auxdites dispositions, commet une faute et est passible d'une amende administrative comprise entre cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) et deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).
Iyo kopi y'ibaruramari ry'umwaka itarasinywe nk'uko bisabwa mu ngingo ya 127 y'iri tegeko, itanzwe, igakwirakwizwa kandi igatangazwa, isosiyete, ugize inama y'ubutegetsi cyangwa umwanditsi baba bakoze ikosa kandi bahanishwa, ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) na miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).	If a copy of the annual accounts which have not been signed as required by Article 127 of this Law, is issued, circulated and published, the company, its director or secretary commit a fault and are liable to an administrative fine of between five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	Lorsqu'une copie des comptes annuels n'ayant pas été signés comme l'exige l'articles 127 de la présente loi est transmise, émise ou publiée, la société, son administrateur ou son secrétaire commettent une faute et sont passibles d'une amende administrative comprise entre cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) et deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 331</u>: Guhamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**<u>Article 331</u>: Public invitation to subscribe for shares in a private company**	**<u>Article 331</u>: Invitation au public à la souscription d'actions dans une société privée**
Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ihamagarira rubanda cyangwa icyiciro cy'abantu kuyiguramo imigabane, byaba kuyiha amafaranga cyangwa kuyiha ku bundi buryo ingwate y'isosiyete y'imitungo yimukanwa iyo ari yo yose, gutanga imigabane cyangwa kwemera gutanga imigabane, byaba ku mafaranga cyangwa ku	A private company which offers to the public or any section of the public, whether for cash or otherwise any securities of the company of any movable property, allot or agree to allot, whether for cash or otherwise, any securities of the company's movable property with a view to all or any of the securities being offered for sale to the public or any article of	Une société privée qui fait appel au public ou à toute partie du public, pour lui offrir soit de l'argent au comptant, soit des titres de garanties de la société portant sur des biens meubles, répartir ou accepter d'attribuer des actions, que ce soit pour l'argent au comptant ou autrement, tout titre de sécurité de la société portant sur des biens meubles en vue de

ngwate ya sosiyete y'ibintu byimukanwa ku bundi buryo hagamijwe ko ingwate zose cyangwa zimwe na zimwe zagurishwa rubanda, iba ikoze ikosa,	the public commits a fault,	proposer à la vente la totalité ou une partie des titres au public ou à n'importe quelle partie du public, commet une faute,
iyo sosiyete na buri umwe mu bagize inama y'ubutegetsi bacibwa ihazabu yo rwego rw'ubutegetsi iri hagati ya miliyoni ebyiri (2.000.0000 FRW) na miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) y'amafaranga y'u Rwanda.	such a company and every director of that company are liable to an administrative fine of between two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).	cette société et chacun de ses administrateurs sont passibles d'une amende administrative comprise entre deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) et cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 332</u>: Kudatanga raporo y'ibaruramari ry'umwaka, raporo y'abayobozi na raporo y'umugenzuzi w'imari	**<u>Article 332</u>: Failing to deliver annual accounts, directors' report and auditor's report**	**<u>Article 332</u>: Non transmission des comptes annuels, du rapport des administrateurs et du rapport de l'auditeur**
Iyo abagize Inama y'Ubutegetsi badatanze raporo zikurikira ku Mwanditsi Mukuru mu gihe cyagenwe:	Where the directors, in a determined period, do not deliver to the Registrar General:	Lorsque les administrateurs ne remettent pas au Registraire général dans un délai déterminé:
1° kopi y'ibaruramari ry'umwaka yashyizweho umukono kandi ikemezwa;	1° a copy of signed and approved annual accounts;	1° une copie des comptes annuels signés et approuvés;
2° kopi ya raporo y'umugenzuzi kuri iryo baruramari;	2° a copy of the auditor's report on those accounts;	2° une copie du rapport de l'auditeur sur ces comptes;
3° raporo y'abagize Inama y'Ubutegetsi yerekeranye n'igihe cy'ibaruramari gihuye n'iryo baruramari ry'umwaka, baba bakoze ikosa;	3° a copy of the directors' report relating to the same accounting period as those annual accounts, commit a fault;	3° une copie du rapport des administrateurs relatif au même exercice comptable que ces comptes annuels, commet une faute;
bacibwa buri wese ihazabu yo mu rwego	each of the directors is liable to a fine of one	chaque administrateur est passible d'une

rw'ubutegetsi iri hagati ya miliyoni imwe (1.000.0000 FRW) na miliyoni icumi (10.000.0000 FRW) y'amafaranga y'u Rwanda.	million Rwandan francs (FRW 1,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	amende d'un montant compris entre un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) et dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
Ingingo ya 333: Kudatanga amakuru y'ugenewe umugabane	**Article 333: Non-disclosure of beneficial owner information**	**Article 333: Défaut de communication des informations du bénéficiaire**
Umwanditsi w'isosiyete cyangwa undi wabiherewe ububasha, udatanga amakuru y'ugenewe umugabane abitse, cyangwa amakuru yose asabwe n'urwego rubifitiye ububasha, hashingiwe ku itegeko cyangwa ku cyemezo cy'urukiko, aba akoze ikosa;	The company secretary or any other competent person who fails to disclose information of the beneficial owner or any information requested by the competent authority by virtue of the provisions of the law or a court order, commits a fault;	Le secrétaire de la société ou toute autre personne compétente qui ne communique pas les informations du bénéficiaire ou toute information requise par l'autorité compétente en vertu des dispositions de la loi ou d'une décision de justice commet une faute;
ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500,000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1,000,000 FRW).	he or she is liable to a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not exceeding one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).	il est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).
Ingingo ya 334: Kwemeza amasezerano y'ikurikiranabwishyu atujuje ibisabwa	**Article 334: Approving a recourse agreement with no required conditions**	**Article 334: Approuver un accord relatif au recours sans conditions requises**
Ugize inama y'ubutegetsi wemeje amasezerano y'ikurikiranabwishyu abangamiye ababerewemo imyenda cyangwa abangamiye umutungo w'igice cy'isosiyete cyangwa isosiyete remezo cyangwa nta mwanzuro wafashwe n'abanyamigabane wemeza ayo masezerano, aba akoze ikosa;	A director who approves a recourse agreement in constraint of creditors or property of a protected cell or a core company without a resolution of the shareholders approving that arrangement commits a fault;	Un administrateur qui approuve un accord relatif au recours en contrainte des créanciers ou des biens d'une cellule protégée ou d'une société principale sans résolution des actionnaires approuvant cet arrangement commet une faute ;

ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).	he or she is liable to a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).	il est passible d'une amende compris entre cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) et trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).
Ingingo ya 335: Kutandikisha ibikorwa by'isosiyete y'inyamahanga	**Article 335: Non-registration of a foreign company**	**Article 335: Non enregistrement d'une société étrangère**
Isosiyete y'inyamahanga ishyiraho ibiro bikora ibijyanye n'ihererekanya cyangwa n'iyandikwa ry'imigabane mu Rwanda ariko ntiyubahirize igihe cyo kwandikwa giteganywa n'iri tegeko, iyo sosiyete n' ugize Inama y'Ubutegetsi wayo baba bakoze ikosa;	A foreign company that establishes a share transfer or share registration office within Rwanda, but does not comply with the time limit for registration provided for under this Law, the foreign company and its director commit a fault;	Lorsqu'une société étrangère établit un bureau de transfert ou d'enregistrement d'actions au Rwanda, mais ne respecte pas le délai d'enregistrement prévu par la présente loi, cette société étrangère et son administrateur commettent une faute ;
bahanishwa buri wese ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miriyoni imwe (1.000.000Frw) ariko atarenze miriyoni eshatu (3.000.000Frw)	each of them is liable to a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) but not exceeding three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).	chacun d'entre eux est passible d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).
Ingingo ya 336: Kutagaragaza izina rya sosiyete y'inyamahanga	**Article 336: Non-disclosure of foreign company's name**	**Article 336: Non divulgation du nom de la société étrangère**
Isosiyete y'inyamahanga itagaragaza izina ryayo ryuzuye mu nyuguti zisomeka z'ikiromani, ahantu hagaragara hanze ya buri biro, ahantu hose ikorera ibikorwa by'ubucuruzi, ku nyandiko z'itumanaho ryose ryanditse ryoherezwa mu izina ryayo, ku nyandiko zose z'ubucuruzi n'izikwirakwizwa zitanzwe n'isosiyete, iba ikoze ikosa;	A foreign company that fails to disclose its full name stated clearly in easily legible roman letters in a conspicuous position outside every office or place in which its business is carried, all written communications sent on behalf of the company, all trade catalogues and trade circulars commits a fault;	Une société étrangère qui omet de communiquer sa dénomination complète clairement mentionnée en lettres romaines facilement lisibles à un endroit bien visible à l'extérieur de chaque bureau ou lieu dans lequel la société conduit ses activités commerciales, toutes les communications écrites envoyées au nom de la société, tous les

		catalogues commerciaux et circulaires commerciales émises par la société, commet une faute;
ihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000Frw) ariko atarenze miriyoni imwe (1.000.000Frw).	it is liable to an administrative fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not exceeding one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).	elle est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).
Ingingo ya 337: Isubirakosa	**Article 337: Recidivism**	**Article 337 : Récidive**
Isosiyete yongeye kugaragaraho amakosa avugwa mu Mutwe wa XVI uteganya amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi, ihanishwa ihazabu ikubye inshuro ebyiri (2) z'ibihano yagombaga guhanishwa mbere y'isubirakosa cyangwa ikamburwa uruhushya rwayo rw'ubucuruzi. Abagize inama y'ubutegetsi babigizemo uruhare nabo bahanishwa ihazabu ikubye inshuro ebyiri (2) z'ibihano bagombaga guhanishwa mbere y'isubirakosa.	A recidivist company with regard to faults referred to in Chapter XVI providing for faults and administrative sanctions is liable to sanctions that are double those provided before recidivism or its license is withdrawn. Involved directors are punished with a fine that is double the one they were liable to before recidivism.	Une société récidiviste en ce qui concerne les fautes visées au chapitre XVI prévoyant les fautes et les sanctions administratives est passible du double des sanctions prévues avant récidive ou se voit retirer sa licence commerciale. Les administrateurs impliqués sont punis d'une amende de deux fois celle dont ils seraient passibles avant la récidive.
Ingingo ya 338: Ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 338: Powers to impose administrative sanctions**	**Article 338: Pouvoirs d'imposition des sanctions administratives**
Ibiro by'Umwanditsi Mukuru nibyo bifite ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganyijwe n'iri tegeko.	The office of the Registrar General has the power to impose administrative sanctions provided for under this Law.	Le bureau du Registraire général a le pouvoir d'imposer les sanctions administratives prévues par la présente loi.
Amafaranga akomotse kuri ibyo bihano ashyirwa mu isanduku ya Leta.	The fees from those sanctions are paid into the public treasury.	Les frais découlant de ces sanctions sont versés au trésor public.

UMUTWE WA XVII: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER XVII: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE XVII: INFRACTIONS ET SANCTIONS**
Ingingo ya 339: Igihombo cyikururiwe cyoroshye	**Article 339: Simple fraudulent bankruptcy**	**Article 339: Faillite frauduleuse simple**
Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura:	Any insolvent business person who:	Tout commerçant insolvable qui:
1° wikenura cyangwa ukenura urugo rwe, asesagura imari;	1° for his or her personal interest or for his or her family incurs excessive expenses;	1° dans son intérêt personnel ou de celui de sa famille contracte des dépenses excessives;
2° unanirwa kwishyura imyenda, utonesha umwe mu bishyurwa ku buryo buryamiye abasigaye;	2° fails to pay, favours one of the creditors to the detriment of others;	2° ne parvient pas à payer, donne priorité à un créancier au détriment des autres créanciers ;
3° uhisha ko yananiwe kwishyura, ugura ibintu akabigurisha ku giciro kiri hasi y'ikiriho, wigwizah**o** imyenda, utanga impapuro zifite agaciro k'amafaranga cyangwa agakoresha ubundi buryo bwose buhombya, akurikiranye kubona amafaranga;	3° dissimulates his or her insolvency, purchases items which he or she sells at a lower price than the market price, indulges in taking loans, delivers cash value effects or any other way meant to cause bankruptcy, in pursuit of getting cash;	3° dissimule sa situation d'insolvabilité, achète des biens et les revend à un prix inférieur à leur valeur marchande, se livre à des prêts, offre des valeurs en espèces ou tout autre moyen visant à causer la faillite, dans le but d'obtenir des espèces ;
4° uhimba ibyo yatanzeho amafaranga, ibyamuhombeje cyangwa ntagaragaze umutungo wose nyakuri ufitanye isano n'ubucuruzi afite yaba yabonye nyuma y'itariki yarekeyeho kwishyura cyangwa ntiyerekane icyo yawukoresheje kuva igihe aheruka gukorerwa igenzura;	4° forges expenses, losses incurred or does not justify all real assets inherent to trade which he or she might have obtained after the date on which he or she became insolvent or does not justify what he or she has used the assets since he or she last audit;	4° falsifie les dépenses, les pertes contractées ou ne justifie pas les actifs réels inhérents au commerce qu'il aurait obtenus après la date à laquelle il est devenu insolvable ou ne justifie pas l'usage des biens suivant le dernier audit;

aba akoze icyaha.	commits an offence .	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.	Lorsqu'il est en reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) à trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.
<u>Ingingo ya 340:</u> Ibikorwa bifatwa kimwe n'igihombo cyikururiwe cyoroshye	**<u>Article 340:</u> Acts which qualify as simple fraudulent bankruptcy**	**<u>Article 340</u>: Actes qualifiés de faillite frauduleuse simple**
Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura:	Any insolvent business person who:	Tout commerçant insolvable qui:
1° utandika mu bitabo cyangwa udakora ibaruramari ku buryo bukurikije amategeko;	1° does not keep records or does not carry out lawful inventory;	1° ne conserve pas des archives ou ne fait pas d'inventaire légal ;
2° ibitabo by'ibaruramari bye birimo inyandiko idatunganye, ituzuye cyangwa byanditswe mu rurimi rudateganyijwe n'itegeko;	2° is found with irregular, incomplete books of accounts or written in a language other than the one prescribed by the Law;	2° tient ses livres de comptes de façon incomplète ou irrégulière ou écrits dans une langue autre que celle prévue par la loi ;
3° ibitabo by'ibaruramari bye bitagaragaza mu kuri imari n'imyenda ariko hatarimo uburiganya;	3° is found with books of accounts not showing real assets and liabilities but without fraud;	3° tient ses livres de comptes sans spécification des actifs et passifs réels toute fois sans aucune manifestation de fraude ;
4° ugira amasezerano atanga imyenda irenze urugero, ugereranyije n'imari ye	4° signs agreements which grant excessive credits, compared to his or	4° conclue des accords pour l'octroi des créances excessives en comparaison de

igihe yagiraga ayo masezerano nta ngwate ahawe;	her assets at the time of contracting the credit, with no security set aside;	ses actifs au moment d'octroi desdits crédits, assortis d'aucune garantie;
5° abikoranye uburiganya, utuma bamwemeza igihombo kandi nta bukene bumurangwaho;	5° fraudulently causes bankruptcy to be ascribed to him or her while being actually not poor;	5° cause de façon frauduleuse une faillite lui étant imputée toutefois sans être réellement pauvre ;
6° nyuma y'igihombo, utubahirije amategeko yose akomoka ku bwumvikane bwe n'abo abereyemo imyenda cyangwa yaratsindiwe kuba ari we wishe amasezerano y'ubwo bwumvikane;	6° after bankruptcy, does not observe obligations inherent to agreements with he or she creditors or the winding up arrangements have been pronounced against him or her;	6° après la faillite, ne se conforme pas aux obligations inhérentes aux accords conclus avec ses créanciers, ou les dispositions de dissolution prononcées à son égard ;
7° utaramenyesheje ko yananiwe kwishyura, mu buryo no mu bihe biteganyijwe n'amategeko yerekeye igihombo;	7° has not declared he or she insolvency under terms and conditions provided for by the insolvency laws;	7° n'a pas déclaré son insolvabilité dans les conditions et selon les modalités prévues par les lois relatives à l'insolvabilité ;
8° usiba nta mpamvu cyangwa utitaba ubutumire bw'umucamanza cyangwa ushinzwe gucunga ibintu by'uwahombye kandi yarahawe inzandiko zimuhamagara;	8° without a legitimate reason, is absent or does not reply to the notification of the judge or the trustee in bankruptcy while having been summoned;	8° sans raison valable, est absent ou ne répond pas aux notifications du juge ou le syndic de faillite après convocation ;
aba akoze icyaha;	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) à trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

<u>Ingingo ya 341</u>: Igihombo cyikururiwe gikomeye	**<u>Article 341</u>: Grave fraudulent bankruptcy**	**<u>Article 341</u>: Faillite frauduleuse grave**
Umucuruzi wese utagishoboye kwishyura akaba, ku buryo bw'uburiganya: 1° arigisa cyangwa ahisha umutungo wose cyangwa igice cyawo; 2° wiyemerera imyenda atarimo; 3° urigisa ibitabo by'ibaruramari; aba akoze icyaha;	Any insolvent business person who fraudulently: 1° misappropriates or conceals all or part of him or her assets; 2° accepts debts that him or her does not owe; 3° conceals his or her books of accounts; commits an offence.	Tout commerçant insolvable qui, frauduleusement : 1° détourne ou dissimule tout ou une partie de ses biens ; 2° accepte des dettes qu'il ne doit pas; 3° dissimule ses livres de comptes; commet une infraction.
iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi ijana (100.000 FRW) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of one (1) year to three (3) years and a fine of one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) to one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cent mille francs rwandais (100.000 FRW) à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 342:</u> Ibikorwa by'igihombo cyikururiwe gikozwe n'abayobozi b'isosiyeti itagishoboye kwishyura	**<u>Article 342:</u> Fraudulent actions by directors of an insolvent company related to bankruptcy**	**<u>Article 342</u>: Actes frauduleux commis par les administrateurs d'une société insolvable en rapport avec la faillite**
Ugize Inama y'Ubutegetsi uwo ari we wese, ucunga cyangwa ushinzwe kugabagabanya umutungo ariko akaba adashinzwe izahura	Any director, manager or liquidator but not being in charge of the company's commercial recovery, who fraudulently:	Tout administrateur, dirigeant ou liquidateur mais qui n'est pas chargé du redressement commercial de la société, qui

ry'ubucuruzi bw'isosiyete, ukoze uburiganya bwo :		frauduleusement:
1° kuyoberanya, guhisha umutungo w'isosiyete wose cyangwa igice cyawo;	1° misappropriates, conceals the company's assets in whole or in part;	1° détourne, dissimule les biens de la société en totalité ou en partie ;
2° kwemera imyenda kandi isosiyete itayirimo;	2° ascribes debts to the company which it does not owe;	2° impute des dettes à la société qu'elle ne doit pas;
3° guhisha amakuru y'isosiyete;	3° conceals records of the company;	3° dissimule les informations de la société ;
4° kudatanga inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa guhindura amabwiriza n'amategeko biteganywa n'iri tegeko;	4° does not provide incorporation documents of the company or any modifications under terms and conditions provided for by this Law;	4° omet de fournir les documents constitutifs de la société ou toute modification selon les modalités et dans les conditions prévues par la présente loi;
5° gutanga amakuru anyuranye n'inyandiko z'iyandukurwa ry'isosiyete;	5° declares information contrary to incorporation documents of the company;	5° fournit des informations contraires aux documents constitutifs de la société ;
6° guteza igihombo isosiyete;	6° causes bankruptcy of the company;	6° cause la faillite de la société;
7° kubera kubura kw'urupapuro rw'ibaruramari cyangwa urutari rwo, akagenera abanyamigabane imigabane bidashingiye k'urwunguko nyarwo;	7° due to the absence of a balance sheet or by means of a false balance sheet, allocates among shareholders dividends not drawn from real profits;	7° en raison d'absence d'un bilan ou au moyen d'un faux bilan, accorde aux actionnaires des dividendes non tirées de profits réels ;
8° gutonesha uberewemo umwenda bibangamiye abandi;	8° favours one creditor to the detriment of other creditors;	8° donne priorité à un créancier au détriment des autres créanciers ;

9° gusesagura umutungo w'isosiyete;	9° engages in overspending of the assets of the company;	9° dépense à outrance les actifs de la société ;
10° gutanga amafaranga menshi mu mikino cyangwa ibindi bikorwa by'ubucuruzi bishingiye ku mahirwe;	10° spends large amounts of money in games or any other transactions of pure chance;	10° dépense de grosses sommes d'argent dans les jeux ou des transactions de pur hasard ;
11° kugura no kugurisha munsi y'igiciro kiri ku isoko cyangwa gufata imyenda myinshi, gushyira impapuro mpeshamwenda ku isoko cyangwa ubundi buryo bwose bubi bwo kubona amafaranga;	11° purchases and sells below market price or takes large amounts of loans, put negotiable instruments into circulation or adopts any other ruinous means of procuring funds;	11° achète et vend des biens à des prix inférieurs à leurs valeurs marchandes ou contracte de crédits importants, met des instruments négociables en circulation ou fait recours à tout autre moyen ruineux pour obtenir des fonds ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) à cinq millions de francs rwandais (5.000.0000 FRW).
<u>Ingingo ya 343</u>: Gufata nabi ibitabo by'ibaruramari	**<u>Article 343:</u> Poor book-keeping**	**<u>Article 343</u>: Mauvaise tenue de livres**
Umucungamutungo w'uwahombye, ugize inama y'ubutegetsi, umuyobozi, ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo, mu yandi magambo umuntu wese uhagarariye isosiyete ariko hatarimo intumwa mu gikorwa cyo kuzahura isosiyete iri mu gihombo,	An administrator, director, manager or liquidator in other words any representative of a company but not dealer of an insolvent company in commercial recovery, who is found with:	Un curateur, un administrateur, un dirigeant ou un liquidateur, en d'autres termes tout représentant d'une société mais qui n'est pas chargé du redressement commercial d'une société insolvable qui:

ugaragaweho kuba:		
1° afite ibitabo by'ibaruramari bitarimo amatariki imibare yandikiwemo, hari ibaruramari ritakozwe, cyangwa byanditse mu rurimi rutari urwo itegeko ritegeka, ibitabo by'ibaruramari bitujuje kandi bitagaragaza inyungu nyayo cyangwa igihombo ariko ntabundi buriganya;	1° books of accounts with no entry posted in, prescribed accounting unexecuted or written in a language other than that which is prescribed by the law, account books that are not completed and do not show the exact profit or loss, but without any fraud;	1° détient des livres de comptes mais sans entrée inscrite, une comptabilité prescrite non exécutée ou écrite dans une langue autre que la langue prévue par la loi, des livres de comptes n'étant pas complets et ne mentionnant pas le profit ou la perte exacte, mais sans aucune fraude ;
2° adatangaza ko isosiyete yashyizwe mu izahura ry'ubucuruzi nk'uko biteganywa n'amategeko yerekeranye no gukemura ibibazo biterwa no gushyirwa mu gihe cy'izahura ry'ubucuruzi;	2° omission of the declaration that the company is insolvent under terms and conditions provided for by the Law relating to the settling of issues arising from insolvency;	2° omet de déclarer que la société est en faillite dans les conditions et selon les modalités prévues par la loi relative à la résolution des problèmes découlant de la faillite;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) to three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) à trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.
Ingingo ya 344: Kwanga gutanga amakuru y'isosiyete yashyizwe mu izahurwa ry'ubucuruzi	**Article 344: Refusal to provide information about an insolvent company**	**Article 344: Refus de fournir les informations sur une société insolvable**
Uhagarariye isosiyete, iyo sosiyete yashyizwe	When a company has been declared insolvent,	Un représentant d'une société déclarée

mu izahurwa ry'ubucuruzi ntatange amakuru cyangwa agaha umucamanza amakuru atariyo cyangwa abishingizi cyangwa ntiyitabe kandi yahamagajwe n'ubuyobozi nta mpamvu;	a representative of the company who does not provide information or who gives inaccurate information to a judge or trustees or does not respond in person to summons from authorities without reasonable cause;	insolvable qui ne fournit pas d'informations ou fournit des informations inexactes au juge ou aux fiduciaires ou qui ne se présente pas, après convocation, devant les autorités sans justification valable;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200.000) to one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.
Ingingo ya 345: Kutagaragaza nyir'umutungo nyawe cyangwa kwigira ubereyemo umwenda abandi	**Article 345: Concealment of real owner of property or pretending to be a debtor**	**Article 345: Dissimulation du propriétaire réel des biens ou prétendre être un débiteur**
Ushinzwe kwegeranya no kugabagabanya umutungo w'isosiyete cyangwa undi muntu ubwe cyangwa binyuze ku wundi muntu, ucunga, uyobora cyangwa ugabagabanya umutungo w'isosiyete mu izina ry'uhagarariye isosiyete, utagaragaza nyiri umutungo nyawe cyangwa akoresheje uburiganya akigira ubereyemo umwenda abandi w'amafaranga runaka;	Any liquidator of a company or any person who directly or through a third party, administers, manages or liquidates a company on behalf of the legal representative, who conceals the real owner of property or fraudulently makes him or herself a debtor for amounts not owed;	Tout liquidateur d'une société ou toute personne administrant, dirigeant ou liquidant, directement ou par une tierce partie, les biens de ladite société pour le compte du représentant légal de la société dissimule le vrai propriétaire des biens ou s'endette frauduleusement sans y avoir droit ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of two (2) years to five (5) years and a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) à deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).
<u>Ingigo ya 346</u>: Gusiba cyangwa guhisha umutungo mu buriganya bigamije kurengera uwahombye	**<u>Article 346</u>: Removal or fraudulent concealment of assets in favour of the bankrupt**	**<u>Article 346</u>: Retrait ou dissimulation frauduleuse des biens au bénéfice du failli**
Umuntu wese:	Any person who:	Toute personne qui:
1° usiba, urigisa cyangwa uhisha umutungo wose cyangwa igice cyawo mu nyungu z'uwahombye;	1° in the interest of the bankrupt, removes, embezzles or conceals, all or part of assets;	1° dans l'intérêt du failli, retire, détourne ou dissimule tout ou partie des biens;
2° wiyita undi muntu akoresheje uburiganya kugira ngo agaragaze ko afite imyenda kandi atari byo;	2° fraudulently presents oneself as a third party with fictitious debts;	2° frauduleusement se présente comme une tierce partie avec des dettes fictives;
3° nk'umucunga mutungo urigisa umutungo yaragijwe;	3° as the administrator, embezzles property entrusted to him or her;	3° en tant que curateur, détourne les biens lui confiés;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of one (1) year to three (3) years and a fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) to two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) à deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Ingingo ya 347: Gukorana uburiganya n'uwahombye	**Article 347: Fraudulent dealings with a bankrupt**	**Article 347: Transactions frauduleuses avec un failli**
Umuntu wese ukoranye uburiganya n'uwahombye cyangwa abandi bantu, ateganya kubona inyungu iturutse ku gufata ibyemezo bibogamiye ku wahombye, cyangwa akajya mu gikorwa gishobora kuvamo inyungu zibangamiye ababerewemo umwenda;	Any person who fraudulently deals with a bankrupt or any other persons, expecting to receive any advantage as a result of making biased decisions in the bankrupt's favour or engages in any special deal likely to result in an advantage to the detriment of the creditors;	Toute personne qui effectue des transactions frauduleuses avec un failli ou toute autre personne, espérant obtenir tout avantage résultant des décisions biaisées au bénéfice du failli ou s'implique dans une affaire susceptible de résulter à un avantage au détriment des créanciers;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000 Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of six (6) months to two (2) years and a fine of two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) to one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.
Ingingo ya 348: Kunyuranya n'icyemezo cy'urukiko cyambura ububasha	**Article 348: Contradicting a disqualification order**	**Article 348: Contredire une décision de déchéance**
Umuntu wese unyuranyije n'icyemezo cy'urukiko cyambura ububasha;	A person who contradicts a court disqualification order;	Une personne qui contredit une ordonnance de disqualification du tribunal ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6)	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au

ariko kitarenze umwaka umwe (1).	(6) months but not exceeding to one (1) year.	moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.
<u>Ingingo ya 349:</u> Imikoreshereze mibi n'iyonona by'umutungo w'isosiyete	**<u>Article 349</u>: Misuse and destruction of company's property**	**<u>Article 349</u>: Abus et destruction des biens de la société**
Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko mpanabyaha, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete, umukozi cyangwa umunyamigabane w'isosiyete ukoresha:	Notwithstanding criminal provisions, any director, employee, or shareholder of a company who :	Sans préjudice des dispositions pénales, tout administrateur, employé, ou actionnaire d'une société qui:
1° mu buriganya umutungo w'isosiyete ku nyungu ze bwite cyangwa akawukoresha ku zindi mpamvu zinyuranyije n'izo wari ugenewe;	1° fraudulently uses property of the company for his or her own interest or for a purpose other than the purpose of the company;	1° utilise frauduleusement les biens de la société pour son intérêt personnel ou à des fins autres que ceux auxquels ils étaient destinés;
2° mu buryo bw'uburiganya agatuma habaho ibura cyangwa iyonona ry'umutungo w'isosiyete;	2° fraudulently conceals or destroys any property of the company;	2° frauduleusement fait disparaître ou détruit un bien de la société ;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa, ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 Frw).	Upon conviction, he or she is liable to a fine of one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 350:</u> Gukora imirimo y'ubucuruzi mu buriganya	**<u>Article 350</u>: Carrying on business fraudulently**	**<u>Article 350</u>: Exercice frauduleux des activités commerciales**
Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko mpanabyaha, umuntu wese uri mu isosiyete ukora ibikorwa agamije kwambura akoresheje ubushukanyi abo isosiyete ibereyemo imyenda cyangwa undi muntu wese;	Without prejudice to criminal provisions, any person who knowingly is a party to a company carrying on business with intent to defraud creditors of the company or any other person;	Sans préjudice des dispositions pénales, toute personne qui fait partie d'une société qui exerce des activités avec l'intention d'escroquer les créanciers de la société ou toute autre personne;
aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW).	Upon conviction, he or she is liable to a fine of one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 351:</u> Ibikorwa by'uburiganya bikozwe n'ugize inama y'ubutegetsi	**<u>Article 351</u> : Fraudulent acts committed by a director**	**<u>Article 351</u>: Actes frauduleux commis par un administrateur**
Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko mpanabyaha, buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi	Without prejudice to criminal provisions, any director who:	Sans préjudice des dispositions pénales, tout administrateur qui:
1° akoresheje kwiyitirira umwanya adafite cyangwa ubundi buryo bw'uburiganya, bituma umuntu aha isosiyete amafaranga ;	1° by usurpation of function or other fraud induces a person to give credit to the company;	1° par usurpation de fonction ou d'autres moyens frauduleux amène une personne à avancer des fonds à la société;
2° agamije kwambura akoresheje ubushukanyi ababerewemo umwenda n'isosiyete:	2° with intent to defraud creditors of the company:	2° avec l'intention d'escroquer les créanciers de la société :

a) utanga cyangwa uhererekanya umutungo w'isosiyete cyangwa agatuma ufatwaho ubugwate ku cyimukanwa cyangwa ku kitimukanwa mu nyungu z'undi muntu; b) ufasha kugira ngo umutungo uhabwe cyangwa uhererekanywe ku muntu; c) watumye cyangwa wagize uruhare mu irangizarubanza rishingiye ku mutungo w'isosiyete; aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 frw) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 frw). **<u>Ingingo ya 352</u>: Gutanga amakuru ku migabane atari ukuri** Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko mpanabyaha, umunyamuryango cyangwa umunyamigabane w'isosiyete usabwe amakuru ku migabane afite muri sosiyete, agasubiza abeshya cyangwa ayobya agamije guhisha ukuri kuri nyir'imigabane cyangwa ugenerwa inyungu yayo;	a) gives, transfers, or causes a charge to be given on movable or immovable property of the company to another person; b) causes property to be given or transferred to any person; c) caused or was a party to an execution being levied against any property of the company; commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000). **<u>Article 352</u>: Disclosing false information on shares** Without prejudice to criminal provisions, a member or a shareholder of a company required to disclose the number of shares held in a company and discloses false information on shareholding or beneficial ownership;	a) donne, transfère, ou hypothèque au profit d'une autre personne, un bien meuble ou immeuble appartenant à la société; b) donne l'occasion qu'un bien soit donné ou transféré à une personne; c) a occasionné ou avait pris part à une exécution d'un jugement en rapport avec un bien de la société; commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW). **<u>Article 352</u>: Divulgation de fausses informations sur les actions** Sans préjudice des dispositions pénales, un membre ou un actionnaire d'une société tenu de divulguer le nombre d'actions détenues dans une société et divulgue de fausses informations sur l'actionnariat ou la propriété effective;

aba akoze icyaha.	commits an offence.	commet une infraction.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5,000,000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10,000,000 FRW).	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not exceeding two (2) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) but not exceeding ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).
<u>Ingingo ya 353</u>: Gutanga amakuru ashobora kubangamira ipereereza	**<u>Article 353</u>: Disclosing information that may jeopardise investigation**	**<u>Article 353</u>: Divulgation d'informations susceptibles de compromettre l'enquête**
Umwanditsi wa sosiyete uha umuntu amakuru cyangwa ikindi kintu gishobora kubangamira:	A company secretary who discloses information or any other thing that may jeopardise;	Un secrétaire d'une société qui divulgue des informations ou toute autre chose qui pourrait compromettre ;
1° ipereereza ry'inshinjabyaha cyangwa ry'igenzuramikorere ririmo gukorwa cyangwa rishobora gukorwa, haba mu Rwanda cyangwa ahandi;	1° any criminal or regulatory investigation which is being or may be carried out, whether in Rwanda or elsewhere;	1° toute enquête pénale ou réglementaire en cours ou pouvant être menée, que ce soit au Rwanda ou ailleurs;
2° ibikorwa cyangwa urubanza nshinjabyaha rwatangijwe cyangwa rw'igenzuramikorere ruteganya gutangizwa haba mu Rwanda cyangwa ahandi; aba akoze icyaha.	2° any criminal or regulatory proceedings which have been or may be initiated, whether in Rwanda or elsewhere,	2° toute procédure pénale ou réglementaire qui a été ou pourrait être engagée, que ce soit au Rwanda ou ailleurs,
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu ariko kitarenze imwaka umwe (1) n'ihazabu	Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months but not exceeding one (1) year and a	Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1)

y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000Frw) ariko atarenze miriyoni ebyiri (2.000.000Frw).	fine of five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).	an et d'une amende de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2 000 000 FRW).
UMUTWE WA XVIII: INGINGO *ZINYURANYE* IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER XVIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE XVIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 354: Icyemezo cy'uko isosiyete ihagaze	**Article 354: Certificate of current standing**	**Article 354: Certificat de situation actuelle**
Abisabwe n'umuntu wese, Umwanditsi Mukuru atanga icyemezo cy'uko sosiyete ihagaze akagishyiraho umukono n'ikirango yemezza uko isosiyete ihagaze iyo abona ko sosiyete yanditswe mu gitabo.	Upon request by any person, the Registrar General issues a certificate of current standing under his or her hand and seal certifying that a company current standing where he or she is satisfied that the name of the company is on the register.	Sur demande de toute personne, le Registraire général octroie un certificat de situation actuelle qu'il signe et scelle attestant la situation de la société lorsque qu'il est convaincu que le nom de la société est inscrit au registre.
Icyemezo cy'uko sosiyete ihagaze kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kiba gikubiyemo imvugo ko:	A certificate of current standing referred to under Paragraph One of this Article contains a statement as to whether :	Le certificat de situation actuelle visé à l'alinéa premier du présent article contient une déclaration stipulant si:
1° isosiyete yashyikirije Umwanditsi Mukuru amategeko y'ihuzwa cyangwa y'ikomatanya atari yagira agaciro;	1° the company has submitted to the Registrar General articles of merger or consolidation that have not yet become effective;	1° la société a transmis au Registraire général les statuts de fusion ou de regroupement qui n'ont pas encore pris effet ;
2° isosiyete yashyikirije Umwanditsi Mukuru ingingo z'ubwumvikane zitaragira agaciro;	2° the company has submitted to the Registrar General articles of arrangement that have not yet become effective;	2° la société a transmis au Registraire général les statuts d'arrangement qui n'ont pas encore pris effet ;

3° isosiyete yatanze inyandiko ngarukamwaka ku makuru ya sosiyete cyangwa indi raporo y'umutungo cyangwa indi nyandiko nkayo ikenewe kubikwa isabwa n'iri tegeko;	3° the company has submitted its annual return and any other financial statements or other similar documents required to be filed under this Law;	3° la société a transmis sa déclaration annuelle et tout autre rapport financier ou autre document similaire devant être déposé en vertu de la présente loi ;
4° sosiyete yishyuye amafaranga yose ageze igihe cyo kwishyurwa kandi yishyurwa;	4° the company has paid all fees due and payable;	4° la société a payé tous les frais dus et exigibles ;
5° isosiyete iri mu nzira zo guseswa;	5° the company is in the process of being wound up and dissolved;	5° la société est en processus de liquidation et de dissolution ;
6° inzira yo kugaragaza ko isosiyete yananiwe kwishyura imyenda yatangijwe kandi ikomeza;	6° an insolvency process has been initiated and is ongoing against the company;	6° une procédure de faillite contre la société est engagée et est en cours ;
7° inzira zo gukura isosiyete mu bitabo yatangijwe.	7° any proceedings to remove the company from the register have been instituted.	7° une quelconque procédure de rayer la société du registre est engagée.
<u>Ingingo ya 355</u>: Agaciro k'ibyakozwe	**<u>Article 355</u>: Validity of acts performed**	**<u>Article 355</u>: Validité des actes accomplis**
Ibikorwa byose byakozwe hashingiwe ku Itegeko N° 17 /2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi bigumana agaciro kabyo.	All acts performed under Law n° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies remain valid.	Tous les actes accomplis en vertu de la Loi n° 17/2018 du 13/04/2018 régissant les sociétés commerciales restent valables.

Ingingo ya 356: Ibikorwa bijyanye n'imanza zatangiye Ibikorwa byose bijyanye n'imiburanishirize y'imanza cyangwa ibindi byose byari byaratangiye mbere cyangwa byarimo bikorwa mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa bikomeza gukurikiranwa hakurikijwe Itegeko N° 17 /2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete.	**Article 356: Acts relating to ongoing proceedings** All acts relating to ongoing proceedings or all other acts already undertaken or in progress prior to the commencement of this Law continue their process in accordance with Law n° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies.	**Article 356: Actes relatifs aux procès en cours** Tous les actes relatifs aux procédures en cours ou tous les autres actes déjà engagés ou en cours avant l'entrée en vigueur de la présente loi poursuivent leur processus conformément à la Loi n° 17/2018 du 13/04/2018 régissant les sociétés commerciales.
Ingingo ya 357: Itegeko rikurikizwa ku byerekeye kubika ibitabo n'amafaranga Igitabo icyo ari cyo cyose, amafaranga cyangwa uburyo bwo kubika amafaranga bikurikije Itegeko N° 17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi bifatwa nk'ibigize igitabo, amafaranga cyangwa uburyo bwo kuyabika bikurikije iri tegeko.	**Article 357: Law applicable to the keeping of registers and funds** Any register, fund and account kept under Law n° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies are deemed to be part of the register, fund and account kept under this Law.	**Article 357: Loi applicable en matière de tenue des registres et des fonds** Tout registre, fonds ou compte conservé en vertu de la Loi n° 17/2018 du 13/04/2018 régissant les sociétés commerciales sont considérés comme partie intégrante du registre, du fonds ou du compte conservé en vertu de la présente loi.
Ingingo ya 358: Kurangiza imirimo y'isesa ryatangiye Isosiyete iyo ari yo yose yanditswe hakurikijwe Itegeko no 17 /2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi kandi ikaba yarasheshwe iri mu igabagabana ry'umutungo, ikomeza kurangizwa hakurikijwe ingingo z'iryo tegeko zerekeranye n'igabanamutungo ndetse n'iseswa ry'iyo	**Article 358: Continuing the dissolution process** Any company registered under the Law n°17/2018 of 13/04/2018 governing companies and which has been dissolved and is in the course of winding up, continues to be wound up under the provisions of that Law relating to the winding up and dissolution of the company.	**Article 358: Continuité de la procédure de dissolution** Toute société enregistrée en vertu de la Loi n°17/2018 du 13/04/2018 régissant les sociétés commerciales et étant dissoute et en procédure de liquidation continue à être liquidée en vertu des dispositions de cette loi pour ce qui est de la liquidation et de la dissolution de cette société.

sosiyete.		
Ingingo ya 359: Igihe ntarengwa cyo guhuza imirimo y'isosiyete n'iri tegeko	**Article 359: Deadline for conforming a company's business to the provisions of this Law**	**Article 359: Délai de conformité des activités d'une société aux dispositions de la présente loi**
Amasosiyete ariho ahawe igihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo abe yahuje imikorere yayo n'ibiteganywa n'iri tegeko.	The existing companies have one (1) year as from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda to bring their functioning in line with the provisions of this Law.	Les sociétés existantes disposent d'un délai d'une (1) année à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour rendre leur fonctionnement conforme aux dispositions de la présente loi.
Ingingo ya 360: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 360: Repealing provision**	**Article 360: Disposition abrogatoire**
Itegeko N° 17 /2018 ryo ku wa 13/04/2018 rigenga amasosiyete y'ubucuruzi hamwe n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.	The Law n° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies and all prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.	La Loi n° 17/2018 du 13/04/2018 régissant les sociétés commerciales et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.
Ingingo ya 361: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 361: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 361: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

Ingingo ya 362: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**Article 362: Commencement** This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**Article 362: Entrée en vigueur** La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 05/02/2021 **(sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kugira ngo bishyirweho Ikirango cya Repubulika: **Seen to be sealed with the Seal of the Republic:** **Vu pour être scellé du Sceau de la République :** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux